# IBYO ABADIVANTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI BIZERA…

***AMAHAME 28 Y'UKURI***
***SHINGIRO YA BIBILIYA***

**KU BASOMYI B'IKI GITABO**

Benedata na bashiki bacu,nshuti z'umusabara turashimira Imana cyane kubw'ijambo ryayo riri muri ikigitabo.N'imbaraga yayo yatumye gihindurwa m'ururimi rwacu.
Tukaba tubashishikariza kubwo gufashwa n'Umwuka wera kwiga ikigitabo tugasobanukirwa neza nibyo twizera .Kuko umwanzi yifashishije intwaro ikomeye uhereye kera kose yo kuduheza mubujiji bwo kutamenya ibyo twizera aribyo "*gakiza twaboneye muri kristo yesu umukizaw'inyokomuntu."*
Umva mwana w'Imana, Imana ikeneye ko umenya iby'agakiza kawe bityo ukizera udashidikanya ,kuko kwizera nyakuri guturuka mukumenya.
Ibuka ko icyo itorero ryashizwe nyuma yuko Yesu asubiye mw'ijuru arugutangaza ubutumwa bwiza bwiteka ryose ,ibyo bisobanutse neza mu mahame 28 twizera nk'ukuri kwa Bibiliya.Muvandimwe ikigitabo cyategerejwe igihe kirekire ,none dore ngicyo mubiganza byawe,sogongera umenye ko Uwiteka agira neza.Ikigitabo gihinduwe mukinyarwanda bw'ambere m'umwaka 2008 n'itorero ry'abadivantiste bumunsi wakarindwi rya Kaminuza nkuru y'u Rwanda kubufatanye na yunyoni y'u Rwanda(RUM).

**MURAKOZE .**

IBYO ABADIVANTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI BIZERA

# IBIRIMO


UMUTWE WA 1: BIBILIYA IMPA UMUCYO KU MANA

IGICE CYA 1: Ijambo ry'Imana
IGICE CYA 2: Ubutatu bwera
IGICE CYA 3:  Imana Data
IGICE CYA 4: Imana Umwana
IGICE CYA 5: Imana Mwuka wera

UMUTWE WA 2: BIBILIYA IMPA UMUCYO KU MUNTU

IGICE CYA 6: Irema
IGICE CYA 7: Kamere y'umuntu

UMUTWE WA 3: BIBILIYA IMPA UMUCYO KU GAKIZA

IGICE CYA 8: Intambara ikomeye
IGICE CYA 9: Ubuzima, Urupfu no Kuzuka Kwa Kristo
IGICE CYA 10: Kuba mu Gakiza
IGICE CYA  11:Gukurira muri Kristo

UMUTWE WA 4: BIBILIYA IMPA UMUCYO KU ITORERO

IGICE CYA 12: Itorero
IGICE CYA 13: Itorero ryasigaye n'umurimo waryo
IGICE CYA 14: Ubumwe mu mubiri wa Kristo
IGICE CYA 15: Umubatizo
IGICE CYA 16: Ifunguro ryera
IGICE CYA 17: Impano z'Umwuka Wera n'imirimo
IGICE CYA 18: Impano y'Ubuhanuzi

UMUTWE WA 5: BIBILIYA IMPA UMUCYO KU BUZIMA BWA GIKIRISITU

IGICE CYA 19: Amategeko y'Imana
IGICE CYA 20: Isabato
IGICE CYA 21: Ubusonga bwa Gikristo
IGICE CYA 22: Imyitwarire ya Gikristo
IGICE CYA 23: Ubukwe n'Umuryango

UMUTWE WA 6: BIBILIYA IMPA UMUCYO KU BIZABA MU GIHE GIHERUKA

IGICE CYA 24: Umurimo wa Kristo mu buturo bwera bwo mu Ijuru
IGICE CYA 25: Kugaruka kwa Kristo
IGICE CYA 26: Urupfu no kuzuka
IGICE CYA 27: Imyaka igihumbi n' Imperuka y'icyaha
IGICE CYA 28: Isi nshya

## IJAMBO RY'IBANZE KU MAHAME SHINGIRO 28 Y'ABADIVANTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI.

Hashize igihe kirekire abadivantisti b'umunsi wa karindwi bashidikanya ku gushyiraho indongozi y'Itorero.Nyamara mu bihe bimwe na bimwe no ku mpamvu zimwe na zimwe zihariye,twagiye dusanga ari iby'ingenzi ko twandika mu nshamake imyizerere yacu ngo kwizera kwacu gusobanuke.

Mu 1872, icapiro ry'abadvantisiti rya Battle Greek(Batolo Giriki) muri Amerika ryasohoye igitabo cyitwa« INSHAMAKE Y'IBYO TWIZERA » mu ngingo 25.Icyo gitabo, gisubiwemo kandi kivuguruwe, cyongeye gusohoka mu gitabo cy'ibikorwa by'umwaka w'i 1889 kiri mu mahame 28 kandi ni nako cyakomeje gusohoka buri mwaka kuva mu 1905 kugeza mu 1914.Mu myaka yakurikiyeho,mu gusubiza ibyifuzo by'abayobozi b'amatorero yacu yo muri Afurika bifuzaga kugira inyandiko "ifite ubushobozi bwo kugaragariza neza abayobozi bakuru b' ibihugu, ba Minisitiri n'abanyapolitiki iby'umurimo wacu",itsinda rigizwe n'abantu 4 barimo Perezida w'Inteko Rusange bateguye inyandiko ikubiyemo "Ingingo fatizo" zisobanura kwizera kwacu mu nshamake .Urwo rutonde rw'amahame shingiro 22 rwashyizwe ahagaragara bwa mbere mu gitabo cy'ibikorwa by'umwaka w'i 1931, rwagumyeho kugeza aho inama rusange yateranye mu 1980 irusimbuza urundi bisa ariko rusobanutse neza ruri mu ngingo 27, maze rushyirwa ahagaragara rufite umutwe witwa "***Amahame shingiro y'ibyo abadivantisti b'umunsi wa karindwi bizera"***

N'igihe bashyiraga ahagaragara iyi ncamake yo mu 1980 itorero ntabwo ryayifataga nk'ihame ridashobora guhinduka.Ni yo mpamvu mu ntangiriro yayo tuhasoma aya magambo:

«Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bemera Bibiliya nk'ishingiro rukumbi rya byose kandi bakizera amahame shingiro ashingiye ku byanditswe byera.Aya mahame amaze kugaragazwa yerekana imyumvire n'imyigishirize y'itorero ku nyigisho y'ibyanditswe byera.Kongera kuyasubiramo ntabwo bibujijwe mu gihe byaba bikorewe mu nteko rusange iyobowe n'Umwuka wera kugira ngo habeho kumvikanisha neza ukuri kwa Bibiliya cyangwa mu gihe haba habonetse uburyo bwiza bwo kumvikanisha neza Ijambo ry'Imana ryera».

Ni yo mpamvu rero isubirwamo n'isakazwa ry'aya mahame ryongeyeye kubaho mu mwaka w'i 2005 mu nteko rusange yabereye i St LOUIS MISSOURI(Sente-Luwi Misuri) muri leta zunze ubumwe za Amerika igihe hatorwaga irindi hame shingiro atari uko hari ikindi kintu gishya cyangwa kidasanzwe cyari kitazwi ahubwo kugira ngo Itorero rigaragaze imyumvire yaryo ku mbaraga z'Imana ziha abizera Kristo ubuzima bunesha imbaraga z'umwanzi(reba icyigisho cya cumi na kimwe).

Uyu muzingo w'iki gihe ukubiyemo incamake "Ibyo Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bizera…"interuro igenda igaruka mbere ya buri gice.Ibi bigaragara mu ntangiriro ya buri gice .Intego yacu muri iki gitabo ni ukugaragariza abizera bacu,inshuti zacu n'abandi bantu bose babishaka mu buryo burambuye kandi bwumvikana neza amahame shingiro y'ibyo twizera n'ubusobanuro bwayo ku badivantististiti muri iki gihe.N'ubwo uyu muzingo wose utatowe mu ruhame (uretse umutwe wawo ko ari wo watowe mu Nteko Rusange yateranye)ariko ugaragaza «ukuri nkuko kuri muri Kristo»(Abefeso 4:21) ariko abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bigisha kandi baha gaciro.

Turashimira uwahoze ari Perezida w'Inteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi **Neal C.Wilson**(Neyali Wilisoni) n'abandi bayobozi bakuru batangije kandi bakanashyigikira itsinda ryateguye umuzingo wa mbere mu w'i 1988 mu rwego rwo gusobanura neza imyizerere y'Itorero ryacu.Turashimira kandi abanditsi n'abahanga batandukanye batanze inyandiko z'ibanze mu gusohora umuzingo wa mbere :

P.G.Damsteegt(Damusitigiti),Norman Gulley(Norumani Guleyi),Laurel Damsteegt(Loreli),Mary Louise(Mariya Luwiza),McDowell (Doweli),David Jarnes(Dawidi Yarinesi),Kenneth Wade(Kenesi Wade),ndetse n'uwambajirije nk'umunyamabanga w'iri tsinda ari we W.Floyd Bresee(Foroyidi Burusi)
Turashimira kandi itsinda ry'abantu batoranyijwe bagera ku 194 bakomoka mu madiviziyo y'Itorero ryacu ahantu hatandukanye ndetse n'itsinda rito ry'abanditsi bakuru bagizwe n'abayobozi n'abapasitoro bagize uruhare rwo gukurikirana imitegurirwe y'umuzingo w'i 1988.Turashimira kandi byimazeyo ubunararibonye mu kwandika n'ubuhanga bwa John M.Fowler(Yohani Fowuleri) mu gutegura uyu muzingo wa kabiri by'umwihariko igice cya cumi na kimwe kitwa«Gukurira muri Kristo»

Bwa nyuma,turashimira J.Robert Spangler (Sipanguleri), uwahoze ari umunyamabanga wungirije w'ishyirahamwe ry'abagabura n'umwanditsi w'ikinyamakuru *Ministry*(Umurimo w'ubugabura)akaba yaratangije uyu mushinga kandi akanawutera inkunga. Ntibikunze kubaho ko inzozi zihinduka ukuri nyamara inzozi ze yarazikabije: ni iki gitabo mufashe mu biganza byanyu.Iyo izo nzozi zitabaho iki gitabo nticyajyaga kubaho.Iyo hatabaho ibyo kwihangana kwe ,iki gitabo nticyajyaga kujya ahagaragara.

Turasaba Imana kugira ngo uko urushaho guha agaciro buri hame ryo muri iki gitabo,abe ari nako urushaho gusobanukirwa Yesu n'umugambi uhebuje afitiye ubuzima bwawe bwite.

James A.Cress
Umunyamabanga w'ishyirahamwe ry'Abagabura
Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventiste
b'Umunsi wa karindwi.

**KU BASOMYI B'IKI GITABO…**

MWIZERA IKI CYEREKERANYE N'IMANA? Imana ni nde? Itwifuzaho iki? Iteye ite?

Imana ibwira Mose ko nta muntu ushobora kubona mu maso hayo ngo abeho.Ariko Yesu abwira Filipo ko abamubonye bose baba babonye Data( Yohana 14:9).Kuva yarabanye natwe ,akaba umwe muri twe,igihe cyose yabaye hagati muri twe,tubasha kumenya uko Imana iteye.

Twanditse iyi nyandiko y'amahame yacu shingiro kugira ngo tugaragaze uko Abadivantisiti b'umunsi wa Karindwi babona Imana.Dore rero uko twizera urukundo rwayo, kugira neza kwayo,ubuntu bwayo,imbabazi zayo,gukiranuka kwayo,kwera kwayo n'amahoro yayo. Binyuze muri Yesu Kristo tubona Imana ikikiye abana bayo.Tuyibona irira,igihe yifatanyaga mu gahinda n'abaririraga Lazaro yapfuye.Tubona urukundo rwayo igihe yatakaga iti "Ubabarire kuko batazi icyo bakora"(Luka 23:34).

Twanditse iki gitabo kugira ngo dusangire uko tubona Kristo ;uko tumubona bikaba bishingiye i Kaluvari aho "kugira neza no kudahemuka byahuye, gukiranuka n'amahoro bigahoberana (Zaburi 85:11).IKaluvari yahindutse icyaha ku bwacu.We utarigeze acumura kugira ngo duhinduke gukiranuka kw'Imana" (2 Abakorinto 5:21).

Twanditse iki gitabo twizera ko buri nyigisho yose,buri myizerere yose igomba guhishura urukundo rw'Umwami wacu.Yuzuye urukundo rutagira ikigombero kandi asohoza umurimo utagereranwa mu mateka y' umuntu.Mu gihe tuzirikana yuko uwahindutse ukuri kutarondoreka, duhamya ko hari ukuri kw'ingenzi tugikeneye kuvumbura.

Twanditse iki gitabo twitaye ku kwishingikiriza ku kuri kwa Bibiliya twakuye mu mateka y' Itorero rya gikristo. Turazirikana itsinda rihebuje ry'abahamya nka Wycliff(Wikilifu), Huss(Huse), Luther(Luteli), Tyndale(Tindale), Calvin(Kaluvini), Knox(Nogisi) na

Wesley(Wileyi) bateje imbere Itorero ry'Imana bakoresheje umucyo mushya ngo imico y'Imana isobanuke neza.Kandi ko uko gusobanukirwa kugikomeje."Ariko Inzira y'umukiranutsi ni nk'umuseke utambitse, ugakomeza gukura ukageza ku manywa y'ihangu." (Imigani 4:18) .Uko tugenda dusobanukirwa n'impande nshya z'uguhishurwa k'ubumana, niko tubona ko ibyo byuzuzanya neza n'ubumwe bw'ibihamya by'ibyanditswe byera.

Twanditse iki gitabo tugendeye ku ihame ritwibutsa yuko «Niba murondora mu Byanditswe kugira ngo mushyigikire ibitekerezo byanyu,ntimuzigera na rimwe mugera ku kuri.Mushakashake ibyo Umwami avuga.Niba muvumbuye ukuri mu gihe mushakashaka,niba ibitekerezo byanyu bidahuye n'ukuri,ntimugasobanure ukuri kugira ngo muhaze ibyifuzo byanyu ahubwo mwemere umucyo muhawe.Mufungure intekerezo n'imitima yanyu kugira ngo mubashe kwakira ibitangaza byo mu Ijambo ry'Imana» (Ellen White, Imigani ya Kristo p.89).

Ntabwo twanditse iki gitabo nkaho ari imyizerere ndakuka.Kuko imyizerere y'Abadivantisiti ishingiye kuri« Bibiliya kandi Bibiliya yonyine».

Ntabwo twandikiye iki gitabo gushyushya intekerezo. Iki gitabo ntikivuga na hato ibyo umuntu yitekerereje ,keretse umuntu atekereje ko na Bibiliya ari ko imeze! Ahubwo ni igitabo gishingiye kuri Bibiliya kandi kikibanda kuri Kristo nk'izingiro ry'ibyo twizera. Ndetse amahame yavuzwe hano si inyandiko zanditswe zihubukiwe ;ahubwo zanditswe nyuma y'imyaka irenga 100 y'amasengesho,kwiga no gucukumbura…mu yandi magambo ni imbuto zo gukura kw'Itorero ry'Abadivantisiti«mu buntu bw'Imana no kumenya Yesu Kristo umwami wacu n'umukiza» (2 Petero 3: 18).

Twanditse iki gitabo tuzi neza ko bamwe bazibaza niba amahame ari ikintu cy'ingenzi muri iki gihe inyokomuntu ihangayikishijwe no kurokoka ingufu za kirimbuzi,igihe abantu bahugiye mu iterambere ryihuta ry'ikoranabuhanga, igihe abakristo bashyira ingufu mu kurwanya ubukene, inzara, akarengane n'ubujiji nyamara bikaba iby'ubusa.

Twanditse iki gitabo twemera byimbitse ko amahame yose, iyo yumviswe neza, aba afite izingiro kuri Nzira, Ukuri n'Ubugingo kandi ko ari ingenzi.Ayo mahame asobanura imico y'Imana dukorera.Asobanura ibyabaye n'ibiriho, bityo agahishura impamvu n'umugambi w'ibiri ku isi. Yerekana umugambi w'Imana. Ni umuyobozi w'abakristo ubaha gushikama aho umuntu yajyaga kubaho ahungabana agatanga ubwishingizi mu batizera.Amahame akuza ubwenge bw'abantu kandi agashyiraho intego zishobora gutuma abizera biyegurira cyane gukorera bagenzi babo .

Twanditse iki gitabo ngo tuyobore abizera b'abadivantisiti mu kugirana umushyirano wimbitse na Kristo binyuze mu kwiga Bibiliya .Kumenya Yesu n'ubushake bwe ni ingenzi ,muri iki gihe cy'ubushukanyi,inyigisho zigwiriye n'abantu bakaba ba ntibindeba .Uko kumenya Kristo nibwo burinzi bwonyine bw'umukristo bwamurinda babandi bameze nk'amasega bazaza bavuga ibigoramye kugira ngo bagoreke ukuri kandi basenye kwizera kw'ubwoko bw'Imana (Ibyakozwe n'intumwa 20:29,30).Cyane cyane muri iyi minsi,kugira ngo « tudateraganwa n'imiyaga y'imyigishirize n'uburiganya bw'abantu » (Efeso 4:14),

abantu bose bagomba kumenya neza imico y'Imana ,ubushobozi bwayo n'imigambi yayo .Abazaba barashikamye mu kuri kw'ibyanditswe nibo bonyine bazabasha guhagarara badatsinzwe mu ntambara iheruka.

Twanditse iki gitabo kugira ngo dufashe abantu bose bakeneye kumenya impamvu twizera ibyo twizera.Iki gitabo cyanditswe n'Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi babitekerejeho.Cyandikanywe ubushakashatsi bwinshi ,kandi kirimo amahame y'ukuri yerekeranye n'ibyo Abadivantisiti b'umunsi wa Karindwi bizera.

Mu gusoza,twanditse iki gitabo tuzirikana yuko amahame ashingiye kuri Kristo afite intego eshatu zikurikira:Icya mbere ni ugukomeza Itorero,icya kabiri ni ukurinda ukuri, icya gatatu ni ivugabutumwa bwiza mu mwuzuro wabwo.

Amahame y'ukuri si ugupfa kwemera gusa ahubwo agaragarira mubikorwa.

Binyuze mu Mwuka wera imyizerere y'umukristo ihinduka ibikorwa by'urukundo.Kumenya by'ukuri,Imana Data,Umwana wayo n'Umwuka Wera ni « Ubumenyi bukiza ». Iyi ni yo ngingo nyamukuru y'iki gitabo.

Ubwanditsi

**IGICE CYA MBERE**

**IJAMBO RY'IMANA**

***Ibyanditswe byera, Isezerano rya kera n'irishya, ni ijambo ry' Imana ryanditswe kandi ryahumetswe n'imbaraga mvajuru, binyujijwe mu Bantu bera b'Imana bavuze kandi bakandika bayobowe n' Umwuka wera.***

***Muri iryo jambo, Imana yahaye umuntu ubumenyi buhagije kubyerekeranye n'agakiza. Ibyanditswe byera ni uguhishurwa k'ukuri Ku bushake bwayo. Ni urufatiro rw'imyitwarire, igihamya cy'imibereho, ishingiro ry'amahame, n'igitekerezo cyo kwizerwa cyerekana ibikorwa by'Imana mu bihe byose by'amateka.( 2 Petero 1 :20,21 ;2 Timoteyo 3 :16,17 ;Zaburi 119 :105 ;Imigani 30 :5,6 ;Yesaya 8 :20 ;Yohana 17 :17 ;1Abatesaloniki 2 :13 ;Abaheburayo 4 :12 ).***

Nta gitabo na kimwe kigeze gukundwa, kikangwa, kigahabwa icyubahiro,kandi kigacirwaho iteka nka Bibiliya. Abantu barishwe kubera Bibiliya. Abandi barishe kubera yo.Yateye abantu gukora ibikorwa bikomeye kandi byiza ,kandi iratukwa kubwo ibikorwa bibi byabo. Intambara zashenye byinshi kubera Bibiliya,ibiyanditsemo byateye impinduka,ubwami bwinshi bwahanguwe n'ibitekerezo byayo.Abantu batandukanye, guhera ku bize iby'iyobokamana kugeza ku baharanira inyungu zabo,kuva ku barondamoko kugeza ku baharanira inyungu rusange, kuva ku banyagitugu kugeza kubatanga umudendezo,kuva ku banyamahoro ukageza ku bakunda intambara,bose bashaka mu mpapuro za Bibiliya amagambo yo gushyigikira ibikorwa byabo.

Umwihariko wa Bibiliya ntuterwa no kuba itagengwa n'ibya politiki,umuco cyangwa iby'imibanire y'abantu ahubwo uterwa n'inkomoko ndetse n'inyigisho byayo.
Bibiliya ni uguhishurwa kw'Imana yigize umuntu: umwana w'Imana,Yesu kristo umucunguzi w'isi.

**Uguhishurwa mvajuru.**

Mu gihe mu mateka abantu bagiye bashidikanya ukubaho kw'Imana, benshi bahamije bashize amanga ko iriho rwose kandi ko yiyerekanye. Ni buryo ki Imana yiyerekanye kandi ni akahe kamaro ka Bibiliya muri iri hishurwa?

***Uguhishurwa rusange.***

Iyerekwa ry'imico y'Imana rizanwa n'amateka, imyitwarire y'umuntu, umutimanama n'ibyaremwe, akenshi ryitwa"Uguhishurwa rusange" kubera ko kubonwa na buri wese, kandi kukaba gusaba gutekereza.

Kuri za Miliyoni nyinshi z'abantu, Ijuru rivuga icyubahiro cy'Imana, isanzure ryerekana imirimo y'intoki zayo (Zaburi 19: 2).

Izuba, imvura, udusozi, n'inzuzi byose byerekana ukubaho k'umuremyi wuzuye urukundo. "Kuko ibitaboneka byayo, n'ibyo bubasha bwayo buhoraho n'ubumana bwayo, bigaragara neza, uhereye ku kuremwa kw'isi, bigaragazwa n'ibyo yaremye kugira ngo batagira icyo kwireguza"(Abaroma 1:20).

Abandi babona ibyerekana kubaho kw'Imana y'inyambabazi mu mibanire myiza n'urukundo rukomeye ruhuza inshuti, abagize umuryango, umugabo n'umugore we, ababyeyi n'abana babo. "Nkuko nyina w'umwana ahumuriza umwana we, niko

nzabahumuriza" (Yesaya 66:13). "Nkuko se w'abana abagirira ibambe niko Uwiteka arigirira abamwubaha." (Zaburi 103:13)

Nyamara ubushyuhe bw'izuba bwerekana kubaho k'umuremyi wuje urukundo, bushobora guhindura isi ubutayu ndetse bukazana amapfa. Imvura ishobora kwihindura imivu y'amazi yirukana abantu mu mazu yabo. Agasozi karekare gashobora gusadukamo kakariduka kagasandara. Imibanire y'abantu ivamo akenshi ishyari, kwifuza, umujinya, n'urwango akenshi rushobora gutuma habaho n'ubwicanyi.
Isi ituzengurutse yataye umurongo. Ifite ibibazo biruta ibisubizo.Yerekana intambara hagati y'icyiza n'ikibi nyamara ntishobora gusobanura uko iyo ntambara yatangiye, abayirwana, cyangwa impamvu iriho, n'uzashobora gutsinda urugamba ruheruka.

***Uguhishurwa k'umwihariko.***

Icyaha kizitira uguhishurwa Imana yashakaga gutanga ubwayo ibinyujije mu irema, kigaca intege ububasha bwacu bwo gusesengura ubuhamya bw'Imana. Kubwo kudukunda Imana yatwihishuriye by'umwihariko kugira ngo idufashe kubona ibisubizo by'ibyo bibazo. Binyuze mu Isezerano rya kera n'Irishya yatwiyeretse mu buryo bw'umwihariko, kugira ngo imico yayo n'urukundo rwayo bidashidikanywa. Uko kwihishura mbere na mbere kwanyujijwe mu bahanuzi,noneho kugaragara by'ikirenga mu kwigira umuntu kwa Yesu (Abaheburayo 1:1-2).

Bibiliya yuzuye amagambo menshi avuga ku Mana, ariko muri ubwo buryo ikanerekana Imana nk'umuntu. Ubwo buryo bwombi bwo kwihishura ni ingenzi "dukeneye kumenya Imana binyuze muri Yesu Kristo"(Yohana 17:3), binanyuze mu " kuri kuri muri Yesu" (Abefeso4:21).Binyuze mu byanditswe byera, Imana ivanaho ibyatuzitira mu buryo bw'intekerezo n'ubw'umwuka yerekana ubushake bwayo bwo kudukiza.

**Insanganyamatsiko y'ibyanditswe byera.**

Bibiliya ihishura Imana kandi ntigire icyo ihisha ku nyokomuntu.Yerekana uko twangiritse mu buryo bukomeye maze ikanadufasha kubona igisubizo cy'ikibazo cyacu.Yerekana uburyo twazimiye, uburyo twagiye kure y'Imana, maze ikanerekana ko Yesu gusa ari we utugarura ku Mana.

Yesu wenyine niwe nsanganyamatsiko y'Ibyanditswe byera. Isezerano rya kera ryerekana umwana w'Imana nka Mesiya, Umucunguzi w'isi; Isezerano Rishya rimuhishura nka Yesu Kristo ,Umucunguzi. Buri gitabo, haba mu buryo bw'igishushanyo cyangwa mu buryo bugaragara,cyerekana umirimo we n'imico ye. Urupfu rwa Yesu ku musaraba ni uguhishurwa kw'ingenzi kw'imiterere y'imico y'Imana.

Umusaraba ugaragaza uko guhishurwa kuko ubumbira hamwe ibintu bibiri bihabanye.Ububi bw'umuntu buruhije kumenywa n'urukundo rw'Imana rutarondoreka. Ni buryo ki twashobora kumenya cyane intege nke z'umuntu? Ni iki gishobora kwerekana neza icyaha? Umusaraba uhishura Imana yemeye ko umwana wayo yicwa. Mbega

kwitanga !None se haba hariho uguhishurwa gusobanutse kurenza urukundo? Muby'ukuri insanganyamatsiko Bibiliya ishingiyeho ni Kristo. Niwe uri ku izingiro ry'ibibera mu isanzure.Vuba aha intsinzi ye y'i kaluvari izavanaho ikibi gicike burundu.Imana izongera guhuzwa n'abantu bayo bundi bushya.

Insanganyamatsiko y'urukundo rw'Imana, iyo uyifashe mu mucyo w'urupfu rwaducunguye i kaluvari,ukuri gukomeye mu isanzure,ni insanganyamatsiko Bibiliya ishingiraho. Ubutumwa rero Bibiliya ifite bwakagombye kwigwa muri icyo cyerekezo.

**Uko Ibyanditswe byera byanditswe.**

Ubuyobozi bwa Bibiliya mu byo kwizera n'imyitwarire bituruka ku nkomoko yayo. Abanditsi ba Bibiliya bayitandukanyije n'ibindi bitabo by'isi. Bifashishaga Ibyanditswe byera (Abaroma 1:2), mu nzandiko zera (2 Timoteyo 3:15), no mu bisubizo by'Imana (Abaroma 3:2 ; Abaheburayo 5:12).

Umwihariko w'Ibyanditswe byera ushingiye gusa ku mvano n'inkomoko yabyo. Abanditsi ba Bibiliya ntabwo bavugaga ko ubutumwa bwabo bwabakomokagaho, ahubwo babuhabwaga buturutse ku Ishoborabyose. Kubwo guhishurirwa n'Ishoborabyose, bashobozwaga "kureba" ukuri bamenyeshaga abandi. (Soma Yesaya1:1, Amosi 1;1, Mika 1:1, Habakuki 1:1, Yeremiya 28:21).

Abo banditsi bavugaga Umwuka wera nk'uwavuganaga n'abantu abinyujije mu bahanuzi (Nehemiya 9:30, Zekariya 7:12). Dawidi yaravuze ati"Umwuka w'Uwiteka yavugiye muri njye, ijambo rye ryari ku rurimi rwanjye"2 Samweli 23:2).Ezekeli yaranditse ati"Umwuka anyinjiramo","Umwuka w'Umwami anzaho","Umwuka w'Imana aranzamura"(Ezekeli 2:2;11:5,24), na Mika yarahamije ati"Nuzuye imbaraga z'Umwuka w'Uwiteka" (Mika 3: 8).

Isezerano rishya rihamya imbaraga y'Umwuka wera mu kwandikwa kw'isezerano rya kera. Yesu yavuze ko Dawidi yavugirwagamo n'Umwuka (Mariko 12:36). Pawulo yizeraga ko Yesaya yavugirwagamo n'Umwuka wera (Ibyakozwe 28:25).Petero yerekanye ko Umwuka wera yayoboraga abahanuzi bose, si bamwe muri bo gusa (1Petero1:10, 11; 2Petero1:21).Rimwe na rimwe umwanditsi ntiyigaragazaga, nuko umwanditsi nyakuri ari we Mwuka wera akagaragazwa "Umwuka wera aravuga ngo…", "icyo Umwuka wera atumenyesha…" Abaheburayo 3:7, 9:8)

Abanditsi b'Isezerano rishya nabo bayoborwaga n'Umwuka wera nk'isoko y'ubutumwa bwabo. Pawulo yaravuze ati "Ariko Umwuka avuga yeruye ati : mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa"(1Timoteyo 4:1).Yohana yari ari mu Mwuka ku munsi w'Umwami (Ibyahishuwe1:10), naho Yesu we yohereje intumwa ze ku murimo azisezeranije imbaraga y'Umwuka wera (Ibyakozwe 1:2, Abefeso 3:3-5).

Ni uko rero binyuze mu byanditswe byera,Imana yihishuriye mu Mwuka wera.Imana yandikishije Ibyanditswe byera idakoresheje intoke zayo, ahubwo ibinyujije mu bindi

biganza mu gihe kirenga imyaka 1500. Ubwo rero niba Imana Umwuka wera ari yo yavugiye mu banditsi,ubwo rero Imana niyo mwanditsi.

**Guhumekwa kw'Ibyanditswe byera**

Pawulo yaravuze ati"Ibyanditswe byose byahumetswe n'Imana" (2 Timoteyo 3:16), ijambo ryo mu rugiriki *theopneustos(Tewopinesitosi)* ryasobanuwe nko "Guhumekwa",mu buryo bwahuranije ibyo bisobanura« guhumekerwa n'Imana ».Imana yahumekeye ukuri mu bwenge bw'umuntu. Maze n'abantu nabo, babihamya mu magambo tubona muri Bibiliya. Guhumekera ni uburyo Imana ikoresha imenyekanisha ukuri kwayo kw'iteka

***Uko amagambo y'Imana yahumetswe.***Ibyahishuwe by'Imana byageze ku bantu bihumetswe nayo,bashorewe n'Umwuka wera (2 Petero1:21). Ibyo byahishuwe byanditswe mu mvugo y'abantu irimo kwibeshya, nyamara akomeza kuba amagambo y'Imana. Imana yahumekeye mu Bantu si amagambo yababwiye.

Mbese abahanuzi bakoraga nka za radiyo zifata amajwi zikavuga ibyo zafashe ntacyo zihinduyeho? Rimwe na rimwe abanditsi bategekwaga kwandika amagambo y'Imana ubwayo ntacyo bahinduyeho,ubundi Imana yababwiraga gusobanura ibyo bumvise n'ibyo babonye mu buryo bubabonereye. Ubwo rero abanditsi nabo bakabishyira mu rurimi rwabo no mu mvugo ijyanye n'igihe cyabo.

Pawulo yabonaga ko " imyuka y'abahanuzi igengwa nabo" (1Abakorinto14:32). Ibyahumetswe by'ukuri ntibihisha akamero, ibitekerezo n'imyumvire y'umuhanuzi.Ku rugero runaka amasano ya Mose na Aroni atwereka isano yari hagati ya Mwuka Wera n' umwanditsi. Imana yabwiye Mose iti" Dore nkugize nk'Imana kuri Farawo, Aroni mwene so azaba umuhanuzi wawe." (Kuva7:1 reba 4:15;16) Mose yabwiraga Aroni amagambo y'Imana, Aroni nawe akayabwira Farawo mu magambo ye. Muri ubu buryo abanditsi ba Bibiliya banditse amategeko cyangwa amabwiriza, ibitekerezo n'amagambo y'Imana mu buryo bwabo. Nicyo gituma amagambo yakoreshejwe mu bitabo binyuranye bya Bibiliya agiye atandukanye kandi akaba yerekana ubuhanga n'umuco by'uwayanditse.

Bibiliya si uburyo Imana ivuga cyangwa itekerezamo….Uburyo abantu bavugamo si nk'ubw'Imana.Nyamara Imana siyo ubwayo yanditse ibyayo muri Bibiliya. Abanditsi ba Bibiliya ntibari ikaramu y'Imana,ahubwo bandikaga ibyo bahumekewemo.Guhumekerwamo n'Imana ntibihindura amagambo n'imvugo by'umuntu,ahubwo bihindura umuntu ku giti cye binyuze mu Mwuka wera we wuzura intekerezo ze. Amagambo akoreshwa ni we uyatoranya.Imbaraga n'ubushake by'ijuru bihuzwa n'intekerezo n'ubushake by'umuntu;bityo ibyo umuntu avuga bikaba ijambo ry'Imana.

Ahantu hamwe gusa niho Bibiliya itubwira amagambo nk'uko Imana yayavuze ikanayiyandikira.Ni amategeko icumi.Yakomotse ku Mana (Kuva 20:1-17; 31:18; Gutegeka10:4,5),n'ubwo hakoreshejwe imvugo y'abantu.
Bibiliya ni ukuri kw'Imana kwasobanuwe mu mvugo y'abantu. Nimutekereze mubaye muri kwigisha isomo umwana muto, isomo ry'ubugenge(physique). Iki nicyo kibazo Imana ihura nacyo mu gihe ishaka kumenyesha ukuri kwayo abantu bacumuye bafite imyumvire mike (ibitekerezo bigufi). Ibitekerezo byacu bigufi nibyo bituma tudasobanukirwa n'ibyo ishaka kutumenyesha.

Hari isano iri hagati ya Kristo wigize umuntu na Bibiliya : Yesu yari Imana ari n'umuntu icyarimwe, ubumana n'ubumuntu muri umwe. Muri ubwo buryo Bibiliya nayo ni iy'Imana ikaba n'iy'abantu icyarimwe. Ushobora kuvuga kubya Kristo na Bibiliya uti "Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe(Yohana1:14).Uku guhuzwa k'ubumana n'umuntu bituma Bibiliya ihinduka igitabo cyihariye ugereranije n'ibindi bitabo.

***Guhumekwa kw'ibyanditswe n'abanditsi***

Umwuka wera yahuguriye abantu bamwe kumenyekanisha ukuri kw'Imana. Bibiliya ntigaragaza ku buryo burambuye uburyo batoranywaga ,ariko mu buryo runaka Umwuka Wera yari umuhuza w'Imana n'abantu.

Abagize uruhare mu kwandika ibitabo bya Bibiliya ntibigeze batoranywa hakurikijwe impano zabo karemano. Na none kandi si ihame ko guhishurirwa n'Imana bihindura umuntu cyangwa se ngo bimuhe ubwishingizi ku bugingo buhoraho.Balamu yavuze amagambo y'Imana kandi ataremeraga kuyoborwa nayo (Kubara22-24).Dawidi wayoborwaga n'Umwuka wera yakoze ibyaha bikomeye(Zaburi 51).Abanditsi bose ba Bibiliya bari abantu bafite kamere y'icyaha, babaga bakeneye buri gihe cyose ubuntu bw'Imana(Abaroma 3:12).

Uguhishurirwa abanditsi ba Bibiliya bagize kurenze cyane kumurikirwa cyangwa kuyoborwa n'ijuru,kuko ibi ari iby'abantu bose bashakashaka ukuri. Mu by'ukuri rimwe na rimwe abanditsi ba Bibiliya bandikaga amagambo y'Imana batayasobanukiwe neza (1Petero1:10-12).

Uburyo abo banditsi bakiraga ubwo butumwa bwari butandukanye. Daniyeli na Yohana bagaragaje ko badasobanukiwe n'ibyo bandikaga (Daniyeli 8:27; Ibyahishuwe 5:4). Na Petero agaragaza ko abandi banditsi bashatse kumenya ubusobanuro bw'ubutumwa bahawe (1Petero1:10). Rimwe na rimwe abo bantu bagize ubwoba bwo kuvuga inkuru babwiwe. Ndetse bamwe babanje kujya impaka n'Imana. (Habakuki 1;Yona 1:1-3;4:1-11)

***Uburyo n'ubutumwa bw'ibyahishuwe***

Kenshi na kenshi, Umwuka wera yatangaga amabwiriza y'Imana akoresheje amayerekwa n'inzozi( Kubara 12:6). Rimwe na rimwe yavugiraga mu matwi y'abanditsi cyangwa akavugana n'imitima yabo. Imana ubwayo yavuganaga na Samweli ayiteze amatwi(1Sam.9:15.) Zakariya yahabwaga ibishushanyo n'ibisobanuro (Zakariya 4). Amayerekwa y'ijuru yahawe Pawulo na Yohana yari aherekejwe n'ibisobanuro mvugo (2Abakorinto12:1-4;Ibyahishuwe 4-5). Ezekiyeli yahawe kwitegereza ibikorwa byaberaga ahandi hantu (Ezekiyeli 8). Bamwe mu banditsi babonye ibyo beretswe bisohora, bagira ibyo bakora ndetse banagira ibyo basohoza mubyo beretswe(Ibyahishuwe 10).
Ku byerekeye ubutumwa, Umwuka wera yahishuriye bamwe ibyendaga kuzabaho mu gihe kizaza(Daniel 2,7,8,12). Abandi banditsi bavuze ibyabayeho mu mateka, baba bahereye ku mibereho yabo cyangwa binyuze mu nkuru batoranyije mu mateka yari asanzwe yanditse (Abacamanza, 1Samueli, 2Ngoma, Ubutumwa bwiza, Ibyakozwe n'Intumwa).

***Guhumekwa kw'ibyanditswe n'amateka***

Amagambo ya Bibiliya avuga ko "Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana",afite imbaraga mu mibereho yacu y'iby'Umwuka n' iby'umubiri(2Timoteyo3:15,16). Akuraho gushidikanya kose kurebana n'ubuyobozi bw'Imana mu gutoranya amagambo agize ibyanditswe. Niba inkuru zarakomotse mu byo abantu babonye, bumvise, basomye, cyangwa amayerekwa,si kubw' abanditsi ubwabo ahubwo ni kubw'umurimo w'Umwuka wera. Ibi bituma Bibiliya ikomeza kuba ijambo ryo kwizerwa.

Bibiliya iduhishurira umugambi Imana ifitiye ikiremwamuntu, bitari mu mahame gusa adafatika. Ibyo byahishuwe ubwabyo bishingiye ku byabayeho mu gihe n'ahantu hazwi neza.Ukuri kw'ibyabaye mu mateka ni ingenzi kuko kutubashisha gusobanukirwa kamere y'Imana n'imigambi idufitiye. Gusobanukirwa neza bituyobora mu bugingo bw'iteka, nyamara iyerekwa ry'ibinyoma ritera urujijo n'urupfu.

Imana yategetse abantu bamwe kwandika amateka agaragaza umubano Imana yari ifitanye na Isirayeli. Ayo mateka yanditswe mu buryo butandukanye cyane n'ubw'abandi banditsi, kandi afata umwanya utari muto muri Bibiliya (Kubara 33:1, 2; Yosuwa 24:25,26; Ezekieli 24:2). Aduha ishusho y'ukuri ku byabaye mu mateka, mu buryo bw'Umwuka. Umwuka wera yahaye abanditsi ubusobanuro bwimbitse ku byabaye bubabashisha kubisanisha n'intambara iri hagati y'icyiza n'ikibi. Bityo imico y'Imana irahishurwa kandi n'abantu bashaka agakiza babona igisubizo.

Ibyabaye mu mateka ni ingero zanditswe "ngo zitwigishe, twe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe." (1Abakorinto 10:11). Pawulo yaravuze ati "Ibyanditswe byera byose byandikiwe kutwigisha, kugira ngo kwihangana no guhumurizwa bitangwa na byo biduheshe ibyiringiro."
(Abaroma15 :4) Kurimbuka kwa Sodomu na Gomora kutubera akabarore (2Petero2 :6 ;Yuda7). Gutsindishirizwa kwa Aburahamu ni urugero rwa buri mwizera

(Abaroma 4 :1-25 ; Yakobo 2 :14-22). Ndetse n'amategeko agenga abantu bo mu Isezerano rya kera afite ubusobanuro bw'umwuka, yandikiwe kutwigisha twebwe ab'iki gihe (1 Abakorinto 9:8,9).

Luka avuga ko yanditse ubutumwa bwiza kuko yifuzaga gusobanura inkuru y'ibya Yesu, bibashisha Tewofili kwemera ko ibyo yigishijwe ari iby'ukuri(Luka 1 :4).Ihame ryayoboye Yohana mu gutoranya inkuru z'ibyabaye kuri Yesu yanditse mu butumwa bwiza ni iri "Ariko ibi byandikiwe kugira ngo mwizere yuko Yesu ari Kristo umwana w'Imana kandi ngo nimwizera muherwe ubugingo mu izina rye" (Yohana 20 :31) Imana yayoboye abanditsi ba Bibiliya kugira ngo ibabashishe kwandika inkuru zibasha kuyobora ku gakiza.

Imibereho y'abantu bavugwa muri Bibiliya nayo ni ubuhamya ku ihumekwa ry'amagambo y'Imana. Izo nkuru zerekana neza intege nke n'imbaraga by'imico yabo. Zigaragaza neza ibyaha byabo ndetse no kunesha kwabo.
Nta cyahishwe ku byerekeye ukutirinda kwa Nowa cyangwa uburiganya bw'Aburahamu.Uburakari bwa Mose, Pawulo, Yakobo na Yohana buvugwa uko bwakabaye. Amateka ya Bibiliya yerekana intege nkeya z'umwami w'umuhanga cyane w'abisirayeli ndetse n'ubugwari bw'abakurambere cumi na babiri idasize n'ubw'intumwa cumi n'ebyiri. Ibyanditswe byera ntibibakingira ikibaba cyangwa ngo bipfobye inenge zabo. Bibavuga uko bari n'uko babasha guhindurwa n'ubuntu bw'Imana. Hatabayeho guhumekerwamo n'Imana ntawajyaga gushobora gukora iryo sesengura.

Abanditsi ba Bibiliya bafataga inkuru z'amateka ya Bibiliya nk'ukuri aho kuba ibihimbano cyangwa ibimenyetso by'abantu.Benshi mu batizera ntibemera inkuru ya Adamu na Eva, iya Yona n'iy'umwuzure. Nyamara Yesu yahamije ko ari ukuri kudasubirwaho (Matayo12 :39-41 ;19 :4-6 ; 37-39).

Bibiliya ntiyigisha uguhumekwa kw'igice kandi ntishyira mu nzego amagambo y'Imana.Izo nyigisho ni ibitekerezo by'abantu bipfobya ubutware bw'ijambo ry'Imana

### *Ukuri kw'ibyanditswe byera*

Yesu yihinduye umuntu, atura hagati muri twe (yohana1 :14).Na none kugira ngo dusobanukirwe n'ukuri, Bibiliya yatanzwe mu mvugo y'abantu. Uko ni ko kuri ko guhumekwa kw'Ibyanditswe byera.

Ni gute Imana yarinze ikwirakwizwa ry'amagambo yayo kugira ngo akomeze kuba ay'ukuri ? Mu gihe ubutumwa bukubiye mu nyandiko za kera buhindagurika,ukuri kw'ingenzi ntiguhinduka. Nubwo abandukuye n'abahinduye Bibiliya mu ndimi hari amakosa bakoze mato,ubushakashatsi bugaragaza ko amenshi muri ayo makosa yaterwaga no kudasobanukirwa. Bimwe muri ibyo bibazo bivuka igihe abantu basomye amateka ya Bibiliya n'imico iyibonekamo bashingiye ku bwenge bwabo. Dukwiye kwemera ko abantu batabasha kumenya ibintu uko byakabaye;iby'Imana babimenya igice.

Bityo,kuvuguruzanya kubasha kuboneka mu byanditswe byera ntigukwiye kuba inzitizi y'icyizere tubifitemo;akenshi guterwa n'ibitekerezo byacu bigufi. Mbese Imana yahindurwa

inyabinyoma nuko tutabashije gusobanukirwa n'interuro cyangwa amagambo yayo mu buryo bwuzuye? Bishoboka ko tutasobanukirwa na buri jambo ryo mu byanditswe ,nyamara si na ngombwa.Ubuhanuzi bugenda busohora bushimangira imbaraga y'ukuri kwa Bibiliya.

Nubwo hakozwe ibishoboka byose ngo Bibiliya itsembweho, yakomeje kurindwa kubw'ukuri kwayo gutangaje.Iyo ugereranyije inyandiko zavumbuwe mu nyanja y'umunyu n'inyandiko nshya zo mu Isezerano rya kera,ubasha kubona ko zandikanywe ubwitonzi. Zigaragaza icyizere n'ukuri kw'Ibyanditswe byera nk'ibyahishuwe by'ukuri kudatsindwa kw'ugushaka kw'Imana.

## Ububasha bw'ibyanditswe

Ibyanditswe byambitswe imbaraga mvajuru kuko Imana ivugira muri byo binyuze mu Mwuka wera. Bibiliya ni ijambo ryanditswe ry'Imana.Mbese iki gitekerezo kirasobanutse,kandi se Ibyanditswe byera bifite uruhe ruhare ku buzima bwacu no kugushakashaka ubumenyi buruseho kwacu?

### *Ibihamya by'Ibyanditswe*

Abanditsi ba Bibiliya bemeza ko ubutumwa bwabo buva ku Mana. Ni "ijambo ry'Uwiteka" ryaje rikagera kuri Yeremiya, Ezekeli, Hoseya n'abandi (Yeremiya 1 :1, 2,9; Ezekiyeli1 :3; Hoseya 1 :1; Yoweli 1 :1, Yona 1 :1). Nk'intumwa z'umukiza (Hagayi 1 :13; 2 Ngoma 36 :16), abahanuzi b'Imana bakiriye gahunda yo kuvuga mu izina ryayo, havugwa ngo " Ni ko Uwiteka avuga" (Ezekieli 2 :4 ; Yesaya 7 : 7). Ayo magambo ahagarariye urwandiko rubemerera kuvugira Imana ndetse n'ububasha bwabo.

Rimwe na rimwe,umuntu Imana ikoresha yifashisha iby'abamubanjirije.Matayo yerekeza ku mbaraga yari ishoreye abahanuzi bo mu Isezerano rya kera muri aya magambo"Nuko ibyo byose byabereyeho kugira ngo ibyo umwami Imana yavugiye mu kanwa k'umuhanuzi bisohore."(Matayo1:22).Avuga umukiza nk'umwanditsi nyawe, ufite imbaraga; akavuga umuhanuzi nk'igikoresho.

Petero ashyira inyandiko za Pawulo mu rwego rw'Ibyanditswe byera(2 Petero 3 :15,16).Kandi na Pawulo abihamya agira ati"Kuko nanjye ntabuhawe n'umuntu kandi sinabwigishijwe n'umuntu, ahubwo ni Yesu Kristo wabimpishuriye."(Abagalatiya 1:12).Abanditsi b'Isezerano rishya bakiriye amagambo ya Kristo nk'ibyanditswe kandi bayafata nk'ayambitswe imbaraga imwe nk'iy'inyandiko z'Isezerano rya kera (1Timoteyo 5 :18 ; Luka 10 : 7)

### *Yesu n'imbaraga z'ibyanditswe*

Mu murimo we, Yesu yashimangiye imbaraga z'ibyanditswe.Igihe yageragezwaga na Satani cyangwa se igihe yajyaga impaka n'abanzi be,«Handitswe ngo» niyo yari intwaro ye (Matayo4 :4,7,10;Luka20 :17).Yaravuze ati"Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana."(Matayo 4:4).Ku byerekeranye n'abamubazaga uburyo bashobora kwinjira mu bugingo bw'iteka ryose, yarabasubizaga ati "Byanditswe bite mu mategeko? Icyo uyasomamo ni iki?"(Luka10 :26).

Yesu yashyiraga Bibiliya hejuru y'imitekerereze yose ya kimuntu. Yajyaga impaka n'abayuda kuko bari barashyize imbaraga z'ibyanditswe ku ruhande (Mariko7 :7-9),na none kandi yabararikiraga kwiga Ibyanditswe byera bitonze cyane "Ntimwari mwasoma mu byanditswe"(Matayo 21 : 42; Mariko 12 :10,26).

Yizeraga bidasubirwaho imbaraga z'ijambo ry'ubuhanuzi kandi akagaragaza ko bimuhamya. Yaravuze ati " ibyanditswe birampamya".Iyo mwizera Mose nanjye muba munyizeye ,kuko ari ibyanjye yanditse (Yohana 5 :39,46).Igihamya cyemeza abantu ko umurimo wa Kristo ari mvajuru cyari gishingiye mu gusohoza ubuhanuzi kwe bwo mu Isezerano rya kera (Luka 24:25-27).

Kubw'ibyo, nta gisigaye,Kristo yafashe ibyanditswe byera nk'ihishurwa ry'imbaraga y'ubushake bw'Imana ku nyokomuntu.Yabonaga muri byo ubumwe bw'ukuri, ihishurwa umuntu atagizemo uruhare; ryahawe abantu kugira ngo ribavane mu mwijima no mu mihango ipfuye n'ibihimbano by'abantu ribageze mu mucyo w'ukuri wo gusobanukirwa iby'agakiza.

***Umwuka wera n'imbaraga z'ibyanditswe.***

Mu buzima bwa Yesu bwa hano ku isi, abayobozi b'idini n'imbaga itaragiraga icyo yitaho,ntibasobanukiwe n'uwo yari we. Bamwe bibwiraga ko yari umuhanuzi nka Yohana umubatiza, Eliya cyangwa Yeremiya; mbese nk'umuntu usanzwe .Ubwo Petero yamenyaga Yesu ko ari " Kristo, umwana w'Imana ihoraho", Yesu yerekanye ko uko guhamya kwashobotse biturutse ku mucyo mvajuru(Matayo 16 :13-17). Pawulo ashimangira uku kuri " Nta muntu ubasha kuvuga ati :Yesu ni umwami !atabibwirijwe n'Umwuka wera."(1Abakorinto 12 :3).

Kubw'ibyo ni ijambo ryanditswe ry'Imana. Hatabaye Umwuka wera ngo amurikire intekerezo zacu,ntitwabasha gusobanukirwa Bibiliya, habe no kuyimenya nk'ubushake bw'Imana buri.Kuko " Nta wabimenya keretse Umwuka wayo" (1Abakorinto 2:11),akomeza agira ati "Ariko umuntu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka w'Imana : kuko ari ubupfu kuri we, akaba atabasha kubimenya, kuko bisobanurwa mu buryo bw'Umwuka." (1Abakorinto 2 :14).Bityo rero " Ijambo ry'umusaraba ku barimbuka ni ubupfu" (1Abakorinto 1:18).

Ubufasha bw'Umwuka wera we,"urondora byose ndetse n'amayoberane y'Imana"(1Abakorinto 2:10), nibwo bwonyine bushobora kwemeza umuntu iby'imbaraga ya Bibiliya nko guhishurwa kw'Imana n'ubushake bwayo.Ubwo nibwo umusaraba uhinduka "Imbaraga y'Imana" (1Abakorinto1:18) na none wabihamisha igihamya cya

Pawulo " Ariko twebweho ntitwahawe ku mwuka w'iyi si, ahubwo twahawe uwo Mwuka uva ku Mana, kugira ngo tumenye ibyo Imana yaduhereye ubuntu."(1Abakorinto 2:12).

Ibyanditswe byera n'Umwuka wera ntabwo bishobora gutandukana. Umwuka wera ni umwanditsi kandi akaba n'umuhishuzi w'ukuri kwa Bibiliya.

Imbaraga z'ibyanditswe ziyongera cyangwa zikagabanuka mu buzima bwacu bitewe n'uburyo tubana n'Umwuka wera. Niba dufata Bibiliya nk'itsinda ry'ibihamya by'abantu cyangwa se imbaraga tubiha zikaba zitewe n'uburyo iyobora ibyiyumviro byacu n'ibyo twibwira, ubwo tuba tuvanyeho ishingiro ry'ububasha bwabyo mu buzima bwacu. Nyamara iyo tuvumbuye ijwi ry'Imana binyuze mu banditsi,tutitaye ku ntege nke zabo cyangwa ubumuntu bwabo,ibyanditswe byera biduhindukira umuyobozi rukumbi mu nyigisho zacu,mu byo twemera,mu kuduhanira gukiranuka no kutwigisha (2 Timoteyo 3 :16).

***Ubugari bw'ububasha bw'ibyanditswe***

Ukuvuguruzanya kuri hagati ya Bibiliya na siyansi ni ingaruka y'ibintu bidafite ishingiro.Kuba tudasobanukirwa isano iri hagati ya siyansi n'ibyanditswe , biterwa no kuba tudasobanukiwe kimwe muri ibi.[…].Nyamara byumvikanye neza twasanga byombi byuzuzanya..

Ubwenge bwose bwa muntu bugomba kuba munsi y'ubuyobozi bw'Ibyanditswe byera.Igitekerezo cyose kigomba kugeragereshwa ukuri kw'Ibyanditswe byera.Kugenzura ijambo ry'Imana ugendeye ku bitekerezo bya kimuntu ni nko kugerageza kubara inyenyeri ukoresheje metero.Ntabwo Bibiliya ikwiriye gusuzumishwa amahame y'abantu.Isumba cyane ubwenge bwose cyangwa inyigisho yose y'abantu. Aho kugenzura Bibiliya,ahubwo yo iratugenzura kuko ifite ibyagenderwaho mu kugenzura imico,imibereho yose ndetse n'intekerezo.

Ni uko rero ibyanditswe byera binafite ububasha burenze ubw' impano zituruka ku Mwuka wera.Muri zo twavuga impano yo guhanura n'impano y'indimi(1Abakorinto12 ;14 :1;Abefeso 4 :7-16).Ntabwo impano z'umwuka ziri hejuru ya Bibiliya ;ubwo rero zigomba kugenzurwa na Bibiliya,kandi niba zitemeranya na Bibiliya zigomba gushyirwa ku ruhande kuko izo mpano zaba atari iz'ukuri.« Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira»(Yesaya8 :20,reba no mu gice cya 18 cy'iki gitabo).

**Ubumwe bw'Ibyanditswe byera**

Gusoma ibyanditswe byera twicira hejuru bituzanira ubusobanuro budafashije.Iyo dusomye gutya,Bibiliya iduhindukira urukurikirane rw'inkuru,ibibwirizwa n'amateka.Nyamara abemera kuyoborwa n'Umwuka wera w'Imana ,abifuza gushakashaka ukuri guhishe bihanganye kandi basenga bazavumbura ko Bibiliya yifitemo ubumwe kubijyanye n'agakiza.Ntabwo Bibiliya ari ikintu kivuga ku ngingo imwe.Ibirenze ibyo,yerekana urusobe rutangaje rw'ubuhamya bwiza bw'agatangaza .Kubw'urwo runyurane rero ishobora guhaza ibyifuzo no gusubiza ibibazo by abantu mu gihe icyo ari cyo cyose .

Ntabwo Imana yiyeretse abantu rimwe ngo bibe bihagije iteka ,ahubwo yabikoze buhoro buhoro binyuze mu bisekuru byinshi byakurikiranye.Byaba binyuze muri Mose mu butayu bw'i Midiyani cyagwa Pawulo muri gereza i Roma ;mu yandi magambo ibitabo bya Bibiliya bihishura ukuri kumwe gutangwa n'umwuka wera.Gusobanukirwa n'uko guhishurwa buhoro buhoro bishobora gufasha mu kumva ibyanditswe byera n'ubumwe bwabyo.

Nubwo byanditswe n'abantu batandukanye kandi bo mu binyejana bitandukanye ,ukuri kw'Isezerano rishya n'irya kera ntigutandukana ;ntikuvuguruzanya. Binyuze mu buhanuzi no mu bishushanyo Isezerano rya kera rivuga iby'umukiza wagombaga kuza .Binyuze mu buzima bwa Kristo isezerano rishya rivuga iby'umukiza wabonetse ari byo kuri k'ubutumwa bwiza.Byombi byerekana Imana imwe .Isezerano rishya rishingiye ku rya kera .Isezerano rya kera ni urufunguzo rudufasha gufungura irishya mu gihe iryo rishya risobanura ibihishwe byo mu isezerano rya kera .

Imana iduhamagarana urukundo kugira ngo tugirane nayo umubano wihariye igihe turi mu ijambo ryayo.Muri ryo dushobora kubona imigisha itwereka ukuri kw'agakiza kacu. Dushobora twe ubwacu kuvumbura ko ibyanditswe byera «bigira umumaro wo kwigisha umuntu ,kumumenyesha ibyaha bye no kumutunganya no kumuhanira gukiranuka».Binyuze muri ryo dushobora kubaho "dushyitse ,dufite ibidukwiriye byose ngo dukore imirimo myiza yose" (2Timoteyo3 :16,17).

## IGICE CYA KABIRI

## UBUTATU BWERA

***Hariho Imana imwe :Data,Umwana n'Umwuka wera,bose bakorera hamwe mu butatu bw'iteka.Imana ihoraho,ishobora byose,izi byose,ni umwami kandi ibera hose icyarimwe.Ni Imana ihoraho kandi irenze ubwenge bw'abantu ;ariko ishobora kumenyekana binyuze mu ihishurwa ryayo.Niyo mutabazi w'ibihe byose kandi ikwiriye gusengwa no gukorerwa n'ibyaremwe byose. (Gutegeka 6:4;Matayo 28:19;2Abakorinto 13:14;Abefeso 4:4-6;1Petero 1:2;1Timoyeyo 1:17;Ibyahishuwe 14:7 ).***

Abantu hafi ya bose bahanye Yesu i Kaluvari. Bake gusa nibo bamumenye nk'uwo yari we,muri bo harimo igisambo ku musaraba cyamenye ko ari umwami (Luka23 :42) hamwe n'umusirikare w'umunyaroma wavuze ati «Koko uyu yari umwana w'Imana.» (Mariko 15 :39)

Igihe Yohana yandikaga ati «Yaje mubye ariko abe ntibamwemera»(Yohana1 :11),ntabwo yatekerezaga gusa ku bantu bari aho munsi y'umusaraba cyangwa kuri Isirayeli ahubwo yerekezaga no ku bantu babayeho b'ibihe byose.Kimwe nk'itsinda ry'abantu bari i Kaluvari,inyokomuntu muri rusange yanze kwemera Yesu nk'Imana n'umukiza wayo.Urwo rwango rukabije abantu bagaragaje rugaragaza neza ko inyokomuntu ifite ibitekerezo bipfuye kubyerekeye Imana.

### Kumenya Imana

Urutonde rutangaje rw'inyigisho ku gusobanura Imana n'ibitekerezo bitangwa ku kubaho cyangwa ku kutabaho kwayo byerekana ko ubwenge bw'umuntu budashobora kwiyumvisha iby'ijuru.Gushaka kwiga iby'Imana ukoresheje ubwenge bw'abantu ni nko kwiga iby'imitwe y'inyenyeri ukoresheje igikoresho cyongera ingano y'ikintu bita lupe(loupe).Ku bantu benshi ubwenge bw'Imana ni «ubwenge buhishwe»(1Abakorinto2 :7).Kuri bo Imana ni iyobera.Pawulo yaranditse ati «Mu batware b'iki gihe ntawabumenye ;kuko iyo babumenya,ntibaba barabambye umwami w'icyubahiro.»(1Abakorinto 2 :8)

Rimwe mu mategeko akomeye y'ibyanditswe ni iri «Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose»(Matayo 22 :37 reba no Gutegeka 6 :5).Uko tudashobora gukunda umuntu ntacyo tumuziho ni nako tudashobora kumenya Imana ngo tuyirangize (Yobu 11 :7). None se ni gute twabasha kumenya no gukunda umuremyi wacu ?

***Dushobora kumenya Imana.***Imana imaze kumenya neza imibereho iruhije y'umuntu,kubw'urukundo n'imbabazi zayo yamwiyeretse binyuze muri Bibiliya. Bibiliya ihishura ko «ubukristo atari uburyo umuntu ashakishamo Imana ;ni ingaruka y'ihishurwa Imana itanga ubwayo no kubwo imigambi myiza ifitiye umuntu».Uko guhishurwa kwayo kugenewe kuziba icyuho kiri hagati y'isi yigometse n'Imana yuje impuhwe.

Ukwiyerekana gukomeye k'urukundo rw'Imana kuzuriye mu guhishurwa kwa Kristo yesu umwana wayo.Binyuze muri Kristo dushobora kumenya Data.
Bityo intumwa Yohana ivuga itya iti «kandi tuzi yuko umwana w'Imana yaje akaduha ubwenge ngo tumenye iy'ukuri»(1Yohana 5 :20)

Yesu aravuga ati «ubu nibwo bugingo buhoraho ko bakumenya wowe Mana y'ukuri bakamenya n'uwo watumye ariwe Yesu Kristo»(Yohana17 :3).
Iyo ni inkuru nziza.Nubwo bidashoboka kumenya Imana byuzuye ,Ibyanditswe byera biduha uburyo nyakuri bwo kumenya Imana bihagije bidufasha kwinjira mu mushyikirano hamwe n'uwaducunguye.

***Uburyo bwo kumenya Imana .***Bitandukanye n'izindi siyansi, kumenya Imana ni igikorwa cy'umutima n'ubwenge.Bisaba impagarike yose y'umuntu ,si intekerezo gusa.Kugururira umutima umwuka wera no kwifuza gukorana n'ubushake bw'Imana ni ingenzi(Yohana 7 :17 ;na Matayo11 :27).Yesu aravuga ati« hahirwa abafite imitima iboneye kuko aribo bazabona Imana »(Matayo5 :8).

Abatizera ntibashobora gusobanukirwa Imana.Pawulo yaravuze ati «Mbese none umunyabwenge ari he ? umwanditsi wo muri iki gihe ari he ? Ubwenge bw'iyi si Imana ntiyabuhinduye ubupfu ? Kuko ubwenge bw'Imana bwategetse ko abisi badaheshwa kumenya Imana n'ubwenge bw'iyi si, Imana yishimiye gukirisha abayizera ubupfu bw'ibibwirizwa»(1korinto1 :20-21).

Kwiga kumenya Imana dukoresheje uburyo bwa Bibiliya bitandukanye n'uburyo busanzwe bumenyerewe. Ntabwo tugomba kwishyira hejuru y'Imana cyangwa ngo tuyifate nk'ikintu cyo gusesengurwa, cyangwa ikintu twabara. Mu gushaka kumenya Imana ,tugomba kwita ku buryo Imana yatanze bwo kuyimenyeraho ari bwo : Bibiliya.kuko Bibiliya ari imvugo y'Imana tugomba kugendera ku mahame yayo n'amabwirizwa yayo.Tutanyuze muri Bibiliya ntidushobora kumenya Imana.

Kuki abantu bo mu gihe cya Yesu batamubonye nk'uwavuye Ku Mana ? Ni ukubera ko banze kuyoborwa n'Umwuka wera binyuze mu Byanditswe byera, bahinduye ubusa ubutumwa bw'Imana kandi babamba umukiza wabo.Ikibazo cyabo ntabwo cyari gishingiye ku kutagira ubumenyi. Ahubwo kubudika k'umwijima mu mitima yabo byateye intekerezo zabo kuba mu icuraburindi kandi bituma bagira igihombo cy'iteka ryose.

**Ukubaho kw'Imana**

Hari ibintu bibiri by'ingenzi biduhamiriza ko Imana iriho :ibyaremwe n'Ibyanditswe byera.

***Igitekerezo tuvana ku byaremwe.*** Buri muntu ashobora kumenya Imana binyuze mu byaremwe no mu bikorwa by'umuntu. Dawidi yaranditse ati «Ijuru rivuga icyubahiro cyawe n'isanzure ryerekana umurimo w'intoke zawe»(Zaburi 19 :2). Yohana yari asobanukiwe ko uguhishurwa kw'Imana binyuze mu byaremwe kumurikira umuntu wese(Yohana 1:9). Pawulo yaravuze ati «kuko ibitaboneka byayo ari bwo bubasha bwayo buhoraho n'ubumana bwayo, bigararagara neza uhereye ku kuremwa kw'isi bigaragazwa n'ibyo yaremye kugira ngo batagira icyo kwireguza»(abaroma1 :20).

Imyitwarire y'umuntu nayo ihamya ko Imana iriho.Pawulo yabwiye abantu bo muri Atenayi igihe yasangaga barubatse igicaniro cyanditswe ho ngo « Icy'Imana itamenywa » ati iyo musenga mutayizi niyo mbabwira(ibyakozwe 17 :23). Pawulo na none yaravuze ati «abapagani iyo bakoze iby'amategeko kubwabo baba bihindukiye amategeko nubwo batayafite bagaragaza ko umurimo utegetswe n'amategeko wanditswe mu mitima yabo»(Abaroma 2 :14-15).Kumenya Imana bishobora no kugaragara ku bantu batazi Ibyanditswe byera. Uko kwigaragaza kw'Imana muri rusange bitanga ingingo igaragara ihamya ko Imana iriho.

***Igitekerezo tuvana mu Byanditswe byera.*** Bibiliya ntabwo igerageza kugaragaza ko Imana iriho. Ahubwo ihamya ko kubaho kwayo ari ikintu gisanzwe.Ijambo ryayo ritangira rigira riti «mbere mbere Imana yaremye ijuru n'isi»(Itangiriro1:1).Bibiliya yerekana Imana nk'umuremyi,urufatiro n'umugenga w'ibyaremwe.Binyuze mu byaremwe Imana yakuyeho inzitwazo ku bapagani. Banze gukurikira Imana ahubwo bahakana ukuri kwavuye mu ijuru bahakana ibyatanzwe nayo biyihamya(Zaburi 14:1; Abaroma 1:18-22;28). Ibihamya kubaho kw'Imana birahagije kugira ngo byemeze umuntu uwo ari we wese ushaka koko kumenya ukuri kuri muri iyo ngingo. Ariko rero kwizera bigomba kuba ihame ry'ingenzi ngenderwaho«Kuko bidashoboka ko utizera ayinezeza kuko uwegera Imana agomba kwizera ko iriho kandi ikagororera abayishaka»(Abaheburayo 11:6).Kwizera Imana ntabwo ari ubuhumyi.Kuko gushingira ku bihamya bitangwa n'ibyanditswe ndetse n'ibyaremwe.

**Imana yo mu Byanditswe byera**

Bibiliya ihishura imico y'ibanze y'Imana ikoresheje amazina yayo,ibikorwa byayo n'ibiyihamya

***Amazina y'Imana***.Mu gihe Bibiliya yandikwaga amazina yari afite akamaro kanini cyane, nkuko bimeze na n'uyu munsi mu bihugu by'iburasirazuba bwo hagati.Muri ibyo bice izina rifatwa nk'iryerekana imico y'urifite, nka kamere ye n'ibimuranga. Akamaro k'amazina ahabwa Imana ni ukwerekana kamere yayo,uko iteye n'imico yayo nkuko bigaragara mu itegeko ryayo«ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe»(kuva20:7).Dawidi yaravuze ati «nzaririmba izina ry'Uwiteka Imana isumba byose»(zaburi 7:18).
Izina rye ni iryera ni iryo kubahwa(Zaburi 111:9).Bashime izina ry'Uwiteka kuko ari ryo zina ryonyine rishyirwa hejuru(zaburi148:13).

Amazina y'ikigiriki "*El* na *Elohimu*"(Imana)asobanura ububasha bw'Imana. Ayo mazina yerekana Imana nk'inyembaraga, inyabushobozi, Imana umuremyi( Itangiriro1:1 ;Kuva 20:2 ; Daniyeli 9:4).*Elyon*(Isumba byose) na *El Elyon*(Imana isumba byose) agaragaza ko Imana iri hejuru ya byose(Itangiriro14:18-20;Yesaya14:14).*Adonayi*(umwami) ryerekana Imana nk'umuyobozi ukomeye(Yesaya 6:1;Zaburi 35:23). Aya mazina agaragaza neza icyubahiro n'ubudahangarwa bw'Imana.

Andi mazina yo yerekana ubushake bw'Imana mu kugirana umushyikirano n'inyokomuntu.*Shadayi*(Ishobora byose) na *Elishadayi*(Imana ishobora byose), yerekana ishusho y'Imana y'ububasha butagereranwa kandi ikaba ari nayo ntangiriro y'imigisha yose no kwihanganisha (Kuva 6:3;Zaburi91:1).Izina *Yahwe* ,risobanurwa ngo Yehova cyangwa Umwami, rishaka kwerekana ubudahemuka bw'Imana mu masezerano no mu buntu bwayo (kuva15:2,3;Hoseya12:5,6).Mu gitabo cyo Kuva (3:14)Yahwe yivuga nkaho ari« Ndi uwo ndiwe »cyagwa «Nzaba uwo nzaba» aho yerekana isezerano ndakuka afitanye n'ubwoko bwe.Rimwe na rimwe kandi Imana yivuga nk'aho yo ubwayo ari«Data»(Gutegeka 32:6;Yesaya 63:16; Yeremiya 31:9;Malaki 2:10) kandi akita Isirayeli ati«Mwana wanjye kandi Mfura yanjye»(Kuva4:22;Gutegeka 32:19).

Uretse ijambo«Data»,andi mazina y'Imana yakoreshejwe mu isezerano rishya afite ubusobanuro bumwe n'ubw'amazina yagiye akoreshwa mu Isezerano rya kera.Mu Isezerano rishya,Yesu yagiye akoresha izina«Data» kugira ngo atugeze ku mushyikirano wagutse kandi wa buri muntu ku giti cye n'Imana (Matayo 6:9;Mariko 14;36;Abaroma 8:15;Abalatiya 4:6).

***Ibikorwa by'Imana**.*

Abanditsi ba Bibiliya bibanze cyane ku kuvuga ibikorwa by'Imana,aho kuyivuga uko iri.Ivugwa nk'Imana umuremyi(Itangiriro 1:1;Zaburi 24:1,2),kandi ikaba ariyo iramiza byose ijambo ry'imbaraga zayo(Abaheburayo 1:3),kandi ikaba ariyo mucunguzi n'umukiza(Gutegeka 5:6; 2 Abakorinto5:19),ikita ku kibazo cy'inyokomuntu.Niyo igena imigambi(Yesaya 46:11),ikavuga ibitarakorwa mu itangiriro ryabyo (Yesaya 46:10) kandi ntitinze isezerano ryayo(Gutegeka 15:6; 2 Petero3:9).Ibabarira ibyaha(Kuva 34:7)kandi niyo yonyine ikwiriye amashimwe yacu(Ibyahishuwe14:6,7).Kandi na none,ibyanditswe bigaragaza Imana nk'umutware «Umwami nyir'ibihe byose,udapfa,kandi utaboneka, ni yo Mana imwe yonyine»(1Timoteyo 1:17). Ibikorwa bye byerekana uburyo ariwe Mana yonyine.

**Ibihamya Imana.**

Abanditsi ba Bibiliya batanga ubundi busobanuro ku byerekeye imico y'Imana babinyujije mu buhamya bwerekeye ibiyihamya.

Ibihamya Imana ubwayo byerekana bimwe mu birango bya kamere yayo bidashobora gusobanukira ibyaremwe.Imana yibeshejeho,kuko yo ubwayo yifitemo ubugingo(Yohana 5:26). Ubushake bwayo nta we bwishingikirizaho (Abefeso 1:5), kimwe n'ubushobozi bwayo (Zaburi 115:3).Izi byose(Yobu 37:16;Zaburi 139:1-18;147:5;1Yohana 3:20), kubera ko ariwe tangiriro n'iherezo«Alufa na Omega»(Ibyahishuwe1:18) amenyera iherezo mu itangiriro(Yesaya 46:9-11)

Imana ibera hose icyarimwe (Zaburi 139:7-12; Abaheburayo 4:13),iri hejuru y'amajuru .Nyamara yita kuri buri kintu kiri mu isanzure.Ihoraho(Zaburi 90:2;Ibyahishuwe 1:8),kandi nubwo ibera hose icyarimwe,ntigengwa n'ibihe.

Imana ishobora byose.Kuba rero nta na kimwe cyayinanira,ibyo biduha icyizere cyuko ishobora gusohoza ibyo yasezeranye byose(Danyeli 4:17,25,35; Matayo 19:26; Ibyahishuwe 19:6). Ntawayihangara,ntihinduka kuko ari iyera.Yaravuze iti«kuko jyewe uwiteka ntabwo mpinduka»(Malaki 3:6;Zaburi 33:11;Yakobo 1:17).Kubera ko,mu by'ukuri ,ibi bihamya by'Imana binayisobanura ntibishobora gutangazwa.

Ibihamya Imana ishaka kandi ishobora kwigisha inyokomuntu biva mu rukundo rwayo ifitiye inyokomuntu .Byitwa urukundo(Abaroma 5:8),ubuntu (Abaroma3:24),ubunyembabazi (Zaburi 145:9),ukwihangana (2Petero3:150),ukwera (Zaburi 99:9) ubutabera(Ibyahishuwe 22:12) n'ukuri(1Yohana5:20). Izo mpano rero nta handi ziva uretse ku Mana yonyine.

**Ubutware bw'Imana.**

Ibyanditswe byigisha neza ubutware bw'Imana.«Ikora uko ishaka[...]kandi ntawe ubasha kuyikoma mu nkokora»(Daniyeli 4:35).«Kuko ari wowe waremye byose .Igituma biriho,kandi icyatumye biremwa ni uko wabishatse»(Ibyahishuwe 4:11).«Icyo Uwiteka ashaka cyose ajye agikorera mu ijuru no mu isi mu nyanja n'imuhengeri hose»(Zaburi 135:6).Ni nayo mpamvu Salomo yavuze ati«umutima w'Umwami uri mu kuboko k'Uwiteka; awuganisha aho ashatse hose nk'uyobora amazi mu migende yayo»(Imigani 21:1).Pawulo nawe amaze gusobanukirwa n'ubutware bw'Imana,yaranditse ati «nzagaruka ubutaha,Imana nibishaka»(Ibyakozwe 18:21;Abaroma 15:32).Na none Yakobo we yakomeje abizera ababwira ati «Ahubwo ibyo mwari mukwiriye kuvuga ni ibi ngo:Umwami Imana nibishaka !»(Yakobo 4:15).

**Icyo umuntu yagenewe n'Umudendezo w'Inyokomuntu.**

Bibiliya ihamya ubushobozi Imana ifite kuri iyi isi.Kuko «bamwe yabatoranyirije «gushushanywa n'ishusho y'umwana wayo»(Abaroma 8:29,30),kugira ngo bahinduke abana bayo kandi babe n'abaragwa bayo(Abefeso1:4,5,11).None se ubwo bushobozi bwaba busobanuye iki ku mudendezo w'Inyokomuntu?

Inshinga «gutoranyiriza» bivuga «gutegurira mbere y'igihe» kuri bamwe iyi mirongo yigisha ko Imana yitoranyiriza bamwe uko yishakiye kuzabona agakiza hanyuma abandi bakazarimbuka ititaye ku guhitamo kwabo .Nyamara iyo wize neza icyo iyo mirongo ivuga ,usanga Pawulo atavuga Imana nkaho irimbura uwo ishatse.

Icyo iyo mirongo ivuga kirumvikana neza.Bibiliya yerekana neza yuko Imana«Ishaka ko abantu bose bakizwa bakamenya ukuri»(1Timoteyo 2:4).Ntabwo ishaka ko «hari n'umwe warimbuka,ahubwo ishaka ko bose bakwihana»(2 Petero 3:9).Ntabwo rero ari Imana yaba yarategetse ko abantu bamwe bazarimbuka ;kuko tuvuze gutyo twaba duhakanye icyabereye i Karuvali,aho yesu yatanze ubugingo bwe ku nyokomuntu yose.«Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane byatumye itanga umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho»(Yohana 3:16).Ijambo «uwo ariwe wese»dusanga muri uyu murongo rivuga ko nta muntu n'umwe uhejwe ku gakiza.

Kwizera ko umudendezo w'umuntu ari wo ugena icyo azaba cyo bigaragara neza iyo urebye ukuntu Imana ibihe byinshi yagiye ivuga amaherezo yo kumvira no kutumvira kandi igahamagarira umunyabyaha guhitamo kumvira n'ubugingo(Gutegeka 30;19;Yosuwa 24:15;Yesaya 1:16,20;Ibyahishuwe 22:17);bityo umwizera uwo ari we wese wamaze gusobanukirwa n'ubwo buntu ashobora kwihitiramo kwigomeka no kuzarimbuka (1Abakorinto 9:27;Abagaratiya 5:4;Abaheburayo 6:4-6;10:29).

Imana ishobora kumenya mbere y'igihe icyo buri wese azahitamo ariko ntabwo ariyo igena amahitamo ya buri muntu [...]icyo Imana yateganyirije umuntu cyigishwa na Bibiliya ni uko abizera Kristo bose bazakizwa (Yohana 1:12;Abefeso1:4-10).
None se byaba bishaka kuvuga iki iyo Ibyanditswe bivuga yuko Imana yakunze Yakobo ikanga Esawu (Abaroma 9:13) kandi ikanangira umutima wa Farawo(umurongo wa 17,18,15,16;kuva 9:16;4:21)? Muri iyo mirongo Pawulo yibanze ku butumwa kurusha agakiza.Gucungurwa ni ukwa buri wese ,ariko Imana ishobora guhitamo abantu bamwe kuyikorera imirimo imwe n'imwe yihariye.Agakiza kari aka Yakobo ku buryo bungana n'ubwa Esawu,ariko Imana yatoranyije Yakobo kugira ngo ayibere igikoresho mu kugeza agakiza kubatuye isi.Imana ikoresha ubushobozi bwayo mu murimo w'ivugabutumwa.

Igihe rero Bibiliya yigisha yuko Imana yanangiye umutima wa Farawo ,biba bishatse kuvuga gusa yuko Imana yemeye ko bibaho ariko si yo yabitegetse .Ukwinangira rero kwa Farawo kwerekana uburyo Imana iha agaciro umudendezo w'umuntu.

### *Ukumenya ibizaba n'umudendezo w'umuntu.*

Abantu bamwe batekereza yuko Imana ishobora kugirana umushyikirano n'abantu itazi niba bazabyemera; ko kandi izi bimwe mu bizaba mu bihe bizaza,nko kugaruka kwa Yesu ,igihe cy'imyaka igihumbi no kubaho ku isi nshya,ariko ko itazi abashobora kuzakizwa .Bagatekereza yuko umubano uri hagati y'Imana n'umuntu wakwangirika Imana iramutse izi ibintu byose bizaba iteka ryose .Na none abenshi bagatekereza yuko bitanayibera byiza iramutse izi iherezo ry'ikintu mu ntangiriro zacyo.

Ariko rero icyo Imana izi ku bikorwa by'abantu ntacyo cyahungabanyaho ku mudendezo w'abantu wo guhitamo ibyo bakora ,nkuko ubumenyi bw'umunyamateka budashobora na mba guhindura ibyabayeho.Na none ni nkuko icyuma gifata amashusho y'ibintu ariko ntikigire icyo kiyahinduraho na gato; ni nako rero kumenya ahazaza bishoboka kandi bitagize icyo bihindura ku bizaba mu bihe bizaza.Kumenya iby'ahazaza kw'Imana ntibishobora kubangamira na gato umudendezo w'umuntu.

**Ubufatanye mu bumana**

Ese hariho Imana Imwe? None se Yesu n'Umwuka Wera bo ni bande?

***Imana imwe.***Mu buryo butandukanye n'ubw'abanyamahanga b'abapagani bari babakikije,abisirayeli bizeraga ko hariho Imana imwe (Gutegeka 4:35;6:4;Yesaya45:5;Zekariya14:9).Isezerano rishya naryo ryibanda ku kuvug yuko hariho Imana imwe rukumbi(Mariko12:29-32;Yohana17:3;1Abakorinto8:4-6;1Timoteyo2:5).Gutsindagirwa kw'inyigisho ivuga ko hariho Imana imwe rukumbi, ntabwo binyuranya na gato n'inyigisho ya gikirisito y'ubutatu bwera: Imana Data ,Umwana ,Umwuka Wera, ahubwo ibiri amambu ihakana kubaho kw'Imana nyinshi zitandukanye.

***Ubwinshi mu bumana***
Nubwo Isezerano rya kera ritigisha ku buryo inyigisho y'ubutatu bwera mu buryo bugaragara ,rivuga ku bwinshi hagati mu bumana.Rimwe na rimwe usanga hari aho Imana yivuga mu bwinshi«Tureme umuntu mu ishusho yacu»(Itangiriro 1:26).«Dore umuntu abaye nk'imwe muri twe»(Itangiriro3:22).«Tumanuke»(Itangiriro11:7).Ubundi ugasanga hari aho marayika w'Imana yivuga nkaho ari Imana .Igihe yabonekeraga Mose ,Marayika w'Imana Gaburiyeli yaravuze ati«Ndi Imana ya so Aburahamu,Imana ya Isaka,Imana ya Yakobo»(Kuva3:6)
Imirongo myinshi usanga ishyira itandukaniro hagati y'Umwuka w'Imana n'Imana ubwayo.Mu mirongo ivuga iby'irema haravuga hati«Umwuka w'Imana yagendagendaga hejuru y'amazi»(Itangiriro 1:2).Iyindi mirongo ntishyira ahagaragara itandukaniro hagati y'Umwuka wera n'Imana gusa, ahubwo ivuga n'indi kamere ya gatatu mu bumana mu murimo wo gucungura«Kandi Uwiteka Uhoraho[Data]yarantumye[Umwana w'Imana]hamwe n'Umwuka we[Umwuka wera]»(Yesaya 48:16) .«Njyewe [Data] namushyizeho [Mesiya] umwuka wanjye,azacira imanza isi yose»(Yesaya 42:1)

***Umushyikirano mu bumana***
Kuza kwa mbere kwa kristo kuduha ishusho igaragara ku butatu bwera.Ubutumwa bwiza bwa Yohana buvuga neza yuko ubumana bugizwe n'Imana Data(reba igice cya 3 cy'iki gitabo),Imana Umwana(reba igice cya 4 cy'iki gitabo) n'Imana Umwuka Wera(reba igice cya gatanu),ni ukuvuga ubumwe bwa batatu bakorera hamwe bafitanye umushyikirano wihariye kandi udashobora gusobanukirwa na buri umwe wese .
***1.Umushyikirano w'urukundo***

Igihe Yesu yatakaga cyane ati«Data,Data ni iki kikundekesheje?»(Mariko 15:34) yari ahangayikishijwe no kumva yagiye kure ya se kubera icyaha cy'iyi si.Icyaha rero cyangije isano nyayo yari hagati y'Inyokomuntu n'Imana (Itangiriro3:6-10;Yesaya59:2).Igihe yihinduraga umuntu,Yesu wenyine ni we muntu utarigeze akora icyaha, ahubwo yahindutse icyaha ku bwacu.Igihe yishyiragaho icyaha cyacu,akaba icyo twari cyo,yagezweho n'icyagombaga kutugeraho nuko arapfa.

Nta munyabyaha n'umwe ubasha kumva icyo urupfu rwa Yesu ruvuze ku bumana.Kuva kera yari kumwe n'Imana Data hamwe na mwuka wera .Kuko bahorana iteka, kandi bakaba ari ab'iteka ryose,babanaga mu bufatanye no mu rukundo.Kubana igihe kirekire byerekana urukundo nyakuri mu bumana «Imana ni urukundo»(1Yohana 4:8); ibyo bisobanura ko banezeranwaga kandi bagakorera hamwe.

Urukundo rusobanurwa mu gice cya 13 cy'urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto.Bamwe bashobora kwibaza niba kwihangana ari kimwe mu mico ishobora no kuba ku Mana mu gihe ari ko gukomeza umushyikirano wuzuye w'urukundo ku batinya kuwutakaza.Kwihangana kwabaye ngombwa igihe abamarayika bacumuraga n'igihe inyokomuntu yigomekaga.

Nta rusika na rumwe ruri mu butatu bwera.Uko ari batatu ni Imana.Nyamara basangiye imico n'ubushobozi.Mu buyobozi busanzwe bw'abantu ,ubushobozi bukuru buba buri mu maboko y'umuntu umwe: ashobora kuba Perezida, Umwami cyangwa se Minisitiri w'intebe.Ariko mu bumana,ubushobozi bukuru buba hagati yabo uko ari batatu.

Nubwo ubumana butagizwe n'umwe, Imana ni imwe mu migambi yayo, mu mwuka wayo no mu mico yayo. Ubwo bumwe ntibukuraho kuba hari ho ibyihariye biranga Imana Data, Umwana n'Umwuka wera.Byongeye kandi, ugutandukanya abagize Ubumana ntibitsembaho inyigisho y'Ibyanditswe byera ihamya ko hariho Imana imwe, kandi ko Imana Data,Umwana,Umwuka wera ari bamwe.

-

***2.Isano ishingiye ku murimo.***

Mu bumana hari isano ishingiye ku murimo. Imana ntisubiramo igikorwa bitari ngombwa. Gahunda ni ryo tegeko ry'ibanze mu ijuru, kandi Imana ikorera muri iyo gahunda. Iyo gahunda ikomoka ku bumwe buri mu bumana kandi ikabubumbatira.Data niwe soko, Umwana akaba umuhuza, n'Umwuka agashyira mu bikorwa.

-

Kwigira umuntu kwerekanye by'agatangaza ubufatanye buhuza batatu bagize ubumana. Data yatanze umwana we, Kristo aritanga ubwe , maze Yesu avuka kubw'Umwuka wera (yohana 3 :16 ; Matayo 1 :18,20).

Itangazo rya Malayika kuri Mariya, rivuga imikorere y'ubutatu muri ubwo bwiru bwo guhinduka umuntu kw'Imana."Umwuka wera azakuzaho n'imbaraga z'isumba byose zizagukingiriza : nicyo gituma Uwera uzavuka azitwa umwana w'Imana."(Luka 1 :35).

-

Buri umwe mu bagize ubumana yari ahari igihe Yesu yabatizwaga: Imana Data iramukomeza (Matayo 3 :17), Kristo arabatizwa ngo atubere urugero (Matayo 3 :13-15), n'Umwuka wera aza kuri Yesu kugira ngo amwongere imbaraga(luka 3 :21,22).

-
Ku iherezo ry'urugendo rwe ku isi, Yesu yasezeranye kohereza Umwuka wera nk'umujyanama n'umufasha(yohana 14 :16). Hanyuma ari ku musaraba, Yesu atakira se ati "Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje ?"(Matayo 27 :46). Muri uwo mwanya w'ibyemezo by'amateka y'agakiza,Data,Umwana n'Umwuka wera byarabarebaga bose uko ari batatu kandi bafatanyije.

-
Muri iki gihe,Data wa twese n'Umwana batuvugisha binyuze mu Mwuka wera. Yesu aravuga ati "Umufasha naza, uwo nzabohereza, ava kuri Data, niwe Mwuka w'ukuri ukomoka kuri Data, azampamya."(yohana15:26).
Data n'Umwana bohereza Umwuka kugira ngo ahishurire umuntu wese Kristo. Umugambi ukomeye w'ubutatu ni ukurehereza buri wese ku kumenya Imana na Kristo (Yohana 17:3), no kugira ngo Kristo abane natwe ibihe byose(Matayo28:20; Abaheburayo 13:5).

Abizera bahawe agakiza nkuko Petero abivuga ati "Nkuko Imana Data wa twese yabamemye kera,mubiheshejwe no kwezwa n'Umwuka, kugira ngo mwumvire Imana, muminjagiwe amaraso ya Yesu Kristo."(1Petero 1:2)

Mu guhesha umugisha intumwa hagaragara batatu bagize ubumana "Ubuntu bw'umwami wacu Yesu Kristo, n'urukundo rw'Imana, no kubana n'Umwuka wera, bibane namwe mwese."(2Abakorinto 13:13).Kristo aza imbere muri urwo rutonde. Umuhuza w'Imana n'abantu ni Yesu Kristo, Imana yigize umuntu.

Nubwo abagize ubumana bafataniriza hamwe mu by'agakiza k'umuntu,Yesu wenyine niwe wabayeho nk'umuntu, apfa nk'umuntu, nuko aba umukiza wacu (yohana 6:47; Matayo 1:26; Ibyakozwe 4:12).Ariko kuko "muri Kristo ari mo Imana yiyungiye n'abari mu isi"(2Abakorinto 5:19), Imana nayo igomba kwakirwa nk'Umukiza wacu(Tito 3:4), kuko yaducunguye binyuze muri Kristo umukiza (Abefeso 5:23; Abafilipi 3:20; Tito 3:6).

Muri iyo sano ishingiye ku murimo, abagize Ubumana mu buryo bunyuranye basohoza inshingano zinyuranye kubw'agakiza k'umuntu. Umurimo w'Umwuka wera ntacyo wongera ku gaciro k'igitambo cyatanzwe na Yesu Kristo ku musaraba.Kubw'umwuka wera, ubwiyunge bwasohorejwe ku musaraba busobanuka muri twe. Kubwe na none,Kristo umuhuza yinjizwa mu mitima yacu. Nkuko Pawulo abivuga ati"Kristo uri muri mwe, ni byo byiringiro by'ubwiza"(Abakorosayi 1:27).

**Ingingo shingiro, agakiza**

Itorero rya mbere ryabatizaga abizera mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka wera(Matayo 28:19). Ariko kuva igihe urukundo n'imigambi y'Imana byahishurwaga na Yesu, Bibiliya iturarikira ku kwita ku wo ari we. Niwe mizero, ibitambo n'iminsi mikuru byo mu isezerano rya kera byasuraga. Niwe shingiro ry'ubutumwa bwiza. Niwe nkuru nziza yamamajwe mu bibwirizwa by'abigishwa no mu nyadiko zabo: ibyiringiro by'umugisha.
Isezerano rya kera rihanura kuza kwe, isezerano rishya rivuga ibyo kuza kwe kwa mbere kandi rigateguza kugaruka kwe.

Kristo, umuhuza w'Imana n'abantu, atwunga n'ubumana. Yesu ni " inzira, ukuri n'ubugingo" (Yohana14 :6) . Ubutumwa bwiza bushingiye ku muntu (kristo)ntabwo ari ku mihango. Ni ikibazo cy'isano aho kuba icy'amabwiriza: kuko ubukristo, ni Kristo. Dusanga muri we izingiro,ubutumwa n'ubusobanuro nyabwo bw'ukuri kose n'ubugingo bwose.

Iyo turebye ku musaraba dusobanukirwa n'imico y'Imana. Kuri icyo gikoresho cy'iyicarubozo, yagaragaje urukundo rwe. Binyuze muri Kristo urukundo rw'Ubumana rwuzura imitima yacu irimo ubusa kandi yuzuye intimba. Yesu rero yaje nk'impano y'Imana kandi nk'uduhagarariye. I kaluvari Imana yaramanutse igera hasi cyane ku butaka kugira ngo idusanganire; nyamara kandi aho niho hantu harehare cyane twashoboraga kugera. Iyo twegereye i Karuvali, turatumbagira tukagera hejuru ku Mana.

Ku musaraba Ubutatu bwerekanye kwiyunga gukomeye. Aho haboneka ihishurwa ryuzuye ry' Imana. Kristo yahindutse umuntu kugira ngo atange ubugingo bwe kubw'inyokomuntu. Ariyibagirwa kubw'agaciro yahaye urukundo adukunda. Aho, Kristo yatubereye "gukiranuka, kwezwa no gucungurwa"(1Abakorinto 1:30). Agaciro kacu kose ka none cyangwa ahazaza tugakesha igitambo cye cyo ku musaraba.

Imana imwe y'ukuri niyo Mana nyamana yo ku musaraba. Kristo yahishuye imbere y'ibyaremwe byose, urukundo rw'ikirenga n'imbaraga ikiza y'ijuru.Yagaragaje ko Imana yifuzaga gutsembaho ububabare bwatewe no gutandukana kubw'urukundo rutagira ikigombero ikunda isi yigometse. Kuva igihe cy'umusaraba, Imana iduhamagaza ijwi ry'urukundo: muze twiyunge "Nuko amahoro y'Imana ahebuje rwose ayo umuntu atamenya, azarindira imitima n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu" (Abafilipi 4:7).

**IGICE CYA GATATU**

**IMANA DATA**

***Imana Data wa twese uhoraho niwe muremyi,inkomoko, ubeshaho, kandi uruta ibiremwa byose. Irakiranuka kandi irera, igira ubuntu n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi. Imico n'ubushobozi byavuzwe byose ku Mana umwana no Ku Mwuka wera, nabyo ni uguhishurwa kwa Data wa twese .( Itangiriro 1:1;Ibyahishuwe 4:11;1Abakorinto 15:28;Yohana 3:16;1Yohana 4:8;Timoteyo 1:17;Kuva 34:6,7;Yohana 14:9).***

UMUNSI UKOMEYE W'URUBANZA URASOHORA.Intebe z'ubwami zizingishijwe inziga z'umuriro zirashingwa. Umukuru nyiribihe byose aricara.Mu cyubahiro cyinshi,aba umucamanza mu kuru.Icyubahiro cye cyuzuye icyumba cy'urubanza. Abahamya benshi bari bamuhagaze imbere. Urubanza rurashingwa,ibitabo birabumburwa, maze ibya buri muntu wese uri ku isi birasuzumwa (Danieli 7:9,10).

Isi yose uko yakabaye itegereje icyo gihe.Imana Data, mu butabera bwayo,izakuraho ikibi. Urubanza ruracibwa. "Igihe kirasohora abera bahabwa ubwami" (Danieli 7:22). Amajwi meza n'ubuhamya bwo gushima byumvikana mu ijuru. Imico y'Imana igaragara uko iri mu cyubahiro cyayo, kandi izina rye rihabwa ikuzo mu isi yose.

**Uko abantu babona Imana Data.**

Ibihe byinshi Imana yumvwa nabi. Benshi mu Bantu basobanukiwe n'agaciro k'umurimo wa Kristo hano ku isi kubw'inyokomuntu, n'umurimo umwuka wera akorera mu buzima bw'umuntu bwa buri munsi, ariko se mu kuri ni uwuhe mushyikirano Data wa twese agirana natwe? Mbese yaba itandukanye n'umwana wayo n'umwuka wera b'abanyabuntu,ikaba ari Imana idafite aho ihuriye n'ibyo mu isi yacu nk'umutware utita ku byo ayobora wiyicarira nk'indorerezi gusa?

Cyangwa nk'uko bamwe babitekereza ni « Imana yo mu Isezerano rya Kera »,ivugwa ko ari Imana ihora, itwaza igitugu, « Ijisho rihorerwe irindi, iryinyo rihorerwe irindi » (Matayo 5 :38, Kuva 21 :24) ; Imana igira umwaga, itegeka abantu kugira ibikorwa byiza; cyangwa iteye ukundi ikaba itandukanye n'uko Isezerano rishya riyivuga, nk'Imana ikunda, idusaba gutanga undi musaya no gutanga umwitero (Matayo 5 :39-41).

**Imana data mu Isezerano rya kera**

Ubumwe bw'Isezerano rya kera n'irishya mu mugambi wo gucungura,bugaragarira mu kuba Imana imwe ari yo ivuga kandi igakorera muri ayo masezerano yombi kubw'agakiza k'ubwoko bwayo.

« Kera Imana yavuganiye na ba sogokuruza mu kanwa k'abahanuzi mu bihe byinshi no mu buryo bwinshi, naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye natwe mu kanwa k'Umwana wayo, uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wa byose ari we yaremesheje isi. » (Abaheburayo 1:1-2)

Nubwo Isezerano rya Kera rivuga ubutatu, ntabwo ributandukanya. Ariko Isezerano rishya ryo rigaragaza neza ko Kristo Imana mwana, yagize uruhare rukomeye mu irema (Yohana 1 :1-3, Abakolosayi 1 :16), kandi ko ari we Mana yayoboye Abisirayeli ibavana muri Egiputa (1 Abakorinto 1 :1-4 ; Kuva 3 :14, Yohana 8 :58). Icyo isezerano rishya rivuga ku murimo wa Kristo mu irema no mu kuva mu Egiputa, bitwereka ko Isezerano rya Kera na ryo rigaragaza Imana ikora ibinyujije mu Mwana wayo « Imana yari muri Kristo, yiyunga n'ab'isi » (2 Abakorinto 5 :19) Isezerano rya Kera rivuga Imana Data mu magambo akurikira :

**Imana y'imbabazi.**

Nta muntu w'umunyabyaha wigeze abona Imana (Kuva 33:20). Nta na hamwe dufite ifoto y'imiterere yayo. Imana yagaragaje imico yayo y'imbabazi, ibinyujije mu bikorwa byayo by'ubuntu no mu ishusho yatanze ubwayo ubwo yavuganaga na Mose « Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi, igumanira abantu imbabazi ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi, ikababarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha.Ntitsindishiriza na hato abo gutsindwa, ihora abana gukiranirwa kwa ba se ikageza ku buzukuruza n'ubuvivi. » (Kuva 34:6-7, Abaheburayo 10 :26-27).

Nyamara ubuntu ntibubabarira buhumyi,ahubwo bugengwa n'ihame ry'ubutabera.Abanga ubuntu bwayo, basarura igihano cyagenewe gukiranirwa.Ku musozi wa Sinayi, Imana yerekanye ubushake bwayo bwo kuba inshuti y'Abisilayeri no kubana na bo.Yabwiye Mose iti « Kandi bandemere ubuturo bwera,nture hagati muri bo »(Kuva 25:8).Kubera ko bwari ubuturo bw'Imana ku isi,bwagombaga kuba izingiro ry'imibereho y'iby'idini ya Isirayeli.

**Imana itanga isezerano.**

Mu gushaka kugira umushyikirano uhoraho, Imana yagiranye amasezerano akomeye n'abantu nka Nowa (Itangoriro 9:11-17) n'Aburahamu (Itangiro 12:1-3,7; 13:14-17; 15:1,5-6;17:1-8;22:15-18 reba n'igice cya 7 cy'iki gitabo). Ayo masezerano ahishura Imana ubwayo, ikunda kandi yita ku bantu bayo.Yahaye Nowa isezerano ry'uko ibihe bizajya

bisimburana (Itangiriro 8:22), kandi ko itazongera kurimbuza isi umwuzure (Itangiriro 9:11).Aburahamu we yamusezeraniye urubyaro rwinshi (Itangiriro15:5-7). Ibasezeranira we n'urubyaro rwe igihugu bagombaga guturamo (Itangiriro 15:18; 17:8).

**Imana icungura.**

Nk'Imana yo mu kuva,yavanye ubwoko bwayo mu buretwa ibugeza mu mudendezo. Uwo murimo ukomeye wo gucungura ni wo Isezerano rya kera ryose rishingiyeho ukaba n'urugero rw'icyifuzo gikomeye Imana ifite cyo kutubera umucunguzi.

Imana yacu si Imana iri kure yacu, itandukanye natwe kandi itatwumva. Ahubwo ni Imana yita ku mibereho yacu yose.Zaburi ivuga mu buryo bwimbitse uburyo Imana ari inyarukundo. "Iyo nitegereje ijuru wiremeye, nkitegereza ukwezi n'inyenyeri warishyizeho ndibaza nti: umuntu ni iki byatuma umuzirikana, ikiremwa muntu niki byatuma ucyitaho?" (Zaburi 8:3,4). "Uwiteka ni igitare cyanjye ni igihome cyanjye kinkingira n'umukiza wanjye, ni Imana yanjye n'urutare rwanjye rukomeye, niwe nzahungiraho, niwe ngabo inkingira ihembe ry'agakiza kanjye, ni igihome cyanjye kirekire" (Zaburi 18:1,2). "Kuko atasuzuguye umubabaro w'ubabazwa, habe no kuwuzinukwa kandi ntamuhishe mu maso he, ahubwo yaramutakiye aramwumvira." (Zaburi22:24).

**Imana y'ubuhungiro.**

Dawidi yabonye Imana nk'Imana yabonamo ubuhungiro, nk'umwe mu midugudu itandatu y'ubuhungiro yo muri Isirayeli yakizaga inzirakarengane zabaga zayihungiyemo. Ingingo ivuga iby'ubuhungiro igenda igaruka muri Zaburi,yerekana imico y'Imana Data n'Imana Mwana. Imana ni ubuhungiro. "kuko ku munsi w'amakuba azandindisha kumpisha mu ihema rye, mu bwihisho bwo mu ihema rye niho azampisha, azanshyira hejuru ampagarike ku gitare.(Zaburi 27:5). Imana niyo buhungiro bwacu ni imbaraga zacu, ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba. (Zaburi 46:2). "Nk'uko imisozi igose i Yerusalemu ni ko Uwiteka agota abantu be, uhereye none ukageza iteka ryose." (Zaburi 125:2).

Umunyezaburi avuga inyota afitiye Imana ati "Nkuko imparakazi yahagizwa no kwifuza amazi, niko umutima wanjye wahagizwa no kwifuza Imana." (Zaburi 42:2, 3). Kubwo kumenyerana n'Imana kwe , Dawidi yarahamije ati "ikoreze Uwiteka umutwaro wawe nawe azakuramira, ntabwo azakundira umukiranutsi kunyeganyezwa."(Zaburi 55:22). " Mwe bantu mujye muyiringira, ibyo mu mitima yanyu mubisuke imbere yayo, Imana niyo buhungiro bwacu." (Zaburi 62:9). "Ariko wowe mwami uri Imana y'ibambe n'imbabazi itinda kurakara ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi." (Zaburi 86:15).

**Imana y'imbabazi.**

Dawidi amaze gushayisha mu busambanyi no mu bwicanyi,yasenganye agahinda ati " Mana umbabarire kubw'imbabazi zawe, kubw'imbabazi zawe nyinshi usibanganye ibicumuro byanjye", "ntunte kure y'amaso yawe, ntunkureho umwuka wawe wera" (Zaburi 51:1,11).

Yahumurijwe n'ubwishingizi bw'agahebuzo bw'uko Imana ari inyembabazi. "Nkuko Ijuru ryitaruye isi ni ko imbabazi agirira abamwubaha zingana. Nk'uko aho izuba rirasira hitaruye aho rirengera, uko niko yajyanye kure yacu ibicumuro byacu. Nkuko se w'abana abagirira ibambe ni ko Uwiteka agirira abamwubaha. Kuko azi imimererwe yacu yibuka ko turi umukungugu. (Zaburi 103:11-14).

**Imana igira neza.**

«Uwiteka aca imanza zitabera zirenganura abarengana,agaburira abashonje ibyo kurya,Uwiteka ni we ubohora imbohe.Uwiteka ni we uhumura impumyi,Uwiteka ni we wemesha abahetamye,Uwiteka ni we ukunda abakiranutsi.Ni we urinda abasuhuke, aramira imfubyi n'abapfakazi» (Zaburi 146:7-9).Mbega ishusho itangaje y'Imana muri izi Zaburi!

**Imana yo kwizerwa.**

Nubwo Imana ikomeye, igihe cyinshi Isirayeli yagiye ijya kure yayo. (Abalewi 26, Gutegeka 28). Imana igaragazwa nk'ikunda Isirayeli nk'uko umugabo akunda umugore we. Igitabo cya Hoseya kigaragaza mu buryo bweruye, uburyo Imana ikomeza kuba iyo kwizerwa imbere y'abayitaye na ba bihemu. Imbabazi zihoraho z'Imana zerekana urukundo rutagira ikigombero.

N'ubwo Imana yemeye ko Abisirayeli bahura n'ibibazo bikomotse ku kuriganya kwabo, kugira ngo ikosore imyifatire yabo, yakomeje kubahundagazaho ubuntu bwayo. Ibaha ibyiringiro, « niwowe, nahamagaye nkagukura ku mpera z'isi no mu mfuruka zayo nkakubwira nti « uri umugaragu wanjye, naragutoranije, sinaguciye.Ntutinye kuko ndi kumwe nawe, ntukihebe kuko ndi Imana yawe. Nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara kandi nzajya nkuramiza ukuboko kwanjye kw'iburyo, ari ko gukiranuka kwanjye» (Yesaya 41:10-11).Bona n'ubwo bayihemukiye,Imana yarabasezeraniye iti « Bazavuga gukiranirwa kwabo n'ukwa ba sekuruza babo, ni ko bicumuro bancumuyeho, bemere yuko kunyuranya nanjye […] Icyo gihe imitima yabo yanduye nk'imibiri itakebwe niyicisha bugufi bakemeresh'imitima ikunze ibihano byazanywe no gukiranirwa kwabo, nibwo nanjye nzibuka isezerano nasezeranye na Yakobo na Isaka n'iryo nasezeranye n'Aburahamu » (Abalewi 26 :40-42; Yeremiya 3:12).

Imana yibutsa ubwoko bwayo uburyo yabacunguye «NukoYakobo we, Isirayeli we, sinzakwibagirwa, neyuye ibicumuro byawe, nk'igicu cya rukokoma, ibyaha byawe mbikuyeho nk'igicu, ngarukira kuko nagucunguye » (Yesaya 44 :21-22). Ntabwo rero bitangaje kumva avuga ati « Nimungarukire mukizwe mwa bari ku mpera z'isi mwe, kuko ari njye Mana nta yindi ibaho » (Yesaya 45 : 22)

**Imana y'agakiza kandi ihora.**

Uburyo Isezerano rya Kera rivugamo Imana nk'Imana ihora, bugomba kumvikana mu rwego rwo kurimburwa k'ubwoko bwayo burimbuwe n'abagome. Binyuze mu ijambo

« Umunsi w'Umwami » Umuhanuzi yerekana ibikorwa Imana ikorera ubwoko bwayo ku iherezo ry'ibihe. Ni umunsi w'agakiza ku bwoko bwayo, ariko ni umunsi wo guhora ku banzi babo ubwo bazarimburwa.Mubwire abafite imitima itinya muti « mukomere ntimutinye, dore Imana yanyu izazana guhora, ariko kwitura kw'Imana izaza ibakize. » (Yesaya 35 :4)

**Imana Data.**

Ubwo Mose yavuganaga n'ab'Isirayeli, yababwiraga Imana nk'Imana Data yabacunguye « Si we so wagucunguye ? » (Gutegeka 32: 6). Binyuze mu gucungurwa, Imana yafashe Isirayeli nk'umwana wayo. Yesaya yaranditse ati « Ariko noneho Uwiteka uri Data wa twese (Yesaya 64 : 8; 63:16). Imana ibinyujije mu muhanuzi Malaki yarahamije iti "ndi so" (Malaki 1:6). Ahandi Malaki ahuza kuba Imana ari umubyeyi n'umurimo wayo wo kurema ati "Mbese twese ntidusangiye Data Imana yaturemye si imwe?" (Malaki 2:10). Imana ni Data byaba binyuze mu kuba yaraturemye cyangwa yaraducunguye. Mbega ukuri gutangaje!!

**IMANA DATA MU ISEZERANO RISHYA.**

Imana yo mu isezerano rya kera ntabwo itandukanye n'iyo Isezerano rishya ritubwira. Imana Data ihishurwa nk'ikokomokwaho n'ibintu byose, Imana data y'abizera nyakuri bose, kandi mu buryo bumwe rukumbi Imana ikaba se wa Yesu Kristo.

**Imana Data w'ibyaremwe byose.**

Pawulo avuga Imana Data wa twese ayitandukanya na Yesu Kristo "Hariho Imana imwe, ariyo Data wa twese, ikomokwaho na byose, ariyo natwe dukeshya byose, kandi hariho umwami umwe ariwe Yesu Kristo ubeshaho byose natwe akatubeshaho."(1Abakorinto 8:6; Abaheburayo12:9; 1Yohana1;17). Pawulo arahamya ati "Nicyo gituma mfukamira Data wa twese, uwo imiryango yose yo mu ijuru n'iyo mu isi yitirirwa" (Abefeso3:14-15).

**Imana Data se w'abizera bose.**

Mu gihe cy'isezerano rishya, iyi isano iba hagati y'umubyeyi n'umwana ntiyari ikiri hagati y'ishyanga ry'abisirayeli n'Imana, ahubwo yasigaye hagati y'uwizera ku giti cye n'Imana. Yesu Kristo aduha imirongo ngenderwaho ku birebana n'uwo mushyikirano(Matayo 5:45;6: 6-15). Uwo mushyikirano ukaba ushingiye gusa ku kwemera Yesu Kristo k'umwizera (Yohana 1:12,13).

Binyuze mu gikorwa cyo gucungura Yesu Kristo yadukoreye, abizera bose bahinduka abana b'Imana.Umwuka wera atuma uwo mushyikirano ushoboka.Kristo yaje "ngo acungure abatwarwa n'amategeko, kugira ngo biduheshe guhinduka abana b'Imana. Kandi kuko muri abana bayo nicyo cyatumye Imana yohereza umwuka w'umwana wayo mu mitima yacu avuga ati "Aba Data" (Abagaratiya 4:5-6 ; Abaroma 8:15,16).

**Yesu Kristo ahishura Data wa twese.**

Yesu ari we Mana mwana yagaragaje Imana Data mu buryo bwimbitse, igihe yazaga yambaye umubiri wa kimuntu ngo atumenyeshe Imana (Yohana1:1,14). Yohana aravuga ati "uhereye kera kose nta muntu wigeze kubona Imana, ahubwo umwana w'ikinege uri mu gituza cya se, niwe wayimenyekanishije. (Yohana 1:18). Yesu aravuga ati "navuye mu ijuru" (Yohana 6:38); "umbonye aba abonye Data" (Yohana14:9). Kumenya Yesu Kristo ni ukumenya Data wa twese.

Urwandiko rw'Abaheburayo rwibanda cyane kuri uko guhishurwa. "Kera Imana yavuganiye na ba sogokuruza mu kanwa k'abahanuzi mu bihe byinshi no buryo bwinshi, naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye, natwe mu kanwa k'umwana wayo, uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wa byose ariwe yaremesheje isi. Uwo kuko ari ukurabagirana k'ubwiza bwayo n'ishusho ya kamere yayo kandi akaba ariwe uramiza byose ijambo ry'imbaraga ze, amaze kweza no gukuraho ibyaha byacu yicara iburyo bw'ikomeye cyane yo mu ijuru" (Abaheburayo 1:1-3).

**1.Imana itanga.** Yesu yahishuye se nk'Imana itanga .Tuyibona itanga mu gihe cy'irema, i Beterehemu n'I Karuvali.

Mu kurema, Imana Data n'Imana mwana barafatanyije. Imana yaduhaye ubugingo, nubwo yari izi ko ibyo bizatuma umwana wayo apfa.

I Beterehemu yitanze ubwayo igihe yatangaga umwana wayo. Mbega umubabaro Data yagize ubwo umwana wayo yavukiraga kuri iyi si yandujwe n'icyaha! Ibaze nawe uko Imana Data yari imeze ubwo yabonaga umwana wayo ahara urukundo yakundwaga na se no kuramywa n'abamarayika agahitamo kwitangira abanyabyaha;akareka ikuzo no gushimwa n'ijuru akabisimbuza inzira y'urupfu.

Ariko Karuvali ituma tubona neza Data wa twese nk'Imana.Imana,mu bumana bwayo, yababajwe no gutandukanwa n'umwana wayo,mu buzima no mu rupfu rwe hano ku isi. Uwo wabaye umubabaro ukomeye cyane urenze uwo umuntu uwo ariwe wese yakwihanganira. Imana yababaranye n'umwana wayo. Ni ikihe gihamya kirenze icyo cyatangwa kuri Data wa twese? Umusaraba ni wo wonyine ushobora guhishura mu buryo bwuzuye ukuri kuri Data.

**2.Imana y'urukundo.**Ingingo rusange Yesu yakundaga yari ubugwaneza n'urukundo rutagira umupaka by'Imana. « Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya, mugirire neza ababanga, nibwo muzaba abana ba so wo mu ijuru, kuko ategeka izuba kurasira ababi n'abeza, kandi abakiranirwa n'abakiranuka abavubira imvura » (Matayo 5 : 44-45).
« Nibwo ingororano zanyu zizaba nyinshi, namwe muzaba abana b'Isumba byose kuko igirira neza ababi n'indashima. Mugirirane imbabazi, nk'uko so wo mu ijuru nawe azibagirira » (Luka 6 : 35,36)

Ubwo yacaga bugufi akoza ibirenge by'uwarugiye kumugambanira, (Yohana 13:5, 10-14), Yesu yerekanye kamere yuje urukundo ya Data wa twese. Iyo tubona Kristo agaburira abashonji (Mariko 6 :39-44), akiza ibipfamatwi (Mariko 9 :17-29), aha ibiragi kuvuga (Mariko 7 :32-27), ahumura impumyi (Mariko 8 :22-26), akiza ikirema (Luka 5 :18-26), ahumanura ababembe (Luka 5 :12,13), azura abapfuye (Mariko 5 :35-43 ; Yohana 11 :1-45), ababarira abanyabyaha (Yohana 8 :3-11), kandi yirukana abadayimoni (Matayo 15 :22-28 ; 17 :14-21), tubona Data wa twese yiyunga n'abantu, abazanira ubugingo, umudendezo, ibyiringiro, kandi yerekeza intekerezo zabo ku isi y'ahazaza izaba yahinduwe nshya. Kristo yari azi ko guhishurwa k'urukundo rw'igiciro rwa se byari urufunguzo rufasha abantu mu kwihana (Abaroma 2 :4).

Imigani itatu Kristo yavuze itanga ishusho y'urukundo Imana igirira inyokomuntu yazimiye (Luka 15). Umugani w'intama yazimiye wigisha ko agakiza ari igikorwa cy'Imana, bidakomoka mu gushakashaka Imana kwacu.Nk'uko umwungeri akunda intama ze, akajya gutanga ubugingo bwe kubw'imwe muri zo yazimiye, ni nako Imana igaragaza urukundo rwayo kuri buri muntu wazimiye.

Uyu mugani ufite na none ubundi busobauro bwaguye.Intama yazimiye ishushanya iyi si yacu yigometse, imeze nk'akantu gato ugereranyije n'uko isanzure ringana.
Kuba Imana yaratanze impano y'igiciro igihe yatangaga Umwana wayo kugira ngo agarure mu bushyo abaturage b'isi, bigaragaza uburyo iyi si yacu ifite agaciro mu maso y'Imana nk'ibindi biremwa bisigaye.

Umugani w'igiceri cyazimiye werekana agaciro Imana iha twe abanyabyaha.Umugani w'umwana w'ikirara wo werekana urukundo rutagira umupaka rw'umubyeyi wakira iwe mu rugo abana bihannye.Ibaze nawe niba mu ijuru haba ibyishimo iyo umunyabyaha umwe yihannye (luka 15:7),bizamera bite igihe umukiza wacu azaba agarutse!!
Isezerano rishya ryerekana uruhare Imana Data wa twese izagira mu kugaruka k'Umwana wayo. Muri icyo gihe, abagome bazatakira ibitare n'imisozi bati « Nimutugwire, muduhishe amaso y'Iyicaye kuri ya ntebe, n'umujinya w'Umwana w'intama » (Ibyahishuwe 6 :16). Yesu yaravuze ati « Kuko umwana w'umuntu azaza mu cyubahiro cya se hamwe n'abamalayika be » (Matayo 16 :27), kandi muzabona Umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'Imana Data aje mu bicu byo mu ijuru. » (Matayo 26 :64).

Kubwo kwifuza icyo gihe cyane, Imana inejejwe no kutumenyesha iby'icyo gihe, ubwo abera bazataha iwabo aho bazaba ubuziraherezo.Nuko rero kuba « yarohereje umwana wayo w'ikinege mu isi kugira ngo tubeshweho na we» (1 Yohana 4:9) ntibizaba bibaye imfabusa.Urukundo rutagereranywa ni rwo rwabasha gusobanura ibyo, kuko tukiri abanzi,« twunzwe n'Imana kubw'urupfu rw'umwana wayo» (Abaroma 5:10).None se ni gute twe twakanga urwo rukundo tukirengagiza Imana nk'umubyeyi wacu?

## ICYIGISHO CYA KANE

## IMANA UMWANA

***Imana, Umwana w'Imana uhoraho, yahindutse Yesu Kristo. Byose byaremwe na we.Binyuze muri we, imico y'Imana yaragaragajwe,agakiza k'inyokomuntu karabonetse kandi urubanza rw'isi ruracibwa.Mu buryo buhoraho kandi bwuzuye Imana yahindutse umuntu,Yesu Kristo.Yasamwe ku bwa Mwuka wera, abyarwa n'umwari Mariya. Nk'umuntu, yabayeho kandi ahura n'ibishuko, ariko yabaye urugero rutunganye rwo gukiranuka no kugaragaza urukundo rw'Imana. Ibitangaza byahamije ko ari Imana kandi ko ari we Mesiya wari warasezeranywe. Yarababajwe, apfira ku musaraba atabihatiwe ku bw'ibyaha byacu, azamurwa mu bapfuye, azamurwa mu ijuru ngo adukorere umurimo mu buturo bwo mu ijuru. Azagaruka mu bwiza azaniye ubwoko bwe gucungurwa guheruka no gusubiza mu buryo ibintu byose.( Yohana 1:1-3,14;Abakorosayi 1:15-19;Yohana 10:30;14:9;Abaroma 6:23;2Abakorinto 5:17-19;Yohana 5:22;Luka 1:35;Abafiripi 2:5-11;Abaheburayo 2:9-18;1Abakorinto 15:3,4;Abaheburayo 8:1,2;Yohana 14:1-3).***

Ubutayu bwari bwahindutse bubi birenze uko byatekerezwa. Inzoka zanyuranagamo munsi y'ibikoresho byo mu gikoni kandi zikururaga mu mambo zifashe amahema. Zihishaga mu bikinisho by'abana no mu biryamirwa. Iyo zarumaga abantu zabashyiragamo ubumara bwica.

Ubutayu bwari bwarigeze kuba ubuhungiro bwa Isirayeli, noneho bwari bwahindutse ibituro. Amagana y'abantu baratakaga. Ababyeyi bari batewe ubwoba no kubona ibyabo byakomeye; bihutaga ari benshi bagana umuryango w'ihema rya Mose ngo bamusabe ubufasha. "Mose asabira ubwo bwoko".

None se igisubizo cy'Imana cyabaye ikihe? Kurema inzoka bakayimanika abayirebyeho bagakira. Noneho "Mose acura inzoka mu muringa ayimanika ku giti: ubwo rero uwabaga yariwe n'inzoka yarazaga akareba ku nzoka icuzwe mu muringa,agakira, akabaho"(Kubara 21:9).

Buri gihe inzoka yashushanyaga Satani(Itangiriro 3, Ibyahishuwe 12), kandi yagaragazaga icyaha. Inteko y'Abisirayeli yari yishyize mu kigoyi cya Satani. None umuti Imana yatanze se ni uwuhe? Ntabwo kwari ukureba umwana w'intama ku gicaniro cy'ubuturo, ahubwo kwari ukubura amaso bakareba inzoka icuzwe mu muringa.

Icyo cyari ikimenyetso kidasanzwe gishushanya Kristo. Nk'uko inzoka yamanitswe ku giti, ni ko Yesu "mu mubiri usa n'uw'icyaha"(Abaroma 8:3) yari kubambwa ku musaraba w'ibivume(Yohana3:14,15). Yahindutse icyaha yishyiraho amafuti y'abantu b'ibihe byose.

"Utigeze guhinduka icyaha, Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu kugira ngo duhinduke gukiranuka kw'Imana"(2 Abakorinto 5:21). Mu kwitegereza Kristo, bene muntu batari bafite ibyiringiro babasha kubona ubugingo.

Mbese ni gute kwihindura umuntu kubasha kuzanira abantu agakiza? Mbese ni ngaruka ki byagira ku Mwana w'Imana? Mbese ni gute Imana yashoboye guhinduka umuntu kandi ni kuki ibyo byari ngombwa?

**Guhinduka umuntu kwa Kristo: ibyari byarahanuwe no gusohozwa kwabyo.**

Umugambi w'Imana wo gukiza abari baritandukanyije n'inama z'ubwenge bwayo, (Yohani 16; 4:9) uko yari yawuteganyije, werekana mu mbaraga urukundo rwayo. Dukurikije uwo mugambi wayo, umwana w'Imana yari "yateganyijwe mbere yo kuremwa ku isi"(1Petero 1:20,21), ngo abe igitambo cy'icyaha kugira ngo haboneke ibyiringiro rukumbi by'inyokomuntu. Yagombaga kutugarura ku Mana, akatuzanira gucungurwa ngo dukire icyaha, abanje kurimbura imirimo ya Satani(1 Petero 3:18; Matayo 1:21; 1Yohani 3:8).

Adamu na Eva batandukanyijwe n'isoko y'ubugingo kubw'icyaha kandi cyajyaga gutuma bahita bapfa uwo mwanya. Nyamara, hakurikijwe umugambi Imana yari yarateganyije mbere yo kuremwa kw'isi (1 Petero 1:20,21), "Ishami", (Zakariya 6:12,13), Imana mwana, yaraje yitambika hagati yabo n'ubutabera bw'Imana ashyira iteme hejuru y'umworera maze azitira atyo imbaraga z'urupfu. Ndetse na mbere y'umusaraba, ubuntu bwe bwarindaga abanyabyaha bukabahesha agakiza.Nyamara, kugira ngo twongere guhinduka ku buryo bwuzuye abahungu n'abakobwa b'Imana, yagombaga guhinduka umuntu.

Adamu na Eva bakimara gucumura, Imana yabahaye icyizere. Ubwo yavugaga iti "Hazabaho urwango rukomeye hagati y'inzoka n'umugore, no hagati y'urubyaro rw'inzoka n'urwa Eva". Mu mvugo yumvikana neza iri mu Itangiriro 3:15, inzoka n'urubyaro rwayo ruhagarariye Satani n'abo bafatanyije; mu gihe umugore n'urubyaro rwe bahagarariye ubwoko bw'Imana n'umukiza w'abari mu isi. Iyo mvugo ya Bibiliya igaragaza ihumure rya mbere nk'igihamya cy'uko intambara ikomeye iri hagati y'ikiza n'ikibi izarangizwa n'intsinzi y'Umwana w'Imana.

Nyamara n'ubwo kunesha kuzaboneka, kuzaba kuzuye imibabaro «azakumena(umukiza) umutwe nawe (Satani) uzamukomeretsa agatsinsino"(Itangiriro 3:15). Nta n'umwe muri aba bahanganye uzarangiza urugamba adakozweho na rwo.

Guhera icyo gihe, bene muntu bahanze amaso ku wasezeranywe. Isezerano rikuru rihamya uku gutegereza. Ubuhanuzi bwari bwaratangaje ko umukiza wasezeranywe naza kumumenya bitazakomerera abatuye isi.

**Igitangaza cyahanuwe ku gakiza**

Uhereye igihe icyaha kibonekeye ku isi, Imana yashyizeho umuhango wo gutamba amatungo kugira ngo bigaragaze neza umurimo wajyaga gukorwa n'umukiza (Itangiriro 4:4). Icyo gishushanyo cyagaragazaga neza uburyo Umwana w'Imana azarimbura icyaha.

Kubera icyaha, kwica amategeko y'Imana, inyokomuntu yagombaga gupfa (Itangiriro 2:17; 3:19; 1 Yohani 3:4; Abaroma 6:23). Amategeko y'Imana yasabaga ko umunyacyaha apfa. Nyamara, mu rukundo rw'Imana rutagira iherezo, yatanze umwana wayo, "Kugira ngo umwizera atarimbIuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho" (Yohana 3:16). Mbega igikorwa kirenze intekekerezo zacu cy'umugambi w'Imana! Imana mwana ihoraho ubwe yashoboye kwishyira mu mwanya wacu, maze yishyiraho igihano cy'icyaha. Muri ubwo buryo atwemerera imbabazi no kungwa n'Imana.
Nyuma yo kuva mu Egiputa, ibitambo byakomeje gutambirwa mu ihema ry'ibonaniro kandi byerekanaga isezerano hagati y'Imana n'ubwoko bwayo. Ubuturo bwubatswe na Mose hakurikijwe icyitegererezo cy'ubwo mu ijuru, hamwe n'imirimo yakorerwagamo byashyizweho kugira go byerekane inama y'agakiza (Kuva 25:8,9,40; Abaheburayo 8:1-5).

Umunyabyaha wihana yazanaga itungo ritagira inenge ho igitambo kugira ngo abone imbabazi. Icyo ni cyo cyashushanyaga umukiza udafite icyaha. Noneho umunyabyaha agashyira ikiganza cye ku itungo ritagira inenge nuko akavuga ibyaha bye (Abalewi 1:3,4). Icyo gikorwa cyashushanyaga gukurwa kw'ibyaha ku munyabyaha bigashyirwa ku gitambo kizira inenge ibyo bikagaragaza neza agaciro k'igitambo.

Kandi kuko "hatabayeho kumeneka kw'amaraso nta kubabarirwa kwaboneka" (Abaheburayo 9:22),umunyabyaha yicaga itungo bikagaragaza neza kamere yica y' icyaha. Ubwo buryo bubabaje bwo kugagaraza ibyiringiro, ni bwo buryo rukumbi umunyabyaha yashoboraga kwerekanisha kwizera kwe.

Iyo umutambyi yabaga arangije inshingano ze zerekeranye n'igitambo (Abalewi 4-5), umunyabyaha yakiraga imbabazi z'ibyaha bye binyuze mu kwizera umucunguzi wajyaga kuza maze agapfa mu mwanya wacu ari na we itungo ryashushanyaga (Abalewi 4:26-35).

Isezerano rishya ryemera Yesu Kristo, umwana w'Imana nk' "Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi." (Yohana 1:29). Ku bw'amaraso y'igiciro, nk'umwana w'intama utagira inenge ndetse n'ikizinga (1 Petero 1:19), Yaboneye inyoko muntu ukubaturwa ku gihano kizanwa n'icyaha.

**Bimwe mu byari byahanuwe ku mukiza**

Imana yari yarasezeranye ko umukiza,Mesiya, uwasizwe, azakomoka mu rubyaro rwa Aburahamu "Mu rubyaro rwawe ni ho amahanga yose azaherwa umugisha" (Itangiriro 22:18; 12:3).
Yesaya yari yarahanuye ko umukiza yajyaga kuza nk'umwana w'umuhungu kandi akaba anambaye kamere y'ubumana na kamere y'ubumuntu.

"Kuko umwana yatuvukiye, umwana w'umuhungu twamuhawe kandi ubutware buzaba ku bitugu bye. Azitwa igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data uhoraho, umwami w'amahoro"(Yesaya 9:6). Uwo mucunguzi yajyaga kwima ingoma ya Dawidi nuko agashyiraho ubutegetsi bw'amahoro kandi buhoraho (Yesaya 9:7). Mu mudugudu w'i Betelehemu ni ho yari kuvukira (Mika 5:1).

Ukuvuka kw'iyi Mana Muntu kwari ukudasanzwe. Isezerano rishya risubira mu magambo ya Yesaya(7:14) ritya "Dore umwari azasama inda, azabyara umuhungu, azitwa izina Emanweli ari byo bisobanura 'Imana iri kumwe na twe."(Matayo 1:23).

Umurimo umukiza yajyaga gukora uvugwa muri aya magambo "Umwuka w'Imana ari kuri jye, kuko yansigiye kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza; yantumye gukiza abafite imitima imenetse, yantumye kumenyesha imbohe ko zibohorwa n'impumyi ko zihumuka no kumenyesha abantu iby'umwaka umwami agiriyemo imbabazi." (Yesaya 61:1,2; Luka 4:18,19).

Nubwo byaba bigaragara nk'aho atari ukuri, Mesiya yajyaga kwangwa. Yajyaga kuza ameze "nk'igishyitsi cyumburira mu butaka bwumye"[…] ntiyari afite ishusho nziza cyangwa igikundiro, kandi ubwo twamubonaga, ntiyari afite ubwiza bwatuma tumwifuza, yarasuzugurwaga akangwa n'abantu; yari umunyamibabaro wamenyereye intimba; yasuzugurwaga nk'umuntu abandi bima amaso natwe ntitumwubahe" (Yesaya 53:2-4).

Inshuti ye ya bugufi yajyaga kuzamugambanira (Zaburi 41:10), ikamugurisha ibice by'ifeza 30 (Zakariya 11:12). "Mu gihe yacirwaga urubanza yagombaga gukubitwa akagiririwa nabi (Yesaya 50:6). Abasirikari bagombaga gufindira imyambara ye (Zaburi 22:18). Nta gufwa ryagombaga kuvunwa (Zaburi 34:20), ariko yari akwiriye gucumitwa icumu (Zaburi 12:10). Mu mibabaro ye ntiyigeze arwana, ahubwo nk'uko intama icecekera imbere y'uyikemura, niko atabumbuye akanwa ke"(Yesaya 53:7).

Umukiza utagira inenge yagombaga kuzababazwa birenze urugero ku bw'ibyaha. Nyamara imibabaro yacu ni yo yikoreye, kandi intimba zacu ni zo yishyizeho, ariko twe

twamutekereje nk'uwakubiswe n'Imana, agacumitwa na yo, agahetamishwa n'imibabaro. Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha […] kandi Uwiteka yamushyizeho gukiranirwa kwacu twese […]. Yakuwe mu isi y'abazima, akubitirwa ibicumuro by'ubwoko bwe" (Yesaya 53:4-8).

**Ibihamya umukiza.** Yesu Kristo ni we wenyine wasohoje ubu buhanuzi. Ibyanditswe bisubira mu masekuruza ye kugeza kuri Aburahamu, noneho bikamwita umwana wa Aburahamu (Matayo 1:1). Pawulo we yemeza ko amasezerano Imana yasezeraniye Aburahamu n'urubyaro rwe, yasohoreye muri Kristo (Abagalatiya 3:16). Izina Mesiya "umwana wa Dawidi", yarihawe kenshi(Matayo 21:9). Yahujwe neza na Mesiya wari warasezeranywe, ari we wagombaga kuzima ingoma y'ubwami ya Dawidi (Ibyakozwe n'intumwa 2:29,30).

Ukuvuka kwa Yesu kwabaye igitangaza. Umwari Mariya "yagiye kubona abona atwite inda y'Umwuka wera" (Matayo 1:18-23). Itegeko ry'Abaroma ryatumye ajya i Betelehemu, ahari harahanuwe ko umukiza azahavukira. (Luka 2:4-7).

Rimwe mu mazina ya Yesu ryari Emanweli, cyangwa "Imana iri kumwe na twe", bigaragaza kamere ye y'Imana muntu kandi bikerekana neza icyifuzo cy'Imana cyo kwihuza n'abantu (Matayo 1:23). Izina rye rimenyerewe "Yesu" ryakanguriraga ubwenge ku kumenya umugambi w'agakiza. "Kandi uzamwite Yesu kuko ari we uzakiza abantu be ibyaha byabo" (Matayo 1:21).
Umurimo wa Yesu wari warahanuwe uhuye neza n'uwa Mesiya wari warahanuwe muri Yesaya 61:1,2 "uyu munsi, aya magambo y'ibyanditswe asohoye mu matwi yanyu" (Luka 4:17-21).

Nubwo Yesu yahinduye benshi bo mu bwoko bwe, ubutumwa bwe bwanzwe n'igice kinini cyabo (Yohana 1:11; Luka 23:18). Usibye abantu bake, ntiyigeze yemerwa nk'umukiza w'abari mu isi. Aho kugira ngo bamwakire neza, bamwakirije kumugirira nabi no gushaka kumwica (Yohani 5:16; 7:19; 11:53).

Mu iherezo ry'imyaka itatu n'igice yamaze akora umurimo we, intumwa ye Yuda Isikariyota yaramugambaniye (Yohana 13:18; 18:2), amugurisha ibice by'ifeza mirongo itatu (Matayo 26:14,15). Aho kugira ngo ahangane n'abamurwanyaga, Yesu yanabuzaga abigishwa be kumurwanirira (Yohana 18:4-11).

Nubwo atari afite igicumuro icyo ari cyo cyose, mu masaha atageze kuri makumyari n'ane(24) nyuma yo gufatwa kwe, yari yakubiswe, yababajwe, yaciriwe urubanza rwo gupfa nyuma aranababambwa (Matayo 26:67; Yohana 19:1-6; Luka 23:14,15). Abasirikari bagiye impaka ndende ku myambaro ye (Yohana 19:23,24). Mu gihe yabambwaga nta gufwa na rimwe rye ryavunitse (Yohana 19:32, 33, 36), na nyuma yo gupfa kwe, abasirikari batikuye icumu mu rubavu rwe (Yohana 19:34, 37).

Abigishwa ba Kristo babonye mu rupfu rwe igitambo cy'agaciro cyo gukuraho ibyaha. "Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri

abanyabyaha” (Abaroma 5:8). “Kandi mugendere mu rukundo, mukurikije icyitegererezo cya Kristo wadukunze, akatwitangira kuba ituro n’igitambo cy’Imana n’umubabwe uhumura neza” (Abefeso 5:2).

**Igihe cy’umurimo we n’urupfu rwe**. Bibiliya ivuga ku mugaragaro ko Imana yohereje umwana wayo ku isi “mu gihe gikwiriye, gisohoye” (Abagalatiya 4:4). Igihe Kristo yari atangiye umurimo we, yaravuze ati “Igihe kirasohoye” (Mariko 1:15). Ibi byifashisho byerekana igihe gihuye n’icy’ubuhanuzi bwari bwaravuze.

Ibinyejana birenga bitanu mbere y’uko ibyo bisohora, Imana yari yaravuze igihe umurimo n’urupfu rwa Kristo bizabera ibinyujije mu muhanuzi Danyeli.
Mu iherezo ry’imyaka 70 Abasirayeli bari mu bunyage i Babuloni, Imana yabwiye Daniyeli ko yahaye Abayuda n’umurwa wa Yerusalemu igihe cyo kugeragezwa kingana n’ibyumweru 70.

Mu gahe gato, mu kwihana no kwitegura kuza kwa Mesiya, ishyanga ry’Abayuda ryagombaga gusohoza imigambi Imana yari yararinganije.
Daniyeli yanavuze ibyo “gukiranirwa gutangirwa impongano” no kuza kw’ugukiranuka kw’iteka” nk’ibyagombaga kuranga icyo gihe. Ibyo bikorwa bya Mesiya byerekana ko umukiza yagombaga kuza muri kiriya gihe (Daniyeli 9:24).

Ubuhanuzi bwa Daniyeli bwasobanuraga ko Mesiya azaboneka “ibyumweru birindwi n’ibyumweru 62”, byose hamwe ni ibyumweru 69, Mesiya yagombaga gukurwaho (Daniyeli 9:25). Nyuma y’icyumweru cya 69, Mesiya yagombaga gukurwaho (Daniyeli 9:26). Yagombaga gupfa hagati mu cyumweru cya nyuma: bigaragaza urupfu rwitangira abandi. Yagombaga gupfa hagati mu cyumweru cya mirongo irindwi, nuko “agakuraho ibitambo n’amaturo” Daniyeli 9:27).

Urufunguzo rwadufasha gusobanukirwa n’ibyerekeye ubuhanuzi buvuga igihe, ruri mu byo Bibiliya ivuga ko umunsi umwe mu buhanuzi ungana n’umwaka (Kubara 14:34; Ezekiyeli 4:6). Dukurikije iryo hame “ry’ umunsi ungana n’umwaka”, ibyumweru 70 (cyangwa iminsi 490 ya gihanuzi), yerekana imyaka isanzwe 490.

Danyeli avuga ko icyo gihe cyagombaga gutangirwa n’itangazo rivuga ko “Yelusalemu izasanwa” (Daniyeli 9:25). Iryo teka ryemereraga Abayuda umudendezo ryatanzwe mu mwaka wa karindwi wo ku ngoma ya Aritazerusi, umwami w’Ubuperesi. Nuko rishyirwa mu bikorwa mu mwaka wa 457 mbere ya Kristo (Ezekiyeli 7:8, 12-26; 9:9). Dukurikije ubuhanuzi, imyaka 483 (ibyumweru 69 bya gihanuzi) nyuma yo gutangaza iryo tangazo, Mesiya umwami azaza. Imyaka 483 ikurikira umwaka wa 457 mbere ya Kristo, itugeza ku mwaka wa 27, ubwo Yesu yabatizwaga agatangira umurimo we ku mugaragaro. Mu kwemera aya matariki y’umwaka wa 457 mbere ya Kristo na 27 nyuma ya Kristo, uwitwa Gleason Archer(Girisoni Arica) agaragaza ukuri ko gusohora kw’ibyari byarahanuwe kera. Imana ni yo yonyine yabashije gutegura kuza k’umwana wayo, mu buryo butangaje;bitandukanye n’imyumvire ya kimuntu.

Ibyumweru 70- Imyaka 490

Icyumweru 1
Imyaka 7
Ibyumweru 62-imyaka 434

Ibyumweru 7
Imyaka 49

Daniel 9hb
538-537MK

457 408 MK**=>** **<= NK** 27

**MK=Mbere ya Kristo NK=Nyuma ya Kristo**

Igihe yabatirizwaga muri Yorodani, Umwuka wera yamumanukiyeho kandi Imana imuhamya ko ari Mesiya ( mu Giheburayo) cyangwa nka Kristo (mu Kigiriki). Ayo magambo abiri asobanura “uwasizwe” (Luka 3:21,22; Ibyakozwe n’intumwa 10:38; Yohana 1:41). Ijambo rya Yesu yavuze ngo “birarangiye” (Mariko 1:15) ryari rijyanye no gusohora k’ubwo buhanuzi.

Hagati mu cyumweru cya 70, mu mwaka 31 nyuma ya Kristo, neza nyuma y’imyaka 3 n’igice gusa abatijwe, Mesiya ashyira iherezo kuri gahunda y’ibitambo atanga ubugingo bwe bwite. Mu gihe cy’urupfu rwe, umwenda wari ukingirije ahera mu rusengero wigabanyijemo kabiri (Matayo 27:51). Mu buryo burenze intekerezo z’umuntu, hatangazwa ko Imana ikuyeho imirimo yose yakorerwaga mu rusengero.
Amaturo yose n’ibitambo byose byashushanyaga igitambo cyuzuye cya Mesiya. Igihe Yesu Kristo, ntama w’Imana yatambwaga i Kaluvari nk’impongano y’ibyaha byacu ( 1Petero 1:19), Ibishushanyo byasimbuwe n’uwo byacureraga. Imirimo yo mu buturo bwera bwo ku isi ntiyari igikenewe.

Igihe gikwiriye gisohoye, kuri Pasika, arapfa. “Kuko Kristo, Pasika yacu yatambwe”(1 Abakorinto 5:7). Ubwo buhanuzi butangaje ni kimwe mu bihamya shingiro byabaye mu mateka bihamya yuko Yesu Kristo ari we mucunguzi w’isi wahanuwe kuva kera.

**Kuzuka k’umukiza**

Bibiliya ntiyagarukiye gusa ku kuvuga iby’urupfu rwa Yesu,ahubwo yanavuze iby’umuzuko we mbere yuko bibaho.Dawidi yari yarahanuye ati “ Ni cyo cyatumye avuga ko atarekewe i kuzimu, kandi ngo n’umubiri we nturakabora” (Ibyakozwe n’intumwa 2:31; zaburi 16:10). Nubwo Kristo yahesheje abandi umuzuko nk’uko na we yazutse (Mariko 5:35-42; Luka 7:11-17; Yohani 11), umuzuko we wagaraje ububasha bwo shingiro ryo kuba ari umukiza w’abari mu isi. “Ni jye kuzuka n’ubugingo, unyizera n’aho yaba yarapfuye azabaho, kandi umuntu wese ukiriho unyizera ntazapfa iteka ryose” (Yohana 11:25, 26).

Nyuma yo kuzuka yaravuze ati “Witinya ndi uwa mbere kandi ndi uw’imperuka kandi ndi uhoraho.Icyakora nari narapfuye, ariko none dore mporaho iteka ryose kandi mfite imfunguzo z’urupfu n’iz’ikuzimu”(Ibyahishuwe 1:17, 18).

**Kamere ebyiri za Yesu Kristo**

Avuga ngo “Jambo uwo yabaye umuntu abana na twe” (Yohani 1:14), Yohana yahamyaga ukuri kwimbitse. Kwigira umuntu kw’Imana Mwana ni ubwiru. Ibyanditswe byera byita kwerekanwa kw’Imana ifite umubiri “ubwiru bw’ubumana” (1Timoteyo 3:16).

Umuremyi w’isi, ufite ubumana muri we,yacishijwe bugufi avukira mu muvure. Nubwo asumba abamarayika bose iteka kandi akaba yarahamijwe na se mu bubasha no mu cyubahiro,ibyo ntibyamubujije kwambara umubiri wa kimuntu!

Mu buryo bugoranye, umuntu ashobora kumva ubusobanuro bw’ubu bwiru bwera, ariko ni ukwiyambaza gusa Umwuka wera watuma tubashishwa gusobanukirwa. Kugira ngo usobanukirwe no kwigira umuntu kwa Kristo, ni byiza kwibuka ko “ibihishwe ari iby’Uwiteka, Imana yacu. Nyamara ibyahishuwe ni ibyacu n’abana bacu”, (Gutegeka kwa kabiri 29:29).

**Yesu Kristo ni Imana mu buryo bwuzuye**

Ni ibihe bihamya dufite bihamya ubumana bwa Yesu? Ni gute yabyivugiye we ubwe? Abantu bamenye ubuntu bwe?

***1.Ibigaragaza ubumana bwe.***

Yesu afite ibimuranga nk’Imana. Ashobora byose, yavuze ko Se yamuhaye ububasha bwose[…] mu ijuru no mu isi, (Matayo 28:18; Yohana 17:2).

Azi byose muri we nk'uko Pawulo abivuga "Ni mo ubutunzi bwose bw'ubwenge no kumenya bwahishwe", (Abakolosayi 2:3).

Yesu ahamya ko abera hose icyarimwe avuga ati "Dore ndi kumwe na mwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." (Matayo 28:20). Kandi ati "Kuko aho babiri cyangwa batatu bateraniye mu izina ryanjye mba ndi hagati yabo" (Matayo 18:20).

Nubwo ubumana bwe bumuha ububasha bwo kubera hose icyarimwe, igihe Kristo yihinduraga umuntu ku bushake bwe,yahaye imbibi ubwo bubasha. Yahisemo kubera hose icyarimwe binyuze mu murimo w'Umwuka wera (Yohana 14:16-18).

Urwandiko Pawulo yandikiye Abaheburayo rugaragaza ukudahindagurika kwa Kristo, aho avuga ati "Yesu Kristo uko yari ari ejo n'uyu munsi ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose" (Abaheburayo 13:8).

Kubaho kwe kwagaragajwe neza igihe yavugaga ko afite bugingo muri we (Yohana 5:26). Yohana avuga ko "muri we (Jambo) harimo ubugingo, kandi ubugingo bwari umucyo w'abantu" (Yohana 1:4). Ijambo rya Kristo "Nijye kuzuka n'ubugingo" (Yohana 11:25), yemeza ko muri we "harimo ubugingo, butari ubutirano kandi budafitwe n'undi wese".

Kwera ni kimwe mu bigize kamere ye. Mu gihe havugwaga ibyo kuzuka kwa Yesu, Marayika yabwiye Mariya ati "Umwuka wera azakuzaho, n'imbaraga z'isumba byose zizagukingiriza, ni cyo gituma Uwera uzavuka azitwa umwana w'Imana" (Luka 1:35). Abadayimoni babonye Yesu baratatse bati "Duhuriye he twe nawe? [...] nzi uwo uri we: ndakuzi uri Uwera w'Imana" (Mariko 1:25).

Yesu ni urukundo. Yohana yaranditse ati "Twamenye urukundo kuko Yesu yatanze ubugingo ku bwacu" (1 Yohana 3:16).

Yesu ni Uwiteka. Yesaya yamwise " Data uhoraho" (Yesaya 9: 6). "Mika avuga kuri we nk'aho afite inkomoko ifite imizi mu bihe bya kera, iminsi y'ibihe bihoraho" (Mika 5:1). Pawulo ashyira kubaho kwa Yesu "mbere yo kubaho kw'ibindi byose" (Abakolosayi 1:17), na ho Yohana we akongeraho ati "Mbere na mbere Jambo yari kumwe n'Imana kandi ibintu byose byaremwe na we, mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we" (Yohana 1:2, 3).

### *2. **Ububasha bwe mvajuru n'akamaro kabwo***

Imirimo y'Imana yitiriwe Yesu.Yamenyekanye nk'umuremyi (Yohana 1:3; Abakolosayi 1:16), amenyekana kandi nk'umufasha w'isi "byose bibeshwaho na we" (Abakolosayi 1:17, Abaheburayo 1:3). Afite ububasha bwo kuzura uwapfuye akoresheje gusa ijwi rye (Yohana

5:28, 29). Kandi ku mperuka azacira  isi urubanza (Matayo 25:31,32). Yababariye ibyaha (Matayo 9:6 ; Mariko 2:5-7).

### 3. *Amazina ye y'ubumana*

Amazina ye agaragaza ko afite kamere mvajuru. Emanweli bisobanura "Imana iri kumwe natwe" (Matayo 1:23). Abizera n'abadayimoni baza imbere ye nk'abasanga Umwana w'Imana (Mariko 1:1; Matayo 8:29; Mariko 5:7). Izina ryera ry'Imana mu isezerano rya kera Yehova cyangwa Yahwe ryiswe Yesu. Matayo yakoresheje amagambo ya Yesaya 40:3 "Mutegure inzira y'umwami" kugira ngo asobanure neza umurimo wagombaga kubanziriza gahunda ya Kristo (Matayo 3:3), Yohana na we yagaragaje Yesu nk'Uwiteka Nyiringabo uri ku ntebe y'ubwami (Yasaya 6:1,3; Yohana 12:41).

### *4. Kumenyekana k'ubumana bwe.*

Yohana asobanura Yesu Jambo wari Imana "wigize umuntu" (Yohana 1:1,14). Tomasi avuga Kristo wazutse ati "Mwami wanjye kandi Mana yanjye" (Yohana 20:28). Pawulo avuga ko Kristo ari we utegeka byose, ni na we Mana ishimwa iteka ryose" (Abaroma 9:5); Mu rwandiko rwandikiwe Abaheburayo, amuvuga nk'uvuga Imana n'umwami w'irema (Abaheburayo 1:8, 10).

### *5. Ubuhamya bwe bwite*

Yesu we ubwe avuga ko ahwanye n'Imana, yivugira ati "Ndiho" (Yohana 8:58). Imana y'Isezerano rya kera. Yita Imana " Data" aho kuyita " Data wa twese" (Yohana 20:17). Imvugo ye "Njye na  Data turi umwe" (Yohana 10:38) ishimangira ko Yesu yari "umwe n'Imana" kandi ko Se afite "imico nk'iye".

### *6. Guhwana kwe n'Imana byarahamijwe*

Guhwana kwe n'Imana byahamijwe na gahunda y'umubatizo (Matayo 29:19), guhabwa umugisha kw'intumwa (2 Abanyakorinto 13:14), isezerano rye ry'Umwuka wera (Yohana 14:16) n'ubusobanuro bwa Pawulo bw'impano z'Umwuka wera (Abakorinto 12:4-6).

Ibyanditswe bivuga Yesu nk'uwerekana "Ubwiza bw'Imana n'ishusho ya kamere yayo" (Abaheburayo 1:3). Igihe bamubazaga bati twereke  Data, Yesu yabasubije yitonze ati "Umbonye aba abonye  Data" (Yohana 14:9).

### *7. Yaramijwe nk'Imana.*

Abantu baramuramije (Matayo 28:17; Luka 14:33). "Abamarayika b'Imana bose baramuhimbaza" (Abaheburayo 1:6). Pawulo yaranditse ati "kugira ngo amavi yose

apfukame mu izina rya Yesu kandi indimi zose zihamye ko Kristo ari Uwiteka" (Abafiripi 2:10,11). Imigisha yose yeguriwe Kristo "Icyubahiro kibe icye iteka ryose" (2 Tiomteyo 4:18; Abaheburayo 13:21; 2Petero 3:18).

***8. Kamere ye y'ubumana ni ngombwa.***

Kristo yunze ikiremwamuntu n'Imana. Abantu bari bakeneye guhishurirwa byuzuye imico y'Imana, ku buryo babasha gukomeza isano yabo ubwabo bafitanye na yo. Kristo yahagije icyo cyifuzo yerekana icyubahiro cy'Imana (Yohana 1:14). «Uhereye kera kose nta muntu wigeze kubona Imana, ahubwo umwana w'ikinege uri mu gituza cya se, ni we wayimenyekanishije»(Yohana 1:18;17:6). "Umbonye aba abonye  Data" (Yohana 14:9).

Mu kwishingikiriza byuzuye kuri Se (Yohana 5:30), Kristo yakoresheje ububasha bw'Imana kugira ngo ahishure urukundo rw'Imana. Ku bw'imbaraga z'Imana yiyerekanye nk'umukiza wireherezaho, watumwe na se kugira ngo akize, ahishure, anababarire ibyaha (Luka 6:19; Yohana 2:11; 5:1-15'36; 11:41-45; 14:11 ; 8:3-11). Muri ibyo byose nta na rimwe yigeze akora igitangaza  agira ngo yihunze imibabaro ye nk'umuntu cyangwa ngo yikemurire ibibazo undi muntu yari kugira iyo aza kuba mu ngorane nk'ize.

Yesu Kristo ni umwe n'Imana  Data muri kamere ye, imico ye ndetse n'imigambi ye. Ni Imana mu buryo bwuzuye.

**Yesu Kristo ni umuntu mu buryo bwuzuye**

Bibiliya ihamya ko uretse kuba Yesu afite kamere y'ubumana, anafite kamere muntu. Kwemerwa kw'iryo hame ntibisubirwaho. Uhamya wese ko"Kristo yaje afite umubiri ni we wavuye ku Mana" (1Yohana 4:2,3), ariko umwuka wose utavuga Yesu utyo "ntabwo wavuye ku Mana". Kuvuka nk'umuntu kwa Kristo, gukura kwe, ibimuranga, ubuhamya bwe, ni igihamya ku bumuntu bwe.

*1.**Kuvuka kwe kwa kimuntu***

"Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe" (Yohana 1:14), muri ubu buryo umuntu bisobanura kamere muntu, kamere iri munsi ya kamere yari afite akiri mu ijuru. Pawulo avuga yeruye ati "Imana yohereje umwana wayo wavutse ku mugore" (Abagalatiya 4:4; Itangiriro 3:15).

Kristo yihinduye nk'umuntu, "umuntu ndetse ucishije bugufi" (Abafiripi 2:7,8). Uko kugaragara kw'Imana nk'umuntu ni "ubwiru bw'ubumana" (1 Timoteyo 3:16).

Amasekuruza ya Yesu amugaragaza nk' "umwana wa Dawidi ndetse nk'umwana wa Aburahamu" (Matayo 1:1).Dukurikije  kamere ye ya kimuntu, "yavutse mu rubyaro rwa Dawidi" (Abaroma 1:3; 9:5), kandi yari "umuhungu wa Mariya" (Mariko 6:3). Nubwo yavutse ku mugore nk'abandi bana bose, itandukaniro rimutandukanya n'abandi bana ni

uko Mariya yari isugi kandi umwana we akaba yari yarasamwe kubw''Umwuka wera (Matayo 1:20-23; Luka 1:31-37). Yesu yahindutse umuntu byuzuye binyuze muri Mariya.

***2. Imikurire ye ya kimuntu.***

Yesu yubahirije amategeko y'imikurire ya kimuntu. Yarakuze agwiza imbaraga, yuzuzwa ubwenge (Luka 2:40,52). Yujuje imyaka 12 y'ubukuru, yasobanukiwe n'umurimo wari waramuzanye (Luka 2:46-49). Mu gihe cy'ubuto bwe yubahaga ababyeyi be (Luka 2:51).

Inzira yerekeza ku musaraba yari inzira inyuze mu mubabaro. Iyi nzira ifite akamaro gakomeye mu mikurire ye. "Yigishijwe kumvira ku bw'imibabaro yihanganiye, kandi amaze gutungana rwose abera abamwumvira bose umuhesha w'agakiza kadashira" (Abaheburayo 5:8,9; 2:10, 18), ariko n'ubwo yabayeho imibereho imeze gutyo, ntiyigeze akora icyaha.

***3. Bamwitaga umuntu.***

Yohana umubatiza na Petero bamuvuga nk'abavuga "umuntu" (Yohana 1:30; Ibyakozwe n'intumwa 2:22). Pawulo avuga ko "ubuntu buva ku muntu umwe ari we Yesu Kristo" (Abaroma 5:15). Ni umuntu kandi ni we wazanye kuzuka kw'abapfuye (1Abakorinto 15:21); "Umuhuza umwe w'Imana n'abantu, ni Yesu Kristo" (1 Timoteyo 2:5).

Avugana n'abamwangagaga , yivuze nk'umuntu "Ariko none dore murashaka kunyica kandi ndi umuntu wababwiye iby'ukuri, ibyo numvise ku Mana" (Yohana 8:40).

Izina rya Yesu ryakoreshejwe inshuro 77 ni "umwana w'umuntu". (Matayo 8:20; 26:2). Izina ry'umwana w'Imana rigaragaza isano afitanye n'Imana. Imvugo "umwana w'umuntu" yumvikanisha neza ubumwe afitanye n'inyokomuntu binyuze mu kwihindura umuntu kwe.

4**. Ibigaragaza ubumuntu bwe**

Imana yaremye umuntu yenda kumugira nka yo haburaho hato (Zaburi 8:5).Na none kandi ibyanditswe bigaragaza Yesu nk'uwashyizwe munsi y'abamarayika(Abaheburayo2:9). Kamere ye ya kimuntu yari ingaruka y'irema kandi ntiyamwemereraga gukoresha imbaraga z'ubumana.

Kristo yagombye kuba umuntu mu buryo bwuzuye;icyo cyari kimwe mu murimo we.Kuba umuntu bivuze ko yari afite ibiranga kamere muntu kandi ahuza nabo «umubiri n'amaraso» (Abaheburayo 2:14) .

Kristo yashushanyijwe na bene se muri byose (Abaheburayo2:17).Kamere ye ya kimuntu yatumaga agira impagarike n'intekerezo bya kimuntu: inzara ,inyota ,umunaniro n'umubabaro(Matayo4:2;Yohana19:28;4:6; Matayo26:21;8:24).

Mu murimo we wo kwitangira abandi, yerekanaga impuhwe,uburakari kubw'ishyaka n'umubabaro (Matayo9:36;Mariko3:5).Rimwe na rimwe yacikaga intege,agahangayika

ndetse akanarira (Matayo 26:38; Yohana12:27; 11:33,35; Luka19:41). Yasenganye amarira kandi ataka cyane kugeza ubwo abira ibyuya by'amaraso (Abaheburayo 5:7;Luka22:44).Imibereho ye yo gusenga yerekanaga uburyo yari yishingikirije byuzuye kuri se(Matayo26:39-44; Mariko1:35; 6:46;Luka5:16 ;6:12) Yesu yasogongeye ku rupfu(Yohana19:30,34). Ntiyazukiye mu mwuka ahubwo yazutse ari mu mubiri.

### *5.Ikigero cyo kwisanisha kwe n'inyokomuntu*

Bibiliya yerekana ko Kristo ari Adamu wa kabiri kandi ko yafashe kamere y'icyaha(Abaroma 8:3).
Ni ku rwego rungana iki kristo yisanishije n'inyokomuntu yazimiye?Ni ingenzi gusobanukirwa n'iyi mvugo «yafashe kamere y'icyaha».Kutayisobanukirwa byateye amakimbirane no kutumvikana mu mateka y'itorero rya gikristo.

*a)Yashushanyijwe na kamere y'icyaha.*Inzoka twavuze yamanitswe mu butayu idufasha gusobanukirwa n'ubumuntu bwa Kristo.Nk'uko inzoka z'ubumara zashushanyijwe mu nzoka y'umuringa yamanitswe kugira ngo abantu nibayirebaho bakire, ni nako umwana w'Imana yagombaga gushushanywa na kamere y'icyaha kugira ngo ahinduke umukiza w'isi.

Mbere yo kwigira umuntu kwe ,Kristo «yari Imana»; bivuze ko kuva mbere na mbere yari afite kamere y'ubumana(Yohana1:1;Abafiripi2:6,7).Mu gufata «akamero k'umugaragu», yasize ibinezeza by'ijuru ahinduka umugaragu wa se (Yesaya 42:2), kugira ngo asohoze ubushake bwa se (Yohana 6:38;Matayo 26:39,42).Yiyambuye ubumana bwe yambara ubumuntu,yashushanyijwe na kamere y'icyaha bisobanura «kamere muntu y'ubunyacyaha» cyagwa se « kamere muntu nyuma yo kugwa» (Abaroma 8:3). Ibyo ntibivuze ko Yesu Krito yabaye umunyacyaha cyangwa se ngo asangire n'abanyabyaha ibikorwa bibi n'intekerezo zanduye.Nubwo yashushanyijwe na kamere y'icyaha ,ntiyigeze akora icyaha kandi gukiranuka kwe ntigushidikanywaho.

*b)Yari Adamu wa kabiri:* mukwerekana isano iri hagati ya Adamu na kristo,Bibiliya yita Adamu «Adamu wa mbere»ikita Kristo« Adamu wa kabiri»cyangwa« Adamu wa nyuma».(1Abakorinto 15:45,47).Nyamara Adamu yari afite akarusho ugereranyije na Kristo.Mbere yo kugwa yabaga muri Paradizo.Yari afite ubumuntu butunganye akanagira intekerezo n'impagarike bizima.

Nyamara ibyo siko bimeze kuri Kristo.Igihe yambaraga kamere muntu, inyokomuntu yari imaze igihe cy'imyaka ibihumbi bine iri mu buhenebere bw'icyaha mu isi yangijwe n'ikibi.Kugira ngo acungure abangijwe n'icyaha,Kristo yambaye kamere muntu ugereranyije n'iyo Adamu yari afite ataracumura yuzuye gucika intege mu mubiri no mu by'umwuka.Nyamara ntiyigeze akora icyaha.

Igihe Kristo yambaraga kamere muntu yazahajwe n'ingaruka z'icyaha, nawe yahindutse urwara,ucika intege; ibyo buri wese ahura nabyo.Kamere ye yari ifite«intege nke» kandi

«yikoreye ubumuga bw'abantu» (Abaheburayo 5:2;Matayo 8:17;Yesaya 52:4).Yiyumvagamo intege nke.Byabaye ngombwa ko « Asenga asaba cyane kandi ataka ndetse anarira abwira uwagombaga kumukiza urupfu» (Abaheburayo 5:7),yisanishije n'ibyifuzo ndetse n'intege nke by'inyokomuntu.

Bityo rero ubumuntu bwa Yesu ntibuhwanye n'ubwa Adamu haba mbere na nyuma yo gucumura.Ntibwari nk'ubwa Adamu kuko yari umuziranenge,nyamara akikorera ibyaha by'inyokomuntu yagomye.Ubumuntu bwe kandi ntibwari bwaracumuye,kuko butigeze bukora icyaha.Niyo mpamvu bwari ubumuntu nk'ubwacu ariko butarangwamo icyaha.

c) *Kugeragezwa kwe.*Ni gute Kristo yahuye n'ibigeragezo? mbese byari bimworoheye cyangwa byari bimukomereye gutsinda ibyo bigeragezo?Uburyo Kristo yasakiranye n'ibigeragezo bitwereka uburyo yari umuntu.

*1.«Yageragejwe nkatwe mu buryo bwose nkatwe.»* Kuba Kristo «yarageragejwe mu buryo bwose nkatwe» (Abaheburayo 4:15) byerekana kwihuza kwe na kamere muntu. Kugeragezwa no gucumura byarashobokaga kuri Kristo.Iyo aza kuba afite ukudacumura ntiyari kuba ari umuntu by'ukuri kandi ntiyari kutubera urugero.Kristo yambaye kamere muntu n'ibyashoboraga kuyibaho byose harimo no kuba yatsindwa n'ikigeragezo.Ni gute byashobotse ko ageragezwa «mu buryo bwose» nk'uko natwe bitumerera? Birumvikana ko «mu buryo bwose» bidasobanura ko yahuye n'ibigeragezo nk'ibyo duhura nabyo muri iki gihe.Ntabwo yigeze ahura n'ikigeragezo cyo kureba gahunda mbi zihitishwa kuri televiziyo cyangwa kurenza umuvuduko utegetswe w'ikinyabiziga .

Muri buri kigeragezo ikibazo cy'ingenzi kandi cya buri muntu ni uguhitamo niba ashaka cyangwa adashaka kwishyira mu bushake bw'Imana.Mu gusakirana kwe n'ibigeragezo, Kristo buri gihe yishyiraga mu bushake bw'Imana.Binyuze mu kwishingikiriza ku Mana bihoraho,yavuye mu bigeragezo anasheje bona n'ubwo yari umuntu.Intsinzi ya Kristo mu bigeragezo yamuhaye ubushobozi bwo kubabarana n'abantu mu ntege nke zabo.Gutsinda ibigeragezo kwacu guturuka ku buryo twishingikiriza kuri we.«Imana ni iyo kwizerwa, kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ibibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira» (1Abakorinto 10:13).

Nuko rero dukwiriye kuzirikana ko«ari iyobera ridasobanukira ibiremwa bipfa kumva uburyo yageragejwe mu buryo bwose nkatwe nyamara ntakore icyaha ».

*2.«Yababajwe no kugeragezwa»* Kristo yarababaye igihe yageragezwaga (Abaheburayo 2:18). Yahawe ikuzo «Atunganishwa kubabazwa kwe.»(Abaheburayo 2:10).Kuko nawe ubwe yasakiranye n'ubushobozi bw'ibigeragezo,ibyo biduhamiriza neza ko azi uburyo bwo gufasha abababazwa.Yigize umwe n'inyokomuntu ahura n'ibigeragezo nk'ibyo kameremuntu ihura nabyo.

Ni gute Kristo yababarijwe mu bigeragezo? N'ubwo yambaye kamere y'icyaha, mu byumwuka he ntihigeze hagira n'akazinga k'icyaha.Kamere ye izira inenge yarageragejwe.Gusakirana n'umubi uko ari ko kose kwaramubabazaga.Bityo rero kuko

yababazwaga ar'intungane,ibigeragezo byamubabaje kurusha undi muntu uwe ari we wese.

Mbese Kristo yababaye bingana gute? Ibyamubayeho mu butayu, i Getsemani n'i Gorogota byerekana ko yanesheje ibigeragezo kugeza avuye amaraso( Abaheburayo 12:4).

Kristo ntiyababajwe gusa bigendereye ukwera kwe, ahubwo yanasakiranye n'ibigeragezo birenze ibyo abantu bahura nabyo.Uwitwa B.F Wescott(Wesikoti) yaranditse ati «Kugira neza Imana igaragariza umuntu uri mu bigeragezo ntigushingira ku kuba ari umunyabyaha, ahubwo kwita ku mbaraga imutera gukora icyaha kandi ishobora kumenywa n'utigeze icyaha mu buremere bwaco.Umuntu ugwa aratsindwa bone n'ubwo yaba yakoresheje imbaraga ze zose.» F.F.Bruce(Buruse) usangiye nawe icyo gitekerezo yaravuze ati «Nyamara yasakiranye n'ubwoko bwose bw'ibigeragezo umuntu yashoboraga guhura nabyo,ntibyaca intege kwizera kwe cyangwa ngo bimutere kureka kwishingikiriza ku Mana. Bene uko kwihangana kwerekana bidasubirwaho umubabaro usanzwe w'umuntu».

Kristo yanasakiranye kandi n'ikigeragezo kitigeze kigeragereshwa undi muntu; ikigeragezo cyo gukoresha imbaraga z'ubumana mu nyungu ze bwite .Ellen White yaranditse ati «Yari yuje icyubahiro mu ijuru kandi ububasha bwe bwari muri kamere ye.Kandi byari bimukomereye kwifata akagumya kuba nk'abandi bantu bose, ntiyishyire hejuru ya kamere yabo yangiritse akoresheje ubumana bwe».

d) *Mbese Kristo yashoboraga gucumura?* Abakristo ntibumvikana kuri iyi ngingo yo kumenya niba Kristo yarashoboraga gukora icyaha. Twemeranywa na Philip Schaff(Filipo Sikafu) wavuze ati «Iyo Kristo, kuva mu ntango y'umurimo we, aba yari afite ukudakora icyaha, ntiyajyaga gushobora kuba umuntu by'ukuri cyangwa ngo abe urugero rwo kwiganwa.Icyo gihe aho kugira ngo gukiranuka kwe kube ikintu akwiriye, kwari kuba impano y'inyuma apfuye guhabwa bityo guhura kwe n'ibigeragezo bikaba nk'umukino».Karl Ullman(Ulimani) yongeraho ko «Igitekerezo cyo kugeragezwa n'ubwo gishobora gusobanurwa, nticyakumvikana; kandi amagambo yakoreshejwe mu rwandiko rw' Abaheburayo "Yageragejwe nkatwe mu buryo bwose"yaba ntacyo avuze.»

### *6) Kamere muntu itarangwamo icyaha.*

Birumvikana neza ko ubumana bwa Kristo butagiraga icyaha .Ariko se bite by'ubumuntu bwe?

Bibiliya igaragaza ubumuntu bwa Kristo nk'ubutaragiraga icyaha. Kuvuka kwe kwabaye ikintu ndengakamere,yabayeho kubw'umwuka wera (Matayo 1:20). Mbere y'uko avuka,yavuzwe ko ari «umwana w'umuziranenge»(Luka 1:35).Yafashe kamera muntu yacumuye,yishyiraho ingaruka z'icyaha ariko ntiyishyiraho ubunyacyaha.Yabaye umwe n'inyokomuntu uretse mu cyaha.

Yesu «yageragejwe nkatwe mu buryo bwose ntiyakora icyaha» yari«Uwera,utagira uburiganya,utandura,watandukanijwe n'abanyabyaha.»(Abaheburayo 4:15;7:26).Pawulo yanditse ko«Atigeze kumenya icyaha» (2Abakorinto 5:21). Petero nawe yemeza ko«atigeze

akora icyaha kandi ko nta buriganya bwabonetse mu kanwa ke»(1 Petero2:22), kandi anamugereranya «n'umwana w'intama utagira intenge cyangwa ibara»(1Petero1:19;Abaheburayo 9:24).Yohana yaranditse ati «Nta cyaha kimuri mo [...] ni we mukiranutsi» (1Yohana 3:5-7).

Yesu yishyizeho kamere yacu mu buryo bwose, ariko ntiyigeze yangizwa na kamere ngo agwe mu cyaha.Yigeze kubaza abamurwanyaga ati «ninde muri mwe unshinja icyaha?»(yohana8:46). Igihe yahuraga n'ikigeragezo gikomeye yaravuze ati «sinkivugana namwe byishi kuko umutware w'abisi aza;kandi ntacyo amfiteho.»(Yohana14:30).Yesu ntiyigeze ahengamira ku cyaha ;cyangwa ngo agire igishinja muri we.Mu bigeragezo byinshi yahuye nabyo nta na kimwe cyamuteshuye ku kwisunga Imana .

Nta na rimwe Kristo yigeze yihana icyaha cyangwa ngo atambe ibitambo.Mu gusenga kwe ntiyavugaga ati «Data, mbabarira !» ahubwo yaravugaga ati «Data, ubababarire!» (Luka 23:34).Mugushaka kuzuza ubushake bw'Imana, Yesu yishingikirizaga ku Mana (Yohana5:30).

Binyuranye n'inyokomuntu yangiritse ,«kamere y'iby'umwuka » ya Yesu kristo ni nziza kandi irera,«izira icyitwa icyaha cyose».Byaba ari ukwibeshya kwibwira ko yari «umuntu»nk'uko turi.Ni Adamu wa kabiri,umwana w'ikinege.Ntibinakwiriye kandi kumutekereza nk'««umuntu watwarwaga n'imbaraga z'ikibi». Nubwo kamere ye ya muntu yageragejwe nk'abandi bantu bose,ntiyigeze agwa cyangwa ngo acumure.Muri we ntihigeze kubamo kugambirira ikibi.

Bityo rero,Yesu ni icyitegererezo cy'inyokomuntu cyera kandi gikomeye. Nta cyaha agira kandi ibikorwa bye byose byerekana ubutungane bwe.Mu by'ukuri yabaye urugero rwera rw'inyokomuntu mu kudakora icyaha .

## 7)Impamvu byari ngombwa ko kristo ahinduka umuntu

Bibiliya itanga ibisobanuro byinshi kuri iki kibazo: Kuki Kristo yagombye kwambara kamere muntu?

*a)Kugira ngo abe umutambyi mukuru w'inyokomuntu*.Nka Mesiya, byari ngombwa ko Yesu yuzuza inshingano z'umutambyi mukuru cyangwa umuhuza w'Imana n'abantu (Zakariya 6:13;Abaheburayo 4:14-16).Uyu murimo wasabaga kamere muntu.Kristo yashoboye kuzuza ibi byangombwa :

Kandi «abasha kwihanganira abatagira ubwenge n'abayobye kuko na we agoswe n'intege nke» (Abaheburayo5:2).
«Ni umunyambabazi kandi arakiranuka kuko yashushanijwe na bene se kuri byose»(Abaheburayo2:17).

«Ashobora no gutabara abageragezwa kuko nawe ubwe yababajwe no kugeragezwa» (Abaheburayo 2:18). Ababarana natwe mu ntege nye zacu kuko «yageragejwe nkatwe mu buryo bwose uretse ko atigeze akora icyaha» (Abaheburayo 4:15),

*b) Kugira ngo acungure ikiremwa muntu cyangiritse*. Kugira ngo agere ku bantu aho bari kandi acungure  abatagira ibyiringiro,yafashe akamero nk'ak,umugaragu(Abafiripi 2:7)

*c)Kugira ngo atange ubugingo bwe ku bw'icyaha cy'isi*.Kamere y'ubumana ya Kristo ntiyashoboraga gupfa.Kugira ngo anyure mu rupfu, Kristo yagombye kwambara kamere muntu.Yahindutse umuntu kandi yishyura igihembo cy'icyaha ari cyo rupfu(Abaroma 6:23;1 Abakorinto 15:3).Yasogongereye abanyu bose urupfu (Abaheburayo2:9)

*d)Kugira ngo atubere urugero.*Kugira ngo yereke abantu uko bagombye kubaho,nk'umuntu, Kristo yagombye kubaho ubuzima butagira icyaha .Nka Adamu wa kabiri yavanye ho ibinyoma bivuga ko umuntu adashobora kumvira amategeko y'Imana cyangwa ngo aneshe icyaha.Yerekanye ko bishoboka ko ikiremwamuntu cyumvira ubushake bw'Imana.Aho Adamu wa mbere yatsindiwe Adamu wa kabiri yahatsindiye icyaha na Satani,bityo aduhindukira umukiza anatubera urugero.Kubw'ububasha bwe, insinzi ye ishobora guhinduka iyacu(Yohana16:33)

Mu kumuhanga amaso,«Abantu bahindurirwa gusa nawe no guhabwa icyubahiro kiruta ikindi»(2Abakorinto3:18)«Dutumbira Yesu wenyine, niwe banze ryo kwizera […] nuko muzirikane uwo wihanganiye ubwanzi bw'abanyabyaha bukomeye butyo kugira ngo mudacogora mukagwa isari mu mitima yanyu» (Abaheburayo12:2,3). Mu by'ukuri «Kristo yarababajwe adusigira ikitegerezo kugira ngo tugere ikirenge mucye» (1 Petero2:21;Yohana 13:15.)

**Guhuzwa kwa kamere ebyiri**

Kristo ahuriza hamwe kamere ebyiri: Kamere y'ubumana na kamere muntu. Ni Imana Muntu.Nyamara ntidukwiriye kwibagirwa ko guhinduka umuntu k'umwana w'Imana byerekana ko yishyize ho kamere muntu. Si umuntu wahindutse Imana,ahubwo ni Imana yahindutse umuntu. Igikorwa gituruka ku Mana kigana ku muntu; si ku muntu kigana ku Mana.

Muri Kristo, izo kamere zahindutse umuntu umwe. Mureke twite kuri ibi bitekerezo byo muri Bibiliya:

***Kristo ni uguhuzwa kwa kamere ebyiri***. Ubwinshi buterwa n'ubutatu ntibugaragara muri Kristo. Bibiliya igaragaza Kristo nk'umuntu umwe si babiri. Amasomo menshi yifashisha kamere y'ubumana na kamere muntu, nyamara bavuga umuntu umwe.Pawulo avuga Yesu nk'umwana w'Imana (kamere y'ubumana) wabyawe n'umugore (Kamere ya kimuntu). (Abagaratiya 4:4). «Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana,ntiyatekereje ko guhwana

n’Imana ari ikintu cyo kugundirwa;ahubwo yisiga ubusa,ajyana akamero k’umugaragu w’imbata,agira ishusho y’umuntu:kandi amaze kuboneka afite ishusho y’umuntu»(kamere muntu).(Abafiripi 2:6,7).

Kamere ya Kristo ntigizwe  n’imbaraga z’ubumana zahujwe n’ubumuntu bwe.«Yohana avuga ko Jambo yahindutse umuntu akabana natwe yuzuye ubuntu n’ukuri kandi twabonye icyubahiro cye,icyubahiro koko nk’icyumwana w’ikinege waturutse kuri se.»(Yohana1:14).Pawulo yanditse ko Imana yohereje «Umwana wayo afite ishusho ya kamere y’ibyaha»(Abaroma8:3);«Uwerekanwe afite umubiri».(1Timoteyo3:16;1Yohana4:2)

***Isano ya kamere ebyiri.*** Bibiliya ivuga, rimwe na rimwe,umwana w’Imana ikoresheje amagambo afitanye isano na kamere y’ubumuntu.Imana yiguriye itorero ryayo amaraso yayo bwite(Ibyakozwe n’intumwa 20:28;Abakorosayi 1:13,14). Na none ahandi yerekana umwana w’umuntu ikoresheje amagambo yerekeye kamere ye y’ubumana (Yohana3:13;6:62;Abaroma 9:5).

Igihe Kristo yazaga mu isi,yari yarateguriwe «umubiri» (Abaheburayo10:5).Igihe yambaraga ubumuntu,ubumana bwe bwatwikiriwe n’ubumuntu.Ibyo ntabwo bivuze ko ubumuntu bwahindutse ubumana,cyangwa ngo ubumana buhinduke ubumuntu.Ntabwo yiyambuye uko yari ari ngo afate indi kamere ahubwo yiyambitse ubumuntu.Bityo rero,ubumana n’ubumuntu byarivanze.

Igihe yihinduraga umuntu, ntiyaretse kuba Imana,nta nubwo ubumana bwe bwakuweho ngo buhinduke ubumuntu.Buri kamere yari ifite ibyo yihariye. «Nyamara muri we ni ho hari kuzura k’ubumana kose mu buryo bw’umubiri.»(Abakorosay 2:9)
Ubwo yari ari ku musaraba, hapfuye ubumuntu si ubumana kuko ibyo byo bitashoboraga kubaho.

***Impamvu zo guhuzwa kwa kamere ebyiri.***Gusobanukirwa n’isano iri hagati ya kamere ebyiri za Kristo bituma tubona mu buryo bwiza intego ya kristo n’iy’agakiza kacu.

***1.Kugira ngo yunge inyokomuntu n’Imana.***Umukiza Mana Muntu niwe wenyine washoboraga kuzanira abantu agakiza.Igihe Kristo yihinduraga umuntu ngo amenyeshe abizera ibya kamere ye y’ubumana,yambaye ubumuntu.Binyuze mu maraso ya Mana Muntu,abizera bashobora guhinduka abafatanya na kamere y’Imana(2Petero1:4).

Urwego yakobo yabonye mu nzozi ze,rushushanya Kristo,rutugeraho uko twaba tumeze kose.Yafashe kamere muntu kandi aba umuneshi,ku buryo natwe mu gufata kamere ye dushobora natwe gutsinda.Amaboko ye y’ubumana yafashe intebe y’Imana,mu gihe ubumuntu bwe bwahobereye inyokomuntu,bukaduhuza n’Imana,ari nako buhuza Isi n’juru.

Kamere y'ubumana ihujwe na kamere y'ubumuntu yatumye igitambo cy'impongano cya Kristo  kigera ku ntego yacyo.Ubugingo bw'ikiremwamuntu buzira icyaha cyangwa ubw'umumalayika ntibwashoboraga gukuraho icyaha cy'inyokomuntu.Umuremyi wenyine wungiye hamwe izo kamere zombi niwe ushobora gucungura no kubonera abantu agakiza.

***2.Kugira ngo ubumuntu bwe abutwikirize ubumana.***Kristo yatwikirije ubumana bwe umwenda w'ubumuntu, asiga mu kanya gato ubwiza bwe n'icyubahiro cy'ubwami bw'ijuru,kugira ngo abanyabyaha batarimburirwa imbere ye ahubwo babashe kugumya kubaho.Nubwo yari Imana ntiyigaragaje nk'Imana(Abafilipi2:6-8).

***3.Kugira ngo abeho anesha.***Ubumuntu bwa Kristo bwonyine ntibwari kuba buhagije ngo bube bwakwihanganira ibishuko bikomeye by'umwanzi Satani.Yabashije kunesha icyaha kuko muri we«Niho hari kuzura k'ubumana kose mu buryo bw'umubiri» (Abakorosayi2:9). Kubw'uko Kristo yishingirizaga gusa kuri se (Yohana5:19,30;8:28),«Ububasha bwe bw'ubumana buhujwe n'inyokomuntu byahesheje umuntu insinzi itagira umupaka».

Imibereho inesha Kristo yagize ntiyari isumbwe rye bwite wenyine.Ntabubasha bundi yakoresheje umuntu atabasha gukoresha.«Natwe tubasha kuba twuzuye kugeza ku kuzura kose kw'Imana» (Abefeso3:19). Binyuze mu bubasha bw'ubumana bwa Kristo,tubasha kuba twagera kuri buri kintu cyose cyerekeranye n'ubugingo bw'ubumana.

Urufunguzo rutwemerera kugera kuri iyo mibereho ruboneka mu «Masezerano akomeye kandi y'igiciro ». Kubw'ayo masezerano dushobora kuba twashyikira kamere y'ubumana tugasezera ku kononekara ko muri iyi si kuzanwa no kwifuza kubi(1Petero1:3,4). Imbaraga yamubashishije gutsinda,ni nayo atanga kugira ngo abantu bose bashobore kumvira by'ukuri bafite imibereho inesha.

Isezerano ry'agahozo rya Kristo ni isezerano ryo kunesha:Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe y'ubwami(Ibyahishuwe 3:21).

**Imirimo ya Yesu Kristo**

Imirimo y'umuhanuzi,y'umutambyi n'iy'umwami yari yihariye kandi yasabaga kubanza kwezwa gushingiye ku gusigwa amavuta(1Abami19:16;Kuva30:30;2 Samweli 5:3).Mesiya uzaza,uwasizwe wavuzwe n'abahanuzi yagombaga gusohoza izo nshingano uko ari eshatu.Kristo akora umurimo we wo kuba umuhuza  w'Imana n'abantu binyuze mu mirimo ye nk'umuhanuzi,nk'umutambyi ndetse nk'umwami.Kristo umuhanuzi atumenyesha ubushake bw'Imana.Kristo umutambyi ni umuhuza w'Imana n'abantu.Kristo umwami ayoborana ubwoko bw'Imana imbabazi n'impuhwe.

***Kristo umuhanuzi.***Iby'umurimo wa Kristo w'ubuhanuzi Imana yari yarabihishuriye Mose«Nzabahagurukiriza umuhanuzi nka we ukomotse muri bene wabo,nzashyira amagambo yanjye mu kanwa ke,ajye ababwira ibyo mutegetse byose.»(Gutegeka 18:18). Abo mugihe cya Kristo bamenye isohozwa ry'ubu buhanuzi  (Yohana6:14;7:40;Ibyakozwe n'Intumwa 3:22,23).

Kristo yivuze we ubwe ko ari umuhanuzi(Luka13:33), yabigishanyaga ubutware(Matayo7:27) amahame agenga ubwami bw'Imana(Matayo5-7;22:36-40) akanavuga ibizaba mu gihe kizaza (Matayo 24:1-51;Luka19:41-44).

Mbere yo guhinduka umuntu,Kristo yujuje umwuka wera abanditsi ba Bibiliya abaha umurimo wo guhanura ibyerekeye imibabaro ye n'icyubahiro cyagombaga kuzayikurikira(1Petero1:11).Nyuma yo kuzamurwa mu ijuru ntiyarekeyaho kwihishurira ubwoko bwe.Ibyanditswe byerekana ko yatanze «Guhamya kwe» Umwuka w'ubuhanuzi kubasigaye bamwumvira(Ibyahishuwe12:;19:10; reba igice cya 17 cy'iki gitabo.)

***Kristo umutambyi.*** Ijuru ryirahiye rivuga iby'umurimo w'ubutambyi wa Mesiya riti «Uwiteka ararahiye kandi ntazivuguruza ati: Uri umutambyi iteka mu buryo bwa Melikisedeki»(Zaburi110:4).Kristo ntiyari uwo mu muryango wa Aroni.Nk'uko byari bimeze kuri Melikisedeki ,uburenganzira bwo kuba umutambyi bwaturutse ku cyemezo cy'Ijuru(Abaheburayo 5:6,10; reba igice cya 7).Umurimo we w'ubutambyi n'ubuhuza wari ufite ibyiciro bibiri:Umurimo wo mu isi n'umurimo wo mu Ijuru.

***1.Umurimo w'ubutambyi wa Kristo ku isi.***Umurimo w'umutambyi ku bicaniro by'ibitambo washushanyaga umurimo wa Kristo ku isi.Yabaga yaratoranijwe ngo yuzuze izo nshingano:Yabaga ari umuntu kandi«yarahamagawe n'Imana» maze«Agakora umurimo w'Imana akorera abantu» kandi afite inshingano y'ingenzi yo «Gutanga amaturo n'ibitambo by'ibyaha»(Abaheburayo 5:1.)

Umutambyi yagombaga kunga Imana n'abantu binyuze muri gahunda y'ibitambo byashushanyaga kubabarirwa ibyaha(Abalewi1:4; 4:29,31,35; 5:10; 16:6; 17:11).Bityo rero gutambwa kw'ibitambo guhoraho ku gicaniro kwashushanyaga ko hari ubwiyunge buhoraho kandi budahinduka.

Ibi bitambo ntibyari bihagije.Ntibyashoboraga guhindura umuziranenge uwababaga yabitanze,haba no kumukuraho ibyaha cyangwa kweza intekerezo ze (Abaheburayo10:1-4;9:9).Ibyo byari gusa igicucu cy'ibyagombaga kuza (Abaheburayo10:1;9:9,23,24).Isezerano rya kera ryavugaga ko Mesiya yajyaga kuzajya mu mwanya w'ibyo bitambo by'inyamaswa (Zaburi 40:6-8;abaheburayo 10:5-9). Ibi bitambo rero byacureraga imibabaro n'urupfu rw'umucunguzi Yesu Kristo.We ntama y'Imana yahindutse icyaha n'umuvumo ku bwacu; amaraso ye atwezaho ibyaha byose(2 abakorinto 5:21;Abagalatiya 3:13;1Yohana1:7;1Abakorinto15:3).

Bityo rero mu murimo we ku isi, Kristo yari umutambyi n'igitambo icyarimwe.Urupfu rwe ku musaraba rwari kimwe mu murimo we.Nyuma y'igitambo cy'i Gologota umurimo we w'umuhuza yawukomereje mu Ijuru.

***2.Umurimo wa Kristo mu Ijuru.***Umurimo Yesu yatangiriye mu isi yawukomereje mu ijuru.Kwicisha bugufi kwe mu isi agahinduka umugaragu w'Imana wamenyereye intimba,byamuhaye uburenganzira bwo kuba umutambyi mukuru mu ijuru(Abaheburayo2:17,18;4:15;5:2).Ubuhanuzi buhishura ko Mesiya yagombaga kuba

umutambyi kandi akicara ku ntebe y'Imana(Zakariya 6:13).Nyuma yo kuzuka,Kristo wicishije bugufi yashyizwe hejuru.Ubungubu umutambyi wacu mukuru «yicaye iburyo bw'intebe y'ikomeye cyane yo mu ijuru»,akorera ahera ho mu buturo bwera bwo mu ijuru (Abaheburayo 8:1,2;1:3;9:24).

Kristo akigera mu ijuru yahise atangira umurimo we wo guhuza abantu n'Imana.Umwotsi w'umubavu wazamukaga hejuru y'ahera mu buturo bwera washushanyaga amasengesho no gukiranuka bya Kristo byo bituma kuramya kwacu n'amasengesho yacu byemerwa imbere y'Imana.Umubavu washyirwaga gusa ku makara yabaga yavuye ku cyotero cy'ibitambo;ibyo bikerekana isano ikomeye iri hagati y'ubuvugizi n'igitambo cyunga.Bityo rero umurimo wa kristo w'umuhuza ushingiye ku gaciro k'igitambo cye cyera.

Kudusabira kwa Kristo ni inkomezi cyane ku bwoko bwe :Ashobora «Gukiza abegerezwa Imana nawe kuko ahoraho iteka ngo abasabire.»(Abaheburayo 7:25).Kuko Kristo asabira ubwoko bwe,ibirego bya Satani byose ni imfabusa(1yohana 2:1;Zakariya 3:1).Pawulo abaza iki kibazo«ni nde uzaziciraho iteka ?»Yemeza ko Kristo ubwe ari iruhande rw'Imana,kandi adusabira(Abaroma 8:34).

Mu kwemeza umurimo we nk'umuhuza Kristo aravuga ati«Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko icyo muzasaba Data mu izina ryanjye azakibaha»(Yohana16:23.)

***Kristo Umwami***.«Uwiteka yakomeje intebe ye mu ijuru: ubwami bwe butegeka byose»(Zaburi 103:19).Umwana w'Imana,nk'umwe mu butatu,afite ubushobozi ku isi yose.

Yesu Kristo, nk'Imana Mwana,azaha ubwami abantu bose bazaba baramwemeye nk'umwami n'umukiza.«Mana intebe yawe n'iy'iteka ryose; inkoni y'ubutware bwawe ni inkoni y'utwara agororoka»(Zaburi 45:7; Abaheburayo1:8,9).

Ubwami bwa Kristo bwararwanyijwe.«Abami bo mu isi biteguye kurwana,kandi abatware bagiriye inama Uwiteka n'uwo yasize» (Zaburi 2:2).Ariko imigambi yabo yaratsinzwe.Imana izimika Mesiya kandi imwicaze ku ntebe yayo binyuze mu itegeko;«Ni jye wimikiye umwami wanjye kuri Siyoni,umusozi wanjye wera!» Yaravuze ati«Uri umwana wanjye,uyu munsi ndakubyaye.»(Zaburi 2:6,7; Abaheburayo1:5.) Izina ry'umwami ugomba kwicara mu ntebe ya Dawidi ni «Uwiteka gukiranuka kwacu» (Yeremiya 23:5). Umurimo we ni umwe, kuko akora inshingano ye ku ntebe yo mu ijuru nk'umutambyi n'umwami (Zakariya 6:13).

Malayika yabwiye Mariya ko Yesu yagombaga guhinduka Mesiya umutware, yaravuze ati «Azima mu nzu ya Yakobo iteka ryose, ubwami bwe ntibuzashira» (Luka1:33). Ubutware bwe busobanurwa n'intebe ebyiri zishushanya ubwami bwe bubiri.«Intebe y'ubuntu» (Abaheburayo4:16) ishushanya ubwami bw'ubuntu; «Intebe y'ubwiza bwe»(Matayo25:31) ishushanya ubwami bw'ubwiza.

***1.Ubwami bw'ubuntu.***Icyaha cya mbere kikibaho,ako kanya, hahise himikwa ubwami bw'ubuntu,nkuko amasezerano y'Imana ari.Kubwo kwizera, abantu bose bashoboraga

guhinduka abaturage b'ubwo bwami.Nyamara bwimitswe byuzuye mu rupfu rwa Kristo.Igihe yavugaga n'ijwi rirenga ku musaraba ati«Birarangiye»,ibyo inama yo gucungura umuntu yasabaga byose byarujujwe nuko habaho kwemezwa kw'isezerano rishya(Abaheburayo9:15-18).

Amagambo ya Yesu ngo «Igihe kirasohoye,ubwami bw'Imana buri hafi» (Mariko1:15)yerekezaga k'ubwami bw'ubuntu bwari gushyirwaho n'urupfu rwe.Kuko ubwo bwami budashingiye ku irema ahubwo bushingiye ku ugucungurwa,bwakiriza abaturage babwo gusubizwamo intege no kuvuka bundi bushya.Yesu yaravuze ati«Umuntu utabyawe n'amazi n'umwuka ntabasha kwinjira mu bwami bw'Imana.» (Yohana 3:5;3:3). Yagereranyije gukura kwabwo no gukura gutangaje kw'akabuto ka sinapi;yanabugeranije n'umusemburo mu ifu (Mariko 4:22-31;matayo13:33).

Ubwami bw'ubuntu ntibugaragara inyuma,ariko bugira icyo bukora mu mitima y'abizera.Yesu yavuze ko ubwo bwami,«butazaza  ku mugaragaro,kandi ntibazavuga bati:Dore ngubu ,cyangwa bati:Nguburiya.Kuko ubwami bw'Imana buri hagati muri mwe»(Luka17:20,21).Yavuze ko atari  ubwami bwiyi si ahubwo ari ubwami bw'ukuri.«Ndi umwami.Icyi ni cyo navukiye;kandi nicyo cyanzanye mu isi,ni ukugira ngo mpamye ukuri kandi uw'ukuri wese yumva ijwi ryanjye.» (Yohana18:37).Pawulo yavugaga ko ubwo bwami ari ubwami bwa Kristo«Bw'ukuri,gukiranuka,amahoro no kwishimira mu Umwuka wera»,ubwami abizera bamaze kujyanwamo(Abaroma14:17;Abakolosayi1:13).

Gushyirwaho kubwo bwami kwabaye igikorwa ndakuka,kuko cyerekana ko hadashobora kuboneka ikamba nta musaraba.Ku iherezo ry'umurimo we ku isi,Yesu,Mesiya,Imana-muntu,yagiye i Yerusaremu nk'umuragwa w'ubwami bwa Dawidi.Yicaye ku cyana cy'indogobe, nk'uko byari mu muco w'Abayuda werekeranye no kwinjira mu murwa k'umwami(Zakariya 9:9), yemeye icyubahiro n'ibisingizo byungikanya yahabwaga n'abantu benshi.Igihe yinjiranaga ubutware mu murwa,«Rubanda nyamwinshi bashashe imyenda yabo mu nzira» kugira ngo barimbishe inzira y'umwami; baciye amashami y'imikindo kandi bararirimba bati «hoziyana mwene Dawidi,hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka!»(Matayo 21:8,9),asohoza ubuhanuzi bwa Zakariya.Bityo rero,Kristo yiyerekanye nk'umwami w'umucunguzi.

Nyamara ikibabaje,gusubizwa ku ntebe ya cyami kwa Kristo kwasakiranye n'imbogamizi.Satani yagaragaje byimazeyo urwango yanga utigize gukora icyaha.Mu masaha cumi n'abiri,abatambyi,urukiko rw'Abayuda (Sanhédrin),bamufashe rwihishwa bamucira urwo gupfa.

Igihe yacirwaga urubanza,Yesu yahamije ku mugaragaro ko yari umwana w'Imana akaba n'umwami w'ubwoko bwe(Luka23:3;Yohana18:33-37).Icyakurikiye ubwo buhamya bwe ni ugusuzugurwa no kwamburwa ikanzu ye ya cyami akambikwa ikamba,ritari irya zahabu,ahubwo ikamba ry'amahwa(Yohana19:2).Ntibamwakiriye nk'umwami ahubwo baramukwennye.Ubwo yakubitwaga ibiboko,abasirikare baramushinyaguriye bati«Ni amahoro Mwami w'Abayuda!»(Yohana19:3).Kandi ubwo Pilato yamwerekaga abaturage ati «Dore umwami wanyu!»,ubwoko bwe bwite bwashakurije icyarimwe bumwamagana buti «Mukureho, mukureho,umubambe!»(Yohana19:14,15.)

Binyuze mu gusuzugurwa gukomeye no mu rupfu ku musaraba,Kristo yimitse ubwami bw'ubuntu.Nyuma y'igihe gito gusuzugurwa kwasimbuwe no gushyirwa heju.Azamuwe mu ijuru,yagizwe umutambyi n'umwami,asangira na se intebe y'ubuyobozi (Zaburi 2:8,9;Abaheburayo 1:3-5;Abafilipi 2:9-11;Abefeso 1:20-23).
Uko kwimikwa ntikwamuhaye,nk'umwana w'Imana,ubundi bushobozi butandukanye n'ubwo yari asanganywe.Nyamara,nk'umuhuza w'abantu n'Imana,kamere ye y'ubumuntu yamuhesheje ubushobozi n'icyubahiro mu ijuru.

***2.Ubwami bw'icyubahiro.*** Icyigereranyo cy'ubwami bw'icyubahiro cyagaragariye ku musozi yesu yahindukiyeho ishusho irabagirana.Aho, Kristo yiyerekanye mu cyubahiro cye.«Ahindurirwa imbere yabo,mu maso he harabagirana nk'izuba, imyenda ye yera nk'umucyo» (Matayo17:2).
Mose na Eliya bari bahagarariye abacunguwe.Mose yashushanyaga abapfiriye muri Kristo kandi bazazuka,naho Eliya yashushanyaga abizera bazajyanwa mu ijuru badapfuye,igihe Kristo azaba aje.

Ubwami bw'icyubahiro buzimikwa mu gihe hazaba hariho ibiza byinshi igihe Kristo azaba agarutse (Matayo 24:27,30; 31:25:31,32).Nyuma y'urubanza,igihe umurimo w'ubuhuza Kristo akorera mu buturo bwera uzaba urangiye,«Umunsi uheruka».Imana data izamuha «Ubutware, icyubahiro n'ubwami». (Danyeli 7:9,10,14).Nuko rero «Ubwami,ubutware n'icyubahiro by'ubwami bwose bwo mu isi buri mu nsi y'ijuru buzahabwe ubwoko bw'abera b'isumbabyose.Ubwami bwayo ni ubwami buzahoraho iteka, kandi ubutware bwose buzajya buyikorera buyumvire» (Daniyeli 7:27).

Ku iherezo ubwami bw'icyubahiro buzimikwa ku isi nyuma y'imyaka igihumbi,igihe Yerusalemu nshya izamanuka iva mu ijuru(Ibyahishuwe 20,21).Mu kwemera Yesu nk'umukiza wacu bwite,dushobora guhinduka abaturage b'ubwami bwe bw'ubuntu uyu munsi n'igihe azimika ubwami bwe bw'icyubahiro agarutse.Tuzahabwa ubuzima bwuzuye ibyiza bizahoraho iteka ryose.Ubuzima buri muri Kristo si ubuzima bwuzuye gutsindwa n'ibyiringiro bipfuye,ahubwo ni ubuzima bwo gukura no gutera imbere turi kumwe n'umukiza.Ubu buzima burimo urukundo,ibyishimo,amahoro,kwihangana no kugira neza,ingeso nziza no gukiranuka(Abagalatiya5:22);izo ni imbuto z'ubusabane Yesu aha abantu bose bashaka kumwegurira ubuzima bwabo. Ninde se wakwanga kwakira iyo mpano?

## IGICE CYA GATANU

## IMANA UMWUKA WERA

.

***Imana Umwuka wera, yafatanyije n'Imana Data n'Imana Umwana mu gikorwa cyo kurema, kwigira umuntu kwa Yesu no gucungura. Yahumekeye mu banditsi ba***

***Bibiliya. Yujuje imbaraga ubuzima bwa Kristo.Areshya kandi akanemeza abanu; abemera iryo rarika bose bahindurirwa gusa n'Imana. Yoherejwe n'Imana Data n'Imana Umwana kugira ngo abane n'abana bayo, uwo mwuka wera aha i torero impano, akanariha imbaraga zirifasha guhamya Kristo,kandi atanyuranyije n'ibyandistwe akayobora abantu mu kuri kose(Itangiriro 1:1,2;Luka 1:35;4:18;Ibyakozwe 10:38;2Petero 1:21;2Abakorinto 3:18;Abefeso 4:11,12 ;Ibyakozwe 1:8; Yohana 14:16-18,26; 15:26,27; 16:7-13).***

Nubwo kubambwa kwaba kwarabayobeje, kukabatera umubabaro ndetse kugatera ubwoba abigishwa ba Yesu, umuzuko wagaruye umucyo mu buzima bwabo. Igihe Kristo yacaga imirunga y'urupfu, ubwami bw'Imana bwavukiye mu mitima yabo.

Icyo gihe, umuriro wagurumanaga mu mitima yabo.Insika zatandukanyaga intumwa bitewe no kutumvikana zarasenyutse igihe Umwuka wera yabamanukiraga.Baturiranye amakosa yabo kandi barushaho kugarukira Kristo, umwami wabo wazamuwe mu ijuru.

Ubumwe bw'uwo mukumbi wari wakwiye imishwaro bwarakuze ku buryo bashishikariye gusenga umunsi ku wundi. Umunsi utazibagirana ubwo bahimbazaga Imana, urusaku rusa nk'urw'umuyaga ukaze rwumvikanye muri bo. Ni nk'aho ikibatsi cy'umuriro wagurumanaga mu mitima yabo cyagaragaraga, ibirimi by'umuriro biza kuri buri umwe umwe.Umwuka wera yabamanukiye bose ameze nk'umuriro ukaze.

Bakimara kuzura umwuka, abigishwa ntibashoboraga guhisha inkuru n'urukundo rwagurumanaga muri bo cyangwa se ibyishimo bari bafite muri Yesu. Mu ruhame, kandi batwawe n'ibyishimo, batangiye kwamamaza ubutumwa bwiza bw'agakiza. Bitewe n'urusaku, abantu benshi bagizwe ahanini n'abo mu mujyi ndetse n'abari baje gusenga Imana baturutse mu mahanga atandukanye basesekara ku nzu bari barimo. Buzuye gutangara n'urujijo, buri wese yumvise mu rurimi rwe kavukire abo banyagalilaya batize bababwira ibitangaza by'Imana.

Umwe yagize ati "Simbyumva, ibi byose bisobanura iki?"Abandi bashaka uko babisobanura bati "basinze!"

Petero ararangurura cyane asumbya abari aho ijwi ati "Oya ! Ubu ni isaha eshatu z'amanywa. Ibyo mwabonye mukanabyumva birimo biraba kubera ko Yesu Kristo yazutse kandi kubera ko yazamuwe iburyo bw'Imana akaduha Umwuka wera » (Ibyakozwe n'Intumwa 2).

**Umwuka wera ni nde ?**

Bibiliya iduhishurira ko Umwuka wera ari umuntu, atari imbaraga z'ikindi kintu. " Byabereye byiza Umwuka wera natwe." (Ibyakozwe n'Intumwa 15 :28). Amagambo nk'ayo yerekana ko abakristo ba mbere bafataga Umwuka Wera nk'umuntu. Kristo na we yamuvuze nk'umuntu wuzuye. "Azampa ikuzo kuko azabahamiriza ibyanjye"(Yohana 16 :14). Ibyanditswe, byifashishije Ubutatu, bisobanura umwuka wera nk'umuntu (Matayo 28 :19 ;2 Abakorinto 13 :14).

Umwuka wera afite imico.Arakora (Itangiriro 6 :3), arigisha (Luka 12 :12), aremeza (Yohana16 :8), ayobora Itorero (Ibyakozwe n'Intumwa 13 :2), arafasha akanagoboka (Abaroma 8 :26), ahumekera mu bantu (2 Petero 1 :21), kandi akatweza (1 Petero 1 :2). Ibyo bikorwa ntibishobora gukorwa neza n'imbaraga iyo ariyo yose cyangwa ubundi bubasha buva mu ijuru. Umuntu wenyine ni we ubishoboye.

**Umwuka wera ni Imana .**

Ibyanditswe bifata Umwuka wera nk'Imana. Petero abwira Ananiya ko igihe yabeshyaga Umwuka wera atabeshye "abantu ahubwo yabeshye Imana"(Ibyakozwe 5:3,4).Yesu yasobanuye icyaha kitababarirwa nko "gutuka Umwuka wera" agira ati "Umuntu wes'usebya umwana w'umuntu azabibabarirwa, ariko usebya Umwuka wera ntazababarirwa haba,naho haba mu gihe cya none cyangwa mu gihe kizaza." (Matayo 12:32). Ibyo ntahandi bigaragarira uretse kuba Umwuka wera ari Imana.

Ibyanditswe biha Umwuka wera ishusho y'ubumana. Ni ubugingo. Pawulo amusobanura nk'"Umwuka w'ubugingo" (Abaroma 8:2).Ni ukuri. Kristo amwita "Umwuka w'ukuri" (Yohana 16:13). Imvugo zitandukanye nk'"urukundo rw'umwuka" (Abaroma 15:30) n' "Umwuka wera w'Imana" (Abefeso 4:30), zerekana ko urukundo no kwera bifitanye isano na kamere ye.

Umwuka wera ashobora byose. Atanga impano z'umwuka "agabira buri muntu wese uko ashaka" (1 Abakorinto 12:11).Abera hose icyarimwe, agumana n'ubwoko bwe ibihe bidashira (Yohana 14:16).Nta n'umwe wabasha guhunga imbaraga ze (Zaburi 139 :7-10). Na none kandi azi byose kuko "Umwuka arondora byose, ndetse n'amayoberane y'Imana" kandi "nta muntu wamenya iby'Imana uretse Umwuka wayo" (1 Abakorinto 2:10,11).

Imirimo y'Imana nayo ishamikiye ku Mwuka Wera.Arebwa n'iby'irema n'umuzuko.Yobu yaravuze ati "Umwuka w'Imana ni we wandemye;kandi guhumeka kw'ishoborabyose ni ko kwambeshejeho"(Yobu 33:4). Naho umunyezaburi yaravuze ati "Wohereza Umwuka wawe: bikaremwa"(Zaburi 104:30). Pawulo yaranditse ati "Uwazuye Kristo mu bapfuye azazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'umwuka wayo utuye muri mwe."(Abaroma 8:11).

Si imbaraga ibonetse yose yabashaga gukora igitangaza binyuze muri Mariya wari isugi akabyara Yesu,ahubwo ni Imana ubwayo yo ibera hose icyarimwe. Ku munsi wa Pentekoti, binyuze mu mwuka,Imana-muntu ariwe Yesu Kristo yageze ku bantu b'ahantu hose bifuzaga kumwakira.

Umwuka wera angana n'Imana Data n'Umwana mu buryo bw'umubatizo (Matayo 28:19), mu guha umugisha intumwa(2 Korinto 13:14) no mu mvugo ijyanye n'impano z'Umwuka(1 Korinto 12:4-6).

**Umwuka wera n'ubumana**

Mu bihe byose Imana Umwuka wera yabanaga n'ubumana kandi yari uwa gatatu. Data, Umwana n'Umwuka bibeshejeho ubwabo. Nubwo buri umwe angana n'undi, isano mu mikorere iragaragara hagati muri ubwo butatu bwera (reba igice cya 2 cy'iki gitabo).

Ukuri kwerekeye Imana Umwuka wera gushobora gusobanuka neza binyuze muri Yesu. Iyo Umwuka yigaragarije abizera, yigaragaza nk' "Umwuka wa Kristo" ntabwo akora kubwe. Igikorwa cye mu mateka gishingiye ku murimo wa Kristo ku bw'agakiza. Umwuka wera afite uruhare mu kuvuka kwa Kristo(Luka 1:35).Yahaye abantu imbuto yo kwiyunga ku bw'igitambo cya Kristo no ku bw'umuzuko(Abaroma 8:11).

Mu bumana, Umwuka wera asa n'ufite inshingano zo gushyira mu bikorwa. Igihe Imana Data yahaga Isi Umwana wayo(Yohana 3:16), yasamwe ku bw'Umwuka wera( Matayo 1:18-20). Umwuka wera yaje kuzuza umugambi w'Imana no kuwushimangira.

Umwuka wera yagize uruhare mu Irema; igikorwa cye kiragaragra ( Itangiriro 1:2) inkomoko y'ubuzima no kongera kubaho kw'ibintu byose ni we biturukaho. Kubura kwe bisobanura urupfu. Nk'uko Bibiliya ibivuga, iyaba Imana "yakisubiza Umwuka wayo no guhumeka kwayo, ibyaremwe byose byapfira rimwe n'umuntu agasubira mu mukungugu" (Yobu 34:14,15; 33:4). Dushobora kuvumbura imwe mu mirimo y'irema y'Umwuka igihe twitegereje umurimo we wo kongera kurema bundi bushya umuntu wese wiyegurira Imana. Imana Data yuzuriza umurimo wayo mu mitima y'abantu ibinyujije mu Mwuka ubarema bundi bushya. Nuko rero Umwuka yigaragaje mu kwigira umuntu kwa Yesu, mu irema no mu kurema umuntu bundi bushya kugira ngo asohoze umugambi w'Imana.

**Umwuka wasezeranywe.**

Twari twaragenewe kuba ubuturo bw'Umwuka wera(reba 1 Korinto 3:16).Ariko icyaha cya Adamu na Eva nticyabatandukanije gusa n'ingobyi ya Eden, ahubwo cyanabatandukanije n'Umwuka wera.Uko gutandukana kwarakomeje: mbere y'umwuzure, ubwinshi bw'ibyaha bwatumye Imana ivuga iti "Umwuka wanjye ntazahora aruhanya n'abantu iteka ryose." (Itangiriro 6:3).

Mu Isezerano rya kera, Umwuka wera yateguraga abantu bamwe na bamwe akanababashisha kuzuza inshingano runaka. (Kubara 24:2; Abacamanza 6:34; 1Samweli 10:6). Hari ubwo yinjira "mu" muntu (Kuva 31:3; Yesaya 63:11).

Nta gushidikanya, abakirisitu nyakuri buri gihe bagiye basobanukirwa no kuba umwuka wera abarimo, ariko ubuhanuzi bwari bwaravuze ko Umwuka azasukwa "ku bantu bose"(Yoweli 2:28) mu gihe gusukwa k'Umwuka kwagombaga gutangiza ibihe bishya.

Mu gihe isi yari mu maboko y'umuriganya, gusukwa kw'Umwuka wera kwagombaga gutegerezwa.Mbere y'uko Umwuka wera agera ku bantu bose, Yesu yagombaga kurangiza umurimo we ku isi akazana ubwiyunge.Mu guha agaciro umurimo wa Kristo ari nawo murimo w'Umwuka wera, Yohana umubatiza yaravugaga ati "kuko nababatirishije amazi" ariko we "azabatirisha Umwuka wera" (Matayo 3:11). Nyamara, nta na hamwe ubutumwa bwiza butwereka Yesu abatirisha Umwuka wera. Amasaha make gusa mbere y'urupfu rwe, Yesu yasezeraniye abigishwa be ati "Nzasaba Data na we azabohererereza undi mufasha kugira ngo abane namwe ibihe byose; ni we mwuka w'ukuri"(Yohana 14:16,17). Mbese isezerano ryo kubatirisha Umwuka wera ryasohorejwe ku musaraba? Nta numa n'imwe yigeze igaragara mu kirere kuri uwo wa gatandatu mubi yabambweho. Icyagaragaye gusa ni umwijima n'imirabyo.

Nyuma y'umuzuko ni bwo Yesu yabwiye abigishwa iby'Umwuka wera (Yohana 20:22) agira ati "kandi dore ngiye kubohererereza ibyo Data yasezeranye, ariko mugume mu murwa kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mu ijuru" (Luka 24:49). Iyo mbaraga yagombaga kubohererezwa, ari uko Umwuka wera yabajeho akabahindura abizera n'abahamya ba Kristo kugeza ku mpera y'isi (Ibyak.1:8).

Yohani yaranditse ati " ariko ubwo Umwuka wera yari ataraza, kuko Yesu yari atarahabwa ubwiza bwe"(Yohani 7:39). Kwemerwa kw'igitambo cya Kristo kwagombaga kubanziriza gusukwa kw'Umwuka wera. Ibihe bishya byatangiye ubwo Umucunguzi w'umuneshi yicaraga ku ntebe mu ijuru.Ubwo ni bwo yasutse Umwuka wera atagabanyije.Petero avuga ko amaze "kwicazwa iburyo bw'Imana", yasukiye umwuka wera abigishwa bari abigishwa bari bategereje iryo sukwa bahuje umutima kandi bihanganiye mu masengesho. (Ibyakozwe 1:5,14; 2:23)). Ku munsi wa Pentekoti, iminsi 50 nyuma yo kubambwa kwa Kristo, ibihe bishya byatangiranye n'imbaraga zose ziranga Umwuka. "Nuko umuriri ubatungura uvuye mu ijuru umeze nk'umuyaga uhuha cyane,ukwira inzu bari bicayemo[…] nuko bose buzuzwa Umwuka wera" (Ibyakozwe 2:2-4).

Umurimo wa Yesu n'uw'Umwuka wera byaruzuzanyaga. Umwuka wera ntiyashoboraga gutangwa mbere y'uko Yesu arangiza umurimo we. Kandi Yesu na we yabyawe n'Umwuka wera (Matayo 1:8-21), abatizwa n'Umwuka (Mariko 1:9,10), ayoborwa n'Umwuka (Luka 4:1). Akoreshwa ibitangaza n'Umwuka (Matayo 12:24-32), nuko yitanga ku musaraba ku bw'Umwuka (Abaheburayo 9:14-15), azuka ku bw'Umwuka (Abaroma 8:11). Yesu yabaye uwa mbere mu kuzuzwa Umwuka wera. Kandi ikinejeje ni uko Umwami wacu ashaka gusukira Umwuka we abantu bose bafite ubushake bwo kumusanga.

**Umurimo w'Umwuka wera**

Ijoro ribanziriza urupfu rwe, Kristo yavuze amagambo ajyanye no gusubira mu ijuru kwe kwari bugufi bitera abigishwa be impagarara. Ako kanya ahita abasezeranira kuzabohererereza Umwuka wera nk'umuhagarariye. Ntiyabasize nk'imfubyi (Yohana 14:18).

**Inkomoko y'umurimo**: Isezerano rishya rikoresha imvugo imwe ku byerekeye Umwuka wera,.Witwa "Umwuka wa Yesu"(Ibyakozwe 16:7), "Umwuka w'Umwana we"(Abagalatiya 4:6), "Umwuka w'Imana" (Abaroma 8:9), "Umwuka wa Kristo"(Abaroma 8:9; 1Petero 1:11) n' "Umwuka wa Yesu kristo"(Abafiripi 1:19). Ni nde nkomoko y'umurimo w'Umwuka wera? Ni Yesu kristo cyangwa ni Imana Data?

Ubwo Yesu yahishuriraga isi yazimiye inkomoko y'umurimo w'Umwuka wera, yavuze inkomoko ebyiri. Bwa mbere yavuze Se "Nzasaba Data na we azabaha undi mufasha"(Yohani 14:16; 15:26). Yitaga umubatizo w'Umwuka wera "Icyo Data yasezeranye"(Ibyakozwe 1:4). Bwa kabiri yivuga ubwe agira ati "Nzamuboherereza"(Yohani 16:7). Ni ukuvuga ko Umwuka wera akomoka kuri Data no ku Mwana.

**Umurimo we mu isi**: Ntidushobora kumenya ubwami bwa Kristo tudafashijwe n'Umwuka wera. Pawulo yaravuze ati "Nta n'umwe ubasha kuvuga ko Yesu ari umwami atabibwirijwe n'Umwuka wera." (1 Abakorinto 12:3).

Umwuka wera aduhamiriza ko Kristo ari "Umucyo w'ukuri"umurikira buri muntu wese (Yohana 1:9).Intego y'umurimo we ni "ugutsinda ab'isi,kubemeza iby'icyaha,ibyo gukiranuka n'iby'amateka"(Yohana 16:9). Mbere ya byose, Umwuka wera atwemeza icyaha, cyane cyane icyaha cyo kwanga Kristo (Yohani 16:9).Na none kandi,Umwuka adushishikariza kwemera gukiranuka kwa Kristo. Hanyuma Umwuka wera atubwira iby'urubanza. Ubwo ni uburyo bukomeye butuma imitima icuze umwijima kubw'icyaha ibasha kwihana no kugarukira Imana.

-

Kwihana kutubashisha kuvuka ubwa kabiri binyuze mu mubatizo w'amazi n'uw'Umwuka wera (Yohana 3:5). Ubuzima bwacu rero buhindurwa bushya, kuko duhinduka ubuturo bugenewe kwakira Umwuka wa Kristo.

**Umurimo we mu bizera:** Inyinshi mu nyandiko zivuga iby'Umwuka wera zivuga ku isano agirana n'ubwoko bw'Imana.Imbaraga ze zeza zituyobora ku kumvira (1 Petero 1:2). Nyamara hari icyo umuntu asabwa ngo amuhabwe. Nk'uko Petero abivuga,Imana iha Umwuka wera abihanganira mu kumvira (Ibyakozwe 5:32). Abizera basabwa kutaninira Umwuka, kutamubabaza no kutamuzimya (Ibyakozwe 7:51; Abefeso 4:30; 1Abatesaloniki 5:19). Ni iki Umwuka akorera abizera?

*1.**Afasha abizera**.* Yesu asobanura Umwuka wera yamwise Undi "parakletos" (Yohani 14:16). Iryo jambo ry'Ikigiriki ryasobanuwe nk' "umufasha", "umurengezi", "umujyanama", rishobora no gusobanura "umuvugizi", "umwunganizi" cyangwa "uburanira".

Ahandi hantu hamwe hagaragara ijambo *Parakletos(Parakiretosi)* mu byanditswe herekeza kuri Kristo ubwe. Ni we utuburanira cyangwa umuvugizi wacu imbere ya Se. "Bana banjye bato,mbandikiye ibyo kugira ngo mudakora icyaha.Icyakora, nihagira ukora icyaha dufite umurengezi kuri Data wa twese, ari weYesu Kristo." (1 Yohani 2:1).

Mu bushobozi bwe bw' umwunganizi, umuvugizi n'umufasha, Yesu aduhagararira imbere y'Imana akanaduhishurira uwo Se ari we. Muri ubwo buryo na none, Umwuka atuyobora kuri Kristo akatugaragariza ubuntu bwe.

Ibyo bisobanura impamvu Umwuka yitwa "Umwuka w'ubuntu". (Abaheburayo 10:29). Kimwe mu bikorwa bye by'ingenzi ni ugutangwa k'ubuntu bucungura bwa Kristo bwahawe abantu.(reba 1Abakorinto 15:10; 2Abakorinto 9:4; Yohani 4:5,6).

***2. Atumenyesha ukuri kwa Kristo.*** Kristo yitaga Umwuka wera "Umwuka w'ukuri"(Yohani 14:17; 15:26; 16:13). Yagombaga kutwibutsa ibyo Yesu yavuze byose (Yohana 14:26) no kutuyobora "mu kuri kose"(Yohani 16:13).Ubutumwa bwe buhamya Yesu Kristo (Yohani 15:26).Yesu yaravuze ati "ntazavuga kubwe, ahubwo ibyo azumva byose ni byo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubaho.Uwo azanyubahiriza kuko azenda ku byanjye akabibabwira." (Yohani 16:13,14).

***3.Atuma Kristo aba hose.*** Ntabwo atumurikira ku bijyanye na Yesu gusa, ahubwo anatuma Kristo abana natwe. Yesu yaravuze ati "Ikizagira icyo kibamarira ni uko ngenda, kuko nintagenda umufasha atazaza aho muri,ariko ningenda nzamubohereza." (Yohani 16:7).

Bitewe n'ubumuntu bwe, uwo mugabo Yesu ntiyashoboraga kubera hose icyarimwe; niyo mpamvu rero byari byiza ko agenda. Ku bw'Umwuka wera yashoboraga kubera hose icyarimwe. Yesu yaravuze ati "Nzasaba Data na we azaboherereze undi mufasha, kugira ngo abane na mwe ibihe byose, ni we mwuka w'ukuri". Yabahamirije ko umwuka azabana na bo kandi akababamo. "Simbasize nk'imfubyi, ahubwo nzaza aho muri."(Yohani 14:17,18). "Umwuka wera ahagarariye Kristo, ariko nta kamere muntu afite,kandi abaho mu bwigenge".

Igihe Kristo yahindukaga umuntu,umuntu umwe gusa, ari we Mariya, ni we Umwuka wera yahishuriye ibyo.Ku munsi wa Pentekoti, Umwuka yahaye Kristo watsinze kuba mu Bantu bose. Amasezerano ya Kristo: "Sinzakureka na rimwe kandi sinzakuvaho"(Abaheburayo 13:5), kandi "ndi kumwe na mwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi"(Matayo 28:20),yashohojwe n'Umwuka wera. Ku bw'iyo mpamvu, Isezerano rishya riha Umwuka wera izina rishya atigeze ahabwa mu Isezerano rya kera: "Umwuka wa Yesu" (Abafilipi 1:19). Nk'uko Data n'Umwana batuye mu mitima y'abizera ku bw'Umwuka, ni na ko uburyo bwonyine bubashisha umwizera kuguma muri Kristo buba mu Mwuka.

***4. Ayobora ibikorwa by'Itorero.*** Nk'uko Umwuka wera agaragaza Kristo, ni ko ari nawe uhagarariye Kristo mu isi. Ni we muyobozi w'ikirenga ku birebana no kwizera n'amahame. Uburyo yifashisha mu kuyobora itorero bujyanye neza na Bibiliya. "Ikimenyetso shingiro cy'ubuporotesitanti ni uko Umwuka wera ari we muhuza w'ukuri akaba n'umusimbura wa Kristo ku isi. Kwishingikiriza ku mihango runaka, ku bayobozi cyangwa se ku bwenge bwa muntu, ni ugushaka gushyira umuntu mu cyimbo cy'Imana.

Umwuka wera yari ari mu buyobozi bw'Itorero ry'intumwa. Mu guhitamo abakozi, itorero ryayobowe n'Umwuka binyuze mu masengesho no kwiyiriza ubusa (Ibyakozwe 13:14).

Abatoranijwe bari bazwiho kuyoborwa n'Umwuka. Igitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa kibavuga nk' "abuzuye Umwuka wera"(Ibyakozwe 13:9; 13:52).

Imirimo yabo yagenzurwaga na we (Ibyakozwe 16:6,7). Pawulo yibutsaga abayobozi b'itorero ko bahawe izo nshingano n'Umwuka wera (Ibyakozwe 20:28).

Umwuka wera yagize uruhare rufatika mu gukemura ibibazo bikomeye byahungabanyaga ubumwe bw'itorero.Bibiliya ivuga imyanzuro yafashwe n'Inama ya mbere y'itorero mu magambo akurikira "byabereye byiza Umwuka wera natwe…"(Ibyakozwe 15:28).

***5. Aha Itorero impano zihariye.*** Umwuka wera yahaye impano zihariye ubwoko bw'Imana. Mu bihe by'isezerano rya kera,Umwuka wera yaje ku bantu bamwe, abaha imbaraga zidasanzwe kugira ngo bayobore kandi babohore Isiraeli (Abacamanza 3:10; 6:34; 11:29; …), ndetse bahabwa n'ububasha bwo guhanura (kubara 11:17,25,26; 2 Smweli 23:2). Umwuka yaje kuri Sawuli na Dawidi ubwo basigwaga amavuta nk'abayobozi b'ubwoko bw'Imana (1 Samweli 10:6,10; 16:13). Ku bantu bamwe, Umwuka yabahaye impano z'ubugeni zidasanzwe(Kuva 28:3; 31:3; 35:30-35).

Mu itorero ryo hambere na ho, ni kubw'Umwuka wera Yesu yahaye impano ze abizera. Umwuka yabasaranganyije izo mpano uko ashaka, kandi ibyo byose byari ku bw' inyungu z'abantu bose (Ibyakozwe 2:38; 1 Korinto 12:7-11). Yatanze imbaraga itangaje ku bwo kwamamaza ubutumwa bwiza kugeza ku mpera z'isi(Ibyakozwe 1:8; reba igice cya 17 cy'iki gitabo).

***6.Yuzura imitima y'abizera.*** Pawulo yabajije ikibazo abigishwa bo muri Efeso ati "Mwakiriye Umwuka wera ubwo mwizeraga?"(Ibyakozwe 19:2), icyo kibazo gihora ari ingenzi ku bizera bose. Ubwo bamusubizaga ko atari uko byagenze yabarambitseho ikiganza maze bakira umubatizo w'Umwuka wera (Ibyakozwe 19:6). Uru rugero rwerekana neza ko kwemera icyaha bitewe n'Umwuka wera no kumwakira mu buzima bw'umuntu ku giti cye, ari ibintu bibiri bitandukanye.

Yesu yibanze ku kamaro ko kubyarwa n'amazi n'umwuka (Yohani 3:5). Mbere gato y'uko asubira mu ijuru, yasabye abizera b'igihe cyajyaga gukurikiraho kubatizwa "mu izina rya Data, iry'Umwana n'iry'Umwuka wera"(Matayo 28:19). Mu guhamanya n'iryo tegeko, Pawulo yavuze ko "Impano y'Umwuka wera yagombaga kwakirwa binyuze mu mubatizo"(Ibyakozwe 2:38). Pawulo we ashimangira akamaro k'umubatizo w'Umwuka wera (reba igice cya 15 cy'iki gitabo) akoresheje umuhamagaro usaba abizera "kuzura Umwuka"(Abefeso 5:18).

Umwuka wera araduhindura akaduha ishusho y'Imana, ari na ko akomeza gukora umurimo wo kweza watangiye igihe twavukaga ubwa kabiri. Imana yadukijije ku bw'ubuntu bwayo "mu kubyarwa ubwa kabiri,kudukirisha guhindurwa bashya n'Umwuka wera,uwo yahayeYesu kristo umukiza wacu kuducunshumuriraho."(Tito 3:5).

“Kubura k’Umwuka wera, ni ko guca intege umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Ushobora kumenya byinshi, ukagira impano, ukamenya kuvuga neza, ukagira impano zose karemano cyangwa izo ugenda wunguka; ariko udakoreshejwe n’Umwuka w’Imana, nta mutima n’umwe wakorwaho, nta n’munyabyaha n’umwe wagarukira Kristo.

Nyamara nizihurizwa hamwe muri Kristo,abantu bakemera ko ari impano z’umwuka wera, abatindi n’abaswa bo muri abo bigishwa bazahabwa imbaraga zizumvikana mu mitima.Imana izabagira imiyoboro ishobora guhindura byinshi kuruta ikindi kintu icyo ari cyo cyose. Umwuka wera ni ingenzi.Guhinduka kose tugira ku bwa Kristo, ni imbuto z’umurimo w’Umwuka wera.Nk’abizera, tugomba guhora tuzi neza ko nta kintu, icyo aricyo cyose, tubasha gukora tutayobowe n’Umwuka(Yohani 15:5).

Uyu munsi, Umwuka wera araduhamagarira kumenya impano itangaje y’urukundo Imana igaragariza mu mwana wayo. Araduhamagarira kutaninira uguhamagara kwe, ahubwo tukemera inzira yonyine itubashisha kwiyunga n’Imana Data yuje urukundo n’imbabazi.

# BIBILIYA IMPA UMUCYO KU NYOKOMUNTU

## IGICE CYA GATANDATU

## IREMA

***Imana yaremye ibintu byose, kandi binyuze mu Byanditswe byera yaduhishuriye iby' umurimo wayo w'irema. Mu minsi itandatu, Uwiteka yaremye "ijuru n'isi" n'ibirimo byose, maze aruhuka ku munsi wa karindwi w'icyo cyumweru cya mbere. Nibwo yahise ishyiraho Isabato kuba urwibutso ruhoraho rw'umurimo wayo w'irema wari urangiye.Umugabo wa mbere n'umugore baremwe mu ishusho y'Imana nk'igikorwa gihebuje cy'irema ; bahawe ubushobozi bwo gutwara isi n'inshingano zo kuyitaho. Igihe isi yari imaze kuremwa, yari « nziza cyane » kandi yagaragazaga icyubahiro cy'Imana.(Itangiriro 1 :2 ;Kuva 20 :8-11 ;Zaburi 19 :6 ;33 :6,9 ;104 ;Abaheburayo 11 :3).***

Inkuru y'ibyanditswe irasobanutse. Ku itegeko ry'umuremyi, « ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose » byabayeho mu kanya nk'ako guhumbya (Kuva 20 :11). Iminsi itandatu gusa yari ihagije , kugira ngo isi « itagira ishusho » ibe imaze guhindurwa umububumbe uriho ibyaremwe bitangaje by'amoko yose. Isi yacu yari nziza itatse amabara meza cyane,ibiremwa by'igikundiro,biteye amabengeza kandi bikurikiza gahunda mu buryo no mu mikorere yabyo.

Hanyuma y'ibyo byose, Imana y'igikundiro imaze kwishimira icyo gikorwa iraruhuka. Kubera icyo kiruhuko, ubwiza no gukomera kw'iyo minsi itandatu bizakomeza kwibukwa kugeza iteka ryose. Ariko reka turebere hamwe icyo Bibiliya ivuga mu Itangiriro.

« Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi ».Isi yari ikikijwe n'amazi n'umwijima. Ku munsi wa mbere, Imana itandukanya umucyo n'umwijima, umucyo iwita « amanywa » umwijima iwita « ijoro ».

Ku munsi wa kabiri, Imana « itandukanya amazi », bituma habaho itandukaniro hagati y'isanzure n'amazi yo kubutaka, bituma ubuzima bushoboka. Ku munsi wa gatatu Imana iteraniriza hamwe amazi, maze ubutaka n'inyanja biraboneka. Maze Imana yambika inkombe zari zambaye ubusa, imisozi n'ibikombe ; « Ubutaka bumeza ubwatsi n'ibimera byose byera imbuto zikwiriye amoko yabyo n'ibiti byera imbuto zirimo utubuto twabyo, zikwiriye amoko yabyo. » (Itangiriro 1 : 12)

Ku munsi wa kane, Imana itegeka ko izuba, ukwezi n'inyenyeri bigaragara, « ibishyira mu isanzure ry'ijuru kugira ngo bibereho kuba ibimenyetso no kwerekana ibihe n'iminsi n'imyaka ». Izuba ryagombaga gutegeka amanywa, naho ukwezi kugategeka ijoro. (Itangiriro 1 : 14-16)

Imana irema inyoni n'inyamaswa zo mu mazi ku munsi wa gatanu. « Ibirema nk'uko amoko yabyo ari » (Itangiriro 1 : 21), bigaragaza ko ibyaremwe byagombaga kororoka hakurikijwe amoko yabyo.

Ku munsi wa gatandatu, Imana irema inyamaswa nini. Iravuga Iti « Isi izane ibifite ubugingo, amatungo n'ibikururuka, nk'uko amoko yabyo ari, n'inyamaswa zo mu isi nk'uko amoko yazo ari. » (Itangiriro 1 : 24)

Imana, mu kurangiza umurimo wayo wo kurema,yaremye umuntu « ngo agire ishusho yayo, afite ishusho yayo, ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye. » (Itangiriro 1 :27). Imana ireba ibyo yaremye byose « n'uko byari byiza cyane » (Itangiriro 1 : 31).

**Ijambo rirema ry'Imana**

Umunyazaburi avuga ko Ijambo ry'Uwiteka aririyo ryaremye ijuru n'isi, Umwuka wo mu kanwake ni wo waremye ingabo zo muri ryo zose » (Zaburi 33 :6).Ni gute Imana yaremesheje ijambo ryayo?

**Ijambo rirema n'ibyari bisanzwe biriho.**

Amagambo y'igitabo cy'Itangiriro, « Imana iravuga iti », ahindura itegeko ry'Imana igikoresho cy'ibitangaza bikomeye byabaye mu minsi itandatu y'irema (Itangiriro 1 :3,6,,9,11,14,20,24). Itegeko ryose ryari ryifitemo imbaraga irema ishobora guhindura isi

« Itagira ishusho kandi iriho ubusa » igahinduka paradizo. « Kuko yavuze bikaba yategeka bigakomera » (Zaburi 33 :9), ni ukuri « isi yaremwe n'Ijambo ry'Imana » (Zaburi 11 :3).

Ijambo ryaremye nta kintu nta kindi kintu gisanzwe kiriho rihereyeho.« Kwizera ni ko kutumenyesha yuko isi yaremwe n'ijambo ry'Imana ; ni cyo cyatumye ibiboneka bitaremwa mu bigaragara » (Abaheburayo 11 :3).Nubwo bigaragara ko hari aho Imana yaremye ihereye ku bintu runaka, nko kuba Adamu n'inyamaswa barakuwe mu gitaka, kandi na Eva agakurwa mu rubavu rwa Adamu (Itangiriro 2 :7,19,22). Uko byaba bimeze kose, Imana ni yo yaremye n'ibyo iheraho irema ibindi.

-

**<u>Inkuru y'irema</u>**

-

Hari ibibazo byinshi byagiye byibazwa ku byerekeye igitekerezo cy'irema. Mbese ibitekerezo bibiri biri mu gitabo kibanza cya Bibiliya biravuguruzanya cyangwa birahuje ? Iminsi y'irema igomba gufatwa nk'iminsi isanzwe cyangwa igereranya ibihe birebire by'igihe ? Mbese koko izuba,ukwezi n'inyenyeri byaba byararemwe gusa mu myaka ibihumbi bitandatu ishize?

-

***Igitekerezo cy'irema :*** ibitekerezo bibiri bivuga iby'irema,kimwe cyo mu itangiriro 1 :1-2 :3 n'ikindi cyo cyo mu Itangiriro 2 :24-25, birahuye. Igitekerezo cya mbere kivuga uruhererekane rw'uko ibintu byose byagiye biremwa.

-

<u>Icya kabiri gitangizwa aya magambo : « Iki ni igitabo cy'urubyaro rwa ….. », amagambo akoreshwa mu gitabo cy'Itangiriro iyo bashaka kuvuga amateka y'umuryango (Itangiriro 5 :1 ;6 :9 ;10 :1). Iki gitekerezo kigaragaza umwanya umuntu afite mu irema. Ntabwo kigiye umujyo umwe, ahubwo kigaragaza y'uko umugambi wa byose wari uwo gutegurira umuntu aho azaba. Kivuga mu buryo burambuye, kurusha icya mbere iremwa rya Adamu ndetse n'ahantu Imana yari yaramuteguriye mu ngobyi ya Edeni. Ikindi kandi kiduhishurira mu buryo buhagije kamere y'umuntu n'ubutegetsi bw'Imana. Iyo twemeye ibyo bitekerezo byombi nk'uko bivugwa n'amateka yabyo tubona yuko bihura neza n'igice gisigaye cy'ibyanditswe.</u>

-

***Iminsi y'irema :*** Iminsi y'irema, dukurikije igitekerezo cya Bibliya, ni ibihe bisanzwe by'amasaha 24. Imvugo « buragoroba, buracya » (Itangiriro 1 :5,8,13,19,23,31), igaragaza iminsi isanzwe,aho umunsi utangira nimugoroba cyangwa izaba rirenze (Abalewi 23 :32, Gutegeka 16 :6).Byaba nta shingiro bifite kuvuga ko iyo mvugo isobanura imunsi isanzwe mu gitabo cy'Abalewi,byagera mu Itangiriro igasobanura imyaka ibihumbi n'ibihumbi.

Ijambo ry'igiheburayo ryasobanuwe ngo « umunsi » mu gitabo cy'Itangiriro ni « *Yom* ». Igihe « *yom* » igaragajwe n'akajambo karanga umubare, iba igaragaza cyangwa isobanura umunsi w'amasaha 24. (Urugero ; Itangiriro 7 :11 ; Kuva 16 :1).Icyo ni ikindi gihamya kigaragaza ko Itangiriro rivuga iminsi isanzwe y'amasaha 24.

Amategeko icumi atanga ikindi gihamya cy'uko igitekerezo cy'irema kivuga iminsi isanzwe. Mu Itegeko rya Kane, Imana iravuga iti « Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora imirimo yawe yose, ariko uwa Karindwi ni wo sabato y'Uwiteka, Imana

yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoramo, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe,cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu, kuko iminsi itandatu ariyo Uwiteka yaremyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhuka ku wa karindwi ; ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'isabato, akaweza. » (Kuva 20 :8-11)

Mu magambo make, Imana iributsa igitekerezo cy'irema. Umunsi wose (Yom), wahariwe igikorwa cy'irema ; Isabato iba umusozo w'icyumweru cy'irema.Bityo rero, isabato y'amasaha 24 yibutsa icyumweru gisanzwe cy'irema. Iminsi iramutse yumvikanye nk'ibihe birebire cyane, itegeko rya kane ryatakaza ubusobanuro bwaryo.

Abitwaza 2 Petero 3 :8 « Ku mwami Imana umunsi umwe ni nk'imyaka igihumbi », kugira ngo bagaragaze yuko iminsi y'irema atari iminsi isanzwe y'amasaha 24, bibagirwa gusoma igice giheruka cy'uwo murongo kivuga ko « imyaka igihumbi ari nk'umunsi umwe ». Abasobanura iminsi y'irema nk'aho ari imyaka amagana, cyangwa ibihe birebire bitagira iherezo by'imyaka amagana n'amagana, bashidikanya uk'uri kw'ijambo ry'Imana nk'uko inzoka yabikoze igihe yashukaga Eva.

***Ijuru ni iki ?*** Abantu bamwe bibaza cyane ku magambo avuga ko « Imana yaremye ijuru n'isi » (Itangiriro 2 :1 ; 2 :1 ; Kuva 20 :11) kandi ko yaremye izuba, ukwezi n'inyenyeri ku munsi wa kane w'icyumweru cy'irema hakaba hashyize imyaka isaga ibihumbi bitandatu (Itangiriro 1 :14-19). Mbese koko icyo gihe nibwo ibyo biremwa byabayeho?

Icyumweru cy'irema ntikivuga ijuru Imana ibamo uhereye kera kose. Ijuru rivugwa mu gitabo cy'Itangiriro 1,2 ryerekeza ku izuba n'indi mibumbe irigaragiye.

Ubwo rero aho kugira ngo isi ibe ikiremwa cya mbere cya Kristo, ahubwo bigaragara ko yaba ari yo yaremwe nyuma. Bibiliya ivuga iby'abana b'Imana, bishoboka ko baba ari ba Adamu batuye andi mibumbe itaracumuye bakaba basabanira n'Imana ku mpera z'isanzure (Yobu 1 :6-12). Kuza ubu ubushakashatsi mu by'ikirere ntiburakavumbura undi mubumbe utuwe. Biragaragara ko iyo mibumbe iri kure cyane y'iki kirere cyacu cyangijwe n'icyaha, kandi ikaba itaragezwemo n'icyaha.

***Imana nyir'irema***

Mbese Imana umuremyi wacu imez'ite? Yaba se ari Imana itwitaho twe utuntu duto turi ku isi? Mbese uretse kurema isi,yaba yararemye ibindi bintu bikomeye kandi bikomeye?

***Imana itwitaho***

Igitekerezo cya Bibiliya cy'irema gitangiza Imana maze kikabona gukurikizaho abantu. Ibyo biragaragaza ko igihe Imana yaremaga ijuru n'isi, yarimo itegurira inyoko muntu ahantu heza cyane izaba. Inyokomuntu, igitsina Gabo na Gore, yari umurimo utangaje w'Imana.
Igitekerezo gikomeza kigaragaza Imana nk'umuhanzi w'icyatwa wita kubyo yaremye. Yakebye ingobyi idasanzwe iyibaha nk'ubuturo, maze ibategeka kuyihingira. Yaremeye abantu kugira ngo bagirane isano na yo. Iyo sano ntiyari iy'agahato.Yabaremanye umudendezo wo guhitamo kandi ibaha ubushishozi bwo kuyikunda no kuyikorera.

***Ninde Mana muremyi?***

Abagize ubumana bose bagize uruhare mu kurema (Itangiriro 1 :2,26). Uwari ku ruhembe rw'imbere yari Umwana w'Imana, Kristo wabayeho mbere y'ibintu byose. Avuga iby'irema, Mose yaravuze ati : « Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi ». Yohana yasubiye muri ayo magambo agaragaza uruhare rwa Kristo mu irema, maze arandika ati : « Mbere na mbere hariho Jambo, Jambo uwo yahoranye n'Imana [.....] ibiriho byose niwe wariremye, ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe nawe» (Yohana 1 :1-3). Muri ayo magambo, Yohana arerekana neza uwo avuga. « Jambo uwo yabaye umuntu, abana natwe» (Yohana 1 :14). Yesu yari umuremyi, wa wundi wategekesheje ijambo rye ko isi ibaho. (Abaheburayo 1 :2).

***Kwigaragaza kw'urukundo rw'Imana***

Urukundo rw'Imana ni rurerure. Igihe Yesu Kristo wuje urukundo yari yunamye kuri Adamu amurema amufashe mu kiganza, yari asobanukiwe ko umunsi umwe, azakora amahano maze akamubamba ku musaraba. Ni muri ubwo buryo, irema n'umusaraba bifatanye, kuko Kristo umuremyi yatambwe uhereye ku kuremwa kw'isi (Ibyahishuwe 13 :8). Kuba nk'Imana yari asobanukiwe ibyo, ntibyahagaritse icyo gikorwa cyo kurema. Munsi y'igicu kizabudikira i Kaluvari, Kristo yahumekeye mu kanwa ka Adamu umwuka w'ubugingo azi neza ko icyo gikorwa cy'iremwa kizamwambura ubugingo bwe. Urukundo rutarondoreka ni rwo shingiro ry'irema.

**Umugambi w'irema**

Urukundo ni rwo shingiro ry'ibikorwa by'Imana byose, kuko nayo ubwayo ni urukundo (1 Yohana 4 :8). Ntiyaturemeye kuyikunda gusa, ahubwo yaturemeye kudukunda. Urukundo rwayo ni rwo rwayiteye gusangira, mu irema, imwe mu mpano zikomeye cyane ishobora gutanga ari yo kubaho. Mbese hari icyo Bibiliya yaba ivuga ku mugambi wo kubaho kw'isi n'abayituye?

***Kugaragaza icyubahiro cy'Imana***

Binyuze mu murimo wayo wo kurema, Imana ihishura icyubahiro cyayo : « Ijuru rivuga icyubahiro cy'Imana, isanzure ryerekana imirimo y'intoke zayo. Amanywa abwira andi manywa ibyayo, ijoro ribimenyesha irindi joro. Nta magambo cyangwa ururimi biriho, nta wumva ijwi ryabyo, umugozi ugera wabyo wakwiriye isi yose, amagambo yabyo yageze ku mpera y'isi» (Zaburi 19 :1-4). Kuki habayeho iryo hishurwa ry'icyubahiro cy'Imana ? Ibyaremwe bikora nk'umuhamya w'Imana. Yashyizeho imirimo yayo ngo ibe uburyo buyobora abantu ku muremyi wabo. Paulo aravuga ati «Kuko ibitaboneka byayo, nibyo bubasha bwayo buhoraho n'ubumana bwayo bigaragara neza , uhereye ku kuremwa kw'isi, bigaragazwa n'ibyo yaremye : kugira ngo batagira icyo kwireguza» (Abaroma 1 :20)

Iyo ibyaremwe biturehereza ku Mana, tubyigiraho byinshi byerekeye Imana, kandi tugasobanukirwa n'ubushake bwayo bwo kubiduha. Nuko rero, iyo tugaragaje kamere y'Imana, tuyihesha icyubahiro, maze tukaba dushohoje umugambi w'icyo twaremewe.

***Kugira ngo bature ku isi***

Imana umuremyi ntiyageneye isi kuba mu bwigunge. Ntiyifuje ko ibaho ubusa. Yagombaga guturwa (Yesaya 45 :8). Igihe umuntu wa mbere yiyumvagamo ko akeneye uwo babana, Imana yamuremeye umugore (Itangiriro 2 :20, 1 Abakorinto 11 :9). Nibwo yatangije umuhango wo gushyingira (Itangiriro 2 :22-25) Umuremyi ntiyahaye abantu ba mbere ububasha bwo gutegaka isi yari imaze kuremwa bwonyine, ahubwo igihe yavugaga iti : « Mwororoke mugwire » (Itangiriro 1 :28), yari ibahaye n'amahirwe yo kugira uruhare mu gikorwa cy'irema.

**Ubusobanuro bw'irema**

Usanga abantu benshi batitaye ku nyigisho ivuga irema. Baravuga bati : « Ni nde witaye ku kumenya uko Imana yaremye isi ? », « icyingenzi ni ukumenya uko umuntu yajya mu ijuru. » Nyamara, inyigisho ivuga iby'irema ni « urufatiro rukomeye rw'inyigisho ya gikristo na Bibiliya ». Amagambo shingiro menshi ya Bibiliya usanga ashingiye mu irema. Kuko kumenya uko Imana yaremye « Ijuru n'isi » bifasha ushaka kumenya inzira igana mu ijuru rishya n'isi nshya, ibyo Yohana avuga mu Byahishuwe. None se ni ibihe bintu inyigisho y'irema ibumbatiye?

***Kurwanya gusenga ibigirwamana.***

Inyigisho ya Bibliya ivuga irema itandukanya Imana n'ibigirwamana (1 Ingoma 16 :24-27, Zaburi 96 :5,6 ; Yesaya 40 :18-26 ; 42 :5-9 ;44) Tugomba kuramya Imana yaturemye , aho kuramya Imana twiremeye. Kuko Imana ari umuremyi, ikwiye kubahwa kudakebakeba. Indi sano yose yatuma uko kubahwa kuzamo agatotsi, ihinduka uburyo bwo gusenga ibigirwamana, kandi icirwaho iteka n'Imana. Kubaha umuremyi rero ni ikibazo cy'ubugingo cyangwa urupfu.

***Ishingiro ryo kuramya nyakuri.***

Kuramya kwacu gushingira ku kuba Imana ari umuremyi wacu natwe tukaba ibiremwa byayo (Zaburi 95 :6). Gukomera kw'iryo hame kugaragarira mu muburo uhabwa abatuye isi mbere y'uko Kristo agaruka bahwiturirwa kuramya « Iyaremye ijuru n'isi, n'inyanja n'amasoko » (Ibyahishuwe 14 :7).

***Isabato, urwibutso rw'irema***

Imana yashyizeho isabato y'umunsi wa karindwi ngo itwibutse buri cyumweru ko turi ibiremwa byayo. Isabato ni impano y'ubuntu. Ntivuga ibyo twakoze, ahubwo ivuga ibyo Imana yakoze.

Yawuhaye umugisha by'umwihariko maze iraweza ngo itwibutse ko, uretse gukora, ubuzima bukeneye kugirana umushyikirano n'umuremyi, kuruhuka no kwishimira ibitangaza by'umurimo w'Imana w'irema (Itangiriro 2 :2,3). Kugira ngo uko gukomera

kugire agaciro, umuremyi yashyize hagati mu mategeko ye urwibutso rwera ruduhwiturira kwibuka ubushobozi bwayo bwo kurema nk'ikimenyetso gihoraho, urwibutso rw'irema (Kuva 20 :8-11 ; 31 :13-17 ; Ezekieli 20 :20, reba icyigisho cya 19).

-

***Ubukwe, Umuhango wavuye ku Mana***

Mu cyumweru cya mbere ni bwo Imana yashyizeho gushyingirwa. Umugambi wari uwo kurema isano yera, ikomeye, ihuriza hamwe abantu babiri : Umugabo akazabana n'umugore we akaramata maze bagahinduka « Umubiri umwe ». (Itangiriro 2 :24,Mariko 10 :9, reba icyigisho cya 23 cy'iki gitabo).

-

***Ishingiriro ry'agaciro k'umuntu***

Igitekerezo cy'irema kigaragaza ko twaremwe mu ishusho y'Imana. Kumenya ibyo bituma tugira igitekerezo nyakuri cy'agaciro k'umuntu. kwitesha agaciro bituma impamvu yawe yo kubaho ibura ubusobanuro. Kuko mu iremwa dufite umwanya ukomeye; uwo mwanya uduha amahirwe atangaje yo kugiran isano ihoraho n'umuremyi wacu, ndetse n'ubushobozi bwo kurushaho gusa na we.

-

***Ishingiro ry'ubuvandimwe nyakuri***

Inyigisho y'irema ya Bibiliya ivuga Imana nka Data wa twese (Malaki 2 :10).Kandi igaragaza uburyo abantu bose ari abavandimwe. Ni Data wa twese, natwe turi abana be. Bidashingiye ku gitsina, ku bwoko, ku burere cyangwa umwanya umuntu afite, bose baremwe mu ishusho y'Imana. Iyaba iri hame ryumvikanaga neza kandi rigashyirwa mu bikorwa, ryasibanganya amacakubiri yose ashingiye ku moko, cyangwa se irindi vangura iryo ari ryo ryose.

-
-
-
-

***Ubusonga nyakuri.***

Kuko Imana yaturemye, turi abayo. Ibyo bikaba bisobanuye ko hari inshingano yera twahawe ishingiye ku gucunga neza ubushobozi bwacu bw'umubiri, ubwenge n'umwuka. Gukora utagengwa n'Imana rero, bihinduka ikimenyetso cyo kudashima. (reba icyigisho cya 21 cy'iki gitabo).

-

***Inshingano yo kwita ku bidukikije.***

Imana yashyize abantu ba mbere mu murima (Itangiriro 2 :8). Bagombaga guhingira isi no gutegeka inyamaswa zose (Itangiriro 1 :28). Uko niko Imana yaduhaye inshingano yo gufata neza ahatuzengurutse.

-

***Agaciro k'umurimo w'amaboko.***

Umuremyi yabwiye Adamu «guhingira no kurinda ingobyi ya Edeni» (Itangiriro 2 :15). Kuba Imana yarahaye inyokomuntu uwo murimo w'ingirakamaro mu isi itagira icyaha,byerekana agaciro k'umurimo w'amaboko.

-

***Agaciro k'ibyo tubona.***

Kuri buri gikorwa cy'irema, Imana yavugaga ko icyo yaremye ari « cyiza » (Itangiriro 1 :10 , 12,17,21,25).Kandi igihe yari imaze kurema,yavuze ko «byose ari byiza cyane» (Itangiriro 1 :31). Ni ukuvuga ko ibintu ubwabyo atari bibi. Ni byiza.

***Umuti wo kwiheba, ubwigunge no kubura agaciro.***
Igitekerezo cy'irema kigaragaza ko ibintu bitapfuye kubaho gusa, ahubwo byaremewe umugambi ufatika. Inyokomuntu yari yaragenewe kugirana umushyikirano w'iteka ryose n'umuremyi ubwe. Iyo dusobanukiwe yuko kubaho kwacu gufite umugambi, ubuzima bugira ubusobanuro maze bukanezeza,nuko umubabaro no kutanyurwa kwa benshi bigasimburwa n'urukundo rw'Imana.

***Kwera kw'amategeko y'Imana.***
Amategeko y'Imana yariho na mbere yo kugwa. Igihe bari batunganye, Adamu na Eva barayagandukiraga. Yabarindaga kutirimbura, kandi akabagaragariza imbibi z'umudendezo wabo (Itangiriro 2 :17) ndetse akabumbatira umudendezo n'amahoro byabo mu bwami bw'Imana (Itangiriro 3 :22-24, reba icyigisho cya 19 cy'iki gitabo).

***Kwera k'ubuzima***
Umuremyi w'ubuzima yita cyane ku ihererekanya ry'ubuzima bw'abantu, ku buryo abifata nk'ikintu cyera. Dawidi yashimiye Imana ku ruhare rukomeye yagize mu ivuka rye maze arandika ati : « Kuko ari wowe waremye ingingo zanjye, wanteranije mu nda ya mama. Ndagushimira yuko naremwe uburyo buteye ubwoba, butangaza. [.....]. Igikanka cyanjye ntiwagihishwe, ubwo naremwaga mu bwihisho, ubwo naremesherezwaga ubwenge mu byo hasi y'isi. Nkiri urusoro, amaso yawe yarandebaga. Mu gitabo cyawe handitsemo iminsi yanjye yose yategetswe, itaravaho n'umwe» (Zaburi 139 :13-16). Mu gitabo cy'umuhanuzi Yesaya, Uwiteka yigaragaza nk' « uwakuremye ukiri mu nda » (Yesaya 44 :24). Kubera ko ubuzima ari impano y'Imana, dufite inshingano yo kubwubaha no kuburinda.

**Umurimo w'Imana wo kurema urakomeje**

Mbese Imana yarangije umurimo wayo wo kurema ? Igitekerezo cy'irema kirangizwa n'aya magambo : « Ijuru n'isi n'ibirimo byinshi byose birangira kuremwa» (Itangiriro 2 :1). Isezerano rishya rigaragaza ko umurimo w'Imana wo kurema warangiye « Imaze kurema isi ». Mbese ibyo bisobanura yuko imbaraga irema ya Kristo itakiri ku murimo ? si byo. Ijambo rirema riracyigaragaza mu buryo butandukanye.

***1.Kristo n'ijambo rye rirema***
Imyaka ibihumbi bine nyuma y'irema, umutware w'abasirikari yabwiye Kristo ati : « Tegeka gusa nuko umugaragvu wawe arakira » (Matayo 8 :8). Nuko ako kanya nk'uko yabigenje mu itangiriro, Yesu aravuga maze umugaragu arakira. Binyuze mu murimo wa Yesu hano kw'isi, imbaraga y'irema yashyize umwuka w'ubugingo muri Adamu yazuraga abapfuye, igaha ubuzima bushya abababaye bose bashakaga ubufasha bumuturutseho.

***2. Ijambo rirema muri iki gihe***

Yaba isi cyangwa ikirere ntibishobora kwinyeganyeza ubwabyo. Imana yabiremye ni yo ibibeshejeho kandi ikabiramira « Itwikiriza ijuru igicu, itunganiriza ubutaka imvura, imeza ubwatsi ku misozi.Igaburira amatungo ibyo kurya byayo, n'ibyana by'ibikona bitaka. » (Zaburi 147 :8,9, Yobu 26 :7-14).
Iramiza ibintu byose ijambo ryayo kandi « Byose bibeshwaho nawe » (Abakolosayi 1 :7, Abaheburayo 1 :3). Tubeshejweho n'Imana ku birebana n'imikorere y'akaremangingo gato kose k'umubiri wacu.

Guhumeka kose, gutera k'umutima kose, guhumbya kw'ijisho kose kugaragaza impuhwe z'umuremyi wuje urukundo. « Kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu tugenda turiho» (Ibyakozwe 17 :28).

Ubushobozi burema bw'Imana ntibwagize uruhare mu kurema gusa, ahubwo bwarugize no mu kuducungura no kuvuka ubwa kabiri. Imana ihembura imitima (Yesaya 44 :21-28 ; Zaburi 51 :12). Pawulo yaravuze ati «Kuko turi abo yaremye, ituremeye imirimo myiza muri Kristo. » (Abefeso 2 :10). « Umuntu wese iyo ari muri Kristo Yesu , aba ari icyaremwe gishya. » (2 Abakorinto 5 :17). Imana yashyize mu kirere imitwe y'inyenyeri, ikoresha izo mbaraga na none kugira ngo yongere kurema mu ishusho yayo umunyabyaha ruharwa.

Iyi mbaraga icungura kandi ihembura,ntigarukira ku guhindura ubuzima bw'abantu.Iyo mbaraga yaremye ijuru n'isi, ni nayo izongera kurema ijuru rishya n'isi nshya nyuma y'urubanza ruheruka (Yesaya 65:17-19;Ibyahishuwe21,22).

**Irema n'agakiza.**

Irema n'agakiza bihurira muri Yesu Kristo. Yaremye ikirere gitangaje n'isi itunganye. Ibitandukanya ndetse n'ibihuza irema n'agakiza biragaragara.

***Igihe irema ryamaze.***
Mu irema, Kristo yarategetse biraba. Ijambo rye rifite imbaraga ni ryo ryaremye ; si igihe kirekire cy'ihindagurika ry'ibintu. Mu minsi itandatu gusa, ibintu byose byari bimaze kuremwa. Ariko se kuki byatwaye iminsi itandatu ? Ijambo rimwe nti ryari rihagije ngo byose bibeho mu kanya gato nk'ako guhumbya ?

Ahari byashoboka ko yaba yaranejejwe no gutunganya isi mu minsi itandantu. Cyangwa ahari birashoboka ko icyo «gihe kirekire» gishyira ahagaragara agaciro yahaye ikintu cyose cyaremwe, cyangwa ubushake bwe bwo kugaragaza icyumweru cy'iminsi irindwi nk'icyitegererezo cy'urukurikirane rw'iminsi n'ikiruhuko cyagenewe umuntu.

Nyamara ku birebana n'agakiza,Kristo ntiyavuze ngo bibe. Iby'agakiza ni iby'igihe cy'imyaka amagana menshi. Birebana n'isezerano rya kera n'irishya, imyaka mirongo itatu n'itatu y'ubuzima bwa Kristo hano ku isi ndetse n'imyaka isaga ibihumbi bibiri amaze akorera mu ijuru umurimo wo kudusabira.

Ukurikije uruherekane rw'ibyanditswe,mu myaka isaga ibihumbi bitandatu kuva isi yaremwa,hashize igihe kirekire ; nyamara nta muntu wigeze asubira mu murima wa Edeni.

Itandukaniro riri hagati y'igihe cy'irema n'igihe cyo kongera kurema , rigaragaza ko ibikorwa by'Imana byose bikorwa hagamijwe inyungu z'ikiremwa muntu. Kuba irema ryarakozwe vuba bigaragaza uburyo Imana yifuza cyane kugeza ku majyambere aheranije abo bose bifuza kunezezwa n'iryo rema. Gutuma irema rimara igihe kirebire, byaba bihabanye na kamere y'Imana yuje urukundo. Igihe rero cyahariwe kurema bundi bushya kigaragaza ubushake bw'Imana bwo gukiza benshi (2 Petero 3 :9).

***Igikorwa cy'irema cya Kristo***

Muri Edeni, Kristo yaremesheje ijambo. I Betelehemu, « Jambo yabaye umuntu abana natwe» (Yohana 1 :14). Umuremyi yihwanije n'ibiremwa bye.Mbega ibintu bitangaje! Nubwo nta wigeze ahamya igikorwa cya Kristo cyo kurema isi, benshi bahamije iby'imbaraga ye yahumuye impumyi (Yohana 9 :6,7), yagobotoye ururimi rw'ikiragi (Matayo 9 :32,33), yakijije ababembe (Matayo 8 :2,3) kandi ikazura abapfuye (Yohana 11 :14-45).

Kristo yaje ari Adamu wa Kabiri, itangiriro rishya ry'inyokomuntu (Abaroma 5). Yahaye umuntu igiti cy'ubugingo muri Edeni, umuntu nawe amubamba ku giti i Kaluvari. Muri Paradizo, impagarike y'umuntu yose yari mu ishusho y'Imana ; IKaluvari umwana w'umuntu yari ku musaraba atentebutse, ameze nk'umugizi wa nabi. Ku munsi wa gatandatu w'irema no ku wa gatandatu wo kubambwa, amagambo ngo « birarangiye » yagaragazaga ko umurimo w'irema urangiye (Itangiriro 2:2; Yohana 19:30); umwe warangijwe na Kristo nk'Imana, undi awurangiza nk'umuntu; umwe wakozwe mu mbaraga, undi ukorwa binyuze mu mibabaro y'umuntu, umwe wamaze igihe gito, undi ni uw'iteka ryose, umwe waratsinzwe, undi wanesheje satani.

Ibiganza byiza by'Imana kandi bya Kristo ni byo byatanze ubugingo, na none kandi ibiganza bitobowe bya Kristo ni byo bizaha umuntu ubugingo buhoraho. Kubera ko umuntu ataremwe gusa, ashobora no kongera kuremwa. Uko kurema kombi ni umurimo wa Kristo mu buryo bungana; nta na kumwe kwigeze kwibeshaho.
Twahamagariwe guhesha Imana icyubahiro, kuko twaremwe mu ishusho yayo.Kuko duhebuje byose mu byo Imana yaremye, irarikira buri wese muri twe kugirana umushyikirano nayo, kandi ishaka buri munsi imbaraga ihembura iri muri Kristo, ngo kubw'icyubahiro cy'Imana turusheho kugaragaza ishusho yayo.

## IGICE CYA 7

## KAMERE Y'UMUNTU

***Umugabo n'umugore baremwe ku ishusho y'Imana buri wese afite umwihariko, ubushobozi n'umudendezo byo gutekereza no gukora.***

***Nubwo baremanywe umudendezo, buri umwe muribo yari afite umubiri, ubugingo n'umwuka bigize ubumwe budatandukana, yishingikirizaga ku Mana kugirango abeho,ahumeke ndetse no ku kindi icyo ari cyo cyose. Igihe ababyeyi bacu ba mbere basuzuguraga Imana, banze kwishingikiriza kuriyo nuko baragwa bava ku mwanya wo hejuru bari bafite munsi y'Imana. Ishusho y'Imana bari bafite irangirika bahinduka abantu bapfa. Ababakomotseho basangira iyo kamere yaguye bagerwaho n'ingaruka. Bavuka bafite intege nke no kubogamira ku kibi. Ariko Imana muri Kristo yiyunze n'abari mu isi kandi ku bw'Umwuka wayo igarura mu bantu bapfa iyo bihannye ishusho y'uwabaremye. Baremwe kugirango baheshe Imana icyubahiro bahamagarirwa kuyikunda, gukundana hagati yabo no gufata neza ibibakikije.(Itang.1:26-28;2:7;Zab 8:4-7;Ibyak 17:24-28;Itang 3;Zab 51:5;Abaroma 5:12-17; 2Kor 5:19,20;zab 51:10;1Yoh 4:7,8,11,20;Itang 2:13)***

Kandi Imana iravuga iti«tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe ».Kugira ngo ishyire umutemeri ku murimo wo kurema, Imana ntabwo yakoresheje ijambo ryayo.Ahubwo n'urukundo rwinshi yahisemo kwita kuri icyo cyaremwe gishya akirema yifashishije umukungugu wo hasi.

Nta munyabugeni w'umuntu n'umwe hano ku Isi wabasha kuba yarema ikiremwa cy'igihozo nk'icyo.Birashoboka ko umunyabugeni nka Michel-Ange yashoboraga kurema ishusho idasanzwe, ariko se yashobora gushyiraho umubiri n'imikorere y'ingingo zawo nk'uko ashyiraho ubwiza bw'icyo gishushanyo ?

Ishusho itagira inenge yari irambaraye ku butaka, ifite imisatsi, ingohe n'inzara ariko umurimo w'Imana wari utararangira.Uwo muntu ntabwo yari yaremewe kurambarara mu mukungugu ahubwo yaremewe kubaho, gutekereza, gukora no gukura mu bwiza.

Umuremyi yunama kuri iyo shusho nziza. « Imuhumekera mu mazuru umwuka w'ubugingo, umuntu ahinduka ubugingo buzima ». Itangiriro2 :7 reba 1 :26.Imana imaze kubona ko uwo muntu yari akeneye uwo babana,yamuremeye « umufasha umukwiriye » Imana isinziriza Adamu « ibitotsi biticura ». Igihe Adamu yari asinziriye Imana imukuramo urubavu maze iremamo umugore (Itangiriro2 :18,21,22).

« Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo afite ishusho y'Imana niko yamuremye umugabo n'umugore niko yabaremye». Imana ibaha umugisha irababwira iti: «Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi ».Ubusitani bwiza bw'igikundiro kuruta ubundi bwiza wabona ku isi muri iki gihe buhabwa Adamu na Eva kubabera urugo rwabo.Habonekaga ibiti, inzabibu, indabyo, imisozi, ibibaya ibyo byose byatatswe n'umuremyi ubwe.Hari umwihariko ku biti bibiri, igiti cy'ubugingo n'igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi, byari bihatewe.Imana iha Adamu na Eva uburenganzira bwo kurya ku biti byose uko bashaka uretse igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi.(Itangiriro2 :8,9,17).

Uko ni ko igikorwa cya nyuma cyashoje icyumweru cy'irema cyarangiye. Kandi « Imana ireba ibyo yari imaze kurema ibona ko ari byiza cyane ». Itangiriro1 :31)

**Inkomoko y'umuntu.**

Nubwo muri iki gihe abantu benshi bizera ko inkomoko y'umuntu iva ku buzima bw'inyamaswa kandi ko ari ingaruka y'ihindagurika ryabaye mu bihe birebire,iyo myumvire ihabanye n'inyigisho ya Bibiriya. Ahubwo ibiramambu yerekana yuko ikiremwa muntu cyagiye gisigingira, iyo ikaba ari inyigisho yibandwaho cyane iyo Bibiriya isobanura kamere muntu.

**Imana Irema umuntu.**
*Inkomoko* y'inyokomuntu iva ku mwanzuro w'Ubumana.Imana iravuga iti : « tureme umuntu » (Itangiriro1 :26).Ubwinshi bw'ijambo « tureme » bwerekeje ku butatu bwera: Data, Umwana n'Umwuka Wera. (reba igice cya kabiri cy'iki gitabo).Nuko kubw'intego, Imana itangira kurema umuntu wa mbere(Itangiriro1 :17).

**Yaremwe avuye mu mukungugu wo hasi.**Imana irema umuntu « mu mukungugu wo hasi » (Itangiriro2 :7).Ibikora ikoresheje ibyari biriho ariko atari nk'ishusho y'ubuzima bwahawe inyamaswa zo mu mazi cyangwa zo kubutaka. Yamuhumekeyemo umwuka w'ubugingo uhindura umuntu ubugingo buzima, imaze kurema no gushyira ingingo z'umubiri zose mu mwanya wazo.

**Yaremwe ku ishusho y'Imana.**
Imana irema izindi nyamaswa zose : amafi, inyoni, ibikururanda, udukoko duto, inyamabere n'izindi « nk'uko amoko yazo ari » (Itangiriro :21,24,25).Nyamara, buri bwoko bwari bufite ishusho yihariye n'ububasha bwo kororoka nkuko ubwo bwoko buri. Umuntu we yaremwe hakurikijwe ishusho y'Imana atari ishusho ivuye ku nyamaswa. Imana iravuga iti « tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe ». (Itangiriro1 :26). Hari itandukaniro rigaragara hagati y'ikiremwa muntu n'umuryango w'inyamaswa. Igisekuruza kiri mu butumwa bwiza bwa Luka cyerekana mu magambo yoroheje ariko yimbitse inkomoko y'ikiremwa muntu : « Adamu w'Imana » Luka3 :38.

**Umwanya wo hejuru w'umuntu**
Iremwa ry'umuntu ryabaye umusozo w'irema . Imana iha umuntu waremwe ku ishusho y'umutware we kugenga umubumbe w'Isi n'ubuzima bw'inyamaswa zose. L.Berkof (soma Berikofi) yavuze iby'Adamu ati : « Inshingano ye n'ikuzo rye byari ugutwaza ibyaremwe byose byashyizwe munsi ye ubushake bwe n'imigambi ye ku buryo we nibyo ayobora byerekana ikuzo ry'umuremyi ushobora byose n'umugenga w'ibibaho byose.(Zaburi8 :4-10 ; Itangiriro 1 :28)

**Ubumwe bw'inyokomuntu**
Ibisekuru biri mu Itangiriro bigaragaza ko abantu babayeho nyuma ya Adamu na Eva bakomotse bose kuri uwo muryango wa mbere. Nk'abantu, dusangiye kamere imwe muburyo bw'amaraso n'igisekuru. Pawulo ati « Kandi [Imana]yaremye amahanga yose y'abantu bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu Isi yose ». (Ibyakozwe 17 :26).

Ibirenze ibyo, tubona ibindi bihamya bishyigikira ubumwe bw'ishyanga ryacu mu byavuzwe muri Bibiriya : igicumuro cya Adamu cyazanye icyaha n'urupfu ku bantu bose ; impano y'agakiza ni iyabose binyuze muri Kristo (Abaroma 5 :12, 19 ; 1Korinto 15 :21,22).

**Ubumwe bwa kamere muntu**

Mbese ni ibiki biranga ibiremwamuntu?ese baba bakozwe n'ibintu byinshi bitandukanye byigenga nk'umubiri, ubugingo n'umwuka ?

**Umwuka w'ubugingo**« Imana irema umuntu mu mukungugu wo hasi, imuhumekera mu mazuru umwuka w'ubugingo, umuntu ahinduka ubugingo buzima » (Itangiriro 2 :7).

Muguhindura ibyavuye mu butaka mo ikiremwa kizima, Imana yahumekeye « umwuka w'ubugingo » mu mazuru y'umubiri wa Adamu. Uwo mwuka w'ubugingo ni « umwuka w'Ishoborabyose », utanga ubugingo (Yobu 33 :4)ariwo mbarutso y'ubuzima. Twabigereranya n'umuriro w'amashanyarazi mu gihe unyura mu bitwara amashanyarazi, uhindura ikirahuri cya televiziyo cyijimye kikuzura amabara n'ibikorwa.Igihe dukoze ku kuma katsa televiziyo amashanyarazi azana ijwi n'ibikorwa oho bitari biri.

**Umuntu ,ubugingo buzima.**

Umwuka w'ubugingo watanze iki ? Igihe Imana yaremaga umuntu mubigize ubutaka, nta rugingo na rumwe yaburaga : umutima, urwagashya, ubwonko byose byari binonosoye ariko bidafite ubuzima. Ubwo nibwo Imana yahumekeye muri icyo kintu kidafite umwuka w'ubugingo « umuntu ahinduka ubugingo buzima ».

Igiteranyo cya Bibiriya kiragaragara ; umukungugu wo hasi wongeyeho umwuka w'uwubugingo bitanga ikiremwa kizima, cyangwa ubugingo buzima. Gushyira hamwe ibigize ubutaka n'umwuka w'ubugingo byatanze ikiremwa kizima, ubugingo buzima.

Uwo mwuka w'ubugingo ntabwo ugarukira ku bantu gusa. Icyaremwe kizima cyose kirawugira. Nk'urugero Bibiriya yerekana ko Imana yari yarahaye umwuka w'ubugingo inyamaswa zinjiye mu nkuge ya Nowa hamwe n'izitarinjiyemo. (Itangiriro 7 :15,22).

Ijambo ry'igiheburayo ryakoreshejwe mu Itangiriro 2 : 7 ryahinduwe ngo « ubugingo buzima » ni ***nephesch chayyah*** ntabwo ryerekeje k'umuntu gusa ahubwo rikoreshwa no ku nyamaswa zo mu mazi, ku dukoko duto, ku bikururanda n'ibigenza amaguru ane. (Itangiriro 1 :20,24 ;2 :19).

Ijambo ***nephesch*** risobanura « ikiriho » cyangwa «ubugingo», ryavuye ku rindi ***naphash*** risobanura « guhumeka ». Ijambo rihwanye naryo mu kigiriki mu isezerano rishya ni ***psuchè***. « Nkuko umwuka ari ikimenyetso cy'ubuzima *nephesch* yerekana bwa mbere umuntu nk'ikiremwa kizima cyangwa umuntu ». Igihe rikoreshejewe ku nyamaswa, nk'uko biri mu gitekerezo cy'irema, rizigaragaza nk'ibyaremwe bizima bivuye mu biganza by'Imana.Ni ingenzi kugaragaza ko Bibiriya ishimangira ko umuntu yahindutse ubugingo buzima. Nta kintu kigaragaza mu nyandiko zo mu itangiriro ko umuntu yakiriye ubugingo (ikintu gifite ubuzima bwihariye cyunzwe n'umubiri w'umuntu mu irema).

**Ubumwe budatandukana.**

Kugira ngo twumve neza kamere muntu,umumaro w'igitekerezo cy'irema ntugomba gusobanurwa bihabanye n'uko uri.Mu guha agaciro ubumwe bw'ingingo Ibyanditswe byose bigaragaza umuntu nk'icyuzuye kibumbiye hamwe. None se ubugingo n'umwuka bihuriye he na kamere muntu ?

***1.Uko Bibiliya isobanura ubugingo.***

Nkuko twamaze kubyerekana, ijambo ubugingo mu isezerano rya kera riva ku ijambo ry'igiheburayo *nephesch*. Mu itangiriro 2 : 7 iryo jambo ryerekeza ku muntu nk'ikiremwa kizima igihe umwuka w'ubugingo winjiriye mu mubiri waremwe ukuwe mu butaka. « Ni muri ubwo buryo ubugingo bushya bubaho iyo umwana avutse, buri bugingo bugaragaza ikizima gishya gitandukanye n'ibindi byose biriho. Uwo mwihariko wa buri kiremwa ugaragaza neza igitekerezo kiri mu ijambo *nephesch*-iyo rikoreshejwe muri ubwo buryo, *nephesch* ntabwo ari igice cy'umuntu, ahubwo ni uwo muntu ubwe.Kandi ahenshi iryo jambo risobanurwa ngo «umuntu» cyangwa «jye»(Lewi 11:43;1Abami 19:4;Yesaya 46:2;Itangiriro 14 : 21; Kubara 5 :6 ; Gutegeka 10 :22 ; reba na Zaburi3 :2,3).

Ku rundi ruhande amagambo nkaya « ubugingo bwanjye », « ubugingo bwawe », « ubugingo bwe », n'andi nkayo, asimbura insimburazina jye, wowe, we. (Reba Itangiriro 12 :13 ; Abarewi 11 :43,44 ; 19 ; 8 ; Yosuwa 23 :11 ; Zaburi 3 :2,3 ; Yeremiya 27 :9). Inshuro zirenze 100 muri 755 aho *nephesch* ryakoreshejwe mu isezerano rya kera ry'ingeri ya Bibiliya yitiriwe umwami yakobo risobanurwa ngo « ubuzima » Itangiriro 9 :4,5 ;1 Samweli 19 :5 ; Yobu 2 :4,6; Zaburi 31 :14).

Akenshi *nephesch* yerekeza ku byifuzo, ipfa, irari (Reba Gutegeka 23 :24 ; Imigani 23 :2 ; Umubwiriza 6 :7). Rishobora gusobanura umururumba (Imigani23 :2) ; ibyifuzo, (Umubwiriza 6 :7).) Hari ubwo risobanura icyicaro cy'urukundo (Itangiriro34 :3 ; Indirimbo1 :7 ). Rimwe na rimwe rishobora gusobanura ubushake bw'umuntu bityo rikavuga umutima ukunze. (Gutegeka 23 :24 ; Zaburi 105 :22 ; Yeremiya 34 ; 16). Mu Kubara 31 : 19, *nephesch* yarishwe naho mu Bacamanza 16 :30, arapfa. Mu Kubara 5 : 2 na 9 : 6 *nephesch* yerekeje ku ntumbi (Abarewi 19 :28 ; Kubara 9 :7,10).

Ikoreshwa ry'ijambo ry'ikigiriki *psuchè* ryo mu Isezerano rishya rimeze kimwe na *nephesch* mu Isezerano rya kera. Ryerekeza ku buzima bw'inyamaswa ndetse no ku buzima bw'abantu (Ibyahishuwe 16 :3). Rihindurwa ngo « ubuzima » inshuro 40 mu ngeri ya Bibiliya yitiriwe yakobo (reba Matayo 2 :20 ;16 :25 ;6 :25). Hamwe na hamwe risobanurwa ngo « abantu » (Ibyakozwe 7 :14 ;27 :37 ; Abaroma 13 :1 ;1 Petero 3 :20) naho ahandi ni insimburazina (Matayo 12 :18 ; 2 Abakorinto 12 :15). Hari ubwo byerekeza ku bizongamubiri (Matayo 14 :34 ; Luka 2 :35). Ku ntekerezo (Ibyakozwe 14 :2 ; Abafiripi 1 :27) cyangwa ku mutima (Abefeso 6 :6).Ntabwo *psuche* ifite kudapfa ahubwo ibasha gupfa (Ibyahishuwe 16 :3). Ibasha kurimbuka (Matayo 10 :28).

Bisa naho Bibiliya yerekana ko *nephesch* na *psuche* byerekana umuntu wese uko yakabaye, naho ku rundi ruhande bikerekana bimwe mu bigaragaza umuntu :nk'urukundo,

ibizongamubiri, ipfa, n'ibyiyumviro. Ariko ibyo ntibivuze ko umuntu agizwe n'ibice bibiri bitandukanye. Umubiri n'ubugingo birabana bifitanye ubumwe budatandukanywa. Ubugingo ntibubaho butari mu mubiri. Nta murongo numwe ugaragaza ko ubugingo bubaho butari mu mubiri nk'ikintu gitekereza.

### *2. Uko bibiriya isobanura umwuka.*

Aho ijambo ry'igiheburayo *nephesch,* risobanurwa ngo « ubugingo » rigaragaza umwihariko w' umuntu cyangwa ubumuntu, ijambo ry'Igiheburayo *ruach* ryakoreshejwe mu isezerano rya kera rigasobanurwa ngo « umwuka » ryo ryerekana imbarutso y'ubuzima ya ngombwa kugira ngo umuntu abeho. Ihagarariye imbaraga y'Ubumana cyangwa ihame ry'ubuzima rikoresha ibiremwamuntu. *Ruach* igaragara inshuro 377 mu isezerano rya kera kandi ahenshi ihindurwa ngo « umwuka »cyangwa «umuyaga» cyangwa «uguhumeka» (Itangiriro 8 :1). Rikoreshwa kandi risobanura «kubaho» (Abacamanza 15 :19), ubushizi bw'amanga (Yosuwa 2 :11), uburakari (Abacamanza 8 :3),umwanya umuntu afite mu buzima(Yesaya 54 :6), imico mbonera (Ezekiyeri 11 :19),n'imimerere, icyicaro cy'ibizongamubiri (1Samweli1 :15). Aho rishaka kwerekeza ku « mwuka » duhumeka iryo jambo *ruach* risobanura kimwe ku muntu no ku nyamaswa (Umubwiriza 3 :19). Umwuka w'umuntu umuvamo igihe apfuye(Zaburi146 :4), maze ugasubira ku Mana(Umubwiriza 12 :7 ;reba na Yobu34 :14. Akenshi *ruach* ikoreshwa mu kuvuga umwuka w'Imana nko muri Yesaya 63 :10. Iyo *ruach* yerekeza ku muntu mu isezerano rya kera nta na hamwe ivuga ikintu gifite ubwenge gishobora kubaho kitari mu mubiri ufatika.

Ijambo rihwanye na *ruach* mu isezerano rishya ni *pneuma,* bivuga « umwuka », biva kuri *pneo* biviga « guhuha » cyangwa « guhumeka » .Nkuko biri kuri *ruach* ijambo *pneuma* nta na hamwe risobanura ikintu cyo mu muntu gishobora kubaho cyumva kitari mu mubiri.Ndetse nta na hamwe isezerano rishya ritanga ubwo busobanuro. Mu mirongo imwe ya Bibiliya nko mu Baroma 8 :15 ; 1Abakorinto 4 :21 ; 2Timoteyo 1 :7 ; 1Yohana 4 :6). *Pneuma* ivuga imisusire, imyifatire, cyangwa uko umuntu amerewe. Rinakoreshwa kandi mu kwerekana imiterere runaka y'umuntu(Abagalatiya 6 :1 ; Abaroma 12 :11). Kimwe na *ruach, pneuma* isubira ku Mana iyo umuntu apfuye Luka 23 :46 ; Ibyakozwe 7 :59). Kimwe na *ruach*, *pneuma* na none inakoreshwa mu kuvuga umwuka w'Imana(1Abakorinto2 :11,14 ;Abefeso4 :30 ; Abaheburayo2 :4 ; 1Petero1 :12 ; 2Petero1 :21 ;…).

### ***3. Ubumwe bw'umubiri, ubugingo n'umwuka*.**

Ni iyihe sano yaba iri hagati y'umubiri, ubugingo n'umwuka ? Ni iyihe mpinduka iterwa n' iyi sano iri hagati yabyo ku bumwe bw'umuntu ?

*a)Ubumwe bw'inyabubiri***.** Nubwo Bibiliya ivuga kamere muntu nk'iyunze ubumwe ,nyamara na none ntisobanura mu buryo butomoye ubumwe buri hagati y'umubiri, ubugingo n'umwuka.Ibihe byinshi umwuka n'ubugingo bikoreshwa kimwe gisobanura

ikindi. Tubibona mu magambo y'ibyishimo ya Mariya amaze kubwirwa inkuru. « Umutima wanjye uhimbaza umwami Imana n'ubugingo bwanjye bwishimira mu Mana, umukiza wanjye » (Luka1 :46-47)

Igihe kimwe Yesu yagaragaje umuntu nk'umubiri n'ubugingo(Matayo10 :28).Ikindi gihe Pawulo avuga umuntu nk'umubiri n'umwuka(1Abakorinto7 :34). Bwa mbere ijambo « ubugingo » ryerekeje ku bushobozi bw'umuntu,bishatse kuvuga intekerezo arizo asabaniramo n'Imana.Bwa kabiri ijambo « umwuka » ryerekeje kuri ubwo buhanga buhanitse. Muri izo ngero zombi umubiri ukomatanya umubiri ugaragara n'ibizongamubiri by'umuntu nk'ibiranga umuntu.

*b)Ubumwe bw'inyabutatu.*

Hariho igitandukanye n'iryo tegeko rusange rivuga ko umuntu ashobora kugaragara nk'ufite ubumwe bw'inyabubiri bugizwe n'umubiri n'umwuka. Pawulo wavugaga iby'ubumwe bw'uburyo bubiri bw'umubiri n'umwuka yongeye kuvuga iby'ubumwe bw'uburyo butatu.Aravuga ati « Imana y'amahoro ibeze rwose : Kandi mwebwe ubwanyu,n'umwuka wanyu n 'ubugingo n'umubiri byose birarindwe,bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaza ». (1Abatesaronike5 :23).Uyu murongo utwereka icyifuzo cya Pawulo cyo kubona nta gice kigize umuntu gisigara kitari mu gikorwa cyo kwezwa.

Muri ubwo buryo umwuka ushobora gusobanurwa « nk'ihame ryo hejuru ry'ubwenge n'ibitekerezo umuntu abasha kugira, kandi akaba ariho Imana isabanira n'umuntu binyuze mu Mwuka wayo. (Abaroma8 :16). Ni kubwo guhinduka kw'intekerezo gutangwa n'umwuka Wera, umuntu ahindurirwa gusa na Kristo.(Abaroma12 :1,2).

Kubyerekeye ubugingo,iyo butandukanyijwe n'umwuka , bwumvikana nka kamere yo mu muntu yigaragariza mu migirire idatekerejweho cyangwa ngo yigishwe, ibizongamubiri n'ibyifuzo.

Iki gice cy'umuntu na cyo gishobora kwezwa. Igihe binyuze mu murimo w'umwuka Wera,intekerezo z'umuntu zihindurirwa gusa n'intekerezo z'Imana,bityo igihe gushyira mu gaciiro byejejwe bibashije gutsinda kubogamira ku kibi, umutima wibwiraga ibinyuranye n'iby'Imana wemera kugengwa n'ubushake bwayo.

Umubiri ariwo ugengwa n'ubushake bwa kamere yo hejuru cyangwa yo hasi, ugizwe n'ibigaragara : inyama, amaraso n'amagufwa.

Uburyo Pawulo akurikiranya ibyo bice ahereye mbere na mbere ku mwuka, ubugingo agaherutsa umubiri ntibiva ku busa. Igihe Umwuka wejejwe, ubwenge buhita buyoborwa n'ububasha bw'Imana.Intekerezo zejejwe nazo zituma habaho ubugingo bwejejwe ni ukuvuga ibyifuzo, ibyiyumviro n'ibizongamubiri.

Umuntu uzagira uko kwezwa ntabwo azangiza umubiri we kandi ubuzima bwe buzagubwa neza. Bityo umubiri ukaba ubaye igikoresho cyejejwe umukristo akoresha akorera umwami n'umukiza we.

Guhamagarirwa kwezwa Pawulo avuga, gushingiye rwose ku bumwe bwa kamere muntu kandi bukerekana ko mu kwitegura kugaruka kwa Kristo, umuntu aba akeneye kwitegura mu buryo bwuzuye :Umwuka, ubugingo n'umubiri.

***c. Ubumwe budatandukanywa kandi bushyira hamwe***

Bigaragara neza ko buri muntu ari ikiremwa kidatandukanywa. Umubiri n'ubugingo n'umwuka byuzuriza hamwe imirimo yabyo bigahamya isano y'ubumwe iri hagati y'iby'umwuka, iby'ubwenge n'iby'umubiri w'umuntu.Kudohoka kwa kimwe muri ibyo bice kuzagira ingaruka ku bindi bice. Umwuka cyangwa ibitekerezo birwaye, byanduye cyangwa biri mu rujijo bizagira ingaruka mbi ku bizongamubiri.Ni nako bigenda ku rundi ruhande.Umubiri ufite intege nke, urwaye uzateza ingaruka mbi ku bizongamubiri no ku mimerere y'iby'umwuka. Ingaruka buri gice kigenda kigira ku kindi byerekana ko buri muntu yahawe n'Imana inshingano yo gukoresha neza ibyo bice bye byose.Gukora ibyo,bigize umugabane w'ingenzi wo kongera gusubirana ishusho y'Imana.

**Umuntu mu ishusho y'Imana.**

Ibiremwamuntu byaremwe n'Imana ku munsi wa gatandatu w'icyumweru cy'irema kandi biremwa mu ishusho y'Imana. (Itangiriro 1 :27). Mbese kuremwa mu ishusho y'Imana ibyo bishatse kuvuga iki?

**Yaremwe mu ishusho y'Imana kandi asa nayo**. Bivugwa kenshi ko imico mbonera n'ubuzima bwo mu buryo bw'iby'umwuka by'umuntu bibasha kudufasha mu kumenya kamere y'imico mbonera n'iby'umwuka by'Imana. Ariko kuba Bibiliya yigisha ko umuntu agizwe n'ubumwe bw'umubiri, ubugingo n'umwuka, byerekana ko umubiri w'inyuma w'umuntu ugomba nawo kugaragaza mu buryo runaka ishusho y'Imana. Ariko se Imana si Umwuka ? Ni gute ikiremwa cy' Umwuka cyabasha kugira ishusho ?

Turebye gato ku by'Abamalayika,tubona neza ko nabo ubwabo ari ibiremwa by'umwuka (Abaheburayo 1 :7-14). Ariko bigaragaza bafite ishusho y'umuntu (Itangiriro 18 :1-19, 22 ; Danieli9 :21 ; Luka1 :11-38 ; Ibyakozwe12 :5-10). Mbese ibiremwa by'umwuka byabasha kugira umubiri w'umwuka ufite ishusho igaragara ? (1Abakorinto 15 :44).

Muri Bibiliya tubona ko abantu bamwe babashije kubona Imana by'igice. Mose, Aroni, Nadabu, n'abakuru 70 babonye ibirenge byayo (kuva 24 :9-11). Nubwo itashatse kugaragaza mu maso hayo, Imana imaze gutwikiriza ibiganza Mose yamwemereye kuyireba mu mugongo, imaze gutambuka. Imana yiyeretse Danieli nk'umukuru nyiribihe byose, yicaye ku ntebe y'ubwami, igihe yerekwaga iby'urubanza. (Danieli 7 :9-10). Kristo ni ishusho y'Imana itaboneka (Abakolosayi 1 :15). Kandi ni we ugaragaza ishusho ya kamere yayo (Abaheburayo1 :3). Iyi mirongo isa n'iyerekana Imana nk'ikiremwamuntu kandi ko ifite ishusho igaragara. Ibyo ntibyagombye kudutangaza kuko n'ubundi umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana.

Umuntu yaremwe "hasi ho gato y'Abamalayika" (Abaheburayo 2 :7). Ibyo byerekana ko umuntu yari afite impano z'umwuka n'iz'ubwenge. Nubwo Adamu atari afite ubunararibonye uri we no gukuza ibimuranga, yaremwe atunganye (Umubwiriza 7 :29),byerekana ko yashoboraga gutungana mu mico. Kuba yararemwe mu ishusho y'imico mbonera y'Imana yari umukiranutsi kandi yera, reba Abefeso 4 :24, kandi yari ahagarariye igice cy'ibyaremwe by' Imana yavuze ko byari byiza cyane. (Itangiriro 1 :31).

Kuba umuntu yararemwe mu ishusho y'imico mbonera y'Imana, umuntu yari ahawe amahirwe yo kugaragaza urukundo rwe no kumvira umuremyi we. Nkuko no ku Mana biri yari afite ububasha bwo guhitamo ariwo mudendezo wo gutekereza no gukora hakurikijwe amategeko y'imicombonera.Bityo yari afite umudendezo wo gukunda no kumvira cyangwa kugambana no kutumvira. Imana yemeye ko umuntu abasha guhitamo nabi, kubera ko umudendezo wo guhitamo wonyine ariwo wagombaga kwemerera umuntu gukura mu mico akerekana ihame ry'urukundo ryo shingiro rya kamere y'Imana (1Yohana4 :8).Icyo yateganyirizwaga gikomeye cyari kugera ku rugero ruhanitse rwo kugaragaza ishusho y'Imana : Gukundisha Imana umutima we wose, n'ubugingo bwe bwose, n'intekerezo ze zose, kandi agakunda mugenzi we nk'uko yikunda. (Matayo 22 :36-40)

**Yaremewe kugira ngo ashyikirane n'abandi.**

Imana iravuga iti" Si byiza ko uyu muntu aba wenyine" (Itangiriro 2 :18). Irema Eva. Nkuko ubutatu bw'ubumana bushyize hamwe mu mubano w'urukundo, twaremwe natwe kugira ngo tubeho mu mushyikirano ugaragarira mu bucuti cyangwa mu gushyingiranwa (Itangiriro 2 :18).

Muri iyo sano imeze ityo, tuba tubonye amahirwe yo gukorera abandi. Kuba umuntu nyakuri bisobanuye kugirana umushyikirano .Guteza imbere uyu mushyikirano ugaragaza ishusho y'Imana ni ikintu cy'ingenzi mu bigize ubumwe,umunezero n'iterambere by'ubwami bw'Imana.

**Yaremewe kuba ibisonga by' ibidukikije.**

Imana iravuga iti " Tureme umuntu agire ishusho yacu, ase natwe, batware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose n'igikururuka hasi cyose" (Itangiriro 1 :26). Muri iri somo, Imana yerekeje ku ishusho y'Imana umuntu afite no ku buyobozi asabwa kugira ku bindi byaremwe. Umuntu yashyizwe ku rugero rwo hejuru y'ibindi biremwa nk'uhagarariye Imana. Inyamaswa ntizibasha gusobanukirwa n'ubwami bw'Imana bukomeye, nyamara inyamaswa nyinshi zibasha gukunda no gukorera umuntu.

Dawidi avuga iby'ubwo buyobozi bw'umuntu agira ati "Wamuhaye gutegeka imirimo y'intoke zawe, wamweguriye ibintu byose, ubishyira munsi y'ibirenge bye" (Zaburi 8 :6-8). Umwanya wo hejuru w'umuntu wari ikimenyetso cy'ubwiza n'icyubahiro yambitswe nk'ikamba. (Zaburi 8 :5). Yari inshingano ye gutegekana isi umutima w'ubugwaneza akaba agaragaje ubuyobozi bw'Imana bw'ibambe igirira ibibaho byose. Ku bw'ibyo ntabwo turi ingaruzwamuheto y'ibibaho, cyangwa ko dukandamizwa n'imbaraga z'ibidukikije. Ahubwo Imana yaduhaye inshingano yo kubungabunga ibidukikije, dukoresha akanya kose duhawe kugira ngo dusohoze ubushake bwayo.

Ibi tubonye byatubera urufunguzo rwatuma imibereho yacu n'abandi irushaho kuba myiza muri iyi si yuzuyemo amacakubiri y'uburyo bwose. Kandi ni igisubizo ku kibazo giterwa no gushaka kwikubira mu gukoresha umutungo kamere no kwandura k'umwuka n'amazi aribyo kwangirika k'ubuzima. Gukurikiza amahame ya Bibiliya yerekeye kuri kamere muntu nibyo byonyine bitanga ubwishingizi nyabwo ku hazaza heza.

**Baremewe kugera ikirenge mu cy'Imana**

Nk'ibiremwa muntu duhamagarirwa gukora nk'Imana kuko twaremewe gusa na yo. Nubwo turi abantu, tutari Imana, tugomba kugaragaza ishusho y'uwaturemye binyuze mu butware tugira ubwo ari bwo bwose. Itegeko rya kane riturarikira iyi nshingano : Duhamagarirwa gukurikiza urugero rw'umuremyi dukora mu minsi itandatu y'icyumweru tukaruhuka ku wa karindwi. (Kuva 2 :8-11).

**Baremanywe kudapfa kw'ikigombero**

Mu kuremwa, ababyeyi bacu ba mbere bahawe ukudapfa,nubwo uko kudapfa kwari ukw'ikigombero cyo kumvira.Kubera ko bari bafite uburenganzira ku giti cy'ubugingo, bari bagenewe kubaho iteka ryose. Uburyo rukumbi bwashobokaga bwo gutakaza ukudapfa kwabo kwari ugucumura ku itegeko ryababuzaga kurya ku giti kimenyekanisha icyiza n'ikibi. Kutumvira byari kubaganisha ku rupfu. (Itangiriro 2 :17, reba 3 :22)

**Kugwa**

Nubwo baremwe ku ishusho y'Imana nta nenge bafite, bagashyirwa hagati y'ibibakikije byera, Adamu na Eva bahindutse abacumuye. Ni gute ihinduka rikomeye rityo kandi riteye ubwoba ryabashije kubaho ?

**Inkomoko y'icyaha**

Niba Imana yararemye isi itunganye ni gute icyaha cyaje gukura ?

1. *Imana n'inkomoko y'icyaha*

Mbese Imana ni umuremyi ikaba na nyirabayazana w'icyaha ?

Bibiliya igaragaza ko Imana ari iyera muri kamere yayo (Yesaya 6 :3) kandi ihamya ko muri yo nta gukiranirwa kuyirangwamo. «Umurimo wayo uratunganye, kuko inzira zayo ari izo gukiranuka ; ni Imana y'inyamurava itarimo gukiranirwa, ica imanza zitabera, iratunganye » (Gutegeka 32 :4) « Ntibikabeho ko Imana ikora ibyaha, n'ishobora byose ngo ikore ibyo gukiranirwa » (Yobu 34:8) « Kuko bidashoboka ko Imana yoshwa n'ibibi cyangwa ngo nayo igire uwo ibyohesha. » (Yakobo 1:13) yanga icyaha (Zaburi 5:5 ; 11:5). Ibyaremwe n'Imana bya mbere byari byiza cyane (Itangiriro1:31) aho kuba nyirabayazana w'icyaha, Uwiteka abera « abamwumvira bose umuhesha w'agakiza kadashira » (Abaheburayo 5 :9)

*1.Nyirabayazana w'icyaha.*

Imana yabashaga gukumira icyaha irema ibibaho bikora gusa ibyo byashyizwemo nk'imashini(robot). Ariko urukundo rw'Imana rwasabye ko irema ibiremwa bifite ubushobozi bwo kwemera ku bushake urukundo rwayo.Kandi uko kwemera gushoboka gusa ku biremwa bifite uburenganzira bwo guhitamo.

Nyamara mu guha ibyaremwe uwo mudendezo, Imana yemeye akaga kashoboraga gukomoka mu gutera umugongo Imana kwa bimwe muri ibyo biremwa. Ikibabaje , Lusiferi icyaremwe cyari gifite umwanya wo hejuru mu bamalayika agira kwibona (Ezekieli 28 :17), reba 1Timoteyo 3 :6.

Kubwo kutishimira umwanya yari afite mu ngoma y'Imana, (reba Yuda 6) atangira kurarikira umwanya w'Imana (Yesaya 14 :12-14). Mu kugerageza gutegeka ibiriho byose, uwo mumalayika waguye abiba kwivovota mu bamalayika bari bamukikije maze abasha kwigarurira benshi muri bo. Intambara mu ijuru yaturutse kuri ibyo, yarangiye ubwo Lusiferi uzwi kw'izina rya satani n'umwanzi hamwe n'abamalayika be birukanywe mu ijuru (Ibyahishuwe 12 :4 ; 7 :9 ; reba igice cya 8 cy'iki gitabo).

*3. Inkomoko y'icyaha mu nyokomuntu*

Adaciwe intege no kwirukanwa mu ijuru, satani acura umugambi wo kuzana abandi mu kwigomeka ku buyobozi bw'Imana. Umugambi we werekejwe ku nyokomuntu yari imaze kuremwa.Ni gute yashoboraga kuyobora Adamu na Eva mu kwigomeka ? Bari bari mu isi itunganye. Imana yabahaga ibyo bakeneye byose.Ni gute bashoboraga kwivovotera no kutizera uwari isoko y'umunezero wabo ? Igitekerezo cy'icyaha cya mbere kiduha igisubizo cy'icyo kibazo.

Igihe yateraga ababyeyi bacu ba mbere, Satani yiyemeje kubagwa gitumo. Ahura na Eva igihe yari hafi y'igiti cy'ubwenge bumenyekanisha icyiza n'ikibi. Yihanze mu nzoka amubaza ibyekeranye n'itegeko ry'Imana ryo kubabuza kurya kuri icyo giti. Igihe Eva yemezaga ko Imana yavuze ko nibakiryaho bazapfa, satani yavuguruje itegeko ry'Imana, aravuga ati : « Gupfa ko ntimuzapfa ». Areshya amatsiko ye amubwira ko Imana yagerageje kubabuza ikintu cyiza cyane bendaga kugeraho : kuba nk'Imana (Itangiriro 3 :4-5). Ako kanya umuzi wo gushidikanya ijambo ry'Imana uba urashoye. Eva atwarwa n'ubushobozi bw'ikirenga yibwiraga ko yagombaga guhabwa no kurya iryo tunda.Igishuko gitangira kwangiza intekerezo zeraga.Kwiringira ijambo ry'Imana bihinduka kwiringira ijambo rya Satani.

Muri ako kanya ahita atekereza ko « Icyo giti gifite ibyo kurya byiza kandi ko ari icy'igikundiro, kandi ko ari icyo kumenyesha umuntu ubwenge koko ». Kubwo kutishimira umwanya we, Eva yemera igishuko kimwizeza guhinduka nk'Imana. « Asoroma ku mbuto zacyo arazirya ; ahaho n'umugabo we wari hafi ye nawe arazirya ». (Itangiriro 3:6)

Kubwo kwiyiringira aho kwiringira ijambo ry'Imana, Eva areka kwishingikiriza ku Mana atakaza umwanya w'icyubahiro aba yiroshye mu cyaha. Bityo rero kugwa kw'inyokomuntu kwagaragajwe mbere na mbere no kureka kwizera Imana n' ijambo ryayo.Uku kutizera

kwabyaye kutumvira, uko kutumvira nako gutera gucika k'umushyikirano, hanyuma iherezo riba gutandukana kw'Imana n'umuntu.

**Ingaruka y'icyaha**

Ni izihe ngaruka z'icyaha z'ako kanya n'izakurikiyeho nyuma y'igihe kirekire? Ni gute byakoze kuri kamere muntu ? Noneho ni ubuhe buryo bwagombaga gukoreshwa mu kuvanaho icyaha no kuzanzamura kamere muntu ?

***1.Ingaruka z'ako kanya***

Ingaruka ya mbere y'icyaha yabaye kwangirika kwa kamere muntu, aribyo byagize ingaruka ku mubano hagati y'abantu ubwabo no hagati yabo n'Imana. Icyo bibwiraga ko kizatuma amaso yabo ahweza bakaba nk'Imana cyabazaniye isoni n'ikimwaro. (Itangiriro 3 :7). Aho kuba nk'Imana nkuko Satani yari yabijeje, bahindutse abanyabwoba bagerageza kwihisha (Itangiriro 3 :8-10)

Igihe Imana yabazaga Adamu na Eva iby'icyaha cyabo, aho kwemera ikosa ryabo, bagerageje kwitana bamwana.Adamu aravuga ati : « Umugore wampaye ngo tubane, niwe wampaye ku mbuto z'icyo giti ndazirya ». (Itangiriro 3 :12). Ayo magambo yasobanuraga ko Eva, no mu buryo buziguye Imana,bombi aribo nyirabayazana b'icyaha. Ibi birerekana neza ko icyaha cyari cyangije umubano we n'umugore we, n'umubano we n'umuremyi we. Eva nawe aherereza ikosa rye ku nzoka (Itangiriro 3 :13).

Ingaruka mbi yakurikiyeho yerekana ko igicumuro cyabo cyari gikomeye. Imana ivuma icyo Satani yari yihanzemo ariyo nzoka iyiciraho iteka ryo kuzajya ikururuka hasi nk'urwibutso ruhoraho rwo kugwa (Itangiriro 3 :14). Ibwira umugore iti : « kugwiza nzagwiza cyane umubabaro wawe ufite inda : uzajya ubyara abana ubabara, kwifuza kwawe kuzaherera ku mugabo wawe, na we azagutwara.» (Itangiriro 3 :16) Kandi kubera ko Adamu yumviye umugore we mu cyimbo cy'Imana, ubutaka buravumwa kugira ngo bwongere umubabaro we « Ubwo wumvuye umugore wawe, ukarya ku giti nakububijije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa, iminsi yose yo kubaho kwawe, uzajya urya ibibuvamo ugombye kubiruhira, buzajya bukumereramo imikeri n'ibitovu, nawe uzajya urya imboga zo mu butaka, gututubikana ko mu maso hawe niko kuzaguhesha umutsima, urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka kuko arimo wavuye » (Itangiriro 3 :17-19).

Kugira ngo yongere gushimangira ko amategeko yayo adahinduka no kugirango yemeze ko igicumuro cyose kijyana ku rupfu, Imana iravuga iti : « Uri umukungugu, mu mukungugu nimwo uzasubira » (Itangiriro 3 :19). Mu gushyirwa mu bikorwa uyu mwanzuro w'urubanza Imana yabirukanye mu rugo rwabo Edeni, ntibaba bacyongeye gushyikirana n'Imana imbonankubone (Itangiriro 3 :8); kandi ibabuza kwegera igiti cy'ubugingo, cyo soko y'ubugingo bw'iteka. Nuko Adamu na Eva baba ingaruzwamuheto z'urupfu. (Itangiriro 3:22).

***2. Imiterere y'icyaha.***

Imirongo myinshi yo muri Bibiliya by'umwihariko iyerekeza ku kugwa kw'umuntu ishimangira ko icyaha ari ubugome bw'intekerezo ari byo ngaruka yo kwihitiramo kutumvira ubushake bw'Imana bwahishuwe. (Itangiriro 3 :1-6) ; Abaroma 1 :18-22).

*a) Ubusobanuro bw'icyaha*

Mu busobanuro bw'icyaha harimo « Kwica amategeko » (1Yohana 3 :4), kugwa mu myitwarire iyo ariyo yose « Uzi gukora neza ntabikore » Yakobo 4 :17, « n' igikorwa cyose kidakoranywe kwizera »(Abaroma14 :23). Na none icyaha ni « uguca ku ruhande uko ariko kose ubushake bw'Imana buzwi cyangwa gusuzugura iby'Imana yategetse cyangwa gukora icyo aricyo cose yabuzanije »

Ntabwo icyaha gifata imbu zombi. Kristo yaravuze ati « Uwo tudateranije hamwe arasandaza » (Matayo 12 :30). Kutizera Yesu ni icyaha (Yohana 16 :9.). Icyaha kihariye mu bikiranga kubera ko ari igishushanya cyo kwigomeka ku Mana no kubushake bwayo.
Buri cyaha gito cyangwa kinini kiganisha « ku mutima ukurega ». Kubw'ibyo, « umuntu wese witondera amategeko yose agasitara kuri rimwe ,aba ayacumuye yose » (Yakobo 2 :10).

*b) Icyaha gikorwa mu ntekerezo nkuko gikorwa mu bikorwa*

Icyaha kivugwa kenshi nk'ibikorwa bigaragara kandi bifatika byo kwica amategeko. Ariko Kristo yerekanye ko kurakarira umuntu ari ukwica itegeko rya gatandatu mu mategeko cumi y'Imana :« Ntukice » (Kuva 20 :13), kandi ko kwifuza gusambana ari ukwica itegeko rivuga ngo « Ntugasambane » (Kuva 20 :14). Niyo mpamvu icyaha atari ukutumvira bigaragarira mu bikorwa gusa ahubwo ni no mu bitekerezo no mu byifuzo.

*c.Icyaha n'umutima ugucira urubanza*

Icyaha gitera umutima ugucira urubanza. Mu mucyo wa Bibiliya, umutima ugucira urubanza werekana ko uwakoze icyaha agomba kugerwaho n'igihano. Kubera ko bose ari abanyabyaha, isi yose « itsinzwe n'urubanza imbere y'Imana » (Abaroma 3 :19).

Iyo umutima ugucira urubanza udafashwe uko bikwiye wangiriza ubushobozi bw'umubiri, ubw'ubwenge nubw'umwuka. Hanyuma kandi kubura kw'igisubizo bikabyara urupfu kuko « ibihembo by'ibyaha ari urupfu » (Abaroma 6 :23).

Umuti w'umutima ugucira urubanza ni imbabazi. (Matayo 6 :12), Bigatuma umuntu agira umutima uboneye n'amahoro yo mu mutima. Imana yiteguye guha izo mbabazi umunyabyaha wese wihanye. Kristo arahamagara abaremerejwe n'umutwaro w'icyaha n'umutima ubarega ngo « Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura » (Matayo 11 :28)

*d) Icyicaro cy'icyaha.*

Icyicaro cy'icyaha kiri aho Bibiliya yita umutima ariwo tuzi nk'intekerezo.Kuko mu mutima ariho « iby'ubugingo bikomoka » (Imigani 4 :23). Kristo avugako ibitekerezo aribyo byanduza umuntu « Kuko mu mutima w''umuntu ariho haturuka ibitekerezo bibi, kwica, gusambana, guheheta, kwiba, kubeshyera abandi n'ibitutsi » (Matayo 15 :19). Bituruka mu mutima kugira ngo umuntu wese uko yakabaye ubwenge, ubushake, gukunda,

ibizongamubiri n'umubiri ngo bobashe gukorwaho. Kubera ko « umutima urusha ibintu byose gushukana » kandi ko ari mubi cyane, (Yeremiya 17 :9) kamere muntu yavugwa ko ari mbi, yahenebereye kandi ari inyacyaha yose uko yakabaye.

### *3. Ingaruka z'icyaha ku nyokomuntu.*

Bamwe babasha gutekereza ko igihano cy'urupfu cyari gikabije cyane ku kurya gusa itunda ryabuzanijwe. Ariko ntitubasha kubona ingorane yo gucumura tutabirebeye mu mucyo w'ingaruka z'icyaha cya Adamu ku nyoko muntu.

Umuhungu w'imfura wa Adamu na Eva yarishe. Ababakomotseho bidatinze bishe isezerano ryera ryo gushyingiranwa ubwo bishyingiraga abagore benshi. kandi ntihari hagikenewe igihe kirekire ngo ubugome n'ubugizi bwa nabi butaruzura isi. (Itangiriro 4 : 8, 23 ; 6 : 1 - 5 ; 11 : 13). Guhamagara kw'Imana kurarikira abantu kwihana ntikwitaweho, abantu umunane gusa nibo bakijijwe amazi y'umwuzure warimbuye abinangiye.Maze uretse abantu bake gusa bagiye bumvira Imana amateka y'ikiremwa muntu nyuma y'umwuzure, ni igitekerezo kibabaje cy'ibikorwa by'ibyaha bya kamere muntu yangijwe n'icyaha.

*a. Kuba gikwira k'ubunyabyaha bw'inyokomuntu*

Amateka agaragaza ko abakomotse kuri Adamu basangiye nawe kamere ye y'ubunyacyaha. Mu isengesho rya Dawidi aravuga ati « Ntawe mu babaho uzatsindira mu maso hawe » (Zaburi 143 :2, reba 14 :3) « Kuko ari nta muntu udacumura. » (1Abami 8 :36). Na Salomo ati : « Ni nde ubasha kuvuga ati ni njye wiyejeje umutima ubu nkize icyaha cyanjye ? » (Imigani 20 :9) « Ni ukuri nta mukiranutsi uri mw'isi ukora neza nta cumure » (Umubwiriza 7 :20). Isezerano rishya naryo ribigaragaza neza: « bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana. » (Abaroma 3 :23) « Nituvuga yuko ari nta cyaha dufite, tuba twishutse, ukuri kuba kutari muri twe » (1Yohana 1 :8).

*b.Mbese umuntu avukana ubunyacyaha cyangwa abwakira nyuma ?*

Pawulo avuga ati : « Bose bokojwe gupfa na Adamu » (1 Abakorinto 15 :22) . Ahandi, yerekana ko « Nk'uko ibyaha byazanywe mu isi n'umuntu umwe, urupfu rukazanwa n'ibyaha, […] niko urupfu rugera ku bantu bose kuko bose bakoze ibyaha » (Abaroma 5 :12)

Guhenebera k'umutima w'umuntu bigira ingaruka ku muntu wese uko yakabaye. Yobu abibonye atyo yaravuze ati « Ni nde wabasha kuvana igitunganye mu kintu cyanduye ? Nta we » (Yobu 14 :4). Dawidi ati : « Dore naremanywe gukiranirwa, mu byaha nimwo mama yambyariye. » (Zaburi 51 :7). Pawulo avugako « Umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira. Erega burya abari mu butware bwa kamere ntibashobora kunezeza Imana. » (Abaroma 8 : 7, 8). Yerekeje ku bizera mbere yo guhinduka Paulo ati : « Ku bwa kavukire yacu twari abo kugirirwa umujinya nk'abandi bose » (Abefeso 2 :3).

Nubwo nk'abana twakira imibereho y'icyaha binyuze mu kwigana ibyo tubona. Nubwo bimeze bityo, amasomo twasomye haruguru yemeza ko tuvukana kamere shingiro y'ubunyacyaha.Kamere y'ubunyanyacyaha ku nyokomuntu yose ni igihamya kigaragaza ko tuvuka tubogamira ku kibi aho kubogamira ku cyiza.

*C .Kurandurwa kw'imico y'umunyacyaha.*

Ni mu buhe buryo abantu babasha kurandura icyaha mu buzima bwabo no mu muryango w'abantu ?

Imbaraga zose zikoreshwa kugira ngo umuntu abeho ubuzima bukiranuka mu mbaraga ze zihora zitsindwa. Kristo yavuze ko ukora icyaha wese aba ari imbata y'icyaha. Imbaraga y'Imana niyo yonyine ibasha kutubatura muri ubwo bubata.

Ariko Kristo yaduhaye ibyiringiro « Nuko umwana nababatura, muzaba mubatuwe by'ukuri. » (Yohana 15 :4,5). Yesu ati nimubasha kwera imbuto zo gukiranuka « mugume muri njye kuko mutamfite ntacyo mwabasha kugeraho (Yohana 15 :4-5)

Ndetse n'intumwa Pawulo ubwayo ntiyabashije kubaho imibereho ikiranuka abikuye mu mbaraga ze. Yari azi urugero rwo kwera kw'amategeko y'Imana, ariko ntiyabashaga kuyakomeza. Avuga uko yagerageje imbaraga ze yaravuze ati « Sinzi ibyo nkora ; kuko ibyo nshaka Atari byo nkora, ahubwo ibyo nanga akaba ari byo nkora […], kuko icyiza nshaka ataricyo nkora, ahubwo ikibi nanga akaba aricyo nkora » Akomeza ashimangira ingaruka icyaha cyagize mu buzima bwe « Ariko ubwo nkora ibyo nanga, si njye uba nkibikora ahubwo ni icyaha kimbamo » (Abaroma 7 : 15, 19, 20). Yishimiraga urugero rwashyizweho n'Imana nubwo atashoboraga kurugeraho: « Nishimira amategeko y'Imana mu mutima wanjye, ariko mbona irindi tegeko ryo mu ngingo zanye, rirwanya itegeko ry'ibyaha ryo mu ngingo zanjye. Yemwe mbonye ishyano ! Ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu ? » (Abaroma 7 :22-24).

Pawulo ubuheruka yamenye ko yari akeneye imbaraga y'Imana kugira ngo abone kunesha. Binyuze muri kristo, yaretse ubuzima bwa kamere maze atangira kubaho ubuzima bushya nkuko umwuka abishaka. (Abaroma 7 :25 ; 8 :1).

Ubu buzima bushya bw'umwuka ni impano y'Imana ihindura. Kubw'ubuntu bw'Imana, twe abapfuye tuzize ibicumuro n'ibyaha byacu tubasha gutsinda (Abefeso 2 :1, 3, 8-10). Kuvuka mu by'umwuka bihindura ubuzima (Yohana1 :13 ; 3 : 5) ku buryo tubasha kuvuga ko ari icyaremwe gishya « Ibyakera biba bishize » kandi « dore byose biba bihindutse bishya. » (2 Abakorinto 5 :17).Nyamara nubwo bimeze gutyo ubuzima bushya ntibuvanaho kuba twakora icyaha. (1 Yohana 2 :1)

### *4. Ihindagurika no kugwa k'umuntu*

Ndetse no kuva mu gihe cy'irema, Satani yagiye abiba urujijo mu bantu benshi akagabanya icyizere bagirira amateka yo mu byanditswe avuga iby' inkomoko y'umuntu no kugwa k' umuntu. Umuntu yakwita inyigisho y'ihindagurika uburyo bwa kamere bw'inyokomuntu, bushingiye ku ihame rivuga ko ubuzima bwapfuye kwizana kandi ko abantu baturutse ku buzima bwo mu rwego rwo hasi binyuze mu ihindagurika ry'igihe kirekire. Biturutse ku kubaho kw'ikiremwa cyarushaga ibindi imbaraga byagiye bihindagurika kugeza ubwo bibaye uko bimeze uyu munsi. Kuko kugeza na n'ubu bitaragera ku ntego biracyahindagurika.

Umubare w'abakristo bakurikiye imyizerere y'irema yuko Imana yaremye mu buryo bw' ihindagurika, bavuze ko Imana yaba yarifashishije ihindagurika mu irema ryo mu itangiriro. Abemera iryo hame bafata ko ibice bya mbere byo mu Itangiriro atari igitekerezo cy'ukuri nkuko cyanditse ahubwo ko ari igitekerezo cy'igihimbano.

*a) Uko Bibiliya ibona umuntu n'ihindagurika.*

Abakristo bemera irema bahangayikishijwe n'ingaruka inyigisho y'ihindagurika igira ku kwizera kwa gikristo. Yakobo Orr. (James Orr) yaranditse ati « Ubukristo muri iki gihe ntibwibasiwe ku mahame yabwo ya gikristo ahubwo bwibasiwe n'ubusobanuro buvuga inkomoko y'isi busaba ko umuntu ashingira ku mfatiro za siyansi zubakiye kandi zishyigikiwe, nubwo mu mahame shingiro yayo irwanya ishingiro ry'ubukristo. »

Bibiliya ihakana ubusobanuro baha itangiriro nk'igishushanyo cyangwa ibitekerezo by'ibihimbano. Abanditsi ba Bibiliya ubwabo basobanura ibice 1- 11 by'Itangiriro nk'igitekerezo cy'ibyabaye nkuko byanditswe. Adamu, Eva, Inzoka na Satani baboneka nk'abakinnyi b'ikinamico babayeho mu mateka y'intambara ikomeye (reba Yobu 31 :33, Umubwiriza 7 : 29 ; Matayo 19 : 4-5 ; Yohana 8 : 44 ; Abaroma 5 : 12,18,19 ; 2 Abakorinto 11 : 3 ; 1 Timoteyo 2 : 14 ; Ibyahishuwe 12 :9)

*b) I Karuvari n'ihindagurika.*

Uko ishusho y'inyigisho yihindagurika yaba imeze kose, inyuranye n'imfatiro z'ibanze z'ubukristo. Nkuko abitekereza, Leonard Verduin,( Lehonalidi Veriduwini) amateka yo «kugwa» bayasimbuje amateka yo« kuzamuka mu buryo bw'ihindagurika »,Ubukristo n'ihindagurika birahabanye cyane.Ku ruhande rumwe,ababyeyi bacu ba mbere baremwe mu ishusho y'Imana baza kugwa mu cyaha cyangwa se ku rundi ruhande ntibyagenze gutyo ? Niba se atari gutyo byagenze kuba umukristo byaba bimaze iki ?

IKaruvari hatuma hibazwa ibibazo byinshi ku ihindagurika. Niba kugwa bitarabayeho mu by'ukuri ni kuki twari dukeneye ko Kristo apfa ku bwacu ? Si urupfu urwo ari rwo rwose ,ahubwo ni urupfu rwa Kristo ku bwacu rwerekana ko inyokomuntu ifite ikibazo.Iyo tudatabarwa tuba twarakomeje kumanuka mu guhenebera kwacu kugeza igihe inyoko muntu ishizeho.

Ibyiringiro byacu bishingiye ku muntu wabambwe ku musaraba. Urupfu rwe gusa nirwo rutwizeza ubuzima bwiza kandi butazagira iherezo. I Karuvari hagaragaza ko dukeneye umucunguzi ubasha kutubatura.

*c) Kwigira umuntu kwa Yesu n'ihindagurika.*

Birashoboka ko ikibazo cyo kugereranya irema n'ihindagurika cyabonerwa igisubizo cyiza mu gihe turebye iby'iremwa ry'inyokomuntu mu mucyo wo kwigira umuntu kwa Kristo.Igihe Imana yazanaga Adamu wa kabiri ariwe Kristo ,mu mateka y'umuntu Imana

yari mu gikorwa cy'irema. Niba Imana yarabashije gukora icyo gitangaza, ntagushidikanya ku bushobozi bwayo bwo kurema Adamu wa mbere.

*d) Mbese umuntu yaba yarabayeho ku bw'isimburana ry'ibihe byinshi ?*

Abemera inyigisho y'ihindagurika bagiye bibanda cyane ku gutera imbere kwa siyansi ko muri ibi binyejana bya nyuma babibonamo nk'igihamya cyerekana ko umuntu ariwe ugenga ahazaza he.Yifashishije siyansi abasha gukemura ibyo akeneye bityo bakavuga ko ahawe igihe yazabasha gukemura ibibazo byose by'isi.

Ariko kwizera gukizwa n'ikoranabuhanga bigenda birushaho gushidikanywa kubera ko iryo koranabuhanga rijyana isi ku kurimbuka. Inyokomuntu yaratsinzwe burundu mu kifuzo cyo kugenga no kunesha umutima w'icyaha.Bityo rero, iterambere rya siyansi nta kindi ryazanye uretse gutuma isi irushaho kuba mbi cyane.

Kandi ibiruseho ,filosofiya(ubucurabwenge)y'abahakana Imana,kandi b'urucantege baragenda barushaho guhabwa agaciro. Amagambo ya Papa Alexander ( Alegizandere) agira ati « Ibyiringiro bihora ari bizima mu mutima w'umuntu » Uyu munsi birarushaho kuyoyoka. Yobu afite imyumvire y'ukuri kuri ibyo: « Iminsi yanjye irihuta kuruta ikibohesho cy'umuboshyi w'imyenda, ishira ari nta byiringiro. » (Yobu 7 : 6). Isi yo mu bantu iragenda ikendera. Hakenewe umuntu utari uwo mu mateka y'abantu akayigarurira, maze akabazanira ukuri gushya muri yo.

**Imirasire y'ibyiringiro.**
**Ni ukuhe guhenebera umuntu yaguyemo ? Ku musaraba abantu biyiciye umuremyi wabo : Mbega ikidodo cyo kwiyicira umuremyi wabo ! Ariko Imana ntiyaretse inyokomuntu ngo bakomeze kubaho nta byiringiro.**

Dawidi yabonye umwanya w'umuntu mu irema. Yabanje gutangazwa n'ubunini bw'isanzure, maze atekereza ko umuntu nta gaciro afite namba. Nibwo yamenye umwanya nyawo w'umuntu. Avuga umushyikirano w'umuntu n'Imana wo muri iki gihe aravuga ati « Wenze kumugira nk'Imana aburaho hato, umwambika ubwiza n'icyubahiro nk'ikamba. Wamuhaye gutegeka ibyo waremesheje intoki zawe » (Zaburi 8 : 6,7;Abaheburayo 2 : 7).

Hari agaciro abantu bagifite nubwo baguye. Nubwo yangiritse ishusho y'Imana mu muntu ntiyashize burundu. Nubwo yaguye, yangiritse kandi ari umunyacyaha, umuntu aracyahagarariye Imana ku isi. Kamere ye iri munsi y'iy'Imana ariko aracyafite umwanya w'icyubahiro nk'igisonga ku byaremwe byo kw'isi. Igihe Dawidi yabimenyaga yasubije mu isengesho no kunyurwa muri aya magambo « Uwiteka, Mwami wacu, erega izina ryawe ni ryiza mu isi yose ! » (Zaburi 8 : 10).

**Isezerano ry'ubuntu**

Kubera igicumuro,ababyeyi ba mbere bahindutse abanyabyaha.Ntibari bagishoboye kurwanya Satani.Ese ntibashoboraga kongera kuba ab'umudendezo,cyangwa bari basigariye kurimbuka? Ese hari hakiri ibindi byiringiro ?

**Isezerano igihe cyo kugwa. Mbere yo kuvuga igihano cy'icyaha cy'urugo rwa mbere rwaguye, Imana yabanje kubaha ibyiringiro itangiza isezerano ry'ubuntu, ivuga iti : « Nzashyira urwango hagati yawe(Satani) n'uyu mugore no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe ; ruzagukomeretsa umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino » (Itangiriro 3 :15).**

Ubutumwa bw'Imana bwazanye ibyiringiro kubera ko bwatangazaga ko Satani azatsindwa nubwo yashyize inyokomuntu mu bushukanyi bwe byanze bikunze yagombaga gukubitwa intorezo. Isezerano riba rishyizwe hagati y'Imana n'abantu.Bwa mbere binyuze mu buntu bwayo Imana ibasezeranira ko izababera igihome kibakingira ibyaha. Izashira urwango hagati y'umugore n'inzoka no hagati y'abakozi ba Satani n'ubwoko bw'Imana. Ibyo byari guca umubano w'umuntu na Satani bigakingurira umushyikirano uvuguruye n'Imana.

Uko ibinyejana bihita ibindi bigataha, hazaba intambara yagombaga gukomeza hagati y'Itorero ry'Imana na Satani. Iyo ntambara yagombaga gukomera cyane mu rupfu rwa Yesu we rubyaro rw'umugore rwahanuwe. I Karuvari, Satani yaratsinzwe. Nubwo urubyaro rw'umugore rwakomerekejwe nyirabayazana w'icyaha yaratsinzwe.
Abemera bose impano y'ubuntu bw'Imana bazahura n'urwango rwa Satani mu rugamba barwana nawe.Kubwo kwizera, bazasangira n'Umukiza intsinzi y'i Karuvali.

**Isezerano ryateguwe mbere y'irema.**
Isezerano ry'ubuntu ntabwo ryabayeho nyuma yo kugwa k'umuntu. Bibiliya ivuga yuko mbere y'iremwa abagize ubumana barasezeranye hagati yabo ko bagombaga gutabara inyokomuntu mu gihe yaramuka iguye mu cyaha.

Pawulo avuga ko "Imana yadutoranije muri we(Kristo) isi itararemwa kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo kuko yabigambiriye kera kubw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo tubiheshejwe na Yesu kristo kubwineza y'ubushake bwayo kugira ngo ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu Mukunzi wayo". (Abefeso1:4-6, 2Timoteyo 1:9). Avuga ku gitambo cyo gucungurwa cyatanzwe na Kristo, Petero avuga ko Yesu "yamenywe n'Imana isi itararemwa"1Petero1:20).

Isezerano rishingiye ku rufatiro rutajegajega: isezerano n'indahiro y'Imana ubwayo (Abaheburayo 6:18). Yesu aba umwishingizi w'isezerano rirusha rya rindi kuba ryiza. (Abaheburayo7:22). Umwishingizi ni umuntu wishingira umwenda cyangwa icyo yiyemeje mu gihe undi atabishoboye. Kristo yemeye kuba umwishingizi igihe cyose umuntu yashoboraga kugwa mu cyaha,ingaruka zose zari kumushyirwaho;yagomba kwishyura ikiguzi cyose cyo gucungurwa kwabo akaba n'impongano y'icyaha cyabo kandi agakora ibyo amategeko y'Imana yari yishwe yasabaga byose. Nta muntu numwe cyangwa marayika washoboraga kuzuza iyo nshingano. Kristo wenyine, umuremyi, uhagarariye ikiremwa muntu niwe wenyine washoboraga kwishyura uwo mwenda. (Abaroma 5:12-21; 1Abakorinto15:22).

Umwana w'Imana ntabwo ari umwishingizi w'isezerano gusa ahubwo ni n'umuhuza cyagwa ushyira mu bikorwa. Ubusobanuro bw'inshingano ye nk'Imana yigize umwana w'umuntu bugaragaza igikorwa cy'umurimo we. Aravuga ati "Kuko ntavanywe mu ijuru no gukora ibyo nishakiye ahubwo nazanywe no gukora ibyo uwantumye ashaka"(Yohana 6:38; 5:30,43). Ubushake bwa Data ni uko "umuntu wese witegereza umwana akamwizera ahabwa ubugingo buhoraho"(Yohana 6:40). "Ubu nibwo bugingo buhoraho ko bakumenya bakamenya n'uwo watumwe ariwe Yesu kristo"(Yohana17:3). Ku iherezo ry'umurimo we yahamije gushyirwa mu bikorwa k'ubushake bwa se avuga ati: "Nakubahirije mu isi kuko narangije umurimo wampaye gukora"(Yohana17:4).
Ku musaraba Yesu kristo yujuje ubushake bwe nk'umwishingizi w'inyokomuntu kubw'isezerano. Ijwi rye avuga ati "birarangiye" (Yohana19:30) nicyo cyaranze isohozwa ry'umurimo we.

Akoresheje ubugingo bwe yakuyeho igihano cyasabwaga kubwo kwica amategeko y'Imana, bityo aha agakiza gasesuye inyokomuntu yemera kukakira. Icyo gihe amaraso ya Kristo yasinye isezerano ry'ubuntu. Kubwo kwizera amaraso ye akiza, abanyabyaha bihannye bashobora kuba abahungu n'abakobwa b'Imana bityo bagahinduka abaragwa b'ubugingo bw'iteka ryose.

Iryo sezerano ry`ubuntu ryerekana urukundo rutagira akagero rw`Imana yakunze inyokomuntu.Isezerano ryari ryaratanzwe mbere y'iremwa ryasohojwe nyuma yo kugwa. Kuva icyo gihe mu buryo bw'umwihariko Imana n`umuntu bagiranye umushyikirano.

**Isezerano ryavuguruwe.**
Nubwo, inyokomuntu yanze iryo sezerano ritangaje ry`ubuntu mbere y`umwuzure na nyuma yawo (Itang 6;1-8, 11;1-9).Igihe Imana yatangaga isezerano ryayo bundi bushya yabinyujije muri Aburahamu.Yongeye guhamya isezerano ryo gucungurwa igira iti:«mu rubyaro rwawe niho amahanga yose azaherwa umugisha, kuko wumviye ijwi ryanjye»(Itangiriro 22:18; reba 12:3; 18:18).

Ibyanditswe biha agaciro by`umwihariko ukwizera kwa Aburahamu ku byo yasabwaga ku masezerano.Aburahamu yizeye Imana" ibimuhwaniriza no gukiranuka" (Itang:15-6).Uruhare rwa Aburahamu mu migisha y`isezerano, nubwo ryari iry`ubuntu

bw`Imana,rwatewe no kubaha kwe. Ibyo byerekana uburyo isezerano ryubahiriza ububasha bw`itegeko ry'Imana.(Itang17;1;26:5).

Aburahamu yari afite ukwizera gukomeye kwatumye yitwa sekuruza w'abizera (Abaroma 4:11).Ni urugero rw'Imana rwo gukiranuka kubwo kwizera no kugaragarira mu kumvira(Abaroma 4:2,3; yakobo 2:23,24). Isezerano ry'ubuntu ntabwo riha umugisha abakomoka kuri Aburahamu ku bw'umubiri gusa, ahubwo riha umugisha gusa abakurikiza urugero rwo kwizera kwe.Abafite kwizera nibo bana ba Aburahamu.(Abagalatiya 3:7).Umuntu wese uba ku isi ashobora kugira uburenganzira kuri ayo masezerano y'agakiza ari mu isezerano iyo yujuje ibi bisabwa.«Niba muri aba Kirisito, muri urubyaro rw`Aburahamu, abaragwa kubw'isezerano»(Galat 3;29).Mu maso y'Imana isezerano ryo kuri Sinayi (ryiswe isezerano rya mbere) ryari ivugururwa ry'isezerano ry'ubuntu yagiranye na Aburahamu (Abaheburayo 9:1).Ariko Abisirayeli bararigoretse barihindura isezerano ry'imirimo (Abagalatiya 4:22-31).

**Isezerano rishya**. Imirongo imwe yo muri bibiliya ivuga "isezerano rishya, cyangwa isezerano rirushaho kuba ryiza "Atari ukuvuga ko isezerano ry'iteka ryose ryahindutse,ahubwo kuko niba ryaragizwe rishya,ni ukuberako: 1. kubera kutumvira kw'abisiraheli, isezerano ry'itekaryose ry'Imana ryaragoretswe rihindurwa uburyo bw'imirimo; 2.Ryafatanyijwe no kwerekanwa gushya k'urukundo rw'Imana binyuze mu kwihindura umuntu kwa Yesu Kristo mu buzima bwe,mu rupfu rwe, mu kuzuka kwe no mu kutuvuganira kwe.(reba Abaheburayo 8 :6-13); 3. Ntiryari rikiriho kugeza ku musaraba ubwo Kristo yarisinyishaga amaraso ye(Daniyeli 9:27;Luka 22:20; Abaroma 15:8; Abaheburayo 9:11-22). Ibyo iri sezerano ritanga kubabyemera ni akaburarugero.Kubw'ubuntu bw'Imana, ribaha imbabazi z'ibyaha byabo.Ritanga umurimo w'umwuka Wera wo kwandika amategeko cumi mu mutima no kugarura ishusho y'umuremyi mu banyabyaha bihana (yeremiya 31:33).

Isezerano rishya ,ukuvuka bundi bushya bitanga gukiranuka kwa Kristo n'uburenganzira bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera.
Ukugirwa mushya k'umutima bituma habaho guhinduka kw'abantu bityo bakera imbuto z'umwuka: "urukundo,ibyishimo,amahoro,kwihangana,kugiraneza,imico myiza, kudahemuka, kugwaneza,kwirinda" (galat 5:22). Kubw'ububasha bw'ubuntu bukiza bwa Kristo ,bashobora kugenda nk'uko Yesu yagendaga, bishimira buri munsi ibinezeza Imana (Yohana 8:29).Ibyiringiro rukumbi by'inyokomuntu yangiritse ni ibyo kwemera kwinginga kw'Imana iturarikira kwinjira mu isezerano ry'ubuntu.Kubwo kwizera Yesu Kristo,dushobora kugirana umushyikirano uduhesha kuba abana b'Imana n'abaraganwa ubwami na Kristo.

# BIBILIYA IMPA UMUCYO KU GAKIZA

**IGICE CYA 8**

**INTAMBARA IKOMEYE**

***Inyokomuntu yose iri mu ntambara ikomeye iri hagati ya Kristo na Satani, iyo ntambara ishingiye ku mico y'Imana ariyo mategeko yayo n' ububasha bwayo ku byaremwe byose. Iyo ntambara yatangiriye mu ijuru igihe ikiremwa cyari gifite umudendezo wo guhitamo, cyahindutse Satani ,umwanzi w'Imana kubwo kwishyira hejuru, mu bwigomeke bwe ashuka bamwe mu bamarayika. Yatangije umwuka wo kwigomeka mu isi igihe yashukaga Adamu na Eva. Ingaruka y'icyo cyaha cy'inyokomuntu,kwangirika kw'ishusho y'Imana mu muntu, guhinduka kw'isi yaremwe no gusenyuka mu gihe cy'umwuzure. Mu maso y'ibyaremwe byose, iyi si yahindutse ikinamico y'intambara rusange. Ku iherezo Imana y'urukundo yafashe iyambere mu kongera kuyigarurira.Kugira ngo afashe ubwoko bwayo muri iyo ntambara, Yesu yohereje umwuka Wera n'abamarayika bera kubuyobora, kuburinda, no kubakomeza mu nzira y'agakiza.(Ibya.12 :4-9 ;Yes 14 :12-14 ;Ezek 28 :12-18 ;Itang 3 ;Abar 1 :19 :32 ;5 :12-21 ;8 :19-22 ;Itang 6 :8 ;2Pet 3 :6 ;1 Abakor 4 :9 ;Abaheb 1 :14)***

Bibiliya yerekana intambara ireba ibiriho byose ikaba ari intambara hagati y'icyiza n'ikibi, hagati y'Imana na Satani.Kumva neza iby'iyi ntambara, aho ibyaremwe byose birebwa na yo, usobanukirwa neza icyatumye Kristo aza kuri iyi si.

## Uko ibiriho byose bibona iyi ntambara

Ni ubwiru bukomeye cyane kuko iyi ntambara hagati y'ikiza n'ikibi yatangiriye mu ijuru. Ni gute icyaha cyaboneka aho hantu h'inziramakemwa? Abamarayika,ibiremwa bitangaje, bari bararemewe kugirana umushyikirano ukomeye n'Imana (zaburi 8 : 6, Ibyahishuwe 1 :1 ; 3 :5 ;5 :11). Bari buzuye imbaraga kandi bumvira ijambo ry'Imana (zaburi 103 : 20) bityo ni "imyuka ikorera Uwiteka" (Abaheburayo 11 :14 ). Nubwo bataboneshwaga amaso ibihe byinshi, rimwe na rimwe bagaragaraga mu ishusho y' umuntu( Itangiriro 18 :19 ; Abah 13 :2). Icyaha rero cyangije kandi gikwira mu isi binyuze muri umwe muri abo bamarayika.

## Inkomoko y'intambara ikomeye

Hifashishijwe abami b'i Tiro n'i Babuloni mu ishusho ya Lusiferi, Bibiliya igaragaza neza inkomoko y'intambara ikomeye « Lusiferi ,umwana w'umuseke », umukerubi utwikira ,yakoranaga n' Imana ( Yesaya 14 : 12 ; Ezekiyeli 28 :14 ).Bibiliya iravuga iti « wari intungane rwose wuzuye ubwenge n'ubwiza buhebuje (…..)wari intungane mu nzira zawe zose uhereye umunsi waremweho kugeza igihe wabonetsemo gukiranirwa » ,(Ezekiyeli 28 : 12,13 ).

Nubwo biruhije kwerekana no gusobanura uko icyaha cyaje, dushobora kuvumbura imizi yacyo mu kwishyira hejuru no mu kwibona kwa Lusiferi «Ubwiza bwawe ni bwo bwateye umutima wawe kwishyira hejuru ,kubengerana kwawe niko kononnye ubwenge bwawe»Ezek 28:

-

-

-

Lusiferi ntabwo yishimiye umwanya w'icyubahiro umuremyi we yari yaramuhaye .Mu kwikunda Lusiferi yifuje kungana n'Imana ubwayo :waribwiraga uti nzazamuka njye mu ijuru nkuze intebe yanjye y'ubwami isumbe inyenyeri z'Imana ,kandi uti :nzicara ku musozi w'iteraniro mu ruhande rw'impera y'ikasikazi ,nzazamuka ndenge aho ibicu bigarukira nzaba nk'isumbabyose.Yes 14 :12-14.

Nyamara n' ubwo yifuzaga umwanya w'Imana ,ntiyifuzaga imico yayo yifuje kwigarurira ku ngufu ubuyobozi bw'Imana ariko ntiyifuza urukundo rwayo.Kwigomeka ku buyobozi bw'Imana kwa Lusiferi kwamubereye intangiriro yo guta ubwiza bwe ,ahinduka Satani umwanzi.

-

Ubwiru bw'ubugome bwa Lusiferi bwatumye abamarayika benshi baba batacyumva urukundo rw' Imana.Uwo mujinya ndetse n'ubugambanyi bwa Lusiferi byariyongeye kuburyo kimwe cya gatatu (1/3) cy' abamarayika cyunze ubumwe na we muri ubwo bugambanyi ,(Ibyah 12 :4 ) .Umunezero w' ijuru wararogowe nuko « Mu ijuru haba intambara .»(ibyah 12 :7).

-

Intambara itangirira mu ijuru ,gashozantambara aba Satani atyo,ari we nzoka yakera n'umwanzi .Mu byahishuwe 12 :9 ,herekana ko icyo kiyoka cyajugunywe mu isi hamwe n' abamarayika bacyo .

-

**Ni mu buhe buryo inyokomuntu yaje kurebwa n'iyi ntambara**

-

Nyuma yo gucibwa mu ijuru ,Satani yakwirakwije ubugome bwe n' ubwigomeke bwe kuri iyi si yacu yihinduranyije mu buryo bw'inzoka ivuga ,Satani yakoresheje ibitekerezo byateye kugwa kwe,maze acurika imitima ya Adamu na Eva kubijyanye no kwizera umuremyi wabo. (Itangiriro 3 :5 ).Eva yumviye ibihendabana bya Satani by'uko we n' umugabo we bajyaga kureshya n'Imana bityo ashidikanya ijambo ry'Imana.

Nuko asigara atakishimiye umwanya w'igiciro Imana yari yarabahaye maze aba asuzuguye itegeko ry'Imana arya ku giti aha no ku mugabo we .

-

Ubwo Adamu na Eva bumviraga umushukanyi kumurutisha Imana ,bari bishe isezerano ryabo n'Imana .Mu buryo buteye ubwoba imbuto y'intambara ikomeye yari yabibwe na Satani mu ijuru yahise ishora imizi kuri uyu mugabane wacu isi (Itangiriro 3).

-

Mu kugwa kw'ababyeyi bacu ba mbere ,Satani yabaciye urwaho ,abaka ubushobozi bari bafite bwo gutegeka iyi si.Ahita yiyita kuva ubwo « umutware w'iyi si » akoma mu nkokora ubuyobozi bw'Imana n' umunezero wagombaga guhora mu byo yari yaremye byose.

-

**Ingaruka z'intambara ku nyokomuntu**

-

Ubwo icyaha cyahanaguraga ishusho y' Imana mu muntu ,ingaruka z' intambara iri hagati ya Kristo na Satani zahise zigaragara.Nubwo Imana yari yatanze isezerano ry'ubuntu ,ibibwiye Adamu na Eva ( Itangiriro 3 : 15 ,7 : 1 ), imfura yabo Kayini yahise yica

umuvandimwe we ( itangiriro 4 : 8 ).Ubugome bwariyongereye kugera ubwo Imana ivuga iby'umuntu iti « kwibwira kose imitima yabo itekereza ni ikibi gusa iteka ryose ».Imana yateje umwuzure kugira ngo yeze isi yari iriho abantu batagonda ijosi kuko yagira ngo inyokomuntu igire indi ntangiriro nshya( Itangiriro 7 :7 –20 ).

-

-

-

-

-

Ariko bidatinze urubyaro rw'umukiranutsi Nowa rwahise rwirengagiza isezerano ry'Imana .

Bona nubwo Imana yari yabasezeraniye ko itazongera kurimbuza isi umwuzure ,ibikorwa byabo byo kubaka umunara w'i Babeli byagaragaje ko bateye Imana umugongo.Ku bw'ibyo bikorwa byabo ,Imana yaburijemo imigambi yabo inyuranya indimi zabo,ntibaba bacyumvikana(Itangiriro 9 :1 ,11 :11).Nyuma y'igihe gito nubwo benshi bakomeje kujya mu buhakanyi,Imana yaguye isezerano ryiza irigeza kuri Aburahamu .Muri we yateganyije guha abantu bose umugisha(Itangiriro 12 : 1-3 ,22 :15-18 ).

Ibyo byose Imana yakoze ntacyo byabamariye kuko n'abakomotse kuri Aburahamu babaye ibyigenge banga amasezerano y'Imana ;bivuruguse mu bibi byose kugeza ubwo banafashije Satani kugera ku mugambi we wo kuva intambara itangira ,nuko babamba Umwami w'isezerano ryabo Yesu Kristo.

-

**Isi nk'urubuga rw'ibibera mu isanzure.**

-

Inkuru y'ibivugwa mu gitabo cya Yobu ku byerekeye ugutumizwa kw'ibyaremwe bihagarariwe mu mpande zitandukanye z'isanzure bitanga ikindi kintu gikomeye kubyerekeye intambara ikomeye.Abana b'Imana baje bashengereye Uwiteka kandi na Satani nawe yazanye nabo,Uwiteka abaza Satani ati: uturutse he ? Nuko Satani asubiza Uwiteka ati : mvuye gutambagira isi no kuyizerereramo,(Yobu 1 :6,7 ;2 :1 ).

Uwiteka arongera abaza Satani ati «Mbese witegereje umugaragu wanjye Yobu yuko ari ntawe uhwanye nawe ku isi ?» Yobu 1 :8.

-

Maze Satani arasubiza ati : Ni koko ariko akubahira inyungu abikuramo.Aziko iyo akubashye aronka byinshi. None se ntiwagiye umurinda we n'inzu ye n' ibyo atunze byose ? Nuko Uwiteka amusubiza amwemerera kugerageza Yobu uretse gukora ku bugingo bwe(Yobu 1 :9-2 :7).Ibivugwa mu gitabo cya Yobu ,bifite igihamya ndakuka y'uko hariho intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani.Uyu mugabane ni nk'akabuga kaberamo uko guhangana hagati y' icyiza n'ikibi.Bibiliya ibivuga neza mu 1 abakorinto 4 :9 iti « kuko twahindutse ibishungero ku isi ,iby'abamalayika ,n'abantu. »

-

Icyaha cyaciye umushyikirano abantu bagiranaga n'Imana yabo.Igikorwa cyose kidakoranywe kwizera kiba ari icyaha ,(Abaroma 14 :23).Ingaruka yo kubura kwizera ni ugusuzugura byimazeyo amategeko y'Imana ,byerekana ko umushyikirano wacu na yo wacitse.Nubwo bimeze bityo ,Imana yifuza kugarura kwizera binyuze mumugambi w'agakiza,mu byaremwe ari byo bishobora kutugeza ku mubano ushingiye ku rukundo

rukagaragazwa no kumvira nk'uko Yesu yabivuze ati :Ni mu nkunda mu zitondera amategeko yanjye (Yohana 14 :15 ).

-

Nubwo turi mu gihe abantu birengagiza amategeko,iby'ukuri byarirengagijwe , ubugome buriyongera ,abantu bashakisha ubuzima ubuhendanyi n'ubujura,ubusambanyi bwabaye gikwira kandi ibyemezo by' amasezerano mpuzamahanga ndetse n'amasezerano y'abantu ubwabo babirengaho n'amahirwe dufite yo kurenza amaso iyi si idafite ibyiringiro ,tukararama,tugahanga amaso Nyirubushobozi uhora ababarana natwe.Tugaragarizwa byuzuye akamaro ko gucungurwa kwacu binyuze muri kristo kandi niwe uzarangiza iyi ntambara ikomeye ireba isi yose.

-

-

-

-

-

## IKIBAZO CY'INGUTU KIREBA IBYAREMWE BYOSE

-

Ni iki kigenderewe muri iyi ntambara hagati y'ubugingo n'urupfu?

-

-

***Ubuyobozi bw'Imana n'amategeko* yayo**.

Yaba amategeko y'Imana by'umwihariko,yaba amategeko rusange ibyaremwe byose bigenderaho abantu cyangwa ibintu byose ni ingirakamaro ku gukomeza kubaho neza kw'isi yose.

Icyaha ni ukwica itegeko ( 1yohana 3 :4 ) cyangwa gukiranirwa nkuko ijambo *Anomia(Anomiya)* ry'ikigereki ribigaragaza kwica amategeko byerekeza ku kureka Imana n' ubutware bwayo.

Aho kugira ngo Satani yemere gukiranirwa yazaniye isi,ashishikazwa no kwegeka ikosa ku Mana yemeza abantu ko itegeko ry'Imana rishingiye ku kwikunda kandi ko ari inzitizi ku kwishyira ukizana k'umuntu. Byongeye kandi bitewe n'uko bidashoboka kuyumvira, avuga ko itegeko ritsikamira inyungu z'ibyaremwe. Mu bikorwa bye bya buri munsi byo kurwanya amategeko y'Imana, Satani agerageza guhirika ingoma y'Imana ubwayo .

-

**Kristo no kumvira.**

-

Ibigeragezo Yesu yahuye na byo mu gihe cy'umurimo we hano ku isi, byerekana imiterere nyakuri y'intambara mu kumvira no kwiha ubushake bw'Imana.

Nkuko bigaragara mu baheburayo 2 :17, mu gusakirana kwa Yesu n'ibyo bigeragezo, byamuteguriraga kuba umutambyi mukuru ukiranukira Imana, yarwanye na Satani intambara itoroshye.

-

Nyuma y'iminsi mirongo ine atarya atanywa mu butayu, yageragejwe na Satani ngo nahindure amabuye imitsima niba ari Umwana w'Imana (Mat 4 :3 ).Nuko yateje Eva gushidikanya ijambo ry'Imana ni nako yari ashatse gutera Yesu gushidikanya agaciro k'ibyo Imana yari yamuvuzeho ubwo yabatizwaga "uyu ni Umwana wanjye nkunda nkamwishimira" (Mat 3 :17 ). Iyo Yesu aza gukora nkuko Satani umushukanyi yari abisabye

yari kuba nka Eva yerekanye kutizera.Yari kuba ahushije umugambi we ariko icyari gishishikaje Kristo cyari ukubaho imibereho ishimwa na Se."Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa ahubwo atungwa n'amagambo ava mu kanwa k'Imana (Matayo 4 :4)
Mu kigeragezo cyakurikiyeho ,Satani yamweretse ubwami bwose bwo mu isi amusezeranya kubumwegurira aramutse amupfukamiye akamuramya (Matayo 4 :9) yibwiraga ko akoze atyo yakwironkera iby'isi nuko umugambi we ukaba urangiye atababarijwe i Karuvali.Yesu atajuyaje kandi mu butware mvajuru Yesu arategeka ati « Genda Satani »yifashishije intwaro ikomeye ariyo byanditswe byera ati « Uramye Uwiteka Imana yawe yonyine abe ariyo ukorera."(Matayo 4 :10)
Ayo magambo yatumye Satani yikubura aragenda. Kwishingikiriza ku Mana byatumye anesha umwanzi Satani.

## Byarangiriye i Karuvali.

Gukara kw'iyo ntambara ikomeye iri hagati ya Kristo na Satani kwagaragariye i Kalvali. Satani yakajije umurego kugira ngo aburizemo umugambi wa Kristo wo gucungura umuntu uko wagendaga wegereza umusozo wawo. Umubi yagaragaye nk'utsinze ubwo yakoreshaga abakuru b'Itorero b'icyo gihe (abatambyi ...)Kubera ishyari ry'abo batambyi barwanyaga Yesu wari ukunzwe na rubanda, byabaye ngombwa ko asa nk'usoza umuriro we ku mugaragaro(yohana 12 :45-50).

Nyuma y'uko Yesu agambanirwa n'umwe mu bigishwa be no gushinjwa ibinyoma na rubanda, yarafashwe acirwa urubanza rwo gupfa (Matayo 26 :63-64, yohana 19 :7)
Kubwo kumvira se kudasubirwaho, yabaye indahemuka kugeza ku gupfa. Ubuzima bw'umubabaro ndetse n'urupfu bye byagize ingaruka zishimishije ku nyokomuntu mu buryo bw 'ikirenga. Ubwo ubwe yivugiraga iby'umusaraba yaravuze ati " ubu umutware w'ab'isi abaye igicibwa(Yohana 12 :11)
Ku musaraba niho intambara ikomeye yageze ku rwego rwayo ruhanitse.Urukundo no kumvira bya Yesu byagaragarije isi ko Satani ageze rwose ku mahenuka ye.

## *Intambara ku kuri nkuko kuri muri YESU*

Uyu munsi intambara ikomeye mu kurwanya ubuyobozi bwa Kristo ntiyibanda gusa ku kurwanya amategeko y'Imana ahubwo yanibasiye ijambo ryayo Ibyanditswe byera .Gusobanukirwa nabi Ijambo ry'Imana kwatumye ukuri kw'iby'ijuru ritwereka gutwikirwa.Ibyanditswe byera byagiye kenshi biteshwa agaciro bigafatwa nk, izindi nyandiko izo arizo zose,bityo abantu bagakora ubushakashatsi bw'ibyanditswe byera nk'ubw'izindi nyandiko zose.
Umubare mu nini w'Abakristo tutanavanyemo abize ibya tewolojiya ntibagifata Bibiliya nk'ijambo ry'Imana riduhishurira ubuntu bwayo .Ingaruka z'uko gushidikanya ku byanditswe byera zabaye nyinshi ku buryo benshi banashidikanya ku nkomoko ,ivuka ,ibitangaza no kuzuka bya YESU.

## ***Ikibazo cy'ingutu kirushaho gukomera.***

Ubwo Yesu yabazaga ati « Abantu bagira ngo umwana w'umuntu ndi nde ? »

Abigishwa bamwe baramushubije bati«uri Yohana umubatiza,abandi bati ni Eliya,Yeremiya,cyangwa umwe mu bahanuzi»(Matayo16 :13,14).Mu yandi magambo abo mu gihe cye bamufataga nk'umuntu udafite isumbwe,udafite icyo atandukaniyeho n'abandi.Bibiliya ikomeza ivuga ko Yesu yabajije abo 12 ati «ariko mwebwe ubwanyu mugira ngo ndi nde ?»Simoni Petero aramusubiza ati «uri Krisito umwana w'Imana ihoraho».Yesu aramubwira ati :«urahirwa, Simon iwa Yona,kuko umubiri n'amaraso ataribyo byabiguhishuriye,ahubwo ari Data wo mu ijuru »(Matayo16 :15-17)

No mugihe cyacu rero buri wese abazwa iki kibazo nk'icyabajijwe bariya bigishwa .Igisubizo cyacu kuri iki kibazo cy'ingenzi cy'ubugingo cyangwa urupfu gishingiye ku kwizera kwacu dukura mu ijambo ry'Imana.

***Izingiro ry'amahame ya Bibiliya***

Kristo ni we zingiro ry'ibyanditswe byera .Imana iduhamagarira kuvumbura ukuri nk'uko kuri muri Kristo (Abefeso 4:21),kuko ariwe kuri (Yohana 14 :6).Rimwe mu mayeri ya Satani akoresha mu ntambara y'ikibi n'icyiza ni ukumvisha abantu ko bashobora kumenya Ukuri nta Yesu kandi ko Yesu atari ngombwa .Muri ubwo buryo Satani yishyiriyeho amazingiro menshi byaba ikintu ku giti cyacyo cyangwa mu kubifatanya .Muri ibyo harimo :Umuntu ,ibintu byo mu isi bigaragarira amaso y'ibyaremwe n'ibyanditswe n'Idini.Bona n'ubwo izi ngingo zagira uruhare mu kumvikanisha ukuri .Bibiliya yerekana Krisito nk' Umuremyi uhebuje byose kandi ni we bikomokaho.Ibyo bindi byose bikura agaciro muwo byakomotseho ariwe Kristo .Kutita ku cyo Bibiliya yigisha kuri Yesu ,bituma tudasobanukirwa icyo inzira ,ukuri n'ubugingo ari cyo (Yohana 14 .6 )

Kwibwira ko hari irindi zingiro ritari ukuri muri kristo ,byaba ari ugushyigikira anti Kristo no guteza imbere imigambi ye mu nkomoko y'ikigiriki(antikristo ,ntibivuga gusa urwanya kristo,ahubwo n'uri ,ikiri mu mwanya wa Kristo).Iyo kristo asimbujwe ikindi kintu icyo aricyo cyose mu mahame y'itorero ,Satani aba ageze ku mugambi we wo kuyobya abakristo ngo beguhanga amaso uwo inyokomuntu ibonera mo agakiza.

**Akamaro ka Tewolojiya ya gikristo**

Iyo witegereje mu isi ubona mu buryo bukomeye ,umuhati wa Satani wo kurwanya Kristo haba ku migambi afitiye isi ndetse no ku kuri.Ijambo Tewolojiya risobanura ubumenyi bw'Imana n'umushyikirano wayo n'ibiremwa byayo.Igomba kwerekana amahame yose mu mucyo wa kristo.Icyo Tewologiya ya gikristo igendereye ni ukwerekana icyizere gikwiye kugirirwa imbaraga y'ijambo ry'Imana n'uburyo ukuri kose gukwiriye gushingira kuri Kristo.
Ibyo ni biba bityo ,inyigisho ya gikristo izafasha itorero ,kuko yerekana inkomoko y'intambara ikomeye, ikerekana ko iyo ntambara iriho koko nkuko Kristo yabyerekanye mu byanditswe byera.

Kubera akamaro ka tewolojiya ,Imana ishobora kuyifashisha nk'igikoresho cy'ingenzi kugira ngo gishobore gufasha inyokomuntu mu kurwanya imbaraga za Satani hano ku isi.

***Ubusobanuro bw'ihame ry'intambara ikomeye.***

Inyigisho y'intambara ikomeye yerekana urugamba rukomeye ruhangayikishije ikiremwamuntu,kandi iyo ntambara igera ku isi yose.Bibiliya iravuga iti«Kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri ,ahubwo dukirana n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umumwijima n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.»(Abefeso 6:12).

***Ihame ry'iyi ntambara guhora uri maso***

Iyo usobanukiwe n'iri hame ubona neza ko ari ngombwa kurwanya ikibi.Gutsinda ntahandi kuri uretse muri krisito we mutware utwara abatware n'umugaba w'ingabo,niwe ufite "imbaraga n'amaboko byo kurwana"( Zaburi 24:8) .Nkuko Pawulo abivuga kwemerera uburyo Yesu yavuze bwo gutsinda bisaba gufata "intwaro zose z'Imana kugira ngo tubashe gukomera ku munsi mubi,kandi turangije byose tubashe guhagarara tudatsinzwe".

"Mutware kwizera nk'ingabo ,mwakire agakiza kabe ingofero,mwakire inkota y'umwuka ariyo Jambo ry'Imana ,Musengeshe iteka umwuka mu buryo bwose bwo gusenga kandi kubw'ibyo mugumye rwose kuba maso musabire abera bose" (Abefeso 6:13-18).

Ni iby'agaciro ku bizera nyakuri kubaho bihangana ,bizera,bumvira ,bahora biteguye, bari maso ku rugamba ( Ibyah 14:2 ), kandi bishingikiriza iteka k'uwaduhindukiye umuneshi w'agahebuzo(Abaroma 8:37).

***Iri hame risobanura amayoberane y'umubabaro ku isi.***

Ntabwo ikibi gikomoka ku Mana .
Nk'uko bigaragara mu baheburayo 1:9,
Ntabwo uwakunze gukiranuka akanga ubugome ariwe waba utera amakuba n'imibabaro byo ku isi.Satani ,malayika waguye niwe se w'ibibi ,se w'ubugome ,se w'imibabaro yose.
Ubujura,urupfu, ibiza ,ibyaha byibasira inyokomuntu ,byose twumva impamvu yabyo neza,iyo tubirebeye mu mucyo w'intambara ikomeye hagati y'icyiza n'ikibi.
Umusaraba ni igihamya cy'ubushobozi bw'uwanesheje icyaha ndetse n'urukundo rutangaje Imana ifitiye umunyabyaha.Bityo rero ,intambara ikomeye ubwayo itwigisha kwanga icyaha no gukunda umunyabyaha.

***Iri hame ryerekana neza urukundo rwa Kristo ruhoraho yakunze abisi***

Kristo ajya mu ijuru ntabwo yasize abe nk'imfubyi .Mu kugira neza kwe kwinshi,yaduhaye umufasha w'ingirakamaro mu rugamba rwacu duhangana n'ikibi.
Umwuka wera yaje kuziba icyuho ubwo Kristo yasubiraga mu ijuru kwa Se ,yaraje ngo abane natwe aho tugenda hose kugeza Kristo agarutse (Yohana 14 :16,Matayo 28 :20)Abamarayika nabo bashyizwe mu murimo wo gukiza(Abaheburayo 1:14).Intsinzi yacu irizewe bidasubirwaho .Dushobora kugira ibyiringiro n'akanyabugabo uko dusatira

ahazaza kubera ko umutware wacu ariwe uri ku ngoma,iminwa yacu ibasha kwatura ishima umurimo w'Imana wo kudukiza.

***Ni ihame rihishura icyo umusaraba usobanuye ku byaremwe byose.***

Umugambi w'umurimo n'urupfu bya Yesu wari ukuzanira inyokomuntu agakiza,kuko yaje mu isi agatanga ubugingo bwe kugira ngo ibicumuro byacu bibabarirwe .Mu gukora atyo ,yerekanye imico ,amategeko, n'ubutabera by'Imana ,byanerekanye ko amategeko n'ubuyobozi by'Imana byose ari iby'ukuri ari byo Satani yari yaragaragaje mu isura mbi.

Ubuzima bwa Kristo bwongeye kugaragaza ubutabera no kugira neza by'Imana kandi byerekana ko amategeko n'ubuyobozi by'Imana bitabogama.Kristo yerekanye uburyo bwose Satani yakoresha mu kurwanya Imana bukuweho , yerekana kandi ko kwishingikiriza byimazeyo ku bushobozi bw'Imana n'ubuntu bwayo abizera bihana bashobora gutsinda ibigeragezo bya Satani bya buri munsi nuko bakabaho ubuzima butsinda icyaha.

**ICYIGISHO CYA 9**

***UBUZIMA, URUPFU NO KUZUKA BYA KRISTO***

***Binyuze mu buzima bwa Kristo bwo kubaha kuzuye ubushake bw'Imana, mu mibabaro ye, mu rupfu no kuzuka bye, Imanayashyizeho uburyo rukumbi bw'impongano y'icyaha cy'inyokomuntu,kugirango abizera bose bemera iyo mpongano babone ubugingo buhoraho kandi ibyaremwe byose bibashe kumva neza urukundo rwera rw'akaburarugero rw'umuremyi.Iyi mpongano yuzuye yagaragazaga kwera kw'amategeko y'Imana n'ubuntu bw'imico yayo,kuko iciraho iteka icyaha cyacu kandi***

***ikatubonera imbabazi.Kristo yapfuye mu cyimbo cyacu atubera inshungu kandi ibyo nibyo bitwunga kandi bikanaduhindura.***
***Kuzuka kwa Kristo gutangaza intsinzi y'Imana ku mbaraga z'umubiri,kandi kubemera impongano,uwo muzuko ushimangira gutsinda kwabo kwa nyuma icyaha n'urupfu.Ukanatangaza kandi ubumana bwa Kristo uwo amavi yose yaba ayo mu isi cyangwa mu ijuru azapfukamira.(Yohana 3:16;Yesaya 53;1Petero 2:2122;1 Abakorinto 15:3,4,20-22;2 Abakorinto 5:14,15,19-21;Abaroma 1:4;3:25;4:25;8:3,4;1Yohana2:2;4:10;Abakoros 2:15;Abafilipi 2:6-11.)***

Irembo rifunguye ryinjira hagati mu isanzure aririyo juru.Ijwi rirumvikana ngo«Ngwino witegereze ibiri kubera hano!». Ari mu mwuka , intumwa Yohana yitegereje mu cyumba cy' intebe y'Imana.

Umukororombya w'amabara ashashagirana wari ukikije iyo ntebe yo hagati kandi imirabyo ,inkuba no guhinda kw'amajwi byumvikanaga bivuye kuri yo.Abanyacyubahiro bambaye imyenda y'imyeru n'amakamba y'izahabu bari bicaye kuri za ntebe ziyikikije.Nkuko bahoraga baramya,abakuru bicishaga bugufi bakaramya barambika amakamba y'izahabu imbere y'intebe y'ubwami.

Malayika wari ufashe igitabo gifatanishijwe ibimenyetso birindwi arabaza ati "Ninde ukwiriye kubumbura iki gitabo akavanaho ibimenyetso bigifatanyije?"(Ibyahishuwe 5:2).Ababaye ,Yohana abona ko nta muntu n'umwe ,haba mu ijuru cyangwa mu isi wari ufite ubushobozi bwo kubumbura icyo gitabo .
Umubabaro we umutera kurira kugeza ubwo umwe mu bakuru yamuhojeje amubwira ati " wirira, dore, Intare yo mu muryango wa Yuda,n' Igishyitsi cya Dawidi, aranesheje, ngo abumbure igitabo, amene ibimenyetso birindwi bigifatanije." ( Ibyahishuwe 5:5)

Mu gihe yongeraga kwitegereza ya Ntebe y'ubwami ikomeye,Yohana abona Umwana w'Intama wari warishwe ariko ubu akaba ariho kandi wari ufite imbaraga z'Umwuka wera.Igihe uwo Mwana w'Intama wicisha bugufi yafataga icyo gitabo ,ibizima hamwe n'abakuru baririmba indirimbo nshya "Ni wowe ukwiriye gufata icyo gitabo ,ukavanaho ibimenyetso .Kuko warishwe ,amaraso yawe uyacunguza abantu wabagaruriye Imana .Wabavanye mu moko yose no mu mahanga yose.Wabagize abantu b 'Ubwami bw'Imana ,ubagira n'abatambyi ngo bakorere Imana, bityo bazima ingoma bategeke isi .(Ibyahishuwe 5 :9,10)
Ibyaremwe byose biri mu ijuru no ku isi bihurira hamwe baririmba biti:«Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'iyicaye kuri ya ntebe ya Cyami hamwe n'Umwana w'Intama iteka ryose»(Ibyahishuwe 5:13).

Mbese ni iki cy'ingenzi kuri iki gitabo?

Iki gitabo kibumbatiye amateka yo gucungurwa kw'inyokomuntu ivanwa mu bubata bwa Satani kandi kikerekana intsinzi yanyuma idasubirwaho y'Imana ku cyaha.
Gihishura agakiza kaboneye rwose ku buryo abari barabaye ingaruzwamuheto z'icyaha bashobora kubohorwa bagakurwa mu buroko bw'ikibi bashyizwemo binyuze gusa mu guhitamo kwabo.
Na mbere y'uko avukira Ibetelehemu, Ntama w'Imana yaravugaga ati "Mperako ndavuga nti: Dore ,ndaje mu muzingo w'igitabo niko byanditswe kuri jye "Mana yanjye nishimira ibyo ukunda ni koko amategeko yawe ari mu mutima wanjye "(Zaburi 40:8,9 ,Abaheburеyo 10:7) .
Ukuza k'Umwana w'Intama watambwe uhereye ku kuremwa ku isi kwatumye habaho gucungurwa kw'inyokomuntu(Ibyahishuwe 13:8).

**Ubuntu bw'Imana bukiza.**

Bibiliya itubwira Imana ifite ubushake ndengakamere bwo gukiza inyokomuntu.Ubutatu Bwera bwahurije hamwe imbaraga kugira ngo bugarure ubumwe hagati y'umuntu n'umuremyi we.
Yesu yahaye agaciro urukundo rukiza rw'Imana agira ati « kuko Imana yakunze abari mu isi cyane byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege ,kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho»(Yohana3:16).

Ibyanditswe bivuga ko" Imana ari urukundo'' (Yohana 4:8 )iramburira amaboko inyokomuntu ikunda : urukundo ruhoraho(Yeremiye 31:3).
Imana ihamagarira abantu agakiza ishobora byose ariko urukundo rwayo rurekera buri wese uburenganzira bwo kwihitiramo(Ibyahishuwe 3:20 ,21)igitugu aribwo buryo buhabanye n'imikorere y'Imana ntigishobora kubona umwanya mu mikorere yayo.

***Gufata iyambere kw'Imana.***

Igihe Adamu na Eva bari bamaze gucumura , Imana yafashe iya mbere iza kubashaka.Abo bombi bari bamaze gucumura,igihe bumvaga ijwi ry'umuremyi wabo, ntabwo baje kumusanganira n'ibyishimo nkuko bari basanzwe, ahubwo barihishe.Imana ntabwo yabatereranye ahubwo yakomeje kubahamagara. "Muri he?''
Imana mu gahinda kenshi,ibabwira ingaruka zo kutumvira kwabo: umubabaro n'izindi ngorane bajyaga guhura nabyo.Nubwo bari bari mu kwiheba gukabije ,Imana ibereka umugambi wayo utangaje kandi ibasezeranya ko icyaha n'urupfu bizatsindwa uruhenu(Itangiriro 3:15 ).

***Ubuntu cyangwa ubutabera?***

Nyuma y'ubuhakanyi bw'Abisirayeli kuri Sinayi ,Imana yamenyesheje Mose kamere yayo yo kugira neza n'ubutabera igira iti« Uwiteka ,Uwiteka ,Imana y'ibambe n'imbabazi ,itinda kurakara ,ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi ,igumanira abantu imbabazi ikageza kubuzukuruza babo b'ibihe igihumbi ibabarira gukiranirwa n'ibicumuro

n'ibyaha,ntitsindishiriza na hato uwo gutsindwa ,ihora abana gukiranirwa kwa base ikageza ku buzukuruza n'ubuvivi»(Kuva 34:6,7)

Imico y'Imana igaragaza byimazeyo isano y'ubuntu n'ubutabera ,ubushake bukuraho ikidodo mu mutima w'umunyabyaha.Muri Kirisito honyine niho dushobora gusobanukirwa uburyo ibiranga imico y'Imana (ubuntu n'ubutabera )byuzuzanya rwose.
*Kubabarira cyangwa guhana?*

Mu gihe cy'ubuhakanyi bwo muri Isirayeli Imana yakomeje kubihanganira no kubasaba ko bakwemera gukiranirwa kwabo maze bakayigarukira(Yeremiya 3:12-14)nyamara barinangiye (Yeremiya 5;3)Nuko kuko banze kwihana kandi bagasuzugura imbabazi zayo bikururiye uburakari bw'Imana bukaze (Zaburi 7:12-13) .

Nubwo Imana igira ibambe ,nyamara ntishobora kubabarira abizirika ku cyaha (Yeremiya 5:7).Imbabazi ziba zifite umugambi.Imana ishaka guhindura abanyabyaha bakaba abakiranutsi«Umunyabyaha nareke ingeso ze ,ukiranirwa areke ibyo yibwira agarukire Uwiteka ,nawe aramugirira ibambe ,agarukire Imana yacu ,kuko izamubabarira rwose pe! »Yesaya 55:7
Ubutumwa bw'agakiza bwumvikana ku isi yose bugira buti «Nimumpindukirire mukizwe ,mwa bari ku mpera z'isi mwese mwe! Kuko arijye Mana ,nta yindi ihoraho»(Yesaya 45:22.)

### *Uburakari bw'Imana ku cyaha.*

Igicumuro cya mbere cyinjije mu muntu umutima wo kwanga Imana (Abakolosayi 1:21 ) Bityo turi abo gucirwaho iteka n'Imana ari ryo 'Muriro ukongora w'iteka' witeguriwe gutwika icyaha. (Abaheburayo12;29; Habakuki 1;13 ).Mu kuri,«bose bakoze ibyaha» (Abaroma 3:23),kandi bose«ukurikije uko bavutse ni abo gucirwaho iteka»(Abefeso 2:3;5:6)kandi ni nabo gupfa kuko "ibihembo by'ibyaha ari urupfu" (Abaroma 6:23)

Dukurikije Bibiliya ,uburakari bw'Imana ,nta kindi atari inyifato yayo imbere y'icyaha no gukiranirwa(Abaroma 1:18)Kwihitiramo ubigambiriye kurwanya ubushake bw'Imana bwahishuriwe mu mategeko yayo birakaza Imana (2 Abami 17:16-18 ;ibyo kungoma 36:16 )
G.E Ladd (Ladi)yaranditse ati « Abantu ni abanyabyaha mu mibereho yabo kandi iyo Imana igerageje kureba ibicumuro byabo ni ngombwa ko ibabara nk'abanyabyaha,abanzi ,abakwiriye umujinya wayo,kuko bikurikije imibereho n'ibijyanye n'iyobokamana byose ni ngomwa ko gukiranuka kw'Imana kugaragazwa n'umujinya wayo ku cyaha. » Nyamara nubwo bimeze gutyo kuva icyo gihe Imana yihatiye gushaka gukiza inyokomuntu yigometse. Nubwo Imana yanga icyaha icyo aricyo cyose, ariko umunyabyaha imuzengurutsa urukundo rwayo.

### Igisubizo cy'umuntu

Umubano w'Imana na Isirayeli wageze ku gukomera kwawo binyuze mu murimo wa Yesu Kristo we watanze ihishurwa rigaragara ry'ubutunzi buhebuje bw'ubuntu mvajuru. (Abefeso 2:7)

Yohana ati "Jambo uwo yabaye umuntu ,abana natwe tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se ,yuzuye ubuntu n'ukuri." Yohana 1 :14
Pawulo arandika ati "Yesu kristo yaduhindukiye ubwenge buva ku Mana no gukiranuka no kwezwa ,no gucungurwa kugira ngo bibe nkuko byanditswe ngo 'Uwirata ,yirate Uwiteka'(1Abakorinto 1:30-31).Ninde usuzugura ubutunzi bwo kugira neza kwayo nu bw'imbabazi zayo n'ubwo kwihangana kwayo?ntabwo bitangaje ko Pawulo avuga ko kugira neza kw'Imana ariko kurehereza umuntu ku kwihana (Abaroma 2:4 )

Ndetse n'igisubizo umuntu atanga kuri iyo mpano y'agakiza gituruka ku Mana ntikiva ku muntu.Nkuko Imana yageneye buri muntu wese kwizera(Abaroma 12;3 ).Niko bimeze rero no ku kwihana kwacu. (Ibyakozwe n'intumwa 5:31 )Urukundo rwacu ni ukwerekana ko twamenye urukundo rw'Imana (1Yohana 4:19 ).

Twebwe ubwacu ntidushobora kwikura mu nzara za Satani ,mu cyaha ,mu bubabare n'urupfu.Gukiranuka kwacu ni nk' ubushwambagara bufite ibizinga(Yesaya 64:6 ). « Ariko kuko Imana ari umutunzi w'imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo, kubw'urukundo rwinshi yadukunze, ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro byacu […] mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana, ntibyavuye no ku mirimo kugirango hatagira umuntu wirarira » (Abefeso 2 :4, 5, 8,9).

**<u>Umurimo wa Kristo w'ubwiyunge.</u>**

-
<u>Inkuru nziza ni uko " muri Kristo arimo Imana yiyungiye n'abari mu isi"(2 Abakorinto5:19). Ubwo bwiyunge bwe busubizaho umushyikirano hagati y'Imana n'inyokomuntu. Iri somo ryerekana neza ko ubu buryo bwunga abanyabyaha ku Mana atari Imana ku Banyabyaha . Yesu ni we nzira yageza umunyabyaha ku Mana. Umugambi w'Ishoborabyose w'ubwiyunge ni ubuntu mvajuru bw'akaburarugero kuko yari ifite uburenganzira bwose bwo kureka inyokomuntu ikarimbuka.</u>

-
<u>Nkuko twamaze kubibona Imana niyo yafashe iyambere ngo isubizeho umushyikirano wasenyutse hagati y'inyokomuntu nayo ubwayo. "Tukiri abanzi b'Imana , Imana yiyunze natwe ku bw'urupfu rwa Kristo"(Abaroma 5:10)si ibyo gusa "twishimira Imana ku bw'umwami wacu Yesu kristo ukiduhesha kuzura nayo na bugingo n'ubu."(Abaroma 5:11).</u>

-
<u>Icyo gikorwa cy'ubwiyunge cyahujijwe n'ijambo "impongano" ijambo ry'icyongereza "atonement"(atonimenti) ni kimwe n'ijambo ry'ikinyarwanda impongano bisobanura mu ndimi za kera at-one-meant, ari byo bivuga kuba hariho ikintu kimwe .Aribyo bivuze guhuriza ku kintu kimwe cyangwa se guhuriza ku kintu kimwe.Bityo impongano yarangaga umushyikirano nziramakemwa .Kandi rero igihe habaga habayeho gutandukana uko guhuza kuba rero umusaruro w'igikorwa cyo kwiyunga.</u>

-
Ni uko rero tugiye mu busobanuro bw'umwimerere «impongano »yerekana uburyo bwo kwiyunga bushyira iherezo ku gutandukana.

Abakristo benshi bashyira imbibi ku ijambo impongano nkaho iryo jambo rigarukira gusa ku gikorwa cyo kwigira umuntu kwa Kristo ngo adukize, ku mibabaro ye ndetse no ku rupfu rwe.Nyamara mu mihango y'ubuturo bwera impongano ntibyagarukiraga ku kwica intama n'igitambo gusa ahubwo byari binagizwe n'umurimo w'umutambyi wo kuminjagira amaraso y'igitambo mu buturo bwera (Abarewi 4 :20,26,35 ;16 :15-18,32,33) .Dushobora kwifashisha ubwo buryo bw'igihe cya kera kivugwa na Bibiliya maze tukanzura yuko impongano yerekeza ku gupfa kwa Yesu n'umurimo we wo kutuvuganira mu buturo bwera bwo mu ijuru . Aho, nk'umutambyi mukuru,atura inyungu z'igitambo cye cyaducunguye mu buryo bwuzuye kugira ngo arangize ukunga abantu ku Mana.

Vincent Taylor (Visenti Tayiloro) yabonye nawe ko ihame ry'impongano rigizwe n'ibintu bibiri « umurimo wo gukiza wa Yesu no kuwugira uwawe binyuze mu kwizera uko abantu bari buri wese ku giti cye cyangwa abantu bose muri rusange». Ibyo byombi ni byo bigize impongano.Duhereye aha ,yafashe umwanzuro agira ati « ukwiyunga kujujwe ku bwacu kandi kudukorerwamo »

Iki cyigisho kibanda ku mpongano nk'iyerekeza ku rupfu rwa Yesu kristo.Impongano yerekeza ku murimo w'umutware mukuru izavugwaho nyuma.(reba igice cya 24 cy'iki gitabo).

**Igitambo cy'impongano cya Kristo.**

Igitambo cy'impongano cya Kristo ku musaraba w'ikaruvari cyagaragaje ububyutse ku mushyikirano w'Imana n'inyokomuntu .Nubwo ibyaha by'abantu byakwandikwa, ku bw'umusaruro w'ubwo bwiyunge Imana ntabwo ikibabaraho ibyaha byabo(2 Abakorinto 5 :19). Ibyo ariko ntibivuze ko Imana ivanaho igihano cyangwa ko ibyaha biba bitakibabaza Imana ukundi.Ahubwo bivuze ko Imana yavumbuye uburyo bwo guha imbabazi abanyabyaha bicuza mu gihe iba ikinitaye ku gukiranuka kw'itegeko ryayo rihoraho.

**Kamara y'urupfu rwa Kristo.**

Kugira ngo Imana y'urukundo igumye kugumana ubutabera bwayo no gukiranuka ,impongano y'urupfu rwa Kristo yabaye " Igikorwa kamara gitunganye kandi cyubahirije amategeko ". " Ubutabera bw'Imana busaba ko icyaha kijyanwa mu rubanza .Bityo rero binavuze ko Imana igomba guciraho iteka umunyabyaha . Ku bw'iyo mpamvu Umwana w'Imana yafashe mu mwanya wacu , mu mwanya w'umunyabyaha , ku bw'ubushake bw'Imana.Impongano yari kamara kuko umuntu yari munsi y'uburakari bwera bw'Imana .Aha niho hashingiye ubutumwa bwiza bwo kubabarira icyaha ndetse n'iyobera ry'umusaraba wa Kristo: gukiranuka kwa kristo kuruzuye kujuje rwose gukiranuka mvajuru,ndetse Imana yiteguriye kwakira kwitamba kwa Kristo mu mwanya w'urupfu rw'umuntu.

Abanga kwemera impongano y'amaraso ya Yesu ntibakira imbabazi z'icyaha kandi baguma munsi y'umujinya w'Imana. Yohana aravuga ati "uwizera uwo mwana aba abonye ubugingo buhoraho ,ariko utumvira uwo mwana ntazabona ubugingo,ahubwo umujinya w'Imana uguma kuri we"(Yohana 3:36).

Kubw'iyo mpamvu umusaraba ni ikimenyetso cyerekana ubuntu bw'Imana ndetse no gukiranuka kwayo. "Niwe(Kristo) Imana yashyizeho kuba impongano y'uwizera amaraso ye , kugira ngo yerekane gukiranuka kwayo kwayiteye kwirengagiza ibyaha byakozwe mbere y'icyo gihe ubwo Imana yabyihanganiraga , kandi yabikoreye kugirango no muri iki gihe yerekane gukiranuka kwayo kugirango ibe ikiranuka kandi itsindishirize uwizeye Yesu (Abaroma 3:25,26).

**Ni iki igitambo cy'impongano gisohoza.**

Imana Data ubwayo yashyizeho umwana wayo " kuba impongano y'ibyaha".Abaroma 3:25) Muri Bibiliya y'umwimerere bikomoka ku ijambo Hilasterion (Hilasiteriyoni)). Imikoresherezwe y'iri jambo mu isezerano rishya ntaho ihuriye n'ubusobanuro bwa gipagani buvuga kurura Imana y'inyamujinya cyangwa koroshya Imana mpozi,y'inyamwaga kandi yihugiraho. Iri jambo ryerekana ko "Imana mu buntu bwayo yashyize kuri Yesu umujinya wayo watewe no gucumura k'umuntu kuko yemeye ko Kristo ahagararira umuntu kandi akamubera umusimbura mvajuru akaba ari we ucirwa urubanza rw'icyaha mu cyimbo cye."

Dukurikije ibi dushobora kumva neza ubusobanuro Pawulo aha urupfu rwa Kristo " Nk'ituro n'igitambo cy'Imana n'umubabwe uhumura neza".(Abefeso 5:2; Itangiroiro 8:21;Kuva 29:18; Abarewi 1:9.) " Igitambo kivuye ku bushake cya kristo gishimisha Imana kuko icyo gitambo cyavanyeho umupaka wari hagati y'umunyabyaha n'Imana kuko Yesu yashyizweho umujinya Imana yari kuzashyira ku munyabyaha. Binyuze muri Kristo umujinya w'Imana ntabwo wahindutse urukundo ahubwo ibiri amambu wavuye ku munyabyaha usukwa kuri Kristo ubwe."

Mu baroma 3:25 havuga ko icyaha cyavanyweho kubera igitambo cya kristo.Kuvanwaho ku mugaragaro kw'icyaha kwerekeza kucyo amaraso y'impongano ya Yesu akorera umunyabyaha wihana.Uyu niwe ubasha kumva neza icyo kubabarirwa aricyo,kuvanwaho ikidodo cy'icyaha,ndetse no kwezwaho icyaha.

**Yesu Kristo umusimbura wishyizeho icyaha.**

Ibyanditswe byerekana Kristo nk'uwishyishyizeho ibyaha by'inyokomuntu. Mu mvugo y'ubuhanuzi yihariye kandi yimbitse Yesaya aravuga ati "yababarijwe ibicumuro byacu , yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu ,[…] Imana yamushyizeho gukiranirwa kwacu twese[…]yatanze ubugingo bwe ku bw'ibyaha byacu.[…]yikoreye ibyaha by'abantu bose "(Yesaya 53:5,6,10,12; Abagalatiya1:4) Pawulo yibukaga ubwo buhanuzi igihe yavugaga ati«Kristo yapfiriye ibyaha byacu nkuko byari byanditswe» .(1abakorinto 15:3).

Aya magambo atuma dutekereza ku kuri kw'ingenzi kw'inama y'agakiza: ibyaha no gukiranirwa byatwanduje bishobora gushyirwa kuwikoreye ibyaha byacu noneho twebwe tukabasha kwezwa.(Zaburi 51:11). Imihango y'ibitambo byo mu buturo bw' isezerano rya kera byerekanaga uyu mumaro wa Kristo.Aho mu buturo, ibyaha byavanwaga ku

munyabyaha bigashyirwa ku ntama itagira inenge bigashushanya Kristo wishyizeho ibyaha by'abari mu isi.(reba igice cya kane cy'iki gitabo).

**Ni akahe kamaro k'amaraso?**

Amaraso yari afite akamaro k'ingenzi mu gutamba ibitambo by'impongano mu buturo bwera. Imana yahaye agaciro impongano ubwo yavugaga iti "kuko ubugingo bw'inyama buba mu maraso , nanjye nyabahereye gusukwa ku gicaniro ngo abe impongano y'ubugingo bwanyu, kuko amaraso ariyo mpongano, ayihindurwa n'ubugingo buyarimo.(Abarewi 17:11 ). Nyuma yo kwica itungo umutambyi yagombaga kuminjagira amaraso yayo mbere yuko imbabazi zitangwa.

Isezerano rishya ryerekana ko imihango yo mu Isezerano rya kera yakorwaga kugira ngo haboneke imbabazi, kwezwa no kwungwa n'Imana ku bw'amaraso asimbura, byasohojwe n'impongano y'amaraso y'igitambo cya Kristo cy'i Kaluvari. Mu buryo butandukanye n'imihango ya kera Isezerano rishya rigira riti« Nkantswe amaraso ya Kristo witambiye Imana atagira inenge ,ku bw'umwuka w'Uwiteka ,ntazarushaho guhumanura imitima yanyu ,akayezaho imirimo ipfuye ,kugira ngo mubone uko mukorera Imana ihoraho?»(Abaheburayo 9:14)Guseswa kw'amaraso ye kwashohoje kuvanwaho kw'icyaha(Abaroma 3:25) Yohana avuga ko ku bw'urukundo rwayo Imana yohereje umwana wayo kuba igitambo gikuraho ibyaha byacu(Hilasimosi).(1yohana 4:10).

Mu magambo macye " umurimo w'ubushake bw'Imana wo kwiyunga washohojwe binyuze mu maraso y'igitambo kandi akuraho ibyaha ya Kristo umwana wayo,Bityo rero Imana niyo yateguye kandi inasohoza ubwiyunge.

**Kristo, inshungu**.

Igihe abantu biyemezaga ku bushake bwabo kuba mu butware bw'icyaha baciriweho iteka bagibwaho n'umuvumo w'amategeko y'Imana(Abaroma 6:4,Abagalatiya 3:10-13). Baba imbata z'icyaha( Abaroma 6:17) , bagerwaho n'urupfu kuburyo batashoboraga kwikiza. " ntawe ushobora gucungura undi cyangwa guha Imana inshungu y'ibyaha bye(Zaburi 49:8)Imana yonyine niyo ifite ububasha bwo gucungura. "nzakugura ngukureho amaboko akujyana ikuzimu nzabacungura mbakize n'urupfu"(Hoseya 13:14)

*Mbese Imana yabacunguye ite?*Binyuze muri Yesu wahamije yuko"Ataje gukorerwa ahubwo yazanywe no gukorera abandi no kubapfira kugira ngo abe inshungu ya benshi"(Matayo 20:28,1 Timoteyo 2:6),Imana yiguriye itorero " ku bw'amaraso yayo bwite"(Ibyakozwe 20:28) Muri Kristo "Dufite agakiza,binyuze mu maraso ye ariko kubaturwa kw'ibyaha byacu."(Abefeso 1:7, Abaroma 3:24) urupfu rwe rwari rufite intego " yo kuducungura mu bugome bwose kandi ngo atweze atugire abantu be bwite bafite ishyaka ryo gukora ibyiza. (Tito 2:14.)

**Mbese inshungu yasohoje iki?**.

Urupfu rwa Kristo rwatumye Imana yongera kwigarurira inyokomuntu. Pawulo yaravuze ati « ntabwo muri abanyu kuko mwaguzwe amaraso y'igiciro cyinshi. » (1 Abakorinto 6 :19,20 ; 7 :23 ).Yesu ku bw'urupfu rwe yashenye imbaraga y'icyaha , atubatura mu mu bubata bw' iby'umwuka , akuraho gucirwaho iteka n'umuvumo w'amategeko kandi aha ubugingo buhoraho abanyabyaha bose bihana. Petero yavuze ko abizera bacunguwe « kuko muzi ko ibyo mwacungujwe kugirango muve mu ngeso zanyu mbi mwatojwe nabasogokuruza banyu atari ibyangirika nk'ifeza cyangwa izahabu ». (1 Petero 1 :18). Pawulo yanditse ko ababatuwe mu bubata bw'icyaha n'imbuto yacyo bakaba imbata z'Imana bifitiye imbuto « Arizo kwezwa n'ubugingo buhoraho ». (Abaroma 6 :22).

Gusuzugura cyangwa kwanga ihame ry'inshungu byaba ari ugutakaza izingiro ry'ingenzi «ry' Ubutumwa bwiza impamvu y'ubutumwa bw'ubuntu ndetse no kwirengagiza impamvu nyayo yo gushimira Umwana w' Intama w'Imana ».Iri hame ni izingiro ry'amashimwe ahora aririmbwa imbere y'intebe y'Imana mu ijuru « Ni wowe ukwiye kwenda iki gitabo no kumena ibimenyetso bigifatanije, kuko watambwe ugacungurira Imana abo mu miryango yose , amahanga yose indimi zose , no mu moko yose ukabahindurira Imana yacu kuba abatambyi n'abami bazima mu isi. (Ibyahishuwe 5 : 9,10).

**Yesu Kristo, uhagarariye inyokomuntu .**

Bombi ari Adamu wa mbere cyangwa ari Adamu wa kabiri (1 Abakorinto 15:45,47)bahagarariye inyokomuntu yose.Mugihe tuvuka mu buryo bw'umubiri buri wese ababazwa ku bwo kugerwaho n'ingaruka z'igicumuro cya Adamu wa mbere,umuntu wese uvutse mu by'umwuka yakira ibiva mu gukiranuka kw'imibereho ya Kristo n'igitambo cye. " nkuko bose bokojwe gupfa na Adamu niko bose bazahindurwa bazima na Kristo."(1 Abakorinto 15:22).

Kwigomeka kwa Adamu kwazanye icyaha, gucirwaho iteka n'urupfu kuri bose. Yesu yakoze igitandukanye n'icyo . Ku bw'urukundo rwe rwinshi yishyizeho igihano cy'icyaha mu mwanya w'inyokomuntu yose nuko ahinduka uhagarariye inyokomuntu. Urupfu rwe ku bwacu rwatuzaniye gukira igihano cy'icyaha n'impano y'ubugingo buhoraho ku banyabyaha bihana(2 Abakorinto 5:21; Abaroma 6: 23; 1 Petero 3:18).

Bibiliya yigisha mu buryo bugaragara akamaro k'urupfu rwa Kristo kubwacu. Ku bw'ubuntu bw'Imana Yesu yasogongereye bose urupfu(Abaheburayo 2:9).Nk'Adamu, bose bakoze ibyaha (Abaroma 5:12), niyo mpanvu bose bagomba gupfa –urupfu rwa mbere. Urupfu Kristo yapfiriye bose ni urupfu rwa kabiri ari rwo muvumo wuzuye w'urupfu.(Ibyahishuwe 20:6, reba igice cya 27 cy'iki gitabo).

**Ubuzima bwa Kristo n' agakiza.**

" Ubwo twunzwe n'Imana ku bw'urupfu rw'umwana wayo wadupfiriye tukiri abanzi b'Imana none ubwo tumaze kungwa na yo ntituzarushaho gukizwa ku bw'ubugingo bwe?."(Abaroma 5:10) Byasabye ubuzima bwe n'urupfu rwe kugira ngo , asenya umworera wari washyizweho n'icyaha.Rero ubuzima bwe n'urupfu rwe byombi bifite akamaro mu gakiza kacu.

**Mbese ubuzima butunganye bwa Kristo butumarira iki?.**

Yesu yabayeho ubuzima buboneye, bwera, bwuzuye urukundo kandi busabana n'Imana. Ubwo buzima bw'igiciro ashaka kubusangira nk'impano n'abanyabyaha bihana. Kwera kw'imico ye, bigereranywa n'umwenda w'ubukwe(Matayo 22:11)cyangwa ikanzu yo gukiranuka (Yesaya 61:10) iyo yambika abanyabyaha mu gusimbura ubushwambagara bwuzuye ibizinga ariko gushaka gukora imirimo myiza abantu bakora ngo babone agakiza.(Yesaya 64:6).

Nubwo kamere yacu yahumanye, igihe twiyeguriyeburundu tukiha Kristo , imitima yacu ihuzwa n'uwe, ubushake bwacu buhuzwa n'ubwe, umwuka wacu uhuzwa n'uwe , intekerezo zacu zigengwa na we,tukabaho ubuzima bwe. Twambara umwambaro we wo gukiranuka . Iyo Imana ireba umunyabyaha wihannye ntibona ibyaha bye cyangwa guhumana kwe ahubwo ibona ikanzu yo gukiranuka yatanzwe no kumvira amategeko kuzuye kwa Kristo gukiranuka kwa Kristo.Ntawe ushobora kuba umukiranutsi atambaye uwo mwambaro.

Mu mugani w'umwambaro w'ubukwe , uwatumiwe waje yambaye imyenda ye ntabwo yajugunywe hanze kubera ko adafite kwizera.Yemeye ubutumire bwo mu nzira(Matayo 22:10).Ariko kuza kwe ntabwo kwari guhagije. Yari akeneye umwambaro w'ubukwe . Muri ubwo buryo kwizera umusaraba ntabwo bihagije. Kugira ngo tubashe kwemerwa imbere y'umwami dukeneye na none imibereho yera ya Kristo ni ukuvuga imico ye yo gukiranuka.

Nk'abanyabyaha ntabwo dukeneye gusa kwishyura ideni, bisaba ko konti zacu zo muri banki zongera gukoreshwa . Dukeneye ibirenze gukurwa mu buroko,kuko dukeneye kwakirwa nk'abana mu muryango w'Umwami .Umurimo w'umuhuza wa Yesu wazutse ufite inshingano ebyiri: kubabarira no kwambika aribyo guhuza urupfu rwe n'ubuzima bwacu ndetse no guhagarara imbere y'Imana kwacu. Ijambo" byose birarangiye"ryavugiwe ku musaraba i Karuvali rigaragaza ko ubugingo bukiranuka bwari bubonetse ndetse n'igitambo cyuzuye. Abanyabyaha bakeneye ibyo bintu bibiri.

**Akamaro k'ubuzima bwa kristo**

Ubuzima bwa Kristo ku isi bwabaye icyitegererezo cy'uko inyokomuntu yose ikwiriye kwitwara.Nk'urugero Petero aturarikira kwihanganira imibabaro nka Yesu(1 Petero 2:21-23). Uwabayeho nkatwe ageragezwa uburyo bwose nkatwe , yagaragaje ko abishingikiriza ku Mana Atari ngombwa ko bakomeza kwibera mu cyuho.Ubuzima bwa kristo buduha ibyiringiro ko natwe dushobora kugira ubuzima bunesha.Pawulo yarabihamije ati "nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga."(Abafiripi 4:13).

**Umuzuko wa kristo n'agakiza**.

Pawulo yaravuze ati“Niba Kristo atazutse ibyo tubabwira byaba ari ubusa no kwizera kwanyu kwaba ari uk’ubusa. […] mwaba mukiri mu byaha byanyu.(1 Abakorinto 15:14, 17.)Yesu yarazutse mu mubiri (Luka 24:36-43), yazamutse mu ijuru nk’Imana kandi nk’umuntu atangira umurimo we w’ingezi w’ubuhuza iburyo bw’Imana(Abaheburayo 8:1,2 reba igice cya 4 cy’iki gitabo).

Umuzuko wa Yesu wahaye umusaraba ubusobanuro, abigishwa bari batatanye batatekereje kuri uwo munsi wo kubambwa . Umuzuko we wahinduye abo bantu mu mbaraga ikomeye yahinduye amateka. Umuzuko –ntabwo ushobora gutandukana no kubambwa. Wabaye ishingiro ry’ubutunwa bwabo. Bahamyaga Yesu muzima wabambwe agatsinda imbaraga z’ikibi. Aho niho hari imbaraga y’ubutumwa bw’intumwa.

Philip schaff(Filipo sikafu) yaranditse ati “Umuzuko wa kristo ni ikibazo gishingiweho ukuri cyangwa ikinyoma cy’iyobokamana rya gikristo ».Gishobora kuba igitangaza gikomeye cyangwa se ikinyoma gikomeye amateka ashobora kugira”Wilbur M. Smith(Wiliburu Simifu) atanga ubu busobanuro “ Umuzuko wa Kristo ni umudugudu nyawo wo kwizera kwa gikristo .Ni amahame yabujije isi amahwemo mu kinyejana cya mbere ,ni yo yahaye ubukristo kumenyekana kurusha itorero ry’Abayuda (Judaisme)n’iyobokamana (religion) rya gipagani ryo mu kibaya(bassin)cya Mediterane.Niba ibyo ari ukuri ,dushobora kuvuga noneho ko ikintu cyose cy’ingenzi (vital)kandi kimwe rukumbi(unique)mu Butumwa bwiza bwa Kristo:« atazutse kwizera kwacu ntikugira umumaro ahubwo muracyari mu byaha byanyu» .(1Abakorinto 15 :17)

Ubu umurimo wa Kristo ushingiye mu rupfu rwe no mu muzuko we.
Nubwo impongano y’igitambo cyo gucungurwa cy’ikaruvali cyari gihagije kandi cyuzuye rwose, dushobora kuvuga ko nta muzuko nta kintu na kimwe twaba dufite cyatuma twemera ko Kristo yarangije umurimo we wo ku isi anesheje rwose.Kuba Kristo yarazutse ni igihamya cyuko hariho ubuzima bwo hirya y’ urupfu kandi ukagaragaza neza ukuri kw’amasezerano y’ubugingo buhoraho mu Mana.

## Imbuto z’umurimo wo gucungura wa Kristo

Umurimo w’impongano wa Kristo ntiwageze ku nyokomuntu gusa ahubwo wageze no ku bibaho byose.

## Ubwiyunge bwabaye gikwira

Pawulo agaragaza cyane umumaro w’ingenzi w’agakiza kari muri Kristo mu itorero kandi binyuze muri ryo.Umugambi w’Imana ni uko « kugira ngo muri iki gihe abatware n’abafite ubushobozi bwo mu ijuru mu buryo bw’umwuka bamenyeshwe n’itorero ubwenge bw’Imana bw’uburyo bwinshi.(Efeso 3 :10)”.

Arakomeza avuga ko byashimishije Imana binyuze muri Kristo “kandi imaze kuzanisha amahoro amaraso yo ku musaraba we,imwiyungisha n’ibintu byose ,aribyo ku isi cyangwa ibyo mu ijuru (Abakorosayi 1:20 )

Pawulo avuga imbuto z'ingirakamaro ,z'akataraboneka z'uko kwiyunga 'kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu ,ari ay'ibyo mu ijuru ,cyangwa ay'ibyo mu isi ,cyangwa ay'ibyo munsi y'isi ,kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka ,ngo Imana Data wa twese ihimbazwe'.( Abafilipi 2 :11)

**Gutsindishirizwa kw'amategeko y'Imana.**

Igitambo cyuzuye cy'impongano ya Kristo cyanyuze ubutabera ,ubwiza n'ubutungane bw'amategeko yera y'Imana kandi cyerekana imico y'ubuntu yayo.Urupfu n'inshungu bya Kristo byujuje mu buryo bushimishije ibyo amategeko yasabaga (ibihembo by'icyaha ni urupfu)mu gihe yanatsindishirizaga umunyabyaha wihana binyuze mu buntu n'imbabazi byayo.

Pawulo aravuga ati « Kuko ibyo amategeko yananiwe gukora kubw'intege nke zacu,Imana yabishoboje ubwo yatangaga umwana wayo afite ishusho ya kamere y'ibyaha kuba igitambo cy'ibyaha ,acira ibyaha bya kamere ho iteka ,kugira ngo gukiranuka kw'amategeko gusohozwe muri twe .Abadakurikiza ibya kamere y'umubiri ahubwo bakurikiza uby'umwuka » (Abaroma 8 :3-4 ).

**Gutsindishirizwa.**

Ubwiyunge bugira icyo bumara igihe imbabazi zemewe .Umwana w'ikirara yiyunze na Se igihe yari amaze kwemera urukundo rwe n'imbabazi ze.
Abizera ko Imana yiyunze n'abari mu isi muri Kristo maze bakayumvira bakakira impano y'agahebuzo ikomoka ku Mana ariyo gutsindishirizwa kandi imbuto yabyo y'ako kanya ni ukugirana amahoro n'Imana.

«Ni uko ubwo twatsindishirijwe no kwizera dufite amahoro ku Mana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo» .(Abaroma 5 :1).Abizera batsindishirijwe ntibaba bakiri abo kugerwaho n'uburakari bw'Imana,bahindutse abo Imana yishimira bafite uburenganzira busesuye bwo kugera ku ntebe y'Ubwami bw'Imana babihawe na Kristo ,bakira imbaraga y'Umwuka wera ibashoboza ikanabaha ubushobozi bwo gusenya inzitizi n'inkuta ziri hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga .(Abefeso 2 :14-16)

**Agakiza katava ku mirimo.**

Umurimo w'Imana wo kunga ushyira ahagaragara ukutagira umumaro kw'imbaraga za kimuntu mu kubona agakiza binyuze mu mirimo itegetswe n'amategeko .
Gusobanukirwa neza ubuntu bw'Imana biyobora umuntu bikamugeza ku kwemera gutsindishirizwa kuboneka binyuze mu kwizera Yesu Kristo.

Inyiturano y'abakiriye imbabazi ni ukumvira babyishimiye ,bibanejeje ,bityo ,imirimo ntiba ariyo bishingikirizaho ngo baronke agakiza ahubwo ni imbuto zikomoka kuri ako gakiza.

**Kugirana umushyikirano mushya n'Imana.**

Kwakira ubuntu bw'Imana bitanga imibereho izira amakemwa izira ikizinga yo kumvira kwa Kristo n'impongano y'urupfu rwe nk'impano igeza ku mushyikirano wuzuye n'Imana.

-

Gushimira ,guhimbaza n'ibyishimo biraboneka bikagaragara, kumvira kugahindukira umuntu ibyishimo,kwiga ijambo ry'Imana bikamuhindukira umunezero, kandi umutima we ugahinduka Ubuturo bw'Umwuka wera.Noneho hakaboneka umushyikirano mushya hagati y'Imana n'umunyabyaha wihana .Ubwo bumwe nk'ubwo buba bushigiye rero ku rukundo no gushima ,ntabwo bukomoka ku bwoba no kumva ko ari inshingano ugomba gukora .Reba (Yohana 15 :1-10).

Uko tuzarushaho gusobanukirwa n'ubuntu bw'Imana binyuze mu mucyo w'umusaraba ,niko kwiyumvamo gukiranuka kwacu bizagenda biyoyoka kandi niko tuzarushaho kuvumbura uburyo turi abahiriwe.Imbaraga ya Mwuka Wera yakoreraga muri Kristo igihe yaneshaga urupfu izahindura imibereho yacu.Mu cyimbo cyo gutsindwa kwacu, tuzajya dutsinda icyaha umunsi ku wundi.

-

-

-

-

-

**Impamvu idutera umwete mu murimo**

-

Urukundo rutarondoreka rwahishuriwe mu gikorwa cy'Imana cyo kwiyunga muri Kristo Yesu ,nirwo ruduhata ,rudutera imbaraga zo gusaranganya ubutumwa n'abandi bantu.
Iyo tumaze gusogongeraho ntidushobora gukomeza kugira ibanga ibyo byishimo bikomoka ku kumenya ko Imana itazabaraho icyaha abemera igitambo cya Kristo.

-

Tuzashyira abandi ubutumire bwuzuye imbaraga bw'ubutumwa bwiza tubabwira tuti «turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiyunge n'Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu ,kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana »(2 Abakorinto 5 : 20-21).

**ICYISHO CYA CUMI**

**KUBA MU GAKIZA**

***Kristo, utaramenye icyaha,Imana,mu rukundo rwayo rutarondereka n'imbabazi zayo,yamuhinduye icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we tuhinduke gukiranuka kw'Imana . Kubwo Umwuka wera tumenya icyo dukeneye, tukamenya imiterere yacu yuko turi abanyabyaha, tukihana ibicumuro byacu, tukatura kwizera kwacu muri Yesu nk'umwami n'Umukiza watubereye inshungu n'ikitegererezo . Muri uko kwizera tuboneramo agakiza gaturuka ku mbaraga mvajuru y'ijambo ry'Imana, n'impano y'ubuntu bw'Imana . Ku bwa Kristo turatsindishirizwa, tukagirwa abahungu n'abakobwa b'Imana, tukabaturwa mu bubata bw'icyaha. Ku bwa Mwuka wera tubyarwa ubwa kabiri, tukezwa . Umwuka wera atwongera imbaraga akandika itegeko ry'urukundo mu mitima yacu maze tukakira imbaraga yo kubaho dukiranuka .***

***Iyo turi muri we duhinduka abasangiye kamere mvajuru tugira ibyiringiro by'agakiza, ubu ndetse no mu gihe cy'urubanza .(2 Kor 5:10-21;Yohana 3:16;Abag 1:4,4:4-7;Tito3:3-7;Yoh16:8;Abaga 3:13,14 1 Pet 2:21,22;Abar 10:17;Luk 17:5;Marik 9:23,24;Abefeso 2:5-10;Abar 3:21-26;Kolos 1:13,14;Rom 8:14,17;Abaga 3:26;Yoh 3:3-8;1Pet 1:23;Abar 12:2;Abaheb 8:7-12;Ezek 31:25-27;2Pet 1:3,4;Abar 8:1-4;5:6-10).***

Igihe kimwe, Umupasitori w'i Herimasi(Hermas) yarose inzozi z'umukecuru wari ugeze muzabukuru kandi umubiri we warazanye iminkanyari .Mu nzozi ze rero uwo mupasitori yarose abona uwo mukecuru agenda ahinduka uko bukeye n'uko bwije :nubwo uwo mukecuru yakomeje kugira umubiri wa gikecuru ndetse agakomeza no kugira imvi ariko yari afite noneho mu maso nkah'umwangavu,hanyuma aza kugeraho yongera kuba umwari .

Toranse(T.F.Torrance) agereranya uwo mugore nk'Itorero . Abakristo ntibashobora kubaho badahinduka. Iyo Umwuka wera ari muri bo batangira guhinduka buhoro buhoro( Abaroma 8 : 9 ) .

Pawulo yaravuze ati " Kristo yakunze itorero araryitangira ngo aryeze amaze kuryogesha amazi y'ijambo rye, aryishyire rifite ubuzima, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo, ahubwo ngo ribe iryera ridafite inenge" ( Efeso 5 : 25-27 ) . Uko kwezwa niwo mugambi w'itorero . Bityo abizera bagize itorero bashobora guhamya ko nubwo umuntu wacu w'inyuma yangirika, umuntu wacu w'imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye nuko bwije (2 Abakorinto 4 : 16 ) .« Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw' Umwami, tubureba nko mundorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurwa gusa nawe tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza nk'ubw'Umwuka». ( 2 Abakorinto 3 : 18).Uko guhinduka kugereranya uguhinduka kwabayeho ku munsi wa pentekoti ariko kukabera mu mutima w'umwizera.

**Imibereho y'umukiristu**

Agakiza,gutsindishirizwa,kwezwa,kwera no gucungurwa-byerekanywa muri Bibiliya nk'igikorwa cyamaze kuba,kiri kuba kandi kizakomeza no kubaho no mu gihe kizaza .Gusobanukirwa rero n'ibyo bintu uko ari bitatu bituma umuntu arushaho gusobanukirwa neza n'ibijyanye no gutsindishirizwa no kwezwa;bityo rero niyo mpamvu iki gice kigiye kwibanda kuri ibi bintu uko ari bitatu bivuga ku gakiza nk'igikorwa cyamaze kuba ,kiri kuba muri iki gihe kandi nk'igikorwa kizabaho mu gihe kizaza.

**Kuba mu gakiza n'igihe cyashize**

Kumenya Imana, urukundo rwayo n'ubugwaneza bwayo ntibihagije. Kugerageza kwigira mwiza udakoreshejwe na Kristo amaherezo yabyo ni ugutsindwa . Kwakira agakiza bituruka ku Mana yonyine kandi bigera mu mpfuruka z'umutima w'uwakakiriye . Avuga iby'iyi mibereho y'agakiza Yesu yaravuze ati"umuntu utabyawe ubwa kabiri ntabasha kubona ubwami bw'Imana […] umuntu utabyawe n'amazi n'umwuka ntabasha kwinjira mu bwami bw'Imana ( Yohani 3 : 3-5 ) .

Ni muri Yesu Kristo gusa tubonera agakiza “Kuko ari nta rindi zina munsi y’ijuru ryahawe abantu dukwiriye gukirizwamo” (Ibyakozwe n’Intumwa 4 : 12 ) . Yesu aravuga ati“Ni jye nzira,ukuri n’ubugingo, nta ujya kwa Data ntamujyanye” (Yohani 14 : 6 ) . Kwakira agakiza bikubiyemo kwihana, kwatura ibyaha, kubabarirwa, gutsindishirizwa no kwezwa .

**Kwihana.**

Mbere gato yo kubambwa, Yesu yasezeraniye abigishwa be Umwuka wera kugira ngo azatsinde ab’isi abemeze iby’icyaha, ibyo gukiranuka n’iby’amateka ( Yohani 16 : 8 ) . Ku munsi wa Pentekote, igihe Umwuka wera yemezaga abantu yuko bakeneye Umukiza, barabajije bati : Mbese tugire dute ? Petero yarabashubije ati : Nimwihane ( Ibyakozwe n’Intumwa 2 : 37,38 ; 3 : 19 ) .

**1. Kwihana ni iki ?**

Ijambo kwihana riva ku ijambo ry’igiheburayo ‘nacham(nacamu)’ risobanurwa « Kwicuza» cyangwa kwitwara ku wundi, mu kigiriki ni ‘metanoeo(Metanoyiya)’ risobanurwa “guhindura ibitekerezo “, “kwicuza » ,«kwihana» nyakuri guturuka ku guhindura imyumvire kubyerekeye Imana n’icyaha.Umwuka wera yemeza abamwakiriye ububi bw’icyaha, akabamenyesha ubutabera bw’Imana nuko bazimiye . Bityo bakababazwa n’icyaha n’ikidodo cyacyo.Iyo basobanukiwe nuko uhisha ibicumuro bye atagubwa neza ko ahubwo ubyatura akabireka azababarirwa ( Imigani 28 :13 ) nibwo batura noneho by’ukuri ibyaha byabo . Kubwo gushaka kwabo bishyira mu maboko y’Umukiza maze bakazinukwa ingeso zabo mbi. Bityo kwihana kukagera ku rugero rwo hejuru arirwo guhinduka,Umunyabyaha akagarukira Imana ( biva mu kigiriki “epistrophe(episitorofe)” bisobanura «guhindura icyerekezo» (Ibyakozwe n’Intumwa 15 : 3 ) .

Kwihana kwa Dawidi nyuma yo gukora icyaha cy’ubusambanyi n’icy’ubwicanyi, bitanga urugero rufatika rw’uburyo bwo gutsinda icyaha . Amaze kwemezwa n’Umwuka wera yanze icyaha cye urunuka kandi biranamubabaza, agira inyota yo gutungana maze aravuga ati “ Kuko uzi ibicumuro byanjye, ibyaha byanjye biri imbere yanjye iteka . Ni wowe, ni wowe ubwawe nacumuyeho, nakoze icyangwa n’amaso yawe”. “Mana umbabarire ku bw’imbabazi zawe, kubw’imbabazi zawe nyinshi usibanganye ibicumuro byanjye” “Mana undememo umutima wera unsubizemo umutima ukomeye” ( Zaburi 51 : 5,3,12) .
Imibereho ya Dawidi yakurikiyeho yerekana ko Imana itababarira ibyaha gusa ahubwo ko ihindura n’imico yacu . Nubwo kwihana kubanziriza kubabarirwa, ibyo ntibihamiriza umunyabyaha ko afite imigisha y’Imana . Mu by’ukuri umunyabyaha ntashobora kwiteramo kwihana, ahubwo ni impano y’Imana (Ibyakozwe n’Intumwa 5: 31, Abaroma 2 : 4 ) . Umwuka wera arehereza umuyabyaha kuri Kristo kugira ngo yihane yicuze ibyaha bye abivanye ku mutima ababajwe n’icyaha.

**2.Igitera kwihana**

Yesu yaravuze ati«Nimanikwa hejuru y'isi nzireherezaho abantu bose».(Yohana 12:32)Iyo tumaze kumva ko urupfu rwa Kristo rudutsindishiriza,rukadukiza gucirwaho iteka ryo gupfa,imitima yacu ntibasha kubyirengagiza ngo ikomeze yiturize.Birahagije kwishyira mu mwanya w'uwaciriwe urubanza rwo gupfa mu gihe ategereje ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko maze ku munota wa nyuma akumva ngo arababariwe.

Muri Kristo umunyabyaha wihannye ntabwo ababarirwa gusa ahubwo abarwa nk'utarigeze akora icyaha akagirwa umukiranutsi. Ntabwo aba akwiriye ubuntu nk'ubwo ntiyanabwihesha nkuko Pawulo abigaragaza«Tukiri abanyabyaha, abanyantege nke n'abanzi b'Imana Kristo yaradupfiriye»(Abaroma 5:6-10).Nta kintu gishobora kunyura umutima w'umuntu nko kureba urwo rukundo rubabarira rwa Kristo. Iyo abanyabyaha bitegereje urwo rukundo rutarondoreka rw'Imana, rwagaragariye ku musaraba bumva imbaraga ikomeye ibakoreramo ikabatera kwihana. Mu yandi magambo kugira neza kw'Imana niko kuturehereza kwihana(Abaroma 2:4).

## Gutsindishirizwa

Mu rukundo rwe rutagira iherezo , no mu buntu bwe , Kristo , utarigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu kugirango muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana.Binyuze mu kwizera Yesu umuntu yuzuzwa Umwuka wera kubwo kwizera (Binyuze mu kwizera kandi ariyo mpano y'Imana). Roma 12:3, Efeso 2:8.Abanyabyaha bihannye baratsindishirizwa (Roma 3:28) Ijambo « gutsindishirizwa » ni ubusobanuro bw'ikigiriki **dikaioma(dikayoma)** bivuze "igikorwa cyo gukiranuka",cyangwa kukurikiza amategeko, "umwanzuro w'ubutabera" na **dikaiosis(dikayiyosisi)** bivuga "gutsindishirizwa", "guhora", "kuriha".Inshinga iyakomokaho ni **dikaioo** isobanura :gutangazwa kandi ugafatwa nk'umwere, gutsindishirizwa, guhabwa umudendezo, kwezwa, guhora, guca urubanza.

Muri rusange ijambo "gutsindishirizwa" nkuko rikoreshwa n'abiga iby'iyobokamana rivuga igikorwa cy'Imana cyo kugira umunyabyaha wihannye umukiranutsi cyangwa ikamureba nk'umukiranutsi.Gutsindishirizwa ni ikinyuranyo cyo gucirwaho iteka (Roma 5:16 ).Urufatiro rw'uko gutsindishirizwa si ugukiranuka kwacu ahubwo ni ukwa Kristo. "kuko abahawe ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ariwe Yesu Kristo [...] kuyumvira k'umwe kuzatere ko abenshi baba abakiranutsi (Roma 5:18,19 ) ."
"Aha kumvira abatsindishirizwe n'ubuntu bwayo ibibahereye ubusa ku bwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo (Roma 3:24 )" "Iradukiza itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze,ahubwo ku bw'imbabazi zayo .( Tito 3:5 ) ".

## 1.Akamaro ko kwizera n'imirimo

Abantu benshi bishuka ko uko Imana ibabona biterwa n'imirimo yabo myiza cyangwa mibi. Igihe yavugaga uko abantu batsindishirizwa imbere y'Imana, Pawulo aravuga yeruye ati "Nemeye guhara byose kugirango ndonke Kristo,kugira ngo mboneke ko ndi muri we ,ntafite gukiranuka kwanjye [...] ahubwo mfite ukuzanwa no kwizera Kristo" ( Abafilipi 3:8,9 ) . Yerekana ko Aburahamu "yizeye Imana maze ibyo bikamuhwanishirizwa no

gukiranuka” ( Abaroma 4:3; Itangiriro 15:6 ) . Yatsindishirijwe mbere yuko akebwa ntabwo aruko gukebwa kwabimuteye ( Abaroma 4: 9,10 ) .

Mbese Aburahamu yari afite kwizera kumeze gute? Bibiliya ivuga ko “kubwo kwizera Aburahamu yumviye”ubwo Imana yamuhamagaraga, yavuye mu gihugu cye afata inzira “atazi iyo ajya” (Abaheburayo 11:8-10;reba n’Itangiriro 12:4; 13:18 ) . Kumvira kwe kwerekana neza ukwizera Imana gushyitse. Ni ukuri uko kwizera guhinduka kwatumye atsindishirizwa.

Intumwa Yakobo yaburiye abo mu gihe cye ngo batavaho basobanura nabi gutsindishirizwa kubwo kwizera,bavuga ko umuntu ashobora gutsindishirizwa kubwo kwizera atagaragaza imirimo ijyana nabyo . Yerekana ko kwizera nyako kudashobora kubaho nta mirimo.Nka Pawulo, Yakobo nawe yatanze urugero yifashishije imibereho y’Aburahamu . Mu gutamba umuhungu we Isaka, Aburahamu yagaragaje agaciro ko kwizera kwe ( Yakobo 2:21 ) “ubonye yuko kwizera kwafatanije n’imirimo ye, kandi ko kwizera kwe kwatunganijwe rwose n’imirimo ye” (Yakobo 2:22 ) “ Kwizera iyo kudafite imirimo […] kuba gupfuye » (Yakobo 2:17 ).
Imibereho y’Aburahamu yerekana ko imirimo ari igihamya cy’umushyikirano nyakuri n’Imana . Ni yo mpamvu ukwizera gushyika kugutsindishirizwa ari ukwizera kuzima kandi gukora.

Pawulo na Yakobo bumvaga kimwe ibyo gutsindishirizwa kubwo kwizera . Mu gihe Pawulo yerekanaga ko ari ikosa gushakira gutsindishirizwa mu mirimo, Yakobo we yibandaga ku kindi cyerekezo giteje ingorane cyo gutandukanya gutsindishirizwa n’imirimo kandi iyo mirimo ari imbuto zako,yaba imirimo ,yaba kwizera gupfuye ntawe byageza ku gutsindishirizwa. Gutsindishirizwa gushoboka gusa binyuze mu kwizera nyako gukorera mu rukundo ( Abagalatiya 5:6 ), kugatunganya umutima.

**2. Imibereho yo gutsindishirizwa**

Kuko twatsindishirijwe kubwo kwizera muri Kristo,gukiranuka kwe kwahindutse ukwacu.Turi abere imbere y’Imana kubera Kristo umusimbura wacu . Pawulo avuga ko Imana “yamuhinduye icyaha ku bwacu kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw’Imana” (2 Abakorinto 5:21) . Nk’Abanyabyaha bihana dushobora kubaho imibereho irangwa n’imbabazi zishyitse kandi zisendereye . Nuko rero twunzwe n’Imana !
Iyerekwa rya Zakariya rijyanye n’umutambyi mukuru Yosuwa ryerekana neza ibyo gutsindishirizwa .Yosuwa yahagaze imbere ya Malayika w’Uwiteka , yambaye imyenda y’ibizinga, yerekana ibizinga by’ibyaha; agihagaze aho, Satani amusabira gucibwaho iteka . Ibirego bya Satani byari bifite ishingiro.Yosuwa ntiyari akwiriye kubabarirwa .
Nyamara Imana, ku bw’ubuntu bwayo icyaha Satani iti“Mbese uwo si umushimu ukuwe mu muriro” ? (Zekariya 3:2 ) .Mbese uyu Yosuwa si inkoramutima yanjye uwo ngomba kurengera ku buryo bw’umwihariko ? Umwami ategeka ko ubwo bushwambagara babumwambura vuba maze aravuga ati “Dore ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane” (Zekariya3:4). Imana yacu yuje urukundo n’impuhwe yirengagiza ibirego bya Satani. Itsindishiriza umunyabyaha wahindaga umushyitsi amwambika ikanzu yo gukiranuka kwa kristo. Nkuko ya kanzu yibizinga ya

Yosuwa yerekana ibyaha, ikanzu nshya yerekana imibereho mishya y'umwizera muri Kristo.

Mu gutsindishirizwa, icyaha cyatuwe kandi kikanababarirwa gishyirwa ku mwana w'Imana wera kandi utunganye, ku mwana w'intama wikoreye ibyaha by'abari mu isi.«Nyamara, umunyabyaha wihana ahabwa gukiranuka kwa Kristo, kukamubarwaho Atari abikwiriye. Uko guhinduranya imyambaro, uko kuguranirwa mvajuru gukiza niko pfundo ry'ihame rya Bibiliya ryo gutsindishirizwa».Umwizera watsindishirijwe aba afite imibereho yababariwe kandi akezwaho ibyaha bye .

Ingaruka : Ni izihe ngaruka zo kwihana n'izo gutsindishirizwa ?

**1.Kwezwa** : Ijambo "kwezwa" riva ku kigiriki **hagias-mos(hagiyasi-mosi)** risobanura "ubutungane", "kwitanga", "kwezwa", riturutse kuri **hagiazo(hagiyazo)**, "guhindura uwera", "kwereza", "kweza", "gushyira ku ruhande". Ijambo bihuje mu giheburayo ni **qadash(kadashi)** "gutandukanya n'ibisanzwe".

Kwihana nyakuri kimwe no gutsindishirizwa nyakuri bigeza ku kwezwa . Gutsindishirizwa no Kwezwa ni agati nk'inkubirane, n'ubwo bifite aho bitandukaniye ariko kimwe ntigishobora kubaho ikindi kitariho . Byombi byerekana intambwe ebyiri z'agakiza : gutsindishirizwa ni icy'Imana idukorera naho kwezwa kukaba icyo Imana ikorera muri twe .

Haba gutsindishirizwa cyangwa kwezwa nta na kimwe duheshwa n' imirimo myiza . Byombi bitangwa ku bw'ubuntu no gukiranuka bya Kristo"Gukiranuka kudutsindishiriza ni uko tubarwaho,gukiranuka kutweza turaguhabwa.Uku gukiranuka kwa mbere kuduha uburenganzira bwo kuba abatahajuru naho ukundi kwa kabiri kuduha kugera ku rugero rw'imibereho y'abatahajuru".Intambwe eshatu zo kwezwa, nk'uko Bibiliya izerekana ni izi : igikorwa cyakozwe mu mibereho ya kera y'umwizera; igikorwa kigenda kiba mu mibereho y'umwizera muri ubu buzima; uguhabwa ubwiza kuzuzura ubwo Kristo azaba agarutse.

Ku bijyanye n'igikorwa cyakozwe mu mibereho yakera y'umwizera,mu gihe cyo gutsindishirizwa, umwizera yezwa mu izina ry'umwami Yesu Kristo kandi binyuze mu mwuka w'Imana yacu (1 Abakorinto 6:11), ahinduka "uwera"; umwizera mushya ugeze kuri urwo rwego aba yaratsindishirijwe kandi abarwa mu ruhande rw'Imana ku buryo bwuzuye.
Iyo bemeye guhamagara kw'Imana(Abaroma 1: 7) abizera bitwa "abera" kuko baba bari muri Kristo (Abafilipi 1:1 reba na Yohani 15 :1-7), atari uko bageze ku rugero rw'ubutungane budasanzwe . Agakiza ni imibereho umuntu agira muri ubu buzima . Pawulo avuga ko "imbabazi z'Imana zadukirishije kuhagirwa niko kubyarwa ubwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n'Umwuka wera"(Tito 3 :5), ako gakiza katujyana ku ruhande rw'ibyaduhuzaga byose nuko kakatuyobora ku mugambi wera wo kugendana na Kristo.

**2. Kwakirwa mu muryango w'Imana**

Mu mwanya umwe, abizera bashya bahawe “umwuka wo kwemerwa mu muryango w’Imana ”. Imana yabakiriye nk’abana bayo, ibyo ni ukuvuga ko abizera ari abahungu n’abakobwa b’Umwami ! Yabagize abaragwa bayo, “abaraganwa na Kristo” (Abaroma 8: 15-17). Mbega gutoneshwa, mbega icyubahiro, mbega umunezero!

**3.Icyizere cy’agakiza**

Gutsindishirizwa kunazanira umwizera ubwishingizi ko yemewe .Kumuzanira umunezero wo kongera kubana n’Imana muri ubu buzima .Imana itubabarira ibyaha byacu byose ititaye ku mibereho yacu ya kera, ikaturokora gucirwaho iteka n’umuvumo bizanwa n’amategeko. Gucungurwa guhita guhinduka impamo “Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw’amaraso ye, ni ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk’uko ubutunzi bw’ubuntu bwayo buri” (Abefeso 1: 7).

**4. Itangira ry’imibereho mishya kandi inesha**

Iyo umwizera yumvise ko amaraso y’Umukiza atwikira imibereho ya kera yarangwaga n’icyaha, ahita agira ihembura ry’umubiri, ubugingo n’umwuka. Kwiyumvamo umutima wicira urubanza bihita bishira kuko byose biba byarababariwe muri Kristo, byose biba ari bishya .Mu kutugirira ubuntu buri munsi, Kristo aba yifuza kuduhindura ngo atugaruremo ishusho y’Imana. Uko kwizera kwacu kugenda gukurira muri we, ni ko gukura kwacu no guhindurwa kwacu tujya mbere, ni nako kandi atubashisha guhora tunesha imbaraga z’umwijima. Kuba yaranesheje isi bitwemeza ko tuzabaturwa mu bubata bw’icyaha (Yohani 16 :33).

**5. Impano y’ubugingo bw’iteka**

Kongera kubana na Kristo bivamo impano y’ubugingo bw’iteka .Yohani yarabihamije ati “Ufite uwo mwana niwe ufite ubwo bugingo; naho udafite umwana w’Imana nta bugingo afite ”(1 Yohana 5: 12) . Imibereho yacu ya kera y’icyaha yarishingiwe; ku bw’Umwuka wera udutuyemo, dushobora kunezererwa byuzuye n’imigisha igendanye n’agakiza.

**Imibereho y’uwakijijwe n’ubuzima bw’ubu**

Binyuze mu maraso ya Kristo atuzanira gutunganywa, gutsindishirizwa no kwezwa, umwizera ahindurwa “ icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize; dore byose biba bihindutse bishya”(2 Abakorinto 5 : 17).

**Guhamagarirwa kugira imibereho yo kwezwa**

Agakiza kadusaba kugira imibereho yejejwe bishingiye kucyo Kristo yadukoreye i Karuvali . Pawulo yahamagariye abizera kuba abera mu mibereho yabo(1 Abatesalonike 4:7) . Kugira ngo bashobore kugira iyo mibereho, Imana igabira abizera "Umwuka wera" (Abaroma 1:4) "ngo abahe, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwe buri, gukomezwa cyane mu mitima yanyu kubw'umwuka we; kandi ngo Kristo ahore mu mitima yanyu ku bwo kwizera" (Abefeso 3: 16,17).

Kuko baba barabaye ibyaremwe bishya, abizera bahabwa inshingano nshya "kuko nkuko mwahaga ibiteye isoni n'ubugome ingingo zanyu kuba imbata zabyo bigatuma muba abagome abe ariko muha gukiranuka ingingo zanyu kugira ngo mwezwe"(Abaroma 6:19) . Baba basigaye "babeshwaho n'umwuka" (Abagalatiya 5:25).
Abizera buzuye Umwuka Wera "ntibakurikiza ibya kamere ahubwo bakurikiza iby'umwuka" (Abaroma 8: 1; 8:4) . Barahinduwe kuko "umutima wa kamere utera urupfu, ariko umutima w'umwuka uzana ubugingo n'amahoro"(Abaroma 8:6), kuko umwuka w'Imana atuye muri bo, ntibaba bakiri "aba kamere, ahubwo baba ari ab'umwuka"(Abaroma 8 :9).

Intego y'ibanze y'imibereho yuzuye umwuka ni ukunezeza Imana(1 Abatesalonike 4:1) . Pawulo avuga ko kwezwa ari umugambi w'Imana .Ni yo mpamvu bikwiriye kwirinda "ubusambanyi"no kureka "kurengera cyangwa kuriganya mwene se […] kuko Imana itaduhamagariye kwanduzwa ahubwo yaduhamagariye kwezwa" (1 Abatesalonike 4:3, 6,7).

## Guhinduka kw'imbere

Ubwo Kristo azaba agarutse, tuzahindurwa mu buryo bw'umubiri , uyu mubiri upfa kandi ubora uzambikwa kutabora (1 Abakorinto 15 :51,54) . Ariko imico yacu igomba guhinduka mu gihe twitegura kugaruka kwa Kristo Yesu .
Guhindura imico biragenda bikagera ku ntekerezo no mu by'umwuka bikagera rwose ku ishusho y'Imana, "umuntu wacu w'imbere"agomba guhora ahindurwa mushya uko bukeye n'uko bwije (2 Abakorinto 4:16; reba Abaroma 12:2) . Bityo rero, nka wa mukecuru wo mu gitekerezo cya Pasiteri w'i Herimasi, itorero rirakura, rigatera imbere mu rugero rw'aho buri mwizera nyawe agenda ahindurwa mu bwiza, akazagera ku bwiza bw'Imana ubwo Kristo azaba agarutse.

## 1.Uruhare rwa Kristo n'urw'Umwuka wera

Umuremyi ni we wenyine ushobora kuturemamo imibereho mishya (1 Abatesalonike 5:23) . Ariko rero ntibishoboka tutemeye gukoreshwa nawe. Tugomba rero kwemerera Umwuka wera akatwomatanya na Kristo .Uko dutekereza ku buzima bwa Kristo, Umwuka wera ashobora guhembura umubiri, intekerezo n'umwuka ( Tito 3 :5 ) . Umurimo w'Umwuka wera ni uwo kutwereka Kristo no kutugaruramo ishusho ye (Abaroma 8:1-10) .
Imana yifuza kubana n'abantu bayo; kuko yari yarasezeranye ko "nzatura muri bo"(2 Abakorinto 6:16; reba na 1Yohana 3:24; 4:12); Pawulo yashoboraga kuvuga ati "ni Kristo uri muri jye " (Abagalatiya 2:20; Yohana 14: 2) . Iyo umwizera yumva ko Imana iri mu

mibereho ye, bimuhindura mushya umunsi ku wundi,(2 Abakorinto 4:16) kandi bimuha umutima mushya(Abaroma 12:2 reba na Abafilipi 2:5).

1. **Abafatanije muri Kamere y'ubumana**

«Ibyo yasezeranije bikomeye cyane, by'igiciro cyinshi, bya Kristo ni ingwate y'imbaraga y'ubumana afite ari nayo akoresha ahindura imico yacu».2 Petero 1 :4.
Uko kugira uburenganzira ku mbaraga z'ubumana bituma duhita tubashishwa "kongera ingeso nziza ku kwizera kwacu, ingeso nziza tuzongeraho kumenya; kumenya tukakongeraho kwirinda; kwirinda tukakongeraho kwihangana; kwihangana tukakongeraho kubaha Imana; kubaha Imana tukakongeraho gukunda bene Data; gukunda bene Data tukakongeraho urukundo "
(2 Petero 2:5-7) . Petero avuga ko "ibyo nibiba muri mwe, bikabagwiriramo,bizatuma mutaba abanyabute cyangwa ingumba kubyo kumenya neza Umwami wacu Yesu Kristo, kandi rero utagira ibyo aba ari impumyi" (2 Petero 1:8,9).

**a)Binyuze muri Kristo gusa**

Igihindura abantu mu ishusho y'umuremyi wabo ni uko bambara Kristo kandi bagahinduka abasangiye nawe kamere y'ubumana.(Abaroma 13:14; Abaheburayo 3:14) .Bakanahindurwa bashya n'umwuka wera(Tito 3 :5).Ibyo ni urukundo rw'Imana rwuzuye muri twebwe.(1 Yohanaa 4 :12).Aha hari iyobera risa cyane n'iryo kwigira umuntu k'umwana w'Imana . Nkuko Umwuka wera yabashishije Kristo kugira akamero k'umuntu, ni nako atubashisha gusangira na Kristo imico iranga ubumana, iyo miterere y'ubumana ihindura umuntu imbere, tugasa na Kristo, nubwo tubisanga ku rundi rwego: niba Kristo yari yambaye ubumuntu, abizera ntibashobora guhinduka Imana, bahinduka abasa n'Imana ku bw'imico.

**b)Urugendo ruhindagurika**

Kwezwa ni igikorwa gikomeza . Ku bwo gusenga no kwiga ijambo ry'Imana, dushobora gukomeza gukura mu bumwe n'Imana . Ubumenyi busanzwe ku mugambi w'agakiza ntibuhagije "niba mutarya umubiri w'umwana w'umuntu kandi ngo munywe n'amaraso ye, Yesu niko avuga, nta bugingo muba mufite muri mwe. Urya umubiri wanjye akanywa n'amaraso yanjye afite ubugingo buhoraho, kandi nzamuzura ku munsi w'imperuka, kuko umubiri wanjye ari ibyo kurya by'ukuri kandi amaraso yanjye ni ibyo kurya by'ukuri . Urya umubiri wanjye akanywa no ku maraso yanjye aguma muri jye nanjye nkaguma muri we "(Yohana 6: 53-56).

Ku bw'iyo shusho nzima, Yesu arahamagarira abizera gukurikiza amagambo ye, aravuga ati "amagambo nababwiye niyo mwuka kandi niyo bugingo"(Yohana 6:63; Matayo 4: 4) . Imico igizwe n'ibyo umwuka(wacu) urya kandi ukanywa, nitugogora umutsima w'ubugingo, tuzahinduka duse na Kristo .

**3.Guhinduka k'uburyo bubiri**

Mu w'i 1517, umwaka Luteri(Luther) yagaragaje amahame 95 ku muryango w'inyubako y'ingoro ya Witeniberige; Rafayire(Raphael) yatangiye gukora ishusho ye Iroma yise "kurabagirana". Ibyo bikorwa byombi byari bifite icyo bihuriyeho ,igikorwa cya Luteri cyerekanaga ukuvuka k'ubuporotestanti; naho umurimo wa Rafayire wo gukora iyo shusho wagaragazaga umwuka w'ubugorozi, nubwo bitari umugambi we.
Igishushanyo cye cyerekanaga Yesu ahagaze ku musozi. Uwari utewe na dayimoni amureba afite ibyiringiro kuva akiva mu kibaya(Mariko 9:2-29). Udutsiko tubiri tw'abigishwa kamwe ku musozi akandi mu kibaya, tugaragaza abakiristu b'uburyo bubiri.

Abigishwa ku musozi bashakaga kugumana na Kristo,mubigaragara ntibari bitaye kubyo abo mu kibaya bari bakeneye.Dusubiye mu mateka,abantu benshi bubatse imisozi itandukanya imibereho yabo n'iy'abandi,imibereho yabo ikaba iy'amasengesho atagira ibikorwa.Ku rundi ruhande abigishwa bari mu kibaya bakoraga nta masengesho- bityo imbaraga zabo zo gushaka kwirukana abadayimoni nta cyo zatanze.
Abantu benshi bishyize mu mutego w'igikorwa cyo gufasha abandi ariko bitarimo imbaraga cyangwa n'ubuzima bw'amasengesho bikuraho igikorwa cyo gukorera abandi . Izo nzego zombi z'abakristo zikeneye kuvuguruzwa ishusho y'Imana.

### a) Uguhinduka nyakuri

Imana yifuza guhindura mu ishusho yayo ibiremwa byangiritse ihindura ubushake bwabo,umwuka wabo, n'ibyifuzo byabo ndetse n'imico yabo . Umwuka wera aha abizera guhindura uko babona ibintu.Imbuto ze«Urukundo,ibyishimo,amahoro,kwihangana, kugira neza n'ingesonziza, gukiranuka no kugwa neza no kwirinda" (Abagalatiya 5 :22,23), bigaragaza ubuzima bwabo bwahindutse,nubwo bagumana kuba abangiritse ku bw'imibiri ipfa kugeza ku kugaruka kwa Yesu Kristo . Nitudakomeza kumuninira, Yesu« azigaragaza mu ntekerezo zacu no mu byifuzo,azahuza umutima n'umwuka byacu n' ubushake bwe byerekeza yuko mu kumwumvira tutazita ku bushake bwacu ahubwo tuzita ku bushake bwe.Intekerezo zitunganye kandi zejejwe zizagera ku rugero ruhanitse mu gukurikiza ubushake bw'Imana».

### b) Amaherezo abiri

Kurabagirana kwa Kristo kwashyize ahabona ukundi kuvuguruzanya kudasanzwe . Yesu yararabagiranye ariko, mu bundi buryo, ibyo byari nk'iby'umusore wari mu kibaya . Uwo we yahinduwe mu ishusho ya dayimoni(Mariko 9:1-29) .Aha hagaragaza imigambi ibiri itandukanye : umugambi w'Imana ugamije izahurwa n'umugambi wa satani ushaka kuturimbura.Ijambo ry'Imana rivuga ko "Imana ifite ubushobozi bwo kuturinda kugwa"(Yuda :24). Satani ku rundi ruhande akora uburyo bwe bwose kugira ngo atugumishe muri uko kugwa.

Ubuzima busaba ihinduka rikomeza, nta hagati habaho : turakungahaye mu by'umwuka cyangwa se turihebye, turi imbata zo gukiranuka cyangwa se imbata z'icyaha (Abaroma 6 :17,18).
Utwara intekerezo zacu uwo ari we wese ni nawe utuyobora, niba ku bw'Umwuka wera, Kristo ari mu bugingo bwacu tuzasa nawe, ubuzima bwuzuye umwuka buyobora intekerezo zose bukazigomorera ku kubaha Imana (2 Abakorinto 10:5).Ariko kubaho nta Kristo bidutandukanya na soko y'ubugingo kandi kurimbuka buheriheri bikaba ihame.

***Ubutungane bwa Kristo :***Mbese Bibiliya ivuga iki ku butungane? ni gute umuntu ashobora kugira ubutungane?
***1.Ubutungane ushingiye kuri Bibiliya*** – Amagambo "igitunganye"n'"ubutungane" biva mu busobanuro bw'igiheburayo "tam(tamu)" cyangwa "tamim(tamimi)", asobanuye "icyuzuye", "uburenganzira", "umunyamahoro", "icyuzuye", "utunganye cyangwa se uwera". Muri rusange ijambo ry'ikigereki "teleios(teleyiyosi)" risobanuye "icyuzuye", "igitunganye", "kinini", "gikuze", "amajyambere yuzuye", n' "ikigeze ku mugambi wacyo".

Mu isezerano rya kera, iyo ayo magambo akoreshejwe ku bantu ,aba afite ubusobanuro buhindagurika.
Nowa, Aburahamu, na Yobu bose bagaragara nk'intungane cyangwa abatagira ikizinga (Itangiriro 6:9; 17:1; 22:18; Yobu 1:1,18). Nubwo nta numwe muri bo utaragezweho no gukiranirwa(Itangiriro 9:21; 20; Yobu 40:2-5).

Mu isezerano rishya, "utunganye" bisobanura akenshi abantu bakomeye mu byo bakora bakurikije umucyo bahawe kandi bakaba barageze ku rugero rw'iby'umwuka, intekerezo n'umubiri bishyitse (1 Abakorinto 14:20; Abafilipi 3:15; Abaheburayo 5:14). Abizera bahamagariwe ubutungane mu rugero rwabo bwite, Yesu niko avuga, nkuko Imana ubwayo yera ku rwego rwayo ruhoraho kandi rudashidikanywaho (Matayo 5:48).
Mu maso y'Imana, umuntu wera ni uw'umutima n'ubuzima byitangiye mu buryo bwuzuye kuramya no gukorera Imana kandi bakomeza gukura mu buryo bwo kumenya Imana.Ku bw'ubuntu bw'Imana babaho hakurikijwe umucyo bamenye kandi bishimira ubuzima butsinda muri Yesu Kristo (Abakolosayi 4:12; Yak. 3:2).

**2*. Ubutungane bwuzuye muri Kristo***:Ni gute twahinduka abera ? Umwuka wera aduha ubutungane bwa Kristo. Ku bwo kwizera, imico itunganye ya Kristo ihinduka iyacu. Nta ushobora na rimwe kwibwira ko yabubona ku bwe, nk'ukora ikintu kiri muri kamere yavukanye cyangwa ari ikintu afiteho uburenganzira. Ubutungane ni impano y'Imana.Hanze ya Kristo inyokomuntu ntishobora kubona gukiranuka. "Uguma muri jye nanjye muri we, yera imbuto nyinshi kuko ntacyo mwakora mutamfite" (Yohana 15:5).Ni Kristo waduhindukiye ubwenge buva ku Mana,gukiranuka ,kwezwa ndetse no gucungurwa.(1 Abakorinto 1:30).

Muri Kristo,iyo mico niyo igize ubutungane bwacu. Yabirangije rimwe byose: kwezwa ndetse no gucungurwa kwacu.Nta numwe ushobora kugira icyo yongera ku byo yakoze. Umwambaro wacu w'ubukwe cyangwa ikanzu yo gukiranuka byaturutse ku bugingo, urupfu n'umuzuko wa Kristo.Ubu Umwuka wera abifashe nk'umusaruro w'ibyamaze

kurangira kandi akabigaragariza mu buzima bw'umwizera. Muri ubwo buryo dushobora kuba twakuzuzwa kugeza ku kuzura kw'Imana (Abefeso 3:19).

***3. Inzira igera ku butungane :*** Ni uruhe ruhare tubigiramo nk'abizera? Binyuze mu gikorwa cy'uko Kristo atuye muri twe, turakura tukagera ku gihagararo cy'iby'umwuka gishyitse. Ku bw'impano Imana iha itorero ryayo dushobora gukura kugeza ubwo tuzashobora kuba abantu bashyitse,bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo (Abefeso 4 : 13).

Dukeneye gukura birenze kuba abana mu by'umwuka (Abefeso 4:14);tukagera hejuru y'amahame y'ukuri y'ingenzi y'ubuzima bwa gikirisito,tukagera ku byo kurya bikomeye byateguriwe abizera bakuru (Abaheburayo 5;14).Ni yo mpamvu Pawulo avuga ati« Dukwiriye kuba turetse guhora mu bya mbere bya gikirisito, tukigira imbere, ngo tugere aho dutunganirizwa rwose »(Abaheburayo 6:1). Kandi nibyo nsaba mu masengesho yanjye, ni ukugira ngo urukundo rwanyu rugume kugwiza ubwenge no kumenya kose, mubone uko murobanura ibinyuranye, kandi mubone uko muba abataryarya n'inyangamugayo kugeza ku munsi wa Kristo mwuzuye imbuto zo gukiranuka ziheshwa na Yesu Kristo, kugira ngo Imana ishimwe kandi ihimbazwe (Abafilipi 1:9-11).

Ubuzima bwejejwe si ubuzima budashobora guhura n'ibirushya cyangwa imbogamizi. Pawulo yahamagariraga abizera gukora ku bw'agakiza "batinya kandi bahinda umushyitsi". Ariko yongeraho aya magambo abakomeza ati "Kuko Imana ariyo ibatera gukora ibyo yishimira".

"Muhugurane umwe ku wundi buri munsi [...] hatagira n'umwe wo muri mwe unangirwa umutima n'ibihendo by'ibyaha, kuko twahindutse abafatanije na Kristo, niba dukomeza rwose ibyiringiro byacu ngo bikomere kugera ku mperuka" (Abahebrayo 3:13,14; Matayo 24:13).

Nyamara ariko Bibiliya iratuburira iti "niba dukora ibyaha nkana, tumaze kumenya ukuri, ntihaba hagisigaye igitambo cy'ibyaha, keretse gutegerezanya ubwoba gucibwaho iteka" (Abaheburayo 10:26,27).

Iyo mpanuro igaragaza ko abizera bakeneye ikindi kintu kirenze ku gutsindishirizwa gusa no kwezwa byuzuye neza. Bakeneye kwera ku mico, nubwo agakiza gaturuka ku kwizera. Uburenganzira bwacu bwo kujya mu ijuru bukomeza gushingira mbere na mbere ku gukiranuka kwa Kristo. N'ikirenze ku gutsindishirizwa, umugambi w'ijuru ku gakiza werekana ko dushobora kujyayo kubwa Kristo utuye muri twe. Ubwo burenganzira bwo kujya mu ijuru bugaragarizwa mu mico y'umuntu ibyo bikaba igihamya cyuko twakiriye agakiza.

Mbese ibyo bisobanuye iki mu mvugo ya kimuntu ? Gusenga ubudasiba ni ingenzi kugirango umuntu abeho imibereho yejejwe kandi itunganye kuri buri ntambwe yo gukura mu by'umwuka ni yo mpamvu«tudahwema kubasabira ku Mana uhereye igihe twabyumviye, twifuza ko mwuzuzwa ubwenge bwose bw'umwuka no ku kumenya kose, ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka. Mugende nk'uko bikwiriye ab'umwami wacu, mu

munezeze muri byose ,mwere imbuto z'imirimo myiza yose kandi mwunguke kumenya Imana" (Abakolosayi 1:9,10).

**Gutsindishirizwa kwa buri munsi :**

Abizera bose babaho ubuzima bwejejwe bwuzuye umwuka wera(badafite Kristo) bagaragaza ko bakeneye gutsindishirizwa kwa buri munsi.Turagukeneye bitewe n'ibicumuro byacu ariko na none bitewe n'amakosa dukora tutabishaka. Igihe yamenyaga ubugome bw'umutima w'umuntu. Dawidi yasabye imbabazi ku byaha yari yakoreye mu bwihisho(Zaburi 19:13; Yeremiya 17:9). Byumwihariko kubireba ibyaha by'abizera, Imana idusezeranira ko nihagira umuntu ukora icyaha, dufite umurengezi kuri Data wa twese, ni we Yesu Kristo ukiranuka(1 Yohana 2:1).

**Imibereho y'agakiza n'ahazaza**

Agakiza kacu kazuzura ku buryo bwuzuye kandi bwanyuma igihe tuzahabwa ubwiza mu muzuko cyangwa se tujyanywe mu ijuru. Biciye mu guhabwa ubwiza, Imana isangira n'abacunguwe imirasire y'ubwiza bwayo. Ibyo nibyo byiringiro dufite nk'abana b'Imana. Pawulo aravuga ati"tubone uko twishimira ibyiringiro byo kuzabona ubwiza bw'Imana"(Abaroma 5:2). Ibyo bizasohora ubwo Yesu azaba agarutse ubwa kabiri, "igihe azigaragaza ku bamutegereje ku bw'agakiza kabo"(Abaheburayo 9:28).

**Guhabwa ubwiza no kwezwa**

Kuba muri twe kwa Kristo ni kimwe mu bisabwa mu gakiza kacu k'ahazaza aribyo guhabwa ubwiza kw'imibiri yacu ipfa. "Kristo muri mwe nkuko Pawulo abivuga,ni we byiringiro by'ubwiza"(Abakol 1:27). Atanga ubusobanuro ahandi ko niba umwuka w'iyazuye Yesu mu bapfuye atuye muri twe, iyazuye Kristo mu bapfuye izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'umwuka wayo uba muri mwe (Abaroma 8:11). Pawulo adusezeranira ko Imana yadutoranije ku ntangiriro ku bw'agakiza gaheshwa no kwezwa kuva ku Mwuka no ku bwo kwizera ukuri [...] kugira ngo muhabwe ubwiza bw'umucuguzi wacu Yesu Kristo (2 Abatesalonike 2:13,14).
Muri we, dufite umugabane mu ngoma y'ubwami bw'Imana (Abakolosayi 3:1-4). Abahawe Umwuka wera barangije gusogongera ku mbaraga z'ibinyejana bizaza (Abaheburayo 6:4,5). Ku bwo kwitegereza ubwiza bw'Umwami no guhanga amaso imibereho y'urukundo dukomora kuri Kristo dukomeza guhindurirwa gusa nawe mu bwiza buruta ubundi kuba bwiza" (2 Abakorinto 3:18)-twitegura ku guhinduka kuzaba Yesu nagaruka ubwa kabiri.

Gucungurwa kwacu guheruka no guhinduka abana b'Imana bizabaho mu gihe kizaza. Pawulo avuga ko "kuko ndetse n'ibyaremwe byose bitegerezanya amatsiko guhindurwa kw'abana b'Imana", yongeraho ko "dutegereje guhindurwa abana b'Imana niko gucungurwa kw'imibiri yacu" (Abaroma 8: 19, 23; reba n'Abefeso 4:30).

Iki gikorwa gikomeye kizaba«Igihe ibintu byose bizongera gutunganywa nk'uko Imana yavugiye mu kanwa k'abahanuzi bera bayo bose,uhereye kera kose».(Ibyakozwe n'intumwa3:21).Ibyo Kristo abyita «kongera guhindura ibintu byose ngo bibe bishya»(Matayo19:28). Ubwo rero «Ibyo biremwa bizabaturwa kuri ubwo bubata bwo kubora bikinjira mu mudendezo w`ubwiza bw'abana b'Imana».(Abaroma 8:21.)

Igitekerezo cya Bibiliya cyo kwakirwa no gucungurwa cyangwa se agakiza, byarujujwe, nyamara kandi mu bundi buryo kikanavuga ko uwo murimo utarasozwa, cyataye bamwe mu rujijo rukomeye.Kugira umucyo wuzuye ku murimo wa Kristo utanga igisubizo cy'icyo kibazo.«Pawulo yafataga agakiza kacu k'iki gihe agasanishije no kuza kwa mbere kwa Kristo».

Haba mu gitekerezo cy'umusaraba,mu kuzuka no mu murimo wa Kristo mu ijuru we gutsindishirizwa no kwezwa byacu birahagije kandi birashinganye by'iteka ryose.Nyamara Pawulo yavugaga iby'agakiza k'ahazaza aribyo guhabwa ubwiza kw'imibiri yacu, abisanisha no kugaruka kwa kabiri kwa Kristo.

«Kubw'iyo mpamvu,Pawulo ashobora kuvugira icyarimwe ati"Twarakijijwe",ashingiye ku musaraba no kuzuka kwa Kiristo byo mu gihe cyashize; kandi akanavuga ati"Ntiturakizwa" yerekeza ku kugaruka kwa Kristo aribwo hazabaho gucungurwa kw'imibiri yacu.»

Gutsindagira agakiza kacu k'iki gihe, nyamara tukirengagiza agakiza k'ahazaza,byaba ari uburyo bupfuye kandi buteje akaga twaba tubonamo agakiza kuzuye muri Kristo.

**Guhabwa ubwiza no gutunganywa.**Bamwe batekereza bibeshya ko inyokomuntu ishobora no muri iki gihe kugera ku guhabwa ubwiza.Pawulo,wivuze ko ari umukozi w'Imana, ageze mu busaza yaranditse ati«Si uko maze guhabwa cyangwa ngo mbe maze gutunganwa rwose,ahubwo ndakurikira kugira ngo ahari mfate icyo kristo yamfatiye.Bene data,sinibwira ko maze kugifata,ariko kimwe cyo nibagirwa ibiri inyuma ngasingira ibiri imbere.Ndamaranira kugera aho dutanguranwa,ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu.»(Abafilipi 3:12-14)

Kwezwa ni igikorwa gikomeza.Gutungana bishobora kuba ibyacu ubu gusa muri Kristo.Nyamara guhindurirwa gusa n'Imana kwa nyuma k'ubuzima bwacu,bizaba Kristo agarutse.Pawulo aravuga ati« uwibwira ko ahagaze yirinde atagwa.»(1Abakorinto 10:12.)Amateka ya Isirayeli n'ubuzima bwa Dawidi,Salomo na Petero,ni imiburo dukwiriye kwitaho.«Mu gihe cyose cy'ubuzima,bizaba ngombwa ko dutanga impamvu z'ibyo twemera n'ibyo twifuza.Hari ukwangirika kw'imbere n'ibigeragezo bituruka hanze kandi nubwo bimeze gutyo Imana ishaka ko umurimo wayo utera imbere,Satani ashakisha uburyo bwose yakwigarurira imitima yacu.Nta na rimwe twumva dutekanye,keretse gusa twunzwe n'Imana,ubuzima bwacu buhishanywe na Kristo mu Mana.»

Guhindurwa kwacu guheruka kuzuzwa igihe umubiri wacu uzambikwa kutabora,igihe Umwuka wera azashyira muri twe kuremwa nk'uko twahoranye.

**Ishingiro ryo kwemerwa n'Imana kwacu**

Yaba imico isa n'iya Kristo,yaba imyitwarire nziramakemwa,ntibyaba ishingiro ryo kwemerwa n'Imana kwacu.Gukiranuka gukiza guturuka ku muntu umwe ukiranuka ariwe Yesu,kandi kutugeraho binyuze ku mwuka wera.Nta ruhare na ruto tugira mu mpano yo gukiranuka twaherewe muri Kristo;dushobora gusa kuyakira.Nta muntu n'umwe ukwiriye kwitwa umukiranutsi uretse Kristo (Abaroma 3:10) Gukiranuka k'umuntu,kubonetse nta butabazi bw'Imana,ni ubushwambagara bwuzuye ibizinga.
(Yesaya 64:6;Danyeli 9:7,11,20;!Abakorinto1:30)

Ndetse n'igisubizo cyose twatanga ku rukundo rukiza rwa Kristo ntigishobora gushingirwaho kuba urufatiro rwo kwemerwa kwacu ku Mana.Uko kwemerwa kugaragarira mu murimo wa Kristo.Mu kutuzanira  Kristo,Umwuka wera atubashisha kwemera iryo rarika.

Mbese kwemerwa duhabwa n'Imana gushingiye ku gukiranuka kwa Kristo gutsindishiriza cyangwa se ku gukiranuka kweza,cyangwa se ni kuri byombi? Jean Calvin(Yohani kaluvini) yatsindagiye ko«Nk'uko Kristo adashobora kugabanywamo ibice bibiri ni nako gukiranuka no kwezwa ari byo twakirira kugira ngo duhindurwe umwe nawe bidashobora gutandukanywa.»

Umurimo wa Kristo ugomba kugaragarira mu kuzura kwawo kose.Ibi bituma havaho inyigisho yose yerekeye aya magambo abiri igendereye«Gusobanura mu buryo budafashije itandukaniro riri hagati yo Gutsindishirizwa no kwezwa.[...]Kuki wagerageza kwitekerereza ibyawe bidashinga aho kureka ukumvishwa  n'Umwuka wera iby'iki kibazo cy'ingenzi cyerekeye gukiranuka ku bwo kwizera»

Nk'uko izuba ritanga umucyo waryo n'ubushyuhe bikaba bitandukana n'ubwo imimaro yabyo itandukanye,ni nako Kristo yaje kutubera gukiranuka no kwezwa(1Abakorinto1:30). Ntabwo twatsindishirijwe gusa, ahubwo  muri we twaranejejwe byuzuye.

Umwuka wera atanga «Birarangiye» y'i Kaluvari,abwira buri wese muri twe, igikorwa kimwe rukumbi cyo kwemerwa n'ijuru kw'inyokomuntu.Iyi «Birarangiye» yavugiwe ku musaraba,iba inavuga yerekeza ku mbaraga zose umuntu akoresha ngo abone imbabazi z'Imana.Mu kwakira uwabambwe,Umwuka aduha ishingiro rukumbi ryo kwemerwa n'Imana kwacu,atwereka uburyo bw'ukuri kandi bunoze bwerekeye agakiza kateganyirijwe buri wese.

# BIBILIYA IMPA UMUCYO KU ITORERO

**IGICE CYA CUMI NA KIMWE**

**GUKURIRA MURI KRISTO**

***Binyuze mu rupfu rwe ku musaraba Yesu yanesheje imbaraga za satani.We wirukanaga imyuka y'abadayimoni mu gihe cy'umurimo we hano ku isi***

***yanamenaguye imbaraga zayo kandi ahamya ibyo gucirwaho iteka kwayo.Insinzi ya Kristo iduha kunesha imbaraga z'umubi zihora zishaka kutwigarurira,igihe tugendana nawe mu mahoro,umunezero kandi twiringiye urukundo rwe.Icyo gihe Umwuka w'Imana aguma muri twe kandi akaduha kunesha.Uko dukomeza kugendana na Yesu nk'umukiza n'umwami wacu,tubaturwa mu bubata bw'ibikorwa bibi twahozemo.Ntabwo tuba tukigendera mu mwijima,dutinya imbaraga z'umubi,tugendera mu bujiji no mu migendere idahwitse y'ubuzima bwacu bwa kera.Muri uyu mudendezo mushya dufite muri Kristo,duhamagarirwa gukurira muri we,dusabana nawe buri munsi mu masengesho,twiga ijambo rye,turitekerezaho tunatekereza ku rukundo rwe,tumuhimbaza,duteranira hamwe kumuramya kandi tugira uruhare mu murimo w'Itorero.Igihe twitangira umurimo mwiza wo gufasha abatuzengurutse kandi duhamya iby'agakiza ke, kubana kwe natwe buri kanya, binyuze mu mwuka wera, bituma buri mwanya na buri gikorwa biduhindukira imibereho***
***y'iby'umwuka.(Zab.1 :1,2 ;23 :4 ;77 :11,12 ;Kol1 :13,14 ;2 :6,14,15 ;Luka10 :17-20 ;Abefeso 5 :19,20 ;6 :12-18 ; 1tesal.5 :23 ;2Pet.2 : ;3 :18 ;2kor.3 :17,18 ; Abafilipi 3 :7-14 ;1Tesal.5 :16-18 ;Mat.20 :25-28 ;Yh 20 :21 ;Gal.5 :22-25 ;Rom.8 :38,39 ;1 Yh4 :4 ;Heb.10 :25.***)

KUVUKA NI IGIHE CY'IBYISHIMO.Urubuto ruramera,maze kugaragara k'utwo tubabi tubiri twa mbere kukanezeza umuhinzi.Umwana aravuka,maze kurira kwe kwa mbere kugatangariza abatuye isi ko hari ubuzima bushya bugomba kwitambwaho.Umubyeyi yibagirwa umubabaro we wose maze akifatanya n'abagize umuryango mu byishimo by'uwo munsi mukuru.Igihugu kibona ubwigenge maze abaturage bacyo bose gagafata inzira bakuzura imihanda na buri duce tw'imigi bazunguza ibimenyetso byerekana ibyishimo bafite.Ariko ibaze nawe:Utwo tubabi tubiri tudahindutse tune ahubwo tugakomeza kuba twa tundi cyangwa tukaraba; ibaze kandi hashize umwaka rwa ruhinja rudasetse haba no gukambakamba ahubwo rugakomeza kunyinyirirwa mugahinda rwinjiranye mu isi; cya gihugu kimaze kubona ubwigenge,mu gihe gito,gihindutse inzu y'imbohe yuzuye ubwoba,iyicarubozo n'uburetwa.

Umunezero w'umuhinzi,ibyishimo bisaze by'umubyeyi n'isezerano ry'ahazaza huzuye umudendezo bihinduka akumiro,agahinda n'amaganya.Gukura mu buryo bukomeza, buhoraho, butagwingira, kandi bwera imbuto, ni ingenzi mu buzima.Hatabayeho uko gukura, kuvuka ntacyo kwaba kuvuze, nta ntego habe n'icyerekezo.Gukura n'ubuzima birajyana; haba mu by'umwuka ndetse n'iby'umubiri.Gukura k'umubiri gusaba indyo yuzuye,ahagukikije heza,imyitozo ngororangingo,uburere,guhugurwa,n'ubuzima bwuzuye intego.Ariko ikibazo cyo kwitabwaho ahangaha ni ikirebana no gukura mu by'umwuka.None se ni gute dukurira muri Kristo kandi tugakomerera muri we? Ni izihe ntambwe zo gukurira muby'umwuka?

**Ubuzima butangirira mu rupfu.**

Bishoboka ko ihame shingiro kandi rukumbi ku bijyanye n'ubuzima bwa gikristo ari uko butangirira mu rupfu; byumvikana neza ko ari ugupfa k'uburyo bubiri.Ubwa mbere,urupfu

rwa Kristo ku musaraba butuma bishoboka ko tugira kubaho bundi bushya ; tubohowe ububata bwa satani (Abakolosayi 1 :13,14),
gucirwaho iteka n'icyaha(Abaroma 8 :1),tutari imbata z'urupfu n'igihano cy'icyaha (Abaroma 6 :23) kandi ruzana kungwa kw'Imana n'abantu.Ubwa kabiri,gupfa kw'inarijye bitubashisha gusingira ubugingo Kristo aduha.Ingaruka y'ibyo,ari nacyo cya gatatu, ni uko tugendera mu bugingo bushya.

***Urupfu rwa Kristo.***Umusaraba ni izingiro ry'inama y'agakiza y'Imana.Iyo utabaho satani n'abamarayika be ntibaba baratsinzwe,ikibazo cy'icyaha ntikiba cyarabonewe umuti,kandi urupfu ntirwajyaga kuneshwa.Intumwa iratubwira iti "Amaraso ya Yesu Kristo umwana wayo atwezaho ibyaha byose"(1Yohana 1 :7).Amagambo anejeje yo mu byanditswe byera aravuga ngo "kuko Imana yakunze abari mu isi cyane".Niba igitekerezo cy'inama y'agakiza cyaraturutse ku rukundo rw'Imana,ishyirwa mu bikorwa ryayo risobanurwa mu isubi ya kabiri y'uwo murongo "byatumye itanga umwana wayo w'ikinege."Impano rukumbi y'Imana si uko yatanze umwana wayo,ahubwo yamutangiye gupfira ibyaha byacu. Hatabayeho umusaraba,nta kubabarirwa ibyaha kwabaho,nta bugingo buhoraho yemwe nta no kunesha satani kwabaho.

Binyuze mu rupfu rwe ku musaraba,Kristo yanesheje satani.Kuva igihe Yesu yageragezwaga mu butayu ugakomeza no mu kababaro ke Igetsemani,satani yagabye ibitero bikomeye ku mwana w'Imana ngo ace intege ugushaka kwe,amutere gushidikanya mu murimo we,amutere kutiringira se,kandi amuhatire guta inzira yo kwihanganira igikombe cy'icyaha cy'inyokomuntu nk'igitambo gihuza abantu n'Imana.Umusaraba wabaye igitero cya nyuma.Icyo gihe Satani n'abamarayika be bari bahari mu ishusho y'abantu,kugira ngo bongere umurego muri iyo ntambara yo kurwanya Imana kugeza ku mahenuka,bizeye ko Kristo yagombaga kumanuka akava ku musaraba bityo akaba ananiwe gusohoza umugambi w'Imana wo gucungura itanze umwana wayo ngo abe igitambo cy'ibyaha (Yohana 3 :16).Ariko mu gutanga ubugingo bwe ku musaraba,Kristo yamenaguye imbaraga za satani,"Kandi imaze kunyaga abafite ubutware n'ubushobozi,ibahemura ku mugaragaro,ibivuga hejuru kubw'umusaraba"(Abakolosayi 2 :15).Ku musarabaYatsinze urugamba.Ikiganza cye (Kristo) cy'iburyo n'ukuboko kwe kwera byamuhesheje insinzi. Nk'umuneshi,ibendera rye ryazamuwe by'iteka ryose….Ijuru ryose ryanesheje kubw'insinzi y'umukiza.Satani yaratsinzwe kandi amenya ko  ubwami bwe buhangutse.

Ibisobanuro intumwa yatanze mu Bakolosayi bikwiriye kwitabwaho.Icya mbere,Kristo yanyaze abafite ubutware n'ubushobozi bw'umubi.Mu kigiriki ijambo yanyaze risobanurwa "kwambura ubushobozi".Kubera umusaraba,Satani yambuwe imbaraga zose ;nta bubasha afite ku bantu b'Imana,mu gihe cyose ibyiringiro byabo babishyize muwabazaniye agakiza ku musaraba.Icya kabiri,Umusaraba watumye satani n'ingabo ze "bishimwa hejuru" ku mugaragaro.Wa wundi wigeze kwirarira avuga ko "azasa nk'isumba byose"(Yesaya14 :14) ubu niwe wahindutse iciro ry'imigani kandi watsinzwe.Umwanzi ntagifite ububasha ku bizera bavuye mu bwami bw'umwijima bakinjira mu bwami bw'umucyo (Abakolosayi 1 :13).Icya gatatu,umusaraba utanga ubwishingizi bw'insinzi y'iteka ryose kuri satani,icyaha n'urupfu.

Bityo rero,umusaraba wahindutse igikoresho cy'intsinzi y'Imana ku mubi :

- Nibwo buryo butuma kubabarirwa ibyaha bishoboka (Abakolosayi 2 :13)
- Abari mu isi bunzwe n'Imana(2 Abakorinto 5 :19)
- Ibyiringiro by'uko dushobora kubaho muri ubu buzima tunesha kandi dukurira muri Kristo,ari nabwo ibyaha bitazimikwa mu ntekerezo, mu mibiri yacu (Abaroma 6 :12) no mu buzima bwacu nk'abahungu n'abakobwa b'Imana (Abaroma 8 :14)
- Ibyiringiro by'iteka by'uko iyi si y'umubi,isi iri mu butware bwa satani,izezwaho icyaha cyose (Ibyahishuwe 21 :1).Kuri buri ngazi y'uru rwego rwo gucungurwa n'insinzi,tubona gusohora k'ubuhanuzi bwa Kristo bwite,"Nabonye satani avuye mu ijuru,aguye asa n'umurabyo"(Luka10 :18).

Kubambwa kwa Kristo ni igikorwa cyo gucungura Imana yakoze kubw'ikibazo cy'icyaha.Nubwo tujya tubyibagirwa,Kristo yavuze ko «Amaraso ye yagombaga kuva kubwa benshi ngo bababarirwe ibyaha» (Matayo 26:28).Uko kumeneka kw'amaraso ni ingenzi mu mibereho no kwishimira agakiza kwacu.Hari impamvu imwe ituma ayo maraso avuga ku by'icyaha.Icyaha ni ikintu kigaragara.Icyaha ni ikintu gikomeye.Ubumara bw'icyaha burakomeye kandi ni injyanamuntu ku buryo kubabarirwa, kuva mu bubata no gukira ikidodo byacyo bidashoboka hatabayeho «amaraso y'igiciro ya Kristo» (1Petero 1:19).Uku kuri kwerekeranye n'icyaha gukwiye guhora gusubirwamo umunsi ku wundu,kubera ko dutuye mu isi yirengagiza ukuri kwerekeranye n'icyaha cyangwa rimwe na rimwe igasa nkaho ntacyo ibyo biyibwiye.Ariko ku musaraba tuhabona kamere mbi y'icyaha,ishobora kwezwa gusa na ya maraso «Ava ku bwa benshi ngo bababarirwe ibyaha» (Matayo 26:28).

Mureke twe kwibagirwa na rimwe cyangwa ngo twirengagize ko Kristo yapfiriye ibyaha byacu,kandi yuko iyo ataza kudupfira nta kubabarirwa kwari kubaho.Ibyaha byacu nibyo byatumye Yesu abambwa ku musaraba.Nk'uko Pawulo abivuga«Tukiri abanyantege nke mu gihe gikwiriye Kristo yapfiriye abanyabyaha…ariko Imana yerekanya urukundo rwayo idukunda ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha» (Abaroma 5:6,8).Nyamara nk'uko Ellen White abivuga "icyaha cyatsikamiye Kristo,kandi umujinya Imana yari ifitiye icyaha wasutswe kuri we".Nta mpamvu yo kutubuza kwemeza no gutangaza iby'igitambo cya Kristo cyatambwe rimwe ngo bibe bihagije iteka ubwo yitambaga (Abaroma 6:10;Abaheburayo 7:27;10:10).

Ntabwo twakijijwe na Kristo nk'umuntu mwiza,Kristo nk'Imana Muntu,Kristo umwigisha w'igitangaza cyangwa Kristo intangarugero.Twakijijwe na Kristo wo ku musaraba. Kristo yahindutse icyo twari cyo kugira ngo duhinduke icyo yari cyo.Yazize ibyaha byacu,atigeze agira mo uruhare kugira ngo dutsindishirizwe no gukiranuka kwe,tutigeze tugiramo uruhare.Yapfuye urupfu twagombaga gupfa kugira ngo duhabwe ubugingo bwe.Imibyimba ye ni yo adukirisha.

Na none amaraso ya Yesu ahamya kubabarirwa icyaha kandi akanatanga imbuto yo kuvukira no gukurira mu buzima bushya.Kimwe mu bintu bya mbere bigize uko kuvuka no gukurira mu buzima bushya ni ukungwa n'Imana.Umusaraba ni igikoresho gikomeye cy'Imana mu kwiyunga n'inyokomuntu.Pawulo aravuga ati «Muri Kristo ni mw'Imana

yiyungiye nabari mu isi» (2 Abakorinto 5:19).Bitewe ni icyo yakoze ku musaraba,dufite ubushobozi bwo guhagarara imbere y'Imana tudafite icyaha nta n'ubwoba.Icyadutandukanyaga n'Imana cyakuweho.«Nk'uko iburasirazuba hitaruye iburengerazuba,niko, yataye kure ibicumuro byacu»(Zaburi 103:12).Ku musaraba umwana w'umuntu yadufunguriye inzira itugeza ku Mana.Ku musaraba Yesu yaravuze ati «Birarangiye»,bityo ahamagarira abamukurikira kugirana umushyikirano uhoraho n'Imana.

Kungwa n'Imana bihita bitugeza mu gice cya kabiri cyo gukura kwacu kubwo gucungurwa: kwiyunga na bagenzi bacu.Imwe mu mashusho meza yo ku musaraba ni abantu batandukanye bari bahateraniye.Bose siko bari bashyigikiye Yesu.Bose siko bari abera.Ariko itegereze abo bantu.Bari abanyegiputa binezezaga mu mirimo yabo;bari abaromani birataga iterambere n'umuco byabo;bari Abagiriki bari baraminuje amashuri;Bari abayuda bibwiraga ko ari ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe;bari Abafarisayo batekerezaga ko ari abatoranyijwe mu bwoko bwatoranyijwe;bari Abasadukayo batekerezaga ko ari indakemwa mu by'idini;bari imbata zashakaga umudendezo;bari abantu b'umudendezo birunduriye mu iraha no mu binezeza;bari abagabo,abagore n'abana.

Nyamara umusaraba ntiwigeze ubatandukanya.Bose wababonaga nk'abanyabyaha;bose wabahaye inzira mvajuru y'ubwiyunge.Abantu bose barareshya imbere y'umusaraba.Bose bahurijwe hamwe kandi nta kintu kikibasha kubatandukanya.Bongeye kubona ubuzima bwa kivandimwe.Umushyikirano mushya uratangira.Iburasirazuba hahura n'iburengerazuba,amajyaruguru aramanuka ahura n'amajyepfo,abirabura bahoberana n'abera,abakire batera intambwe ngo basabane n'abakene.Umusaraba ugeza abantu bose ku iriba ry'amaraso kugira ngo basongere ku buryohe bw'ubuzima,basangire imibereho yuzuye ubuntu,kandi batangarize isi ko ubuzima bushya n'umuryango mushya byabonetse (Abefeso 2:14-16).Bityo rero umusaraba watsinze Satani n'icyaha,ibyo bituzanira ubugingo bushya muri Kristo.

***Gupfa ku narijye.***

Ikintu cya kabiri cy'ingenzi mu buzima bushya no gukura bya gikristo ni ugupfa kuri kamere yacu yakera.Ntiwasoma isezerano rishya ngo ubure guhura n'iki kintu shingiro cy'ubuzima bushya bw'umukristo.Soma Abagalatiya 2:20,21«Nabambanywe na Kristo,ariko ndiho;nyamara si njy'uriho,ahubwo ni Kristo uriho muri njye.Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri,mbikoreshwa no kwizera umwana w'Imana wankunze akanyitangira» Cyangwa Abaroma 6:6-11«Kandi tumenye iki,yuko umuntu wacu wa kera yabambanywe na we,kugira ngo umubiri w'ibyaha ukurweho,twe kugumya kuba imbata z'ibyaha…ab'ari ko namwe mwiyumvamo ko mwapfuye ku byaha,mukaba muriho ku Mana muri Kristo umwami wacu».Soma na none amagambo ya Yesu kubyerekeye ihame ry'ubuzima bushya: «Ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko,iy'akabuto k'ishaka kataguye hasi ngo gapfe,kagumaho konyine;ariko iyo gapfuye,kera imbuto nyinshi» (Yohana 12:24).

Bityo,ubuzima bwa gikristo ntibutangirana no kuvuka.Butangirana n'urupfu.Igihe inarijye itarapfa,igihe itarabambwa,nta ntangiro iba iriho na gato.Hagomba kubaho ahantu inarijye

inesherezwa."Umuntu wese iyo ari muri Kristo Yesu ab'ari icyaremwe gishya;ibya kera biba bishize dore byose biba bihindutse bishya."(2 Abakorinto 5:17). Ubuzima bwa gikristo si uguhinduka cyangwa inonosorwa ry'ikintu gishaje,ahubwo ni uguhinduka kwa kamere.Hari ugupfa ku narijye no ku cyaha,ibyo bikazana ubuzima bushya.Umurimo ukomeye w'umwuka wera niwo wonyine uzana uko guhinduka.Intumwa yerekana ko gupfa ku cyaha no kuzukana ubuzima bushya byose binyura mu mubatizo:"Ntimuzi yuko twese ababatirijwe muri Yesu Kristo,twabatirijwe no mu rupfu rwe? Nuko rero,kubw'umubatizo twahambanywe na we mu rupfu rwe,kugira ngo nk'uko Kristo yazuwe n'ubwiza bwa Data wa twese,ab'ari ko natwe tugendera mu bugingo bushya" (Abaroma 6:3,4).Nuko rero, mu buryo bw'igishushanyo, umubatizo ufungura umuryango w'ubugingo bushya,kandi ukaturehereza ku gukurira muri Kristo.

Hari igihinduka mu buzima bw'umuntu umaze kwakira Yesu nk'umukiza n'umwami we.Petero w'umunyantege nke yahindutse Petero w'umunyamwete.Pawulo warenganyaga yahindutse Pawulo w'umubwirizabutumwa.Tomasi wari wuzuwemo no gushidikanya yahindutse umwigisha.Ubunebwe busimburwa n'umwete.Gushidikanya gukurwa no kwizera.Ishyari rimirwa n'urukundo.Kwikunda gusimburwa no kwita ku bandi.Icyaha nta mwanya kiba kigifite mu mutima.Inarijye irabambwa.Niyo mpamvu Pawulo avuga ati « mwiyambuye umuntu wa kera n'imirimo ye…mwambare umushya,uhindurirwa mushya kugira ngo agire ubwenge,kandi ngo ase n'ishusho y'iyamuremye» (Abakolosayi 3:9,10).

Yesu yaravuze ati «Umuntu nashaka kunkurikira,yiyange,yikorere umusaraba we,ankurikire» (Matayo 16:24; Luka 9:23).Mu buzima bwa gikristo ,gupfa kw'inarijye si igitekerezo ahubwo ni ngombwa.Abigishwa ba Kristo bagomba gutanga igisubizo ku byo umusaraba usaba byaba ibya none n'iby'iteka.Ubusobanuro bwa Dietrich Bonhoeffer(soma Diyetirici Bonifa) ni ingenzi.

Yaranditse ati «Niba ubukristo bwacu butakita ku kuba abigishwa kwacu,niba ubutumwa bwiza twarabutesheje agaciro tukabuhindura ibyiyumviro bidafite icyo bisaba kandi bidashobora gushyira itandukaniro hagati y'imibereho isanzwe n'imibereho ya gikristo,icyo gihe ntitubasha gusobanukirwa umusaraba nk'ibibazo bya buri munsi, nka kimwe mu bigeragezo n'imibabaro yo mu buzima….Iyo Kristo ahamagaye umuntu amuhamagarira kuza ngo apfe….ni urupfu rwa buri munsi,gupfira muri Yesu Kristo,ni ugupfa k'umuntu wa kera».

Nuko rero umuhamagaro wa gikristo ni umuhamagaro w'umusaraba;ni uguhora dupfa ku narijye no ku byifuzo byayo byo gushaka kwikiza maze tukiyegurira uwababambwe,kugira ngo «kwizera kwanyu kudahagarararira ku bwenge bw'abantu,ahubwo mu mbaraga z'Imana»(1Abakorinto 2:5).

### *Kugira imibereho mishya*

Intambwe ya gatatu yo gukurira muri Kristo ni ukugira imibereho mishya.Kimwe mu bintu bikomeye kumvikana mu buzima bwa gikirisito ni uko agakiza ari impano y'ubuntu ku bw'ubuntu bw'Imana kandi yuko icyo ari ikigikorwa cyabaye by'iteka ryose. Ntabwo ari ikintu kiri kuba muri iki gihe.Ni ukuri koko muri Yesu«yaduhesheje gucungurwa kubwo

amaraso ye,ariko kubabarirwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri. »(Abefeso 1:7)Kandi ni ukuri koko «mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana.Ntibyavuye no kumirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira»(Abefeso 2:8,9)

Ni ukuri koko ubuntu butangwa nta kiguzi.Ariko ubuntu bwaguze ubugingo bw'umwana w'Imana.Ubuntu ntibivuze ubuntu budafite agaciro.Bonhoeffer(Banefa) avuga ko«ubuntu bw'agaciro gake ari inyigisho yose yigisha imbabazi nta kwihana,umubatizo utita ku myitwarire myiza itorero risaba,umushyikirano nta kwatura kubayeho,kubabarirwa ibyaha umuntu atiyaturiye ku giti cye.Ubuntu bw'agaciro gake rero ni iyo nyigisho y'ubuntu bwirengagiza imyitwarire myiza,ubuntu butita ku musaraba,ubuntu butarimo Yesu wihinduye umuntu kandi ubu akaba ariho».

Ubuntu bw'agaciro gake rero ntaho buhuriye n'umuhamagaro Yesu aduhamagarira.Iyo Yesu ahamagaye umuntu anamuha umusaraba wo kwikorera.Kuba umwigishwa ni ukuba ukurikira ,kandi kuba ukurikira Yesu ntabwo ari ukwibera mu buntu bw'agaciro gake.Pawulo yakunze kwandikira abakorinto atsindagira icyo kuba mu buntu bivuze.Yanabanje kubaha urugero rw'imibereho ye «ariko ubuntu bw'Imana ni bwo bwatumye mba uko ndi,,kandi ubuntu bwayo nahawe ntibwabaye ubw'ubusa,ahubwo nakoze imirimo myinshi iruta iya bose(intumwa),nyamara si jye ahubwo ni ubuntu bw'Imana buri kumwe nanjye» (1 Abakor 15:10)Ni yo mpamvu Pawulo yashimiraga cyane impano y'ubuntu bw'Imana y'agatangaza mu mibereho ye.Bityo ahita anongeraho ko ubu buntu atabuherewe ku busa.

Ijambo ry'ikigiriki ryakoreshejwe ni **eis kenon(eyisi kenoni)** rishatse kuvuga ikintu «cy'ubusa».Ibyo bishatse kuvuga ko Pawulo atahawe ubuntu ngo abubesheho imibereho y'ubusa,ahubwo ibiri amambu yabuhawe kugira ngo abeho imibereho yuzuyemo imbuto za Mwuka,kandi ibyo bitavuye mu mbaraga ze ahubwo bivuye mu mbaraga z'ubuntu bumurimo.Ni yo mpamvu rero ahamagarira icyo abizera kugira ngo«badaherwa ubuntu bw'Imana gupfa ubusa»(2 Abakor 6:1).
Ubuntu bw'Imana ntabwo bwaje kudukura mu cyobo kimwe kirimo ubusa ngo budushyire mu kindi kirimo ubusa.Ubuntu bw'Imana ni umurimo wayo wo kongera kutwunga nayo,kugira ngo twongera kuba bamwe bo mu muryango wayo.Iyo tumaze kongera kugarurwa mu muryango ,tugomba kuba muri wo twera imbuto z'urukundo rw'Imana binyuze mu mbaraga z'ubuntu bwayo butangaje.
Bityo rero gukurira muri Kristo bivuze gukura mu mibereho kugira ngo umunsi ku wundi twerekane ubushake bwa Kristo kandi tugendera mu nzira ye.Bityo rero ikibazo tugomba kwibaza ni iki: ni ibihe bimenyetso simusiga by'uko gukura kandi ni ibihe bimenyetso byo gukomeza gukura? Tutabirondoye byose uko bingana dushobora kuvugamo nka birindwi.

### Ibimeyetso simusiga byo gukurira muri Kristo

***1.Imibereho ya Mwuka.***Yesu yabwiye Nikodemu ati«ni ukuri ni ukuri ndakubwira yuko umuntu utabyawe n'amazi n'umwuka atabasha kwinjira mu bwami bw'Imana»(Yoh 3:5).Hatabayeho imbaraga ibyara bundi bushya ya Mwuka,ubuzima bw'umukirisitu nta nubwo bubasha kugira itangiriro.Ni we Mwuka w'ukuri (Yoh 14:17).Atuyobora mu kuri

kose(Yoh 16:3)kandi ni nawe uduha kumva ubushake bw'Imana nkuko buri mu byanditswe byera.
Kandi atwumvisha ubushake bw'Imana nk'uko bugaragara mu Byanditswe.

Atwemeza iby'icyaha,n'ibyo gukiranuka n''by'amateka(Yohana 16 :7-8).Tutari kumwe
na we ntidushobora gusobanukirwa n'ingaruka z'ubu ngubu ndese n'iz'iteka
ryose z'imirimo z'imirimo yacu ndese n'ubuzima tubamo.

Ni imbaraga ihindura kandi abayoborwa n'umwuka w'Imana nibo bana
b'Imana(Abaroma 8 :14). Ikitumenyesha ko turi mu ri yo ni Umwuka
yaduhaye(Yohana3 :24).Iyo Umwuka Wera ari muri twe tugira ubuzima bushya ,
tukareka imikekerereze ya kera, ibikorwa bya kera n'ibindi byose bidahuje n'
ubushake bw' Imana. Na none duhinduka ibyaremwe bishya byunzwe kandi
byacunguwe n'Imana, byabohowe mu bubata bw'icyaha kugirango dukurire mu
gukiranuka kandi duhindurirwa gusa nawe tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba
bwiza (Roma 3 :18)
Iyo Umwuka w'Imana ayoboye imitima yacu, ahindura ubuzima.Intekerezo mbi
zirarekwa ,ibikorwa bibi tukabicikaho ;urukundo ;kwicisha bugufi ndetse
n'amahoro bisimbura uburakari ,kwifuza n'inzangano.Umunezero usimbura
umubabaro,kandi ishusho yawe ikagaragaza umucyow'Ijuru.Nta numwe ubasha
kubona ikiganza kitwamururaho imitwaro ;kandi ntawe
ubasha kumenya iby'umucyo uturuka hejuru mu ijuru.

Imigisha iboneka, iyo kubwo kwizera,ubugingo bweguriwe mu Mana.Ubwo
Imbaraga zitabonwa n'amaso y'umuntu ziduhindura ibyaremwe bishya tukagira
ishusho y'Imana.Umwuka wera uduhindura abaragwa b'Imana ,abaragwanye
na kristo ,niba tubabarana nawe ngo duhanwe ubwiza nawe(roma 8 :17).Bityo rero
ubuzima bw'iby'umwuka ni umuhamagaro w'ibikorwa by'umwuka :kureba
itegeko rya kera ry'icyaha no kuba abasangira imibabaro na kristomubuzima bwo
mur'iyi minsi kugirango kugirango dushobore gusangira nawe umunezero w'aha-
zaza.muri ubwo buryo si iby'umwuka bya gikristo ;si ugushirwa mu isi y'ibinez-
eza,n'ibitangaza.Ahubwo ni uguhamagarirwa kubabara ,gusangira,guhamya,

guhimbaza no kubaho ubuzima nkubwa kristomuri iyi si,mu miryango yacu ndetse no mungo zacu.

Ibi bishoboka gusa iyo umwuka wera atuye muri twe.
Isengesho rya yesu ni uko n'ubwo turi mu isi tutagomba kuba ab'isi (Yohana17:15).Tugomba gutura kwisi niyo buturo bwacu kandi niyo tugomba
Gukoreraho.Nyamara nti tugomba kuba ab'isi ,unugabane wacu n'ibyiringiro byacu biri mu isi izaza.(Abafiripi 3 :20).

Pawulo yagereranyije ubuzima buhabwa imbaraga n'umwuka wera no gukurira mu
Mwuka uko gukura kuzatuma tureka imirimo ya kamere nk'uburaya,ubusambanyi
Iby'isoni nke, gusenga ibigirwamana,kuroga,kwangana,gutongana,ishyari
Umujinya,amahane,kwitandukanya,kwirema
ibice,kugambana,gusinda,ibiganiro
Bibi n'ibindi bisa nabyo (gal 5 :19,21).maze twemere kwera imbuto
Z'umwuka arizo "urukundo,ibyishimo,amahoro,kwihangana,kugira neza,ingeso
nziza,gukiranuka,kugwaneza no kwirinda(Gal 5:22,23)

***2.Kubaho mu rukundo no mu bumwe***

Ubuzima bwa gikristo ni ubuzima bw'ubumwe,bwunzwe n'Imana,ku ruhande rumwe,kandi bwunzwe na bagenzi bacu ku rundi ruhande.Ubwiyunge ni umuti w'amacakubiri hagati y'abantu ,kandi igitera aya macakubiri ni icyaha.Icyaha cyadutandukanyije n'Imana (yesaya51:2) kandi giteza abantu amakimbirane menshi hagati y'amoko,igitsina,uturere,ibara,inzego z'abantu n'ibindi.
Ubutumwa bwiza bwa yesu bubereyeho gukemura ikibazo cy'icyaha n'ingaruka zacyo kandi bukarema itegeko rishya ry'ubumwe n'ubwiyunge. Nicyo cyatumye Paulo avuga ati"Imana yiyunze natwe ku bwa kristo (2 Abakorinto 5:18).

Muri ubu bwiyunge havuka umuryango mushya, umuryango w'abacunguwe urangwa n'ubumwe hagati y'umuntu n'Imana no hagati y'umuntu na bagenzi be.Mubyukuri iyi mibereho y'urukundo n'ubumwe niyo shingiro ry'ubutumwa bwiza.Ese ibyo Yesu ntiyabivuze mu isengesho rye nk'umutambyi mukuru; "…ngo bose babe umwe nk'uko uri muri njye,data,nanjye nkaba muri wowe ngo nabo babe umwe muri twe,ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye»
(Yohana 17:21).Umurimo wa Yesu wo kuducungura n'imbaraga z'ubutumwa bwiza biduhamagarira kugira urukundo n'ubumwe,ari byo bihuriza hamwe abagize umuryango w'abacunguwe. Nta gukurira muri kristo kwabaho igihe bene urwo rukundo n'ubumwe bidahari.Kandi aho urwo rukundo n'ubumwe biri,ibikuta bitandukanya abantu bizasenyuka.Imbibi z'amoko,uturere,ibitsina,inzego z'abantu,amabara,n'ibindi bitanya abantu byose bivanwaho kubantu babaye ibiremwa bishya,abantu bashya (Abefeso 2:11-

16).Uko umuntu arushaho gukura,ni ko ukuri k'ubwiyunge ,urukundo n'ubumwe bigaragaragara kuri uwo muntu mu buzima bwe bwa gikristo.

Ubukristo bukurira murukundo nibwo ubutumwa bwiza bushingiyeho.Yesu yise urwo rukundo itegeko rishya (Yohana 13:34),ariko ubwo bushya ntibwerekeza ku rukundo, ahubwo ku cyo umuntu akunda.Abantu barakunda, ariko bagakunda ibifite igikundiro, bakunda ibyabo.Ariko Yesu yavuze ikintu gishya:"nk'uko nabakunze abe ariko namwe mukundana."Ibyo bishatse kuvuga ko urukundo rwabo rukwiriye gukunda bose,rukitangira bose kandi rukaba rwuzuye nk'urwa Kristo.Urukundo rushya ntirurondora,ntirugira impaka,kandi rukunda n'umwanzi.Ni muri urwo rukundo amategeko n'ibyahanuwe byuririraho (Matayo 22:37-40).

Itegeko ryo gukunda bagenzi bacu ntacyo rigomba guhindukaho.Ntitugomba guhitamo uwo dukunda,turahamagarirwa gukunda bose.Nk'abana b'Imana twakagombye gukundana.Mu mugani w'umusamariya mwiza, kristo yagaragaje ko mugenzi wawe Atari ngombwa ko aba ari uwomuhuriye ku itorero cyangwa se muhuje kwizera.Mugenzi wawe si uwo muhuje ubwoko,ibara cyangwa muri murwego rumwe.Mugenzi wacu ni umuntu wese ukeneye ubufasha bwacu.Mugenzi wacu ni umuntu wese uteraganwa n'imiraba y'umwanzi.Mugenzi wacu ni uware n'Imana wese.

Urukundo rwa kivandimwe rurenga ibara ry'uruhu, nuko rugaha agaciro ubumuntu; ntirwita kunzego z'abantu ahubwo ahubwo rwita ku iterambere ry'ubugingo ;rwita ku gaciro k'umuntu aho kwizimba kubimwambura ubumuntu;rwerekana ahazaza h'umuntu bitandukanye n'uko siyansi ibivuga.Mu by'ukuri urukundo nyakuri iteka rubona ishusho y'Imana iri muri uwo muntu bone n'ubwo itaba igaragara.Umukristo ukuze mu by'umwuka azagira bene urwo rukundo, ari narwo shingiro ry'ubumwe bwa gikristo.

***3.Ubuzima bwo kwiga***

Ibyo kurya ni ngombwa kugira ngo habeho gukura.Kugira ngo urugingo urwo ari rwo rwose rw'umubiri rukore,rukenera ibirutunga biboneye kandi byuzuye.No mu by'umwuka ni uko.None se ibyo kurya by'umwuka bituruka he? Hari inkomoko ebyiri z'ibanze: Isano ihoraho tugirana n'Imana binyuze mu kwiga ijambo ryayo no kugira imibereho isenga.Nta hantu hagaragaza neza umumaro w'ijambo ry'Imana mu mibereho y'iby'umwuka nko mumagambo Yesu we ubwe yivugiye ati "umuntu ntatungwa n'umutsima gusa,ahubwo atungwa n'ijambo rivuye mu kanwa k'Imana"(Matayo 4:4).Yesu yatanze urugero rwiza mu buryo yakoresheje ijambo ry'Imana abwira Satani.Yavuganye na Satani akoresheje amagambo yo mu byanditswe byera ati"Handitswe ngo".Mu bigeragezo yahuraga na byo byose,intwaro ye yo muri urwo rugamba yari ijambo ry'Imana.Satani yasabye Yesu gukora ibitangaza kugira ngo agaragaze ko ari Imana.Ariko ikiruta ibyo bitangaza byose ni ukwishingikiriza ku byo Imana ivuga, ari cyo kimenyetso kidashobora kuvuguruzwa.Uburyo Kristo yahagaze mu mwanya we,umushukanyi ntiyashoboraga kumunesha.

Ni uko natwe dukwiriye kwitwara.Umunyezaburi aravuga ati «Uwiteka uri uwo guhimbazwa,ujye unyigisha amategeko wandikishije»(Zaburi 119:12).Kuri ibi hiyongeraho isezerano ryavuzwe na Paul « kuko ijambo ry'Imana ari rizima,rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose,rigahinguranya ndetse kugeza ubwo rigabanya ubugingo n'umwuka kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira» (Abaheburayo 4:12).Igihe umukristo akoresheje iyo nkota ityaye kandi ifite ubugi impande zombi ari yo y'umwuka mu kwirinda ibitero by'umwanzi,aba ari mu ruhande runesha.Umwizera ahabwa imbaraga zo gutsinda inzitizi zibangamira gukura kw'iby'umwuka,agashobora gutandukanya icyiza n'ikibi kugirango ahore ahitamo gukora ibitunganye kandi abashe gutandukanya ijwi ry'Imana n'ibyongorero by'umubi.Ibi ni byo bituma ijambo ry'Imana riba ishingiro ntakuka ryo gukura mu by'umwuka.

Pawulo yaranditse ati "ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu no kumwemeza ibyaha bya no kumutunganya no kumuhanira gukiranuka kugira ngo umuntu w'Imana abe ashyitse afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose (2Timoteyo 3:16,17).Mbese urashaka gusobanukirwa n'ukuri n'amahame?Mbese urashaka gusobanukirwa icyo Imana iguteganyiriza uyu munsi,ejo hazaza n'iteka ryose? Soma Bibilia.Yige umunsi ku wundi.Yegere usenga.Nta yindi nzira nziza ibaho yo kumenya ubushake bw'Imana no gushaka inzira yayo.

***4.Imibereho isenga.***Imana ivuganira na twe mu ijambo ryayo.Kumenya ubushake bwa yo ni uburyo bumwe bwo gukura mu by'umwuka, uburyo bwo komatana na yo.Ubundi buryo bwo kugirana umushyikirano n'Imana no gukurira muri yo ni ugusenga.Niba ijambo ry'Imana ari umutsima utunga ubugingo bwacu, gusenga ni uguhumeka gutumu ubugingo bwacu bubaho.Isengesho ni ukuvugana n'Imana,gutegera amatwi ijambo ryayo,kuyipfukamira no kuyiyegurira,tugahaguruka twujujwe imbaraga z'Imana.Nta kindi bidusaba,uretse kwikuramo inarijye,tukisunga imbaraga zayo, kandi tukayitegaho amakiriro.Ibyo bizadutera imbaraga zizatubashisha kugendera mu nzira ya gikristu no kurwana intambara y'iby'umwuka.Isengesho ry'i Getsemane ryatumye habaho kunesha ku musaraba.

Pawulo agereranya isengesho n'ikintu cy'ingenzi mu buzima no gukura bya gikristo,yagaragaje amahame shingiro atandatu "Musenge ubudasiba,musengeshe umwuka iteka ryose mu buryo bwo kwinginga,musenge mu mwuka,musenge kandi mube maso,musenge mwihanganye,musabire abera bose"(Abanyefeso 6:18).Nk'umufarisayo (Luka18:11), akenshi dusenga ari ugushaka kwigaragaza cyangwa se kubera ko twabigize umuco.Ariko isengesho nyaryo ni ukwiyanga,ukuzuzwa umwuka, kwitangira abandi, kubasabira no gusengera kugira ngo ubushake bw'Imana busohore ku batuye isi binyuze mu kuyibera abahamya b'indahemuka.Isengesho ni umushyikirano uhoraho tugirana n'Imana, ni umwuka mwiza ubugingo buhumeka,kandi nta sengesho,ubugingo burananuka bugapfa.Elina White aravuga ati «isengesho ni imwe mu nshingano z'ingenzi.Nta sengesho nta we ushobora gukomeza urugendo rwa gikristo.Riratuzamura rikaduha ingufu,rikadukuza,ni ikiganiro hagati y'ubugingo bwacu n'Imana».

***5.Imibereho yera imbuto.*** Yesu yaravuze ati"muzabamenyera ku mbuto zabo "(Matayo7:20). Kwera imbuto ni ikintu cy'ingenzi kiranga gukura k'umukristo.Agakiza ku bw'ubuntu rimwe na rimwe kumvikana nabi.Ntabwo ari ukureka kumvira no kwera Imbuto.Ukuri kose kugomba gushingira kuri Biblia.Ni byo koko twakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera ku bw'agakiza k'Imana kanyujijwe muri Kristo, kandi nta kintu na kimwe dufite twakwirata (Abefeso 2:7,8,Yoh.3:16).Nyamara ntabwo twakijijwe ngo dukore ibyo twishakiye; twakijijwe ngo tubeho nk'uko Imana ishaka.Si ku bw'amategeko kandi si ku bwo kuyubahiriza,ahubwo ni ingaruka z'agakiza k'Imana katurokora ububata bw'icyaha.Kubw'iyo mpamvu "kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye"(Yohana2:17).

Dukwiriye kwigira ku byo Yesu yahamije kandi yizeraga muri Yohana 14 na 15.Ibyo yahamije ni isano ye n'Imana Data,kandi icyo yizeraga ni isano ye n'abigishwa be.Yaravuze ati"nitondeye amategeko y'Imana kandi nguma mu rukundo rwayo"(Yohana 15:10).Uko Yesu yubahaga Imana Data si ugutwarwa n'amategeko,ahubwo ni ugukurira mu rukundo rwa Data wa twese.Isano ikomeye hagati y'Imana Data n'Umwana wayo ishingiye ku rukundo rwonyine kandi urwo rukundo ni rwo rwayoboye umwana ku kwemera ubushake bw'Imana Data no gusogongera ku mubabaro w'i Getsemane n'i Kalvari.

Yesu yakoresheje isano y'urukundo yari afitanye na Se kugira ngo yerekane isano abigishwa be bagombaga kugirana na we.Isano ya Yesu na Se ni yo yatumaga yubaha Se,bityo abigishwa ba Yesu iyo bagirana na we isano nk'iyo,yagombaga kubabashisha kumwubaha.
"Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye"(Yohana14:15).
"…nkora uko Data yantegetse kugirango ab'isi bamenye ko mukunda"(Yohana14:31).

Itegereze ibyo Yesu yifurizaga abigishwa be.Akora uko Se yategetse kugira ngo isi imenye isano y'urukundo hagati ye na Se.Isano y'urukundo ituma habaho gukora iby'ubushake bwa Se.Aravuga ati «mugume muri njye na njye ngume muri mwe.Nk'uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye ku muzabibu ,ni ko na mwe mutabibasha mutagumye muri njye» (Yoh.15:4).Kwera imbuto,kubaha,no kubaho mu bushake bw'Imana ni ibimenyetso by'ingenzi byo gukurira mu bushake bw'Imana.Kutera imbuto byerekana kutaba muri Kristo.

**6.Ubuzima bw'intambara y'iby'umwuka.**

Kuba umwigishwa wa Kristo si urugendo rworoshye.Turi mu ntambara y'ukuri kandi ishishana.Pawulo aravuga ati «kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri;ahubwo dukirana n'abarware,abafite ubushobozi,n'abategeka iyi si y'umwijima,n'imyuka mibi

y'ahantu ho mu ijuru.Nuko rero mutware intwaro zose z'Imana kugira ngo mubashe gukomera,kandi murangije byose,mubashe guhagarara mudatsinzwe» (Abefeso 6:12,13).

Muri iyi ntambara,duhanganye n'imbaraga zidasanzwe.Nkuko abamarayika b'Umwami Imana bari ku murimo wo gufasha abayoboke bayo babakura mu bibi,kandi babayobora mu gukura mu by'umwuka (Zaburi 34:7;91:11,12; Ibyakozwe n'intumwa 5:19,20; Abaheburayo1:14; 12:22),ni nako abamarayika baciwe bari gukorana ubwitonzi bukomeye kugirango badukure mu muhamagaro wo kuba abigishwa.Bibiliya yerekana ko Satani n'abamarayika be bafitiye uburakari abayoboke ba Yesu Kristo (Ibyahishuwe 12:7), kandi Sekibi ubwe azerera «nk'intare yivuga ishaka uwo yaconshomera» (1Petero 5:8,9).

Inzira y'iby'umwuka yuzuyemo imitego y'umwanzi,kandi aha niho intambara y'iby'umwuka ikomereye.Niyo mpamvu Pawulo akoresha amwe mu magambo akomeye agaragaza igikwiriye gukorwa: "muhagarare!Mukenyere!Mukomere!"Ubuzima bwa gikristo ni intambara ndetse ni urugendo.Muri iyi ntambara, nta gahenge;hagomba imbaraga zidacogora no kwihangana. kwihangana kudacogora ni ko gutuma tunesha ibishuko bya Satani. Kuba umukristo wizerwa bisaba kwiyoroshya bigashigikirwa n'umugambi uhamye .Buri wese akwiriye kwinjira muri iyi ntambara ku giti cye,nta n'umwe ushobora kurwana mu mwanya w'undi.Kurwana intambara ni inshingano ya buri wese ku giti cye.

Uko byagenda kose, Imana ntiyadutereranye muri iyi ntambara. Yaduhaye kunesha muri Kristo Yesu (1Abakorinto 15:57).Yaduhaye intwaro zikomeye zo guhangana n'umwanzi.Pawulo agaragaza izo ntwaro ari zo:ukuri nk'umukandara,gukiranuka nk'icyuma gikingira igituza,ubutumwa bwiza nk'inkweto,agakiza nk'ingofero,umwuka nk'imkota,no gusenga nk'imbaraga itaneshwa(Abefeso 6:13,18).Turinzwe n'intwaro nk'izo,tukagengwa n'imbaraga itaneshwa,ntidushobora gutsindwa,ahubwo dukurira mu mbaraga z'umwuka,kandi tugomba gutsinda uruganba turwana.

### *7.Ubuzima bwo gusenga, guhamya n'ibyiringiro*

Gukura k'umukristo si ibintu byo mu cyuka.Ku ruhande rumwe bigaragarira mu muryango w'abizera; ku rundi ruhande bikagaragarira mu buhamya ku bakeneye agakiza.

Itegereje umuryango w'intumwa.Kristo akimara kujya mu ijuru,bashorewe n'umwuka wera,abagize itorero ry'icyo gihe yaba umuntu ku giti cye n'abafatanyirije hamwe,bagaragaje gutera imbere no gukura kwaryo mu gusenga,kubana neza,kwigana no guhamya (Ibyakozwe n'Intumwa 2:42-47;5:41,42;6:7). Tudasengeye hamwe ntitwabona uburyo n'umwanya wo kusabana neza,kandi ni muri uko kusabana no gufatanya n'abandi dukurira.Kubw'ibyo intumwa y'Imana itugira inama igira iti «kandi tujye tuzirikana ubwacu,kugira ngo duterane ishyaka ryo gukundana n'iry'imirimo myiza.Twekwirengagiza guteranira hamwe,nk'uko bamwe babigenza,ahubwo duhugurane,kandi uko mubonye urya munsi wegereza,mube ariko murushaho kugenza mutyo» (Heb.10:24,25).

Uko turushaho kuramya,kwiga no kubana neza,ni nako dushishikarira gukora no guhamya.Gukura k'umukristo bisaba gukura ku murimo (Matayo 20:25-28) no gukura bitubashisha guhamya.Yesu yaravuze ati « nk'uko data yantumye na njye ndabatumye» (Yohana 20:21).Ubuzima bwa gikristo ntibusobanuye na rimwe ubuzima buzitiwe no kwikunda,ahubwo buhora bwiteguye gukorera no guhamiriza abandi.Ubutumwa bukomeye bwa Matayo 28 burarikira umukristo gukura bihagije kugira ngo atware ubutumwa bwiza bw'imbabazi ku isi yose kugira ngo abantu bose babashe kumenya ubuntu bukiza bw'Imana.Ikimenyetso cy'ubuzima bw'iby'umwuka no gukura kwa gikristo, ni ubuzima bwo guhamya i Yeruzalemu, i Yudaya, i Samariya no ku mpera y'isi (Ibyakozwe n'Intumwa1:8).

Twifashisha igihe mu kubaho kwacu, mu guhimbaza, mu gusabana no guhamya; kandi ku mukristo igihe gitegura ahazaza.Paulo aravuga ati « ndamaranira kugera aho dutanguranwa ,ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri kristo Yesu kwavuye mu ijuru» (Abafilipi 3:12-14).Paulo adusaba kandi kugira ubuzima bwejejwe,«mwebwe ubwanyu, n'umwuka wanyu, n'ubugingo n'umubiri,byose birarindwe,bitazabaho umugayo ubwo umwami wacu Yesu Kristo azagaruka» (1Abatesaloniki 5:23).Gukurira muri Kristo ni ugukurira mu byiringiro no kwiteganiriza kuzabona ibyiza biheruka byo gucungurirwa mu bwami bw'Imana buri hafi kuza.

Ku bicisha bugufi,bafite imitima yizera, inzu y'Imana ku isi ni umuryango w'ijuru.Indirimbo yo guhimbaza,amasengesho n'amagambo avuzwe n'abizera Kristo ni gahunda y'Imana yo gutegura itorero ryo mu ijuru,aho guhimbaza bitazagira kirogoya n'imwe.

## IGICE CYA CUMI NA KABIRI

## ITORERO

***Itorero ni ihuriro ry' abizera bahamya Yesu Kristo nk'Umwami n'Umucunguzi. Nk'Ubwoko bw'Imana bwo mu Isezerano rya Kera, natwe turahamagarirwa gusohoka mu isi ; tugateranira kuramya, dukundana bya kivandimwe, twiga ubutumwa bwiza mu ijambo ry'Imana, twizihiza ifunguro ryera, duha bagenzi bacu ubufasha, tunasakaza Inkuru nziza mu isi yose.Ubutware bw'Itorero buva kuri Kristo, ariwe Jambo wigize umuntu ,buva kandi muri Bibiliya ariyo Jambo ryanditswe.***
***Itorero ni umuryango w'Imana ;abarigize bemewe n'Imana nk'abana bayo babaho bakurikije amahame y'isezerano rishya. Itorero ni umubiri wa Kristo, ihuriro ryo kwizera Kristo wenyine ariwe mutwe waryo. Itorero ni Umugeni Kristo yapfiriye kugira ngo aryeze kandi aritunganye.***
***Igihe azaba agarutse nk'umuneshi,azaryishyira nk'Itorero ry'icyubahiro,ry'indahemuka mu bihe byose ,ryaguzwe amaraso ye ,nta kizinga cyangwa umunkanyari, ahubwo ryera ritariho umugayo.(Itang 13:3;Ibyah 7:38;Abef. 4:11-15;3:8-11;Matayo 28:18,19;16:13-20;18:18;Abef 2:19-22;1:22,23;5:23-27;Abakor 1:17,18)***

Umusaza amaze kurengwa n'uburakari akubita inkoni ku rutare. Ayisubiza inyuma, arayizunguza yongera kuyikubitaho asakuza cyane ati "Mwumve mwa byigomeke mwe !Mbese umuntu yabasha kubakurira amazi muri iki gitare? »

Isoko ipfupfunuka mu rutare, ubwoko bwa Israyeli bubasha gucubya inyota. Ariko Mose yakoze icyaha igihe yibwiraga ko ariwe utanze amazi, aho kubiharira Imana yo Rutare.Kandi ku bw'icyo cyaha ntiyagombaga kwinjira mu gihugu cy'isezerano. (Kubara20 .7-12).

Urutare rwari Kristo, urufatiro Imana yari yubatseho ubwoko bwayo yaba umuntu ku giti cye cyangwa inyokomuntu muri rusange. Icyo kimenyetso kigaragara muri Bibiliya yose.

Mu kibwiriza cya nyuma Mose yabwirije ubwoko bwa Israyeli, yerekeje kuri iyo ngorane yamubayeho, akoresha igishushanyo cy'urutare kugira ngo yerekane kudahinduka no kutihugiraho by'Imana ati « Kuko ngiye kogeza izina ry'Uwiteka, mwaturire Imana yacu ko ifite icyubahiro gikomeye. Icyo gitare umurimo wacyo utunganye rwose. Ingeso zacyo zose ni izo gukiranuka.
Ni Imana y'inyamurava itarimo gukiranirwa, ica imanza zitabera, iratunganye » (Gutegeka kwa kabiri 32:3,4).

Ibinyejana byinshi nyuma yaho, Dawidi yongeye gukomoza kuri iyo ngingo ashushanya umukiza we n'urutare agira ati « Imana ni yo irimo agakiza kanjye n'icyubahiro cyanjye, Igitare cy'imbaraga zanjye n'ubuhungiro bwanjye biri mu Mana » (Zaburi 62:7).

Yesaya nawe yakoresheje cya gishushanyo ubwo yashakaga kwerekana kuza kwa Mesiya agira ati « Ni cyo gitumye Umwami Imana ivuga iti : Dore ndashyira muri Siyoni ibuye ry'urufatiro ryageragejwe, ibuye rikomeza imfuruka ry'igiciro cyinshi rishikamye cyane kandi Uwizera ntazarikurwaho" (Yesaya 28:16).

Petero yahamije ko Kristo yashohoje ubwo buhanuzi, atari nk'ibuye risanzwe ahubwo « nk'ibuye rizima, ryanzwe n'abantu, ariko ryatoranijwe n'Imana kandi ry'igiciro imbere yayo. (1Petero 2:4). Pawulo yamwerekanye nk'urufatiro rw'ukuri rwonyine rwo kwizerwa, avuga ati « kuko nta rundi rufatiro umuntu abasha gushyiraho, keretse urwashyizweho, arirwo Yesu Kristo (1 kor 3:11). Ubwo yerekezaga ku rutare Mose yakubise yagize ati « kuko bose banywaga ku gitare cy'Umwuka cyabakurikiraga, kandi icyo gitare cyari Kristo ». (1Kor 10:4)

Yesu Kristo ubwe yakoresheje mu buryo bwahuranije cya gishushanyo ubwo yavugaga ati « kandi nzubaka itorero ryanjye kuri urwo rutare, kandi amarembo y'ikuzimu ntazarishobora ». (Matayo 16:18). Kuri we ubwe, niho yubatse itorero rya gikristo we rutare ruzima. Umubiri we (ari we rutare rwakubiswe)wagombaga gutambwa nk'impongano ku bw'ibyaha by'isi urutare rwakubiswe. Nta kindi gishobora kunesha itorero ryubatswe ku rufatiro rukomeye yatanze ubwe. Kuri urwo rutare ruzima niho amazi akiza amahanga afite inyota yagombaga gutemba aturuka. (Ezekiyeli 47:1-12, Yohana 7:37,38; Ibyah 22:1-5).

Mbega uburyo itorero ryari irinyantegenke kandi rinaniwe igihe Kristo yavugaga aya magambo ! Ryari rigizwe n'abigishwa mbarwa bananiwe, bashidikanya, bishyira hejuru, ryari rigizwe n'abagore babarirwa ku ntoki, ryari rigizwe n'imbaga y'abantu benshi badashikamye bahungaga igihe igitare cyakubitwaga. N'ubwo bimeze bityo, Itorero ryarubatswe, atari ku ntege nke za kimuntu cyangwa ubuhanga bwe ahubwo ry'ubatswe ku rutare rw'ibihe byose. Igihe ubwacyo gusa ni cyo cyagombaga kwerekana ko Itorero rye nta cyashoboraga kurisenya cyangwa ngo kirivane ku ntego yaryo yo guha Imana icyubahiro no kuyobora abagabo n'abagore ku Mucunguzi. (Ibyakozwe4 :12,13,20-33).

**Ubusobanuro Bibiliya iha ijambo 'Itorero'**

Mu byanditswe, Ijambo "Itorero" riva mu kigiriki *ekklesia(Kiliziya),* risobanura « guhamagarirwa gusohokamo» Iyi mvugo yakoreshwaga muri rusange igihe cyose bahamagariraga imbaga y'abantu guhurira hamwe.

***Septuagint(seputuwagenti)*,** Inyandiko y'urugiriki y'isezerano rya kera ry'Abaheburayo yakoreshwaga cyane mu bihe bya Yesu,yakoreshaga ijambo *ekklesia* bashaka kuvuga ijambo ry'igiheburayo *qahal(kahali)* risobanura 'gukusanya', 'inteko' cyangwa "iteraniro".(Gutegeka kwa kabiri 9;10 ;18 :16 .1 Samweli 17 :47,1 Abami 8:14 ,1Ingoma 13:2).

Uburyo iryo jambo ryakoreshwaga bwakoreshejwe cyane mu isezerano rishya. Murebe uburyo ijambo Itorero ryakoreshejwe (1) Abizera bateraniye hamwe ngo bahimbaze, bari ahantu runaka (1Kor 11;18; 14:19,28); (2) Abizera batuye ahantu runaka (1Kor 16:1 ;Galat 1:2, 1Tesal 2:14) ; (3) Itsinda ry'Abizera bateraniye mu rugo rw'umuntu ku giti cye (1Kor 16:19 ; Abakolosayi 4:15 ; Filem.2);
(4) Itsinda ry'amatorero aboneka mu karere runaka (Ibyak 9:31); (5)Inteko y'Abizera bose aho bava bakagera ku isi yose (Matayo 16:18; 1Kor 10; 32; 12:28; Abefeso 4:11-16); (6) Ihuriro ry'ibiremwa byose by'indahemuka mu ijuru no mu isi (Efeso 1; 20-22; Abafilipi 2; 9-11).

**Icyo Itorero aricyo**

Bibiliya itwereka Itorero nk'ihuriro mvajuru kandi ikaryita «Itorero ry'Imana» (Ibyakozwe 20:28 ; 1 Kor. 1:2). Yesu yahaye itorero ubutware mvajuru (Matayo 18:17,18 ).

Dushobora kumva icyo Itorero rya gikirisito ari cyo ducukumbura mu mizi mu isezerano rya kera n'Ibishushanyo bitandukanye byakoreshejwe n'Isezerano Rishya buvuga ku Itorero.

***Imfatiro z' Itorero rya Gikristo.***

Isezerano rya kera ritwereka neza Itorero nk'ihuriro rifite gahunda, ry'ubwoko bw'Imana. Kuva mu bihe bya kera cyane, imiryango yubaha Imana ikomoka kuri Adamu, Seti, Nowa, Shemu n'Aburahamu bari abarinzi b'ukuri kw'itorero. Iyi miryango, aho umubyeyi w'umugabo yakoraga nk'umutambyi,yashoboraga gufatwa nk'itorero rito. Imana yahaye Aburahamu amasezerano akomeye yuko uwo muryango wagombaga guhinduka buhoro buhoro ishyanga. Umurimo wa Isirayeli wari ukwaguka k'umurimo w'Aburahamu: Kubera amahanga yose umugisha (Itangiriro 12 :1-3) berekana urukundo rw'Imana ifitiye isi.

Ishyanga ry'Imana yasohoye muri Egiputa ryiswe Itorero cyangwa iteraniro ryo mu butayu. (Ibyakozwe 7:38). Abarigize bafatwaga nk'ubwami bw'Abatambyi, ishyanga ryera (kuva 19:6 ), Abantu bera b'Imana (Gutegeka 28;9, reba Abalewi 26:12 ) Itorero rye.

Imana yatujije ubwo bwoko muri Palestina ariho hari izingiro ry'imico ikomeye ku isi. Imigabane itatu minini niho yahuriraga: Uburayi, Aziya na Afurika.Aha niho abayuda bagombaga kuba « abagaragu » b'amahanga kugira ngo bagure umuhamagaro w'Imana ku bandi babahamagarire kwihuza nabo nk'abantu b'Imana.Muri make, ni ukuvuga ko Imana yabahamagariye kwitandukanya n'andi amahanga kugira ngo bahamagarire andi mahanga kwinjira mu bwoko bw'Imana. (Yesaya 56:7) .Yifuzaga, kurema Itorero rinini ku isi ikoresheje Isirayeli. Itorero aho abavuye mu mahanga yose bazava mu isi yose bakaza kuramya, bakiga kumenya Imana y'ukuri, bakazasubira mu bihugu byabo bajyanye ubutumwa bw'agakiza.

Nubwo Imana yarindaga ubwoko bwayo mu buryo buhoraho, Isirayeli yaguye mu gusenga ibigirwamana, mu kwihugiraho, mu kurwana ku gihugu cyabo, ubwibone no kwikanyiza, ubwoko bw'Imana bubura butyo kugera ku ntego yabwo.

Binyuze muri Kristo Isirayeli yavanywe mu mazi abira.Abari bagize Ubwoko bw'Imana bari barangamiye Mesiya uzaza aje kubatura ubwoko bwabo ku ngoma y'igitugu atari mesiya uzababatura mu bubata bwabo ubwabo. Ku musaraba, kugwa mu by'umwuka kwa Isirayeli kwahindutse igihamya cy'ibyo. Mu kubamba Kristo, berekanye mu buryo bugaragara intege nke zabo zari imbere muri bo igihe basakuzaga ngo « Nta wundi Mwami dufite keretse Kayizali » (Yohana 19:15 ),mu by'ukuri bari bahakanye ko Imana ibabera umuyobozi.

Ku musaraba, imirimo ibiri yageze ku rwego rwayo ruhanitse:uwa mbere, wari uw'itorero ryaguye, ryihugiyeho ku buryo ritashoboraga kureba uwatumye ribaho.Uwa kabiri, wari uwa Kristo, yari yuzuye urukundo rw'ubwoko bwe, ku buryo yapfuye mu cyimbo cyabwo kugira ngo abuzanire ubugingo buhoraho.

Mu gihe umusaraba wasobanuraga iherezo ry'umurimo wahawe Isirayeli, Umuzuko wa Kristo watangije Itorero rya gikristo n'umurimo waryo ariwo wo kwamamaza ubutumwa bwiza bw'Agakiza ku bw'Amaraso ya Kristo. Ubwo Abayuda batakazaga umurimo wabo, bahindutse ishyanga nk'ayandi, bareka kuba Itorero ry'Imana.
Mu mwanya wabo, Imana yashyizeho ishyanga rishya aririyo torero rya gikiristo akaba aririyo ryajyaga guteza imbere umurimo ku isi. (Matayo 21:41, 43).

Itorero ryo mu isezerano rishya rifitanye isano butwi n'umuryango w'abisirayeli b'abizera ba kera.Iryo torero rigizwe n'abayuda ndetse n'abanyamahanga bahindutse bizera Yesu Kristo. Bityo Isiraheli y'ukuri igizwe n'abemera Yesu kristo mu kwizera (Reba Abagalatiya 3: 26-29). Pawulo agereranya umubano mushya wabo bantu bari batandukanye akoresheje ibiti bibiri aribyo Umunzenze wo mugasozi n'igishyitsi cya elayo,aribyo bashushanyaga mu buryo bwuzuye abisirayeli n'abanyamahanga. Abayuda banga kwemera Yesu kristo ntibaba bakiri abana b'Imana. (Abaroma 9 :6-8). Abo bagereranijwe n'amashami yahwanyujwe ku gishyitsi cya elayo, mu gihe abayuda bemeye Kristo bagereranijwe n'amashami agiteye kuri icyo gishyitsi.

Pawulo agereranya abanyamahanga bemera Kristo nk'amashami y'umunzenze wo ku gasozi watewe nk'ingurukira kugiti cya elayo. (Abaroma 11: 17-25). Yarimo yumvisha abo bakristo bashya baturutse mu banyamahanga kubahiriza umurage w'ijuru w'ibikoresho byatoranijwe by'Imana. « Ubwo ifu y'umuganura ari iyera, n'irobe, naryo niko riri, kandi ubwo igishyitsi ari icyera n'amashami nacyo niko ari. Ariko niba amashyami amwe yarahwanyuwe nawe uri umunzenze wo ku gasozi, ukaba waratewe nk'ingurukira hagati y'amashyami, ugasangira nayo amakakama y'igishyitsi cya Elayo, ntukirarire ngo ugaye ayo mashami. Niba wirarira uyagaya wibuke yuko atari igishyitsi kimeze kuri wowe, ahubwo ni wowe umeze ku gishyitsi". (Abaroma 11:16-18.).

Itorero ryo mu gihe cy'isezerano rishya rigaragaza itandukaniro riri hagati yaryo n'iryo mu gihe cy' isezerano rya kera. Itorero ryo mu gihe cy'intumwa ryari ryarahindutse iryigenga

,ritagengwa n'ubwoko bw' abisirayeli. Imipaka y'igihugu itakiriho ituma itorero riba irya bose ku isi yose. Aho kugira ngo ribe iry'igihugu, ryabaye iry'ibwirizabutumwa mu mahanga atandukanye, kugira ngo risohoze umugambi nyakuri w'Imana uwo yatumye Yesu kristo « mugende mu mahanga yose muhindure abantu abigishwa banjye ». (Matayo28 :19).

**Uko itorero ryagiye rigereranywa.**

-

Ibigereranyo by'itorero ryo mu isezerano rishya byerekana icyo Itorero ari cyo.

.

**1.Itorero nk'umubiri**. Ikigereranyo cy'umubiri gitsindagira ubumwe bw'itorero n'umubano uhuza buri wese n'abarigize bose.Umusaraba wunze abizera bose. "Ku Mana mu mubiri umwe" (Abefeso 2:16). Kubw'Umwuka Wera babatirijwe kugira ngo babe umubiri umwe. (1Abakorinto 12:13). Itorero nk'umubiri, nta kindi uretse umubiri wa kristo. (Abefeso 1:23). Ni muri uwo mubiri itorero rikura kuzura kwaryo. Abizera ni ingingo z'umubiri we. (Abefeso 5:30). Ku bw'ibyo aha abamwizera bose mu mwuka ubugingo, ku bw'ubushobozi bwe n'ubuntu bwe. Yesu niwe mutwe w'umubiri (Abakolosayi 1:18), "umutwe w'Itorero. (Abefeso 5:13.).

Mu rukundo rwayo, Imana yahaye buri rugingo ari rwo mwizera w'itorero ariryo mubiri byibuze impano y'umwuka kugira ngo imufashe gusohoza umurimo ashinzwe. Nkuko igikorwa cya buri rugingo rw'umubiri kiba ari ingenzi ku mubiri, ni nako itorero rikenera impano ya buri mwizera wese kugira ngo risohoze inshingano yaryo. Mbese icyiza cy'umubiri udafite umutima, amaso cyangwa amaguru ni iki? Niba abizera bareka impano zabo ntibazikoreshe, itorero rizapfa, ribe impumyi, cyangwa rigwe ikinya. Izo mpano zidasanzwe z'Imana itanga ntabwo zikoresha ubwazo. (Reba icyigisho cya 17).

-

-

-

-

**2. Itorero nk'urusengero.** "Itorero ni inzu y'Imana" urusengero rw'Imana aho umwuka Wera atuye. Yesu ni we buye rikomeza imfuruka (1Abakorinto 3:9-16, Abefeso 2:20). Urwo rusengero ntabwo ari inyubako ipfuye ahubwo igaragaza gukura guhoraho. Petero ati nk'uko Kristo ari «ibuye rizima» n'abizera nabo ni «amabuye mazima »yubatse inzu y'iby'Umwuka. (1 Petero 2:4-6).

Kubaka ntabwo birarangira. Andi mabuye mashya ahora yongerwa ku rusengero kugira ngo rube ubuturo bw'Imana mu mwuka. (Abefeso 2:22). Pawulo yakanguriye abizera kubaka urusengero bakoresheje ibikoresho by'agaciro muri urwo rusengero kugira ngo ruzabashe guhangana n'umuriro w'igerageza ku munsi w'urubanza. (1Abakorinto 3:12-15).

Ikigereranyo cy'itorero nk'urusengero gitsindagira kwera kwa buri torero ubwaryo n'itorero ku isi yose.Petero yavuze ko Urusengero rw'Imana rwera"urusengero rw'Imana ni urwera, utsemba urusengero rw'Imana nawe izamutsemba." (1Abakorinto 3:17). Umubano wa bugufi w'itorero n'abatizera utandukanye no kwera kwaryo, nkuko Pawulo yabivuze, kandi ugomba kurekwa, "ni sano ki iri hagati yo gukiranuka no gukiranirwa?...

urusengero rw'Imana ruhuriye he n'ibishushanyo bisengwa? (2 Abakorinto 6:14, 16). (Inama ya Pawulo ni ingenzi kubirebana n`imishyikirano abantu bagirana hamwe n'umushyikirano w'abashakanye), Itorero rigomba kubahwa kuko ari iry'igiciro mu maso y'Imana.

**3. Itorero nk'umugeni.** Itorero rigereranywa na none nk'Umugeni, Kristo akaba umukwe. Umwami yarahiye akomeje ati"Kandi nzakwishyingira ube uwanjye iteka ryose. Ni ukuri nzakwishyingira ube uwanjye nkiranuka ngaca imanza zitabera, nkagukunda kandi nkakubabarira". (Hoseya 2:21) arongera akabihamya ati"ndi umugabo wanyu" (Yeremiya 3:14).

Pawulo yongeye gukoresha icyo kigereranyo "nabashyingiye Kristo nk'umwari utunganye". (2 Abakorinto 11:2). Urukundo Kristo akunda itorero ni rwinshi kandi ruhoraho kugera ubwo aryitangira (Abefeso 5:25). Yararyitangiye kugira ngo aryejeshe ijambo rye nyuma yo kuryeza binyuze mu mu babatizo w'amazi. (Abefeso 5:26).

Mu kuberesha ijambo rye ariko kuri (Yohana17:17). No kuberesha umubatizo, Kristo ashobora kweza abizera b'itorero, abakuramo ubushwambagara bwabo maze akabambika ikanzu yo gukiranuka kwe kuzuye. Uko niko ategura itorero rye kuba umugeni we, itorero rifite ubwiza, ritagira ikizinga, nta n'umunkanyari, ryera, ridakemangwa. (Abefeso 5:27) Ubwiza bwuzuye bw'itorero no gukomera kwaryo bizerekanwa gusa ubwo Yesu azaba agarutse.

**4.Itorero nka Yerusalemu yo mu ijuru***.* Ibyanditswe byita yerusalemu Siyoni. Aho niho Imana izatura n'ubwoko bwayo. (Zaburi 9:12). Siyoni niho agakiza gaturuka. (14:7, 53; 7). Uyu murwa ugomba kuba ibyishimo by'isi yose. (Zaburi 48:3).

Isezerano rishya ritwereka itorero nka yerusalemu yo mu ijuru. Yerusalemu y'iby'umwuka hano mu isi. (Abagalatiya 4:26). Abaturage b'iyi yerusalemu yo mu isi bafite ubwenegihu mu ijuru. (Abafiripi 3:20). Ni abana b'isezerano "babyawe n'umwuka" kandi bafite umudendezo bahawe na kristo. (Abagalatiya 4:28, 29, 5:1). Abaturage b'uwo murwa ntabwo bakiri mu bubata bwo kugerageza gutsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko. (Abagalatiya 4:22, 26, 31, 5:4).

Ku bw'Umwuka wera bategereza bizeye gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera. Bumva ko muri Yesu uburenganzira bw'igihugu cy'isezerano babuhawe no kwizera gukorera mu rukundo. (Abagalatiya 5:5,6). Abari muri uyu muryango ukomeye w'Imana begereye umusozi wa siyoni n'ururembo rw'Imana ihoraho ari rwo yerusalemu yo mu ijuru, kandi begere iteraniro ry'abamarayika batabarika n'itorero ry'abana b'Imfura banditswe mu ijuru, begereye Imana umucamanza wa bose (Abaheburayo12:22,23).

**5. Itorero nk'umuryango.** Itorero mu isi no mu ijuru ni nk'umuryango. (Abefeso3:15). Hakoreshejwe ibigereranyo bibiri ngo berekane uburyo bwo kwinjira muri uwo muryango: Kwakirwa nk'abana b'Imana, (Abaroma8:14-16; Efeso1:4-6) no kuvuka bushya (Yohana 3:8). Ku bwo kwizera dufite muri Kristo, ababatijwe bushya ntibaba bakiri imbata, ahubwo ni abana ba Data wo mu ijuru; (Abagalatiya 3:26-4:7), babaho ku bw'amahame y'isezerano

rishya. Ubu bari mu b'inzu y'Imana (Efeso 2:19), "abavandimwe mu kwizera" (Abagalatiya 6:10).

Abagize umuryango w'Imana bayita "Data" (Abagalatiya 4:6); kandi nabo bakabana nk'abavandimwe ni ukuvuga bene data na bashyiki babo. (Yakobo 2:15; 1Abakorinto 8:11; Abaroma 16:1). Kubera ko Pawulo yazanye abantu benshi mu muryango w'Imana, yifataga nk'aho ari umubyeyi wabo mu by'Umwuka, yaravuze ati "ninjye wababyaje ubutumwa bwiza muri Kristo." (1 Abakorinto 4:15). Akavuga ko abo yazanye mu muryango ari abana be akunda (1 Abakorinto 4:14; Abefeso 5:1).

Ikintu kimwe cy'ingenzi kiranga itorero nk'umuryango ni umushyikirano bagirana(Mu kigiriki bita ***koinonia***(koyinoniya) ntabwo ari ukubana n'abandi gusa mu muryango, ahubwo ni umushyikirano mu butumwa bwiza(Abafiripi 1:5)aribyo bibumbatiye umushyikirano nyakuri n'Imana Data, Umwana n'Umwuka Wera. (IYohana1:3; I Abakorinto1:9; II Abakorinto 13:14), ndetse bagashyikirana n' abizera bose (I Yohana1:3-7). Abagize itorero rero bakiriza buri mwizera mushya wese uje mu muryango w'Imana ikiganza cyerekana umushyikirano wa kivandimwe.(Abagalatiya 2:9).

Ikigereranyo cy'umuryango kigereranya Itorero rifashanya "aho abantu bakundana, bubahana, kandi bakamenyana, Itorero ni ahantu abantu basobanukirwa ko umuntu akenera undi. Aho niho impano zikurira,aho niho buri muntu akurira kandi ninaho buri muntuyuzurizwa. Ibyo bituma bagira inshingano, kandi bakubaha ababyeyi babo b'iby'Umwuka, bakita kuri bashiki babo na bene se mu by'umwuka. Ibyo, bikagaragaza ko bagirana urukundo bigatuma habaho gukomezwa.

Kuba umwe mu bagize umuryango w'Itorero bifasha abantu bafite inshingano zitandukanye na kamere zitandukanye, n'uburyo butandukanye kwishimirana no gufashanya. Abagize umuryango w'itorero biga kubaho mu bumwe bakareka kuba ba nyamwigendaho.

**6. Itorero nk'inkingi n'urufatiro rw'ukuri.** Itorero ry'Imana nzima ni inkingi n'urufatiro rw'ukuri (1Timoteyo 3:15). Itorero ni nk'urufatiro n'ubuturo bw'ukuri rikarinda ukuri abanzi bako bose. Nubwo bimeze bityo, ukuri ntikuguma hamwe gusa ahubwo kurakura. Iyo abagize Itorero bakeneye umucyo mushya ariryo hame shingiro cyangwa ubusobanuro bushya bw'ibyanditswe-abafite ubunararibonye bageragеresha inyigisho nshya yose bakoresheje ijambo ry'Imana. (Reba Yesaya 8 :20).

Niba umucyo mushya uhamanya n' ibyanditswe, itorero rigomba kuwemera; bitaba ibyo rikawanga. Abizera bose bagomba kwishingikiriza kuri uwo mwanzuro ushingiye kuri Bibiliya. « Ariko aho abajyanama bagwiriye haba amahoro ». (Imigani 11:14).

Mu gusakaza umucyo, ibyo ni ukuvuga ku bw'ubuhamya bwawo, itorero rihinduka « umucyo w'isi, umudugudu wubatswe ku mpinga y'umusozi utabasha kwihisha », kandi Itorero rikanahinduka« umunyu w'isi ». (Mat:13-15).

**7. Itorero nk' ingabo-abarwanyi banesha.** Itorero mu isi ni nk'ingabo ku rugamba. Rihamagarirwa guhangana n' imyuka mibi yo mu ijuru"kuko tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri, ahubwo dukirana n'abatware n'abafite abushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru." (Abefeso 6:12). Abakristo bagomba "gutwara intwaro zose z'Imana kugira ngo babashe gukomera ku munsi mubi, kandi barangije byose ngo babashe guhagara badatsinzwe." (Abefeso 6:13).

Mu binyejana byahise, Itorero ryagiye rihangana n'umubi hagati muri ryo no hanze yaryo.(Ibyakozwe 20:29,30; 1Timoteyo 4:1). Ryagize amajyambere agaragara maze riranesha, ariko ubu ntirikiri itorero rinesha. Ikibabaje, itorero riracyafite amakosa akomeye. Binyuze mu migani, Yesu yasobanuye ukudashyika kuri mu itorero "Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'umuntu wabibye imbuto nziza mu murima we. Nuko abantu basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka aragenda."(Matayo13:24-25). Igihe abagaragu bashakaga kurandura urukungu, Nyiri umurima yarababwiye ati"Oya, ahari nimurandura urukungu murarurandurana n'amasaka. Mureke bikurane byombi bigeze igihe cyo gusarurwa." (Matayo13:29-30) Urukungu n'amasaka byose bikurira mu murima umwe. Mu gihe Imana izana abantu bahindutse mu itorero satani nawe azanamo abantu batahindutse. Ibi bice bibiri bigira icyo bihindura ku itorero ubwaryo. Igice kimwe gituma ryezwa, ikindi kigatuma rigwa mu bishuko. Ibibatandukanya mu itorero bizagumaho kugeza igihe cy'isarura arbyo ku kugaruka kwa Yesu.

Intambara y'itorero rirwana n'abo hanze nayo ntabwo irarangira. Itorero rigira impagarara no kutumvikana. Kuko Satani azi ko asigaranye igihe gitoya niyo mpamvu afitiye itorero umujinya mwinshi (Ibyah12:12,17), azateza itorero " umubabaro ukomeye utigeze kubaho uhereye ku kuremwa ku isi, ariko Yesu azaza gutabara ubwoko bwe bukiranuka abukize muri icyo gihe, abantu amazina yabo azaba yanditswe mu gitabo cy'ubugingo bazakizwa"(Danieli12:1). Yesu yadusezeraniye ko "uwihangana akageza imperuka ariwe uzakizwa" (Matayo 24:13).

Mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo, itorero rinesha rizerekanwa. Muri icyo gihe Kristo "azashobora kwerekana itorero rifite ubwiza", rizaba rigizwe n'abizera bo mu bihe byose, bacunguwe n'amaraso ye; "ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari, ahubwo ari iryera kandi nta nenge rifite."(Abefeso 5:27).

## Itorero rigaragara n'iritagaragara.

Iyi mvugo "rigaragara»cyangwa «ritagaragara"yakoreshejwe kugira ngo batandukanye imigabane ibibiri y'itorero ku isi. Ibigereranyo twakoresheje hejuru byerekeza ku itorero rigaragara.

**1.Itorero rigaragara.**

Itorero rigaragara ni itorero ry'Imana ryashyiriweho umurimo**.** Ryuzuza inshingano yaryo yo kubwiriza ubutumwa bwiza ku isi yose. (Matayo 28:18-20), no kwiteguriza abatuye isi kugaruka kwa Yesu mu bwiza. (1Abatesalonike 5:23; Abefeso 5:27).

Nk'umuhamya wihariye watoranyijwe wa KristoYesu Itorero rimurikira kandi rikabwiriza isi nkuko Kristo yabigenzaga ribwiriza abakene ubutumwa bwiza, ribwira imbohe ko zibohorwa, impumyi ko zihumuka, no kubohora ibisenzegeri no kubamenyesha iby'umwaka umwami agiriyemo imbabazi. (Luka 4:18,19).

**2.Itorero ritagaragara.** Itorero ritagaragara ryitwa na none itorero rusange, rigizwe n'ubwoko bw'Imana bukomoka ahantu hose ku isi. Rinagizwe n'abizera bagize Itorero rigaragara, ndetse n'abandi batandukanye batagengwa na gahunda y'Itorero rigaragara bakurikiye umucyo bahawe na Kristo. (1Yohana 1:9).Iri tsinda rya nyuma ntabwo bagize amahirwe yo kwiga iby'ukuri kwa Yesu ariko bumviye Umwuka kandi ku bw'umuco kamere bakora ibyo amategeko asaba. (Abaroma 2:14).

Kubaho kw'itorero ritagaragara byerekana ko guhimbaza Imana birenze kure amagambo, ko bahimbaza Imana mu mwuka. Yesu yaravuze ati " Abasenga Imana by'ukuri bagomba kuyisenga mu mwuka no mu kuri, kuko aribyo Imana idusaba (Yohana 4:23). Kubera umuco kamere guhimbaza k'ukuri mu mwuka abantu ntibashobora kumenya neza abagize itorero ry'Imana n'abatarigize.

Ku bw'umwuka wera, Imana izana ubwoko bwayo mu itorero ritagaragara ngo ryinjire mu busabane bw'itorero rigaragara "Mfite n'izindi ntama zitari izo muri uru rugo, birakwiye ko nzizana zizumva ijwi ryanje, bazaba umukumbi umwe bagire umwungeri umwe. (Yohana10:16). Ni mu itorero rigaragara gusa bashobora kubona ubunararibonye bw'ukuri kw'Imana, urukundo, umushyikirano, kubera ko Imana yahaye itorero rigaragara impano z'umwuka izo mpano z'umwuka zubaka abarigize muri rusange n'umutu ku giti cye.(Abefeso4:16). Igihe Pawulo yamaraga guhinduka, Imana yamuhuje n'itorero ryayo rigaragara imugira umuyobozi w'ubutumwa bwayo (Ibyakozwe 9:10-22). Ni muri ubwo buryo na n'uyu munsi Imana ishaka kuyobora itorero ryayo rigaragara rirangwa no gukomeza amategeko yayo kandi bakagira kwizera nk'ukwa Yesu kugira ngo ifatanye naryo kurangiza umurimo wayo mu isi (Ibyahishuwe14:12; 18:4; Matayo24:14; Reba n'igicye cya cumi na gatatu cy'iki gitabo).

Ijambo Itorero ritagaragara na none ryagiye rifatwa nk'Itorero rihuje iryo mu isi n'iryo mu ijuru (Abefeso1:22-23)ndetse n'itorero rizaba ryahungiye mu butayu mu gihe cy'akarengane (Ibyahishuwe12:6, 14).

**Gahunda y'itorero.**

Itegeko rya Kristo ryo kujyana ubutumwa bwiza mu isi yose bikubiyemo na none no gukomeza kugaburira abamaze kubwakira. Abizera bashya bagomba kugira kwizera kandi bakigishwa gukoresha neza mu murimo ububasha n'impano bahawe n'Imana. Kuko "Imana atari Imana y'umuvurungano" ahubwo ishaka ko byose bikorwa mu "kuri no muri

gahunda" (1Abakorinto 14:33;40), Itorero rigomba kugira gahunda itarimo igitugu ariko na none ihamye.

**Imiterere ya gahunda y'itorero.** Reka dusesengure imiterere y'abayoboke b'itorero na gahunda y'itorero.

**1.Kuba umwizera w'itorero.** Igihe bujuje inshingano zimwe na zimwe, abihannye bahinduka abagize umuryango mushya w'abizera. Kuba umuyoboke w'itorero bishatse kuvuga kwemera imishyikirano mishya n'abandi,leta n'Imana.

***a)Ibisabwa ku kuba umwizera w'itorero.*** Abashaka bose kuba abagize Itorero ry'Imana bagomba kwemera Yesu nk'umwami n'umukiza wabo, bakihana ibyaha byabo kandi bakabatizwa (Ibyakozwe2:36-41;4:10-12). Bagomba kuvuka bushya kandi bakemera umurimo wa Kristo wo kwigisha abandi kwitondera iby'Imana yabategetse (Matayo28:20).

***b)Uburinganire n'umurimo*.** Tugendeye kubyo Yesu yavuze ati "muri abavandimwe mwese" kandi "ushaka kuba mukuru muri mwe abe umugaragu w'abandi" (Matayo23:8; 11). Abagize Itorero bagomba kubana nkaho bangana. Bityo kandi bagomba kumva ko kugera ikirenge mu cya Kristo ari ukwita ku bukene n'ibyifuzo by'abandi, bakabayobora ku Mwami.

***c)Ubutambyi bw'abizera bose*.** Kuby'umurimo kristo akorera mu buturo bwera bwo mu ijuru ubutambyi bw'abalewi buhinduka ubwarangije igihe cyabwo.Ubungubu Itorero"ryabaye ubutambyi bwera" (1Petero 2:5). Pawulo yaravuze ati: "Ariko mwebwe ho muri ubwoko bwatoranijwe ishyanga ryera abatabyi b'ubwami abantu Imana yaronse kugirango mwamaze ishimwe ry'iy'abahamagaye ikababakura mu mwijima ikabageza mu mucyo w'itangaza" (1Petero 2:9).

Iri tegeko rishya aririyo ubutambyi bw'abizera bose ntabwo ryemerera umwizera wese ku giti cye gutekereza, kwizera, no kwigisha nkuko yishakiye atagendeye kuri gahunda yashyizweho n'itorero. Bivuga ko buri mwizera wese w'itorero afite inshingano yo gukorera abandi mu izina ry'Imana kandi ko ashobora kugirana umushyikirano n'Imana ye nta muntu ubahuje. Imana ishimangira ubufatanye bw'abizera b'Itorero nubwo bafite ubwigenge. Ubwo butambyi ntabwo bushyira itandukaniro hagati y'abayobozi b'Itorero n'abarayiki nubwo hari itandukaniro ry'imirimo bakora .

***d)Kugandukira Imana na Leta.***Bibiliya ivuga uburyo Imana ishyiraho abayobozi ba leta n'uko isaba abizera kubumvira no kubagandukira.Umuyobozi wese ni "umukozi w'Imana kugira ngo ahoreshe umujinya ukora nabi".Abakristo b'Itorero bagomba kumvira iri tegeko "mwishyure bose ibibakwiriye: ababasoresha mubasorere, ababahinisha mubahinire abo gutinya mubatinye abo kubahwa mububahe nabo(Abaroma 13:4; 7).

Inyifato y'abakristo kuri Leta igomba kugengwa n'iri hame rya Kristo"Ibya Kayizari mubihe kayizari n'Iby'Imana mubihe Imana" (Matayo 22:21).Ariko igihe leta ibangamiye amategeko y'Imana icy'ingenzi ni ukumvira Imana kuruta abantu (Ibyakozwe 5:29).

**2.Umumaro w'ingenzi wa gahunda y'Itorero.** Gahunda y'Itorero yashyiriweho kugirango ibashe kuzuza umugambi w'Imana: kumenyesha isi yose kumenya icyubahiro cy'Imana. Itorero rigaragara gusa niryo ryonyine ribasha gukora ibishoboka kugira ngo rigere kuri uwo mugambi.

***a)Guhimbaza no guhugura.*** Kuva igihe Itorero ryabereyeho ryabaye igikoresho cy'Imana kugira ngo gihurize hamwe abizera mu murimo wo guhimbaza umuremyi wabo ku munsi w'isabato. Yesu n'abagishwa be bitegereje icyo gikorwa cy'amateraniro, impuguro z'ibyanditswe bahugura abizera bati"Twe kwirengagiza guteranira hamwe nkuko bamwe bajya babigira ahubwo muhugurane kandi uko mubonye urya munsi wegera mube ariko murushaho kugenza mutyo (Abaheburayo 10:25; 3:13). Guteranira hamwe bizanira uhimbaza guhembuka mu by'umwuka, kongerwa imbaraga, n'umunezero.

***b)Ubumwe bwa Gikristo.*** Binyuze mu itorero, ibyifuzo by'abagize itorero mu gushaka ubumwe birasubizwa rwose. "Gufatanya mu kuvuga ubutumwa bwiza" (Abafilipi 1:5), birenze imishyikirano yindi yose, kuko ari umushyikirano wihariye w'Imana n'abahuje ukwizera. (1 Yohana 1, 6, 7).

***c)Ibyo kwigisha ibyanditswe.*** Kristo yahaye Itorero "imfunguzo z'ubwami bw'ijuru" (Matayo 16:19). Izo mfunguzo ni amagambo ya Kristo ariyo magambo ya Bibiliya yose by'umwihariko urufunguzo rwo kumenya. Ku birebana n'uburyo bwo kwinjira mu bwami bwo mu ijuru (Luka 11:52). Amagambo ya Kristo ni umwuka akaba n'ubugingo ku bayakira bose (Yohana 6:63). Amagambo ya Kristo atanga ubugingo bw'Iteka (Yohana 6:68).

Igihe Itorero rivuga ukuri kwa Bibiliya, izo mfunguzo z'agakiza zifite ububasha bwo gukingura no gukinga ijuru,kubera abagize Itorero bigisha ibigenderwaho kugira ngo umuntu yemerwe cyangwa yangwe;akizwe cyangwa arimbuke.Bityo rero kwamamaza ubutumwa bwiza ni impumuro y'ubugingo kuri bamwe n'impumuro y'urupfu ku bandi (2 Abakorinto 2:16).

Yesu yari azi akamaro ko "kubeshwaho n'amagambo ava mu kanwa k'Imana" (Matayo 4:4). Ni mu gukora gutyo gusa itorero rishobora kubahiriza itegeko Yesu yabategetse ati«mwigishe abantu bose ko mu mahanga yose kwitondera ibyo nababwiye byose»(Matayo 28:20).

***d)Gushyira mu bikorwa umurimo w'Imana.*** Itorero ni igikoresho Imana yifashisha kugira ngo iyobore umubatizo ari wo muhango wo kwinjira mu itorero ry'Imana (reba igice cya cumi na gatanu cy'iki gitabo), ndetse n'umuhango wo kozanya ibirenge n'ifunguro ryera (Reba igicye cya cumi na gatanu cy'iki gitabo).

***e)Kubwiriza ubutumwa amahanga yose.*** Itorero rifite gahunda yo kubwiriza ubutumwa kugira ngo basohoze inshingano abisirayeri bananiwe. Nkuko dushobora kubibona mu buzima bwa Yesu, umurimo ukomeye Itorero rigomba gukora mu isi ni ukwigisha ubutumwa bwiza, "kugira ngo bibere ubuhamya amahanga yose" (Matayo 24:14), babiheshejwe no kubatizwa n'umwuka wera.

Uyu murimo ukubiyemo gutangaza ubutumwa bwo kwitegura kugaruka kwa Kristo aribyo bireba n'itorero ubwaryo(1Abakorinto1:7-8; 2 Petero 3:14; Ibyahishuwe 3:14-22; 14:5), n'abasigaye bose b'ikiremwamuntu. (Ibyahishuwe 14:6-12; 18:4).

**Ubuyobozi bw'Itorero.**

Nyuma yuko Yesu asubira mu ijuru, ubuyobozi bw'Itorero bweguriwe intumwa za Yesu. Igikorwa cyabo cya mbere cyo gushyiraho ubuyobozi cyabaye gutora indi ntumwa yo gusimbura Yuda (Ibyakozwe n'intumwa 1:15-26).

Uko Itorero ryarushagaho gukura niko abigishwa babonaga ko bidashoboka kwigisha ijambo ry'Imana no kwita ku bibazo bya buri munsi by'abizera b'Itorero. Niyo mpamvu, bahaye ububasha abagabo barindwi bahisemo ngo bakurikirane ibikorwa nk'ibyo mu Itorero. Nubwo Itorero ryatandukanyaga umurimo w'ijambo ry'Imana n'uwo kugaburira abantu(Ibyakozwe 6:1-4),ntabwo batandukanyaga abayobozi n'abakorera bushake mu murimo w'Itorero. Muri make babiri muri abo barindwi FiIipo na Sitefano baramenyekanye cyane kubera imbaraga bari bafite mu kwigisha no kwamamaza ubutumwa bwiza (Ibyakozwe 7:8).

Gukura kw'Itorero muri Aziya no mu Burayi byagaragazaga ko hakenewe guterwa intabwe iruseho muri gahunda y'Itorero. Mu gushyiraho insengero nyinshi,abakuru b'amatorero bashyizweho muri buri torero kugira ngo ribashe "kugira ubuyobozi buhamye" (Ibyakozwe14:23).

Iyo ikibazo gikomeye cyavukaga, abo bireba bari bemerewe kugaragaza ibitekerezo byabo imbere y'inama rusange igizwe n'Intumwa n'abakuru b'amatorero bahagarariye itorero ryose uko ringana. Iyo abagize inama bahurizaga ku mwanzuro umwe, wafatwaga nkaho ari ijwi ry'Imana. (Ibyakozwe n'Intumwa 15 : 1-29).
Ikintu cyabaye dusoma mu Byakozwe 15 ni urugero rw'uko iyo ikibazo cyabaga ari icy'Itorero ryose muri rusange, inama n'ububasha bivuve ku buyobozi bwisumbuye ku itorero ry'ahantu hamwe byababaga ari ngombwa kuruta umwanzuro w'itorero ry'ahantu hamwe cyangwa umwanzuro wafashwe n'abayobozi b'itorero gusa. Muri ubwo buryo umwanzuro wafatwaga n'impande zose harimo n'abayobozi b'itorero bo ku mpande zirebwa n'icyo kibazo. ( Ibyakozwe 15 : 22,25 )

Isezerano rishya ryerekana ku buryo bwumvikana ko igihe habaga hari igikenewe, Imana yayoboraga abayobozi b'umurimo wayo. Bayobowe n'Imana mu nama nkuru y'Itorero abayobozi bashyizeho amahame nyobozi ashobora kurinda itorero ubuyobe kandi akabubashisha gusohoza inshingano yaryo ikomeye abaye akurikijwe uyu munsi.

**Amahame ya Bibiliya y'ubuyobozi bw' Itorero.**

1. ***Kristo niwe muyobozi mukuru w'Itorero.*** Ubutware bwa Kristo ku Itorero bushingiye mbere na mbere ku murimo we w'umuhuza. Kuva yatsinda Satani ku musaraba, Kristo yahawe " ubutware bwose mu Isi no mu Ijuru". (Matayo 28: 18.) Imana "yamuhaye gutwara byose, ibishyira munsi y'ibirenge bye, imuha n'Itorero ngo abe

umutwe waryo usumba byose." (Abefeso 1: 22 Reba Abafilipi 2: 10, 11.) Ni "Umutware utwara abatware n'Umwami w'abami". (Ibyahishuwe 17: 14.)

Kristo kandi ni umutwe w'Itorero, kubera ko ari umubiri we. (Abefeso 1: 23, Abakorosayi 1: 18). Abizera ni "Ingingo z'umubiri we, z'akara ke, n'amagufwa ye" (Abefeso 5: 30.) Bagomba kugirana nawe isano ya bugufi, kubera ko ari kuri we Itorero "umubiri wose ukura gukura kwawo gutangwa n'Imana, ugatungwa n'iby'ingingo n'imitsi bitanga, ugateranywa neza na byo". (Abakorosayi 2: 19.)

*2.* ***Kristo ni isoko y'ubutware bwose bw' Itorero.*** Kristo yerekana ubutware bwe mu buryo bukurikira: *(*a) ashyiraho Itorero rya Gikristo (Matayo 16 : 18); (b). Ashyiraho imihango Itorero rigomba kugenderaho (Matayo 26 : 26-30 ; 28 : 19 ; 1 Abakorinto 11 : 23-29 ; Yohana 13 : 1-17) ; *(c)* Guha Itorero impano y'ubutware mvajuru buryemerera gukora mu Izina rye (Matayo 16 : 19 ; 18 : 15-18 ; Yohana 20 : 21-23); *(d)* Yohereza umwuka Wera kuyobora mu bubasha bwe Itorero rye (Yohana 15 : 26 ; 16 : 13-15); *(e)* Mu gutanga impano zitandukanye mu itorero kugirango abantu bakore nk'intumwa, abahanuzi , ababwiriza butumwa, abapasitoro (abashumba)n'abigisha kugirango biteguze abizera umurimo no kubaka "umubiri wa Kristo"kugeza ubwo bose bagera ku bumwe bwo kwizera no ku "gihagararo gishyitse cya kristo". (Abefeso 4: 7-13).

***3. Ibyanditswe Byera bifite ububasha bwa Kristo.*** Nubwo Kristo ayoboresha Itorero rye Umwuka Wera, Ijambo ry'Imana niryo ryonyine Itorero ryishingikirizaho. Abizera bose bagomba kuryumvira kuko ari Itegeko ridakuka. Imigenzo yose ya kimuntu, imico n'imigenzereze iri munsi y'ubutware bw'Ibyanditswe byera(2 Timoteyo 3:15-17).

*4.* ***Ubutware bwa Kristo n' ibyiciro byo mu Itorero.*** Yesu akoresha ububasha bwe abinyujije mu Itorero n'abakozi atoranyije by'umwihariko, ariko ntabwo atanga burundu ububasha bwe, nta numwe ufite ububasha bundi bwigenga uretse ubwa Kristo n'Ijambo rye.

Amatorero y'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi atora abayobozi. Ariko mu gihe abo bayobozi bakora nk'abahagarariye abizera, ububasha bwabo buva kuri Kristo. Gutorwa kwabo gushimangira ihamagarwa bakiriye rivuye kuri Kristo.

Inshingano ya mbere y'abayobozi batowe ni ukugenzura ko amabwiriza ya Bibiliya kubyerekeye guhimbaza, amahame y'itorero, imico mbonera no kwigisha ubutumwa bwiza byubahirizwa. Kubera ko Itorero ari umubiri wa Kristo, bagomba gushaka inama ze ku byerekeye imyanzuro bafata n'ibikorwa bakora.

**Abayobozi bo mu Itorero rya mbere rya gikiristo.**

Isezerano Rishya ryerekana inshingano ebyiri mu Itorero: iy'umukuru w'itorero n'iy'umudiyakoni. Akamaro k'abo bayobozi kagaragarira mu mico ihamye ku myitwarire n'iy'iby'umwuka bagomba kugira. Itorero ryerekanye uburyo ari uguhamagarirwa umurimo wera kuyobora ubwoko bw'Imana mu muhango wo kubarambikaho ibiganza. (Ibyakozwe 6: 6; 13:2, 3; 1Timoteyo 4: 14; 5:22).

***1. Abakuru b'amatorero***

***a)Umukuru w'Itorero ni muntu ki ?***

"Abakuru" (mu kigiriki *presbutéros* soma puresibiterosi) cyangwa umwepisikopi (*épiscopos) cyangwa bishops(bishopu)*bari abayobozi b'ingenzi mu Itorero. Ijambo *umukuru* rigaragaza umuntu ukuze, kandi ryerekeje k'ubunyangamugayo no kubahwa. Umwanya we wagereranywaga n'uw'umugenzuzi w'isinagogi. Ijambo *bishop* risobobanura "urebera". Pawulo akoresha ayo magambo nk'asobanura ikintu kimwe "umukuru", "umugenzuzi", cyangwa "bishop(urebera)". (Ibyakozwe 20: 17, 18; Tito 1:5, 7.)

Ababaga bakora uwo murimo bari bashinzwe kugenzura amatorero yabaga amaze guhangwa. Ijambo " umukuru" ryerekeza ku rwego rw'iyo nshingano, naho "umwepisikopi" (bishop) ryerekeje ku murimo cyangwa inshingano y'urebera. Kubera ko abigishwa biyitaga abakuru (1 Petero 5 :1 ; 2 Yohana 1 ; 3Yohana 1), bigaragara ko hariho abakuru bo ku matorero n'abakuru bo ku Itorero ryose muri rusange. Ariko ubwo bwoko bubiri bw'abakuru bakoraga nk' abungeri b'amatorero.

***b.Ibisabwa ku kuba umukuru w'Itorero***

Kugira ngo umwizera yuzuze inshingano y'umukuru w'itorero agomba kuba ari «inyangamugayo, no kuba umugabo w'umugore umwe; ab'udakunda ibisindisha, wirinda, ugira gahunda mu kubaho kwe, ukunda gucumbikira abashyitsi, ufite ubwenge bwo kwigisha, utari umunywi wa vino, cyangwa umunyarugomo ahubwo ab'umugwaneza, uteri umunyarukoni, utari umukunzi w'impiya, uyobora neza abo mu rugo rwe, agatera abana be kumvira no kubaha rwose. (Mbese utazi gutegeka abo mu rugo rwe yabasha ate kurinda Itorero ry'Imana ?) Kandi ntakwiriye kuba uhinduts'umukristo vuba, kugira ngo atikakaza, akagwa, agacirwaho iteka Satani yaciriweho. Kand'akwiriye gushimwa neza nabo hanze, kugira ngo adahinyuka akagwa mu mutego wa Satani. » (1Timoteyo 3 : 1-7;Tito 1:5-9)

Mbere yo guhabwa iyo nshingano, umuntu akwiriye kuba yarerekanye ko azi kuyobora urugo rwe. « Urugo rw'umuntu utekerejwe ko yakuzuza iyo nshingano rukwiye kwitabwaho. Ese ruramwumvira ? Mbese uwo mugabo abasha kuyoboresha ishema abo mu nzu ye ? Ese imyifatire y'abana be imeze gute? Ese bazahesha Se ishema ? Niba adafite ubwitonzi, ubwenge, n' urugero rwiza mu muryango we, ni byiza gufata umwanzuro ko iyo migenzereze itari myiza izagaragara no munshingano ye y'ubukuru bw'Itorero.» Niba ugiye gutorwa yubatse, agomba kwerekana ko afite ubushobozi bwo kuyobora urugo rwe mbere yuko ahabwa inshingano zirushijeho gukomera mu "nzu y'Imana". (1 Timoteyo 3: 15.)Kubera agaciro k'iyo nshingano Pawulo yarihanangirije ati " Ntukihutire kugira uw'urambikaho ibiganza." (1 Timoteyo 5:22)

-

-

-

-

***c.Inshingano n'ububasha by'umukuru w'Itorero***. Umukuru w'Itorero mbere ya byose ni umuyobozi w'iby'umwuka. Atoranywa kugira ngo "aragire Itorero ry'Imana". (Ibyakozwe 20 :28) Mu nshingano ze harimo kwita ku bizera bafite intege nke (Ibyakozwe 20 : 35), gukosora abaguye mu makosa (1Abatesalonike 5 : 12), no kugenzura imyigishirize yose

ibasha gutera amacakubiri (Ibyakozwe 20 : 29-31). Abakuru b'amatorero bagomba kuba intangarugero mu buzima bwa gikristo (Abaheburayo13 : 7 ; 1 Petero 5 : 3) kandi bakaba intangarugero mu gutanga ( Ibyakozwe 20 : 35)

***d.Inyifato ikwiriye imbere y'umukuru w'Itorero.*** Uruhare runini rw'imyifatire myiza mu Itorero ruterwa no kumvira kw'abizera. Pawulo ashishikariza abizera kubaha abayobozi no " kububaha mu rukundo ku bw' umurimo wabo". ( 1Abatesalonike 5 : 13) "Abakuru b'Itorero batwara neza batekerezwe ko bakwiriye guhabwa icyubahiro inshuro ebyiri ariko cyane cyane abarushywa no kuvuga Ijambo ry'Imana no kwigisha" (1 Timoteyo 5 : 17) Ibyanditswe Byera byeruye ko ari ngombwa kubaha abayobozi b'Itorero. «Mwumvire ababayobora mubagandukire kuko aribo baba maso barinda imitima yanyu nk'abazababazwa.»(Abaheburayo 13 : 17 ; Reba 1 Petero 5 : 5) Iyo abizera babuza abayobozi gusohaza inshingano Imana yabahaye, bamwe kimwe n'abandi babura ibyishimo by'iterambere mvajuru.

Abizera bararikirwa kugera ku rugero ntangarugero rw'ababayobora. «Mwibuke ababayoboraga kera bakababwira ijambo ry'Imana. Muzirikane iherezo ry'ingeso zabo mwigane kwizera kwabo. »(Abaheburayo 13 : 7) Ntibagomba kwita ku magambo y'amateshwa. Pawulo yatanze iyi nama : "Ntukemere ikirego ku mukuru, hatariho abagabo babiri cyangwa batatu" (1 Tumoteyo 5 : 19)

## 2. Abadiyakoni n'abadiyakonikazi

Ijambo "umudiyakoni " riva mu kigiriki *diakonos(diyakonosi)*, risobanura "umugaragu" cyangwa "umufasha". Inshingano y'umudiyakoni yashyizweho kugirango intumwa zuzuze inshingano zazo neza zo " gusenga no kwigisha Ijambo ry'Imana" (Ibyakozwe 6 : 4) Nubwo abadiyakoni bagombaga kwita ku by'ubu buzima bw'Itorero, bagombaga no kwibanda ku kwigisha ubutumwa bwiza. (Ibyakozwe 6: 8; 8: 5-13, 26-40).

Iryo jambo rigaragara mu gitsina gore mu Baroma 16 : 1. Abasobanuzi bagiye barisobanura ngo " umuja" cyangwa " umudiyakonikazi". « Iryo jambo n'uko rikoreshwa muri uwo murongo ryerekana ko inshingano y'umudiyakonikazi yashyizwe mu Itorero igihe Pawulo yandikaga urwandiko rw' abaroma [10]. »

Kimwe n'abakuru b'Itorero, abadiyakoni batoranywa n'Itorero bashingiye ku mico mbonera n'iby'umwuka (1Timoteyo 3 : 8-13).

***Imyitwarire mbonera y'Itorero*.** Kristo yahaye Itorero ububasha bwo gushyiraho imyitwarire mbonera mu bizera kandi rigashyiraho gahunda yo kuyikurikiza Kristo ategereje ko Itorero rikurikiza ayo mahame igihe cyose ari ngombwa kugirango rirusheho kugumana uguhamagarwa kwaryo kurigira « ubwoko bw'abatambyi bera » n'« ishyanga ryera » ( Reba Matayo 18 : 15-18 ; 1 Petero 2 :5, 9 ). Ariko rero Itorero rikwiye kwihata gukangurira abizera bazimiye ko bakeneye guhindura imyitwarire yabo. Kristo ashima Itorero rya Efeso kubera ko « ritabasha kwihanganira abanyangeso mbi » ( Ibyahishuwe 2 : 2 )Ariko kandi agacyaha Itorero rya Perugamo n'irya Tuwatira kubera ko bihanganira abigisha ibinyoma n'abasambanyi ( Ibyahishuwe 2 : 14, 15, 20 ). Reba iyi nama ya Bibiriya ikurikira ku byerekeye imico mbonera:

***1. Kubyerekeye amakimbirane yihariye hagati y'abantu ubwabo.*** Igihe umwizera aryarye undi ( Matayo 18 : 15-17 ), Kristo aha inama uwahutajwe kwegera uwabimukoreye ari we ntama yazimiye akamwumvisha guhindura imigenzereze ye. Atagera ku ntego akongera kugerageza ubwa kabiri ari kumwe n'umugabo umwe cyangwa babiri. Niba iryo gerageza rya kabiri rinaniranye, ikibazo kigomba kujyanwa imbere y'Itorero ryose.

Niba uwo mwizera wayobye ahinyuye ubwenge ndetse n'ubuyobozi bw'Itorero rya Kristo, azaba yitandukanyije ubwe n'ishyanga ry'Imana. Mu guheza uwo muntu, Itorero riba rigaragaza gusa icyo yahisemo. Niba Itorero riyobowe n'Umwuka Wera ryarakurikije inama y'ijambo ry'Imana, imyanzuro yabo yemerwa nk'ukuri ko mu Ijuru. Kristo aravuga ati « Icyo muzaboha ku isi kizaba kiboshywe n'Imana mu Ijuru. Kandi icyo muzabohora ku isi kizaba kibohowe n'Imana mu Ijuru » (Matayo 18: 18)

***2. Kubyerekeye ibyaha byo mu ruhame.*** Nubwo « bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana » (Abaroma 3: 23) amahano akozwe kandi ayobowe n'umwuka wo kwigomeka atuma Itorero riteshwa agaciro, akwiriye guhita ahanishwa no guhezwa mu Itorero ku wa bikoze.

Guhezwa ,ku ruhande rumwe,gukuraho icyaha ari cyo cyashoboraga kuba nk'umusemburo maze itorero rikezwa,kandi,ku rundi ru hande, ni nk'umuti ukiza kuwakoze icyaha. Igihe Pawulo yumvaga iby'uwasambanye mu Itorero ry'Ikorinto yahise agira icyo akora: mu izina ry'umwami wacu Yesu yaravuze ati « Noneho nimuzakoranira hamwe, muhujwe n'umwuka wera, n'imbaraga z'umwami wacu Yesu Kristo, muharire uwo muntu Satani kugira ngo umubiri we upfe, ariko ubugingo bwe buzakizwe ku munsi Nyagasani azaziraho … Nimwitunganye mwivanemo umusemburo wa kera kugira ngo mumere nk'irobe rishya » (1 Abakorinto 5: 4, 5,7 ) Atanga inama yo kutifatanya n'uwiyita umukristo ariko akaba ari « umusambanyi cyangwa umunyamururumba cyangwa usenga ibigirwamana cyangwa utukana cyangwa umusinzi cyangwa igisambo. »;Abategeka « kudasangira n'umuntu umeze gutyo » kandi ati « Muzakure inkozi z'ibibi muri mwe » (1 Abakorinto 5: 11, 13.)

***3. Ibyerekeye abizera batera amacakubiri.*** Umwizera « utera amacakubiri » (Abaroma 16: 17) « udakurikiza gahunda » wanga kumvira inama ya Bibiliya agomba guhezwa « kugirango agire isoni » z'ibikorwa bye. Ariko intumwa Pawulo aravuga ati « ntimumufate nk'umwanzi, ahubwo mujye mumuhana bya kivandimwe » (2 Abatesalonike 3: 6, 14, 15) Niba uwo wateje amacakubiri yanze kumvira umuburo wa kabiri w'Itorero agomba guhezwa, "Kuko uzi yuko umeze atyo agoramye kandi akora ibyaha yicira urubanza". (Tito 3: 10, 11.)

***4. Kugarura mu nzira uwacumuye***

Abagize itorero ntibakwiye gusuzugura, guhunga, cyangwa kutita ku bantu bahejwe. Ahubwo bagomba kugerageza kubafasha mw'ihembuka ry'umushyikirano bagirana na Kristo mu kwihana no kuvuka ubwa kabiri. Abahejwe bashobora gusubizwa mu muryango w'Itorero iyo bagaragaje ibimenyetso byo kwihana nyakuri (2 Abakorinto2: 6-10).

Mu buryo bw'umwihariko binyuze mu kugarura abaguye mu Itorero haba herekanwa imbaraga y'Imana , ubwiza bwayo n'ubuntu bwayo bigaragagara.Imana ishaka cyane kubatura ababaswe n'icyaha akabavana mu bwami bw'umwijima akabageza mu bwami bw'umucyo. Itorero ry'Imana, ryo kabarore k'ibiriho byose, rigaragaza imbaraga z'igitambo cya Kristo mu buzima bw'abagabo n'abagore.

Uyu munsi Kristo, akoresheje Itorero, arararikira abantu bose kuba abo mu muryango we. Aravuga ati« Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi nzinjira iwe dusangire » (Ibyahishuwe 3: 20)

---

## IGICE CYA 13

## IRYASIGAYE N' INSHINGANO YARYO

***Itorero muri rusange rigizwe n'abizera Yesu. Ariko mu minsi ya nyuma mu gihe cy'ubuhakanyi bukomeye,"abasigaye" bakomeza gukurikiza amategeko y'Imana no kwizera Yesu. Abasigaye batangaza ko igihe cy'urubanza gisohoye, bigisha agakiza kabonerwa muri Kristo gusa kandi ko kugaruka kwa Yesu kwegereje. Ibyo bigaragazwa n'ubutumwa bw'abamarayika batatu bo mu byahishuwe 14 bujyanye n'igikorwa cy'urubanza mu ijuru bikagaragazwa n'igikorwa cyo kwihana n'ubugorozi ku isi.Buri mwizera wese ahamagarirwa kubwiriza ubutumwa kugera ku mperuka y'isi.(Ibyah.12:17,14:6-12;18:1-4;2 Kor.35:1;Yuda 3,14;1Pet.1:16-19;2 Pet.3:10-14;Ibyah.21:1-14)***

Ikiyoka kinini cy'umutuku cyacanywe mu ijuru na kimwe cya gatatu cy'abamalayika (Ibyah 12:4,7-9).Iyo gishobora kurya umwana wari umaze kuvuka cyari kuba kinesheje intambara.
Umugore yari ahagaze imbere yacyo yambaye izuba ukwezi kwari munsi y'ibirenge bye ku mutwe we yambaye inyenyeri 12. Umwana w'umuhungu yagombaga kubyara yari kuragiza amahanga inkoni y'icyuma.

Imbaraga zose icyo kiyoka cyakoresheje ngo cyice uwo mwana zabaye izubusa. Uwo mwana yarasahuwe ajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo. Icyo kiyoka gihindukirira wa mugore n'umujinya mwinshi uwo mugore yahungishijwe mu butayu ahantu Imana yari yamuteguriye. Imana yamugabuririye yo ngo amare igihe, ibihe igice cy'igihe; ni ukuvuga imyaka itatu n'igice cyangwa iminsi 1260 y'ubuhanuzi (ibyah 12 :1-6, 13,14).

Mu buhanuzi bwa bibiliya Umugore w'indahemuka ashushanya Itorero ryera ry'Imana. Naho umugore w'umusambanyi cyangwa maraya ashushanya abantu b'Imana bayobye (Ezekeli16; Yesaya57 :8; Yeremiya31 :4,5; Hoseya1-3; Ibyahi17 :1-5).

Ikiyoka « inzoka ya kera umwanzi na Satani» yari yiteguye kurya umwana w'umuhungu wagombaga kuvuka, Mesiya wari utegerejwe igihe kirekire, Yesu Kristo. Satani mu ntambara ye n'umwanzi we Yesu, yakoresheje ubwami bwa Roma nk'igikoresho

cy'ingenzi. Nta kintu na kimwe, kabone nubwo rwaba urupfu rwo ku musaraba, cyari kubuza Yesu gukiza inyokomuntu.

-

Ku musaraba Kristo yatsinze Satani. Avuga ibyo kubambwa kwe, Yesu yaragize ati: « ubu urubanza rw'abisi rurasohoye ; ubu umutware w'abisi abaye igicibwa. (Yohana 12 :31). Ibyahishuwe bivuga indirimbo y'insinzi y'ijuru muri aya magambo «noneho agakiza k'Imana karasohoye gasohoranye n'ubushobozi n'ubwami bw'Imana yacu, n'ubutware bwa kristo wayo, kuko umurezi wa bene data ajugunywe hasi, wahoraga abarega ku manywa na n'ijoro. […] Nuko wa juru we na mwe abaririmo ni mwishime.» (Ibyahi 12 :10-12). Satani amaze gucibwa mu ijuru, ntaburenganzira yari agifite bwo kurega intore z'Imana imbere y'abo mu ijuru.

-

Nyamara nubwo ijuru ryagombaga kwishima,isi yo igomba kuryamira amajanja «Naho wowe wa si we nawe wa nyanja we ugushije ishyano kuko satani yakumanukiye afite umujinya mwinshi aziko afite igihe gito. (Ibyah12:12).

-

Kugira ngo Satani yihimure yatangiye guhiga umugore wabyaye umuhungu–itorero (Ibyah12:13) nyamara nubwo yari afite umubabaro ukomeye yaranesheje. Mukidaturwa,mu butayu,habaye ubuhungiro bw'abera mu gihe cy'iminsi 1260 y'ubuhanuzi cyangwa imyaka 1260 (Ibyah12;14-16; urebe igice cya kane paji ya 49 kubijyanye n'uko umunsi ungana n'umwaka).

-

Ku iherezo ry'icyo gihe cyo mu butayu ubwoko bw'Imana bwatangiye kumva neza ibimenyetso byo kugaruka kwa Yesu. Yohana yagereranije abo bantu n'abasigaye" bitondera amategeko y'Imana kandi bakagira guhamya kwa Yesu."(Ibyah12:17). Satani afitiye urwango rudasanzwe abasigaye. (Ibyah12:17).

-

Ako karengane kabaye ryari kandi kabereye he? Byasohoye bite? Abasigaye babayeho ryari? Ni izihe nshingano zabo? Kugira ngo dusubize ibyo bibazo tugomba kureba mu byanditswe no mu mateka.

-

**Ubuhakanyi bukomeye.**

-

Akarengane k'itorero katangiranye n'ingoma y'Abaroma ya gipagani, nuko gakomeza kubaho uko ubuhakanyi bwakomeje. Ubwo buhakanyi ntibwatunguranye: Yohana, Pawulo, na Yesu bari baravuze ibyabwo.

-

Amwe mu magambo aheruka Yesu yabwiye intumwa ze, yababwiye iby'ubuhakanyi bwagombaga kuzaza ati: "mwirinde hatagira umuntu ubayobya. Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka."(Matayo 24: 4, 24). Intumwa ze zanyuze mukaga gakomeye ariko zirarokoka. (Matayo 24:21, 22). Ibimenyetso biteye ubwoba mu kirere ni byo bizagaragaza iherezo ry'uwo mubabaro, ko kugaruka kwaYesu kuri hafi. (Matayo 24: 29, 32, 33).

-

Pawulo nawe atanga iyi miburo: “nzi yuko nimara kuvaho amasega aryana azabinjiramo, ntababarire umukumbi. Kandi muri mwe ubwanyu hazaduka abantu bavuga ibigoramye kugira ngo bakururire abigishwa inyuma yabo. (Ibyak 20:29,30).Ayo masega niyo azajyana itorero mu buhakanyi.

Dukurikije ibyo Pawulo avuga, ubwo buhakanyi bugomba kubaho mbere yo kugaruka kwa Yesu. Ni iby’ukuri koko niba butaragaragara ni ikimenyetso simusiga kigaragaza ko kugaruka kwa Yesu kutari bugufi. «Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose kuko uwo atazaza, kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, ni urya mugome atarahishurwa, ni we mwana wo kurimbuka, n’umubisha wishyira hejuru y’icyitwa Imana cyose cyangwa igisengwa kugira ngo yicare mu rusengero rw’Imana yiyerekane ko ari Imana.» (2 Tesalonike 2:3,4).

Ni ukuvugako no mugihe cya Pawulo bwari buriho, ariko butarakwira henshi. Kuza k’uwo mugome kuri mu buryo bwo gukora kwa satani, «gufite imbaraga zose n’ibimenyetso n’ibitangaza by’ibinyoma n’ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa kubarimbuka, kuko batamenye gukunda ukuri ngo bakizwe.» (2 Abatesalonike 2:9-10).Mbere y’iherezo ry’ikinyejana cya mbere, Yohana yaravuze ati: “abahanuzi b’ibinyoma benshi baradutse baza mu isi.”Yongeraho ati “umwuka wa antikristo […] umaze [….] kugera mu isi” (1Yohana 4:1, 3).

Ni buryo ki ubwo buryo bw’ubuhakanyi bwaje?

**Kuza “k’uwo munyabugome”**

Kubera ko itorero ryatakaje urukundo rwaryo rwa mbere (Ibyah 2:4),ryanaretse kwera kw’amahame yaryo,ibyo risabwa bitunganye bijyanye n’imyitwarire yaburi muntu n’isano itagaragara y’ubumwe itangwa n’Umwuka wera. Mu kuramya, imihango yasimbuye kwicisha bugufi.

Gushyigikirwa n’abantu benshi n’ubushobozi bw’umuntu ku giti cye ni byo byashingirwagaho mu gutora abayobozi, bakoreshaga igitugu mu itorero ryabo, ndetse bagashaka no kwagurira ubutegetsi bwabo mu yandi matorero abazengurutse.

Byarangiye gahunda z’itorero zayoborwaga n’Umwuka wera zishyizwe mu buyobozi bw’idini, mu maboko y’umuntu umwe, umusenyeri, aho buri muyoboke wese w’itorero agomba kumwubaha kuko ari we wenyine nzira igana ku gakiza. Ni muri ubwo buryo abayobozi batekerezaga ko bayobora itorero aho kurikorera.N’abakuru muri bo ntibifataga nk’abagaragu b’abandi. Bikomeza bityo habaho uruhererekane rw’abasasaridoti, bishyize hagati y’umuntu n’Umwami we.

Uko agaciro k’umuntu karushagaho kugabanuka mu itorero, musenyeri w’i Roma yarushagaho kugaragara nk’umuyobozi w’ikirenga mu mibereho ya gikristo. Abifashijwemo na empereri,uwo musenyeri w’ikirenga cyangwa papa, yamenyekanye nk’umuyobozi ugaragara w’itorero ku isi, ahabwa ubushobozi bw’ikirenga buruta ubw’abandi bayobozi b’itorero ku isi.

Itorero rya gikristo riyobowe n'ubupapa ryinjiye mu mwijima w'ubuhakanyi buteye ubwoba. Ukwiyongera no gukura kw'itorero kwihutishije kuyoba kwabo. Kudaha agaciro amahame ngenderwaho byatumye abapagani bumva banejejwe no kuba mu itorero.Abantu benshi batazi iby'ubukristo nyakuri, abakristo ku izina gusa, binjira mu itorero; nuko bazana ibyiyumviro byabo, ibishushanyo byabo, uburyo bwabo bwo gusenga, uburyo bwabo bwo kuramya,iminsi mikuru yabo,n'ibimenyetso byabo bya gipagani.

Ubwo buryo bwo kwivanga k'ubukristo n'ubupagani bituma habaho "umunyabugome"– gahunda ikomeye y'iby'idini y'ikinyoma, kuvanga ukuri n'ibinyoma. Ubuhanuzi bwo mu 2 abatesalinike 2 ntibuciraho iteka abantu ahubwo buvuga idini nk'ishingiro ry'ubuhakanyi bukomeye . Abakristo benshi muri ubwo buryo bibereye mu itorero ry'Imana ritagaragara kubera ko biberaho bakurikije umucyo bafite.

**Akarengane mu Itorero.**

Iby'umwuka bigenda bikendera buhoro buhoro, Itorero ry'Iroma rigira umutekano ukomeye maze rigirana umushyikirano ukomeye n'ubutegetsi bwa cyami. Itorero na leta byihuza mu buryo butemewe n'amahame y'Imana.

Mu gitabo cye "umudugudu w'Imana", umwe mu bayobozi b'itorero Agusitini ashyira ahagaragara igitekerezo cy'idini gatolika nk'idini ryemewe ku isi yose rikanayobora ubutegetsi bw'isi yose. Igitekerezo cya Agusitini cyabaye ishingiro rya tewolojiya y'ubupapa mu binyejana byo hagati(moyen-âge).

Muri 533 mu ibaruwa ye,umwami w'abami Jusitiniye yatangaje ko musenyeri w'i Roma ari umuyobozi w'amatorero yose. Yari azi kandi ubushobozi bwa papa mu kurwanya amadini yamurwanyaga.

Ubwo Berizeri(Bélisaire), umujenerari wa Justiniye, yatumaga Roma ibona ubwigenge muri 538, umusenyeri w'I Roma yahawe umudendezo ntiyongera gutegekwa n'abastrogoti kuko bari baratumye itorero gaturika ridatera imbere. Umusenyeri w'I Roma yashoboraga gukoresha ubushobozi bw'itegeko ryo muri 533 rya Jusitiniye; yashoboraga kongera ubushobozi "bw'icyicaro cyera".Bityo hatangira imyaka 1260 y'akarengane bibiliya yahanuye (Daniyeli 7:25; Ibyah 12:6, 14, 13:5-7).

Biteye ubwoba: muri ako karengane itorero rifashijwe na Leta ryahatiye abakristo bose amategeko yaryo n'inyigisho zaryo. Benshi bahakanye kwizera kwabo kubwo gutinya akarengane,naho abakomeje kumvira ibyanditswe byera bahuye n'akarengane gakomeye. Aho abakristo bari batuye hahindutse akarere k'intambara. Benshi barafunzwe abandi baricwa bazira izina ry'Imana. Muri icyo gihe cy'akarengane k'imyaka 1260, za miliyoni z'abizera bihanganiye umubabaro ukomeye, abandi benshi bemera gutanga ubugingo bwabo kubwo kwizera Yesu Kristo.

Buri gitonyanga cyose cy'amaraso yamenekaga cyanduzaga izina ry'Imana n'izina rya Yesu kristo. Nta kintu cyagiriye nabi ubukristo nk'ako karengane ka kinyamanswa. Ishusho y'Imana barayihindanya bitewe n'ibyo bikorwa byabo bibi; binjiza mu itorero amahame ya purigatori n'ibihano by'iteka ryose, ibyo bituma benshi bareka ubukristo burundu.

Mbere y'ubugorozi, abantu bari bavuye mu idini gatolika bahagurukiye barwanya ubwicanyi butagira imbabazi, barwanya amafuti yabo yo kwishyira hejuru.Kwanga impinduka mu itorero gatulika kwatumye habaho ivugurura(ubugorozi) rya giporotesitanti mu kinyejana cya 16. Gutsinda kw'ubwo bugorozi kwakomye mu nkokora icyubahiro n'ishema by'itorero ry'I Roma.
Mukurwanya ubugorozi, ubutegetsi bw'ubupapa bwakoresheje intambara y'inkoramaraso ngo busibanganye burundu ubugorozi, ariko uko bukeye bukira bwagiye butsindwa n'imbaraga y'abaharaniraga uburenganzira bw'umuntu n'umudendezo w'iby'idini.

Nuko mu 1798 imyaka 1260 nyuma ya 538, Itorero gatulika ry'i Roma ryakomeretse uruguma rwica (Ibyah13:3). Kunesha gutangaje kw'ingabo za Napolewo mu Butaliyani kwatumye Papa aba munsi y'ubutegetsi bw'ubufaransa, bwabonaga idini y'Iroma nk'umwanzi wa repubulika yabo. Ubutegetsi bw'ubufaransa bwategetse Napolewo gufunga papa. Bitegetswe nawe, jenerali Beritiye yinjira IRoma atangaza iherezo ry'ubushobozi bwa politiki y'ubupapa. Afata papa amujyana mu bufaransa aho yaguye ari impunzi.

Gutsindwa k'ubupapa kwabaye iherezo ry'ibintu byinshi bifitanye isano no gutsindwa kwayo buhoro buhoro.Ayo mateka ya Roma yabaye iherezo ry'igihe cy'ubuhanuzi cy'imyaka1260. Abasobanuzi benshi babifata nk'isohora ry'ubuhanuzi.

**Ubugorozi.**

Inyigisho zitari iza Bibliya, zishingiye ku migenzo, akarengane kadashira k'abo batavugaga rumwe,ruswa no gusubira inyuma mu by'umwuka kwa benshi mu bagize umuryango waba kererije (clerges) biri mu mpamvu zikomeye zatumye abantu bashaka ubugorozi mu itorero.

**Ikibazo cy'inyigisho:** Dore ingero z'inyigisho idashingiye kuri bibiliya yatumye habaho ubugorozi bwa giporotesitanti kandi na nubu bigitandukanya abaporotesitanti n'abagatolika b'I Roma.

***1. Umuyobozi w'itorero ku isi ni we uhagarariye Kristo.***

Iyo inyigisho ivuga ko musenyeri w'Iroma ari we wenyine uhagarariye Kristo ku isi kandi akaba n'umuyobozi w'itorero. Ibyo rero binyuranye n'inyigisho ya bibiliya ku bijyanye n'umuyobozi w'itorero.(reba icyigisho cya11 cy'iki gitabo).

Iyo nyigisho ishingiye ku gitekerezo ko Kristo yagize intumwa Petero umuyobozi ugaragara w'itorero noneho papa akaba umusimbura wa Petero.

***2. Ukutibeshya kw'itorero n'umuyobozi waryo.***

Inyigisho yashyigikiye bikomeye ukwishyira hejuru kw'itorero ry'I Roma ni iyo kuvuga ko ridashobora kwibeshya. Iryo torero rivuga ko ritigeze rizimira kandi ritazanabikora. Iyo nyigisho ishingiye ku gitekerezo gikurikira kidashingiye kuri bibiliya: nk'itorero rikomoka mu ijuru, kimwe mu byo rifite nk'umurage ni uko ridashobora kwibeshya. Mu yandi magambo, kuko Imana ishaka kuyobora abantu babishaka mu ijuru ikoresheje itoreroryayo mva juru, ntirishobora kwibeshya igihe ryigisha kwizera no kwitwara neza. Ni ukuvuga ko Kristo aririnda ikosa ryose akoresheje imbaraga y'Umwuka Wera.

Ingaruka z'ibitekerezo bya benshi, bihakana kwandura kwa kamere muntu (reba icyigisho cya 7), ni uko umuyobozi w'itorero agomba kuba adashobora kwibeshya. Ni muri ubwo buryo ibitabo by'idini gatolika byatangaje ubushobozi mva juru bw'umuyobozi wabo.

***3.Kwijimisha umurimo wa kristo nk'umutambyi mukuru n'umuhuza.***

Uko imyigishirize n'imbaraga by'itorero ry'I Roma byarushagaho gukura, niko abizera bavuye kuri kristo kandi ari we mutambyi mukuru n'umuhuza w'iteka mu ijuru ,uwo ibitambo bya buri munsi n'imirimo yo mu buturo bwera yo mu isezerano rya kera byashushanyaga(Reba igice cya 4 n'icya 23 cy'iki gitabo)nuko bahindukirira ubutambyi bw'isi n'umuyobozi wabwo w'i Roma. Aho kugirira Kristo icyizere kugira ngo bababarirwe ibyaha kandi babone agakiza k'iteka ryose (Reba igice cya 9 n'icya 10), abizera bashyize ibyiringiro byabo muri papa, abapadiri, n'abepiskopi. Ibyo rero bitandukanye n'inyigisho y'isezerano rishya ku bijyanye n'ubutambyi bw'abizera bose, n'umurimo wo kuvanwaho ibyaha kw'abakererije (clerges) bwafatwaga nk'aho ari ibya ngombwa ku gakiza. Umurimo wa Kristo w'ubutambyi mu ijuru n'igitambo cye gikiza abizera bihannye mu byukuri, cyahinduwe ubusa igihe itorero ryasimbuzaga ameza y'umwami misa.

Mu gihe mu by'ukuri ameza y'umwami ari umurimo Yesu yashyizeho wo kwibuka urupfu rwe, no kwibuka ubwami bwe bw'ahazaza (reba igice cya 15 cy'iki gitabo), itorero gatorika ryo ryibwira ko Misa ari igitambo kitava amaraso cya Kristo,giturwa Imana gitanzwe n'umutambyi wokw'isi.Kubera ko Kristo aba yongeye gutangwa bundi bushya nk'uko yabikoze i Karuvali, Misa itekerezwa ko izanye ubundi buntu cyangwa andi mahirwe adasanzwe ku bizera no ku bapfuye.

Kutamenya ibyanditswe no kutamenya ko Misa ikorwa na Musenyeri w'umuntu,abantu benshi babuze umugisha ukomeye wo kwigerera kuri Kristo ako kanya nta wundi muhuza. Bityo bavanwa kuri rya sezerano ryiza no kuri rya rarika rigira riti 'none twegere intebe y'ubuntu tudatinya,kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.'(Abaheburayo 4:16)

***4. Gukizwa n'imirimo:*** Igitekerezo kivuga ko dukizwa n'imirimo myiza yacu, kivuguruza isezerano rishya rivuga ko kwizera ari ko kudukiza (reba igice cya 9 n'icya 10 by'iki gitabo). Itorero gatolika ryigishaga ko imirimo myiza ituruka mu mutima w'umunyabyaha iba ikwiriye igihembo,bivuze ko ibyo bimuha uburenganzira busesuye ku gakiza.

Ubwo rero umuntu ashobora gukora imirimo myiza iruta ikenewe ngo umuntu akizwe,nk'uko bigenda ku batagatifu,bigatuma aba akwiriye ibihembo by'ikirenga.Iryo shimwe rishobora gukoreshwa ku nyungu z'abandi. Niba Itorero rivuga ko abanyabyaha bagirwa abere kubera gukiranuka kwatewe mu mitima yabo, imirimo myiza ifite umumaro ukomeye kugira ngo umuntu akizwe.

Imirimo ishimwa na yo ifite umumaro ukomeye mu ihame rivuga ibya Purigatori rivuga ko abadakiranutse mu buryo bwuzuye bagomba kubabarizwa aho hantu bagahabwa igihano cy'igihe runaka kubera ibyaha byabo mbere yo gusogongera umunezero w'ijuru. Binyuze mu masengesho n'imirimo myiza, abakristo bashobora kugabanya igihe cy'ububabare bw'abari muri purigatori.

***5. Ihame ryo kwicuza ibyaha n'imponganо(indurugensiya).***Kwicuza icyaha ni isakaramentu rihesha abakristo imbabazi z'ibyaha bakoze kuva babatijwe. Izo mbabazi z'ibyaha zitangwa n'umusaseredoti.Ariko mbere y'ibyo, umukristo agomba kubaza umutima nama we akihana kandi akiyemeza kutazongera gucumura. Kandi agomba kuvugira ibyaha bye imbere y'umusaseredoti, noneho akicuza nk'uko umusaseredoti amubwiye.

Kwicuza ntibibohora umunyabyaha mu buryo bwuzuye.Bagomba kubona igihano cy'igihe runaka, muri ubu buzima cyangwa se muri purigatori. Aha ni ho kiriziya yashyizeho impongano z'ibyaha kugira ngo haboneke ivanwaho ry'icyo gihano cyari gisigaye kubera icyaha cya nyuma yo kubabarirwa igicumuro cye. Kubera inyungu z'abazima n'abari muri purigatoti, impongano zitangwa binyuze nu kwicuza no gukora imirimo myiza itegetswe cyane mu guha itorero amafaranga.

Impongano z'ibyaha ziboneka kubera "gushimwa kw'abahowe Imana, abatagatifu, intumwa,kandi muburyo bwumwihariko Yesu na Mariya.Ibyo byatumye indurujensiya ishoboka.Gushimwa kwabo kwashyizwe mu "bubiko bw'ubutunzi bwamashimwe" kandi guhabwa abizera badatunganye. Papa nk'umusimbura wa Petero afite shim urufunguzo rw'ubwo butunzi kandi ashobora gukiza abantu akoresheje ubwo butunzi kandi ashobora gukiza abantu igihano akoresheje ubwo butunzi.

***6.Ubushobozi bw'ikirenga bufitwe na kiriziya:*** Uko ibinyejana byasimburanye, kiriziya yagiye ikurikiza imyizerere ya gipagani, iminsi mikuru n'ibimenyetso. Igihe amajwi yari arwanije icyo kizira, kiriziya y'i Roma yahise yiha yonyine ububasha bwo gusobanura Bibiliya.Bibiliya yashyizwe ku ruhande maze idini iba ari yo ihabwa ubuyobozi bw'ikirenga.(reba igice cya 1 cy'iki gitabo).Kiriziya yahamije ko hari uburyo bubiri gusa bwo kumenya ukuri ko mu ijuru:

1. Inzandiko zera
2. Uruhererekane Gatorika rugizwe n'inzandiko z'Abayobozi ba Kiriziya, amateka(ibyemezo) y'inama nkuru za Kiriziya, iz'ukwemera n'iz'iminsi mikuru ya za kiliziya.

Igihe cyose inyigisho z'itorero zari zishyigikiwe n'imyemerere ya kera aho gushingira ku byanditswe, imyemerere idashingiye kuri Bibiliya yashyirwaga hejuru. Abakristo nta

burenganzira bari bafite na mba bwo gusobanura amahame Imana yatanze mu byanditswe. Kiliziya gatolika ni yo yonyine yari ifite ubwo bushobozi.

**Umuseke w'umunsi udasanzwe*.***

Mu kinyejana cya 14 Yohana Wikilifu yaharaniye impinduka muri kiriziya, atari mu Bwongereza gusa ahubwo mu bakristo hose. Mugihe hari hariho Bibiliya nke, yashoboye guhindura Bibiliya mu cyongereza. Ibyigisho bye bivuga iby'agakiza kazanwa no kwizera muri Kristo wenyine no mu byanditswe bitabeshya byonyine, ni byo byabaye ifatizo ry'ubugorozi bw'abaporotestanti.

Iyo nyenyeri yo mu ruturuturu y'ubugorozi, yagerageje kubohora itorero rya Kristo mu isano ryari ryaragiranye n'ubupagani ;isano yari yaratumye babera mu bujiji.Yashyizeho itsinda ryagombaga kuvana abantu n'amahanga mu iyobokamana ripfuye. Inyandiko za Wikilife zakoze ku mutima wa Husi, Jorome, Luteli n'abandi benshi.

Maritini Luteri yabaye umuntu ukomeye mu bugorozi.Nta wundi wahwanye na we kuko yagaruye abana b'Imana ku byanditswe no ku kuri kw'inyigisho ikomeye yo gutsindishirizwa ku bwo kwizera bitandukanye n'inyigisho ivuga iby'agakiza kazanwa n'imirimo.

Yahamije ko abizera batagomba kugira ubundi buyobozi uretse ibyanditswe, yerekeza amaso yabo ku ijuru atari ku mirimo y'abantu, atari ku basaseredoti cyangwa se penetensiya ahubwo kuri kristo nk'umucunguzi umwe n'umuhuza. Kuri we byari ibidashoboka kuvanaho umutima ugucira urubanza hakoreshejwe imirimo ngo bituma utagerwaho n'igihano.Gusanga Imana no kwizera kristo gusa ni byo byonyine bikiza umunyabyaha.Kuko ari impano kandi bukaba butangwa ku buntu,ubuntu ntibushobora kugurwa.Bityo, abantu bashobora kugira ibyiringiro bidaturutse ku mpongano z'ibyaha ahubwo biturutse ku maraso yamenwe n'umucunguzi wabambwe.

Nk'uko abashakashatsi bataburura ubutunzi buhishe mu bisigazwa by'ibintu byirundanyije uko ibinyejana byasimburanye, ubugorozi na bwo bwashyize ahagaragara ukuri kwari kwaribagiranye mu myaka myinshi. Gukizwa n'ubuntu ku bwo kwizera, ihame rikomeye ry'ubutumwa bwiza, byongeye kuvumburwa mu buryo bushya bwo guha agaciro igitambo cyatambwe rimwe na Yesu Kristo n'umurimo we w ubutambyi bwuzuye pe !

-

Inyigisho nyinshi zitari iza Bibiliya nko gusengera abapfuye, kwambaza abatagatifu, Mariya, purigatori, penetensiya, amazi y'umugisha, kutarongora kw'abasaseridoti, rozari, guhana abatavuga rumwe n'itorero gaturika, kwizera ko umugati na divayi bihindutse umubiri nyamubiri wa Kristo iyo Padiri amaze kubyeza, ugusigwa amavuta, gukurikiza imigenzo, ibyo byose byararetswe.

-

Abagorozi b'abaporotestanti bagereranyaga ubupapa n' « Umunyabugome », «amayobera y'ubugome» n' « agahembe gato » bivugwa muri Daniel, ubutware bwagombaga kurenganya ubwoko bw'Imana bw'ukuri mu gihe cy'imyaka 1260 yo mu byahishuwe 12 :6, 14,13.5 na mbere y'uko Kristo agaruka.

-

Amahame ya Bibiliya na bibliya ubwayo nk'ihame ryo kwizera n'imyitwarire byahindutse ifatizo ry'ubuporotestanti. Abagorozi bemeraga ko imihango y'abantu iri munsi y'Ibyanditswe Byera. Ku bijyanye n'iby'iyobokamana, nta butware bwaba ubwa (papa, inama nkuru, abayobozi b'itorero cyangwa abahanga), bwashoboraga kuyobora imitimanama. Ubukristo bwatangiye gukanguka , ndetse no mu bihugu byinshi uburenganzira bw'iby'iyobokamana burubahirizwa.

**Kutajya mbere k'ubugorozi.**

Ubugorozi ntibwigeze buhagarara mu kinyejana cya 16. Abagorozi bakoze byinshi ariko ntibabasha kumenya umucyo wose wari waratawe igihe cy'ubuyobe. Bavanye ubukristo mu mwijima w'icuraburindi ariko hari ibyo batabashije kugeraho.

Bakuyeho igitugu cy'itorero ry'icyo gihe; bagize uruhare mu gutuma Bibiliya iboneka ku isi, bashubije ivugabutumwa ku rufatiro rwaryo, ariko hari ukuri kw'ingenzi batari bakavumbuye. Umubatizo wo kwibiza, umuzuko, ukudapfa nk'impano ya kristo ku bakiranutsi mu gihe cy' umuzuko w'abapfuye, umunsi wa karindwi nk'isabato ya Bibiliya n'ukundi kuri kwinshi kwari mu mwijima (reba igicye cya 7,14,19 na 25 byiki gitabo).

Nyamara aho gukomeza ubugorozi, ababakurikiye bitaye kubyo abagorozi bagezeho. Bishingikirije ku magambo ndetse n'ibitekerezo by'abagorozi aho kwishingikiriza ku Byanditswe. Bake muri bo bavumbuye ukuri nyamara bamwe bakanga kugira icyo bongera ku byo abagorozi bavuze. Ingaruka zabyo ni uko kwizera kw'abaporotestanti kwahindutse imihango y'inyuma n'ubucurabwenge, noneho amakosa yagombye kuba yaraciwe ahabwa agaciro. Ibirimi by'ubugorozi byazimye buhoro buhoro, noneho amatorero y'abaporotestanti arakonja, aba ay'imihango akeneye ubugorozi.

Igihe cya nyuma y'ubugorozi cyarimo imirimo ijyanye n'amashuri y'iyobokamana nyamara cyabayemo amajyambere make mu by'umwuka. Frederic W. Farrar(Feredariko) yanditse ko muri icyo gihe « uburenganzira bwahindutse ububata, amahame rusange yahindutse inyigisho ziteye agahinda, ukuri guhinduka impinduka, umudendezo uhinduka imihango, n'iyobokamana ihinduka akamenyero ». Kubaha ibyanditswe byahindutse amagambo y'amanjwe y'ibyiyumviro. Iyobokamana ryimukiye ubutagondwa, ibitekerezo bizima bisimburwa n'ibitekerezo biteje impaka. Nubwo bwose ubugorozi bwari bwaravunnye inkomyi y'umuringa y'inyigisho ya gicurabwenge, amatorero ya giprotestanti yadukanye inyigisho nshya ya gicurabwenge noneho y'inkomyi y'icyuma . Uwitwa Robert M. Grant yayise inyigisho nshya ya gicurabwenge ikomeye nk'inyigisho y'iyobokamana yo mu kinyejana cya 14. Abaprotestanti mu byukuri biboheshejе kutaguka mu myizerere yabo.

Havutse impaka.«Ntihigeze habaho igihe nk'icyo, aho abantu bari bashishikajwe no kuvumburaga amakosa ya bagenzi babo, bitana amazina y'agasuzuguro». Byatumye ubutumwa bwiza buhinduka intambara y'amagambo, «ibyanditswe ntibyari bikivugana n'imitima, ahubwo byavuganaga n'abahanga bo kujorana.» «Imihango yari yarashinze imizi, nyamara iby'umwuka byarazimye. Amashuri y'iyobokamana aragwira nyamara urukundo rurakama.»

**Abasigaye**

-

Batitaye ku buyobe n'akarengane k imyaka 1260, abizera bakomeje kugaragaza ukuri kw'itorero ry'intumwa. Ku iherezo ry'imyaka 1260 y'akarengane, mu 1978, ikiyoka nticyashoboye kumaraho ubwoko bw'Imana. Satani yakomeje kubagabaho ibitero bya kirimbuzi.Yohana yaranditse ati: «ikiyoka karakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye bitondera amategeko y'Imana bakagira guhamya kwa Yesu.» (Ibyahishuwe 12: 17)

-

-

**Abasigaye ni bande?** Mu gusobanura intambara iri hagati y'ikiyoka n'umugore, Yohana akoresha ijambo « abasigaye bo mu rubyaro rwe » (Ibyahishuwe 12: 17). Iri jambo rivuga 'ibisagutse' ni 'abarokotse.' Bibiliya ivuga abasigaye nk'umugabane muto w'abana b'Imana basigaye bakiranukiye Imana nyuma yo kunyura mu byago, intambara n'ubuyobe. Abo basigaye ni ryo zingiro Imana yaguriyemo itorero ryayo ku isi. (2 Ngoma 30: 6; Ezira 9: 14, 15; Yesaya 10: 2O kugeza 22; Yeremiya 42: 2; Ezekiel 6: 8; 14:22).

-

Imana yahaye inshingano abasigaye yo kuvuga ubwiza bwayo no kuyobora ubwoko bwayo buri hirya no hino ku isi yose bakabuyobora ku musozi wayo wera, Yerusalemu, umusozi Siyoni. (Yesaya 37 :31, 32 ; 66 : 20 ; reba Ibyahishuwe 14 :1). Ibyanditswe bibita 'abakurikira umwana w'intama aho ajya hose'. (Ibyahishuwe 14 : 4).

-

Ibyahishuwe 12 :17 havuga abasigaye bwa nyuma bakomoka ku bizera bakiranuka-abakiranutsi b'abahamya mu minsi ibanziriza kugaruka kwa Kristo. Ni ibiki biranga abo basigaye ?

-

**Ibiranga abasigaye** : Abasigaye ntibashobora kuyoberana kuko Yohana abivuga neza. Baje nyuma y'imyaka 1260, bagizwe n'abakomeza amategeko y'Imana bakagira guhamya kwa Yesu. (Ibyahishuwe 12 : 17)

-

-

Bafite inshingano yo kwamamaza umuburo uheruka w'Imana ku isi yose mbere y'uko kristo agaruka, ubutumwa bw'abamarayika batatu bo mu Byahishuwe 14 (Ibyah. 14 :12).Ubwo butumwa nabwo buvuga ibiranga abasigaye,«bakurikiza amategeko y'Imana kandi bakagira guhamya kwa Yesu».Reka turebe buri kimenyetso kiranga abasigaye.

-

1. **Kwizera kwa Yesu**.

Abasigaye b'ubwoko bw'Imana bafite kwizera kugereranywa nk'uko Yesu yari afite. Bagaragaza ikizere gihamye bafite muri Yesu, mu Mana no mu Byanditswe. Bemera ko Yesu ari mesiya wahanuwe, umwana w'Imana waje nk'umucunguzi w'isi. Kwizera kwe kuzuye ukuri kose kw'ibyanditswe-Ibyo Yesu yemezaga kandi yigishaga.

-

Abasigaye b'Imana bagomba kwamamaza ubutumwa bw'iteka ryose bw'agakiza ku bwo kwizera Yesu kristo. Bazaburira isi ko igihe cyo gucira isi urubanza cyegereje maze bategurire abantu kugaruka kwa Yesu. Baziyemeza guhamiriza isi yose barangize umurimo (Ibyah. 14 :6, 7, 10,11 ; Matayo 24 :14)

**2. Amategeko y'Imana.**

Kwizera nyakuri kwa Yesu gusaba abasigaye gukurikiza urugero rwe. «uvuga ko amuzi agomba kugenda nk'uko yagendaga» (1Yohana 2 :6). Kuko Yesu yakomeje amategeko ya se, na bo bazumvira amategeko y'Imana (Yohana 15 ; 10)

Mu buryo bwihariye, nk'uwasigaye birakwiye ko ibikorwa bye bijyana n'ibyo yizera.Bitari ibyo, kwizera kwe nta kamaro kwaba gufite. Yesu yaravuze ati : « umuntu wese umbwira ati 'Mwami Mwami', siwe uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. » (Matayo 7 :21). K'ubwimbaraga Kristo amuha yumvira ibyo Imana ishaka harimo n'amategeko 10, akaba ari amategeko adahinduka y'Imana y'iby'umwuka. (Kuva 20 :1-17 ; Matayo 5 :17-19 ; Abafiripi 4 :13).

**4.Guhamya kwa Yesu**.

Yohana avuga ko,« guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi».(Ibyahishuwe 19 :10).Abasigaye bagomba kuyoborwa no guhamya kwa Yesu twamenyeshejwe n'impano y'ubuhanuzi.Impano y'ubuhanuzi izakomeza gukora binyuze mu mateka y'itorero «kugeza igihe twese tuzaba tugeze ku bumwe bwo kwizera, ndetse tumaze kumenya umwana w'Imana kandi kugeza ubwo tuzaba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Yesu Kristo». (Abefeso 4 :13). Icyo ni kimwe mu biranga abasigaye.

Icyo cyerekezo cya gihanuzi gituma abasigaye baba ishyanga ry'ubuhanuzi ryamamaza ubutumwa bwa gihanuzi.Uguhishurwa k'ukuri gukomoka ku basigaye gutuma bashobora kuzuza inshingano yabo mu isi yo guteguza abantu kugaruka kwa Yesu (reba igice cya 17 cy'iki gitabo).

**Kwigaragaza kw'abasigaye mu minsi ya nyuma.**Bibiliya yerekana ko abasigaye bazagaragara mu mateka y'isi nyuma y'akarengane gakomeye (Ibyahishuwe12 :14-17). Imyivumbagatanyo yo mugihe cy'impinduramatwara mu bu Faransa byagejeje ku gufungwa kwa papa mu mpera z'imyaka 1260 ni ukuvuga mu1978, kimwe no kuzura kw'ibimenyetso bitatu ku isi aho isi,izuba, ukwezi n'inyenyeri byahamije ko kugaruka kwa Yesu kwegereje (igice cya 24 cy'icyi gitabo), byatangije ububyutse mu kwiga ubuhanuzi bundi bushya no mu buryo bwimbitse.
Gutegereza kugaruka kwa Yesu kirisito gutegerejwe kuzagaragara. Ku isi yose abakrisito benshi bazi ko «Ibihe biheruka» byegereje (Danyeli12 :4).

Kuzura k'ubuhanuzi bwa bibiliya,hagati mu kinyejana cya 18 no mu ntangiriro z'ikinyejana cya 19 byabaye intangiriro yo kwigana imbaraga no kwizera kugaruka kwa Yesu ku banyamadini batandukanye. Muri buri dini harimo abagore n'abagabo bizeraga ko kugaruka kwa Yesu kwegereje,basengaga kandi bagakora bategereje iherezo ry'iyo minsi.
Ibyiringiro by'Abadivantisiti byazanye umwuka w'ubumwe mu bizera ndetse bishyira hamwe kugira ngo baburire isi ko kugaruka kwa Yesu kwegereje .Itsinda ry'Abadivantiste rivugwa na Bibiliya kandi rishingira inyigisho yaryo kuri Bibiliya no ku byiringiro byo kugaruka kwa Yesu.

Uko barushagaho kwiga ijambo ry'Imana, ni ko barushagaho kwemezwa ko Imana ibahamagarira gukurikira ubugorozi bw'itorero rya gikristo. Bari baramaze kwibonera ubwabo ko nta mwuka w'ubugorozi warangwaga mu matorero yabo, nta muhati wo kwiga ijambo ry'Imana ndetse nta no kwitegura kugaruka kwa Yesu Krisito.Uko kwiga bibiliya kwabahishuriye ko ibigeragezo no gucika intege Imana yagiye yemera ko bacamo byari ukugira ngo bibeze kandi bibakomeze mu by'umwuka nk'ubwoko bw'Imana bwasigaye. Imana yabahaye inshingano yo gukomeza ubugorozi bwari bwarazanye umunezero n'imbaraga mu Itorero. Iyo nshingano bayemeranye kuzirikana no kwicisha bugufi, bazi neza ko batatoranijwe kubera ko hari icyo barusha abandi kandi ko batashoboraga kuzuza iyo nshingano ubwabo badafashijwe n'ubuntu ndetse n'imbaraga bya kirisito

## Inshingano y'abasigaye

Ubuhanuzi bw'igitabo cy'ibyahishuwe bwerekana kumugaragaro inshingano y'abasigaye. Ubutumwa bw'abamarayika batatu bwo mu byahishuwe 14 :6-12 bugizwe n'ibyo abasigaye bagomba kuvuga kugira ngo habeho ishingiro nyakuri no gusobanura ukuri k'ubutumwa bwiza.Ni igisubizo cy'Imana kuburiganya bwa Satani bugaragara muri iyi minsi mbere yo kugaruka kwa kirisito (Ibyahishuwe13 :3,8,14-16). Akokanya nyuma y'irarika rya nyuma ry'Imana ku isi, Yesu azaza gusarura isi (Ibyahishuwe 4 :14-20)

## Ubutumwa bwa marayika wa mbere

«Nuko mbona Malayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteke ryose, ngo abubwire abari mu isi bose; bo mumuhanga yose, amoko yose n'indimi zose. Nuko avuga ijwi rirenga ati: mwubahe Imana muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye iyaremye ijuru, isi, inyanja n'amasoko ». (Ibyahishuwe 14 :6,7)

Malayika wa mbere ashushanya abasigaye batwaye ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ku isi. Ubwo butumwa bwiza ni inkuru nziza y'urukundo rw'Imana rutagira iherezo, urwo Intumwa n'abahanuzi bigishije (Abaheburayo 4 :2). Abasigaye ntibafite ubutumwa butandukanye n'ubwo-ku byerekeye urubanza, bagaragaza ubutumwa bwiza bw'iteka ryose: Abanyabyaha bashobora gutsindishirizwa no kwizera kandi bakakira gukiranuka kwa Kristo.

Ubu butumwa buhamagarira isi yose kwihana.Buhamagarira buri wese «Kubaha» cyangwa kuramya Imana no «kuyihimbaza » cyangwa kuyiha icyubahiro. Icyo nicyo twaremewe kandi dushobora guha Imana icyubahiro cyangwa kuyihimbaza binyuze mu magambo tuvuga n'ibikorwa yacu «Ibyo nibyo byubahisha Data: ni uko mwera imbuto nyinshi» (Yohana 15 :8)

Yohana ahanura ko itsinda rigomba kwiteguza isi ku kugaruka kwa Kristo, rizibanda ku nyigisho ya Bibiliya yo guhimbaza Imana.Bitandukanye n'ibyo mu gihe cya kera, rizerekana iby'umuhamagaro w'isezerano rishya ku mibereho itunganye y'ubuzima bwacu :«Imibiri yanyu ni insengero z'umwuka wera.» Nta burenganzira dufite bwo kwikoreshereza uko

dushatse intege zacu, imibiri n'intekerezo ;kuko Imana yabicunguje amaraso i Karuvali. «Mukorere byose guhimbaza Imana» (1Abakorinto 6 :19,20) «Haba ibyo munywa,murya n'ibyo mukora byose, mukorere byose guhimbaza Imana» (1Abakorinto10 :31)

Kuba«Isaha y'urubanza isohoye» bituma uwo muhamagaro uhinduka uw'ikubagahu kandi uhamagarira abantu kwihana (reba igice 23 cy'iki gitabo). Mu byahishuwe 14 :7, ijambo « urubanza» risobanurwa n'ijambo ry'Ikigiriki *krisis* risobanura igikorwa cyo guca urubanza, si umwanzuro w'urubanza (*krima*). Byerekeza ku nzego zuzuye z'urubanza zigizwe no kwitaba kw'abantu imbere y'intebe y'Imana, gusuzumwa kw'imibereho yabo n'umwanzuro: abatsinze, bagahabwa ubugingo buhoraho naho abatsinzwe bagacirwaho iteka ryo gupfa. (Matayo 16 :27 ; Abaroma 6 :23 ; Ibyahishuwe 22 :12). Ubwo butumwa bw'igihe cy'urubanza buzanahishura urubanza rw'Imana ku buhakanyi bwose (Danyeli 7 :9-11,26; Ibyahishuwe 17,18).

Ubutumwa bw'igihe cy'urubanza bwerekeye igihe Kristo yinjiye mu murimo we w'umucamanza ari nayo ntambwe ya nyuma y'umurimo we nk'umutambyi mukuru mu buturo bwera bwo mu ijuru.Ubu butumwa burahamagarira abantu bose kuramya umuremyi. Ubwo umuhamagaro mva juru ugomba kumvikana nk'usenya itegeko ryo kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo (Ibyahishuwe 13 :3 ;8 ;15). Bidatinze buri wese azaba agomba guhitamo hagati yo kuramya kuzima no kuramya gupfuye,hagati yo kuramya Imana binyuze mu nzira zayo (gutsindishirizwa kubwo kwizera) cyangwa binyuze mu nzira yacu bwite (Gutsindishirizwa n'imirimo). Mu kuturarikira kuramya «Uwaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko» (Ibyahishuwe 14 :7; Itangiriro 20 :11), ubu butumwa bwerekeza intekerezo zacu ku itegeko rya kane.Buyobora ku kuramya umuremyi,ibyo bivuga ku kubaha urwibutso rw'irema,umunsi wa karindwi,isabato y'Uwiteka, iyo yashyizeho mu irema kandi ikayihamya mu mategeko icumi (reba igice cya 19 cy'iki gitabo). Niyo mpamvu ubutumwa bwa Malayika wa mbere bwararikira abantu kugira kuramya k'ukuri, berekana Kristo mu isi, ari we muremyi n'umwami w'isabato ivugwa muri Bibiliya. Icyo ni ikimenyetso cy'irema; ikimenyetso kirengagijwe na benshi bo mu biremwa byayo.

Ubu butumwa bw'urukundo bwerekeza abantu ku Mana bwatangiye mu gihe cy'amateka ubwo inyigisho y'ihindagurika ry'ibinyabuzima (Evolution) yari imaze gutezwa ingufu no gutangazwa n'igitabo cyitwa *Inkomoko y'ibinyabuzima* cya Charles Darwin (1859). Gutangazwa k'ubutumwa bwa Malayika wa mbere kubumbatiye ingingo zisenya iyo nyigisho.

Bityo rero,uyu muhamagaro usubiza icyubahiro itegeko ryera ry'Imana ryaribaswe «n'umunyabugome» (2 Abatesaronike 2 :3). Imana ishobobora kubahwa gusa ari uko hongeye kubaho kuramya k'ukuri, kandi abizera bakabaho ubuzima bujyanye n'amahame agenga ubwami bw'Imana.

**Ubutumwa bwa malayika wa kabiri**

«Iraguye iraguye Babuloni,umudugudu ukomeye wateretse amahanga yose inzoga nizo ruba ry'ubusambanyi bwawo» (Ibyahishuwe 14 :8)

Kuva kera mu mateka, umurwa wa Babuloni wagiye ushushanya ukwigomeka ku Mana.Umunara waho wabaye indiri y'ubuhakanyi no kwigomeka (Itangiriro 11 :1-9). Satani yari ayibereye umwami mu buryo butagaragara (Yesaya 14 :4,12-14), kandi yashakaga guhindura Babuloni igikoresho cye, ngo abashe kuyobora inyokomuntu.Nkuko bigaragara muri Bibiliya, intambara hagati ya Yerusalemu, umurwa w'Imana na Babuloni, umurwa wa satani, yerekana intambara hagati y'ikiza n'ikibi.

Mu binyejana bya mbere bya gikristo, ubwo Abayuda n'Abakristo barenganywaga n'Abaroma, abanditsi bakoreshaga Babuloni bashaka kuvuga «Roma.»
Benshi batekereza ko Petero yakoresheje «Babuloni» nk'izina ritari iry'ukuri rya Roma (1Petero 5 :13). Abenshi mu baporotesitanti bo mu gihe cy'ubugorozi bitaga itorero ry'i Roma «Babuloni» y'iby'umwuka, (Ibyahishuwe 17), umwanzi w'ubwoko bw'Imana, bitewe n'ubuhakanyi bwabo no kurenganya.

Mu byahishuwe «Babuloni» yerekeza ku mugore mubi,nyina wa bamaraya n'abakobwa bahumanye (Ibyahishuwe 17 :5). Ibyo bishushanya, umuryango wose w'iby'idini n'abayobozi bawo bigomeka ku Mana, cyane by'umwihariko uko kwihuza mu by'iyobokamana hagati y'inyamaswa n'igishushanyo cyayo ari nabyo bizatera intambara iheruka ivugwa mu Byahishuwe 13 :15-17.

Ubutumwa bwa Malayika wa kabiri buhishura muri rusange imiterere y'ubuhakanyi bwa Babuloni n'imbaraga zayo agira ati «Yateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwayo.» «Inzoga» za Babuloni zishushanya inyigisho zayo z'ibinyoma. Babuloni izahatira ubutegetsi bw'isi gutegeka isi kubahiriza inyigisho zayo zipfuye n'ibyemezo byabo by'idini.

«Ubusambanyi» buvugwa, bwerekana isano iri hagati ya Babuloni n'amahanga,hagati y'itorero ryayobye n'ubutegetsi bwa Leta. Itorero ryari ryitezweho gushyingirwa Kristo, ariko mu gushaka ubufasha kuri Leta, ryataye umugabo waryo risambana mu by'umwuka. (reba Ezekiel 16 :15,Yakobo 4 :4)

Uko kwihuza kubyara ibintu biteye ubwoba.Yohana abona abaturage b'isi «Basinze» inyigisho z'ibinyoma, kandi Babuloni ubwayo «Yasinze amaraso y'abera n'ay'abahamya baYesu» banze gukurikiza inyigisho zayo zidashingiye kuri Bibiliya, banze no kumvira ubuyobozi bwayo (Ibyahishuwe 17 :2,6).

Iraguye Babuloni kuko yirengagije ubutumwa bwa Malayika wa mbere, ubutumwa bwiza bwo gutsindishirizwa n'umuremyi kubwo kwizera. Nk'uko mu binyejana bya mbere,itorero ry'i Roma ryirengagije inyigisho z'ukuri, Abaporotesitanti benshi bo muri iki gihe nabo birengagije ukuri gukomeye kwa Bibiliya. Ubu buhanuzi bwo kugwa kwa Babuloni buzuzurira neza muri uko kwitandukanya kw'Abaporotesitanti, bitandukanya n'inyigisho yera no kwicisha bugufi biri mu butumwa bwiza bw'iteka ryose bwo gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera, byari inyigisho y'ukuri gukomeye mu gihe cy'ubugorozi.

Ubutumwa bwa Malayika wa kabiri buzakomeza kugira imbaraga uko igihe cya nyuma cyegereza. Buzuzurira byuzuye mu kwifatanya kw'amadini atandukanye azaba yaranze

kumvira ubutumwa bwa Malayika wa mbere.Ubutumwa bwo kugwa kwa Babuloni,bwongeye kuvugwa mu Byahishuwe 18 :2-4, bukaba buvuga ku mugaragaro kugwa kwa Babuloni byuzuye ndetse bukanahamagarira abana b'Imana bakiri mu madini atandukanye agize Babuloni kwitandukanya nayo. Malayika aravuga ati «Bwoko bwange nimuwusohokemo, kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo,mwe guhabwa n'ibyaha byawo» (Ibyahishuwe 18 :4)

## Ubutumwa bwa malayika wa gatatu

«Umuntu n'aramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwa ho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa mu kiganza, uwo niwe uzanywa ku nzoga niyo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwe mo amazi mugacuma k'umujinya wayo. Kandi azababazwa n'umuriro n'amazuku imbere y'abamarayika bera n'imbere y'umwana w'intama.Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba itekaryose; ntibaruhuka ku manywa na nijoro abaramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo,umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy'izina ryayo. Aho niho kwihangana kw'abera kuri bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu» (Ibyahishuwe 14 :9-12).

Ubutumwa bwa Malayika wa mbere buvuga iby'ubutumwa bwiza bw'iteka ryose, kandi bugahamagarira abantu kugera ku kuramya k'ukuri baramya Imana umuremyi kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye. Malayika wa kabiri abuzanya kuramya uko ariko kose gukomoka ku muntu. Malayika wa gatatu aburira abantu ngo bataramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo, iyo abirengagiza ubutumwa bwiza bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera bazaramya.

Inyamaswa ivugwa mu byahishuwe 13 :1-10 ishushanya ubumwe hagati y'itorero na leta ,ariyo Pawulo yita«Umunyabugome» (2 Abatesaronike 2 :2-4) na Danyeli yita «agahembe gato» (Danyeli 7 :8, 20-25 ;8 :9-20). Igishushanyo cy'inyamaswa gishushanya uko idini yayobye izaba imeze ubwo amadini azaba yatakaje umwuka w'ukuri w'ubugorozi, akifatanya na Leta kugira ngo bahatire abandi gukurikiza inyigisho zabo. Uko kwifatanya kw'amadini na leta, bizakora ishusho nyayo y'inyamaswa, itorero ryayobye ryarenganyije abantu mu gihe cy'imyaka 1260. Ari ho havuye izina«Igishushanyo cy'inyamaswa».

Malayika wa gatatu atanga umuburo ukomeye kandi uteye ubwoba muri Bibiliya yose. Ahishura ko abishingikiriza ku mbaraga z'umuntu mu gihe cy'intambara iheruka hano ku isi,bazaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo aho kuramya Imana. Muri iyo ntambara hazavuka amatsinda abiri atandukanye. Rimwe rizishingikiriza ku nyigisho z'ibinyoma z'abantu maze baramye inyamaswa n'igishushanyo cyayo, nuko bizanire gucirwaho iteka. Irindi tsinda rizaba rigizwe n'abishingikiriza ku nyigisho z'ukuri kandi «Bazitondera amategeko y'Imana bafite kwizera kwa Yesu» (Ibyahishuwe 14 :9-12).Byose bizaba bishingiye ku kuramya k'ukuri no kuramya gupfuye, ku butumwa bwiza bw'ukuri n'ubutumwa bw'ibinyoma. Igihe Isi yose izaba igomba guhitamo,abazirengagiza urwibutso rw'umuremyi, isabato yo muri Bibiliya,bagahitamo kuramya no guha icyubahiro umunsi w'icyumweru kandi bazi neza yuko atari wo munsi nyakuri wo kuramya washyizweho n'Imana, bazashyirwaho «ikimenyetso cy'inyamaswa». Icyo kimenyetso gishushanya

kwigomeka; inyamaswa yemeza yuko guhindura uwo munsi byerekana ubushobozi bwayo ku mategeko y’Imana.

-

-

Ubutumwa bwa Marayika wa gatatu bumenyesha Isi ingaruka mbi zizaterwa no kwanga kumvira ubutumwa bwiza bw’iteka ryose, aribwo butumwa bw’ijuru burarikira abantu kuramya k’ukuri. Busobanura mu buryo bugaragara ingaruka ziheruka abantu bazagira bitewe no kuramya bazaba barahisemo.

-

Uko guhitamo ntikoroshye kuberako buri ruhande ruzagerwaho n’imibabaro. Abazubaha Imana bazasakirana n’uburakari bw’ikiyoka (Ibyahishuwe 12 :17) ndetse bazarenganywa byo gupfa (Ibyahishuwe 12 :17). Naho abazahitamo kuramya inyamaswa n’igishushanyo cyayo bazababazwa n’ibyago birindwi kandi kwiherezo bazajya «mu nyanja yaka umuriro» (Ibyahishuwe 15,16, 20 :14,15).

-

Ayo mahitamo yombi arimo imibabaro nyamara amaherezo yayo arahabanye.Abaramya umuremyi bazarokoka umujinya ukomeye w’ikiyoka kandi bazahagararana n’umwana w’intama ku musozi Siyoni (Ibyahishuwe 14 :1 ;7 :2-4) abazaramya inyamaswa n’igishushanyo cyayo bazanywa ku nzoga niyo mujinya w’Imana yiteguwe idafunguwemo amazi kandi bazapfira imbere y’abamarayika n’imbere y’umwana w’intama (Ibyahishuwe 14 :9,10 ;20 :14).

-

Buri wese agomba kwihitiramo uwo azaramya.Ugomba kwemera gutsindishirizwa kubwo kwizera, kandi ukabigaragarisha kuramya Imana bijyanye n’ubushake bwayo, cyangwa ukemera kutsindishirizwa n’imirimo, ukabyerekanisha kuramya mu buryo Imana yabujije bwategetswe n’inyamaswa n’igishushanyo cyayo.Imana ntishobora kwemera uko kuramya,kuko gushyira imbere amategeko y’abantu aho gushyira imbere amategeko y’Imana.Uko kuramya gushakira gutsindishirizwa mu mirimo , aho ku gushakira mu kwizera guturuka ku kwiyegurira Imana yo muremyi n’umucunguzi. Ni muri ubwo buryo rero, ubutumwa bwa marayika wa gatatu ari ubutumwa bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera .

-

Imana ifite abana bayo mu matorero yose. Ariko binyuze mu itorero ryasigaye, ivuga ubutumwa bwerekana kuramya k’ukuri inahamagarira abana bayo kuva mu binyoma bakitegura kugaruka kwa kristo. Nubwo abasigaye bazi neza yuko abana b’Imana bagomba kuyigarukira,baracyafite intege nkeya mu kurangiza umurimo bahamagariwe. Bazi neza ko ubuntu bw’Imana aribwo bwababashisha kurangiza uwo murimo w’ingenzi kandi w’igihe gito.

-

Kuko kugaruka kwa kristo kwegereje kandi akaba ari ingenzi kumwitegura, Imana irahamagarana impuhwe n’urukundo : «bwoko bwanjye ,nimuwusohokemo, kugira ngo mwe gufatanya n’ibyaha byawo,mwe guhabwa no ku byago byawo. Kuko ibyaha byabo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo.» (Ibyahishuwe 18 :4,5.)

**IGICE CYA 14**

**UBUMWE BW'UMUBIRI WA KRISTO**

***Itorero ni umubiri ugizwe n'ingingo nyinshi, zivuye mu mahanga menshi, mu moko yose, mu ndimi zose no mu bihugu byose. Muri Kristo, turi ibyaremwe bishya; itandukaniro ry'ubwoko, imico, ubumenyi, ubwenegihugu, ubukire n'ubukene, cyangwa igitsina ibyo byose ntibigomba kuba intandaro y'amacakubiri hagati yacu. Twese turangana muri Kristo, kubw'umwuka we yatugize umwe nawe tunagira ubumwe hagati yacu na bagenzi bacu; bityo rero tugomba gukorerana nta bice biturimo nta n'ibindi bitekerezo byihishe inyuma. Tubiheshejwe no guhishurirwa kwa Yesu Kristo mu byanditswe byera, dusangirira hamwe ukwizera kumwe n'ibyiringiro bimwe kugira ngo dutange ubuhamya duhuriyeho imbere y'abantu bose. Ubwo bumwe bufite isoko yabwo mu bumwe bwo mu Mana igizwe n'ubutatu bwera ariyo yatugize nk'abana bayo.(Abar.12:4,5;1Kor.12:12-14;Mat 28:19,20;Zab.133:1,2;2 Kor.5:16,17;;Ibyak.17:26:27;Abag 3:27,29;Kolos.3:10-15;Abef 4:14-16;4:1-6;Yoh.17:20-23)***

Yesu arangije umurimo we kuri iyi si (Yohana 17:4),na mbere y'urupfu rwe, yari ahangayikishijwe n'imibereho y'iby'umwuka y'abigishwa be. Igihe bifuzaga kumenya umukuru muri bo n'uzahabwa inshingano zikomeye mu bwami bwa Kristo, bari buzuye umwuka w'ishyari wabateye kutumvikana. Imbere ya Yesu, kwicisha bugufi ni ingingo y'ingenzi mu bwami bwe. Kubwe, abigishwa nyakuri ni abakozi birundurira mu murimo w'Imana, kandi bagakora badategereje igihembo. Ariko iyo nyigisho ntiyitabwagaho (Luka 17:10). Ndetse n'urugero yabahaye igihe yicishaga bugufi akaboza ibirenge , mu gihe nta n'umwe muri bo wari witeguye kubikora bitewe n'ibyo bibwiraga muri icyo gihe, rusa n'urwabaye imfabusa. (reba igice cya 16 cy'iki gitabo).

Yesu ni urukundo. Ineza ye yamureherezagaho abantu. Mu kudasobanukirwa n'urwo rukundo rwe rutihugiraho, abigishwa be bari buzuye umutima wo gucira imanza abanyamahanga, abagore, "abanyabyaha" n'abakene,ibi bigatuma badasobanukirwa urwo rukundo rugera no kuri ibyo biremwa byahinduwe ibicibwa.

Igihe abigishwa be bamusangaga aganira n'umusamariyakazi wavugwagaho imico mibi, ntibari bagasobanukirwa ko imirima yeze kandi ko ibisarurwa bigizwe n'ubwoko bwose bw'impeke.

Ariko Yesu ntiyitaye ku mihango, ibitekerezo bya benshi cyangwa ku by'umuryango we. Urukundo rwe rutagira umupaka rwageraga ku mitima imenetse kandi rukayizanzamura. Bene urwo rukundo rukuraho guhangayika kose kw'abantu,rwagombaga kubabera ikimenyetso cy'abigishwa nyakuri.Bagombaga gukunda nk'uko yakundaga.

Isi yakagombye buri gihe kuba ishobora gutandukanya abakristo nyakuri, atari kubw'umurimo ahubwo kubwo guhishurirwa k'urukundo rwa KristoYesu muri bo. (Yohana 13:34-35).

Bityo no mu gashyamba ka Getsemani, icyari gihangayikishije Yesu by'umwihariko cyari ubumwe bw'Itorero rye – abari "baratandukanye n'isi" (Yohana 17:6). Yabaye umuvugizi ku Mana asabira Itorero ubumwe buhwanye n'ubumwe bw'ubumana.

Arasenga ati "kugira ngo bose (abigishwa be) babe umwe, nk'uko uri muri njye, Data nanjye nkaba muri wowe ngo nabo babe muri twe, ngo abisi bizere ko ari wowe wantumye" (Yohana 17:21).

Bene ubwo bumwe nibwo buhamya bufite imbaraga mu Itorero, kuko bugaragaza urukundo rutihugiraho Kristo yakunze abatuye iyi si. Aravuga ati :"kugirango mbe muri bo, nawe ube muri jye, ngo babe umwe rwose, ngo ab'isi bamenye ko ari wowe wantumye ukababakunda nk'uko wankunze" (Yohana 17:23).

**Ubumwe bwa Bibiliya n'itorero**

Mbese ni ubuhe bumwe Yesu yateganyaga mu Itorero rigaragara ryo muri iyi minsi? Urwo rukundo n'ubwo bumwe bishoboka bite ? Ishingiro ryabyo ni irihe ? Bigizwe n'izihe ngingo? Mbese ubumwe bwerekeza ku cyo abantu bahuriyeho cyangwa ibyo batandukaniyeho ? Bukora bute?

**Ubumwe bw'Umwuka.** Umwuka Wera ni imbaraga ikora ituma ubwo bumwe bw'Itorero bushoboka. Kubw'uwo Mwuka, abizera binjizwa mu Itorero kubwe : "mu mwuka umwe ni mo bose babatirijwe kuba umubiri umwe" (1 Abakorinto 12:13). Abo bizera babatijwe bagomba kugira ubumwe Pawulo yita "ubumwe bw'Umwuka (Abefeso 4:3).

Intumwa yagaragaje urutonde rw'ibigize ubwo bumwe bw'umwuka : "Hariho umubiri umwe n'Umwuka umwe, nk'uko mwahamagariwe ibyiringiro bimwe byo guhamagarwa kwanyu. Hariho umwami umwe no kwizera kumwe n'umubatizo umwe; hariho Imana

imwe ariyo Data wa twese, udusumba twese, uri hagati yacu twese kandi uturimo twese." (Abefeso 4:4-6) Pawulo akoresha ijambo "umwe" inshuro ndwi ashaka kugaragaza agaciro k'ubumwe bwuzuye.

Bakomotse mu mahanga yose n'amoko yose, bose babatizwa n'Umwuka wera mu mubiri umwe – Umubiri wa Kristo, we Torero. Uko abizera bagenda bakurira muri Kristo Yesu,amatandukaniro akomoka ku mico ntakomeza kuba intandaro y'amacakubiri hagati yabo. Umwuka wera agenda akuraho insika zatandukanyaga abantu, aboroheje b'abakomeye, abakire n'abakene, abagabo n'abagore.Mu gihe bamenye ko mu maso y'Imana bose bangana,bagenda bagaragarizanya agaciro buri wese afitiye undi.

Ubwo bumwe kandi bukora mu buryo bw'imibanire. Aho ariho hose, amatorero arangana n'ubwo amwe muri yo abona inkunga n'ababwiriza butumwa bo mu bindi bihugu. Ubwo bumwe bwo mu buryo bw'umwuka ntibugira inzego.Ba kavukire n'ababwiriza butumwa baturutse ahandi barareshya imbere y'Imana.

Itorero ryunze ubumwe rifite ibyiringiro bimwe "ibyiringiro by'umugisha" by'agakiza aribyo "Kuzaboneka k'ubwiza bwa Yesu Kristo ariwe Mana yacu ikomeye n'umukiza wacu." (Tito 2:13)

Ibyo byiringiro niyo soko y'amahoro n'umunezero, kandi bigafasha mu buryo bukomeye mu guhamiriza amahanga (Matayo 24:14).Ibyo byiringiro kandi bitera guhinduka, nk'uko bivugwa ngo : "Kandi ibyo byiringiro ubifite muri we yiboneza nk'uko uwo aboneye" (1Yohana 3:3)

Binyuze gusa mu kwizera kumwe niho kwizera kw'umuntu ku giti cye igitambo gikiza cya Kristo Yesu,abantu bose bahinduka umubiri umwe. Umubatizo wonyine niwo ushushanya urupfu n'umuzuko bya kristo (Abaroma 6:3-6) kandi niwo ushobora gusobanura mu buryo bwimbitse ukanahamya iby'ubumwe bw'umubiri wa kristo.

Nuko rero, ibyanditswe byera byigisha ko hariho Umwuka umwe, Umwami umwe, n'Imana imwe ari nayo Data. Ibiranga ubumwe bw'Itorero byose bifite inkomoko mu bumwe bw'ubumana bugizwe n'ubutatu bwera."icyakora, hariho impano z'uburyo bwinshi, ariko umwuka ni umwe, kandi hariho uburyo bwinshi bwo kugabura iby'Imana, ariko umwami ni umwe, hariho uburyo bwinshi bwo gukora, ariko Imana ikorera byose muri bose ni imwe." (1Abakorinto 12:4-6)

**Urugero rw'ubumwe.**

Abizera bagira ubumwe mu mitekerereze no gushyira mu gaciro. Muzirikane imiburo ikurikira :
"Nuko rero, Imana nyiri ukwihangana no guhumuriza ibahe guhuza imitima yanyu nk'uko Kristo yesu ashaka, kugira ngo muhimbaze Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo niyo na Se, n'umutima umwe n'akanwa kamwe." (Abaroma 15:5-6). Ariko bene data, ndabinginga mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo, kugira ngo mwese muvuge kumwe, kandi hekugira ibice biboneka muri mwe, ahubwo muhuriza hamwe rwose, muhuje imitima n'inama

(1Abakorinto 1:10) “Muhumurizanye , muhuze imitima, mubane amahoro, kandi Imana y’urukundo n’amahoro izabana namwe.” (2 Abakorinto 13:11)

Itorero ry’Imana rero ryakagombye kugaragaza ubumwe mu by’iyumviro,mu ntekerezo n’ibikorwa. Mbese ibyo bishatse kuvuga ko abagize Itorero bagombye kugira imyumvire, imitekerereze n’ibikorwa bihwanye ? Ese ubumwe bwa Bibiliya bwaba busobanura gusa ibiranga abizera ?

**Ubumwe mu maharakwinshi**.

Ubumwe bwa Bibiliya ntabwo buvuga ugusa. Igishushanyo cy’umubiri muri Bibiliya, kigaragaza ko ubumwe bw’Itorero bushobora kubaho mu maharakwinshi.

Umubiri ugizwe n’ingingo nyinshi zihuriza hamwe mu mikorere myiza y’umubiri. Buri rugingo rukora umurimo warwo utandukanye n’uw’urundi rugingo; ntarwo gutabwa ruhari rero.

Iryo hame rigaragarira no mu Itorero. Imana itanga impano zitandukanye “kuri buri muntu wese uko ishaka” (1Abakorinto 12:11), bigatuma habaho ukudasa ku bw’inyungu z’Itorero. Abagize Itorero ntibatekereza kimwe kandi nta nubwo bahamagarirwa gukora inshingano zimwe. Nyamara bose bakora bayobowe n’umwuka umwe ubatera kubaka itorero bakoresheje impano yabahaye.

Kugira ngo Itorero ryuzuze inshingano zaryo, impano ya buri wese irakenewe. Izo mpano zose iyo zihurijwe hamwe, zizatanga imbaraga yuzuye mu murimo w’ivugabutumwa.Ugutsinda kw’Itorero ntiguterwa n’uko abarigize bose basa cyangwa ko bakora ikintu kimwe, ahubwo gushingiye ko buri wese yuzuza inshingano Imana yamuhaye.

Urebye mu byaremwe, umuzabibu n’amashami yawo ni urugero rwiza rugaragaza ubumwe mu maharakwinshi.Yesu yifashishije igishushanyo cy’ umuzabibu kugira ngo agaragaze ubumwe afitanye n’umwizera (Yohana 15:1-6). Amashami ni ukuvuga abizera ni bo sakaro ry’umuzabibu nyakuri ariwo Kristo. Nk’uko biri kuri buri shami na buri kibabi, ni nako buri mwizera atandukanye n’abandi, nyamara bakagira ubumwe hagati yabo kuko bose batunzwe n’ isoko imwe ariwo “muzabibu nyakuri”. Amashami y’umuzabibu aratandukanye kandi nta na rimwe ryivanga n’irindi.Nyamara buri shami rifitanye ubumwe n’andi kubera ko bifashe ku giti kimwe.Yose atunzwe n’ibyokurya bikomoka ku isoko imwe kandi abona intungamubiri zimwe.

Bityo rero, ubumwe bwa gikristo burashoboka iyo abagize itorero bateye nk’amashami muri Kristo Yesu. Muri we, niho ubuzima bwa gikristo bukomora imbaraga. Niwe soko y’impano n’ubushobozi bukenewe kugira ngo Itorero ryuzuze inshingano zaryo. Isano tugirana nawe niyo idutera inyota,akamenyero k’ibyo dukora ikanatera uko buri mukristo wese abayeho buri munsi. Muri we, bose bunze ubumwe kandi bahurijwe mu murimo umwe. Iyo abagize itorero bagumye muri we, inarijye ivaho, ubumwe bugasagamba bigatuma barangiza umurimo wabo. Nubwo hari ibiranga abizera bitandukanye bose

bishingikiriza ku mutwe. Hari impano nyinshi nyamara hariho umwuka umwe, ibikorwa bifitanye ubumwe budakuka n'ubwo impano zitandukanye. "Imana ikorera byose muri bose ni imwe" "1 Abakorinto 12:6).

**Ubumw**e **bwo kwizera.** Impano zitandukanye ntabwo zivuze ukudahuza mu myizerere.Mu minsi yanyuma Itorero ry'Imana rizaba rigizwe n'abemera urufatiro rw'ubutumwa bwiza bw'iteka ryose aribwo buzima bwabo buzaba bugaragazwa no kubaha amategeko y'Imana no kwizera kwa Kristo(Ibyahishuwe14:12) Bose hamwe bazaba bahamagarira amahanga agakiza k'Imana.

**Ni akahe kamaro k'ubumwe bw'Itorero?**

Ubumwe ni ingenzi ku Itorero.Ubwo bumwe butabonetse ntabwo Itorero ryashobora gusohoza inshingano yaryo yera.

**Ubumwe butuma imbaraga z'Itorero zikomera.**Urukundo n'ubumwe mu bagize itorero biba ibihamya ku Itorero kurusha ikindi kintu icyo aricyo cyose ,nubwo imiterere n'imico n'imibereho by'abarigize biba bitandukanye .Ubu bumwe buba igihamya gikomeye cy'umushyikirano wabo n'ijuru,ibyo bigaha agaciro ubuhamya bwabo nk'abigishwa ba Kristo(yohana 13:35)Ubu bumwe kandi bugaragaza imbaraga y'ijambo ry'Imana
Amakimbirane yagiye aboneka hagati y'abizera yatumye abatizera bacika intege, kandi ababera imbogamizi mu kwemera kwizera kwa Gikristo. Ubumwe nyakuri mu bizera bukuraho bene iyo myifatire. Buzana igihamya cy'ingenzi mu isi gitera kwiringira ko Kristo ari umukiza w'abari mu isi. (Yohana 17:23)

**Ubumwe buhishura ukuri k'ubwami bw'Imana.** Itorero ryunze ubumwe muri iyi si, rigaragaza uburyo abizera baryo bashikamye bategereje imibereho y'ubumwe bazabaho mu ijuru. Ubumwe ku isi bugaragaza ukuri k'ubwami bw'Imana bw'iteka ryose.Kubabaho iyo mibereho,ibi byanditswe bizabasohoreraho ngo. "dore, erega ni byiza ni iby'igikundiro ko abavandimwe baturana bahuje". (Zaburi 133:1)

**Ubumwe bwerekana imbaraga z'itorero.** Ubumwe buzana imbaraga, naho kwirema ibice kuzana intege nke.Mu by'ukuri itorero rirakomera kandi rigatera imbere iyo abarigize bunze ubumwe na Kristo Yesu, kandi nabo ubwabo bakaba bunze ubumwe, bakorera hamwe ku bw'agakiza k'abari mu isi.Ku bw'ibyo kandi kubw'ibyo gusa niho bazaba "abakorana n'Imana" ( Abakorinto 3:9)

Ubumwe bwa gikristo bugaragaza gutsindwa kuri iyi si y'amacakubiri kandi yazahajwe n'inarijye kubwo kutagira urukundo. Itorero ryunze ubumwe ritanga ibisubizo ku bibazo aho abantu batandukanijwe n'amoko, ibitsina n'ubwenegihugu. Itorero ryunze ubumwe rizahagarara rishikamye imbere y'ibitero bya satani. Mu by'ukuri, imbaraga z'umwijima ntizizahangara Itorero igihe abizera barigize bazaba bakundana nk'uko Kristo yabakunze.

Ibyiyumviro bihumuriza bikomotse ku Itorero ryunze ubumwe bishobora kugereranywa n'ibyo umuntu agira imbere y'umutwe w'abaririmbyi. Mbere yo kuhagera k'umuyobozi w'uwo mutwe, injyana y'ibyuma bya muzika iba iri mu kavuyo. Ariko iyo umuyobozi w'umutwe ahingutse, urusaku ruteye urujijo rurahagarara hanyuma amaso yose akamwerekera. Abagize iryo tsinda bose barahagarara bakitegura gucuranga bakurikiza amabwiriza abaha. Bayobowe nawe, batangira gucuranga umuziki mwiza kandi ufite injyana y'akaburarugero.

"Ubumwe mu mubiri wa Kristo,bivuze guhuza igikoresho cyanjye cya muzika aricyo buzima bwanjye n'umutwe wagutse w'abaririmbyi batoranijwe,bayobowe n'umuyobozi wavuye ku Mana. Mu njyana ye, bijyanye n'umwimerere w'ubuhanzi, dufite umwihariko wo gucurangira inyokomuntu injyana y' urukundo rw'Imana."[1] **Kugera ku bumwe.** Niba Itorero rigomba kubaho mu bumwe, ni ingenzi ko ubumana ndetse n'abizera bakorera hamwe mu kubaka ubwo bumwe. Ni iyihe nkomoko y'ubumwe ? Mbese bushobora kugerwaho ? Ni uruhe ruhare rw'abizera muri ubwo bumwe ?

**Isoko y'ubumwe.**

Ibyanditswe Byera bitwereka ko ubumwe bukomoka :

1. Mu mbaraga y'Imana iturinda (Yohana 17:11)
2. Mu bwiza bwa Data, Kristo aha abigishwa be (Yohana 17:22)
3. Muri Kristo uguma mu bizera (Yohana 17:23).

Mwuka wera,"Umwuka wa Kristo" uba mu mubiri wa Kristo, ni imbaraga igaragara ifatanya kandi ikarinda buri gice cyunze ubumwe.

Nkuko mu igurudumu y'igare inkingi zirushaho kwegera izingiro (Kristo), niko nako zigenda zegerana ubwazo. "Ibanga ry'ubumwe nyakuri mu Itorero no mu muryango ntirishingiye ku bubanyi n'amahanga cyangwa mu gucunga umutungo neza cyangwa mu ngufu z'ikirenga za kimuntu kugira ngo yikemurire ibibazo n'ubwo ibyo byose bifite uruhare rwabyo – ahubwo iryo banga rigaragarira mu mushyikirano w'ubumwe tugirana na Kristo.

**Umwuka wera nk'usohoza ubumwe.**"Nk'Umwuka wa Kristo" kandi "Umwuka w'ukuri", Mwuka wera asohoza ubumwe.

1. **Izingiro ry'ubumwe.** Iyo umwuka yinjiye mu mutima w'abizera, atuma barenga ibitekerezo bya kimuntu birebana n'imico , ubwoko, ibitsina,amabara y'uruhu, ubwenegihugu n'urwego rwose umuntu ariho (Abagalatiye 3:26-28). Umwuka Wera asohoza izo nshingano yinjiza Kristo mu mutima. Abo atuyemo, bahora bahanze amaso kuri Yesu aho kwirebaho ubwabo. Ubumwe bwabo hamwe na Yesu butuma baba umwe hagati yabo ariyo –Imbuto y'umwuka utuye mu muntu. Ibibatandukanya bivaho maze bagahuriza hamwe mu guhimbaza Yesu.

2. **Uruhare rw'impano z'Umwuka mu bumwe bw'Itorero.**Ubumwe mu Itorero bwagerwaho bute ? Igihe Kristo yatangiraga umurimo we mu ijuru wo kuduhuza na Se,

yerekanye neza ko ubumwe mu bagize umuryango we, atari ibihimbano. Binyuze mu Mwuka Wera, atanga impano zidasanzwe ngo habeho "ubumwe bwo kwizera" mu bizera.

Kubyerekeye izo mpano, Pawulo yerekanye ko Kristo ;"aha bamwe kuba intumwa abandi kuba abahanuzi n'abandi kuba ababwiriza butumwa n'abandi kuba abungeri n'abigisha". Izo mpano zahawe Itorero; "Kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo, kugeza ubwo twese tuzashobora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w'Imana, kandi kugeza ubwo tuzashobora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo".(Abefeso 4:11-13)

Izo mpano zihariye zigendereye gukomereza "Ubumwe bw'Umwuka" mu "Bumwe bwo kwizera"(Abefeso 4:3,13), ngo abizera babe abantu buzuye kandi bashyitse, bareke kuba "abana bateraganwa hirya no hino n'imiyaga yose y'imyigishirize, n'uburiganya bw'abantu n'ubwenge bubi n'uburyo bwinshi bwo kuyobya" (Abefeso 4:14) (reba na none icyigisho cya 16 cy'iki gitabo).

Binyuze muri izi mpano, abizera bagira urukundo mu kuri bagakurira muri Kristo we mutwe w'Itorero – bityo bakagira ubumwe bukorera mu rukundo. Pawulo avuga ko muri Kristo "Umubiri wose uteranywa neza, ugafatanywa neza, ugafatanywa nk'uko ingingo zose zigirirana, nuko igice cyose kigakora umurimo wacyo cyagenewe. Muri Kristo aho niho umubiri wose ukura gukura kwawo kugira ngo ukurizwe mu rukundo". (Abefeso 4:16)

**3. Urufatiro rw'ubumwe.** "Nk'umwuka w'ukuri" (Yohana 15:26),Umwuka wera ariho arakora asohoza isezerano rya Kristo. Umurimo we ni uwo kuyobora abizera mu kuri kose (Yohana 16:13).Bigaragara neza ko ukuri gushingiye kuri Kristo,ariko rufatiro rw'ubumwe.

Inshingano y'Umwuka Wera ni ukuyobora abizera mu kuri nk'uko kuri muri Yesu. Iyo nyigisho ituma habaho ubumwe. Ariko kubyiga byonyine ntibihagije ngo bitume habaho ubwo bumwe bwuzuye. Ahubwo kwizera, kubaho imibereho mishya no kwamamaza uko kuri nk'uko kuri muri Kristo, nibyo byazana ubumwe bwuzuye kandi bushyitse.Umushyikirano, impano z'umwuka ndetse n'urukundo;buri kimwe gifite icyo gikora, ariko uruhare rwabyo rwuzuye rugerwaho gusa binyuze mu wavuze ati: "*ni njye nzira n'ukuri n'ubugingo"* (Yohana 14:6). Yesu yadusabiye agira ati : "*Ubereshe ukuri, ijambo ryawe niryo kuri"* (Yohana 17:17).
Mu kubaho muri ubwo bumwe, abizera bakwiriye kwakira umucyo wose uturuka mu ijambo ry'Imana. Igihe uko kuri nk'uko kuri muri Yesu kuzaguma mu mitima, kuzatunganya ndetse gukuze imibereho ya buri wese maze areke kwibwira ibye by'amanjwe n'ibitekerezo bipfuye.

**Itegeko rishya rya Kristo.** Nk'uko umuntu yaremwe, n'Itorero naryo ryaremwe mu ishusho y'Imana. Ni muri ubwo buryo nk'uko ubutatu bwera buhujwe n'urukundo, niko n'abagize Itorero ry'Imana bakundana. Kristo yatanze itegeko ko abizera bakwiriye

kwerekana urukundo bakunda Imana igihe bakunda bagenzi babo nk'uko bikunda. (Matayo 22:39)

Kristo ubwe yabayeho imibereho yerekana urwo rukundo rw'indengakamere kugeza ubwo ashyirwa ku musaraba i Karuvari. Mbere gato y'urupfu rwe yibukije abigishwa be ibyo yari yarababwiye, maze abaha itegeko rishya ati "mukundane nk'uko nabakunze" (Yohana 15:12; reba na Yohana 13:34).Ni nk'aho yababwiraga ati "ntimugatwarwe imitima n'ibyo mwemererwa n'amategeko cyangwa ngo mwibwire ko uburenganzira bwanyu buzubahirizwa ku buryo mwabuharanira no kugera mu butabera igihe mutabibonye.

Ahubwo mwemerere ababagirira nabi kubagirira nabi, muhindukize n'undi musaya, mwemere mushinjwe ibinyoma,babaseke,babakobe,babakomeretse, babashenjagure ndetse kugeza ubwo mwabambwa, mugahambwa abandi bakicwa; ibyo byose muzemere ko bibaho niba aribyo bikwiye mu kugaragariza abandi urukundo. Kuko uko ariko muzakunda abandi nk'uko nanjye nabakunze."

**Ikidashoboka cyashobotse.** Bishoboka bite ko dukunda nkuko Kristo akunda? Ntibishoboka ! Nyamara dore Kristo adusaba ikidashoboka, kuko ariwe ushobora kugisohoza. Aduha isezerano agira ati: "Nanjye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose" (Yohana 12:32). Ubumwe mu mubiri wa Kristo bwashobotse mu kwicisha bugufi kwe yigira umuntu. Ni ku bwa Jambo wigize umuntu bishoboka ko habaho ubumwe bw'abizera n'Imana. Ubwo bumwe ni isano igaragara hagati y'abizera nk'abahurira hamwe nk'uko amashami ahurira ku muzabibu. Bityo ubwo bumwe bushingiye ku musaraba, bugashinga imizi mu rukundo rw'Ikaruvari rwo rwonyine ruvuka mu mitima y'abizera.

**Ubumwe ku musaraba.** Ubumwe bw'abagize Itorero bukomoka ku musaraba. Mu kumenya ko tudashobora gukunda kandi ko tudakunda nka Yesu, ni bwo buryo twumva ko dukeneye Yesu –tukamwizera kuko ubwe yavuze ati: "ntacyo mwabasha gukora mutamfite" (Yohana 15:5)

Ku musaraba tubona neza ko Kristo atapfiriye umuntu umwe ku giti cye ahubwo ni buri kiremwa muntu aho kiva kikagera. Ibi byerekana uburyo akunda abantu bose bo mu mahanga yose, amoko yose, abera n'abirabura, abakire n'abakene. Akunda bose kimwe n'ubwo baba bafite ibibaranga bitandukanye. Niyo mpamvu ubumwe bushingiye gusa ku Mana. Imigambi y'abantu iteka ibogamira ku kwirema ibice. Umusaraba urenze kure ubuhumyi bw'abantu kuko wo ureba abantu nk'uko Imana ibareba. Umusaraba werekana agaciro gakomeye umuntu afite mu maso y'Imana. Buri wese iramukeneye. Niba Kristo akunda buri wese muri twe, natwe dukwiriye gukurikiza urwo rugero.

Igihe Kristo yavugaga ko kubambwa kwe kuzireherezaho abantu bose, yashakaga kwerekana ko imbaraga rukuruzi ituruka kuri we yagombaga kuzana ubumwe mu mubiri we ari wo torero.

Kristo yatinze iteme hejuru y'umworera wari hagati y'umuntu n'Ijuru. Uwo mworera Kristo yasibye watumaga tudatera intambwe ngo tuve mu midugudu no mu migi ngo dusange bagenzi bacu.

Kristo aratubwira ati"mwakirane ibibaremerera" (Abagalatiya 6:2). Kristo yikoreye umutwaro w'ibyaha by'inyoko muntu, atanga ubugingo bwe, arabuduha ngo bube ubwacu kandi yabuduhereye kugira ngo dufashanye.

**Intambwe zigeza ku bumwe**

Ubumwe ntibupfa kwizana. Abizera bakwiye gutera intambwe zituma babasha kubugeraho.

**1. ubumwe mu muryango.** Umuryango ni ahantu h'ikubitiro hakwiye kwerekanirwa ubumwe bw'Itorero. (Reba igice cya 23 cy'iki gitabo) Iyo twigiye mu muryango ibyo gucunga umutungo, iby'imico myiza, kwicisha bugufi, kwihangana, dukundana urukundo rushingiye ku musaraba, icyo gihe nibwo dushobora kubaho imibereho ihuza n'ayo mahame mu Itorero.

2. **Ubumwe nk'intego.** Tuzagera ku bumwe mu gihe gusa dukoranye ubushishozi tugamije kubugeraho. Ntidukwiye kwibwira ko twabugezeho. Buri munsi dukwiye gusaba ko haba ubwo bumwe kandi tukabikora dushimikiriye.

Dukwiye kuburizamo ibidutanya kandi tukirinda impaka z'ibitagira umumaro. Aho kwizimba ku bidutanya, dukwiye kuganira iby'ukuri kw'agaciro kenshi kuduhuza. Muganire iby'ubwo bumwe kandi musenge ngo isengesho ry'Umwami risohozwe. Bityo, tuzashobora kugera ku bumwe n'umushyikirano Imana idushakaho.

**3. Gukorera hamwe dufite icyerekezo kimwe.** Itorero rishobora gusa kubaho imibereho y'ubumwe igihe rikorera hamwe ngo ryamamaze n'umwete inkuru nziza ya Yesu Kristo. Iyo nshingano isaba gukorera hamwe.Itorero ryigisha abizera bose ko bahuriye mu muryango mugari w'Imana kandi ko umunezero wa bose uturuka ku mibereho myiza ya buri mwizera.

Mu murimo we hano ku isi, Kristo yavuguruye iby'umubiri n'iby'ubugingo. Nk'uko igihe yoherezaga abigishwa be mu murimo, yabibukije ko bagomba kwita ku bintu bibiri : kwamamaza ubutumwa bwiza no gukiza indwara. (Luka 9:2; 10:19)

Itorero rya Kristo rigomba kuzuza izo nshingano zombi: kwamamaza ubutumwa bwiza no gukiza indwara. Muri ubwo buryo bwombi bwo gukora umurimo w'Imana, nta gice na kimwe gikwiye gukorwa cyonyine cyangwa ngo gihabwe agaciro ku buryo bituma ikindi gice kititabwaho. Nk'uko byari bimeze igihe Kristo yari hano ku isi, guhuriza hamwe ni byo bigomba kuranga umurimo wacu wo gukiza imitima.

Abakora umurimo w'Imana uwo ariwo wose, bakwiriye gukorera hamwe niba bashaka kugeza ubu butumire bw'itorero ku isi mu buryo bw'imbaraga. Bamwe bibwira ko ubumwe

bushaka kuvuga guhuza imbaraga bigamije kugera ku ntego ihanitse. Nyamara ikigereranyo cy'umubiri kitwereka neza ko buri rugingo, ari uruto cyangwa urunini, zose ari ingenzi. Ugufatanya kuzana kutagirana amakimbirane ni ko musingi umurimo w'Imana hano ku isi ushingiyeho. Nuko rero ubumwe bugaragarira mu mubiri wa Kristo buduhindukira igihamya cy'uko urukundo rwe rutagira icyo rushingiraho, ko rwasohorejwe ku musaraba.

**4. Guharanira umugambi rusange.**Itorero ntirishobora kwerekana ubumwe nyabwo niba ridakorera hamwe mu murimo w'Imana hano ku isi. Itorero rikwiye gukora uko rishoboye ngo ritagwa mu bwigunge bw'akarere, imico cyangwa igihugu. Kugira ngo ubumwe mu by'amateka, mu migambi ndetse no mu bikorwa bigerweho, mu mahanga atandukanye, bakwiye kwihuriza hamwe kandi bagafashanya bakorerana.

Itorero rikwiye kuba maso ngo ridakurikira inyungu bwite z'ibihugu zabasha kubangamira igikorwa cyabo cy'ubumwe n'ubw'isi yose. Icyerekezo cy'Itorero cyagombye gukora ku buryo ubumwe n'uburinganire biharanirwa, maze rikirinda gushyiraho igenamigambi cyangwa imiterere (imikorere) mu gace aka n'aka byatuma umurimo utagenda neza mu bindi bice by'isi.

**5. Kwirinda amacakubiri.** Imyifatire yo kwikunda, ubwirasi, kwiyiringira, kumva ko wihagije, kwishyira hejuru, kwibwira, kunengana, ubuhakanyi no gushaka amakosa ku bandi bizera, ibi byose bigira uruhare mu gutanya abantu mu Itorero. Akenshi kureka urukundo rwa mbere rw'imibereho ya gikristo, nibyo bitera bene iyo mico. Kongera guhanga amaso ku mpano y'Imana yo muri Kristo i Karuvari nibyo bishobora kugarura urwo rukundo tugakundana.(1 Yohana 4:9-11). Ubuntu bw'Imana butugeraho binyuze mu Mwuka Wera nibwo bushobora gukuraho imvano zose zo kwitandukanya mu mutima wa kamere.

Igihe Itorero ryo mu Isezerano Rishya ryahuraga n'icyo kibazo cyo kwirema ibice,Pawulo yarihaye inama agira ati " muyoborwe n'Umwuka" (Abagalatiya 5:16). Mu kurushaho gusenga, dukwiriye gushaka kuyoborwa na Mwuka, uwo azatuyobora mu bumwe. Kuyoborwa na Mwuka bibyara imbuto z'Umwuka, Urukundo, ibyishimo n'amahoro no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka no kugwa neza no kwirinda – izi ni zo ntsinzi nyakuri yo kurwanya kwirema ibice (Abagalatiya 5:22-23).

Undi muzi w'amacakubiri Yakobo arwanya ni ukurobanura abantu ku butoni bitewe n'ubukire cyangwa imimerere yabo.Yakobo arwanya yivuye inyuma iryo tonesha "Ariko ni murobanura abantu ku butoni muba mukoze icyaha, mutsinzwe n'amategeko y'uko mwacumuye." (Yakobo 2:9). Kuko Imana itarobanura ku butoni (Ibyakozwe 10:34), natwe ntitugomba guha ibyubahiro bamwe mu bagize Itorero kurusha abandi bitewe n'ibyo bashinzwe, ibyo batunze cyangwa ibyo bashoboye. Dukwiriye kububaha ariko ntitukabafate nk'aho ari abantu bemerwa imbere y'Imana kuruta undi mwana w'Imana wese uri hasi.Amagambo ya Kristo araduhugura"ubwo mwabikoreye umwe mu ri bene data aba boroheje bari hanyuma y'abandi ninjye mwabikoreye" (Matayo 25:40). Bityo ahagararariwe n'uwo ariwe wese yaba uworoheje cyangwa ukomeye. Bose ni abana b'Imana kandi bose mu maso ye ni ab' igiciro.

Nk'uko Umwami wacu kandi Umwana w'Umuntu yahindutse nka bene se, ahinduka umwe natwe nk'abahungu n'abakobwa ba Adamu, ni ko natwe, abigishwa be, duhamagarirwa kugeza ku bandi iby'agakiza dukorera mu bumwe no mu mwuka umwe ngo dusohoze inshingano yacu kuri bene data na bashiki bacu bo mu mahanga yose n'imiryango yose n'indimi zose n'amoko yose. (Ibyahishuwe 14 :6).

-
-
-

**IGICE CYA 15**

**UMUBATIZO**

***Binyuze mu mubatizo, twatura ko twizera urupfu no kuzuka bya Yesu kristo,kandi tukaba duhamya gupfa kwacu ku cyaha, n'umugambi wacu wo kugendera mu buzima bushya. Bityo mu kumenya kristo nk'umwami n'umucunguzi, duhinduka ubwoko bwe, maze tukanakirwa n'itorero rye nk'abizera baryo. Umubatizo ni ikimenyetso cy'umushyikirano wacu na Yesu kristo, ikimenyetso cyo Kubabarirwa ibyaha byacu, no kwakira umwuka wera.Ukorwa umuntu yibijwe mu mazi menshi, kandi ni ikimenyetso cyo kwizera muri Kristo Yesu, ukaba n'igihamya cyo kwihanakwicuza***

***icyaha.Ubanzirizwa no kwigishwa gushingiye ku Byanditswe byera no kwemera inyigisho zibirimo.(Abar.6:1-6;Kolos.2:12,13;Ibyak.16:30-33;22:16;2:38;Mat.28:19,20).***

Nyangwira yabaga muri Afurika yo hagati.Ntiyafataga umubatizo nk'ikintu cy'agaciro gake. Yari yarize Bibiliya ashyizeho umwete mu gihe kirenze umwaka aharanira kuba umukristo.

Umugoroba umwe yasangiraga n'umugabo we ibyo yari yarize.Umugabo azabiranywa n'uburakari, atera hejuru ati "Sinshaka iby'iyo nyigisho mu rugo rwanjye, kandi nukomeza kuyiga nzakwica!" Nubwo Nyangwira yatewe ubwoba n'umugabo we, yakomeje kuyiga maze mu gihe gito yari yiteguye kubatizwa.

Mbere y'uko ava mu rugo agiye mu muhango w'umubatizo, Nyangwira apfukama n'icyubahiro cyinshi imbere y'umugabo we maze amubwira ko agiye kubatizwa. Umugabo we afata inkota ye nini yahigishaga aramukankamira ati "Nakubwiye yuko ntashaka ko ubatizwa. Ko umunsi wabatijweho, nzakwica."

Maze Nyangwira agambiriye gukurikira umwami we, asiga urutoto rw'umugabo we rwagendaga rwumvikana mu matwi ye.

Mbere yo kwinjira mu mazi, yabanje kwatura ibyaha bye maze ubugingo bwe abwegurira umucunguzi we, atazi neza niba ari bupfire umucunguzi we uwo munsi.Ariko amahoro yuzura mu mutima we mugihe yabatizwaga.

Igihe yasubiraga imuhira,yazaniye umugabo we inkota.

"Mbese waba wabatijwe? Niko yamubajije arakaye cyane."
«Yego» n'ubwitonzi bwinshi cyane
"Witeguye gupfa" ?
" Yego nditeguye"

Atangazwa n'umurava w'umugore we, maze guhera ubwo ntiyongera kugira ukundi igitekerezo cyo kuba yamwica.

## Ni akahe kamaro k'umubatizo?

Mbese bisaba guhara amagara ngo umuntu abe yabatizwa? Mbese koko mu kuri Imana ihatira abantu kubatizwa? Mbese agakiza gashingiye ku mubatizo?

**Urugero rwa Yesu.**Umunsi umwe Yesu yavuye mu Ibarizo rye I Nazareti, asuhuza umuryango we, maze ajya ku nkengero za Yorodani aho mubyara we Yohana yigishirizaga.

Aramwegera, amusaba kumubatiza.Yohana atunguwe n'icyo cyifuzo ashaka kumuhakanira ati "Ko ari jye wari ukwiriye kubatizwa nawe, none ni wowe unsanse ?"

"Yesu aramusubiza ati: emera ubikore kuko aribyo bidukwiriye ngo dusohoze gukiranuka kose."(Matayo3:13-15).

Umubatizo wa Yesu iteka utuma iri hame rigumya kuba itegeko ry'Imana (Matayo 3:13-17; 21:25). Umubatizo ni igishushanyo cyo gukiranuka abantu bose bashobora kunyuramo. Kuko Kristo Muziranenge, yabatijwe kubatizwa ngo yuzuze gukiranuka kose, twebwe abanyabyaha, dukeneye rwose gukora nk'ibyo yakoze.

**Itegeko rya Yesu.** Ku herezo ry'umurimo we, kristo yategetse abigishwa be agira ati"Nuko mugende muhindure abantu bo muhanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'umwana n'umwuka wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe  namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi"(Matayo 28:19-20).

Muri iri tegeko ryo kubatuma, bigaragara neza ko Kristo asaba kubatizwa kubashaka kwinjira mu Itorero rye,ubwami bwe bw'iby'umwuka.Kubera umurimo w'abigishwa ba Yesu, umwuka wera yatumye abantu bihana, bemera Yesu nk'umucunguzi wabo kandi ku iherezo bemera kubatizwa mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka wera. Umubatizo wabo werekanye ko binjiye mu mushyikirano wihariye na Yesu, kandi ko biyemeje gukurikiza no kubaho mu mubano uhamye w'amahame y'ubwami bwayo bw'ubuntu. Kristo Yashoje ikiganiro cye abwira abigishwa be ko azagumana nabo iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.

Nyuma yo kujya mu ijuru kwa kristo, Abigishwa berekanye ko umubatizo ari ingenzi cyane (Ibyakozwe n'intumwa 2:38; 10:48; 22:16). Mu kwemera umuhamagaro wabo benshi barabatijwe, maze bahita bakora icyo isezerano rishya ryita Itorero (Ibyakozwe n'Intumwa 2:41, 47; 8:12), ryubatse ku bubasha bwa Data n'Umwana n'Umwuka wera.

**Umubatizo n'agakiza.** Kristo yigishije ko"Uwizera akabatizwa azakizwa" (Mariko 16:16). Mu Itorero ryo mu gihe cy'intumwa, umubatizo wahitaga ukurikira kwemera kristo. Wari igihamya cy'umwizera mushya (Ibyakozwe n'Intumwa 8:12;16:30:34).

Petero yabigereranije n'ibyo ku bwa Nowa mu gihe cy'umwuzure yerekana isano iri hagati y'umubatizo n'agakiza. Mu gihe cyabanjirije umwuzure, icyaha cyari cyageze ku rwego rukabije ku buryo ,ikoresheje Nowa,Imana yabingingiye kwihana kandi ko niba batihannye bagombaga kurimbuka. Abantu umunani bonyine ni bo bizeye, binjira mu nkuge, maze "Bakizwa binyuze mu mu mazi". "Hariho icyo byashushanyaga kidukiza" Petero yita icyo gishushanyo "umubatizo" (kiteza imyanda yo ku mubiri, ahubwo ni isezerano ku Mana ry'umutima uticira urubanza), ribakirisha kuzuka kwa Yesu kristo". (1Petero 3:20-21).

Petero nawe yasobanuye ko dukizwa binyuze mu mubatizo nk'uko  Nowa n'umuryango we na bo bakijijwe n'amazi.Ni ukuri koko ko ari Imana yakijije Nowa atari amazi.Na none kandi ni amaraso ya Yesu adukiza si umubatizo w'amazi ukuraho icyaha cy'abizera. "Ariko umubatizo, nko kumvira kwa [Nowa] winjiye mu nkuge, ni ikimenyetso cy'isezerano ku

Mana ry'umutima uticira urubanza. Iyo umuntu yiyemeje ibyo, kubw'imbaraga z'Imana, agakiza kabonetse kubw'umuzuko wa Yesu kristo gahinduka impamo".

Nyamara nubwo umubatizo ufitanye isano n'agakiza, ntabwo utanga agakiza.Pawulo agereranya ubunararibonye bw'abisirayeli bava mu Egiputa n'igishushanyo cy'umubatizo."Bene data sinshaka ko mutamenya yuko ba sogokuruza bose bari munsi ya cya gicu, kandi yuko bose baciye mu nyanja yigabanije, bose bakabatirizwa muri icyo gicu, no muri iyo nyanja gutegekwa na Mose, bose bagasangira bya byo kurya by'Umwuka na bya byo kunywa by'Umwuka kuko banywaga ku gitare cy'Umwuka cyabakurikiraga kandi icyo gitare cyari Kristo." "babatirijwe[…] mu gicu hejuru yabo no mu mazi yari abakikije", Ubwo ni ubuzima bw'igishushanyo cy'umubatizo Abisirayeli bagize igihe banyuraga mu Nyanja itukura.Nyamara nubwo bagize ubwo bunararibonye, "abenshi muri bo Imana ntiyabashimiye ."(1Abakorinto10:1-5).
Nicyo kimwe no muri iyi minsi yacu umubatizo ntabwo wizeza agakiza. "Ibyo byabereyeho kutubera akabarore kandi byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe. Nuko rero uwibwira ko ahagaze yirinde atangwa."(1Abakorinto10:11-12).

**Umubatizo umwe.**

Ubwoko bw'umubatizo bugenda buhindagurika bitewe n'ubuyobozi bw'amadini ya gikristo hirya no hino ku isi. Bamwe bemera umubatizo wo kwibiza cyangwa kudubika ikintu mu mazi menshi kikarengerwa, abandi bakemera uwo kuminjagizwaho amazi; abandi bakemera uwo kuyabasukaho cyangwa kuyabamenaho. 'Ikigaragaza ubumwe Umwuka Wera azana mu Itorero ry'Imana ni igikorwa cy'umubatizo umwe(Abefeso 4:5). None se Bibiliya ivuga iki kubijyane n'inshinga "Kubatiza", uko ukorwa ubwawo ndetse n'ubusobanuro bwawo mu by'umwuka?

***Ubusobanuro bw'ijambo kubatiza.*** Iyi nshinga iva ku ijambo ry'ikigiriki "*baptizo"(batizo)* bisobanura kwibizwa, kuko byavanywe kuri *bapto* bivuga "kwibiza munsi cyangwa imbere mu". Iyo rero inshinga Kubatiza iganisha ku mubatizo w'amazi menshi iba isobanura kwibiza cyangwa kudubika mu mazi menshi.

Mu isezerano rishya inshinga kubatiza ikoreshwa:

1. Isobanura umubatizo wo mu mazi (nk'urugero Matayo 3:6; Mariko1:9, Ibyakozwe n'Intumwa 2:41);
2. Nk'igishushanyo cy'imibabaro n'urupfu bya Kristo (Matayo20:22, 23; Mariko 10:38, 39; Luka 12:50);
3. Kumenyesha kuza k'Umwuka Wera (Matayo3:11; Mariko1:8; Luka 3:16; Yohana1:33; Ibyakozwe n'intumwa 1:5; 11:16);
4. Kujabika cyangwa koza intoki (Mariko7:3-4; Luka11:38). Uyu mugenzo wa 4 wo werekeje gusa ku koza imyanda mu buryo bw'umuhango, ntabwo ari umubatizo wo kumenaho abantu amazi. Ibyanditswe byera bikoresha ijambo umubatizo bishaka kuvuga umubatizo wo mu mazi no gupfa kwa Yesu kristo. (Matayo3:7;20:22).

J.K.Howard(Howadi) yabonye ko isezerano rishya nta na hamwe " Ritanga igihamya nibura umunsi umwe ko umubatizo wo gutonyanza utuzi waba warakozwe mu gihe cy'intumwa. Byose byerekana ko waje hanyuma."

***Umubatizo mu Isezerano rishya.*** Imirongo yo mu isezerano rishya ivuga ku mubatizo wo mu mazi yose iganisha ku kwibizwa. Dusoma ko Yohana umubatiza yabatirizaga mu mugezi wa Yorodani (Matayo 3:6; Mariko 1:5), no muri Ayinoni bugufi bw'i Salimu, kubera ko aho hari amazi menshi" (Yohana 3:23). Umubatizo wo kwibiza wonyine ni wo wasabaga amazi menshi.

Yohana umubatiza yibije Yesu. Yabatirije Yesu "muri Yorodani".Nyuma y'umubatizoYesu ava mu mazi (Matayo 3:16; Mariko 1:9-10).

Itorero ryo mu gihe cy'intumwa na ryo ryakoreshaga umubatizo wo kwibiza. Igihe umubwirizabutumwa Filipo yabatizaga inkone yo muri Etiyopiya, bombi baramanutse bajya mu mazi kandi bombi bavamo. (Ibyakozwe n'intumwa 8:38-39).

***Umubatizo mu mateka.*** Mbere y'igihe cya gikristo, abayuda babatizaga abayoboke babo bakoresheje umubatizo wo kwibiza.Muri icyo gihe,ari abo abayoboke n'abinjiye mu idini bashya babatizwaga mu mazi menshi.

Igihamya giturutse ku mitako no ku bishushanyo byo mu bituro no mu nsengero, ku mitako yo hasi mu mazu, ku nkuta, no ku bisenge, no ku bishushanyo byo ku mabuye n'ibishushanyo byo mu isezerano rishya n'irya kera byose ni"Ibihamya ndashidikanywaho ko kwibiza wari umuhango umenyerewe mu itorero rya gikristo hagati y'ibinyejana icumi bya mbere kugeza ku binyejana cumi na bine mu myaka yambere y'amateka y'Itorero". Ibisigisigi by'inyubako za kera z'amasinagogi, insengero, n'ibyasenyutse mu majyaruguru ya Afurika, muri Turukiya, mu Butaliyani, mu Bufaransa ndetse n'ahandi byerekana ko uwo muhango ari uwa kera.

**Ubusobanuro bw'umubatizo.**

Ubusobanuro bw'umubatizo bwomatanye cyane n'uko ukorwa. Alfred Plummer(Alufeledi Puluma) avuga ibi bikurira "Iyo umubatizo ukozwe mu buryo bwo kwibiza ,nibwo buryo rukumbi umuntu abasha kumva ubusobanuro bwawo nyakuri".

***Ikimenyetso cyo gupfa no kuzuka kwa kristo.*** Nk'uko gutwikirwa n'amazi bishushanya gusakizwa n'amakuba no kubabazwa (Zaburi 42:7-8; 69:2-3; 124:4, 5), ni nako umubatizo wa Yesu mu mazi werekana bya gihanuzi iby'urupfu rwe, imibabaro ye no guhambwa kwe (Mariko10:38; Luka 12:50). Kuva mu mazi kwe gusobanura kuzuka kwe kwagombbaga gukurikiraho (Abaroma 6:3-5).

Umubatizo ntabwo wari gusobanura na rimwe mu buryo bw'igishushanyo umubababaro wa kristo, "Iyo Itorero ry'intumwa riza gukoresha ubundi buryo bwo kubatiza butari ukwibiza". Kubw'ibyo igitekerezo gihamye gishyigikira umubatizo wo kwibiza kiri mu rwego rwa Tewolojiya

***Ikimenyetso cyo gupfa ku cyaha no kubeshwaho n'Imana.*** Kubw'umubatizo, abizera binjira mu mubabaro w'Umwami wacu.Pawulo aravuga ati "Ntimuzi yuko twese ababatirijwe muri Yesu kristo, twabatirijwe no mu rupfu rwe ? Nuko rero, kubw'umubatizo twahambanywe nawe mu rupfu rwe, kugira ngo nk'uko kristo yazuwe n'ubwiza bwa Data wa twese, aba ari nako natwe tugendera mu bugingo bushya (Abaroma 6:3-4).

Umushyikirano uhamye hagati y'umwizera na kristo uhishurirwa muri aya magambo nko "Kubatirizwa muri Kristo Yesu", "Kubatirizwa mu rupfu rwe",no "Guhambanwa nawe mu mubatizo". J.K.Howard yaravuze ati: "Mu kimenyetso cy'umubatizo umwizera aba yinjiye mu rupfu rwa kristo, kandi mu buryo bw'ukuri urwo rupfu rukaba urwe; kandi aba yinjiye mu kuzuka kwa kristo, ndetse uko kuzuka kwa Kristo kukaba ukwe".Ibyo se bisobanuye iki ku mwizera gufatanya na kristo mu mibabaro ye?

***1.Gupfa ku cyaha.*** Mu mubatizo, abizera "Bateranirizwa hamwe gusangira urupfu nk'urwa kristo (Abaroma 6:5) no kubambanwa nawe (Abagaratiya2:20). Dore icyo ibyo bivuze: "Kandi tumenye iki, yuko umuntu wacu wa kera yabambanywe nawe, kugira ngo umubiri w'ibyaha ukurweho, twe kugumya kuba imbata z'ibyaha, kuko uwapfuye aba atsindishirijwe ibyaha. (Abaroma 6:6-8).

Abizera baretse imibereho yabo ya kera.Bapfuye ku cyaha bahamya ko "Ibya kera biba bishize" (2Abakorinto 5:17),kandi ko ubuzima bwabo buhishanywe na Kristo mu Mana. Umubatizo ushushanya kubamba imibereho ya kera.Ntabwo ari urupfu gusa ahubwo ni no guhambwa. "Duhambanwa nawe mu mubatizo" (Abakolosayi 2:12). Nk'uko gupfa k'umuntu gukurikirwa no guhambwa kwe,ni nako umwizera iyo amanutse aho abatirizwa mu mazi,imibereho ya kera yakuweho igihe yemeraga Kristo,iba ihambwe.

Kubw'umubatizo, umwizera areka isi,akitondera itegeko rivuga ngo "Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye niko Uwiteka avuga, kandi ntimugakore ku kintu gihumanye". (2Abakorinto 6:17). Abemeye kubatizwa rero baba beruye ko baretse imirimo ya Satani, maze bakaba berekanye ko bakiriye Kristo mu buzima bwabo.

Mu itorero ryo mu gihe cy'intumwa, umuhamagaro wo kwihana wabaga urimo n'uwo kubatizwa (Ibyakozwe n'intumwa 2:38). Umubatizo rero unasobanura kwihana nyakuri. Abizera bareka kwica amategeko maze bakakira imbabazi z'ibyaha byabo binyuze mu maraso ya Yesu kristo yeza. Umuhango wo kubatizwa ni igihamya cyo kwezwa kw'ibyaha by'imbere mu mutima byicujijwe.

***2. Kubeshwaho n'Imana.***Imbaraga yazuye Kristo ikorera mu buzima bwacu. Idushoboza kugendera mu buzima bushya (Abaroma 6:4). Twapfuye ku cyaha ariko turiho ku Mana muri Kristo Yesu Umwami wacu(Abaroma 6:11). Duhamya ko ibyiringiro byacu rukumbi byo kunesha kamere yacu ya kera bishingiye ku mbabazi z'Umwami wacu wazutse

akaduha ubuzima  bushya bw'iby'umwuka, binyuze mu mbaraga ihindura ya Mwuka wera.Ubwo buzima bushya butubashisha gusingira urwego ruhanitse rw'ubunararibonye umuntu abasha kugira; buduha agaciro gashya, ibyiyumviro n'ibyifuzo bigaragarira mu kwiyegurira Yesu kristo. Binyuze mu mubatizo, twerekana ko turi abigishwa bashya b'Umukiza wacu.

***Ikimenyetso cy'umubano w'isezerano.*** Mu isezerano rya kera gukebwa kwari ikimenyetso cy'umubano w'isezerano hagati y'Imana na Aburahamu (Itangiriro 17:1-7).

Isezerano rya Aburahamu ryagaragaraga  mu buryo bw'iby'umwuka no mu by'ubwenegihugu.Gukebwa rero kwari ikiranga ubwenegihugu. Aburahamu we ubwe n'abo mu muryango we b'igitsina gabo bagejeje ku minsi munani cyangwa irenze bagombaga gukebwa (Itangiriro17:10-14, 25-27). Umuntu wese w'igitsina gabo utarabaga yarakebwe yagombaga gucibwa mu bwoko bw'Imana kubera kwica isezerano(Itangiriro17:14).

Iryo sezerano Imana yarigiranye n'Aburahamu, nk'umuntu ukuze, rinagaragaza agaciro n'ingano y'iby'umwuka by'iryo sezerano. Gukebwa kw'Aburahamu kwasobanuraga kukanahamya ubunararibonye bwe bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera. Ugukebwa kwe kwari "Ikimenyetso cyo gukiranuka yari yarakiriye kubwo kwizera, igihe yari atarakebwa. (Abaroma 4:11).

Ariko gukebwa byonyine ntabwo bitanga isezerano ryo kwinjira mu mushyikirano w'ukuri mu by'umwuka.Ibihe byinshi abahanuzi bagiye bigisha ko gukebwa kumwe rukumbi mu by'Umwuka arikwo kwari gukwiriye. "Muzaba abakebwe mu mitima yanyu kandi ntimuzongera kutagonda amajosi" (Guteka kwa kabiri 10:16; 30:6; Yeremiya 4:4),abatakebwe mu mitima bazabona igihano bari kumwe n'abanyamahanga(Yeremiya 9:25, 26).

Ubwo abayuda bangaga kwakira Yesu Kristo nka Mesiya, bari bishe isezerano ry'umubano wabo n'Imana, bashyira iherezo ku mwihariko wabo nk'ubwoko bwatoranijwe (Danieli9:24-27, reba igicye cya 4 cyiki gitabo). Nubwo isezerano ry'Imana n'ibyasezeranijwe bitahindutse, yatoranije ubundi bwoko bushya. Mu by'umwuka Isirayeli yasimbuye ishyanga ry'Abayuda. (Abagaratiya 3:27-29; 6:15-16).

Urupfu rwa kristo rwashimangiye isezerano rishya. Abantu baryinjijwemo no gukebwa mu buryo bw'umwuka ari byo« kwizera urupfu rwunga rwa Kristo ». Kuva ubwo abakristo bafite " Ubutumwa bwiza […] bwo kwigisha abatarakebwe" (Abagalatiya 2:7). Isezerano rishya risaba  "kwizera kw'imbere" aho kuba "imihango y'inyuma" ku bashaka kubarwa muri isirayeli yo mu by'umwuka. Ushobora kuba umuyuda wa kavukire ariko kuvuka bundi bushya byonyine nibyo biguhindura umukristo. "Kuko muri kristo Yesu gukebwa ntacyo kumaze cyangwa kudakebwa ahubwo ikigira icyo kimaze ni ukwizera gukorera mu rukundo"(Abagalatiya 5:6).Gukebwa gufite icyo kumaze "ni ugukebwa ko mu mutima n'umwuka" (Abaroma 2:29).

Umubatizo, ikimenyetso cy'isano ikiza tugirana naYesu, ushushanya gukebwa mu by'umwuka. "Muri we nimo mwakebewe gukebwa kutari ukw'intoki ahubwo ni ugukebwa kuva kuri kristo, niko kwiyambura umubiri w'ibyaha bya kamere, kuko mwahambanywe nawe mu mubatizo kandi ni mwo mwazuranywe nawe kubwo kwizera imbaraga y'Imana yamuzuye mu bapfuye"(Korosayi 2:11, 12).

Amaze kwamburwa umubiri w'ibyaha bya kamere binyuze mu mubatizo w'umwuka utangwa na Yesu,
uwabatijwe yambara Kristo akinjira mu mubano w'isezerano na Yesu. Kubw'ibyo abasha kwakira amasezerano ajyanye neza n'iryo sezerano "kuko mwese ababatirijwe muri Kristo muba mwambaye Yesu [...] ubwo muri abakristo muri urubyaro rwa Aburahamu, muri n'abaragwa nk'uko byasezeranijwe"(Abagalatiya3:27-29).
Abinjiye muri uwo mubano w'isezerano babona isezerano mvajuru ngo "nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye"( Yeremiya 31:33).

***Ikimenyetso cyo kwerezwa umurimo wa kristo.*** UbwoYesu yari amaze kubatizwa Umwuka wera yamumanukiye mu buryo bwihariye nk'ikimenyetso cyo gusigwa cyangwa kwerezwa umurimo yahawe na Se (Matayo 3:13-17, Ibyakozwe n'intumwa10:38). Icyo gikorwa gishimangira ko umubatizo w'amazi n'uw'umwuka byomatanye ku buryo umubatizo utakira Umwuka wera uba utuzuye.

Mu itorero ry'intumwa gusukirwa umwuka wera ahanini byakurikiraga umubatizo w'amazi. Na n'uyu munsi iyo tubatijwe mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka wera, tuba dutoranijwe, twejejwe kandi twunzwe n'ubutware bukomeye butatu bwo mwijuru mu kwamamaza ubutumwa bwiza bw'iteka ryose.

Umwuka Wera adutegurira uwo murimo atwezaho icyaha cyose cyo mu mitima yacu. Yohana yatangaje ko Yesu azabatirisha "Umwuka Wera n'umuriro" (Matayo 3:11). Yesaya agaragaza ko Imana izeresha ubwoko bwayo imyanda yose "Umwuka ukiranuka n'umwuka wotsa" (Yesaya 4:4) "Nzagushyiraho ukuboko ngukuremo rwose inkamba zawe nkumaremo icyuma cy'ibati" (Yesaya 1:25), Imana ku cyaha ni "umuriro ukongora"(Abaheburayo12:29). Umwuka Wera azeza abantu bose bamwiyegurira akongore ibyaha byabo.

Umwuka Wera kandi aha abamwiyegurira impano ze. "Ni impano mvajuru yihariye itangwa mu gihe cy'umubatizo ikabashisha gukorera Itorero n'abatarizera Yesu kristo". Umubatizo w'Umwuka Wera wahaye Itorero rya mbere ububasha bwo guhamya (Ibyakozwe n'intumwa 1:5,8). Uyu mubatizo wonyine ni wo wabashishije Itorero kurangiza umurimo waryo wo gutangaza ubutumwa bwiza bw'iteka ryose bw'ubwami" (Matayo 24;14; Ibyahishuwe 14:6).

***Ikimenyetso cyo kwinjira mu Itorero.***Nk'ikimenyetso cyo guhemburwa kw'ikiremwamuntu cyangwa kuvuka bwa kabiri (Yohana 3:3,5), Umubatizo ugaragaza kandi kwinjira kw'ikiremwa muntu mu bwami bw'umwuka bwa kristo. Kuko wunga umwizera mushya na kristo, ukora nk'umuryango w'Itorero. Binyuze mu mubatizo,

Umwami yongera abigishwa bashya mu itsinda ry'Abizera -umubiri we ari ryo torero (Ibyakozwe n'intumwa 2:41,47; 1Abakorinto 12:13). Nibwo baba abagize umuryango w'Imana. Ntawabatizwa ngo abure kwifatanya n'umuryango w'Itorero.

**Ibyangombwa kugira ngo umuntu abatizwe**

Ibyanditswe byera bigereranya isano iri hagati ya Kristo,Itorero n'ubukwe.Mu bukwe impande zombi zigomba kumenya inshingano zazo.Abifuza kubatizwa bagomba kugaragaza kwizera,kwihana no kwera imbuto mu buzima bwabo.Bagomba no kwerekana ko basobanukiwe icyo umubatizo ari cyo n'iby'urugendo rwabo rw'iby'umwuka.

***Kwizera.*** Icyangombwa cya mbere mu mubatizo ni ukwizera igitambo cyunga cya Yesu nk'uburyo rukumbi bwo gukizwa icyaha. Kristo yaravuze ati:"Uwizera akabatizwa azakizwa" (Mariko16:16). Mu Itorero ry'intumwa, abizeraga bonyine ubutumwa bwiza bw'agakiza ni bo babatizwaga (Ibyakozwe n'Intumwa 8:12, 36, 37; 18:8).

Kuko "Kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo" (Abaroma 10:17), kwigishwa ni igice cy'ingenzi gitegura ugiye kubatizwa.Inshingano yatanzwe na Kristo ihamya akamaro k'uko kwigishwa. "Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. (Matayo 28: 19-20). Kuba umwigishwa wa Kristo bisaba kwigishwa byimbitse.

***Kwihana.***Petero aravuga ati: "Nimwihane umuntu wese muri mwe abatizwe" (Ibyakozwe n'intumwa 2:38). Kwigishwa mu ijambo ry'Imana ntabwo bizana gusa kwizera ahubwo binazana kwihana no guhinduka. Mu kwitaba umuhamagaro w'Imana abantu bavumbura kuzimira kwabo, bakatura ibyaha byabo, bakiyegurira Imana, bakicuza ibyaha byabo, bemera igitambo cya kristo, bityo bakemera kubana na kristo mu buzima bushya. Hatabonetse guhinduka, ntibashobora kwinjira mu mushyikirano wiharire na kristo.Ni mu kwihana gusa, abantu bashobora gupfa ku cyaha - ingingo y'ingenzi umubatizo ushingiraho.

***Imbuto zo kwihana.*** Abashaka kubatizwa bagomba kugaragaza kwizera kwabo no kwerekana ibimenyetso byo kwihana. Ariko nibatera "imbuto zikwiriye abihannye"(Matayo3:8) ntabwo bazamenya icyo Bibiliya isaba ku mubatizo. Mu buzima bwabo bagomba kwerekana ukuri nk'uko kwahishuriwe muri Yesu bakanahamya urukundo bakunda Imana no kwitondera amategeko yayo. Mu kwitegura umubatizo basabwa kureka imyizerere yabo ipfuye n'imigenzereze idahwitse. Imbuto z'umwuka zigaragazwa mu buzima bwabo,zerekana ko Umwami aba muri bo nabo bakaba muri we(Yohana15:1-8). Niba batagaragaje ko bafitanye isano na Kristo, ntibaba biteguye gufatanya n'itorero.

***Isuzumwa ry'abitegura.*** Kuba umuyoboke w'itorero ni ugutera intambwe mu by'umwuka; ntabwo ari ukugira izina mu gitabo cy'Itorero gusa. Ni inshingano y'abashinzwe umubatizo kureba "Ninde koko witeguye kubatizwa".Bagomba kuba bafite icyizere ko umwitegura yasobanukiwe neza n'amahame y'Itorero rigenderaho, ko agaragaza ibimenyetso by'imibereho mishya ndetse ko yagiranye umushyikirano wimbitse na kristo. Ariko

bagomba kwitondera kugira icyo bavuga ku mpamvu z'abashaka kubatizwa. "Umuntu nashaka kuza mu Itorero, tugomba kugenzura imbuto yera mu buzima bwe, ariko tukamurekera uburenganzira bw'impamvu zimutera kurizamo."

Bamwe bahambwe ari bazima mu mubatizo w'amazi.Inarijye yabo ntiyigeze ipfa. Aba ntabwo bigeze babona ubuzima bushya muri Kristo Yesu. Abinjiye mu Itorero muri ubu buryo binjiranye intege nke n'ubuhenebere. Imico yabo idatunganye ihungabanya abari mu Itorero ndetse n'abari hanze yaryo. Ibyo bikazanira Itorero umugayo.

***Ese impinja n'abana bato bakwiriye kubatizwa?*** Umubatizo winjiza abizera bashya mu Itorero kuko baba "bavutse bundi bushya". Guhinduka kwabo kwabagejeje ku mubatizo no kuba abayoboke b'itorero. Icyo gikorwa kiba mu kuvuka kwa kabiri atari ivuka rya mbere mu bigaragara. Niyo mpamvu abizera babatijwe "abagabo n'abagore" (Ibyakozwe n'intumwa 8:12;13, 29-38; 9:17,18; 1Abakorinto 1:14). Karl Barth yemeza ko mu isezerano rishya nta na hamwe umubatizo w'abana bato wemewe cyangwa utegetswe. G.R. Beasley-Murray we atanga ubuhamya ati: "ntibyanshobokeye gusobanukirwa n'umubatizo w'abana ukorwa mu itorero ryo mu isezerano rishya".

Kubera ko abana bato n'impinja badashobora kugaragaza guhinduka, ntabwo bakwiriye kubatizwa. Ariko se ibyo bisobanura ko bigizwa hirya y'umuryango w'Isezerano rishya? Oya rwose! Yesu ntabwo yigeze abaheza mu bwami bwe bw'ubuntu. Yaravuze ati: "Mureke abana bato bansange, ntimubabuze kunsanga kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo" nuko abarambikaho ibiganza (Matayo 19:14-15). Ababyeyi bizera buzuza inshingano ikomeye yo guhuza abana babo na kristo mu isano izabageza ku mubatizo.

Igisubizo cyiza Yesu yahaye ababyeyi bazanaga abana babo ngo bahabwe umugisha, ni cyo nkomoko y'umuhango wo kwakiriza abana. Muri uyu muhango, ababyeyi bazanira abana babo Itorero kugira ngo bamurikirwe Imana cyangwa bayegurirwe.

Ni ikihe kigero cyagenwe cyo kubatizwa? Abantu bashobora kubatizwa niba:

1. Bakuze kuburyo basobanukirwa neza icyo umubatizo ari cyo.
2. Bariyeguriye Kristo kandi barihannye.
3. Barasobanukiwe n'amahame shingiro ya gikristo
4. Niba barumvise neza icyo bisobanuye kuba umwizera w'Itorero. Umuntu ashyira agakiza ke mu ngorane gusa igihe akuze maze akaninira Umwuka Wera.

Kubera ko abantu baba batandukanye mu kigero cy'ubukure, mu gihe cy'imyaka runaka, bamwe baba bakwiye kubatizwa bagifite imyaka mike kuruta abandi. Bityo rero nta rugero twabasha gushyiraho rwo kubatizwa ngenderwaho. Igihe ababyeyi bemereye abana babo kubatizwa bagifite imyaka mike, bagomba kwemera inshingano yo kubarebera mu mikurire yabo y'iby'umwuka no mu ngeso zabo.

**Imbuto y'umubatizo.**

Imbuto y'ingenzi y'umubatizo ni ukugira imibereho igengwa na Yesu. Imigambi n'ibyifuzo ntibishingira ku narijye ahubwo bishingira kuri Kristo Yesu. "Nuko rero niba mwarazuranywe na kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana. Mujye muhoza umutima ku biri hejuru atari ku biri mu isi" (Abakolosayi3:1-2). Umubatizo si urugero rwo hejuru umukirisito aba agezeho. Uko dukura mu by'umwuka, twakira ubuntu bwa gikirisito bugwira uko turushaho gukorera abandi "Ubuntu n'amahoro bigwire muri mwe mubiheshwa no kumenya Imana na Yesu umwami wacu!" (2 Petero1:2). Ni dukomeza kuba indahemuka ku ndahiro twemeye igihe twemeraga kubatizwa mu izina ry' Imana Data wa twese, Umwana n'Umwuka Wera, dusezeranirwa imbaraga mvajuru izaduha gukomera igihe tuzaba duhuye n'ikibazo mu buzima bwo hanyuma y'umubatizo.

Imbuto ya kabiri y'umubatizo ni ubuzima bubereyeho Itorero rya Kristo. Nti tukiri mu bwigunge ukundi ; twahindutse ab'Itorero rya kristo. Nk'amabuye mazima, twubatse urusengero rw'Imana (1Petero 2:2-5). Dufitanye umushyikirano wihariye na kristo, we mutwe w'itorero dukomoraho ubuntu bwa buri munsi, budufasha gukura no gutera imbere mu rukundo. (Abefeso 4:16). Dufite inshingano yo kwita ku bizera bashya bo mu muryango w'Imana (1 Abakorinto12:12-26). Kubw'inyungu zabo bwite n'iz'Itorero, abo bizera bashya bagomba gukoreshwa muri gahunda y' amateraniro, amasengesho no gukora umurimo (Abefeso 4:12).

Imbuto iheruka y'umubatizo ni ubuzima umuntu abaho mu isi no kubw'isi. Nta gushidikanya ko twebwe ababatijwe turi abaturage b'ijuru (Abafiripi 3:20). Ariko twahamagariwe kuva mu isi kugira ngo duhabwe inyigisho mu mubiri wa Kristo zizatuma tugaruka mu isi nk'abagaragu, bafatanya na we mu murimo wo gukiza. Abigishwa nyakuri ntabwo bazahungira isi mu Itorero. Twavukiye mu bwami bwa kristo nk'abavugabutumwa. Ubudahemuka ku isezerano ry'umubatizo busobanura ko tuyobora abandi mu bwami bw'ubuntu.

Ubu Imana itegerezanyije amatsiko ko twakwinjira mu buzima busaze yaduteguriye mu bwiza bwe. "None ikigutinza ni ki? Haguruka ubatizwe, wiyuhagire ibyaha byawe, wambaze izina rye."(Ibyakozwe n'intumwa 22:16).

**IGICE CYA 16**

**IFUNGURO RYERA**

***Umuhango w'ifunguro ryera ni ikimenyetso cyo gusangira umubiri n'amaraso bya Yesu rihishura kwizera kwacu muri we,Umwami n'Umucunguzi wacu. Muri uyu mushyikirano wimbitse,Yesu aba ahari kugira ngo ahure n'ubwoko bwe kandi abukomeze. Mu kuza muri uwo muhango, tunezezwa no kwamamaza urupfu rwa Yesu kugeza igihe azazira. Kwitegura uyu mushyikirano bikubiyemo kwigenzura ubwacu, kwihana no kwatura. Umwigisha yashyizeho kozanya ibirenge ashaka kuvuga kwezwa bushya,kugaragaza ubushake bwo gukorerana nk'uko Kristo yabikoze yicishije bugufi, no guhuriza imitima yacu mu rukundo. Umuhango wo gusangirira hamwe ni uw'abakristo bose.(1 Kor.10:16,17;11:23-30;Mat.26:17-30;Ibyah.3:20;Yoh.6:48-63;13:1-17)***

Ubwo bageraga mu cyumba cyo hejuru gusangira Pasika bari bafite ibirenge byanduye. Nk'uko byari bisanzwe, hari hateguwe imbehe y'amazi n'ibitambaro byo koza ibirenge, ariko nta n'umwe washatse kwicisha bugufi ngo akore uwo murimo usuzuguritse.

Atekereje urupfu rw'indengakamere yajyaga gupfa, Yesu avugana umubabaro ati: "kwifuza nifujije gusangira namwe Pasika iyi, ntarababazwa. Ndababwira yuko ntazongera rwose kuyirya, kugeza aho izasohorera mu bwami bw'Imana"(Luka 22:15-16).

Ishyari ryari mu mitima y'abigishwa ryateye Yesu agahinda amenya ko bakiri mu mpaka zo gutekereza uwari kuzaba mukuru mu bwami bwe (Luka 22:24; Matayo18:1; 20:21). Ibitekerezo byabo byo kubona umwanya wa mbere, ubwiyemezi bwabo n'ishyari ryabo ryatumye abigishwa baticisha bugufi ngo bajye mu mwanya w'umugaragu woza ibirenge by'abandi. Ese hari umunsi bajyaga kuziga, mu bwami bw'Imana, ko icyubahiro nyakuri kigaragarira mu kwicisha bugufi no mu murimo w'urukundo?

"Bakirya" (Yohana 13:2-4), Yesu arahaguruka, afata igitambaro cy'umugaragu, asuka amazi ku mbehe, arapfukama maze atangira koza ibirenge by'abigishwa. Umwigisha aba abaye umugaragu! Babonye ibyo akoze, abigishwa buzurwamo n'ubwoba. Amaze kuboza ibirenge, arongera aricara aravuga ati "Nuko rero, ubwo mbogeje ibirenge, kandi ndi Shobuja n'Umwigisha, niko namwe mukwiriye kubyozanya. Mbahaye icyitegererezo, kugira ngo mukore nk'uko mbakoreye.Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko umugaragu ataruta shebuja, kandi intumwa itaruta uwayitumye. Ni mumenya ibyo, murahirwa niba mubikora"(Yohana 13:14-17).

Nguko uko Yesu yinjije, mu mwanya wa Pasika, umurimo wagombaga kwibutsa igitambo cye gihebuje: "ifunguro ryera". Yenze umutsima udasembuwe "arawushimira, arawumanyagura aravuga ati "uyu ni umubiri wanjye ubatangiwe: mujye mukora mutyo kugira ngo munyibuke". Yenze na none igikombe cy'umugisha "aragishimira, arakibaha, arababwira ati: "munywere kuri iki mwese: kuko aya ari amaraso yanjye y'isezerano

rishya, ava ku bwa benshi ngo bababarirwe ibyaha."(Reba Matayo 26:26-28; Abakorinto 11:24-26; 10:16).

Umurimo w'umushyikirano ugizwe n'umuhango wo kozanya ibirenge n'ifunguro ryera. Kristo yabikoze byombi kugira ngo adufashe kwinjira mu mushyikirano na We.

**Umuhango wo kozanya ibirenge.**

Hakurikijwe umuhango, mu gihe cya Pasika ku musi wa mbere w'imitsima idasembuwe, imiryango y'abayuda yagombaga gukura mu mazu yabo icyitwa umusemburo cyose (aricyo kigereranya icyaha) (Kuva 12:15, 19-20). Abakristo nabo bakwiriye kwihana ibyaha byabo byose- ubwibone, amacakubiri, ishyari, ibyiyumviro bibi, ubugugu- mbere yo kugirana na Kristo umushyikirano wimbitse mu mwuka mwiza.

Ni kuri iyo ntego Kristo yatangiranye n'umuhango wo kozanya ibirenge. Ntabwo yatanze urugero gusa ahubwo yanabibwiye cumi na babiri ko bagomba kujya babikora kandi ko bazahabwa umugisha. "Ni mumenya ibyo, murahirwa niba mubikora" (Yohana13:17). Uyu muhango ubanziriza ifunguro ryera wuzuza ihame ko bose bagomba kwinira bo ubwabo kugirango badapfa kurya "badakwiriye" (1Abokorinto11:27-29).

**Ubusobanuro bw'umuhango*.*** Uyu muhango ni ingenzi cyane mu gusobanura iby'umurimo wa Kristo ndetse n'imibereho y'abizera.

***1.Wibutsa kwicisha bugufi kwa Kristo.*** Kozanya ibirenge bitwibutsa uburyo Kristo yicishije bugufi mu kwigira umuntu ndetse no mu buzima bw'umurimo we. Nubwo yahoranye n'Imana mu bwiza bw'Ijuru, "Yisize ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata agira ishusho y'umuntu" (Abafiripi 2:7).

Mbega ngo umwana w'Imana aricisha bugufi kwitangana urukundo, nta nyungu yindi yimirije imbere, ku iherezo akangwa na benshi mubo yari aje gukiza! Mu buzima bwa Kristo hano ku isi, Satani yari yiyemeje kumuca intege buri kanya kose. Mbega ngo aricisha bugufi, umukiranutsi kubambwa nk'umugome!

Ubuzima bwa Kristo bwaranzwe no gukorera abandi gusa. "Yaje gukorera abandi ntabwo yaje gukorerwa" (Matayo20:28). Mu koza ibirenge by'abigishwa be yagaragaje ko yiteguye gukora umurimo wose, uko waba usuzuguritse kose, ngo abantu bakizwe.Ubuzima bwe bwo guca bugufi n'ubugwaneza bwakoze ku mitima y'abigishwa be.
Akora uyu muhango ubanziriza ifunguro ryera, Kristo yashakaga gukangurira abizera kurangwa n'impuhwe n'urukundo byabashoboza gukorerana. Uyu muhango utera imbaraga abumva ubusobanuro bwawo bakabana n'abagenzi babo mu kinyabupfura babafitiye n'urugwiro. Iyo twozanya ibirenge dukurikiza urugero rwa Kristo, tuba dusaba umwuka we, "Mukorerane mu rukundo" (Abagaratiya 5:13).

Nubwo gukora uwo muhango ari igikorwa cyo kwicisha bugufi, ntaho bihuriye no kuba usuzuguritse. Mbese ni nde utabibona nk'amahirwe atangaje gucishirizwa bugufi imbere ya Kristo maze akoza ibyo birenge bye byabambwe ku musaraba? Yesu yaravuze ati "Ubwo

mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari  hanyuma y'abandi,ari jye mwabikoreye" .(Matayo 25:40).

3. ***Urugero rwo kuhagirwa biruseho.***Umuhango wo kozanya ibirenge wari urenze cyane koza ibirenge by'abigishwa.Ushushanya kuhagirwa biruseho,aribyo kwezwa k'umutima.Kuri Petero wasabaga kumwuhagira umubiri wose, Yesu yaramushubije ati"Uwuhagiwe nta kindi agomba keretse koga ibirenge ngo abe aboneye rwose" (Yohana13:10).Uwiyuhagiye aba akeye nyamara ibirenge byambaye inkweto zidafunze (nka sandale) byongera kuzuraho umukungugu bityo bikaba bigomba kongera kozwa bundi bushya.

Ni nako byari bimeze ku bigishwa.Umubatizo wuhagiye ibyaha byabo byose ariko igishuko kibyutsa mu mitima yabo ubwibone, ishyari n'ikibi. Ntibari biteguye kwinjirana mu mushyikirano uhamye n'umwami wabo, haba no kwemera isezerano rishya yashakaga kugirana nabo. Binyuze mu kozanya ibirenge, Kristo yashakaga kubategura kurya ku ifunguro. Uretse Yuda umugambanyi, imitima yabo yari yamaze kwezwaho kwikunda n'ubwibone  ku bw'ubuntu bwa Kristo. Bari bahujwe n'urukundo. Igikorwa kitihugiraho cya Kristo cyabateye kuvumbura  uburyo bwo kwicisha bugufi. Bari biteguye rwose kwigishwa.

Nk'abigishwa,twuhagijwe amaraso ya  Kristo igihe twamwemeraga.Ariko muri uru rugendo rwa gikristo twarananiwe turagwa.Ibirenge byacu byuzuweho n'umukungugu.Bityo tugomba kongera gusanga Kristo, maze tukemera kuhagirwa imyanda yacu n'ubuntu bwe. Ntabwo ari ngombwa ko buri kanya tubatizwa , kuko uwuhagiwe nta kindi aba ashigaje keretse koga ibirenge ngo abe aboneye rwose (Yohana 13:10).Umuhango wo kozanya ibirenge utwibutsa ko tugomba guhora twezwa kandi ko tubeshwaho rwose n'amaraso ya Kristo. Kozwa ibirenge ubwabyo, ntibitwezaho ibyaha. Kristo wenyine niwe ubasha kubitwezaho byose.

***3. Umuryango ubabarira.*** Umwuka w'imbabazi urangwa mu barimo kozanya ibirenge  ni wo ugaragaza ukuri kw'igishushanyo.Mu kubabarirana hagati muri twe byonyine nimwo tubasha kumva neza imbabazi z'Imana. "Kuko nimubabarira abantu ibyaha byabo, na so wo mu ijuru azababarira namwe, ariko nimutababarira abantu  na so nawe ntazababababarira ibyaha byanyu."(Matayo6:14-15).

Yesu aravuga ati"Namwe mukwiriye kozanya ibirenge" (Yohana 13:14). Ningombwa ko habaho ubushake bwo koza ibirenge by'undi kandi nawe ukozwa na we. Mukubikora  tuba twemeye ko dukeneye ubufatanye mu by'umwuka.

Iyo uwo muhango urangiye tuba dufite ibyiringiro kubwo kwizera yuko twejejwe ibyaha byacu kuko biba byuhagiwe. Byuhagiwe nande? Byuhagiwe na Kristo.Ariko aba ari bagenzi bacu kubwo kwizera baba bakoze mu buryo bw'igishushanyo umurimo wa Kristo aho turi.Muri ubwo buryo umuhango wo kozanya ibirenge uhinduka umuryango ubabarira.

***4. Umushyikirano na Kristo n'abizera.*** Uyu muhango wo kozanya ibirenge werekana urukundo Kristo yakundaga abigishwa be"Yakomeje kubakunda kugeza ku iherezo" (Yohana 13:1). Igihe Petero yangaga ko Kristo amwoza ibirenge, Yesu yaramusubije ati "Nintakoza ntacyo tuzaba duhuriyeho" (umurongo wa 8). Niba nta kwezwa nta n'umushyikirano. Abashaka kugirana umushyikirano uhoraho na Kristo bazitabira uwo muhango.

Muri uwo mugoroba, Yesu yaravuze ati"Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nabakunze, mube ariko namwe mukundana" (umurongo wa 34). Ubutumwa buri mu muhango wo kozanya ibirenge burasobanutse: Kubw'urukundo buri wese abe umugaragu wa mugenzi we (Abagalatiya 5:13).Niduturwamo n'uru rukundo tuzaharira imyanya myiza bagenzi bacu kubwo gutekereza ko badusumba (Abafilipi2:3).

Tuzakunda nabo tudahuje. Ntituzagira amaranga mutima yo kwishyira hejuru no kwirema ibice. Imibereho yacu izagaragaza urukundo dukunda bagenzi bacu mu kwizera. Mu gihe dupfukamye imbere yabo tuboza ibirenge, tuba twishimira ubugingo buhoraho tuzasangirira hamwe. Abantu bose bakurikiza urugero rwa Kristo bazagaragaza, mu buryo bumwe icyo gukunda ari cyo nk'uko Kristo akunda. Muri ubwo buryo urukundo rwaba umuhamya ukomeye.

Umunsi umwe umubudisite mukuru yasabye umumisiyoneri guhitamo umuhango wagombaga gushushanywa n'ubukristo. Abanyabugeni bagombaga gutaka inzu yabagamo ababudisite b'abayobozi bifashishije amarangi n'imitako itandukanye bigaragaza amadini akomeye ku isi. Nyuma yo ku bitekerezaho, umumisiyoneri yavuze igitekerezo kiri muri Yohana 13 "Umumonaki ntacyo yavuze igihe nasomaga icyo gitekerezo, ariko numva umutuzo udasanzwe kandi ukomeye, n'imbaraga itunguranye kubw'iyo nkuru y'uko Yesu yogeje ibirenge by'abigishwa be". Mu myumvire y'umuco impaka za rusange zivuga mu buryo bwa hafi cyangwa bwa kure ibirenge ni igitutsi mu mategeko yo kubaho.

"Ubwo nari nkimara gusoma, habayeho umwanya wo guceceka umumonaki yandebanye kutizera ati "ushatse kuvuga ko uwahanze iyobokamana mwemera yogeje ibirenge by'abigishwa be? Ndamusubiza nti: "yego". Uwo mumonaki wari ufite ibitsike n'ingohe zogoshe wari usanzwe atuje,arijima kubera gukomeretswa no gutangara. Akomeza guceceka kimwe nanjye akomeza gutangara. Twari twafashwe n'imbaraga ikomeye y'icyo gitekerezo. Mu gihe nakomezaga kumwitegereza mbona mu maso he hahinditse hava ku kutizera maze hagaragaza ubwoba bwo guhishurirwa.Yesu wahanze ubukristo,yari yakoze ndetse akuhagira ibirenge byanduye by'abarobyi kandi by'abanyabyaha. Hashize umwanya, we ubwe yigira inama arahaguruka aravuga ati«ubu noneho menye ishingiro ry'ubukristo».

## Kwizihiza ifunguro ryera

Mu baporotesitanti, ijambo rusange rikoreshwa mu kugaragaza uyu murimo w'ubumwe ni "ifunguro ryera" (1Abakorinto 11:20). Andi mazina akoreshwa ni nk' "Ameza y'Umwami" (1Abakorinto10:21); "kumanyagura umugati" (Ibyakozwe 20:7; 2:42); na "ukarisitiya" bafatiye ku gikorwa cy'ubugwaneza n'imigisha iri muri uwo muhango (Matayo26:26-27;

1Abakorinto 10:16; 11:24).Umuhango w'ifunguro ryera ugomba kuba igihe cyo kwishima aho kubabara .Kozanya ibirenge biwubanziriza bitanga umwanya wo kwisuzuma umuntu ku giti cye, kwatura ibyaha, kwiyunga, kubabarira no kubabarirwa.
Kuko bakiriye ubwishingizi bwo kwezwa mu maraso y'umukiza abizera baba biteguye buri wese kwinjira mu mushyikirano wihariye na Kristo. Begera ameza ye bishimye batamurikiwe n'umwijima ahubwo n'umucyo w'agatangaza,biteguye kwizihiza insinzi y'agakiza ka Yesu.

**Ubusobanuro bw'ifunguro ryera.**

Ifunguro ryera risimbura umunsi mukuru wa Pasika yo mu isezerano rya kera. Pasika yuzuriye muri Yesu, umwana w'Intama wera, amaze gutanga ubugingo bwe. Mbere y'urupfu rwe Kristo ubwe yasimbuje, umunsi mukuru w'abisirayeli w'iby'Umwuka, isezerano rishya. Guhera ubwo imizi y'ifunguro ryera ishora mu gishushanyo cy'umunsi mukuru wa Pasika.

***1.Kwishimira kubaturwa ku cyaha***

Nk'uko umunsi mukuru wa Pasika wizihizaga ibaturwa rya Isirayeli mu bubata bwa Egiputa,ni nako ifunguro ryera ryizihiza kubaturwa mu bubata bwa Egiputa y'iby'umwuka, ni ukuvuga "uburetwa bw'icyaha".

Amaraso y'Umwana w'Intama wa Pasika yasizwe ku nkomanizo z'imiryango yakijije abari mu nzu urupfu. Mu kurya inyama, babonye imbaraga zikenewe zo guhunga Egiputa (Kuva 12:3-8). Ni muri ubwo buryo igitambo cya Kristo cyadukijije urupfu.

Abizera barakizwa mu gusangira umubiri n'amaraso bye (Yohana 6:54).Ifunguro ryera ryerekana ko urupfu rwa Kristo ku musaraba rushimangira agakiza n'imbabazi twagiriwe runadusezeranira ubugingo buhoraho.

Yesu ati "mujye mubikora kugirango munyibuke"(1Abakorinto11:24). Uyu muhango ugaragaza agaciro gakomeye k'igitambo cya Kristo. Yesu yaravuze ati" uyu ni umubiri wanjye utanzwe ku bwanyu"(1Abakorinto11:24) na (Yesaya 53:4-12). Ku musaraba umuziranenge yafashe umwanya w'umunyabyaha,intungane yiguranye umugome.Icyo gikorwa gitunganye cyujuje ibyo amategeko asaba ko umunyabyaha akwiriye gupfa.Gitanga imbabazi ,amahoro n'ibyiringiro by'ubugingo bw'iteka ku banyabyaha bihana.Umusaraba ukuraho gucirwaho iteka kwacu;ukatwambika ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo;ukanatubashisha gutsinda ikibi.

***a) Umugati n'urubuto rw'umuzabibu***

Yesu yakoresheje ibigereranyo byinshi kugira ngo yigishe ukuri gutandukanye kumwerekeyeho.Aravuga ati: "Ninjye rembo ry'ukuri"(Yohana 10:7); "Ni jye nzira"( Yohana 14:6); Ndi umuzabibu w'ukuri(Yahana15:1); Ni jye mutsima w'ubugingo(Yohana 6:35). Ntitugomba gufata ibyo bigereranyo nk'uko bivuzwe ngo turebe Yesu mu marembo yose, mu mayira cyangwa mu mizabibu. Bidufasha gusa gusobanukirwa ukuri kwimbitse.

Igihe yahazaga mu buryo bw'igitangaza abantu ibihumbi bitanu,nibwo Yesu yahishuye ubusobanuro bwimbitse bw'umubiri n'amaraso bye. Ku byerekeranye n'umutsima nyawo, aravuga ati: "Ntabwo ari Mose wabahaye umutsima uvuye mu ijuru, ahubwo ni Data ubaha umutsima w'ukuri uvuye mu ijuru;kuko umutsima w'Imana ari umwuka uva mu ijuru kandi ugaha abari mu isi ubugingo".Baramubwiye bati"Databuja ujye uduha uwo mutsima ibihe byose." Maze Yesu arabasubiza ati " ni jye mutsima w'ubugingo; uza aho ndi ntazasonza na hato n'unyizera ntazagira inyota na hato" (Yohana 6:32-35). Yesu atanga umubiri we n'amaraso ye kugira ngo ahaze gusonza kwacu kandi atumare inyota, kugira ngo atumare ubukene n'ibyifuzo byacu byo mu mutima (Yohana 6:50-54).

Umutsima Yesu yariye kuri Pasika ntiwari usembuye. Imbuto y'umuzabibu yanyoye ntiyari ihiye. Umusemburo utubura umugati wari ikimenyetso cy'icyaha, (1Abakorinto 5:7-8). Ku buryo utashoboraga gushushanya mu buryo bwuzuye umwana w'Intama "utagira inenge cyangwa ibara" (1Petero1:19). Keretse gusa umutsima udasembuwe niwo washoboraga gushushanya umubiri utarangwaho icyaha wa Kristo. Ni muri ubwo buryo vino y'umutobe udasembuye yashoboraga gushushanya mu buryo bwemewe kwera kutagira inenge kw'amaraso yeza y'Umukiza.

***b)Kurya no kunywa***

"Nimutarya umubiri w'umwana w'umuntu, ntimunywe n'amaraso ye, nta bugingo muba mufite muri mwe. Urya umubiri wanjye,akanywa n'amaraso yanjye, aba afite ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzura ku munsi w'imperuka"(Yohana 6:53-54).

Kurya umubiri wa Kristo no kunywa amaraso ye ni ibimenyetso bisobanura kubeswaho n'ijambo ry'Imana ariryo riha abizera gukomeza umubano n'amajuru bakakira imbaraga y'Umwuka.Yesu aravuga ati: "amagambo mbabwiye niyo Mwuka kandi niyo bugingo"(Yohana 6:63). "umuntu ntatungwa n'umutsima gusa,ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana" (Matayo4:4).

Abizera bagaburirwa na Kristo umutsima w'ubugingo binyuze mu ijambo ry'Imana ariryo Bibiliya.Muri ryo niho hakomoka imbaraga ibeshaho ya Kristo. Mu murimo w'umushyikirano,tubona Kristo binyuze mu ijambo rye twigishwa na Mwuka Wera. Niyo mpamvu buri muhango w'ifunguro ryera ujyana no kwigisha ijambo ry'Imana.

Kubera ko tubonera imigisha mu rupfu rwa Kristo rwunga binyuze mu kwizera,ifunguro ryera rirenze kuba igaburo ry'urwibutso;gukora uwo muhango bihembura ubugingo bwacu binyuze mu mbaraga ya Kristo iduha umunezero.Muri make,igishushanyo cy'ifunguro cyerekana ko"tubeshwaho na Kristo mu buzima bwacu bw'iby'umwuka nkuko tubeshwaho no kurya no kunywa mu by'uyu mubiri".Muri uyu muhango,dusabira igikombe umugisha(1Abakorinto10:16). Ibyo bisobanura ko nk'uko Kristo yashimiye igikombe (Matayo26:27)ni ko tugaragaza agaciro duha amaraso ye.

***2. Umushyikirano uhamye na Kristo.***

Mu isi yuzuye intambara n'amacakubiri kuza kwacu guhamye ku muhango w'ifunguro ryera bigira uruhare ku bumwe no gukomera kw'itorero. Ni ikimenyetso kigaragaza umushyikirano w'ukuri uduhuza hagati yacu ndetse na Kristo.
Pawulo abishimangira agira ati "Gusangira igikombe, icyo dusabira umugisha,mbese siko gusangira amaraso ya Kristo? Gusangira umutsima tumanyagura si ko gusangira umubiri wa Kristo?Nuko ubwo uwo mutsima ari umwe ,twebwe nubwo turi benshi turi umubiri umwe,kuko twese dusangira umutsima umwe( 1 korimto 10:16,17).

"Iki ni ikigereranyo kuko umutsima dusangira wamanyuwemo ibice byinshi bikaribwa n'abizera .Nkuko ibi bice byamanyaguwe mu mutsima umwe,niko n'abizera bose basangira mu muhango w'ifungura ryera bahuriye muri kristo kuko umutsima wamanyaguwe ari igishushanyo cy'umubiri we washenjaguwe. Mu gufataniriza hamwe iri tegeko,abizera bagaragaza ko bunzwe kandi ko bahuriye mu muryango mugari Kristo abereye umutware". Abagize Itorero bagomba gufatanyiriza hamwe muri uyu murimo wera kuko muri wo, binyuze mu Mwuka Wera "Kristo ahuriramo n'ubwoko bwe kugira ngo abuhe ubuzima bushya".Nubwo imitima n'ibiganza byanduye aribyo bihereza ifunguro ryera,Kristo ubwe aba ahibereye,ayobora umuhango kubwo gufasha abana be.Abegera bose bashyira ibyiringiro byabo muri we,bazaronkeramo umugisha ukomeye. Ariko abirengagiza ibyiza mvajuru bazabigiriramo igihombo.Abo nibo babwirwa aya magambo "Ntimuboneye mwese."

Ni ku meza y'Umwami dushobora kugaragaza mu buryo bwuzuye kandi bwimbitse umunezero wacu wo kuba mu muryango umwe. Aho niho duhurira ku kibanza kimwe,kuko insika zose zashoboraga kudutandukanya ziba zikuweho.Niho dusobanukirwa ko muri Kristo ariho tubonera umurunga uduhuza mu gihe mu buzima dusanzwemo harimo byinshi bidutandukanya. Mu gusangiza abigishwa be ku gikombe cy'umushyikirano nibwo Kristo yabashije kubahishurira isezerano rishya.
"Munywere kuri iki mwese kuko aya ari amaraso yanjye, amaraso y'isezerano rishya ava ku bwa benshi ngo bababarirwe ibyaha"( Matayo26:27,28 soma na Luka22:20).Nkuko isezerano rya kera ryasanishwaga n'amaraso y'ibitambo by'inyamaswa(Kuva 24:8),ni nako isezerano rishya ryashushanijwe n'amaraso ya Kristo.

Mu ifunguro ryera,abizera bavugurura umuhamagaro wabo w'isezerano bagiranye n'Umwami wabo bibuka bundi bushya ko ari abanyamugisha muri Kristo Yesu, ni muri iri sezerano ry'igitangaza Imana yabashije kwiyunga n'ikiremwa muntu. Abemeye iryo sezerano, abizera bafite icyo kwibuka, kubw'ibyo,ifunguro ryera ni urwibutso mu buryo bwuzuye bw'isezerano rihoraho ry'ubuntu, kandi rikaba n'igikorwa cyo kuzirikana imigisha ikomokamo ijyana no kwizera kw'abarijyamo.

***3.Gutebutsa kugaruka kwa Yesu.***

“  Uko muzajya murya uwo mutsima mukanywera  kuri icyo gikombe, muzaba mwerekana urupfu rw’umwami yesu  kugeza aho azazira” (1korinto 11:26).
Uyu murimo w’umushyikirano uhuza Karuvari no kugaruka kwa yesu. Uhuza umusaraba n’ubwami“Ibyabaye” n’˝ibitaraba”bikaba aribyo shingiro by’ amateka nyakuri y’umuntu ku isi mu isezerano rishya.
Uhuza igitambo cy’umukiza no kugaruka kwe ari ko gakiza kuzuye kandi gashyirwa mu bikorwa. Utumenyesha ko Kristo ari kumwe natwe mu buryo bw’umwuka kugeza igihe azagarukira hano ku isi tukamubona amaso ku maso.

Ubuhamya bwa Yesu ngo“ariko ndababwira ukuri yuko ntazanywa ku mbuto z’imizabibu mperereye none nkazageza umunsi nzasangirira namwe vino nshya mu bwami bwa Data” (Matayo26:29)ni ubuhanuzi.Biha kwizera kwacu kuzirikana umunsi mukuru dutegereje w’ifunguro ryera turi hamwe n’umukiza wacu mu bwami bwe.Ubwo nibwo” ubukwe bw’Umwana w’intama buzaba busohoye”.
Kugira ngo twitegure icyo gikorwa kristo aduha inama zikurikira: muhore mukenyeye kandi amatabaza yanyu yake;mumere nk’abantu bategereza shebuja, aho agarukira ava mu bukwe, kugira ngo ubwo azaza bamukingurire vuba.Hahirwa abagaragu Shebuja azaza agasanga bari maso : ndababwiza ukuri yuko azakenyera ,akabicaza,akabahereza(Luka 12:35-37).

Kristo azizihiza uyu muhango agaragiwe n’abana be bakikije ameza nkuko yabigenje i Yerusalemu.Yategereje igihe kirekire  uwo munsi. Ubu noneho byose biriteguwe.Ahaguruke ku ntebe ye ya cyami yigire hafi kugira ngo aduhereze.Abari aho bose buzurwa n’umunezero. Baziyumvamo icyubahiro gike cyo guherezwa na Kristo. Bahakana bavuga bati”oya ahubwo ni twe ahubwo dukwiriye kuguhereza”.Ariko kristo azabinginga n’ubwuzu bwinshi maze abicaze.

«Nta na rimwe Kristo yigeze aba mukuru cyane ku isi  nk’igihe yasangiraga n’abigishwa be ifunguro ryera aho yishyize mu mwanya w’imbata maze we ubwe yicisha bugufi. N’ubundi nta kindi gihe Yesu kristo yigeze kuba mukuru cyane mu ijuru nk’igihe azaba akorera abera be. Icyo ni cyo kintu gihebuje gitegerejwe ari cyo ibyishimo n’ubwiza bizazanwa no kubana na Yesu mu bwami bwe bw’iteka ari nabyo ifunguro ryera ritegura muri twe.

### Ibisabwa kugira ngo umuntu ajye ku muhango w’ifunguro ryera

Kwizera kwa gikristo gusaba ibintu bibiri by’ingenzi : umubatizo n’ifunguro ryera. Icya mbere ni irembo ryo kwinjira mu itorero; naho icya kabiri kireba abagize Itorero. Yesu yakoze umuhango w’ifunguro ari hamwe n’abigishwa be gusa.  Bityo uyu muhango ugenewe abizera banyuze mu mubatizo gusa. Abana ntabwo ari ngombwa kuwujyamo keretse abamaze kubatizwa.

Bibiliya isaba abizera kwizihiza uyu muhango w’ifunguro ryera bicishije bugufi imbere y’Umwami,«Kuko umuntu wese uzarya umutsima w’Umwami wacu cyangwa uzanywera ku gikombe cye uko bidakwiriye, azagibwaho n’urubanza rwo gucumura ku mubiri n’amaraso by’Umwami (1Kor 11:27). Iri jambo” uko bidakwiriye” ryerekana nkok”utagira ikinyabupfura(umur 21), cyangwa se kureka kwizera igitambo cyunga cya Kristo

ubishaka”. Imyifatire nk’iyo igaragaza kutubaha kandi ikaba ishobora gufatwa nko kwanga kwakira Umukiza. Iherezo rya bene abo bantu rizamera nk’iry’ababambye Kristo.

Kujya ku ifunguro ryera kudahawe agaciro ntibinezeza Imana.Kuko abarya kandi bakanywa ”batitaye ku mubiri w’Umwami” baba baririye kandi banywereye kwishyiraho gucirwaho iteka(1 Kor 11:29). Baba bakoze ikosa ryo kudatandukanya ibyo kurya bisanzwe n’ibyo mu muhango ushushanya urupfu rwunga abantu n’Imana rwa Kristo. Ntabwo ”abakristo bakwiriye gufata umuhango w’ifunguro ryera nk’undi muhango wose wizihizwa wibutsa ibyaye mu mateka.Uyu wo urenze ibyo: wibutsa ikiguzi Imana yishyuye ku cyaha, ndetse n’icyo umuntu agomba Umucunguzi. Ni uburyo kandi butuma umwizera yiyumvamo ko ashobora guhamya mu ruhame kwizera afite mu rupfu rwunga rw’Umwana w’Imana”.

Nk’uko tumaze kubona ibi bisabwa, Paulo nawe agira inama abizera yo kwisuzuma(1Kor 11:28) mbere y’uko bajya ku muhango w’ifunguro ryera. Mbere y’uko bagira ikintu na kimwe bawukoramo, bagomba kubanza kugenzura ubuzima bwabo bwa gikristo,bakihana ibyaha byabo ndetse bakongera kugarura imishyikirano muri bo yariyarangiritse.

Amateka y’Abadivantisiti ba mbere yerekana ibyo uku kwisuzuma ukibaza kwagezeho”igihe twari tukiri bake cyane, kujya mu muhango w’ifunguro ryera wari inyungu ikomeye cyane kuri twe. Ku wa gatandatu ubanziriza isabato y’ifunguro ryera,buri mwizera wese w’itorero yashakishaga uko yakemura amakimbirane ari hagati ye na mugenzi we ndetse ari hagati ye n’Imana. Buri wese yarisuzumaga mu mutima we agasenga kugira ngo amahishurwa yo mu ijuru amwereke icyaha cyihishe mu mutima we kiticujijwe; aha humvikanaga kwatura uburiganya mu bikorwa by’ubucuruzi,ahandi kwatura amagambo adakwiriye yavuzwe ndetse n’ibyaha byakozwe. Imana yaratwegeraga maze tugashikama ndetse tugasubizwamo intege”.

Uko kwinira ko mu mutima ni umurimo w’umuntu ku giti cye. Ntawushobora kuwukorera undi, none se ninde washobora gusoma mu mutima w’umuntu akamenya uwera n’uwanduye?Kristo,we cyitegererezo cyacu, ntawe yigeze aheza kw’ifunguro ryera. Nubwo icyaha cy’icyitumano giheza uwagikoze (1Kor 5:11),Yesu ubwe yasangiye na Yuda wagaragaraga inyuma nk’umwigishwa w’inyangamugayo, ariko imbere mu mutima, ari umujura n’umugambanyi.

Ikiranga abantu bashobora kujya mu muhango w’ifunguro ryera, ni abantu bafite umutima wuzuwemo: kutaba umwizera w’itorero iri n’iri ahubwo wuzuwemo no kwiha Kristo kuzuye ndetse no kwizera igitambo cye. Kubw’ibyo, abakristo bo mu matorero yose bashobora kujya ku muhango w’ifunguro ryera. Bose bakwiriye gutumirwa ngo bagire uruhare muri uwo munsi mukuru ukomeye w’isezerano rishya,bityo bakaba banahamije kwemera Kristo nk’Umukiza wabo ku giti cyabo.

**ICYIGISHO CYA 17**

**IMPANO Z'UMWUKA N'IMIRIMO*.***

***Mu bihe byose, Imana igenera abantu bo mu itorero ryayo impano z'umwuka, buri wese agomba gukoresha kugira ngo abashe gukora umurimo w'urukundo akorera itorero n'inyokomuntu muri rusange.Binyuze mu Mwuka wera,uzitanga kandi agabira buri wese uko ashaka,izo mpano ziha itorero ubushobozi n'imirimo y'ingenzi mu kuzuza inshingano yaryo mvajuru.Dukurikije ibyanditswe byera, izi mpano zishobora kwigaragariza mu rwego rwo kwizera, gukiza indwara, guhanura,kubwiriza,kwigisha, kuyobora,kunga,kugira impuhwe n' umurimo w' urukundo udashaka inyungu mu gushyigikira no gutera umwete abandi. Bamwe bahamagawe n'Imana kandi batoranyirizwa no kuzuza inshingano zizwi z'itorero: ubupasitoro,ivugabutumwa,guhugura by'umwihariko imirimo y'ingenzi mu gutegurira abagize itorero umurimo mu gukuza amajyambere y'itorero mu by'umwuka no kubungabunga ubumwe bwo kwizera n' no kwigisha ubutumwa by'umwihariko bukewe n'abantu mu kubategurira umurimo, mu kubaka itorero ngo rikure mu by'umwuka no kubungabunga ubumwe bwo kwizera n'ubwo kumenya Imana. Igihe abagize itorero bakoresheje izi mpano z'umwuka nk'ibisonga bikiranukira Imana mu buntu bwayo bwinshi, icyo gihe itorero ririndwa inyigisho y'amahame apfuye; rikura uko Imana ishaka ko rikura, kandi ryubakwa mu kwizera no mu rukundo(Abar.12:4-81 Kor.12:9-11,27,28;Abef.4:8,11-16;Ibyak.6:1-7;1 Tim.3:1-13;1Pet.4:10,11).***

AMAGAMBO YESU YAVUZE MBERE YO KUJYA MU IJURU yagombaga guhindura amateka «mujye mu bihugu byose» niko yategetse abigishwa be, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza (Mariko 16:15).

Mu bihugu byose ? Mu baremwe bose ?Nta gushidikanya abigishwa ba Yesu batekereje ko ari inshingano idashoboka. Yesu amenye intege nke zabo, ababwira kutava muri Yerusalemu ahubwo ko «bakwiriye kurindira ibyo Yesu yasezeranye». Nuko abaha ubu bwishingizi"Icyakora muzahabwa imbaraga, Umwuka Wera n'abamanukira kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu n'iyudaya hose n'i Samariya, no kumpera y'isi"(Ibyak1:4,8).

Nyuma yo gusubira mu ijuru kwa Yesu ,abigishwa be bahaye amasengesho ibihe bihagije.Kutumvikana n'ishyari byababarangaga bakiri kumwe na Yesu byasimbuwe no gushyira hamwe no kwiyoroshya. Abigishwa bari barahindutse.Gushyikirana na Yesu n'ubumwe bari bafite byabateguriraga kuzuzwa Umwuka Wera.

Nkuko Yesu yakiriye gusigwa kudasanzwe kw'Umwuka Wera kubwo gutegurirwa umurimo we (Ibyakozwe10:38), ni ko abigishwa bakiriye umubatizo w'Umwuka Wera (ibyako1:5) kugira ngo bashobozwe guhamya kwabo.Imbaraga zabo zirongerwa.Umunsi bakiriyemo impano y'Umwuka Wera, babatije abantu ibihumbi 3000 (Ibyakozwe2:41).

**Impano z'Umwuka wera.**

Kristo agereranya impano z'Umwuka mu mugani "Bizaba nk'iby'umuntu wari ugiye kuzindukira mu kindi gihugu, ahamagara abagaragu be abasigira ibintu bye, aha umwe itaranto eshanu, undi amuha ebyiri, undi amuha imwe, uko umuntu ashoboye,arazinduka" (Matayo25:14,15).

Uwo muntu wagiye mu rugendo rwa kure agereranya Kristo wagiye mu ijuru.Abagaragu ba Shebuja bavugwa mu mugani ni abayoboke be baguzwe" igiciro kinini"(1Abakorinto6:20). "Amaraso y'igiciro kinini ya Kristo" (1Petero1:19). Kristo yabacunguriye gukora umurimo we kandi ntibagikomeza kubaho kubwabo, ahubwo "babaho k'ubw'uwo wabapfiriye kandi akanabazukira" (2Abakorintio 5:15).

Kristo yahaye buri mugaragu we ibintu akurikije ubushobozi bwe kandi "yereka buri wese inshingano ye" (Mariko13:34). Hamwe n'izindi mpano n'ubushobozi ( reba icyigisho cya 20 cy'iki gitabo), ibyo bintu bishushanya impano zidasanzwe zitangwa n'Umwuka.

Mu buryo bwihariye havugwa ko Kristo yahaye Itorero rye impano z'Umwuka mu gihe cya Pantekote. "Amaze kuzamuka mu ijuru, niko Pawulo atwibutsa[…]aha abantu impano.Ariko umuntu wese muri twe yahawe ubuntu nk'uko urugero rw'impano ya Kristo ruri" (Abefeso 4:8,7). Ariko ibyo byose uwo mwuka umwe ni we ubikora muri bo, agabira umuntu wese uko ashaka" (1Abakorinto12:11) izo mpano z'Umwuka: zibashisha Itorero kuzuza umurimo ryashinzwe gukora.

**Umugambi w'impano z'Umwuka.**

Umwuka Wera aha buri mwizera ubushobozi bwihariye bwo gufasha Itorero kugira ngo ribashe gusohoza inshingano yaryo mvajuru.

**Ubumwe mu Itorero.** Itorero ry'i Korinto nta mpano y'Umwuka n'imwe ryaburaga (1Abakorinto1:4, 7). Ariko ikibabaje, abarigize bahoraga bashikana nk'abana bibaza impano ziruta izindi.

Bahugiye mu macakubiri yo mu Itorero ryabo, Pawulo yandikira abakorinto ku byereke ukuri nyako kurebana n'izo mpano n'uburyo zigomba gukora. Abasobanurira ko impano z'Umwuka ari impano z'ubuntu. Icyakora hariho "impano z'uburyo bwinshi", ariko Umwuka ni umwe uzitanga. Kandi hariho «uburyo bwinshi bwo kugabura» iby'Imana

hariho "n'uburyo bwinshi bwo gukora". Ariko Pawulo ashimangira ko "Imana ari imwe ikorera byose muri bose"(1Abakorinto12:4-6).

Umwuka Wera aha buri mwizera impano kugira ngo zikuze Itorero ni ukuvuga kubaka Itorero. Ubukene bw'umurimo w'umwami ni bwo bugena ubwoko bw'impano umwuka atanga n'uwo izo mpano zihabwa. Bose ntibahabwa impano zimwe. Paulo avuga ko umwuka agabira umwe ijambo ry'ubwenge, undi agahabwa kumenya, undi kwizera, undi agahabwa impano yo gukora ibitangaza, undi iyo guhanura undi iyo kugenzura imyuka, undi impano yo kuvuga indimi, naho undi impano yo gusobanura indimi. "Ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni we ubikorera muri bo agabira umuntu wese uko ashaka" (Umurongo wa 11). Ishimwe ry'ibyakozwe mu Itorero binyuze mu mpano ryagombye guhabwa uwatanze impano, atari uwayihawe ngo ayikoreshe. Kandi kubera ko izi mpano zihabwa Itorero, atari umuntu ku giti cye, abazahabwa ntibagomba kuzifata nk'akarima kabo bwite bigengaho.

Kubera ko Umwuka atanga impano uko abona bikwiye, nta n'imwe muri izo yagombye kwirengagizwa cyangwa ngo igabanurwe. Ntamuntu n'umwe mu itorero ufite uburenganzira bwo kwishyira hejuru kubera ko afite umwanya wihariye cyangwa umurimo, cyangwa ngo hagire uwiyumva ko ari mu rwego rwo hasi kubera ko afite umwanya woroheje mu itorero.

***1. Uburyo bw'imikorere.*** Pawulo yifashishije umubiri kugira ngo yerekane uburyo impano zitandukanye zikorera hamwe. Umubiri ufite ingingo nyinshi zitandukanye, kandi buri rugingo rufite akamaro kihariye.Ariko Imana yashyize ingingo mu mubiri izigenera aho ishatse zose uko zingana(Umurongo wa18).

Nta rugingo rukwiriye kubwira urundi ngo " singukeneye" Buri rugingo rukenera urundi "kandi izo k'umubiri zizwi ko ari iz'icyubahiro gike nizo turushaho kwambika icyubahiro kandi ingingo zacu ziteye isoni ni zo zirushaho gushimwa.Nyamara izidateye isoni ntizigomba kwambikwa,ariko Imana yateranije umubiri hamwe,urugingo rukennye icyubahiro iruha icyubahiro kuruta izindi (Umurongo wa 21-24).

Intege nke z'urugingo rumwe zigira ingaruka ku mubiri wose. Niba umubiri udafite ubwonko, igifu ntabwo gishobora gukora; niba kandi udafite igifu ubwonko ntacyo bwaba bumaze. Bityo rero Itorero rirababara iyo ribuze umuntu waryo uko yaba ameze kose.

Bimwe mu bice by'umubiri ni ibinyantege nke kandi usanga bikeneye kwitabwaho mu buryo bwihariye. Umuntu ashobora kubaho nta kiganza cyangwa nta maguru ariko ntashobora kubaho nta mwijima, umutima cyangwa ibihaha. Mu bisanzwe tugaragaza mu maso hacu n'ibiganza byacu, ariko tukambika ibindi bice by'umubiri mu mugambi wo kwiyubaha.Aho guha agaciro gake impano zoroheje, tugomba ahubwo kuzitaho cyane kubera ko ubuzima bw'Itorero arizo bushingiyeho.

Imana yategurije itorero impano z'Umwuka kugira ngo"iririnde gucikamo ibice"maze rigire umwuka wo guhuza no kuzuzanya"Kugira ngo umubiri utirema ibice, ahubwo ingingo zigirirane. Urugingo rumwe iyo rubabaye, ingingo zose zibabarana narwo, cyangwa iyo

urugingo rumwe ruhawe icyubahiro, ingingo zose zishimana narwo" (Umurongo wa 25, 26).Bityo rero iyo umwizera umwe ababaye, Itorero ryose rigomba kubimenya kandi rikaba maso rikamumara umubabaro afite.Igihe uyu muntu ameze neza,nibwo buzima bw'Itorero butekanye.

Nyuma yo kuganira ku gaciro ka buri mpano y'Umwuka, Pawulo yavuze urutonde rwazo"Imana yashyize bamwe mu Itorero" ubwa mbere intumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu abigisha maze n'abahawe kuyobora,ishyiramo abakora ibitangaza,n' abahawe impano zo gukiza indwara n'abahawe gufasha abandi n'abahawe kuvuga indimi nyinshi " (Umurongo wa 28; n'Abefeso4:11).Nkuko nta mwizera ufite izo mpano zose, abatera umwete wo kwifuza "impano ziruta izindi" (Umurongo wa 31), bibanda cyane cyane kuzifitiye akamaro itorero.

***2. Igipimo cy'ingenzi.*** Impano z'Umwuka Wera ubwazo ntizihagije. Hariho "inzira irushaho kuba nziza" (Umurongo wa 31). Nubwo impano z'Umwuka zizashira Yesu agarutse, imbuto y' Umwuka yo izahoraho iteka ryose. Ni ukuvuga imbuto z'urukundo rw'iteka n'amahoro, kugiraneza no gukiranuka bizanwa n'urukundo(Reba Abagalatiya5:22, 23; Abefeso 5:9). Mu gihe ubuhanuzi, indimi no kumenya bizashira, kwizera,ibyiringiro n'urukundo bizahoraho. Ariko "ikibiruta byose ni urukundo"(1Abakorinto13;13).

Uru rukundo Imana itanga rwitwa ***agape*** mu kigiriki. Ni urukundo rwitanga kandi rudashaka ibyarwo(1Abakorinto13:4-8). Ni urukundo "ruruta izindi nkundo zose rumenya guha agaciro icyo rukunze ari umuntu cyangwa ikintu; urukundo rushingiye ku ihame atari ku maranga mutima;ni urukundo rukurira mu mico ndakemwa ya nyirarwo.Impano zitagira urukundo zitera urujijo no kwirema ibice mu itorero.Bityo rero inzira irushaho kuba nziza,kuri buri wese ufite impano z'umwuka ni ukugira uru rukundo «rutizirikana» umurongo wa 8 hati:"Mushimikire urukundo kandi mwifuze impano z'umwuka" (1Abakorinto14:1).

**Kubaho duhesha Imana icyubahiro.**

Pawulo yavuze nanone ku byerekeye ku mpano z'Umwuka mu rwandiko yandikiye abaroma. Ahamagarira abantu kubaho bahesha Imana icyubahiro (Abaroma11:36; 12:2), yongeye na none kwifashisha ingingo z'umubiri kugirango yerekane ugutandukana ariko kandi n'uburyo hariho ubumwe buranga abizera babumbiye hamwe mu Itorero (Umurongowa3-6).

Kumenya ko kwizera nk'impano z'Umwuka bifite isoko mu buntu bw'Imana , abizera bakomeza kuba abicisha bugufi. Uko umwizera abonye impano ni ko uruhare rwe mu by'umwuka ruba runini, ikirenze cyane cyakagombye kubaho ni ukwishingikiriza ku Mana kizaba ni uko azishingikiriza ku Mana.

Muri iki gice Pawulo yashyize ku rutonde impano zikurikira: Ubuhanuzi(ubutumwa buturutse ku Mana ,ugutangaza), umurimo, kwigisha, gutera abandi umwete,impano yo

gusangira, kuyobora, n'iyo kugira impuhwe. Nkuko mu 1Abakorinto12, yasoje ikiganiro cye n'ihame riruta ayandi rya gikristo ariyo urukundo (umurongo wa 9).

Petero agaragaza iby'impano z'umwuka mu kumvikanisha iherezo ry' ibintu byose" iherezo rya byose riri bugufi" (1Petero4:7). Kwihuta kw'ibihe gusaba ko abizera, bakoresha impano zabo."Kandi nk'uko umuntu yahawe impano, abe ariko muzigaburirana, nk'uko bikwiriye ibisonga byiza by'ubuntu bw'Imana by'uburyo bwinshi"(Umurongo wa10). Nka Pawulo, Petero yigishaga ko izi mpano zitahawe umwizera ngo yihimbaze ahubwo kugirango Imana ihimbazwe muri byose"atari izo kwihimbaza(Umurongo wa11).Yahuje urukundo n'impano z'umwuka (Umurongo wa 8).

**Gukura kw'itorero.**

Mu gice cya gatatu n' icya nyuma by'ikiganiro cya Pawulo ku mpano z'umwuka yingingira abizera "kugenda nkuko bikwiriye ibyo bahamagariwe, bicisha bugufi, bafite ubugwaneza no kwihangana, bihanganirana mu rukundo. Bakomeresha ubumwe bw'Umwuka umurunga w'amahoro"(Efeso 4:1-3).

Impano z'umwuka zituma habaho ubumwe, bigatera itorero gukura. Buri mwizera wese yahawe "ubuntu [...] nk'uko urugero rw'impano ya Kristo ruri" (umurongo wa7).

Kristo ubwe "yahaye bamwe kuba intumwa n'abandi kuba abahanuzi n'abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza n'abandi kuba abungeri n'abigisha". Izo mpano zatangiwe « kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo: kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya umwana w'Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo» (umurongo wa 11-13).

Abakira izo mpano z'umwuka bafite umwihariko wo gukorera abandi bizera, kugira ngo babategure gukora ibijyanye n'impano zabo. Ibi bigira uruhare mu kubaka Itorero no kurigeza ku gihagararo gishyitse cya Kristo.

Iyi mirimo yongera gushikama mu by'Umwuka kandi ikongera imbaraga z'Itorero mu kurwanya inyigisho z'Ibinyoma, Kugira ngo abizera badakomeza kuba abana, bateraganwa n'umuraba, bajyanwa hirya no hino n'imiyaga yose y'imyigishirize n'uburiganya bw'abantu, n'ubwenge bubi, n'uburyo bwinshi bwo kubayobya; ahubwo bavuge ukuri bari mu rukundo,bakurire muri we muri byose.Uwo niwe mutwe,ariwo Kristo (Umurongo wa 14-15).

Ubwo rero muri Kristo, impano z'umwuka zizana ubumwe no gukungahara kw'itorero. "Kuri uwo niho umubiri wose uteranywa neza, ugafatanywa n'uko ingingo zose zigiririana, nuko igice cyose kigakora umurimo wacyo cyagenewe. Muri Kristo uwo niho umubiri ukura gukura kwawo, kugira ngo ukurizwe mu rukundo" (umurongo 16). Kugira ngo Itorero rigire ugukura Imana ishaka, buri mwizera agomba gukoresha impano Imana yamuhaye ku buntu.

Icyo bitanga n'uko Itorero rigira ugukura k'uburyo bubiri:kwiyongera k'umubare w'abizera no gukura mu mpano z'umwuka za buri muntu. Kandi, na none, urukundo ruri mu bigize uyu muhamagaro kuko itorero ritagira ireme no gukura ridakoresheje izi mpano mu rukundo.

**IMIKORESHEREZE Y'IMPANO Z'UMWUKA.**

**Umurimo rusange.** Ibyanditswe Byera ntibigaragaza igitekerezo cy'uko umuyobozi yarakwiriye gukora umurimo ashinzwe ,mu gihe abizera banezezwa no gushyushya intebe bagategereza kugaburirwa.Abashumba hamwe n'abizera ; bagize Itorero, "ubwoko bwatoranijwe" bw'Imana (1Petero 2:9). Bose bafite inshingano mu mibereho myiza y'Itorero no gukungahara kwaryo. Bose bahamagarirwa gukorera hamwe buri wese akurikije impano z'umwihariko Kristo yamuhaye.Ugutandukana mu mpano kuva mu mirimo itandukanye yo kugabura iby'Imana, byose bigahurizwa hamwe mu kogeza ubwami bw'Imana no gutegurira abo mu isi gusanganira umukiza wabo (Matayo 28:18-20; Ibyahishuwe 14:6-12).

**Uruhare rw'umugabura .**Ihame ry'Impano z'Umwuka riha umushumba inshingano yo guhugura abizera. Imana yatoranije intumwa, abahanuzi, abavugabutumwa , abashumba, n'abigisha kugira ngo bategurire ubwoko bwayo gukora umurimo wayo. " Abashumba ntibakagombye gukora umurimo ugenewe itorero ryose,bakinaniza ubwabo, kandi bakabuza abandi gukora ibyo bashinzwe.Bakagombye kwigisha abagize Itorero uko bakwiriye gukora mu Itorero bakorera hamwe". Umugabura udafite impano yo guhugura, ntabarirwa mu murimo w'ubugabura, ahubwo ari mu kindi gice cy'umurimo w'Imana. Intsinzi y'umugambi w'Imana ku Itorero uterwa n'ubushake ndetse n'ubushobozi abashumba bayo bazakoresha mu guhugura abizera kugira ngo bamenye gukoresha impano Imana yabahaye.

**Impano n'ubutumwa.** Imana itanga impano z'umwuka kubw'inyungu y'umubiri wose, atari kubw'inyungu y'abazihabwa. Nk'uko uwakira impano atayakira kubw'inyungu ye, ni nako Itorero ritakira impano zose kubwaryo. Gusa Imana itanga impano ku bantu bose kugira ngo; ibategurire kurangiza inshingano yabahaye mu gukiza isi.

Impano z'umwuka si ibihembo bijyanye n'imirimo myiza iba yakozwe, ahubwo ni ibikoresho bituma umurimo ukorwa neza. Umwuka atanga buri gihe impano z'umwuka zijyanye n'impano karemano z'umuntu,nubwo izo mpano karemano zitaba ari iz'umwuka. Bisaba kuvuka bundi bushya kugira ngo umuntu amenyeshwe imbaraga y'Umwuka wera.Tugomba kuvuka bwa kabiri kugira ngo dukoreshwe n'impano z'umwuka.

**Ubumwe bw'impano zitandukanye kandi zidasa.** Abakristo bamwe bagerageza gushishikariza abandi bizera gusa nabo. Iyi ni imigambi y'abantu si iy'Imana.Uburyo Itorero riguma mu bumwe n'ubwo impano z'umwuka zitandukanye butwerekeza mu guha agaciro ukuzuzanya kwazo. Butwereka ko gutera imbere kw'itorero ry'Imana, guterwa na buri mwizera. Imana ishaka ko, mu itorero, impano zose, imirimo yose n'ibindi bikorwa

byose bihuriza hamwe mu kugira uruhare rwo kubaka itorero ku rufatiro Itorero rya mbere ryari ryubatseho. Muri Yesu Kristo, ibuye rikomeza imfuruka, "muri we inzu yose iteranijwe neza, irakura, ngo ibe urusengero rwera mu Mwami Yesu" (Abefeso 2:21).

**Ubuhamya, intego fatizo y'impano.** Abizera bakira impano zitandukanye, bikaba bigaragaza ko buri wese wo muri bo afite umurimo wihariye. Ubwo rero, umwizera wese yakagombye guhamya ukwizera kwe, agasangira n'abandi ukwizera no kubwira abandi iby'Imana yakoze mu buzima bwe. Icyo Imana igamije mu gutanga Impano uko yaba iri kose ni ugushoboza uyihabwa guhamya.

**Kureka gukoresha impano z'umwuka.** Abizera badashaka gukoresha impano z'umwuka zabo bazabona ko atari ukuzangiriza gusa, ahubwo ko ari no gushyira ubugingo bwabo buhoraho mu ngorane. Yesu, mu bushake bwe bwuzuye urukundo, yaduhaye uyu muburo ko umugaragu utarakoresheje impano ye ari, "umugaragu mubi kandi w'umunyabute" wabuze igihembo cye cy'iteka (Matayo 25:26-30). Umugaragu utiringirwa yemeye ko kureka gukoresha impano ye byavuye kuri we yabyemeye kandi yabanje kubitekerezaho. Niyo mpamvu yagombaga kwirengera kunanirwa kwe. "Ku munsi ukomeye uheruka w'urubanza, abazaba bataragize icyo bakora, bakirengagiza amahirwe bahawe, kandi birengagiza inshingano zabo, umucamanza azabashyira hamwe n'inkozi z'ibibi".

**Uburyo tuvumbura impano z'Umwuka.**

Kugira ngo abizera bajye mu murimo w'Itorero neza bagomba gusobanukirwa n'impano zabo izo arizo. Impano zikora nk'urushinge rwa dira, ziyobora abazifite mu murimo no mu byishimo by'ubugingo bwinshi (Yohana 10:10). Mu rwego "duhitamo kwirengagiza kumenya, guteza imbere no gukoresha impano zacu, itorero riba uko ritakagobye kumera. Riba riri munsi y'aho Imana yashatse ko riba."
Urugendo rwo gusobanukirwa impano zacu z'umwuka, rwakagombye kurangwa n'ibi bikurikira:

***Umwiteguro w'iby'Umwuka.*** Intumwa zasenze zibikuye ku mutima kugira ngo zishobore kuvuga amagambo azageza abanyabyaha kuri Kristo. Bashyize kuruhande ibyabatandukanyaga n' ibyifuzo byo kuba mukuru byababaga hagati muri bo. Kwatura icyaha no kwihana byabagejeje ku bucuti bukomeye na Kristo. Abemera Kristo muri iki gihe bakeneye kwigira kuri izo ntumwa kugira ngo bitegurire kwakira umubatizo w'Umwuka Wera.

Umubatizo w'Umwuka si igikorwa kiba rimwe; tugomba kuwugira buri munsi. Tugomba gusaba Umwami wacu kuwuduha, kuko ari byo biha Itorero ubushobozi bwo guhamya no kwamamaza ubutumwa bwiza. Kugira ngo tubigereho, tugomba kwegurira Imana ubugingo bwacu, kuguma rwose muri Kristo no kumusaba ubwenge bwo kumenya impano zacu (Yakobo 1:5).

***Kwiga ibyanditswe byera.*** Mu kwiga dusenga ku byo isezerano rishya rivuga ku mpano z'Umwuka bituma Umwuka Wera yemeza intekerezo zacu umurimo wihariye adufitiye. Ni

ingenzi kwizera ko Imana yaduhaye nibura impano imwe kugira ngo tuyikoreshe mu murimo wayo.

***Kwiyegurira ubushake bw'Imana.*** Si twe tugomba gukoresha Umwuka Wera, ahubwo niwe ugomba kudukoresha, kuko Imana ariyo ikorera mu bwoko bwayo "gukunda no gukora ibyo yishimira " (Abafilipi 2:13). Ni iby'agaciro gukora mu buryo ubwo aribwo bwose bw'umurimo ubushake bw'Imana budusaba. Tugomba kwemerera Imana kuba imiyoboro ikoresha igera ku bakeneye ubufasha bwacu. Kubwo ibyo, twakagombye guhora twiteguye gusubiza ibyifuzo by' Itorero igihe cyose bigaragaye. Ntitwakagombye gutinya kwinjira mu nzira nshya, ahubwo twakagombye kumva tubohotse mu kubwira abadukeneyeho ubufasha dukoresheje impano zacu n'ubunararibonye bwacu.

***Ubuhamya buturutse ku mubiri.*** Kubera ko Imana itanga izi mpano kugira ngo yubake Itorero ryayo, dushobora kubona ko guhamya kw'impano zacu kuva ku mubiri wa Kristo atari mu marangamutima yacu. Birakomeye ko umuntu amenya impano ze ku giti cye kuruta uko yamenya iz'abandi. Ntitugomba gusa kwemera ibyo abandi batubwira ku mpano zacu, ahubwo ni n'ingenzi ko tumenya kandi tugahamya impano z'Imana ku bandi. Nta gihimbaje kandi gishimishije nko kumenya ko dusohoza umurimo cyangwa ko turi mu mwanya ubushake bw'Imana bwaduteganirije. Mbega umugisha wacu iyo dukoresheje impano Yesu yaduhaye binyuze mu Mwuka Wera! Yesu yifuza cyane ko dusangira impano ze z'ubuntu. Na n'ubu, yaduhaye uburyo bwo kwemera ubutumire bwe no guhishura icyo impano zishobora kumara mu buzima bwuzuwe n' Umwuka Wera.

## IGICE CYA 18

## IMPANO Y'UBUHANUZI

***Ubuhanuzi ni imwe mu mpano z'Umwuka wera. Iyo mpano ni kimwe mu bimenyetso byihariye biranga itorero ryasigaye kandi iyo mpano yagaragariye mu murimo wa Ellen white. Inyandiko z'uyu muhanuzikazi w'Imana ni isoko ihoraho y'ukuri gufite ububasha kandi kugaha itorero ububyutse,imirongo ngenderwaho, amabwiriza no gucyaha. Izo nyandiko ze zerekana mu buryo bugaragara ko inyigisho zose n'ubunararibonye bwose bugomba gushingira kuri Bibiliya(Yoweli 2:28,29;Ibyak.2:14-21;Abaheb.1:1-3;Ibyah.12:17;19:10).***

Yehoshafati, umwami w'Ubuyuda, yari yacitse intege. Abanzi begeranyaga intwaro zabo maze yabibona bigasa nibimuteye intege nke. Nuko Yehoshafati "yihata gushaka Uwiteka maze ategeka abayuda bose kwiyiriza ubusa" (2 Ingoma 20:3). Ubwoko bw'Abayuda bugana ku rusengero gusaba Uwiteka kubagirira ubuntu no kubatabara.

Mu gihe yari ayoboye iryo teraniro ryo gusenga Yehoshafati yinginze Imana ngo ihindure ibyo bihe barimo. Arasenga ati"Uwiteka Mana ya ba sogokuruza bacu,ese si wowe Mana yo

mu ijuru, kandi si wowe utegeka abami bose b'amahanga? Mu kuboko kwawe harimo ubusha n'imbaraga bituma ntawagutanga imbere "         (2 Ingoma 20:6). Mbese Imana ntiyakingiye by'umwihariko ubwoko bwayo mu bihe byashize? Mbese ntiyahaye ubwoko bwatoranijwe igihugu? Nuko Yehoshafati akomeza kwinginga ati:"Mana yacu ntiwakwemera kubahana ? Nta mbaraga dufite zarwanya izo ngabo nyinshi ziduteye[…], kandi tubuze uko twagira ariko ni wowe duhanze amaso" (2 Ingoma 20:12).

Igihe Abuyuda bose bari bahagaze imbere y'Uwiteka,Yahaziyeli arahaguruka. Ubutumwa bwe butera umwete kandi bunereka icyerekezo ubwoko bufite ubwoba. Aravuga ati:"Mwitinya[…] kuko urugamba atari urwanyu, ahubwo ni urw'Imana […] Muri iyo ntambara ntimuzagomba kurwana : Muzahagarare mwireme inteko gusa, mwirebere agakiza Uwiteka azabaha […] kuko Uwiteka ari kumwe namwe" (2 Ingoma 20:15-17). Bukeye bwaho umwami Yehoshafati abwira ingabo ze ati "Mwizere Uwiteka Imana yanyu mubone gukomezwa,mwizere n'abahanuzi bayo mubone kugubwa neza" (Umurongo wa 20).

Uwo mwami yizera byuzuye uwo muhanuzi utari uzwi cyane, Yahaziyeli, ashyira ingabo imbere zigenda zihimbaza Uwiteka ziririmba n'ubwiza bwo kwera! Mugihe izo ndirimbo zo kwizera zasakaraga ikirere, Uwiteka Imana yari ku murimo,ateza urujijo mu ngabo z'abanzi b'abayuda. Zarahatikiriye ku buryo nta n'umwe wacitse ku icumu (umurongo24).

Yahaziyeli muri icyo gihe kidasanzwe yabaye umuvugizi w'Imana.
Abahanuzi bagize uruhare rukomeye mu bihe byo mu Isezerano rya kera no mu Rishya. Mbese ubuhanuzi bwaba bwararangiranye n'iyandikwa rya Bibiliya? Kugira ngo tubone igisubizo cy'iki kibazo reka tugaruke ku mateka y' Ubuhanuzi.

**Impano y'Ubuhanuzi mu gihe cya Bibiliya.**

Nubwo icyaha cyashyize iherezo ku mushyikirano w'imbonankubone hagati y'Imana n'umuntu (Yesaya 59:2),  Imana ntabwo yigeze ireka umubano wayo n'inyokomuntu. Ahubwo, yakoresheje  ubundi buryo bwo gushyikirana nayo. Ibinyujije mu buhanuzi,Imana yahaye abantu ubutumwa bwo kubakomeza ,kubaburira no kubacyaha.

Mu Byanditswe byera umuhanuzi ni "uwakira ubutumwa akuye ku Mana akabujyanira abantu bayo". Ntabwo abahanuzi bahanuraga ibyo bishakiye ku bwabo, "kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera" (2Petero 1:21).

Mu  Isezerano rya kera ijambo umuhanuzi muri rusange risobanurwa mu giheburayo n'ijambo "***nabi"***.Ubusobanuro bwaryo buboneka mu Kuva 7:1,2.Uwiteka abwira Mose ati"Dore nkugize nk'Imana kuri Farawo,Aroni mwene so azaba umuhanuzi wawe[*nabi*].

Uzajye uvuga icyo ngutegeka cyose, Aroni mwene so abibwire Farawo kugira ngo areke abisirayeli bave mu gihugu cye".Imbere ya Farawo Mose yari ameze nk'Imana nk'uko Imana imeze imbere y'abantu bayo. Nkuko Aroni yavugaga amagambo ya Mose imbere ya Farawo, niko n'umuhanuzi atanga amagambo y'Imana ayabwira abantu. Ijambo "umuhanuzi"risobanura uyivugira watowe nayo. Ijambo ryo mu kigiriki rimeze nk'iryo ryo mugiheburayo ***nabi*** ni ***prophetes(porofete***-umuhanuzi) aho ijambo ryo mu cyongereza p*rophet(porofete)ryavuye.*

"**Bamenya**", Ijambo risobanura iryo mu giheburayo ***roeh(rowehi)*** (Yesaya 30:10)cyangwa ***chozeh(cozehi)*** (2Samweli 24:11; 2Abami17:13), iryo jambo naryo rikoreshwa rivuga abantu bahawe impano y'ubuhanuzi. Ijambo "umuhanuzi" n'ijambo "bamenya" afite aho ahuriye cyane. Bibiliya iravuga ngo: "Kera kose mu Bisilayeli, umuntu wese iyo yajyaga gusobanuza Imana yavugaga atya ati" Ngwino dusange bamenya". Kuko kuri ubu uwitwa umuhanuzi kera yitwaga bamenya"(1Samweli9:9).Kwitwa bamenya bishimangira kwakira ubutumwa mvajuru k'umuhanuzi. Imana yahumuraga ***amaso*** cyangwa ***intekerezo*** z'abahanuzi ku butumwa yashakaga kugeza ku bantu bayo.

Mu myaka myinshi, Imana yahishuriraga ubushake bwayo ku bwoko bwayo ibinyujije ku bantu yahaye impano y'ubuhanuzi. "Ni ukuri Uwiteka Imana ntiyagira icyo ikora, itabanjye guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo"(Amosi 3:7;Abaheburayo1:1).

**Uruhare rw'ubuhanuzi mu Isezerano Rishya**

Isezerano rishya riha ubuhanuzi umwanya w'ingenzi mu mpano z'Umwuka Wera: mu mirimo y'ingenzi mu Itorero, inshuro imwe iyi mpano ishyirwa ku mwanya wa mbere n'inshuro ebyiri ku mwanya wa kabiri(reba Abaroma 12:6;1Abakorinto 12:28;Abefeso 4:11). Iyo mpano ituma abizera bayifuza ku buryo bwihariye (1Abakorinto14:1,39).

Isezerano rishya ryerekana neza yuko abahanuzi bagize uruhare mu bintu bikurikira:

1**. Bagize uruhare mu guhangwa kw'itorero**.
Itorero ryubatswe"ku rufatiro rw'intumwa n'abahanuzi, ariko Kristo Yesu niwe buye rikomeza impfuruka". (Abefeso 2:20).

**2. Bashyizeho intego y'Itorero.**
Binyuze mu bahanuzi umwuka wera yatoranyije Pawulo na Barinaba kugira ngo batangire urugendo rwabo rwa mbere rwo kuvuga ubutumwa (Ibyakozwe n'intumwa 13:1-2). Kandi Umwuka Wera anabaha amabwiriza y'aho bazakorera umurimo wabo (Ibyakozwe 16:6-10).

**3.Bunguye Itorero.**
"Pawulo avuga ko uhanura aba yungura Itorero: arungura,agahugura,agatera umwete( 1Abakorinto14:3,4). Hamwe n'izindi mpano, Imana yahaye Itorero ryayo impano y'ubuhanuzi "kugira ngo itunganirize abizera gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa kristo"(Abefeso 4:12).

**4.Barunze kandi bakomeza Itorero.**
Abahanuzi bagize uruhare mu kuzana"ubumwe mu kwizera", kandi banarinda itorero imyigishirize mibi kugira ngo abizera "Badakomeza kuba abana bateraganwa n'umuraba,bajyanwa hirya no hino n'imiyaga yose y'imyigishirize n'uburiganya bw'abantu n'ubwenge bubi n'uburyo bwinshi bwo kubayobya" (Abefeso 4:14).

**5.Bahanuye iby'ibirushya by'ahazaza.**
Umuhanuzi wo mu Isezerano rishya yahanuye iby'inzara ikomeye. Maze kubw'ibyo Itorero ryateguye imfashanyo yo gufasha bene data bagombaga kwicwa n'iyo nzara (Ibyakozwe n'intumwa 11:27-30). Abandi bahanuzi bahanuriye Pawulo ko yari kuzafatwa akanafungirwa i Yelusalemu (Ibyakozwe n'intumwa 20: 23; 21: 4;10-14).

**6. Bahagarariye ukwizera mu gihe cyo kutavuga rumwe.**
Mu nteko ya mbere, Umwuka Wera yayoboye itorero mu gufata umwanzuro ku nsanganyamatsiko itaravugwagaho rumwe yerekeye agakiza k'abanyamahanga. Binyuze mu bahanuzi, Umwuka yakomeje abizera mu kwizera k'ukuri. Bamaze kubwira abaraho uwo mwanzuro, "Yuda na Sila kuko nabo bari abahanuzi bahuguza bene data amagambo menshi ,barabakomeza" (Ibyakozwe n'Intumwa15:32).

**Impano y'ubuhanuzi mu minsi ya nyuma.**
Abakristo benshi batekereza ko impano y'ubuhanuzi yarangiranye n'igihe cy'intumwa. Ariko Bibiliya yerura ko mu bihe bya nyuma Itorero rizakenera mu buryo bwihariye kuyoborwa n'Imana; Bibiliya inahamya uko impano y'ubuhanuzi izaba ikenewe n'uko izakomeza gukora mu buryo buhoraho nyuma y'igihe cy'Isezerano rishya.

**Guhoraho kw'impano z'ubuhanuzi**.
Bibiliya ntihwema kuvuga ko Imana itazakuraho impano z'ubuhanuzi zahawe itorero mbere y'uko zirangiza intego yazo; kuri Pawulo,ikaba ari iyo gutuma itorero rigera"ku bumwe bwo kwizera no kumenya umwana w'Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohorera kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya kristo"(Abefeso 4:13). Kubera ko Itorero ritaragera kuri ubu bunararibonye riracyakeneye impano zose z'Umwuka. Muri izo mpano harimo n'iy'ubuhanuzi, zizakomeza kuzanira ubwoko bw'Imana ibyiza kugeza ku kugaruka kwa kristo. Niyo mpamvu Pawulo yihanangiriza abizera agira ati "Ntimukazimye Umwuka w'Imana; kandi ntimugahinyure ibihanurwa" (1Abatesalonike 5:19, 20), maze anabagira inama ati"Mwifuze impano z'umwuka, ariko cyane cyane mwifuze guhanura"s(1Abakorinto14:1).

Izi mpano ntabwo zakunze kwigaragaza mu buryo buhagije mu Itorero rya gikristo. Nyuma y'urupfu rw'intumwa, abahanuzi bakomeje kubahwa ahantu henshi kugeza nko mu mwaka wa 300 nyuma ya Kristo.

Ariko kugabanuka kw'iby'umwuka mu Itorero n'ubuhakanyi bwaje muri ryo (Reba igice cya 13 cy'iki gitabo) byatumye kwakira Umwuka Wera n'impano zawo bigabanuka.Ni ukuvuga ko Abahanuzi b'ibinyoma batumye abantu bata icyizere mu mpano y'ubuhanuzi.

Kugabanuka rero kw'impano y'ubuhanuzi mu bihe runaka by'amateka y'Itorero ntibivuze yuko Imana yakuyemo burundu iyi mpano. Bibiliya yerura ivuga neza ko mu bihe bibanziriza iherezo iyi mpano izatuma itorero rishobora kunyura mu bihe bikomeye. Bibiliya kandi inavuga ukuzagwira kw'iyi mpano.

**Impano y'ubuhanuzi mbere gato yo kugaruka kwa kristo .** Imana yahaye Yohana umubatiza impano y'ubuhanuzi kugira ngo hatangazwe kugaruka kwe ku buryo bwo guha buri wese umwanya wo kwitegura gusanganira Umukiza.
Bityo, Kristo yavuze ibyo kuza kw'abahanuzi b'ibinyoma nka kimwe mu bimenyetso bizerekana ko kugaruka kwe kuri bugufi(Matayo 24:11, 24). Niba mu bihe biheruka hatakagombye kubaho abahanuzi b'ukuri, Kristo ntaba yarihanangirije uwo ari we wese wiyita umuhanuzi.Mu kuburira yuko hazabaho abahanuzi b'ibinyoma bo mubihe biheruka ibyo ni igihamya ko n'abahanuzi b'ukuri nabo bazaba bahari.

Umuhanuzi Yoweli yahanuye uko impano y'ubuhanuzi izasukwa mu buryo bwihariye mbere yo kugaruka kwa Kristo maze arandika ati: "Hanyuma yibyo, nzasuka umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota, n'abasore banyu bazerekwa. Ndetse n'abagaragu banjye n'abaja banjye nzabasukira ku mwuka wanjye muri iyo minsi. "Nzashyira amahano mu ijuru no mu isi: amaraso n'umuriro n'umwotsi ucumba. Izuba rizahinduka umwijima, n'ukwezi kuzahinduka amaraso, uwo munsi mukuru w'Uwiteka uteye ubwoba utaraza. Kandi umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka azakizwa, kuko i Siyoni n'I Yerusalemu hazaba abarokotse, nk'uko Uwiteka yabivuze, kandi mu barokotse hazabamo abo Uwiteka ahamagara" (Yoweli 3:1-5).

Pantekote ya mbere yabonye gusukwa kugaragara k'Umwuka Wera. Petero avuga ubuhanuzi bwa Yoweli, yerekanye ko Imana yari yarasezeranye umugisha nk'uwo (Ibyakozwe n'inyumwa 2:2-21). Bityo rero, twakwibaza niba ubuhanuzi bwa Yoweli bwararangiranye na Pantekote cyangwa niba hari irindi sukwa ryuzuye rigomba kubaho. Nta gihamya dufite cy'uko niba ibyahanuwe na Yoweli byerekeye izuba n'ukwezi ko byaba byarabaye nyuma cyangwa mbere y'uko gusukwa k'Umwuka ku munsi wa Pantekote. Ibyo bimenyetso byabayeho mu binyejana bya nyuma (reba igice cya 24 cy'iki gitabo). Pantekote rero, yabaye umusogongero w'integuza wo kwigaragaza mu buryo bwuzuye k'Umwuka mbere yo kugaruka kwa kristo. Nkuko imvura y'umuhindo muri Palestina igwa mu cyi abantu bamaze kubiba, gusukwa k'Umwuka Wera nako kuri pantekote kwafunguye ku mugaragaro gusukwa gukomeye k'Umwuka mu bihe biheruka. Kuzura gukomeye kandi guheruka kw'ubuhanuzi bwa Yoweli kugereranya imvura y'itumba, igwa mu rugaryi ikeza imyaka(Yoweli 2:23). Niko no gusukwa guheruka k'Umwuka w'Imana kuzaba mbere gato yo kugaruka kwa kristo, nyuma y'ibimenyetso byavuzwe haruguru byerekeranye n'izuba, ukwezi n'inyenyeri (Reba Matayo 24:29; Ibyahishuwe 6:12-17;Yoweli 3:4). Nk'imvura y'itumba, uku gusukwa guheruka kw'Umwuka Wera kuzeza umusaruro w'isi (Matayo 13:30, 39). "Kandi umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka, azakizwa" (Yoweli a3:5).

**Impano y'ubuhanuzi mu Itorero ryasigaye.**

Mu byahishuwe 12 hagaragaza ibihe bibiri bikomeye by'akarengane. Mu karengane ka mbere, katangiye muri 538 kugera muri 1798 (Ibyahishuwe12:6,14 reba n'igice cya 13 cy'iki gitabo) abizera nyakuri bahuye n'iryo totezwa rikomeye. Byongeye kandi mbere yo kugaruka kwa kristo Satani azarenganya "abo mu rubyaro rwe basigaye ". Itorero ryasigaye ryanga kureka ubwenegihugu bwaryo rifite kuri Kristo,abo bizera b'ukuri bagize Itorero ryasigaye, Ibyahishuwe bibavuga ko ari "Abitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa kristo"(Ibyahishuwe 12:17).

Ijambo "guhamya kwaYesu" risobanura impano y'ubuhanuzi, ibyo bigaragara neza mu kiganiro cyari hagati ya Yohana na Marayika.

Mu mpera z'igitabo, Marayika yigaragaza "Nk'imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene so bafite guhamya kwa Yesu"(Ibyahishuwe 19:10). Kandi "Ndi mugenzi wa bene so b'abahanuzi" ((Ibyahishuwe 22:9). Ayo magambo abangikanye yerekana mu buryo bugaragara ko ari abahanuzi "bitondera guhamya kwa Yesu". Ibyo bisobanuye ko Marayika yerura ko "Guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi"(Ibyahishuwe 19:10).

Mu gusesengura iki gice, uwitwa James Moffat(Yakobo Mofati) yanditse agira ati "Kuko guhamya kwa [kwazanywe na] Yesu ari [kugize] Umwuka w'ubuhanuzi". Ibi […] bisobanuye bene data bafite guhamya kwa Yesu nk'abafite guhishurirwa kwa gihanuzi. Guhamya kwa Yesu guhwanye neza na Yesu uhamya(Ibyah 22:10).Ni ubuhishuzi bwa Yesu wenyine (nk'uko mu Byahishuwe 1:1, habivuga ko kwavuye ku Mana) uyobora abahanuzi b'abakirisitu".

Bityo rero "Umwuka w'ubuhanuzi"ushobora kwisanisha na:
1.Umwuka Wera uhumekera umuhanuzi ukanamuha ihishurirwa rivuye ku Mana
2.Ugukora kw'impano y'ubuhanuzi;
3.Ubushobozi ubuhanuzi bufite.

Impano ya gihanuzi, ihamya Yesu "mu Itorero binyuze mu buhanuzi", ni kimwe mu bimenyetso by'Itorero ryasigaye.Yeremiya abona kubura kw'iyi mpano ari nko kureka amategeko y'Imana "Aho amategeko y'Imana atari ni ukuri abahanuzi be nabo ntibakibonekerwa n'Uwiteka" (Amaganya ya Yeremiya 2:9). Ibyahishuwe bifata ibyo byombi nk'ibiranga itorero ryo mu bihe biheruka: abarigize "Bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu"ari yo mpano ya gihanuzi (Ibyahishuwe12:17).

Imana yari yarahaye impano ya gihanuzi "Itorero" ryo mu butayu kugira ngo rishyire kuri gahunda,ryigishe kandi riyobore ubwoko bwayo (Ibyak 7:38). "Uwiteka yavanye Isirayeli muri Egiputa abitegetse umuhanuzi, kandi umuhanuzi niwe wamurindaga" (Hoseya 12:14). Ntabwo bitunguranye kubona iyi mpano mubazaba bimuka buheruka,bahunga iyi si yangijwe n'icyaha bigira muri kanani yo mu ijuru. Uko kwimuka, kuzakurikira kugaruka

kwa Kristo, ni ugusohora guheruka kandi kuzuye kwa Yesaya 11:11 ”Uwo munsi Umwami Imana izarambura ukoboko ubwa kabiri ,igarure abantu bayo “

**Ubufasha mu mubabaro uheruka.**
Ibyanditswe byera byerura bivuga ko ubwoko bw’Imana mu minsi ya nyuma y’Amateka y’Isi buzasakirana n’umujinya udafunguye w’ikiyoka, Satani azagerageza bwanyuma kugira ngo aburimbure( Ibyah.12:17).
“Hazaba ari igihe cy’umubabaro utigeze kubaho ,uhereye igihe amahanga yabereyeho” (Danieli 12:1). Kugira ngo babashishwe kurokoka muri iyo ntambara ikomeye Imana mu buntu bwayo bwinshi,ibaha ubwishingizi ko itazigera ibasiga bonyine.
Uguhamya kwa Yesu, Umwuka w’ubuhanuzi,bizabayobora mu kuri ,kugeza bageze ku ntego:komatana na Yesu Kristo kugeza agarutse. Urugero rukurikira rusobanura isano iri hagati ya Bibiliya n’ibindi bigaragara nyuma ya Bibiliya,ariko bituruka ku mpano y’ubuhanuzi:

“Tuvuge ko twiteguye urugendo. Maze nyiri ubwato akaduha igitabo kirimo amabwiriza yose y’urugendo, kandi ko kuyakomeza byatuma tugera iyo tujya amahoro. Maze twaba duhagurutse, tugafungura icyo gitabo ngo turebe ibirimo. Tugasanga ko uwacyanditse yashyizemo amahame yo kutuyobora mu rugendo no kuduhugura n’ibyatubaho bitandukanye kugeza turangije urugendo; ariko akatubwira ko igice giheruka cy’urugendo kizaba gikomeye mu buryo bwihariye, ko kugera ku nkombe bizaba bigoye kubera umusenyi usukuma n’umuyaga w’ishuheri .Ariko akatubwira ko icyo gice cya kabiri cy’urugendo yadushakiye umusare uzadusanganira maze akaduha amabwiriza asabwa kugira ngo tuneshe ibisitaza byose mu rugendo rwacu maze akatubwira ati mumwizere.Dukurikije ayo mabwiriza tugera aho rukomeye twari twabwiwe, na wa musare araza nk’uko twabisezeraniwe.Ariko bamwe muri twe,umusare atangiye imirimo ye yo kuturokora batangira kurwanya wa musare bavuga bati: “dufite igitabo cy’amabwiriza kiraduhagije”. Ni cyo twubatseho, kandi cyonyine gusa,wowe ntacyo tugukeneyeho”.

None twakwibaza!Ninde wakurikije igitabo cy’amabwiriza yambere?ni abanze umusare cyangwa ni abamwemeye nk’uko igitabo cyabibabwiraga? Ni ahanyu!

**Bibiliya n’abahanuzi babayeho nyuma y’uko yandikwa.**
Impano y’ubuhanuzi yatumye habaho Bibiliya. Nyuma y’igihe cya Bibiliya, ntihindura Ibyanditswe byera kandi ntigira n’icyo yongeraho kuberako umuyoboro w’ibyanditswe ufunze.

Mu bihe biheruka impano ya gihanuzi irakora nk’uko yakoze mu gihe cy’intumwa. Umugambi wayo ni uwo gushimangira ko Bibiliya ariyo shingiro ryo kwizera n’ibikorwa, isobanura ibyigisho, kandi no gushyira mu bikorwa amahame yayo mu buzima bwa buri munsi. Yibanda mu gushyiraho no kubaka Itorero, no kuribashisha kuzuza inshingano yaryo mvajuru. Impano y’ubuhanuzi irashungura, iraburira, ikayobora kandi igakomeza abantu n’itorero, ibarinda inyigisho zipfuye maze ikabahuriza ku kuri kwa Bibiliya.

Abahanuzi ba nyuma yo kwandikwa kwa Bibiliya  bakora nka Natani, Gadi, Asafu, Shemaya, Azariya, Eliyezeli, Ahiya, na Obedi, Miriyamu, Debora , Hulada, Simeyoni, Yohana umubatiza, Agabu, Sila, Ana n'abakobwa bane ba Filipo babayeho mu gihe cya Bibiliya, ariko ubuhamya bwabo bukaba butarigeze na rimwe buboneka muri Bibiliya. Imana imwe yavugiye muri abo bahanuzi b'inyandiko ziri muri Bibiliya yahumekeye abo bahanuzi n'abahanuzikazi .Ubutumwa bwabo ntibwavuguruje amayerekwa mvajuru abanza.

**Kugenzura impano y'ubuhanuzi.**

Bibiliya ituburira ko mbere yo kugaruka kwa Kristo hazabaho abahanuzi b'ibinyoma, bityo rero tugomba kugenzura twitonze ibintu byose  ku mpano y'ubuhanuzi. "Kandi ntimugahinyure ibihanurwa, ahubwo mugerageze byose mugundire ibyiza,mwirinde igisa n'ikibi cyose"(1Abatesalonike 5:20-21 na 1Yohana 4:1).
Bibiliya iduha amabwiriza menshi afatika yo gutandukanya  impano y'ubuhanuzi n'itari yo.

**1. Ese koko ubutumwa buhuje na Bibiliya?**
"Ku itegeko no kuguhamya! Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira" (Yesaya8:20). Uyu murongo ugaragaza ko ubutumwa bw'umuhanuzi wese bwakagombye guhuza n'itegeko  no guhamya kw'Imana. Umuhanuzi ntagomba kuvuguruza abamubanjirije. Umwuka Wera nta na rimwe avuguruza ubuhamya yatanze mbere, kuko Imana "Ntihinduka cyangwa ngo igire igicucu cyo guhinduka" (Yakobo 1:17).

**2. Ese koko ibihanurwa birasohora?**
"Tuzamenya dute ijambo ritavuzwe n'Imana?" umuhanuzi navuga mu izina ry'Uwiteka, hanyuma icyo yavuze ntikibe, ntigisohore icyo kizaba ikitavuzwe n'Uwiteka, Uwo muhanuzi azaba ahangaye kucyihimbira, ntuzamutinye" (Gutegeka kwa kabiri 18:21-22; Yeremiya 28:9). Nubwo ibihanurwa byasohora igice gito cy'ubutumwa bwa gihanuzi,amaherezo ubu butumwa bugomba gusohora mu buryo bwuzuye.

**3. Mbese kwigira umuntu kwa kristo kwaba kwaramenywe?**

"Iki abe ari cyo kibamenyesha Umwuka w'Imana: umwuka wose uvuga ko Yesu Kristo yaje afite umubiri niwo wavuye ku Mana, ariko umwuka wose utavuga Yesu utyo ntiwavuye ku Mana ahubwo ni umwuka wa Antikristo, uwo mwumvise ko uzaza kandi none umaze kugera mu isi" (1Yohana 4:2-3). Ibi birenze kumenya ko Yesu Kristo yabaye hano ku isi. Umuhanuzi w'ukuri agomba kwigisha Bibiliya ashingiye ku kwigira umuntu kwa kristo, ku bumana bwe, ku guhoraho kwe, ku kuvuka ku Mwari w'isugi, ubumuntu bwe, ukubaho kwe kuzira icyaha, ukwitanga kwe nk'igitambo, ukuzuka kwe, ukuzamuka mu ijuru kwe, ukuduhuza n'Imana kwe no kugaruka kwe.

**4. Mbese umuhanuzi yera  imbuto nziza cyangwa mbi?**

Impano  y'ubuhanuzi ni umusaruro w'igikorwa cya Mwuka Wera ukoresha "Abantu"(2 Petero 1:21). Dushobora kugenzura abahanuzi b'ibinyoma duhereye ku mbuto bera. "Igiti

cyiza nticyakwera imbuto mbi, niko Yesu yabivuze, cyangwa igiti kibi ngo cyere imbuto nziza. Igiti cyose kitera imbuto nziza kiracibwa kikajugunywa mu muriro. Muzabamenyera ku mbuto zabo"(Matayo 7:16,18-20).

Iyi nama ni ingenzi kugira ngo tumenye gutandukanya umuhanuzi w'ukuri n'uwibinyoma. Irarebana bwa mbere n'imibereho y'umuhanuzi. Ibyo ntibishatse kuvuga ko umuhanuzi agomba kubaho imibereho itagira inenge, Ibyanditswe byera bivuga neza ko "Eliya nawe yari umuntu nkatwe"(Yakobo 5:17). Ariko imibereho y'umuhanuzi yakagombye kurangwa n'imbuto z'Umwuka, atari imirimo ya kamere (Abagaratiya 5:19-23).

Ubwa kabiri, iri hame ryibanda ku ruhare umuhanuzi agira ku bandi bantu, mbese abumvise ubutumwa bwe bibagiraho ngaruka ki?Mbese ubwo butumwa bwaba bubahindura ubwoko bw'Imana kubw'umugambi wayo no kubakomereza mu bumwe mu kwizera?(Abefeso 4:12-16).

Buri muntu wese uvuga ko afite iyi mpano y'ubuhanuzi yakagombye kwitondera aya mabwiriza ya Bibiliya. Abaye ayujuje dushobora kwemera tudashidikanya ko Umwuka w'Imana yamuhaye impano y'ubuhanuzi.

**Umwuka w'ubuhanuzi mu Itorero ry'Abadivantisti.**

Impano y'ubuhanuzi yagaragaye mu mibereho ya Ellen white, umwe mu batangije itorero ry'abadivantiste b'umunsi wa 7. Yatanze amabwiriza yahumekewe ubwoko bw'Imana bwo mu bihe biheruka. Isi yo mu ntangiriro z'ikinyejana cya cumi n'icyenda,ubwo Ellen White yatangiraga gutanga ubutumwa buvuye ku Mana,yari isi igengwa n'abagabo. Umuhamagaro we wa gihanuzi wabaye impamvu yo kugenzura mu Byanditswe cyane. Bimaze kugaragara ko yujuje ibisabwa na Bibiliya, bitewe n'impano ye y'Umwuka wera, umurimo we wakomeje kujya mbere mu gihe cy'imyaka 70. Guhera mu mwaka wa 1844 ubwo yari afite imyaka 17, kugeza mu mwaka 1915, uwo yapfuyemo, yagize amayerekwa asaga 2000. Yatuye kandi yakoze muri Amerika, mu Burayi no muri Ositalaliya; yatangaga inama nyinshi, akugurura amayira,akabwiriza kandi akanandika.

Ellen white nta na rimwe yaharaniraga kwitwa umuhanuzikazi, ariko kandi ntabwo yigeze abyutsa ibitekerezo bigendereye kurwanya abamwitaga umuhanuzikazi. Arisobanura agira ati "Ubwo nari nkiri muto nabajijwe iki kibazo:"Uri umuhanuzikazi?" Igisubizo cyanjye kidahinduka cyabaga iki ngo: ndi intumwa y'Umwami. Nzi ko benshi banyise umuhanuzikazi, ariko sinigeze mbiharanira[…] Mbese ni mpamvu ki ntaharaniraga ko banyita umuhanuzikazi? Ni ukubera ko muri iyi minsi benshi mu biyita abahanuzi bakoza isoni umurimo wa kristo; Kandi na none ni uko umurimo wanjye urenze icyo ijambo umuhanuzi risobanura. […] sinigeze mparanira kwitwa umuhanuzikazi. Umuntu ampamagaye atyo sinamwamagana. Umurimo wanjye wakwiriye mu byerekezo byinshi ku buryo nta kundi nakwiyita usibye intumwa"

**Icyo Bibiliya isaba.** Ni mu buhe buryo umurimo wa Ellen white wagenzuwe hakurikijwe ibisabwa na Bibiliya?

**1. Kwemeranya na Bibiliya.** Ibyo yanditse ni byinshi cyane kandi byuzuyemo amasomo menshi dusanga muri Bibiliya, rimwe na rimwe ayo masomo aherekejwe n'ubusobanuro burambuye. Ubugenzuzi bwitondewe bwagaragaje ko ibyo yanditse bihuje, ari ukuri, kandi bikanavuga rumwe n'Ibyanditswe byera.

**2. Gusohora kw'ibyahanuwe.**

Inyandiko za Ellen white zifite ubuhanuzi buke. Bumwe burimo buraba, ubundi turabutegereje. Ariko mu bwamaze kuba bwagenzuwe bwasohoye uko yari yarabuvuze ntagihindutse. Dore ingero ebyiri zigaragaza ukuri k'ubushishozi mu buhanuzi bwe.

***a .Gukura kw'inyigisho y'iby'imyuka.*** Mu 1850, igihe inyigisho y'imyuka yari itangiye kugaragara ariyo nyigisho ishingiye kukuvugana n'imyuka y'abapfuye, Ellen white yayigaragaje avuga ko ari kimwe mu bizayobya abantu mu bihe biheruka, kandi yavuze no ku kwiyongera kwazo. Nubwo icyo gihe bene izo nyigisho bagaragaye ko barwanya abakristo yavuze ko igihe kizagera bagahindura imikorere kandi ko izo nyigisho zizubahwa n'abakristo. Guhera icyo gihe,inyigisho y'imyuka yakwiriye mu isi yose, ndetse ibona n'abayoboke benshi. Uburyo bwayo bwo kurwanya abakristo bwarahindutse ndetse, benshi b'abanyamyuka biyita abakristo,bibwira ko bafite kwizera nyakuri kwa gikristo, bityo bakemeza ko "abanyamyuka aribo bizera bonyine bakoresheje muburyo bwuzuye impano Kristo yasezeranye, akaba arizo bakirisha abarwayi kandi berekana ko zizarushaho kugenda ziyongera".

Ndetse bagera n'aho bavuga ko "inyigisho z'imyuka zibaha kumenya imikorere ikomeye y'iby'umwuka, ndetse na none bavuga ko izo nyigisho zibaha cyane kumenya Bibiliya ya gikristo kurusha ibindi bitabo byose biyisobanura. Bavuga ko Bibiliya ari igitabo cy'imyuka".

***b.Gushyikirana kw'Abaporotestanti n'abagaturika b' i Roma.***
Mu gihe cya Ellen white hariho umworera hagati y'abaprotestanti n'abagatorika ku buryo nta gushyikirana kwarangwaga hagati yabo. Kurwanya ubugaturika kwagurumanaga mu baprotestanti. Ellen white yahanuye mbere y'igihe ko guhinduka gukomeye mu buporotestanti kuzatera kureka kwizera ubugorozi. Ibyo bikazatuma ibyabatandukanyaga bigabanuka,bityo wa mworera wabatandukanyaga ukavaho. Mu myaka yakurikiye gupfa kwe, havutse impuzamadini hashyirwaho inama mpuzamadini,inama nkuru nyagatorika ya kabiri y'i Vatikani no kwirengagiza cyangwa se kwanga babigambiriye kw'Abaporotesitanti kubirebana n'ubugorozi ku busobanuro bw'ubuhanuzi.Ibyo byose byakuyeho insika hagati y'abaporotestanti n'abagaturika, bityo bituma habaho ubufatanye busesuye.

***3. Kwemera kwigira umuntu kwa Kristo.***
Ellen white yanditse cyane ku buzima bwa Kristo. Umumaro we nk'Umwami n'Umukiza, igitambo cye cyeza cyo ku musaraba n'umurimo arimo akora ubu wo kutuvuganira nibyo byiganje mu nyandiko ze. Igitabo cye cy'«***Uwifuzwa ibihe byose***» kizwiho kuba kimwe mu bitabo by'umwuka byigeze kubaho bivuga ku buzima bwa Kristo. Naho «***Kugana Yesu***», igitabo cye cyarushije ibindi gukwira hose cyayoboye miriyoni z'abantu ku kugirana ubumwe nyabwo na Yesu. Inyandiko ze zerekana kristo nk'Imana yuzuye kandi nk'umuntu wuzuye. Ibyo yagaragaje byose bivuga rumwe na Bibiliya, kandi byirinda kwibanda ku miterere iyi cyangwa iyindi, ikibazo cyateye kutavuga rumwe mu mateka y'ubukristo. Uburyo rusange yerekanamo Yesu burasobanutse.Uko ingingo avugaho yaba iri kose, icyo yibandaho cyane ni ugufasha umusomyi kugirana umubano wihariye n'Umukiza we.

**4. Uruhare rw'umurimo we.**

Hashize imyaka irenga ijana Ellen White yakiriye impano y'ubuhanuzi. Itorero rye n'imibereho y'abakurikije inama ze byerekana uruhare rw'imibereho ye n'ubutumwa bwe. "Nubwo atigeze agira umwanya w'icyubahiro, ntabe umupasitoro wejejwe, akaba atarigeze abona umushahara w'itorero mbere yo gupfa kw'umugabo we,uruhare rwe rwahwituye itorero ry'Abadivantisti b'umunsi wa 7 kurenza ikindi icyo ari cyo cyose usibye Bibiliya". Yabaye imbaraga ikomeye mu gutangiza umurimo w'ubwanditsi, uw'amashuri, uw'ubuvuzi, n'uw'ikwirakwizwa ry'abamisiyoneri ku isi yose, bikaba byaratumye itorero ry' Abadivantisti riba rimwe mu matsinda y'ivugabutumwa ya giporotesitanti y'ingenzi cyane kandi yihuta cyane mu gukura.Ibyo yanditse byasohowe mu mizingo irenga 80, inzandiko 200, n'ibinyamakuru 4600 bisohokera ku gihe. Ibibwirizwa bye,inyandiko ze, ubuhamya bwe bw'ingenzi, amabaruwa ye nabyo bibarirwa mu 60 000 by'amapaji yandikishijwe intoki.Ubugari bw'umurimo we buratangaje!

Ubumenyi bwa Ellen White ntibugarukira ku bintu bimwe. Umwami yamuhaye inama zerekeye ku buzima, ku burezi, ku mibereho mu muryango, ku kwirinda, ku kwandika, ku ndyo iboneye, ku murimo w'ubuvuzi ndetse no ku bindi. Inyandiko ze zerekeye ubuzima birashoboka ko zaba zitangaje kurenza izindi kubera ko ibizirimo n'ubwo bimwe muri ibyo ubu birengeje imyaka ijana ariko birifashishwa cyane nk'uko byerekanwa n'ubumenyi bwo muri iki gihe. Inyandiko ze zibanda kuri Yesu kristo, zikaba zishyira ku ruhembe rw'imbere imyitwarire ifite inkomoko mu muco w'abayuda b'abakirisitu.

Nubwo nyinshi mu nyandiko ze zerekeje ku Itorero ry'abadivantisiti, ibyinshi bizirimo bikundwa n'abantu benshi batari abadivantiste. Igitabo cye cyitwa "Kugana Yesu", cyahinduwe mu ndimi zirenga ijana kandi hagurishijwe ibitabo byacyo birenga miriyoni 15.Igitabo cye cy'ingenzi cyane gikubiye mu mizingo itanu "I**ntambara ikomeye**". Ni igitabo gikundwa kikaba kigaragaza mu buryo burambuye intambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani kuva icyaha kibayeho kugeza ubwo kizakurwaho burundu.

Uruhare rw'inyandiko ze ku bantu ni runini; vuba aha, ikigo cy'umurimo w'itorero (Institute of Church Ministry)cya kaminuza ya Anduruzi cyakoze ubushakashatsi kigereranya imyitwarire y'Abadivantisiti basoma buri gihe ibitabo bye n'abatabisoma.

Ubwo bushashatsi bwagaragaje ingaruka nziza z'izi nyandiko ku bazisoma.Ubushakashatsi bwageze kuri iyi myanzuro:

"Abasomyi bafitanye ubumwe buhamye na Kristo, bafite ubwishingizi bukomeye imbere y'Imana,kandi bamenye impano zabo z'Umwuka badashidikanya. Bumva neza ibyerekeye gufasha ivugabutumwa mu bantu benshi kandi batera inkunga bikomeye imbaraga z'abavugabutumwa b'aho babarizwa. Biyumvamo ububasha bwo gutanga ubuhamya, kandi ari nako barushaho kwirundurira mu murimo w'ivugabutumwa. Bagaragara ko basoma Bibiliya buri munsi, basengera abantu runaka kandi barema amatsinda ya kivandimwe n'amateraniro ya buri munsi yo gusenga mu muryango.Bita cyane ku Itorero ryabo barifasha cyane cyane mu kunguka abakizwa".

**Umwuka w'ubuhanuzi na Bibiliya**

Inyandiko za Ellen White ntizisimbura Bibiliya. Ntabwo zashyirwa ku rwego rumwe nayo. Ibyanditswe byera gusa nibyo shingiro rikwiye kwifashishwa mu gusuzuma no kugenzura inyandiko ze kimwe n'izindi nyandiko zose kandi zose zigomba kubyubahiriza.

**1. Bibiliya, ishingiro ry'ikirenga**

Abadivantiste bemera byuzuye ihame "**solo scriptura**" ry'ubugorozi risobanura ngo"Bibiliya niyo yonyine yisobanura kandi ubwayo niyo shingiro y'inyigisho zose". Abashinze Itorero bashyizeho amahame shingiro y'imyizerere mu kwiga Bibiliya. Ntabwo babonye ayo mahame kubw'amayerekwa ya Ellen White.Akamaro ke k'ingenzi kabaye ako kubayobora muri icyo gihe cy'ishyirwaho ry'amahame kugira ngo basobanukirwe na Bibiliya no kwemeza imyanzuro babonye kubwo kwiga Bibiliya.

Ellen White ubwe yizeraga kandi yigishaga ko Bibiliya ariyo shingiro rukumbi ry'Itorero. Mu gitabo cye cya mbere, cyasohotse mu mwaka w 'i 1851yagize ati "Musomyi nkunda, ndagusaba kwita ku Ijambo ry'Imana; rikubere itegeko ryo kwizera kwawe, n'imyizerere yawe kuko uzacirwa urubanza hakurikijwe ijambo ry'Imana". Ntiyigeze ahindagurika mu mvugo kubyerekeye icyo kintu. Nyuma y'imyaka myinshi yaranditse ati: "Mu Ijambo ryayo, Imana yahaye abantu kumenya iby'ingenzi ku gakiza. Ibyanditswe byera bigomba kwemerwa nk'ibitabeshya cyangwa ngo byivuguruze. Birimo imico mbonera,kwerekwa amahame n'iby'ingenzi mu bunararibonye."

Mu 1909, ubwo yafataga ijambo imbere y'inteko rusange y'Itorero, yabumbuye Bibiliya ayifata irambuye cyane imbere y'abamwumvaga, agira ati:"Bavandimwe, ndabasabye mwite kuri iki gitabo".

Mu gusubiza abizera bafataga inyandiko ze nk'aho ari inyongera kuri Bibiliya, yaravuze ati "Nafashe Bibiliya yo y'agaciro gakomeye nyikikiza imizingo myishi y'ibihamya by'itorero byahawe ubwoko bw'Imana[…].
Ntabwo mukunda Ibyanditswe byera. Iyaba Ijambo ry'Imana mwararigize nyambere muryiga, mugambiriye kugera ku rugero nyarwo rwa Bibiliya no kwera kwa gikiristu, ntimwajyaga gukenera ibihamya.Kubera ko mwirengagije kumenya igitabo cyahumetswe n'Imana,yashatse kubageraho ikoresheje ibihamya byoroshye kandi bitaziguye kugirango ibasobanurire amagambo yahumetswe mwari mwarirengagije gushyira mu bikorwa no kubagaragariza urugero rw'imibereho ijyanye n'inyigisho ze nzima kandi zihanitse".

**2.Umuyobozi uyobora kuri Bibiliya.**

Yabonye umurimo we nk'uwo kugarura abantu kuri Bibiliya.Aravuga ati "Bibiliya ntabwo yitabwaho nkuko bikwiye niyo mpamvu Imana yatanze umucyo mutoya kugira ngo uyobore abagabo n'abagore ku mucyo munini cyane". Yaranditse ati "Ijambo ry'Imana rirahagije kumurikira umutima ucuze umwijima kandi rishobora kumvwa n'abafite ubushake bwo kurisobanukirwa. Nyamara nubwo bimeze bityo, bamwe bibwira ko bashaka kugira Ijambo ry'Imana inyigisho yabo babaho mu buryo bunyuranye by'ihabya n'inyigisho bigisha zigaragara cyane. Kugira ngo rero abo bagabo n'abagore basigare ntacyo kwireguza ,Imana itanga ibihamya bisobanutse kandi bidaca ku ruhande ,kugira ngo bagaruke ku Ijambo birengagije gukurikiza.

**3. Umuyobozi uyora ku gusobanukirwa Bibiliya.**

Ellen White yafataga inyandiko ze nk'umuyobozi uyobora abantu ku gusobanukirwa Bibiliya biruseho. "Ntagaragazwa nkuzanye umucyo wongera ahubwo binyuze mu bihamya ,Imana yoroheje ukuri kunini kwatanzwe mbere nkuko yabihisemo,kugaragariza uku kuri abantu mu buryo bwo gukangura no kubyutsa imitima yabo kugira ngo hatagira umuntu ugira icyo kwireguza."Ibihamya byanditswe ntibitangirwa kuzana undi mucyo mushya ahubwo ni ukugira ngo mu buryo buhoraho ukuri kwahumetswe mbere kukanahishurwa gushinge imizi mu mitima.

**4. Umuyozi uyobora ku gukurikiza amahame ya Bibiliya.**

Ahanini inyandiko ze zihuza inama za Bibiliya n'ubuzima bwa buri munsi. Ellen White avuga ko "yayobowe mu gushyiraho amahame rusange, yaba mu mvugo no mu nyandiko, ndetse no mu kwerekana ingorane, amakosa n'ibyaha by'abantu bamwe kugira ngo bose bashobore kuburirwa, gukosorwa no kugirwa inama".
Kristo yari yarasezeraniye Itorero rye bene uwo murongo wa gihanuzi. Nkuko Ellen White yabibonye, "kuba ubushake bw'Imana bwarahishuriwe umuntu ntibyatumye kubana n'Umwuka Wera mu buryo buhoraho kuba impfabusa. Ibiri amambu, Yesu yasezeraniye abigishwa be kuzabohereza umufasha kugira ngo azabashoboze gusobanukirwa n'ijambo rye no kurishimangira mu mitima yabo".

**Urugamba ku mwizera.**

Ubuhanuzi bw'ibyahishuwe buvuga ko mu minsi iheruka y'amateka y'isi" Guhamya kwa Yesu" kuzagaragazwa n'"Umwuka w'ubuhanuzi", buhereza buri wese urugamba rwo kudahakana no kutizera, ahubwo ko bikwiye "kugerageza byose" no "kugundira ibyiza". Hari byinshi byo kunguka cyangwa se guhomba bigendana nuko dukora cyangwa se ntidukore iryo gerageza risabwa na Bibiliya. Yehoshafati yaravuze ati:" Mwizere Uwiteka Imana yanyu mubone gukomezwa, mwizere n'abahanuzi bayo mubone kugubwa neza"( 2 Ngoma 20:20). Ayo magambo aracyari ukuri n'uyu munsi.

**BIBILIYA IMPA UMUCYO KU BUZIMA BWA GIKIRISITU**

**IGICE CYA 19**

**AMATEGEKO Y'IMANA**

***Amahame y'ingenzi y'amategeko y'Imana akubiye mu mategeko cumi kandi agaragarira mu mibereho ya Kristo.Yerekana,urukundo,ubushake na gahunda y'Imana kubirebana n'imyitwarire ndetse n'*abantu *kandi akaba ategekewe abantu bose b'*ibihe byose. A*yo mahame agize ishingiro ry'isezerano ryemejwe n'Imana irigirira ubwoko bwayo n'*ihame ry'urubanza. Kubw'Umwuka Wera amategeko agaragaza icyaha bityo agahishurira abantu ko bakeneye Umukiza*. Agakiza gashingira gusa ku buntu ntabwo ari ku mirimo, ariko imbuto zako zigaragarira mu kwitondera amategeko y'Imana. Ibi rero bituma habaho iterambere rya gikirisitu bikanazana imibereho mishya.Ni igihamya cy'uko dukunda umucunguzi wacu kandi bikagirira umumaro bagenzi bacu.Kumvira guturutse ku kwizera guhishura ubushobozi bwa kristo buhindura imibereho kandi bukanashimangira ubuhamya bw'umukisto(Kuva20:1-17;Zab.40:7,8;Mat.22:36-40;Guteg.28:1-14;Mat.5:17-20;Abah.8:8-10;Yoh.15:7-10;Abef.2:8-10;Yoh.5:3;Abar.8:3,4;Zab.19:7-14).*
.

Amaso yose yari yerekeje ku musozi.Impinga y' uwo musozi yari itwikiriwe n'igicu cyijimye, uko cyagendaga kirushaho kwijima, gitwikira umusozi kuva hejuru kugeza hasi ku buryo uwo musozi wose wari utakigaragara. Imirabyo yarabirizaga mu mwijima mu gihe urusaku rw'inkuba rwagendaga rukurikirwa na za nyiramubande zidashira. "Umusozi wa sinayi wose ucumba umwotsi, kuko Uwiteka yawumanukiyeho, aje mu muriro.Umwotsi wawo ucumba nk'uw'ikome,umusozi wose utigita cyane. Ijwi ry'ihembe rirushijeho kurenga Mose aravuga,Imana ishubirisha ijwi(Kuva 19:18,19). Uko kwigaragaza kw'Imana kwari kudafite gitangira ku buryo ubwoko bwose bw'Isirayeli bwahindaga umushyitsi.

Mukanya gato nk'ako guhumbya, urusaku rw'inkuba n'ijwi ry'impanda biraceceka kandi habaho umutuzo utunguranye. Noneho humvikana ijwi ry'Imana riturutse muri cya gicu cyari gitwikiriye impinga y'umusozi. Yuzuye urukundo rwinshi afitiye ubwoko bwe,Umwami atanga amategeko cumi. Mose ati "Uwiteka yaturutse kuri Sinayi.[…] Ava hagati mu bera inzovu nyinshi,iburyo bwe haturuka umuriro w'amategeko ye, arawubohereza. Ni ukuri akunda mahanga, abera be bose bari mu kuboko kwawe, bicaye

imbere y'ibirenge byawe, umuntu wese wo muri bo azemera amagambo yawe" (Gutegeka 33:2,3).

Ubwo Isumbabyose yatangaga amategeko yayo kumugaragaro kuri Sinayi, ntiyigaragaje gusa nk'Umwami w'ikirenga w'ijuru n'isi, ahubwo yanigaragaje nk'umucunguzi w'ubwoko bwe (Kuva 20:2). Kandi kubera ko ari umucunguzi ,ntiyahamagaye Abisirayeli gusa ahubwo yanahamagariye inyokomuntu yose (umubwiriza 12:14) kwitondera amategeko cumi avuzwe mu magambo make, asobanutse kandi adafite na kimwe yakongerwaho cyangwa se ngo agabanyweho,arebana n'umushyikirano w'Imana n'abantu n'uw'abantu na bagenzi babo.
Uwiteka aravuga ati:
"Ntukagire izindi mana mumaso yanjye".
"Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka. Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere kuko uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha, mpora abana gukiranirwa kwa ba se, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga, nkababarira abankunda bakitondera amategeko yanjye, nkageza kubuzukuruza babo b'ibihe igihumbi".
" Ntukavugire ubusa izina ry'uwiteka Imana yawe: kuko Uwiteka atazamubara nk'utacumuye, uvugira ubusa izina rye".
"Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ariyo ukoreramo imirimo yawe yose: ariko uwa karindwi niwo Sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe cyangwa umugaragu wawe cyangwa umuja wawe cyangwa itungo ryawe cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu kuko iminsi itandatu ariyo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhukira kuwa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'Isabato, akaweza".
" Wubahe so na nyoko, kugirango uramire mugihugu, Uwiteka Imana yawe iguha".
"Ntukice".
"Ntugasambane".
"Ntukibe".
"Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe".
"Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, ntukifuze umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we, cyangwa umuja we, cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe"(Kuva20:3-17).

## Akamero k'amategeko

Nk'ishusho igaragaza kamere y'Imana amategeko cumi ni ay'imico mbonera,ay'umwuka kandi aruzuye ni amahame abumbatiye,ni ay'abantu bose kandi b'ibihe byose.

**Ishusho igaragaza kamere y'uwayashyizeho**
Nk'uko ibyanditswe byera bivuga, ibiranga Imana bigaragarira mu mategeko yayo. Nk'Imana ubwayo, "amategeko y'Uwiteka atungana rwose.[…] Amategeko y'Uwiteka araboneye"(zaburi 19:8,9). " Noneho amategeko ni ayera, ndetse n'itegeko ryose ni iryera, rirakiranuka kandi ni ryiza"(Abaroma 7:12). " Uwiteka uri bugufi,ibyo wategetse byose ni

ukuri. Uhereye kera namenyeshejwe n'ibyo wahamije yuko wabikomeje iteka ryose"(Zaburi 119:151,152). " Kuko ibyo wategetse byose ari ibyo gukiranuka" (Zaburi 119:172).

**Amategeko y'imico mbonera**

Amategeko cumi atumenyesha imico ikwiriye ubwoko bw'Imana bugomba kugaragaza mu maso yayo.Asobanura umushyikirano wacu n'«umuremyi» kandi «umukiza», n'inshingano dufite kuri bagenzi bacu .Kwica amategeko y'Imana nicyo ibyanditswe byera byita «icyaha»(1Yohana 3:4).

**Amategeko y'umwuka**.

"Tuzi yuko amategeko ari ay'umwuka"(Abaroma 7:14).Niyo mpamvu abayoborwa n'umwuka kandi bakanagira imbuto y'umwuka ari bo bonyine bashobora kumvira ayo mategeko(yohana 15:4;Abagalatiya 5:22,23).Umwuka w'Imana niwo utubashisha gukora ugushaka kwayo(Ibyakozwe n'Intumwa1:8;Zaburi 51:12-14).Mu kuguma muri Yesu Kristo tubona imbaraga dukeneye ngo tubashe kwera imbuto zimuhesha icyubahiro(Yohana 15:5).

Amategeko y'abantu yibanda gusa ku bikorwa bigaragara.Ariko umunyezaburi aravuga ati«Ariko amategeko yawe ni magari cyane»(Zaburi 119:96). Amategeko mvajuru agacengera mu bitekerezo byacu byo mu mfuruka y'umutima, mubyo twifuza no mu marangamutima yacu y'ibanga cyane nk'ishyari,igomwa,ibyiyumviro n'imigambi. Mu kibwirizwa cyo ku musozi ,Yesu yashyize ahagaragara ubwo bunini bw'umwuka bw'amategeko,ashimangira ko icyaha gifite inkomoko mu mutima (Matayo 5:21,22,27,28;Mariko 7:21-23).

**Amategeko aboneye**

Amategeko cumi arenze kandi ni meza cyane kuruta urutonde rubuzanya ibyo guterwa amabuye,ashyira ahagaragara amahame akoreshwa mu bintu byinshi.Ayo mahame ntabwo yibanda gusa kubyo tutagomba gukora ahubwo anibanda ku byo tugomba gukora.Ntitugomba kwibuza gukora ibibi gusa cyangwa ngo twibuze guhembera ibitekerezo bibi, ahubwo tugomba kwiga gukoresha neza impano Umukiza yaduhaye.Itegeko ryose nubwo ryaba rikozwe ku buryo butaboneye riba ribumbatiye ibintu biboneye muri ryo.

Kubw'ibyo,itegeko rya gatandatu: "Ntukice" rifite ubundi busobanuro buboneye: "uzateze imbere ubuzima". "Imana ishaka ko intore zayo zihora zishyira imbere imibereho myiza n'umunezero w'abantu bose babana nazo.Intego y'ubutumwa bwiza –ubutumwa bwiza bw'agakiza n'ubugingo buhoraho bubonerwa muri Yesu Kristo-ishingiye cyane ku kuri kuboneka mu itegeko rya gatandatu".

"Mu mategeko icumi,ntibikwiriye kwita cyane kubibujijwe gusa ahubwo dukwiriye no kwita kubijyanye n'imbabazi. Imipaka yabyo ibumbatiye umunezero uhoraho mu kubaha. Iyo tubyakiriye muri Yesu Kristo,amategeko atuzanamo imico mbonera itubera isoko y'umunezero ibihe byose. Tuyaboneramo ubwiza bw'Imana yo yahishuriye abantu

amategeko adahinduka y'ubutabera, ishaka kuturinda amakuba aterwa no kwica amategeko".

**Amategeko yoroshye.**

Amategeko cumi aroroshye, aruzuye kandi arimbitse. Ni magufi kuburyo n'umwana ashobora kuyafata mu buryo bworoshye mu mutwe;ariko abumbatiye ibintu byinshi kuko avuga ibyaha byose bishoboka. "Nta yobera[…] mu mategeko y'Imana. Abantu bose bashobora kumva ukuri gukomeye abumbatiye. Umunyabwenge buke ashobora kumva amategeko; umuswa ukabije ashobora gushyira ku murongo ubuzima bwe akanagira imico mbonera ishingiye kuri iri hame mvajuru".

**Amategeko y'amahame**

Amategeko cumi agize incamake y'amahame meza yose kandi akaba areba inyokomuntu yose yo mu bihe byose.Bibiliya iti: "Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo,kuko ibyo aribyo bikwiriye umuntu wese"(Umubwiriza 12:13).
Amategeko cumi, "Amagambo icumi"(Gutegeka 4:13)-Yitwa kandi amategeko yanditswe ku bisate by'amabuye-agabanyijemo ibice bibiri bifitanye isano n'ibisate by'amabuye bibiri Imana yayanditseho(Gutegeka 4:13). Ane ya mbere avuga umushyikirano wacu n'Imana naho atandatu aheruka akavuga inshingano dufite kuri bagenzi bacu.

Ibyo bisate bibiri by'amategeko bifitanye isano n'amahame abiri y'ibanze y'ubwami bw'Imana "ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose , n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose, kandi ukunde na mugenzi wawe nk'uko wikunda"(Luka 10:27,Gutegeka 6:4,5Abalewi 19:18).Abashyira mubikorwa ayo mahame mu buzima bwabo, bazanezezwa no kumvira amategeko cumi y'Imana, ariyo asobanura mu buryo burambuye ayo mahame.

Itegeko rya mbere rituyobora ku kuramya Imana imwe y'ukuri (Kuva 20:3).
Irya kabiri ritubuza kwiremera ibishushanyo(Kuva 20:4-6).
Irya gatatu ritubuza kuvuga izina ry'Imana mu busa cyangwa mubinyoma(Kuva 20:7).
Irya kane rituyobora ku kweza Isabato, rikatwereka Imana y'ukuri nk'Umuremyi w'ijuru n'isi(Kuva 20:8-11).

Irya gatanu risaba abana kubaha ababyeyi babo kuko bahawe inshingano ikomeye yo kumenyekanisha ubushake bw'Imana bwahishuriwe amasekuru uko akurikirana(Gutegeka4:6-9;6:1-7).
Irya gatandatu ryigisha kubaha ubuzima bw'ibiremwa byose (Kuva 20:13).
Irya karindwi risaba ubutungane rinagambiriye kurinda umubano w'abashakanye(Kuva20:14).
Irya munani ribungabunga umutungo wa bagenzi bacu .
Irya cyenda ryigisha kuvugisha ukuri kandi rikabuzanya ikinyoma.
Irya cumi riragenda rikagera ku muzi w'amasano y'inyokomuntu,ribuzanya kwifuza ikintu cyose cya mugenzi wawe.

**Amategeko afite umwihariko**

Amategeko icumi y'Imana afite umwihariko wayo kuko agizwe n'amagambo Imana ubwayo yivugiye kandi mu buryo busobanukiye iteraniro ryose(Gutegeka 5:22).

Imana ntiyashatse kubitsa aya mategeko umuntu wibagirwa,ahubwo Imana yayandikishije urutoki rwayo ku bisate bibiri by'amabuye byagombaga kubikwa mu isanduka y'ibihamya(Kuva31:18; Gutegeka 10:2).

Kubwo gufasha abisirayeli kumvira amategeko cumi Imana ibaha andi mategeko hamwe na bagenzi babo.

Amwe muri ayo mategeko y'umugereka yavugaga ku mategeko y'imbonezamubano mu bana b'Isirayeli,andi agashyira ku murongo uko imihango yo mu buturo bwera yagendaga(amategeko y'imihango).Imana yamenyesheje ubwoko bwayo ayo mategeko binyujijwe kuri Mose wayanditse mu "gitabo cy'amategeko"cyashyizwe"Iruhande rw'isanduku y'isezerano"(Gutegeka 31:25,26), atari mu isanduku nk'uko byari biri ku mategeko cumi ihishurwa rikomeye ry'Isumbabyose.

Ayo mategeko yiswe "Igitabo cy'amategeko ya Mose" (Yosuwa 8:31;2 Ngoma 25:4;Nehemiya 8:1),cyangwa se "Amategeko ya Mose"(2 Abami23:25; 2Ngoma 23:18).

**Amategeko ahuza**

Amategeko y'Imana niyo akwiriye gukangura umunezero w'umutima w'umuntu. Umunyezaburi yaranditse
ati "Amategeko yawe nyakunda ubu bugeni!Niyo nibwira umunsi ukira[...].
Nicyo gituma nkunda ibyo wategetse, nkabirutisha izahabu naho yaba izahabunziza."

Na none kandi "Agahinda n'umubabaro biranteye,ariko,ibyo wategetse nibyo munezero wanjye"(zaburi 119:97,127,143).

Kubakunda Imana "Amategeko yayo ntarushya"(1 Yohana5:3).Ariko ku rundi ruhande, abica amategeko y'Imana bayabona nk'umutwaro ubaremereye kuko "Umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana ,kuko utumvira amategeko y'Imana ndetse ntushobora no kuyumvira"(Abaroma 8:7).

## Umumaro w'amategeko

Imana yatanze amategeko yayo kugirango ikwize mu bantu imigisha myinshi kandi ngo ibafashe kunoza umubano w'agakiza hamwe nayo. Umumaro rero w'amategeko ukwiriye gusobanurwa muri ubu buryo bukurikira:

**Ahishura ubushake bw'Imana ku nyokomuntu**.

Nk'ishusho y'Imana n'urukundo rwayo, amategeko cumi y'Imana ahishura ubushake bwayo n'imigambi yayo ku bantu. Aya mategeko asaba kuyumvira " Umuntu wese witondera amategeko yose agasitara kuri rimwe, abayacumuye yose"(Yakobo 2:10).Kumvira itegeko nk'ihame rigenga ubuzima ni ingenzi ku gakiza kacu. Yesu ubwe aravuga ati:" Ariko nushaka kugera ku bugingo, witondere amategeko" (Matayo 19:17).Uko kumvira amategeko tugushobozwa gusa n'imbaraga y'Umwuka Wera utuye muri twe.

**Ni ishingiro ry'isezerano hagati yacu n'Imana**.
Mose yanditse amategeko icumi y'Imana ndetse n'andi y'inyunganizi mu gitabo cyitwa "Igitabo cy'isezerano" (kuva 20:1 kugeza 24:8 cyane umurongo wa 7).
Nyuma y'igihe kinini, amategeko cumi y'Imana yiswe "Ibisate by'amabuye bibiri",aribyo byerekana neza agaciro kayo nk'ishingiro ry'isezerano rihoraho (Gutegeka 9:9;4:13). Ubusobanuro bwimbitse ku masezerano, buboneka mu gice cya karindwi cy'iki gitabo.

**Yifashishwa nk'ihame ry'urubanza**.
Amategeko y'Imana arakiranuka (Zaburi 119:172),nkuko nayo ubwayo ikiranuka. Bityo rero amategeko ashyiraho ihame ryo gukiranuka. Buri muntu wese azacirwa urubanza hadakurikijwe umutimanama we, ahubwo hakurikijwe amahame shingiro y'amategeko.
"Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese. Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza, n'igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi"(Umubwiriza12:13,14;Yakobo 2:12).
Nyamara imitimanama iratandukanye nkuko abantu batandukanye. Imitimanama imwe "Ntikomeye", "iranduye", "ni mibi", "ifite inkovu" (1 Korinto 8:7,12;Tito 1:15; Abaheburayo 10:22;1Timeyo 4:2).
Iby'umutimanama ni nk'iby'isaha :N'ubwo imikorere yayo yaba imeze neza, igomba gushyirwa ku gihe kugira ngo ikoreshwe mu buryo budufitiye akamaro. Umutimanama wacu uduhatira gukora ibyiza, ariko ntutubwira icyiza icyo ari cyo. Kereka gusa umutimanama washyizwe ku gihe hakurikijwe isaha nkuru y'Imana, ariyo mategeko yayo ashobora kuturinda gukomeza kugwagaguza mu cyaha.

**Ahishura icyaha.**
Hatariho amategeko cumi y'Imana abantu ntibasobanukirwa ubwiza bw'Imana, ntibashobora kugira umutima ubarega ikibi cyangwa ngo bagire umutima ubabwiriza kwihana. Mu gihe cyose birengagije ko bariho batandukanye n'itegeko ry'ijuru, ntibazi neza ko bazimiye kandi ntibiyumvisha neza agaciro k' amaraso ya Kristo yeza ibyaha.

Kugira ngo umunyabyaha asobanukirwe n'imibereho ye bwite, amategeko agira akamaro nk'ak'indorerwamo(Yakobo 1:23-25).Abirebera mu «ndorerwamo» bashobora kubona ububi bwa kamere yabo bayigereranya na kamere itagira inenge y'Umwami.
Muri ubwo buryo amategeko y'imico mbonera ahishura ko inyokomuntu yose itsindwa n'urubanza imbere y'Imana(Roma 3:19), bityo rero bose bakeneye gukizwa nayo.

**Mu mategeko niho umuntu amenyera icyaha**
"Kuko icyaha ari ukwica amategeko"(1 Yohana3:4). Pawulo yaranditse ati "Icyakora simba naramenye icyaha iyo ntakimenyeshwa n'amategeko"(Abaroma7:7). Kuko yemeza abanyabyaha amakosa yabo, akababafasha gusobanukirwa ko bazanyura mu rubanza rw'umujinya w'Imana kandi ko ingaruka ari uguhanishwa urupfu rw'iteka ryose.Imyumvire nk'iyo ibyutsa muri bo ibyiyumviro by'agakiza kabo.

**Inzira yo guhinduka**.
Amategeko y'Imana ni inzira Umwuka Wera akoresha ngo atujyane ku guhinduka: "amategeko y'Uwiteka atungana rwose asubiza intege mu bugingo"(Zaburi19:8).Mu gihe tumaze gusobanukirwa na kamere yacu by'ukuri, dusobanukirwa neza ko turi

abanyabyaha, baciriweho iteka ryo gupfa kandi ko nta byiringiro, noneho tukagaragaza ko dukeneye umucunguzi. Guhera ubwo ubutumwa bwiza bugahabwa agaciro mu maso yacu.
Itegeko rituyobora kuri Yesu Kristo we wenyine ufite ubushobozi bwo kutubohora mu mibereho itagira ibyiringiro.Ni muri ubwo buryo Pawulo atubwira icyarimwe iby'amategeko y'imico mbonera n'amategeko y'imihango nk' « umwigisha kugira ngo atuyobore kuri Kristo ngo dutsindishirizwe kubwo kwizera »(Abagalatiya 3:24)
Nubwo amategeko yerekana icyaha cyacu,ntashobora na rimwe kudukiza nk'uko amazi afasha gusukura umubiri wanduye ni nako bimera iyo tumaze gusuzuma ubushake bwacu bwo guhinduka binyuze mu ndorerwamo y'amategeko, tujya ku isoko twahawe "yeza ibyaha n'imyanda"(Zekariya 13:1),kandi tukerezwa "Mu maraso y'Umwana w'intama"(Ibyahishuwe 7:14).
Umunyabyaha agomba kureba Umukiza "Guhera igihe umunyabyaha ahishukiwe na Yesu Kristo ku musaraba i Kaluvari,ababarizwa ibyaha by'abari mu isi yose,Umwuka Wera amwereka inyifato y'Imana ku Bantu bose bihana ibicumuro byabo".Guhera ubwo ibyiringiro byuzura imitima yacu kandi mu kwizera gusa turushaho kwegera Umucunguzi wacu udushyira imbere impano y'ubugingo buhoraho(Yohana 3:16).

**Aduha umudendezo nyakuri.**
Yesu aravuga ati "umuntu wese ukora ibyaha ni imbata y'ibyaha"(Yohana 8:34).
Iyo twishe amategeko y'Imana, dutakaza umudendezo wacu;ku rundi ruhande, kumvira amategeko y'Imana biduha umudendezo nyakuri.Umuntu wese ubaho mu kumvira itegeko mvajuru aba atandukanye n'icyaha;bisobanura ko abatuwe ingoyi zose z'icyaha: umubabaro udashira,guhagarika umutima,agahinda n'ibindi bintu byose bikamura imbaraga z'ubuzima.Umunyezaburi aravuga ati "nzagendana umudendezo kuko njya ndondora amategeko wigishije" (Zaburi119:45).Yakobo we yita amategeko icumi y'Imana "Amategeko y'Umwami" "Amategeko y'umudendezo" (Yakobo 2:8;1:25).

Kugira ngo tubashe kwishimira uwo mudendezo,Yesu Kristo aduhamagarira kumuzanira umutwaro w'ibyaha byacu.Mukutuguranira,akaduha umutwaro we wangushye(Matayo 11:29,30).Uwo mutwaro we ni igikoresho cy'umurimo.Umutwaro we uroroshye kuwikorera.Kristo atwingingira kwemera gufatanya kwikorera umutwaro we.Amategeko y'Imana niyo mutwaro w'umurimo."Itegeko rikuru ry'urukundo ryahishuriwe muri Edeni,rikavugirwa ku musozi wa Sinayi,ryanditswe mu mitima mu buryo bw'isezerano rishya,ni ryo murunga uhuza umuntu n'ubushake bw'Imana".
Iyo duhuriye n'Umukiza ku mutwaro umwe ,ni we uwutwikorerera kandi agahindura kumvira kwacu ibyishimo.Adushoboza ibyari byaratunaniye.Nuko rero itegeko ryanditswe mu mitima yacu,riduhindukira umunezero.Dufite umudendezo kuko dushaka gukora ibyo Umwami wacu adutegeka.
Niba rero amategeko agaragaye nta bushobozi bukiza bwa Kristo,kubaturwa ku cyaha nako nta guhari.Ariko ubuntu bukiza bw'Imana budakuraho amategeko,ahubwo bumutandukanya n'icyaha ,kuko "aho Umwuka w'Umwami ari,niho haba umudendezo"(2 Abakorinto 3:17).

**Akumira ikibi kandi agahesha imigisha**.
Ubwiyongere bw'ibyaha,ibikorwa byo guhohotera, gutakaza ubumuntu no kwiyongera k'ubugome bizambije isi;bifite inkomoko mu gusuzugura amategeko cumi y'Imana.Iyo ayo

amategeko yumviwe,akumira icyaha, akita ku bikorwa byiza kandi agaharanira ubutabera.Ibihugu byashyize mu mategeko yabyo amahame ashingiye ku mategeko cumi y'Imana byungukiyemo ibyiza byinshi.Ku rundi ruhande,kwanga aya mahame bitera kugwa kwihuse.

Mu Isezerano rya kera, inshuro nyinshi, Umwami yahaye amahanga n'abantu umugisha mugihe babaga bumviye amategeko.Ibyanditswe byera bivuga ko " Gukiranuka gushyira ubwoko hejuru[...] kuko ingoma ikomezwa no gukiranuka"(Imigani 14:34;16:12).Abanze kumvira amategeko y'Uwiteka bagezweho n'ibyago(Zaburi 89:31-33). "Umuvumo w'Uwiteka uhora mu rugo rw'umunyabyaha, ariko ubuturo bw'umukiranutsi abuha umugisha"(Imigani3:33, Abalewi 26, gutegeka 28). Iri hame rusange rirakoreshwa n'uyu munsi.

**Guhoraho kw'amategeko**.

Kuko Amategeko y'imico mbonera abumbiye mu mategeko cumi y'Imana agaragaza imico nyakuri y'Imana, amahame ayagize ntagengwa n'ibihe cyangwa ahantu; ahubwo afite agaciro kadakuka kandi kadahinduka ku nyokomuntu. Kuva kera cyane, abakristo bemeje guhoraho kw'amategeko y'Imana kandi, bemeza badashidikanya ukuri kwayo guhoraho .

**Amategeko mbere ya Sinayi**

Amategeko yabayeho kuva kera mbere y'uko Imana itanga amategeko cumi iyaha Abisirayeli. Atari ibyo, icyaha nticyari kubaho mbere ya Sinayi, kuko "Icyaha ni ukwica amategeko y'Imana" (1Yohana3:4). Kubera ko Lusiferi n'abamarayika be bacumuye byerekana ukubaho kw'amategeko mbere y'uko iyi si yacu iremwa (2 Petero 2:4).
Igihe Imana yaremaga Adamu na Eva ku ishusho yayo,yashyize amahame y'imico mbonera y' amategeko yayo mu bwenge bwabo,ku buryo basohozaga ubushake bwayo badahaswe. Ariko kutumvira kwabo kwa mbere kwatumye icyaha cyinjira mu muryango w'umuntu(Abaroma 5:12).

Nyuma y'igihe,Umwami Mana yagombaga kuvuga kuri sekuruza w'abizera: "Aburahamu yaranyumviraga akitondera ibyo namwihanangirije n'ibyo nategetse, n'amategeko yanjye nandikishije n'ayo navuze" (Itangiriro 26:4,5). Ahandi, Mose yigishije amategeko y'Imana mbere ya Sinayi (Kuva16;18:16).Mu kwiga igitabo cy' Itangiriro, tubona ko amategeko cumi y'Imana yari azwi mbere yuko atangazwa ku musozi wa Sinayi kuko abantu bari basobanukiwe neza ko ibikorwa bihanwa n'amategeko byari bibujijwe.
Ubwo buryo bafataga amategeko y'imico mbonera bwerekana ko, kuva mu ntangiriro, Imana yari yaramenyesheje inyokomuntu amategeko cumi.

**Amategeko ku musozi wa Sinayi**.

Mu gihe kirekire cy'ubucakara bagize mu gihugu cya Egiputa,Ishyanga ritari rizi Imana y'ukuri(Kuva5:2),Abisirayeli babaye mu muryango wasengaga ibishushanyo kandi wanduye. Ibi byatumye batakaza cyane imyizerere yabo yerekeranye no kwera nyakuri, ubutungane n'amahame y'imico mbonera. Ikigeretse kuri ibyo, kuba bari abacakara byari bibakomereye kuramya Imana yabo nkuko babyizeraga.

Umwami Imana yibuka isezerano yari yaragiranye n'Aburahamu, mu gusubiza gutaka kwabo bihebye bashaka gutabarwa nawe,ihitamo gukura ubwoko bwayo "Muri rya tanura ryubakishijwe icyuma, ni ryo Egiputa" (Gutegeka 4:20),no kubageza mu gihugu aho bagombaga kwitondera amategeko ye no gukurikiza ibyo yategetse (Zaburi 105:43-45).

Nyuma yo kuvanwa mu bucakara kwa Isirayeli, Imana iyiyobora ku musozi Sinayi aho yayihishuriye amategeko y'imico mbonera ariyo shingiro ry'ingoma yayo n'amategeko y'imihango yabamenyeshaga ko umuntu abona agakiza binyuze mu gitambo kizima cy'umucunguzi.

Aho ngaho, Imana yahatangarije ku "mugaragaro" amategeko yayo mu ijwi rirenga kandi ritunganye "kubw'ibicumuro"(Abagalatiya 3:19), "kugira ngo icyaha gicirweho iteka ku rugero rwo hejuru kubw'amategeko" (Abaroma 7:13). Ni nyuma gusa y'ishyirwa ku mugaragaro ry'amategeko y'imico mbonera Abisiyeli bashoboye kumenya ibicumuro byabo,intege nke zabo, nuko bakeneye agakiza byihutirwa.

**Amategeko mbere yo kugaruka kwa Kristo**.

Bibiliya ihishura ko Amategeko mvajuru ari intego y'ibitero bya satani kandi ko iyi ntambara izarangira mbere yo kugaruka kwa Yesu Kristo.Ubuhanuzi bugaragaza ko ikiyoka kizayobya abantu benshi ngo bagomere Uwiteka (Ibyahish 12:9). Kizabikora cyifashishije ububasha bw' "inyamaswa", kizakangurira abantu gutega amatwi iyo "nyamaswa" kugira ngo batumvira Uwiteka (Ibyahish 13:3; Reba amagambo y'ubusobanuro bw'ubu buhanuzi ku gice cya 13 cy'iki gitabo).

**1. Kwibasirwa Kw'amategeko**

Daniyeli 7 hatubwira ibyerekeranye n'ububasha bw'"agahembe gato".Iki gice kivuga kandi "Inyamaswa enye nini"ari zo abantu benshi guhera mu gihe cya Kristo basobanuye nk'ubwami bwa Babuloni,Abamedi n'Abaperesi,Abagiriki n'Abaroma. Amahembe cumi y'inyamaswa ya kane agereranya gucikamo ibice kw'ingoma y'Abaroma nyuma yo gusenyuka kwayo mu mwaka wa 476 nyuma ya Yesu Kristo.

Iyerekwa rya Daniyeli ryibanda ku bwami buteye ubwoba kandi butuka Imana bwakomotse hagati y'amahembe cumi,nyuma y'isenyuka ry'ubwami bw'i Roma,"agahembe gato" kagombaga kwigira inama yo guhindura amategeko y'Imana (Daniyeli 7:25), kandi kagakomeza muri iyo nzira kugeza Yesu agarutse (reba igice cya 20 cy'iki gitabo).Ibyo bitero bidasiba bishyira ahagaragara agaciro gahoraho k'amategeko mu nama y'agakiza. Nyuma y'iyerekwa rya gihanuzi rya Daniyeli 7, ubwoko bw'Imana bubona ubwishingizi ko ubwami bw'umubi bw "agahembe gato" butazashobora gukuraho amategeko:mbese,urubanza rwo mu ijuru ruzakuraho ubwo bwami bw'umubi(imirongo 11,26-28).

**2. Abizera bashikama ku mategeko y'Imana**

Abizera bategereje kugaruka k'Umwami barangwa no kubaha kwabo;mu gihe cy'intambara ya nyuma ikomeye hagati y'icyiza n'ikibi,bashyira hamwe imbaraga zabo kugira ngo

banezezwe n'amategeko y'Imana.Isezerano rishya ribavugaho muri aya magambo: "Aho niho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera *nk'ukwa Yesu*"(Ibyahishuwe 14:12). Aba bakristo bategereza bihanganye kugaruka kwa Kristo.

Kugira ngo bateguze isi uyu munsi utangaje,izi ntore zivuga ubutumwa bwiza,zihamagarira bagenzi babo kuramya Umukiza nk'Umuremyi(Ibyahishuwe 14:6,7).Abamusengana urukundo bazamwumvira,nk'uko intumwa Yohana abivuga"kuko gukunda Imana ari uku:ari ukwitondera amategeko yayo kandi amategeko yayo ntarushya"(1 Yohana 5:3).

**3.Imanza z'Imana n'amategeko**.

Ibyago birindwi bya nyuma byisutse ku nyokomuntu yagomye biturutse "mu rusengero rw'ihema ryo guhamya"ryo mu ijuru(Ibyahishuwe 15:5).Aya magambo "Ihema ryo guhamya"yari azwi neza mu Isirayeli:iryo hema ubwaryo ni ryo Mose yari yarubatse (Kubara 1:50,53;17:8;18:2). sRyitwaga rityo kuko harimo "Isanduku y'ibihamya"(Kuva 26:34),ariyo yabagamo"Ibisate bibiri biriho ibihamya"(Kuva 31:18). Bityo rero amategeko cumi abumbatiye ubuhamya bw'ubushake mvajuru ku nyokomuntu (Kuva 34:28,29).

Ariko mu byahishuwe 15:5 havuga "Urusengero rw'ihema ryo guhamya[…]mu ijuru".Ihema Mose yubatse ni igishushanyo cy'iryo mu ijuru(Kuva 25:8,40;Abaheburayo 8:1-5);niho habitswe inyandiko yera y'umwimerere y'amategeko icumi. Kuba imanza za nyuma z'Imana zishingiye ku kwica Amategeko yayo bihamya agaciro gahoraho k'amategeko cumi.

Igitabo cy'Ibyahishuwe kinavuga na none ku ikingurwa ry'urusengero rwo mu ijuru,ahagaragaye "Isanduku y'isezerano"(Ibyahishuwe 11:19).Mbere,isanduku y'isezerano yasobanuraga iyabaga mu buturo bwera bwo ku isi,ikaba yari ibitse ibisate bibiri by'amabuye byari byanditseho "Amagambo y'isezerano,amategeko icumi"(Kuva 34:28;Kubara 10:33;Gutegeka 9:9).Isanduku y'isezerano iri mu buturo bwera bwo mu ijuru ni iy'umwimerere kandi ifite amagambo y'isezerano ry'iteka ryose ari ryo Mwimerere w'amategeko cumi. Biragaragara,igihe imanza za nyuma zizaba zigeze ku bantu batuye isi(Ibyahishuwe 11:18),bizabera rimwe n'ikingurwa ry'ubuturo bwera bwo mu ijuru muri bwo harimo isanduku ibumbatiye amategeko cumi;bityo itegeko mvajuru ryashyizwe mu mucyo nk'umurongo ngenderwaho w'urubanza.

# Amategeko n'ubutumwa bwiza

Agakiza ni impano yaduhawe ku bw'ubuntu, binyuze mu kwizera,atari ku bw'imirimo itegetswe n'amategeko(Abefeso 2:8)."Nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko;kuko amategeko ariyo amenyekanisha icyaha"(Tito 3:5; Abaroma 3:20).Mu byanditswe byera hari isano iboneye hagati y'amategeko n'ubutumwa bwiza,kuko kimwe gihamya ikindi.

***Amategeko n'ubutumwa bwiza mbere ya Sinayi.***

Nyuma bamaze gucumura,Adamu na Eva bagize ukwiciraho iteka ubwoba ndetse no kumva ko hari icyo bakeneye(Itangiriro 3:10).Kugira ngo babone ibyo bari bakeneye,Imana

ntiyakuyeho itegeko ryabaciraga urubanza, ahubwo yaboherereje ubutumwa bwiza bwababashishaga kongera kugirana umushyikirano n'Imana no kuyumvira.

Ubwo butumwa bwiza bwari bushingiye ku masezerano y'agakiza binyuze mu Mukiza,"Urubyaro rw'umugore"rwagombaga kuza kandi rugatsinda umwanzi (Itangiriro 3:15).Ibitambo Imana yategetse abantu byari bifite intego yo kubigisha ukuri kw'ingirakamaro kwerekeranye n'impongano, kugira ngo bamenye ko kubabarirwa ibyaha bishoboka habayeho kumeneka kw'amaraso: Binyuze mu rupfu rw'Umucunguzi. Mu kwizera ko igitambo cy'inyamaswa cyari igishushanyo cy'impongano y'urupfu rw'umukiza kuri we,umunyabayaha ugukurwaho kw'amafuti ye, nuko umuntu wazimiye agakizwa n'ubuntu.

Ubwo butumwa bwasezeranywe kuva na kera kose, bwari hagati y'isezerano ry'ubuntu bw'Imana kandi buhoraho bwahawe inyokomuntu(Itangiriro12:1-3;15:4,5;17:1-9). Iryo sezerano ryari rifatiye cyane ku kumvira amategeko y'Imana (Itangiriro 18:18,19;26:4,5).Umwishingizi w'iri isezerano ryera yari umwana w'Imana wenyine, urufunguzo rw'isanzure ry'ubutumwa bwiza "Umwana w'intama watambwe uhereye ku kuremwe ku isi." (Ibyahishuwe13:8,).Ubuntu bw'Imana bwatangiye gukora kuva aho Adamu na Eva bacumuriye.Dawidi aragira ati: "Ariko imbabazi Uwiteka agirira abamwubaha,zahereye kera kose,zizageza iteka ryose,gukiranuka kwe kugera ku buzukuru babo.Niko agirira abitondera isezerano rye,bakibuka amategeko ye bakayakomeza"(Zaburi 103:17,18).

### *Amategeko n'ubutumwa bwiza kuri Sinayi*

Hari isano ikomeye hagati y'amategeko cumi y'Imana n'ubutumwa bwiza.Bityo,kuva mu ntangiriro y'amategeko, Imana igaragazwa nk'Umukiza (Kuva 20:2). Kandi na nyuma y'itangazwa ku mugaragaro kw'amategeko cumi,Uwiteka yasabye Abisirayeli kubaka igicaniro no kugitambiraho ibitambo byashushanyaga ubuntu bwe bukiza.

Ku musozi wa Sinayi niho Imana yahereye Mose amategeko y'Imihango yarebaga iyubakwa ry'ubuturo bwera, aho Imana yagombaga guturana n'ubwoko bwayo kandi ikahahurira n'abizera bose kugira ngo ibagwizeho imigisha yayo no kubababarira ibyaha byabo byose (Kuva 24:9 kugeza 31:18).Uyu muhango wa buri munsi werekeye ibitambo, wari warabayeho mbere ya Sinayi, werekanaga igikorwa cy'ubuhuza cya Kristo ku bw'agakiza k'abanyabyaha no gusanwa k'ubuyobozi n'ubutungane bw'amategeko mvajuru.
Ukugaragara kw'Isumbabyose kwabonekaga ahera cyane h'ubuturo bwera bwo ku isi, hejuru y'ameza y'izahabu atwikiriye Isanduku y'isezerano yabagamo amategeko cumi.
Buri kantu kose k'umuhango w'ubuturo bwera kari igishushanyo cy'umucunguzi. Ibitambo biva amaraso byacureraga urupfu rwe rweza arirwo inyokomuntu yajyaga gukirizwamo umuvumo w'amategeko (reba igice cya 4 n'icya 9).

Nkuko amategeko cumi yari imbere mu isanduku y'isezerano, amategeko y'imihango, ndetse n'amategeko arebana n'imibanire yatanzwe n'Imana akandikwa mu "Gitabo

cy'amategeko" yari iruhande rw'isanduku y'isezerano "nk'umuhamya ushinja" ubwoko (gutegeka 31:26).
Igihe cyose Abisirayeli bakoraga icyaha, uwo "muhamya"yahanaga igikorwa cyabo kandi akanerekana uburyo bashoboraga kwiyunga n'Imana. Nuko, kuva ku musozi wa Sinayi ukageza ku rupfu rwa Yesu Kristo, abicaga amategeko cumi bashoboraga kongera kugira ibyiringiro, bakabona imbabazi z'amakosa yabo kandi bakezwa no kwizera mu butumwa bwiza bwatangajwe mu buryo bw'igishushanyo mu migenzereze y'imihango yo mu buturo bwera yatanzwe mu mategeko y'imihango.

**Amategeko n'ubutumwa bwiza nyuma y'umusaraba**.
Nk'uko abakristo benshi babimenye, niba mu ruhande rumwe Bibiliya yigisha ko urupfu rwa Yesu Kristo rwagize ingaruka yo gukuraho amategeko y'imihango, mu rundi ruhande ibyanditswe byera byemeza ububasha buhoraho bw'amategeko y'imico mbonera. Uku kuri kwombi gushingiye ku ngigo zikurikira:

**1.Amategeko y'imihango**
Igihe Yesu yapfiraga ku musaraba,yahasohoreje ikimenyetso cy'ubuhanuzi bw'umuhango w'ibitambo.Igishushanyo cy'umuhango w'ibitambo cyasimbuwe n'igitambo kizima (Yesu kristo, umwana w'intama w'Imana watambwe ku musaraba),nuko amategeko y'imihango ashyirwaho iherezo.Ibinyejana byinshi byo hambere, Daniyeli yari yaravuze ko urupfu rwa Mesiya rwagombaga kugira ingaruka zo "Kubuzanya ibitambo n'amaturo" (Daniyeli 9:27;reba igice cya 4 cy'iki gitabo). Igihe Yesu yapfiraga ku musaraba i Karuvari, habayeho igitangaza kidasanzwe "umwenda ukingiriza ahera cyane h'urusengero utabukamo kabiri,utangirira hejuru ugera hasi" (Matayo 27:51),byerekana ko imihango yo mu rusengero yari itaye agaciro kayo ko kubaho.

Nubwo bwose amategeko y'imihango yasohoje akamaro k'ingenzi mbere y'urupfu rw'Umukiza, ntabwo yari yuzuye ku ngingo nyinshi; na ndetse yari "igicucu cy'ibyiza bizaba" (Abaheburayo 10:1). Umumaro wayo wari uw'igihe gito n'amategeko yayo yari ay'igitugu "kugeza igihe cyo gutunganywa gusa"(Abaheburayo 9:10;Abagalatiya 3:19)-kugeza umunsi Yesu yari kuzapfira nk'umwana w'intama w'Imana.
Mu rupfu rwa Yesu kristo,uguca imanza hakurikijwe amategeko y'imihango byataye agaciro. Kuko igitambo cyeza cy'umukiza cyatanze imbabazi z'ibyaha byose. "Igahanagura(Imana) urwandiko rw'imihango rwaturegaga,ikarudukuzaho ku rubamba ku musaraba"(Abakolosayi2:14;Gutegeka 31:26). Kuva icyo gihe ntabwo byari bikiri ngombwa gukora imihango ivunanye itarashoboraga,mu buryo ubwo ari bwo bwose, gukuraho ibyaha no kubohora imitima (Abaheburayo 10:4;9:9,14).Ntihakiriho guhangayikishwa n'iby'amategeko y'imihango n'ibyo asaba byose birebana n'amaturo y'ibyo kurya n'ay'ibyo kunywa,kwizihiza iminsi mikuru itandukanye(Pasika,Pentekote,n'iyindi),imboneko z'amezi cyangwa kwizihiza amasabato ya buri mwaka(Abakolosayi 2:16; Abaheburayo 9:10);ibyo byose byari "igicucu cy'ibizaza"(Abakolosayi 2:17).

Kuva Yesu yapfira ku musaraba, abizera ntacyo bagihuriyeho n'ibicucu kuko byari ishusho y'ukuri muri Yesu Kristo.Ubu bashobora kwigerera ku Mukiza wabo ntawe banyuzeho kuko "umubiri ufitwe na Kristo" (Abakolosayi 2:17). Nkuko Abayuda bayasobanuraga, amategeko y'imihango yari yarabaye urusika rwabatandukanyaga n'andi moko.Yari

yarahindutse inzitizi ikomeye ku murimo wabo wo kumurikishiriza isi ubwiza bw'Imana.Urupfu rwa Kristo rwakuyeho ayo mategeko y'iby'imihango,aba akuyeho urusika rwari hagati y'abanyamahanga n'Abayuda kugira ngo areme umuryango umwe w'abizera bungiwe hamwe binyuze mu mubiri umwe binyuze ku musaraba.

**2.Amategeko cumi n'umusaraba**

Igihe urupfu rwa Yesu rwakuragaho ubushobozi bw'amategeko y'imihango,rwashimangiye ubushobozi bw'amategeko cumi.Yesu yakuyeho umuvumo w'amategeko,bityo akiza abizera gucirwaho iteka ryayo.Nyamara gukora ibyo ntibuvuze ko yakuyeho amategeko, ngo aduhe uburenganzira bwo kwica amahame yayo.Ibihamya byinshi byo mu Byanditswe byera byerekeranye no guhoraho kw'amategeko ntibishyigikira na gato iki gitekerezo.

Yohana Kaluvini ubwe yaranditse ati: " Ntidukwiriye gutekereza ko kuza kwa Yesu kwatubatuye mu bubasha bw'amategeko,kuko ari amategeko yo kwitanga n'ubuzima bwejejwe kandi kubw'ibyo,agomba kuba adahinduka nkuko ubutabera bw'Imana buri".

Pawulo yerekanye isano iri hagati yo kumvira n'ubutumwa bw'ubuntu bukiza. Mu kurarikira abizera kubaho ubuzima bwejejwe,yabahuguriye kwiha Imana "nk'ibikoresho bikiranuka by'Imana. Ibyaha ntibikabategeke kuko mudatwarwa n'amategeko ahubwo mutwarwa n'ubuntu"(Abaroma 6:13,14).Nuko rero abakristo ntibubahiriza amategeko kugira ngo bakizwe; abakora iryo kosa bazagwa mu bubata bukabije bw'icyaha.Igihe cyose umuntu ari munsi y'amategeko aguma mu bubata bw'icyaha,kuko amategeko adashobora kurokora umuntu mu bubasha no gucirwaho iteka by'icyaha.Ariko rero abatwarwa n'ubuntu ntibakurwaho gusa gucirwaho iteka(Abaroma 8:1), ahubwo banahabwa ububasha bwo kunesha icyaha(Abaroma 6:14).Ni muri ubwo buryo icyaha kitakibafiteho ububasha.

Pawulo yongeyeho ati "Kuko Kristo ari we amategeko yose asohoraho kandi ni we uhesha uwizera wese gukiranuka"(Abaroma 10:4). Ni uko rero uwizera Yesu Kristo wese avumbura ko ari we amategeko asohoraho nk'uburyo bwo guhabwa gukiranuka.Muri twe ubwacu turi abanyabyaha, ariko muri Kristo turi abakiranutsi ku bwo gukiranuka Yesu yaduhaye.

Nubwo bimeze bityo, gutwarwa n'ubuntu ntibiha abizera umudendezo wo kuguma mu byaha kugirango ubuntu busage" (Abaroma 6:1). Ibiramambu, ubuntu butanga imbaraga zituma kumvira no kunesha icyaha bishoboka. "Nuko rero abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho (Abaroma 8:1).
Urupfu rwa Yesu Kristo rwahaye agaciro amategeko rushimangira ububasha bwayo ku isi yose. Iyaba amategeko cumi yarakuweho, ntabwo biba byarabaye ngombwa ko umukiza apfa.Ariko kuko amategeko adakuka kandi adahinduka, byari ngombwa ko urupfu rubaho kugira ngo hishyurwe icyo amategeko yasabagasa. Icyo cyasabwaga Yesu yujurishije urupfu rwe ku musaba cyatumye abizera icyo gitambo cy'agahebuzo bose bashobora kubona ubugingo buhoraho.

**Kumvira amategeko**.

Nta numwe ushobora kubona agakiza kubwo imirimo ye myiza.Kumvira ni imbuto y'agakiza muri Kristo Yesu.Binyuze mu buntu bwe butangaje bwagaragariye ku musaraba, Imana yakuyeho ubwoko bwayo igihano n'umuvumo by'icyaha.Nubwo bwacumuye,Yesu yatanze ubugingo bwe kugira ngo abuhe ubugingo buhoraho.Urukundo rw'akaburarugero rw'Imana rubyutsa mu munyabyaha igisubizo kigaragarira mu kumvira guturutse ku rukundo binyuze mu mbaraga z'ubuntu bwinshi yagiriwe.Abizera basobanukiwe yuko Kristo aha agaciro amategeko kandi basobanukiwe n'imigisha yo kubaha bizabatera kwishimira kubaho imibereho ya Kristo.

***Kristo n'amategeko.***

Kristo yahaga agaciro gakomeye amategeko cumi. Nka"NDIHO"ukomeye,ubwe yatangaje amategeko mbonera ya se ku musozi wa Sinayi (Yohana 8:58;Kuva3:14; reba igice cya kane cy'iki gitabo).Igice kimwe cy'umurimo we ku isi cyari icyo kogeza amategeko ye no kuyubahisha(Yesaya 42:21).Isomo ryo muri Zaburi,Isezerano rishya ryakoresheje rivuga kuri Kristo ryerekana uburyo yabonaga amategeko"Nishimira gukora ibyo ukunda,nikoko amategeko yawe ari mu mutima wanjye"(Zaburi 40:9; abaheburayo10:7-9).

Ubutumwa bwiza bwa Kristo bwabyaye kwizera kwatumye amategeko cumi akomeza kugira agaciro.Pawulo yarabajije ati: "Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho!Ahubwo turayakomeza"(Abaroma 3:31).

Bityo Kristo ntiyaje gucungura umuntu gusa, ahubwo yanaje guhamya ububasha no kwera kw'amategeko y'Imana;agaragaza ubwiza n'icyubahiro bwayo imbere y'abantu kandi anabaha urugero rw'uko bakwiye kuyitwaraho nk'abigishwa ba Yesu, abakristo barararikirwa kubahisha amategeko y'Imana mu buzima bwabo. Nk'uwabayeho ubuzima bwumvira kubw'urukundo, Yesu yashimangiye ko abigishwa nabo bagomba kumvira amategeko. Igihe bamubazaga icyo bakora kugira ngo babone ubugingo buhoraho yarashubije ati: "Nushaka kugera ku bugingo witondere amategeko"(Matayo 19:17), ndetse yanatanze umuburo werekeranye n'iri hame agira ati "Umuntu wese umbwira ati: "Mwami, Mwami, siwe uzinjira mu bwami bw'ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka"(Matayo 7:21-23).

Yesu ubwe yashohoje amategeko atayakuraho,ahubwo yayashohoje binyuze mu buzima bwumvira.Yaravuze ati:"Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n'isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira" (Matayo 5:18). Kristo yatsindagiye ko umugambi nyamukuru w'amategeko y'Imana ari uwo gukunda Umwami Imana yacu n'umutima wacu wose, n'ubugingo bwacu bwose, n'ubwenge bwacu bwose, na mugenzi wacu nkatwe ubwacu ugomba guhora uzirikanwa(Matayo 22:37-39). Nyamara ntiyashakaga ko abizera bakundana urukundo nk'urw'abisi rushingiye ku marangamutima no kwikunda. Mu gusobanura iby'urwo rukundo yavugaga, Yesu yatanze "Itegeko rishya" (Yohana 13:34). Iryo tegeko rishya ntabwo ryashyiriweho gusimbura amategeko cumi, ahubwo ryashyiriweho kwereka abizera "urugero rw'icyo urukundo nyakuri kandi rutihugiraho ari cyo,urukundo rutigeze rugaragazwa mbere ku isi. Ni muri ubwo buryo itegeko rye ryashoboraga gufatwa

nk'itegeko rishya.Iryo tegeko rishya ntiryabategetse"Gukundana hagati yabo gusa", ahubwo ryaranabategetse riti:"mukundane nkuko nabakunze"(Yohana 5:12). Mu by'ukuri ahangaha tuhafite ikindi gihamya cyerekana uko Kristo yahaye agaciro amategeko ya se.

Kumvira bigaragaza urwo rukundo. Kuko Yesu yavuze ati: " Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye" (Yohana 14:15)."Nimwitondera amategeko yanjye muzaguma mu rukundo rwanjye nkuko najye nitondeye amategeko ya Data nkaguma mu rukundo rwe"(Yohana 15:10).Ibisa n'ibyo, iyo dukunze abantu b'Imana,tuba dukunze Imana kandi dukomeje amategeko yayo(1Yohana 2:3).

Kuguma muri Kristo ni byo byonyine bishobora kutubashisha kumvira tubikuye ku mutima. "Nk'uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye ku muzabibu, niko namwe mutabibasha ni mutaguma muri jye.[…] uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo niwe wera imbuto nyinshi,kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite"(Yohana15:4,5).

Kugira ngo bishoboke kuba muri Yesu, bidusaba kubambanwa nawe, tukagira imibereho nk'iyo intumwa Pawulo yanditse avuga ati "Nabambanwe na Kristo ariko ndiho, nyamara sinjye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye"(Abagalatiya 2:20). Ku bakristo bujuje izi nshingano, umukiza ashobora gusohoza isezerano rye rifitanye isano n'isezerano rishya " Nzashyira amategeko yanjye mu bwenge bwabo, nzayandika mu mitima yabo, nzaba Imana yabo,nabo bazaba ubwoko bwanjye"(Abaheburayo 8:10).

### *Imigisha ikomoka ku kumvira.*

Kumvira gukuza imico ya gikristo kandi kugatuma umuntu agira imibereho myiza,ibyo bigatuma abizera bakura nk' "impinja zivutse vuba"kandi bagahindurirwa gusa na Kristo(1Petero 2:2;2 Abakorinto 3:18).Uko kuva mu bunyacyaha tugahinduka abana b'Imana bihamya byuzuye imbaraga ya Kristo.

Bibiliya iravuga iti:"Hahirwa abagendera mu mategeko y'Imana bose"(Zaburi 119:1),bakishimira amategeko ye kandi akaba ariyo bibwira ku manywa na n'ijoro(Zaburi 1:2). Imigisha ikomoka ku kumvira ni myinshi: Ubwenge(Zaburi119:98),amahoro(Zaburi119:165;Yesaya48:18),gukiranuka(Gutegeka6:25 ;Yes.48:18), ubuzima bwejejwe kandi buboneye (Imigani 7:1-5), kumenya ukuri(Yohana 7:17),kwirinda indwara (Kuva15:26); kurama (Imigani 3;1,2;4:10),ubwishingizi bwo gusubizwa kw'amasengesho yacu(1Yohana 3;22,Zaburi 66:18).

Igihe iduhamagarira kuyumvira,Imana idusezeranira imigisha myinshi (Abalewi 26:3-10; Gutegeka 28:1-12).Iyo twemeye umuhamagaro wayo tutajuyaje tuyihindukira"amaronko", "abatambyi b'ubwami n'ubwoko bwera" (Kuva 19:5,6;1 Petero 2:5,6) "abasumba amahanga yose yo mu isi, tukaba "umutwe aho kuba umurizo" (Gutegeka 28:1,13).

## IGICE CYA 20

## ISABATO

***Iminsi itandatu yo kurema irangiye, Umuhanzi w'ibyiza byose yaruhutse ku munsi wa karindwi maze ashyiraho Isabato nk'urwibutso rw'Irema ku nyokomuntu yose. Itegeko rya kane ryo mu mategeko y'Imana adahinduka risaba kubahiriza uwo munsi wa karindwi w'icyumweru nk'umunsi w'ikiruhuko wo kuramya no kwigisha mu buryo buhamanya n'inyigisho ya Yesu we Mwami w'Isabato. Isabato ni umunsi w'umushyikirano unejeje hagati yacu n'Imana no hagati yacu na bagenzi bacu.Ni igishushanyo cyo gucungurwa kwacu muri Kristo, ikimenyetso cyo kwezwa kwacu, ubuhamya bwo kumvira kwacu n'umusogongero w'imibereho yacu y'ahazaza mu bwami bw'Imana. Isabato ni ikimenyetso gihoraho cy'isezerano ry'iteka ryose hagati y'Imana n'ubwoko bwayo. Kubahiriza icyo gihe cyera unezerewe, kuva ku mugoroba ukageza ku wundi, kuva izuba rirenze ukageza kurindi rirenze, ni ukwizihiza umurimo w'Imana wo kurema no gucungura(Itang.2:1-3;Kuva 20:8-11;Luk.4:16;Yes.56:5,6;58:13,14;Mat.12:1-12;Kuva 31:13-17;Ezek.20:12,20;Gutegek 5:12-15;Abeh.4:1-11;Abalewi 23:32;Mar.1:32).***

Adamu na Eva batemberanye n'Imana muri Paradizo yari yabahaye.Ibintu byose byagaragariraga amaso yabo byari byiza bihebuje. Mu gihe ku wagatandatu izuba ryagendaga rirenga buhoro buhoro, inyenyeri nazo zatangiye kugaragara. " Imana ireba ibyo yaremye byose, n'uko byari byiza cyane" ( Itangiriro 1:13). " Ijuru n'isi n'ibirimo byose birangira kuremwa" (Itangiriro 2:1).
Ariko nubwo isi Imana yari imaze kurema yari nziza bitangaje, impano ihebuje yashakaga guha umugabo n'umugore yari imaze kurema yari ikubiye mu mahirwe yo kunoza umubano hagati yayo nabo. Niyo mpamvu yabahaye Isabato nk'umunsi wihariye w'umugisha no gusabana n'umuremyi wabo.

### Isabato muri Bibiliya

Isabato ifite umumaro w'ibanze mu kuramya Imana.Nk'urwibutso rw'irema, kuba yarashyizweho bigaragaza Impamvu Imana igomba gusengwa: ni umuremyi natwe tukaba ibiremwa byayo. "Rero Isabato ni urufatiro rwo gusengwa kw'Imana kubera ko yigisha uko kuri gukomeye mu buryo bwihariye mu kumvikanisha ibintu kurenza ikindi kintu icyo ari cyo cyose cyashyizweho. Impamvu nyakuri yo kuramywa kw'Imana, bitari kuwa karindwi gusa, ahubwo no mu kundi kuramya kose, igaragara mu itandukaniro riri hagati y'umuremyi n'ibiremwa bye.Iryo hame ntirihinduka kandi ntirigomba gusibwa mu ntekerezo."Imana yashyizeho Isabato kugira ngo umuntu ahore yibuka ibyo iteka.

**Isabato mu Irema.** Isabato yabayeho isi itaragerwamo n'icyaha. Ni impano y'Imana yihariye ishoboza inyokomuntu kubaho imibereho y'ijuru ku isi. Isabato yagaragajwe n'ibikorwa bitatu by'Imana:

***1. Imana yaruhutse ku munsi w'Isabato.***"Ku munsi wa karindwi Imana yararuhutse"(Kuva 31:17),nyamara ntiyaruhutse kuko yari ikeneye ikiruhuko(Yesaya 40:28). Inshinga "Kuruhuka", Shabbath(shabafu) ubusanzwe isobanura "Guhagarika" umurimo cyangwa igikorwa (Itang 8:22). Imana ntiyaruhutse kubera ko yari iguye agacuho cyangwa se kuko yari inaniwe ahubwo byari uguhagarika igikorwa yari imaze gukora".
Imana yaruhutse kubera ko yashakaga ko abantu baruhuka; iba ihaye inyokomuntu urugero rwo gukurikiza (kuva 20:11).
Ariko se niba Imana yararangije umurimo wayo wo kurema ku wa gatandatu (Itang 2:1), ahavuga ko " Ku munsi wa karindwi Imana yarangije imirimo yakoze" (Itang 2:2) hashaka kuvuga iki? Mu by'ukuri, Imana yari yarangije kurema ijuru n'isi ku mpera y'iyo minsi itandatu, ariko na none yagombaga gushyiraho Isabato.Imana yaremye Isabato igihe yayiruhukaga.Gushyirwaho kw'Isabato kwabaye umusozo w'umurimo wayo.

***2.Imana yahaye umugisha Isabato.*** Imana ntiyaremye isabato gusa,yanayihaye umugisha. "Umugisha Imana yahaye Isabato washakaga kugaragaza ko Isabato ari akarusho k'Imana, umunsi wari kuzaba isoko y'umugisha kubiremwa byayo".

***3.Imana yejeje Isabato.*** Kweza ikintu runaka ni ukukigira icyera, kugishyirira iruhande gukora umurimo wera. Abantu,ahantu (nk'ubuturo bwera, urusengero) cyangwa igihe cyihariye (iminsi mikuru) bibasha kwezwa. Kuba Imana yarejeje umunsi wa karindwi bisobanuye ko uwo munsi wera, yawushyize iruhande ngo ikuze umubano hagati yayo n'abantu.
Imana yahaye umugisha kandi yeza umunsi wa karindwi kubera ko muri uwo munsi, yaruhutse imirimo yayo yose. Ntiyayihaye umugisha kubwayo, ahubwo ni kubw'inyokomuntu.
Isabato ihabwa umugisha kandi ikezwa no kuba Imana iyirimo.

**Isabato kuri Sinayi**.
Ibikorwa byakurikiye iyimukamisiri ry'Abisirayeli byagaragaje ko mu buryo bukomeye bari baratakaje ubusobanuro bw'Isabato.Amategeko akomeye y'uburetwa bari barakoreshejwe yari yaratumye gukomeza Isabato biba ingorabahizi.Ariko nyuma y'igihe gito bamaze kubaturwa,Imana ibinyujije mu gitangaza cya Manu no gutangaza amategeko cumi yabibukije ko ari imshingano yabo kuziririza Isabato.

***1. Isabato na Manu*.**
Ukwezi kumwe mbere yuko amategeko atangazwa ku musozi wa Sinayi, Imana yasezeraniye ubwoko bwayo kuburinda indwara, nibaramuka bateze amatwi amategeko yayo kandi bakubahiriza amategeko yayo yose(Kuva 15:26,Itang 26:5). Nyuma y'igihe gito iryo sezerano ritanzwe Uwiteka yabibukije ukwera kw'Isabato.Akoresheje igitangaza cya Manu, yabigishije mu buryo bufatika umumaro kumvira ikiruhuko cy'umunsi wa karindwi byari bibafitiye.

Buri munsi w'icyumweru, Imana yahaga abisirayeli manu ihagije yo guhaza ubukene bwabo bw'uwo munsi;ntabwo bagombaga kugira icyo baraza,kugira ngo bitabora (Kuva 16:4, 14-19). Ku munsi wa gatandatu bagombaga gutoragura manu ihwanye n'inshuro

ebyiri z'iyo batoraguraga ubusanzwe, kugira ngo babone ibibahaza kuri uwo munsi no ku munsi w'Isabato. Mu rwego rwo kubinjizamo igitekerezo cy'uko umunsi wa gatandatu wagombaga kuba umunsi wo kwitegura n'uburyo bagombaga kuziririza Isabato,Imana yaravuze iti:"Ejo uzaba umunsi wo kuruhuka, Isabato yejerejwe Uwiteka".

Mwotse icyo mushaka kotsa, mubibike birare bigeze mugitondo (Kuva 16:23). Umunsi umwe rukumbi manu yashoboraga kurara ntiyangirike wari uwa karindwi (Kuva 16:24). Mu mvugo ihwanye n'iy'itegeko rya kane, Mose yaravuze ati"Mu minsi itandatu mujye mubiteranya, ariko uwa karindwi ni wo Sabato, kuri wo ntibizajya biboneka" ( Kuva 16:26).

Bityo mu myaka mirongo ine ni ukuvuga amasabato yikurikiranye arenga 2000 Abisirayeli bamaze mu butayu, igitangaza cya Manu cyabibukije iyo njyana yo kubaho yerekeye iminsi itandatu yo gukora n'umunsi wo kuruhuka ari wo wa karindwi w'icyumweru.

***2.Isabato n'amategeko***.

Imana yashyize Isabato hagati mu mategeko cumi. Itegeko rijyanye nayo rivuga ritya " Wibuke kweza umunsi w'isabato, mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukora imirimo yawe yose. Ariko umunsi wa karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe: Ntukagire umurimo wose uwukoraho wowe ubwawe cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe cyangwa umuja wawe cyangwa itungo ryawe cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu. Kuko mu minsi itandatu arimo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose akaruhuka ku wa karindwi:Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'Isabato akaweza"
(Kuva 20:8-11).

Amategeko yose yo mu mategeko cumi ni ingenzi, kandi nta na rimwe rigomba gusuzugurwa(Yakobo 2:10); ariko mu buryo bwihariye Imana yashimangiye itegeko ry'Isabato iritangiza aya magambo "Ujye wibuka…" byibutsa abantu akaga ko kwibagirwa umumaro waryo.

Amagambo "Wibuke kweza umunsi w'Isabato" ahamya ko Isabato itahangiwe kuri Sinayi, ahubwo ayo magambo yerekana ko yabayeho kera;ni ukuvuga mu irema nkuko igice cya kabiri cy'amategeko kibigaragaza.Umugambi w'Imana wari uko twubahiriza Isabato nk'urwibutso rw'irema. Iryo tegeko rigaragaza umunsi ugomba kwerezwa ikiruhuko no kuramya kandi rikaturarikira guhanga amaso Imana n'imirimo yayo.
Nk'urwibutso rw'irema, kubahiriza Isabato ni urukingo rwo gusenga ibigirwamana.Mu kutwibutsa ko Imana yaremye ijuru n'isi Isabato itandukanya Uwiteka n'ibigirwamana. Bityo rero kubahiriza Isabato ni ikimenyetso cy'uko twubashye Imana y'ukuri, ikimenyetso cy'uko tuzirikanye ko ari umugenga wa byose nk'Umuremyi n'Umwami.

Itegeko ry'Isabato rigaragara nk'ikirango cy'amategeko y'Imana. Muri rusange ikirango kiba kigizwe n'ibintu bitatu: Izina rya nyiracyo, umwanya we n'ububasha bwe. Ibirango byo mu buyobozi bikoreshwa mu guha ibyangobwa agaciro gakomeye.Inyandiko ifite zigira ubushobozi bwa nyiri icyo kirango cyazishyizweho.Ikirango kivuga ko umuyobozi ubwe yemeye cyashizweho mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ko imbaraga z'ubuyobozi bwe bugiherekeje.

Mu mategeko cumi, iryerekeye Isabato ni ryo rikubiyemo ingigo z'ingenzi zigize ikirango.Mu mategeko icumi iry'isabato ni ryo ryonyine rigaragaza ibintu by'ibanze biranga ikirango.Ni ryo ryonyine muri ayo icumi rigaragaza Imana y'ukuri rikanavuga izina ryayo"Uwiteka Imana yawe" rigaragaza umwanya wayo"Uwiteka yakoze …"Umuremyi kandi rigaragaza aho ubuyobozi bwayo bugarukira"Ijuru n'isi" (Kuva 20:10,11).Kuva itegeko rya kane ari ryo ryonyine rigaragaza ububasha bw'uwatanze ayo mategeko cumi "rikubiyemo rero ikirango cy'Imana cyashyizwe ku mategeko yayo nk'igihamya cyo kubonera n'imbaraga byayo".

Bityo, Imana yagize Isabato "urwibutso cyangwa ikimenyetso cy'ubushobozi
n'ubuyobozi bwayo mu isi yaziraga icyaha no kwigomeka uko ariko kose.
Itegeko ry'uko yagombaga guhora yubahirizwa rishingiye kuri aya magambo"Wibuke kweza umunsi w'Isabato" (kuva 20:8).
Iri tegeko rigabanya icyumweru mo imigabane ibiri.Imana yahaye umuntu
iminsi itandatu agomba gukoramo imirimo ye yose, ariko iramubwira iti, umunsi wa karindwi
"ntukagire umurimo wose uwukoraho" (kuva 20;9,10). Dukurikije iryo tegeko,
"Iminsi itandatu ni iminsi y'akazi, naho umunsi wa karindwi ni umunsi wo
kuruhuka. Kuvuga ngo umunsi wa karindwi ube umunsi w'ikiruhuko cy'Imana gusa
bikomoka mu kuba itegeko ritangiza aya magambo"Wibuke kweza umunsi w'Isabato."

Nubwo abantu bagaragaza muri kamere yabo ko bakeneye kuruhuka k'umubiri ngo
basubizwemo intege, Imana yo yifuza ko baruhuka ku munsi w'Isabato bakurikije urugero rwayo.
Kuva yararuhutse imirimo yayo kw'iherezo ry'icyumweru cya mbere cy'irema, natwe tugomba kuruhuka.

***3.Isabato n'isezerano***. Nkuko amategeko y'Imana yari ipfundo ry'isezerano (kuva 31:27),
ni nako Isabato iri hagati mu mategeko, ifata umwanya wa mbere muri iryo sezerano.
Imana yavuze iby'Isabato iti"Nabahaye amasabato yanjye,
nk'ikimenyetso hagati yanjye nabo,kugira ngo bamenye ko ndi Uwiteka ubeza."
(kuva 20:12, Ezekiel 20:20, kuva 31:17).Na none Isabato yitwa " Isezerano ridakuka" (kuva 31:16).
"nk'uko isezerano rishingiye ku rukundo Imana ikunda ubwoko bwayo (Gutege 7:7,8),
niko Isabato, nk'ikimenyetso cy'isezerano, ari ukwigaragaza kw'urukundo rw'Imana**.**

***4.Amasabato ya buri mwaka*.**
Uretse amasabato ya buri cyumweru (Abalewi 23:3),
Kalendali y'iyobokamana ya Isirayeli yari ifite amasabato arindwi ya buri mwaka yo
kuziririzwa. Ayo masabato ya buri mwaka ntabwo mu buryo bwahuranije,
yari afitanye isano n'Isabato yo ku munsi wa karindwi cyangwa se ya buri cyumweru.
Ayo masabato yagombaga kubahirizwa "wongeyeho amasabato y'Uwiteka" (Lewi 23:38), yaziririzwaga umunsiwa mbere n'uwa nyuma w'umunsi mukuru w'Imitsima idasembuwe, umunsi wa pentikoti, umunsi mukuru w'Amakondera, umunsi w'Impongano n'umunsi wa mbere

n'uwa nyuma w'umunsi mukuru  w'Ingando" (Lewi 23:7,8, 21,24,25,27,28,35,36).

Kuva itariki y'ayo masabato yari ishingiye ku itangira ry'umwaka w'iyobokamana wabarwaga hakurikijwe kalendali y'ukwezi ayo masabato yo kuziririzwa yashoboraga kugwa ku munsi uwo ariwo wose w'icyumweru, nkuko biba ku minsi mikuru yacu twizihiza igihe icyo ari cyo cyose. Igihe imwe muri ayo masabato yabaga ku munsi w'Isabato wa buri cyumweru, witwaga "umunsi ukomeye" (Yohana 19:31).

"Mu gihe Isabato ya buri cyumwer yahawe inyokomuntu yose ku iherezo ry'icyumweru cy'irema,
amasabato ya buri mwaka yo yari amwe mu migenzo n'iminsi mikuru y'Abayuda yatangiwe kuri Sinayi,[…] yashushanyaga kuza kwa mbere kwa Mesiya;"kandi kuziririzwa kwayo kwarangiranye n'urupfu rwe rwo ku musaraba."

**Isabato na Kristo.** Bibiliya yigisha ko Kristo yari umuremyi nk'uko  Data nawe ari ( 1Korinto 8:6;
Abaheb 1:1,2; Yohana 1:3).Bityo rero, umwana w'Imana ni we washyize umunsi wa karindwi w'icyumweru ku ruhande nk'umunsi w'ikiruhuko cy'inyokomuntu.

Mu gihe gikwiriye, Kristo yahuje Isabato n'umurimo we wo gucungura nkuko Yari yarayihuje n'umurimo we wo kurema. Kuva ubwe ari "NDIHO" ukomeye (Yohana 8:58; Kuva 3:14),yashyize Isabato mu mategeko cumi nk'urwibutso rukomeye rw'iyo gahunda ya buri cyumweru yashyiriweho kuramya Umuremyi.
Na none Uwiteka yagaragaje indi mpamvu yo kubahiriza Isabato : Gucungurwa k'ubwoko bwayo
(Gutegeka 5;14,15). Bityo Isabato igaragaza abemeye Yesu nk'umuremyi n'umukiza.

Umumaro w'uburyo bubiri wa Kristo nk'umuremyi n'umucunguzi ugaragaza neza impamvu nk'umwana w'umuntu,yiyitaga "Umwami w'Isabato" (Mariko 2:28). Kuva yari afite ububasha nk'ubwo,yashoboraga gukuraho Isabato iyo aza kubona ari ngombwa, ariko ntabwo yabikoze. Ahubwo yayihaye abantu bose ubwo yavugaga ati: "Isabato yabayeho ku bw'umuntu" (umurongo 27).

Mu gihe yakoraga umurimo we hano ku isi, Kristo yatubereye urugero rwo kubahiriza Isabato by'ukuri. Yari "yaramenyereye" kujya mu isinagogi ngo asengereyo kuri uwo munsi (Luka 4:16).Kugira uruhare kwe mu mirimo y'iyobokamana ku munsi w'Isabato bigaragaza ko yemeraga rwose kubahiriza uwo munsi wo kuramya.Yesu yahaga agaciro kwera kw'isabato ku buryo igihe yavugaga iby'akarengane kendaga  kuba amaze gusubira mu Ijuru ,yabagiriye iyi nama: "Musenge kugira ngo guhunga kwanyu kutaba mu gihe cy'imbeho, cyangwa ku munsi w'Isabato"(Matayo24:20).Nk'uko Yonatani Eduwali (Jonathan Edward) yabigaragaje, ibyo bigaragaza "ko ndetse na nyuma y'icyo gihe, Abakristo bagombaga rwose kubahiriza Isabato."

Igihe Kristo yari arangije umurimo we wo kurema ari cyo gikorwa cya mbere cy'ingenzi mu mateka y'isi, yaruhutse ku munsi wa karindwi.Icyo kiruhuko cyasobanuraga Kurangira cyangwa kuzura.

Na none niko yabigenje ku iherezo ry'umurimo we ku isi, igihe yari arangije igikorwa cye cya kabiri gikomeye cyo mu mateka. Ku wa gatandatu nimugoroba, yashoje umurimo we wo gucungura isi, aravuga ati: "Birarangiye!" (Yohana 19:30).

Ibyanditswe byera bisobanura ko mu gihe yapfaga, "wari umunsi wo kwitegura, kandi Isabato yari igiye gutangira" (Luka 23:54).Amaze gupfa aruhukira mu gituro, bityo agaragaza ko yamaze gusohoza gucungurwa kw'inyokomuntu.
Bityo Isabato ihamya umurimo wo kurema no gucungura wa Yesu Kristo.Binyuze mu kwizihiza uwo munsi abayoboke be banezeranwa na we mu cyo yakoreye inyokomuntu.

**Isabato n'intumwa**. Abigishwa ba Yesu bubahaga Isabato babikuye ku mutima.Ibi byagaragaye igihe Yesu yapfaga. Igihe Isabato yari igeze, bahagaritse imyiteguro yo gushyingura maze baruhuka Isabato nkuko amategeko abivuga, bateganya gukomeza uwo murimo ku wa mbere w'iminsi irindwi (Luka 23:56; 24:1).

Intumwa zakomezaga Isabato buri cyumweru zikurikije urugero rwa Kristo. Mu ngendo ze z'ubutumwa, Pawulo yinjiraga mu Isinagogi ku munsi w'Isabato akabwiriza ubutumwa bwiza bwa Kristo(Ibyakozwe 13:14; 17:1,2;18:4). Ndetse n'abanyamahanga bamutumiraga kubabwiriza Ijambo ry'Imana ku munsi w'Isabato (Ibyakozwe 13:42,44).Mu bice byababaga bidafite amasinagogi yashakaga aho abizera babaga bateraniye bubahiriza Isabato( Ibyakozwe 16:13).Nkuko kugira uruhare kwa Yesu mu mirimo y'iyobokamana yakorwaga ku munsi w'Isabato byererekanaga ko yemera Isabato nk'umunsi wihariye wo kuramya ,ni nako byari biri kuri Pawulo. Uku kumvira nyakuri kw'intumwa zizirikiza Isabato ya buri cyumweru byari bihabanye rwose n'uko bafataga amasabato ya buri mwaka.Yahamyaga nta mbembya ko abakristo batagombaga guhatirwa na rimwe kubahiriza iyo minsi y'ikiruhuko ya buri mwaka kubera ko Yesu yari yarabambye amategeko y'imihango ku musaraba (reba igice cya 19 cy'iki gitabo).Yaranditse ati:"Nuko rero ntihakagire ubacira urubanza kubwo ibyo murya cyangwa ibyo munywa, cyangwa kubwo iminsi mikuru, cyangwa kubwo kuzirikiza imboneko z'ukwezi, cyangwa amasabato. Kuko ibyo ari igicucu cy'ibizaba, naho umubiri wabyo ufitwe na Kristo." (Kolosayi 2:16,17). Kuva"aya magambo yerekeza ku migenzo,amasabato arimo kuvugwa aha ni amasabato y'imihango n'imigenzo bya kiyuda byari "igicucu" cyangwa igishushanyo cy'ibyagombaga gusohorezwa muri krsisto". Na none kandi mu Bagalatiya Pawulo yongeye kubabuza kuzirikiza ibyo amategeko y'imihango yategekaga"Muzirikiza iminsi n'amezi n'ibihe n'imyaka! Ndatinya ahari ko ibyo nabakoreye naruhijwe n'ubusa" (Galatiya 4:10,11).

Benshi bibwira ko Yohana yavugaga icyumweru ( uwa mbere w'iminsi irindwi) igihe yandikaga ati" Ku munsi w'Umwami nari mu mwuka…" (Ibyah 1:10).Nyamara nkuko Bibiliya ivuga, Isabato ni wo munsi wonyine uvugwa ko ari uw'Uwiteka ubwawo. Kristo yaravuze ati "umunsi wa karindwi, ni wo Sabato y'Uwiteka, Imana yawe" (Kuva 20:10), ahandi yita Isabato " umunsi wanjye wera" (Yesaya 58:13). Mu yandi magambo, nk'uko twabibonye haruguru, Yesu yiyita "Umwami w'Isabato" (Mariko 2:28). Kuva mu byanditswe byera umunsi umwe rukumbi Uwiteka yita umunsi we ari Isabato ya buri cyumweru, birumvikana neza ko dushobora kwanzura ko "Umunsi w'umwami" Yohana avuga mu byahishuwe 1:10 atari uwundi uretse Isabato y'umunsi wa karindwi. Ntahandi

hantu na hamwe muri Bibiliya hatwemerera gukoresha ayo magambo ku munsi wa mbere w'icyumweru (Sunday).

Nta hantu na mwe muri Bibiliya hadutegeka kuziririza umunsi uwo ari wo wose uretse Isabato. Ntawundi munsi numwe witwa uwahawe umugisha cyangwa wera. Nta na hamwe mu Isezerano rishya havuga ko Imana yahinduye Isabato mo undi munsi w'icyumweru.

Ahubwo Ijambo ry'Imana rihishura ko Uwiteka yifuzaga ko ubwoko bwe buziririza Isabato by'iteka ryose. "Nk'uko ijuru rishya n'isi nshya nzarema bizahoraho imbere yanjye, niko urubyaro rwawe n'izina ryawe bizahoraho niko Uwiteka avuga. Igihe kizaza uhereye mu mboneko z'ukwezi ukageza mu mboneko z'ukundi no guhera ku Isabato ukageza kuyindi, abantu bose bazajya baza gusenga imbere yanjye niko Uwiteka avuga." (Yesaya 66:22,23).

## Ubusobanuro bw'isabato.

Isabato yuzuye ubusobanuro bwagutse kandi ibumbatiye iby'umwuka bihagije.

***1.Urwibutso ruhoraho rw'irema.***Nkuko twabibonye,ubusobanuro bw'ibanze amategeko cumi aha Isabato ni uko Imana yayishyiriyeho kuba urwibutso rwo kuremwa kw'isi (Kuva:20:11,12).Itegeko ryerekeye ku kuziririza umunsi wa karindwi nk'Isabato" ryomatanye cyane n'igikorwa cyo kurema, kandi gushyirwaho kw'Isabato n'andi mategeko ashamikiye kuri ryo byombi ni ingaruka itaziguye y'igikorwa cy'irema.
Ikindi kandi, umuryango w'abantu wose uko wakabaye ukomora kubaho kwawo mu gikorwa cyo kurema kw'Imana; cyibukwa muri ubwo buryo. Bityo, itegeko ryo kubahiriza iteka ry'Isabato nk'urwibutso rw'imbaraga y'Imana yo kurema rireba inyokomuntu yose." Uwitwa Strong( Sitoronge) yita Isabato "Itegeko rihoraho ryatanzwe n'Imana nk'urwibutso rw'igikorwa cy'irema".
Abayiziririzaga nk'urwibutso rw'irema babikoraga bazirikana ko "Imana ari Umuremyi n'Umugenga wabo w'ukuri,kandi ko ubwabo ari umurimo w'intoki zayo,n'abantu bari munsi y'ubuyobozi bwayo.Bityo uko gushyirwaho kw'Isabato kwari urwibutso rwuzuye kandi rwahawe abantu bose. Ntakindi nakimwe yari ibereyeho gushushanya kandi ntabwo yaribereyeho ubwoko bwihariye." Igihe cyose tuzaba tukiramya Imana nk'Umuremyi wacu, Isabato izaba ikimenyetso n'urwibutso rw'irema.

***2.Igishushanyo cyo gucungurwa.***Igihe Uwiteka yacunguraga Isirayeli mu buretwa bwa Egiputa, Isabato yari yaramaze kuba urwibutso rw'irema ,yahise na none ihinduka urwibutso rwo kubaturwa (Gutegeka 5:15). Umugambi w'Imana wari uko ikiruhuko cy'Isabato ya buri cyumweru iyo kiza kubahirizwa mu buryo bukwiye,cyagombaga gukomeza kubatura umuntu mu bubata bwa "Egiputa" itari iy'igihugu runaka kigaragara cyangwa y'igihe runaka,ahubwo y'ahantu hose n'igihe cyose.Umuntu wa none akeneye kubaturwa mu bubata bukomoka ku gukunda iby'isi,ubw'indonke n'icyubahiro, mu gusumbana kw'abantu,ubw'icyaha no kwikunda."

Ikiruhuko cy'Isabato kigaragara nk'igishushanyo cyihariye cyo gucungurwa, iyo tukirebeye mu mucyo w'umusaraba."Ni urwibutso rwo kuva mu bubata bw'icyaha tukemera kuyoborwa na Immanweli. Umutwaro urusha iyindi kuremera tugomba kwikorera ni

uw'igishinja giterwa no kutumvira kwacu.Ikiruhuko cy'Isabato,mu kutwibutsa ikiruhuko Yesu yaruhutse mu gituro ubwo yatahukanaga insinzi ku cyaha,iha umukristo uburyo bwo kwakira no kugendera mu mbabazi, mu mahoro no mu kiruhuko cya Kristo."

***3.Ikimenyetso cyo kwezwa.***Isabato ni ikimenyetso cy'imbaraga y'Imana ihindura, ikimenyetso cyo kwera no kwezwa " Ntimukabure kuziririza amasabato yanjye, kuko ari ikimenyetso hagati yanjye namwe n'urubyaro rwanyu muzamenyeraho ko ndi uwiteka ubeza"(Kuva 31:13;Ezekiel 20:20). Nuko rero na none Isabato ni ikimenyetso kitubwira ko Uwiteka ari we utweza.Nk'uko abantu bezwa n'amaraso ya Kristo (Abah 13:12), Isabato ni ikimenyetso cyerekana ko umwizera yemeye amaraso ye kugira ngo ababarirwe ibyaha bye.

Nk'uko Imana yikubitiye Isabato ngo ikoreshwe ibyera, ni nako yikubitiye ubwoko bwayo ku bw'umugambi wera ari wo wo kuyibera abahamya bihariye.Umushyikirano wari hagati y'Uwiteka n'ubwoko bwe icyo gihe wayoboraga ku kwera; bigaga kutishingikiriza ku mbaraga zabo bwite ,ahubwo bigaga kwishingikiriza ku Mana yo ibeza.

"Imbaraga yaremye ibintu byose ni nayo yongera kurema umuntu mu ishusho yayo.Nuko rero, Isabato ni ikimenyetso cyo kwezwa kubayiziririza nk'umunsi wera.Kwezwa nyakuri ni uguhamanya n'Imana, no kwisanisha n'imico yayo.Umuntu yakira uko kwezwa iyo yumviye amahame agaragaza imico yayo. Bityo Isabato ni ikimenyetso cyo kumvira.Uwumvira itegeko rya kane abikuye ku mutima, azanumvira amategeko yose uko yakabaye. Yezwa kubwo kumvira."

***4.Ikimenyetso cyo kumvira.***Nkuko kudahemuka kw'Adamu na Eva kwageragereshejwe igiti cy'ubwenge bumenyekanisha icyiza n'ikibi cyari hagati mu ngobyi ya Edeni,ni nako kudahemukira Imana kw'abantu bose kuzageragereshwa itegeko ry'Isabato riri hagati mu mategeko cumi y'Imana.

Bibiliya igaragaza ko mbere y'uko Yesu agaruka, abantu bazagabanywamo amatsinda abiri: ku ruhande rumwe hazaba hari abayumvira kandi "bakitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera kwa Yesu", ku rundi ruhande abaramya "inyamaswa n'igishushanyo cyayo" (Ibyahish 14:12,9). Icyo gihe ukuri kw'Imana kuzashyirwa ahabona imbere y'isi yose, kandi bizagaragarira bose ko kubaha Isabato ya buri cyumweru nk'uko Ibyanditswe byera bivuga ari ikimenyetso cyo kumvira umuremyi.

***5.Igihe cyo gusabana n'Imana.***

Uwiteka yaremye inyamaswa kugira ngo zibane n'umuntu(Itang 1:24,25).Imana yahaye umugabo n'umugore amahirwe yo gusenyera umugozi umwe, nka gahunda ihebuje cyane ibindi byose (Itangiriro 2:18-25).Ariko binyuze mu Isabato,Imana yahaye umuntu impano imuha uburyo bwo gusabana buhebuje ari bwo gusabana nayo.Ibiremwa muntu ntabwo byaremewe gusabana n'inyamaswa gusa cyagwa se bagenzi babo, byaremewe guhesha Imana ikuzo.

Ku munsi w'Isabato niho twiyumvamo mu buryo bwihariye ko Imana iri kumwe natwe.Icyo kiruhuko cya buri cyumweru kitariho, imibereho yacu yose yaba ari umurimo no kuvunika bitagira iherezo.
Iminsi yose yaba ari kimwe kubera ko yaba irimo gukurikirana ibitagira umumaro.Ariko iyo umunsi w'Isabato ugeze, uzana ibyiringiro, umunezero, n'akanyabugabo kandi bigaha imibereho yacu agaciro.Iduha igihe gikwiriye cyo gushyikirana n'Imana kubwo kuramya, gusenga, indirimbo, kwiga no gutekereza ku ijambo ryayo no mu kumenyesha abandi ubutumwa bwiza. Bityo rero, Isabato ni igihe cyihariye cyo kubana n'Uwiteka.

***6.Ikimenyetso cyo gutsindishirizwa kubwo kwizera*.**Abakristo bazi neza ko binyuze mu mucyo w'umutima umurikiwe, abatari abakristo bashaka ukuri babikuye ku mutima, Umwuka Wera abasha kubageza ku gusobanukirwa n'amahame y'ingenzi y'amategeko y'Imana(Roma 2:14-16). Ibi rero bisobanura impamvu nyayo abantu benshi batari no mu bakrisito bagerageza kwitondera amategeko icyenda y'Imana,nyamara bakananirwa itegeko rya kane ry'Isabato.

Abantu benshi bemera bitabagoye ko umunsi w'ikiruhuko wa buri cyumweru ukenewe,nyamara,bananirwa gusobanukirwa n'impamvu umurimo ukorwa mu minsi itandatu ibanza y'icyumweru ari inshingano bategetswe, ariko ko uwo murimo uhinduka icyaha iyo ukozwe ku munsi wa karindwi.

Nubwo bimeze bityo nta kintu na kimwe cyo mu byaremwe kitubwira ko ari ngombwa kuziririza umunsi wa karindwi. Imibumbe izenguruka mu nzira yayo, ibimera birakura, imvura n'izuba bigakurikirana n'inyamaswa nazo zigakomeza kubaho nk'aho iminsi yose ari kimwe.None se ni mpamvu ki abantu bagomba kuziririza umunsi wa karindwi ari wo Sabato? "Ku mukristo hari impamvu imwe rukumbi,ariko irahagije:Imana yarabivuze."

Ku bwo kugendera ku cyo Uwiteka ubwe yahishuye mu ijambo rye byonyine nibwo ubasha gusobanukirwa impamvu yo kuziririza Isabato.Abubaha umunsi wa karindwi babikora iyo bemeye kuyoborwa no kwizera Yesu Kristo wategetse kuyiziririza.
Iyo abizera bubashye Isabato baba bagaragaje ko biteguye kwishyira mu bushake bw'Imana mu mibereho yabo aho kwishingikiriza ku gushyira mu gaciro kwabo.

Iyo Abakristo beza umunsi wa karindwi w'icyumweru ntabwo baba bashaka kwitsindishiriza imbere y'Imana.Ahubwo kuziririza Isabato kwabo ni imbuto zo gusabana na Kristo umuremyi n'umucunguzi.Kuziririza umunsi w'Isabato ni imbuto yo gukiranuka kuzanwa no gutsindishirizwa no kwezwa bituruka ku Mana kandi guhamya ko abo bizera babatuwe mu bubata bw'icyaha maze bagahabwa gukiranuka kwe gutunganye.

"Igiti cya avoka ntabwo gihinduka cyo kubera ko cyeze amavoka.Mbere na mbere kigomba kubanza kuba igiti cy'avoka, hanyuma kikera amavoka byizanye. Bityo, umukristo nyakuri ntabwo aziririza Isabato cyangwa andi mategeko icyenda yo mu mategeko cumi ngo bimugire umukiranutsi, ahubwo uko kuziririza amategeko ni imbuto yo gukiranuka yahawe na Kristo. Ukomezanya Isabato uwo mutima ntabwo aba yikirisha amategeko(Legaliste), kubera ko kuri we kuziririza umunsi wa karindwi ari ukugaragaza

inyuma gutsindishirizwa no kwezwa yamaze kwakira.Nuko rero uziririza Isabato by'ukuri, ntareka imirimo ibuzanyijwe ku Isabato kugira ngo Imana imwemere, ahubwo biterwa nuko akunda Uwiteka kandi akaba ashaka gukoresha Isabato yose mu gusabana nawe.

Kuziririza Isabato bigaragaza ko twamaze kuzinukwa kwishingikiriza ku mirimo yacu ubwacu kandi tukaba tuzi neza ko Yesu Kristo wenyine umuremyi wacu abasha kudukiza. Bityo, "Umutima ukoreshwa no kuziririza Isabato nyabyo uhamya urukundo ruhebuje ukunda Yesu Kristo, Umuremyi n'Umukiza, utugira ibiremwa bishya. Adushoboza kuziririza mu buryo nyakuri umunsi nyakuri w'ikiruhuko nk'ikimenyetso cyo gutsindishirizwa kubwo kwizera."

***7. Ikimenyetso cy'ikiruhuko muri Yesu Kristo***

Isabato, urwibutso rw'Imana ikura ishyanga rya Isirayeri mu bubata bwo mu gihugu cya Egiputa ikabajyana muri Kanani ya hano ku isi,yatandukanyaga Isilayeri n'abanyamahanga.Ni muri ubwo buryo, Isabato ari ikimenyetso cyo kubaturwa mu cyaha ukabona uburuhukiro bw'Imana, ni ikimenyetso gitandukanya ubwoko bwacunguwe n'andi mahanga asigaye.

Kuko uwinjiye mu buruhukiro bw'Imana itanga na we aba aruhutse imirimo ye nk'uko Imana yaruhutse iyayo(Abah 4:10)."Iki kiruhuko ni ikiruhuko cyo mu buryo bw'umwuka, ikiruhuko cy'imirimo yacu bivuga kuva mu cyaha.Ni muri icyo kiruhuko Imana ihamagarira ubwoko bwayo kwinjira kandi ni nacyo Isabato na Kanani bishushanya."

Igihe Imana yarangizaga umurimo w'irema hanyuma ikaruhuka ku munsi wa karindwi, yahaye Adamu na Eva amahirwe yo kuruhukira muri yo mu munsi w'Isabato.Nubwo batumviye, gahunda Imana yari ifitiye umuntu yo kumuha icyo kiruhuko ntiyigeze ihinduka. Nyuma yo kugwa, Isabato yagumyeho nk'urwibutso rw'icyo kiruhuko cya mbere.
"Kuruhuka buri cyumweru ku munsi wa karindwi ntibyerekana gusa kwizera Imana nk'umuremyi w'ibintu byose, byerekana n'icyizere cy'ububasha bwo guhindura ubuzima bw'abagabo n'abagore no kubatunganyiriza kwinjira mu kiruhuko cy'iteka ryose cyateganirijwe abatuye isi."

Imana yari yarasezeranyije Abisirayeri bo ku mubiri ikiruhuko cyo mu buryo bw'umwuka.Nyamara nubwo bananiwe kucyinjiramo,Imana iracyararika iti: "Haracyariho ikiruhuko cy'Isabato ku bwoko bw'Imana" (Abaheburayo 4:9).Abantu bose bashaka kwinjira muri ubwo buruhukiro « bagomba kubanza kwinjira,kubwo kwizera, mu buruhukiro bw'umwuka bw'Imana ari bwo "kiruhuko" cyo mu mutima ubatuwe ku cyaha no ku kwirwanirira ushaka agakiza»

Isezerano rishya rihamagarira Abakristo kutibwira ko bazishimira iki kiruhuko duhabwa kubwo kwizera mu gihe kizaza, ahubwo iturarika itubwira ko uyu munsi ari munsi wo gukirizwamo(Abaheburayo 4:7;3:13).Abo bose bamaze kwinjira muri ubwo buruhukiro babiheshejwe n'ubuntu kubwo kwizera Yesu kristo.Ntabwo bacyifuza gukizwa n'imirimo

bakora.Ni nako bimeze rero,gukomeza umunsi wa karindwi ari wo Sabato ni ikimenyetso cy'umwizera winjira mu kiruhuko cy'ubutumwa bwiza.

**Kugerageza guhindura umunsi wo kuramya.**

Bitewe n'uko Isabato ifite akamaro gakomeye mu materaniro yo gusingiza Imana nk'Umuremyi n'Umucunguzi, ntabwo bitangaza kubona satani yarayibasiye kugira ngo akureho iryo hame ryera.

Ntaho ushobora kubona mu Byanditswe byera hemera ko Isabato nk'umunsi wo kuramya washyizweho n'Imana, muri Edeni ikibutswa kuri Sinayi, ikwiye guhinduka.Kandi abakristo baziririza umunsi w'icyumweru barabizi.Karidinali James Gilbbons(Yakobo Gilibo) yaranditse ati: "Ushobora gusoma Bibiliya guhera mu itangiriro ukageza mu byahishuwe ntabwo uzabona umurongo n'umwe ukwemerera kweza umunsi w'icyumweru.Ibyanditswe byera bitegeka kuziririza umunsi wa karindwi".

Umwanditsi w'umuporotestanti, Andrew t.Lincoln (Ndereya) yaravuze ati : " Ntabwo twavuga ko Isezerano rishya ritwemerera kwizera ko kuva ku izuka rya Yesu, Imana yashizeho umunsi wa mbere [w'icyumweru] kuba Isabato ikwiye kuziririzwa".Uwo mwanditsi na none yemera ko kuziririza Isabato umunsi wa karindwi w'icyumweru ariyo nyifato ikwiye ku muntu wemera ko amategeko cumi ariyo yo kubahirizwa."

Niba ibyanditswe bitavuga ko Yesu cyangwa abigishwa be bahinduye umunsi wo kuramya ari wo wa karindwi, wasobanura ute uburyo abakristo benshi baruhuka ku cyumweru, mu cyimbo cy'Isabato ?

***Inkomoko yo kuruhuka ku cyumweru***

Kureka kuruhuka Isabato, bikajya ku cyumweru, byagiye bikorwa buhoro buhoro.Nta kintu cyerekana ko abakristo bateranaga buri cyumweru mbere y'ikinyejana cya kabiri ; nubwo bimeze bityo, hari ibimenyetso bituma twemera ko mu kinyejana cya kabiri hagati, abakristo baziririzaga icyumweru ku bushake bwabo, nk'umunsi wo gusenga ariko atari nk'ikiruhuko".

Itorero rya gikristo ry'iroma ryari rigizwe n'umubare munini w'abizera b'abanyamahanga (Abaroma 11:13),bagize uruhare rugaragara mu kuruhukwa kw'icyumweru. Muri Roma, umurwa mukuru w'ubwami, kurwanya Abayuda gukomeye kwaragaragaye kandi kwagiye gukomera uko imyaka yahitaga indi igataha. Bityo, ibyo bigatera abakristo b'uwo mugi ukomeye kwihatira kwitandukanya n'Abayuda.Batangiye kureka imihango imwe n'imwe bakoreraga hamwe n'Abayuda kandi abo bakristo babaye intandaro yo kwanga kweza Isabato bakayisimbuza kuziririza icyumweru.

Kuva mu kinyejana cya kabiri ukageza mu cya gatanu, abakristo bakomeje kuziririza Isabato ya buri cyumweru hafi ya hose mu bwami bwa Roma, nubwo ahandi icyumweru cyagiye kirushaho gukomera.Umunyamateka wo mu kinyejana cya gatanu witwa Socrates(Sokarate) yaranditse ati "Mu gihe amatorero hafi ya yose ku isi aterana ku munsi w'Isabato ya buri cyumweru, Abakristo bo muri Alegizandiriya n'i Roma banze kubikora ahubwo bakurikiza imwe mu mihango ya kera.

Mu kinyejana cya kane n'icya gatanu, Abakristo benshi basengaga ku Isabato no ku cyumweru. Bityo undi munyamateka witwa Sozomen(Sozomene),yaranditse ati :"Abaturage bo muri Constantinople(Konsitantinopole) n'ahandi hafi ya hose baterana ku munsi w'Isabato no ku cyumweru, nyamara uwo muco nturi muri Alegisandiliya n'i Roma." Ayo magambo agaragaza neza uruhare rw'ibanze rw'itorero ry'i Roma mu kwanga kuziririza Isabato.

Ariko se ni mpamvu ki abarekeye aho kubaha umunsi wa karindwi bahisemo umunsi wa mbere w'icyumweru aho guhitamo undi munsi w'icyumweru? "Impamvu y'ingenzi yavuzwe ni uko Kristo yazutse ku wa mbere w'iminsi irindwi;ni yo mpamvu bavuga ko yaba yaratanze uburenganzira bwo gusenga kuri uwo munsi ". Nubwo bisa n'ibitangaje cyane, nta mwanditsi n'umwe wo mu kinyejana cya kabiri n'icya gatatu wigeze atanga umurongo n'umwe wo muri Bibiliya utanga impamvu zo kuziririza icyumweru mu cyimbo cyo kuramya ku Isabato.Yaba Barinaba, yaba Ignace(Inyasi) , yaba Yusitini, yaba Irene, yaba Kirimenti w'i Roma cyangwa Kirimenti wo muri Alegisandiliya, yaba Orijeni, yaba Sipiriyani, yaba Vigitori,yaba undi mwanditsi uwo ari we wese wabayeho nyuma gato y'igihe cya Yesu, nta numwe wari uzi inyigisho iyo ariyo yose iva kuri Kristo cyangwa se ku magambo ayo ariyo yose yo mu Byanditswe kubijyanye n'ibyo."

Kwamamara no Kwakirwa cyane ko gusenga izuba ry'abapagani b'i Roma ku munsi wa mbere w'icyumweru byagize uruhare rwo kwemerwa kw'uwo munsi nk'umunsi wo gusenga mu bakristo.
Gusenga izuba rero, mu gihe cya kera byari ibintu bifite agaciro cyane.Kwari kimwe mu bintu by'ingenzi bigize idini y'Abaroma.Kubera gahunda yo gusenga izuba mu burasirazuba, "kuva mu ntangiro y'ikinyejana cya kabiri cy'igihe cyacu, gusenga Sol Invictus (izuba ridatsindwa) byari byarasakaye i Roma n'ahandi hantu h'ubwo bwami".

Ingaruka z'iby'iryo dini ry'ikimenya bose zageze ku Itorero ryo mu binyejana bya mbere binyuze mu bakristo bahindutse vuba."Abakristo bahindutse vuba bavuye mu bupagani bahoraga bakururwa no gusenga izuba.Ibyo ntibyerekanywe gusa n'uko abakuru b'Itorero bamaganaga icyo gikorwa, ahubwo na none bigagaragazwa n'ibimenyetso bikomeye by'uko gusenga izuba mu migenzo ya gikristo".

Mu kinyejana cya kane, habaye gutangaza amategeko yerekeye kuziririza umunsi wa mbere w'icyumweru (Sunday).Habanje kuba amategeko asanzwe mu bantu yahise akurikirwa n'amategeko y'umunsi wa mbere w'icyumweru mu buryo bw'idini. Igikomangoma Constantine yatangije itegeko rya mbere ryerekeye icyumweru tariki ya karindwi Werurwe muri 321N.K. Hakurikijwe agaciro icyumweru cyari gifite mu basenga izuba na none hakazirikanwa uburemere abakristo benshi bahaga umunsi wa mbere w'icyumweru, mu guhitamo umunsi wa mbere nk'ikiruhuko akirutishije indi minsi y'akazi,Constantine yibwiraga ko ayo matsinda yombi yo mu baturage be azashyigikira ubutegetsi bwe.

Itegeko rya Constantine ryo gusenga ku cyumweru ryerekanaga ko icyo Gikomangoma cyasengaga izuba. Riravuga ngo "Abatware bose n'abaturiye imigi baruhuke ku munsi

w'icyubahiro w'izuba (Venerability die solis), kandi imirimo yose ihagarare.Ariko, abatuye mu cyaro biyeguriye ubuhinzi babikore mu mudendezo ntawubahase".

Mu binyejana byakurikiyeho, Itorero ryiganye icyo Gikomangoma. Inama yabereye i Laodokiya( 364 N.K), itari inama mpuza madini  ahubwo yari ihuriro ry'abagatorika b'i Roma, yatangaje itegeko rya mbere ryerekeye icyumweru.Mu ngingo yaryo ya 29 havuga ko Abakristo bagomba kuruhuka ku cyumweru kandi niba bishoboka bakareka imirimo kuri uwo munsi;ndetse banategeka ko nta ugomba gukomeza kuruhuka ku munsi w'Isabato,banigisha ko abakiristo batagomba kuba abanebwe kuri uwo munsi (sabbaton mu kigiriki ).

Muri 538 N.K. ari wo mwaka ugaragaza itangiriro ry'ubuhanuzi bw'imyaka 1260 (reba umutwe wa 12 w'iki gitabo)inama ya gatatu y'Itorero gatorika ry'i ORLEANS (Oruleya) yatangaje itegeko rikomeye cyane kurenza iryatanzwe na Constantine.Ingingo ya 28 y'iyo nama ivuga ko ku cyumweru nta n'imirimo y'ubuhinzi igomba gukorwa kugira ngo bitabuza abantu kujya mu rusengero

***Ihinduka ryahanuwe***.Bibiliya ihishura ko kuziririza umunsi w'icyumweru nk'ihame rya gikrisito bikomoka mu mayoberane y'ubugome" ( 2 Abatesalonike 2:7), yatangiye gukora mu gihe cy'intumwa Pawulo (reba igice cya 13 cy'iki Gitabo).Binyuze mu buhanuzi bw'igice cya karindwi cya Daniyeli Imana yagaragaje mbere y'igihe ko ihindurwa ry'umunsi wera ryagombaga kubaho.

Iyerekwa ry'umuhanuzi Daniyeli rivuga ibitero byajyaga kwibasira ubwoko bw'Imana n'amategeko yayo.Ububasha bukomeye, bushushanywa n'agahembe gato (n'inyamaswa yo mu byahishuwe 13:1-10), bwagombaga kubyara ubuhakanyi bukomeye mu Itorero rya gikristo (reba igice cya 13 cy'iki gitabo).Agahembe gato kakomotse ku nyamaswa ya kane (Danieli7), kandi kahindutse ububasha burenganya nyuma yo gusenyuka kw'ingoma ya Roma (reba igice cya 19 cy'iki gitabo), kibwiye ibyo "guhindura ibihe n'amategeko"(Daniyeli 7:25). Ubwo bubasha bwayobye bwashoboye kuyobya umugabane munini w'abatuye isi,ariko ku iherezo ry'ibihe, buzacirwaho iteka n'urubanza rw'Imana(Dan 7:11.12,26). Mu gihe cy'akarengane, Uwiteka azatabara ubwoko bwe maze arokore abizera bamunambyeho(Dan 12:1-3).

Mu mateka y'ubukristo,ububasha bumwe gusa nibwo bwujuje ibivugwa n'ubwo buhanuzi. Idini rimwe rukumbi ni ryo rivuga ko rifite uburenganzira bwo guhindura amategeko y'Imana.Amateka agaragaza ibyo Itorero gatorika ry'i Roma ryivuga:
Nko mu 1400, uwitwa Pierre d'Ancharno(Petero) yaravuze ati"Papa afite ubushobozi bwo guhindura amategeko y'Imana,kubera ko ububasha bwe butava ku bantu ahubwo buva ku Mana kandi akora mu cyimbo cy'Imana ku isi,ndetse ko icyo ahambiriye mu isi kiba gihambiriwe no mu ijuru".

Ingaruka y'imvugo nk'iyo yigaragaje mu gihe cy'ubugorozi. Luteri yahamije ko Ibyanditswe byera gusa ari byo biyobora ubuzima bwe atari imigenzo y'Itorero. Intero ye yari iyi ngo ***sola scriptura*** bivuze « Bibiliya kandi Bibiliya yonyine ».John Eck(Yohana Eki), uwabaye umwe mu baharaniraga ukwemera kw'abagatorika b'i Roma, yanenze iyi ngingo ya Luteri

avuga ko ububasha bw'Itorero buri hejuru ya Bibiliya.Yavugaga ko Luteri aziririza Icyumweru(umunsi wa mbere w'icyumweru ) aho kuziririza Isabato ya Bibiliya.Yohani Eki yaravuze ati « Ibyanditswe birigisha ngo : «wibuke kweza umunsi w'Isabato,mu minsi itandatu ujye ukora imirimo yawe yose ariko uwa karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe…»Nyamara Itorero ryasimbuje isabato umunsi w'icyumweru kubw'ububasha bwaryo,kandi wowe Luteri ntacyo ushobora kubihinduraho».

Mu nama yabereye i Taranti (concile de trente) (mu 1545-1563) yari yatumijwe na Papa ngo barwanye ubuporotestanti Gaspare De Fosso(Gasipari), Musenyeri mukuru w'i Reggio(Rejiyo) yagaruye ya ngingo ati :«ububasha bw'Itorero bushyigikiwe neza n'Ibyanditswe;ku ruhande rumwe Itorero ni ryo ribiyobora, rigahamya ko byavuye mu ijuru kandi rikabitugezaho ngo tubisome,…ku rundi ruhande, amategeko yo mu Byanditswe byera yatanzwe n'Imana yashohojwe n'imbaraga z'inyigisho ya Yesu(kuko yavuze ati :sinaje gukuraho amategeko ahubwo naje kuyasohoza),ariko yahinduwe n'ububasha bw'Itorero».

Mbese Itorero ry'i Roma riracyakomeje iyo ngingo? Mu gitabo cya Kiriziya gatorika cyasohotse mu 1977 cyitwa *"the Convert's Cathechism of Catholic Doctrine"(Gatigisimu y'Amahame Gatorika Igenewe Umwizera*), kigaragaza ibibazo n'ibisubizo bikurikira:

-*Ikibazo:**Umunsi w'isabato ni uwuhe ?***
*Igisubizo*:Umunsi wa karindwi ni wo Sabato
-*Ikibazo*:***None se kuki tweza icyumweru aho kweza umunsi wa karindwi ?***
*Igisubizo:* Tweza icyumweru aho kweza uwa karindwi kuko Itorero gaturika ryavanye ukwera ku munsi wa karindwi rigushyira ku Cyumweru(Sunday).

Mu gitabo cye cyaguzwe cyane, « *the faith of millions »(Ukwizera kwa Benshi*) (1974,umuhanga w'umunyagaturika John. A.O'Brien(Yohana Obarayani) yageze kuri uyu mwanzuro ndakuka «Kubera ko Bibiliya ivuga by'umwihariko umunsi wa karindwi aho gutsindagira icyumweru ,ntibyaba bitangaje kubona abatari abanyagatorika bavuga ko imyizerere yabo ishinze imizi muri Bibiliya beza Icyumweru mu cyimbo cy'Isabato?Yego koko ntibyumvikana».Yarongeye ati umuco wo kweza umunsi w'icyumweru« ntushingiye ku ngingo zigaragara za Bibiliya ahubwo ushingiye ku bubasha bw'Itorero Gatorika.Uko kweza uwo munsi ni urwibutso rw'Itorero rikuru ari ryo ryakomotsweho n'udutorero duto tutari utunyagatorika twigumuye nk'umwana uraragira kure y'iwabo nyamara agakomeza kubika mu mufuka ifoto cyangwa agatambaro ko mu mutwe bya mama we".

Kwivugaho ubushobozi bungana gutyo bigaraza ugusohora k'ubuhanuzi bw'ibyanditswe, kandi bifasha mu gusobanura ibiranga ubushobozi "bw'agahembe gato".

**Isabato yongera kwererezwa.**

Mu bice bya 56 na 58 bya Yesaya, Imana ihamagarira Isirayeri kongera kweza Isabato.Mu guhishura ubwiza bwo kuzahurizwa hamwe kw'abanyamahanga n'ubwoko bwayo (Yesaya 58:8),Imana igereranya intsinzi y'umurimo wayo wo gucungura no kweza Isabato(Yesaya56:1; 2; 6-7).

Isobanura neza inshingano yihariye y'ubwoko bwayo.Nubwo uwo murimo ugomba gukorerwa ku batuye isi yose, by'umwihariko ugendereye abavuga ko bizera Imana ariko baretse amategeko yayo (Yesaya58:1,2).Uwiteka agaragaza uruhare ubwoko bwe bugomba kugira kuri abo biyita abizera"N'abazagukomokaho bazubaka mu matongo ya kera yasenyutse; uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi; kandi uzitwa uwica ibyuho, kandi usibure inzira zijya mu ngo. Nuhindukira ntukandagire Isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera ahubwo ukita Isabato umunezero, umunsi wera w'Uwiteka ukawita uw'icyubahiro, ukawubaha ntube icyigenge, ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe, nuko uzishimira Uwiteka; nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z'igihugu kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo". Akanwa k'Uwiteka niko kabivuze" (Yesaya 58:12-14).

Umurimo wa Isilayeri y'iby'umwuka uhwanye n'uwa Isilayeri ya kera.Amategeko y'Imana yasiribanzwe ubwo ububasha bw'agahembe gato bwasimbuzaga Isabato icyumweru.Kandi nkuko Isabato yasiribanzwe yagombaga kongera kwererezwa muri Isirayeli, ni nako muri iki gihe Isabato igomba kongera kwererezwa kandi icyuho cyo mu mategeko y'Imana kikazibwa.

Uwo murimo wo gusana n'uko kujya ahagaragara kw'amategeko bizagerwaho binyuze mu kwamamaza ubutumwa bwiza bw'iteka ryose buboneka mu Byahishuwe 14:6-12. Kandi kwamamazwa kw'ubwo butumwa ni umurimo w'Itorero ry'Imana mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo (reba igice cya 13 cy'iki gitabo).Ubu butumwa bugomba gukangura isi buhamagarira buri wese kwitegura igihe cy'urubanza .

Amagambo ahamagarira kuramya Umuremyi ngo"nimuramye uwaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko" (Ibyahishuwe 14:7),yerekeza nta gushidikanya ku itegeko rya kane ry'amategeko ahoraho y'Imana.Umwanzuro w'ayo magambo y'umuburo uheruka yerekana neza uburyo Imana ishaka ko Isabato yibagiranye yakongera kwererezwa mbere yuko Yesu agaruka.

Ukwamamazwa k'ubutumwa bwo mu byahishuwe 14:17 kuzihutisha umuvurungano isi yose izajyamo.Ikibazo gikomeye muri uwo muvurungano kizaba ari ugukomeza amategeko y'Imana no kweza Isabato.Muri uwo muvurungano buri muntu wese agomba guhitamo kwemera kumvira amategeko y'Imana cyangwa kumvira amategeko y'abantu. Ubwo butumwa buzagaragaza abantu bubaha amategeko y'Imana kandi bafite kwizera nk'ukwa Yesu. Abatazumvira uko guhamagara kw'Imana bazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa (Ibyahishuwe 14:9,12; n'igice cya 13 cy'iki gitabo).

Niba ubwoko bw'Imana bushaka kurangiza neza uyu murimo wo gukomeza amategeko yayo no kwerereza umunsi wayo wera,bugomba gutanga urugero rwiza kandi ruturutse ku rukundo mu kweza Isabato.

**Kweza Isabato.**

Kugira ngo twibuke "umunsi w'isabato kandi tuweze" (Kuva 20:8), tugomba kuzirikana uwo munsi wera icyumweru cyose no gukora imyiteguro y'ingenzi yose kugira ngo tuwuhimbaze mu buryo bushimisha Imana. Tugomba kwirinda kunaniza imibiri yacu mu cyumweru hagati ku buryo byatubuza gukora umurimo wayo ku munsi w'Isabato.
Kuko Isabato ari umunsi wihariye wo gusabana n'Imana turarikirwamo kwishimira umurimo wayo wo kurema no kuducungura, ni ingenzi cyane ko twirinda icyo ari cyo cyose gishobora kwangiza isano yera igomba kuba muri uwo munsi wera.Bibiliya idutegeka kureka imirimo yacu ya buri munsi ku munsi w'isabato(Kuva 20:10), twirinda imirimo yose igendereye gutuma tubona umutsima;kandi tukareka ubucuruzi (Nehemiya 13:15-22).

Dutegetswe mbere ya byose guhimbaza Imana kuri uwo munsi nkuko ibyanditswe byera bivuga ngo"N'uhindukira ntukandagire Isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera,ahubwo ukita isabato umunezero,umunsi wera w'Uwiteka ukawita uw'icyubahiro,ukawubaha, ntube ikigenge,ntiwishakire ibyo kwinezeza,ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe"(Yesaya 58:13). Gukoresha umunsi w'Isabato twishimisha dukurikirana inyungu zacu za buri gihe mu biganiro cyangwa ibitekerezo bipfuye cyangwa dukora imyitozo ngororamubiri bigira ingaruka yo kwangiza umushyikirano wacu n'Imana no kwanduza ukwera kw'Isabato. Uburyo tweza Isabato bwakagombye kugera no kubo dushinzwe bose: abana bacu, abashyitsi ndetse n'amatungo yacu (Kuva 20:10), kugira ngo bose babone imigisha yagenewe uwo munsi w'ikiruhuko.

Isabato itangira ku wa gatandatu izuba rirenze igasoza ku wa karindwi izuba rirenze (Itangiriro1:5 na Mariko 1:32). Bibiliya yita uwa gatandatu (Friday), umunsi wo kwitegura (Mariko15:42) nkuko izina ryawo ribivuga uwo munsi ni umunsi wo kwitegura isabato kugira ngo hatagira ikiza kwanduza kwera kwayo. Ku wa gatandatu abategura ibyo kurya bakagombye gutegura ibyo kurya bikwiriye ku Isabato ku buryo mu masaha yejejwe y'umunsi wa karindwi nabo babona ikiruko bakeneye (Kuva 16:23;Kubara 11:8).

Igihe amasaha yera y'Isabato yegereje ni byiza ko abagize umuryango cyangwa amatsinda y'abizera baturanye bahurira hamwe ku wa nyuma ku mugoroba mbere yuko izuba rirenga bakaririmba bagasenga bagasoma Ijambo ry'Imana bityo bakararika Umwuka w'Imana nk'umushyitsi w'imena.Abizera bakagombye na none gusoza umunsi w'Isabato bateranira hamwe ku Isabato ni mugoroba bagasaba kubana no kuyoborwa n'Imana mu cyumweru bagiye gutangira.

Umwami ararikira ubwoko bwe kugira umunsi w'Isabato uw'ibyishimo(Yesaya 58:13).Mbese ni gute ibyo byagerwaho? Nibakurikiza gusa urugero rwa Yesu, we Mwani w'Isabato,ni bwo bazabasha kwishimira no kunyurwa n'ibyo Imana yabateguriye muri uwo munsi.

Yesu yezaga Isabato buri gihe, akagira uruhare mu mirimo y'itorero kandi akanigisha (Mariko 1:21; 3:14; Luka 4:16-17;13:10). Ariko ntiyashimishwaga no gusenga gusa kuri uwo munsi yagiranaga umubano wa kivandimwe na bagenzi be (Mariko 1:29-31; Luka 14:1).Yaratemberaga (Mariko2:23) kandi yakoraga imirimo y'ubugwaneza. Aho

yabishoboraga hose; yakizaga abarwayi kandi agafasha ababaye (Mariko1:21-31;3:1-5 Luka 13:10-17;14:2-4; Yohana5:1-15;9:1-14).

Iyo abanzi be bamuneguraga kubera ko yakizaga abarwayi, Kristo yarasubizaga ati:"Biremewe kugira neza ku munsi w'Isabato"(Matayo12:12). Isabato ntiyasiribangwaga cyangwa ngo isimburwe n'imirimo ye yo gukiza.Ahubwo imirimo ye yose yerekezaga ku iherezo ry'amategeko aremereye yari yarahinduye ubusobanuro bw'isabato, yo yagombaga kuba uburyo bwo gusubizwamo ubuyanja n'ibyishimo mu by'umwuka.Imana yateganyirije inyokomuntu Isabato kugira ngo iyibashisha gukura mu by'umwuka. Imirimo yose ituma habaho umubano n'Imana iremerwa, naho iyangiza uwo mugambi ikwiriye kurekwa.

Umwami w'isabato arararikira abantu bose gukurikiza urugero rwe.Abemera iryo rarika bose babona Isabato nk'ibyishimo, nk'ibirori mu by'umwuka, muri make nk'umusogongero w'ijuru. Batahura ko mu mugambi w'Imana, Isabato yabereyeho kuturinda gucika intege mu by'umwuka.

Uko icyumweru gishira ikindi kigataha, umunsi wa karindwi uduha ubwishingizi ko nubwo dufite kamere y'icyaha, turi abakiranutsi muri Yesu Kristo.Ibyo yakoreye i Karuvali byatumye tubarwaho gukiranuka kwe.None twinjira mu kiruhuko cye.

**ICYIGISHO CYA 21**

**UBUSONGA BWA GIKRISTO**

***Turi ibisonga by'Imana, Uwiteka yadushinze kugenzura igihe,amahirwe, ubushobozi, ubutunzi n'ibintu byo mu isi n'ibituruka mu butaka. Dushinzwe kumenya imikoreshereze myiza yabyo. Twerekana ko tuzirikana ko ari yo mugenga wa byose igihe tuyikorera dukiranuka kuri yo, ndetse kuri bagenzi bacu, mu kuyigarurira icya cumi no kuyitura amaturo, mu kwamamaza ubutumwa bwiza no mu kunganira no guteza imbere Itorero ryayo. Ubusonga bwa gikristo mu buzima ni ryo banze Imana yaduhaye kugira ngo dukurire mu rukundo no kudufasha kurwanya ubugugu no kwifuza kose.Igisonga cyiza cyishimira imigisha igera ku bandi biturutse ku gukiranuka kwacyo(Itang.1:26-28;2:15;1 Ngoma 29:14;Hag.1:3-11;Mal.3:8-12;1 Kor.9:9-14;Mat.23:23;2 Kor.8:1-15;Abaroma15:26,27).***

Nta kindi kuba mu buzima bwa gikiristo bisobanuye,uretse kwitanga umaramaje no kwemerwa na Kristo.Nkuko Kristo yiyanze akitanga ku bwacu, turataka tuti: « nabasha kugukorera iki? »

Bityo rero igihe twibwira ko twamaze gukora ibitureba, tukaba twitanze byuzuye, hari ikintu kivuka cyerekana ireme ridashyitse ry'ibyemezo byacu. Uko tuvumbura uburyo bushya bwo kwegurira Imana ubuzima bwacu ni ko kwitanga kwacu kujya mbere.Na none, mu buryo bworoheje, itwereka urundi ruhande rw'inarijye yacu igomba kurekwa. Kandi na none ubuzima bwacu ni uruhererekane rwo kwitanga kwa gikristo kugenda kukaducengera mu misokoro,mu buryo tubaho,dukora no mu buryo dutekereza.
Igihe duha Imana yo mugenga wa byose,impagarike yacu n'ibyacu byose(1 Abakorinto 3:21- 4:2), irabyakira ariko ikongera igahita ibituragiza,ikaduhindura ibisonga byayo cyangwa abagenga b'ibyo dutunze byose.Ubwo ibyifuzo byacu byo kubaho mu kwinezeza

no mu buzima bw'inarijye bikayoyoka bitewe no kumenya umwami wacu wabambwe agafungwa akaba umusuhuke .Kandi kwinginga kwe ngo "Mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa"bituma imirimo y'Itorero yo gufatanya,kwigisha,kubwiriza no kubatiza bihinduka iby'agaciro kuri twe. Kubwa Kristo dushaka kuba ibisonga byizerwa.

**Ubusonga ni iki ?**

"Mbese ntimuzi ko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera [...] kandi ko mutari abanyu? Kuko mwaguzwe igiciro cyinshi; nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana"(Abakorinto 6:19, 20).
Twaguzwe igiciro cyinshi, turacungurwa. Turi ab'Imana.Turi abayo na mbere, ni ko byari biri kuva mu itangiriro kuko turi umurimo w'intoki zayo;turi abayo kuko " mbere na mbere Imana yaremye... " (Itangiriro 1:1).Ibyanditswe byemeza neza ko " Isi n'ibiyuzuye ari iby'Uwiteka, isi n'abayirimo!" (Zaburi 24:1).

Mu irema Imana yasangiye ibyayo n'inyokomuntu, ariko Imana iracyari nyir'isi,abayituye n'ibiyirimo byose (Zaburi 24 :1). Ku musaraba, yaburanye ishaka ibyayo umuntu yari yarahaye Satani mugihe yagwaga (1Abakorinto 6:19, 20), ubu yahaye abantu kuba ibisonga by'ibyayo.

Igisonga ni umuntu " Wizewe, washinzwe ubutware bw'inzu cyangwa bw'umutungo w'undi muntu".Ubusonga ni umwanya, inshingano cyangwa umurimo w'igisonga . Ku mukristo, ubusonga buvuze " Inshingano umuntu afite ku byo Imana yamuragije ari byo ubuzima, impagarike y'umuntu, igihe, impano n'ubushobozi, ubutunzi bw'ibintu, amahirwe yo gufasha abandi no kumenya ukuri ". Abakristo ni abatware b'ibintu by'Imana kandi banafata ubugingo bwabo nk'amahirwe mvajuru " yo kwiga kuba ibisonga nyakuri, no guharanira ubusonga buruseho ku bintu by'iteka mu buzima bw'ahazaza ".

Mu nyito y'ubusonga yagutse, « buvuga gukoresha neza ubuzima nta kwikunda».

**Uburyo bwo kuzirikana Imana nka Nyiribintu.**

Ubuzima bushobora kugabanywamo ibice bine by'ingenzi,kandi buri cyose ni impano y'Imana.Yaduhaye umubiri, ubushobozi, igihe n'umutungo.Biruseho, tugomba kwita kuhatuzengurutse Imana yadushyiriyeho kuba abatware.

***Ubusonga bw'umubiri*** .Ubwoko bw'Imana ni ibisonga by'imibiri yabo.Tugomba gukunda Imana n'umutima wacu wose, ubugingo bwacu bwose n'imbaraga zacu zose n'ubwenge bwacu bwose (Luka 10:27).

Abakristo bafite amahirwe yo gukuza imbaraga z'umubiri n'iz'intekerezo bakoresheje ubushobozi n'amahirwe bahabwa.Iyo bakora ibyo baba bahesha Imana icyubahiro kandi bakabera bagenzi babo umugisha ukomeye (Rebe igice cya 22 cy'iki gitabo).

**Ubusonga bw'ubushobozi***.* Buri muntu afite impano z'ubushobozi ze zihariye. Umwe ashobora kuba umuhanga mu ndirimbo; undi akaba azi gukora imirimo y'amaboko nko

kudoda imyenda cyangwa ubukanishi bw'ibinyabiziga.Abandi bashobora mu buryo bworoshye kugirana ubucuti no kumenya kubana n'abandi, mu gihe abandi bashobora kugira ibikorwa byo kwihugiraho.
Buri mpano ishobora gukoreshwa mu guhesha ishimwe nyirayo, cyangwa uwayitanze.Umuntu ashobora gutunganya impano ye mu buryo bwo gusingiza Imana cyangwa mu kurushaho kwikunda.

Twakagombye gukuza impano Umwuka Wera yahaye buri muntu kugira ngo tuziteze imbere (Matayo 25). Ibisonga by'Imana byiza bikoresha impano zabyo ku buryo buhagije kugira ngo bizatange inyungu zuzuye kuri Shebuja.

***Ubusonga bw'igihe***. Nk'ibisonga bikiranuka, duhesha Imana ikuzo mu gukoresha neza igihe. " Ibyo mukora byose, mubikore mubikuye ku mutima, nk'abakorera shobuja mukuru, badakorera abantu. Muzi ko muzagororerwa nawe, muhawe wa murage, kuko mukorera shobuja mukuru » (Abakolosayi 3 :23,24).

Bibiliya idukangura ivuga ngo "Nuko mwirinde cyane uko mugenda, mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi" (Abefeso 5:15, 16). Nka Yesu, dukwiriye guhugira mu gukora ibya Data (Luka 2:49). Kuko igihe ari impano y'Imana, buri mwanya wose ni uw'igiciro cyinshi.

Twagihawe kugira ngo tucyiteguriremo kugira imico yo mu buzima bw'iteka ryose.Ubusonga nyabwo mu gihe cyacu ni ukugira ngo tugikoreshe mu kumenya Uwiteka, gufasha bagenzi bacu no gusangira ubutumwa bwiza.
Mu gihe cy'irema, Imana yaduhaye igihe, ishyira ku ruhande umunsi wa karindwi ari wo Sabato, nk'igihe cyerejwe umushyikirano wacu nayo.Indi minsi itandatu yaherewe umuryango w'abantu kugira ngo ikorwemo imirimo yo kwiteza imbere.

***Ubusonga bw'ibyo dutunze.*** Imana yahaye ababyeyi bacu ba mbere inshingano yo gutegeka isi, no gutwara inyamaswa zose, no guhinga ingobyi ya Edeni(Itangiriro 1:28; 2:15).Ntibagombaga kubyishimira gusa,ahubwo bagombaga no kubigenzura.

Bari bafite aho batagomba kurenga.Ntibagombaga kurya ku mbuto z'igiti cy'ubwenge kimenyekanisha icyiza n'ikibi. Icyo giti cyari nk'urwibutso ko Imana ari yo nyiri ibintu byose kandi ifite ubutware no ku isi. Mu kubahiriza iryo tegeko, uwo mugabo n'umugore bagombaga kuba berekanye kwizera kwabo no kubaha ubwo bwami bw'Imana.

Nyuma yo kugwa Imana ntiyashoboraga kubagerageza ikoresheje igiti cy'ubwenge.Ariko kandi inyokomuntu yari igikeneye urwibutso ruhoraho rw'uko Imana ari yo nkomoko y'icyiza cyose n'impano zose (Yakobo 1:17), n'uko ari yo iduha ubushobozi bwo kubona ubwo butunzi (Gutegeka kwa kabiri 8 :18). Mu kwibutsa ko ari yo nkomoko y'imigisha yose, Imana yashyizeho uburyo bw'icyacumi n'amaturo.

Ubu buryo bwafashaga mu buryo bw'umutungo umurimo w'ubutambyi w'Abisirayeli. Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi bemeye icyitegererezo cy'Abalewi nk'uburyo bwiza bwa Bibiliya bwo gufasha umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza ku isi. Imana yavuze

ko gusakaza inkuru nziza bisaba imbaraga, n'amaturo y'abana bayo. Ibahamagarira kutaba abanyabugugu bayikorera mu gutanga kimwe mu icumi n'amaturo.

***1. Icyacumi***. Nk'uko umunsi wa karindwi mu gihe cyacu (Isabato) ari uw'Imana, ni na ko tugomba kuyigarurira kimwe mu icumi mu byo twunguka.Ibyanditswe byera bitubwira ko icyacumi ari " Icyera cy'Uwiteka ", gishushanya ko Imana ari nyiri ibintu byose (Abalewi 27:30, 32). Kigomba kugarurirwa Imana nk'ikintu cyayo.

Uburyo icyacumi gitangwamo burororoheje kandi ni bwiza. Ibyo bigaragarira ku kuntu gitangwa ku mukire no ku mukene. Ni igice cy'umugabane dutanga dukurikije ibyo Imana yaduhaye, bityo rero tugomba kuyigarurira icyacumi.

Iyo Imana idusaba icyacumi (Malaki 3 :10), ntiba idusabye kuyishimira cyangwa kuba abanyabuntu. Nubwo gushima kwakagombye kuba kimwe mu byo tugaragariza Imana.Dutanga icya cumi kubera ko Imana yabitegetse. Icyacumi ni icy'Umwami kandi adusaba kukimugarurira.

***a. Ingero z'icyacumi*** .Icyacumi ni igikorwa cyemewe kivugwa hose mu byanditswe.Aburahamu yahaye Melikisedeki, umutambyi w'Isumbabyose " Kimwe mu icumi cya byose" (Itangiriro 14:20).Mu gukora atyo, yari yerekanye ko azi neza ko ubutambyi bwa Melikisedeki ari mvajuru kandi ko yari anasobanukiwe n'uyu muhango wera yari akoze.Uru rugero rugaragaza ko gutanga icyacumi byahozeho na mbere.

Bigaragara ko Yakobo na we, yari asobanukiwe n'ihame rya kimwe mu icumi.Ubwo yahungaga yasezeraniye Imana ati: "Kubyo uzajya umpa byose, sinzabura kuguha kimwe mu icumi " (Itangiriro 28:22). Na nyuma yo kuva mu Egiputa, igihe Isirayeli yari imaze kugirwa ishyanga, Imana yabahaye bundi bushya itegeko rya kimwe mu icumi, ari ho iterambere rya Isirayeli ryagombaga gushingira(Abalewi 27:30-32; Kubara 18:24, 26, 28; Gutegeka 12:6, 11, 17).
Isezerano rishya naryo ntirikuraho iri tegeko ry'icyacumi, ahubwo rigaragaza agaciro karyo. Yesu yemera kimwe mu icumi kandi aciraho iteka abica iryo tegeko (Matayo 23:23).Mu gihe amategeko y'imigenzo irebana n'ibitambo byashushanyaga urupfu rwa Kristo yashyirwagaho iherezo mu rupfu rwa Yesu, itegeko rya kimwe mu icumi ryo ntiryakuweho.

Kubera ko Aburahamu ari sekuruza w'abizera bose, ni urugero ku bakristo rwo gutanga kimwe mu icumi. Nk'uko Aburahamu yatanze kimwe mu icumi akagiha Melikisedeki, umutambyi w'Isumba byose, abizera bo mu Isezerano rishya batanga kimwe mu icumi bagiha Kristo, umutambyi mukuru wacu nk'uko Melikisedeki abitegeka (Abaheburayo 5:9, 10; 7:1-22).

**b.** ***Uko kimwe mu icumi gikoreshwa***. Icyacumi kirera kandi kigomba gukoreshwa mu bijyanye n'imirimo yera gusa.Umwami yarategetse ati:"Mu bimeze mu butaka byose, naho yaba imyaka cyangwa imbuto z'ibiti, kimwe mu icumi ni icy'Uwiteka [...], kimwe mu icumi cyo mu mashyo yose cyangwa imikumbi yose, [...] mu zinyura munsi y'inkoni bazibarisha zose, imwe mu icumi ijye iba iyera y'Uwiteka"(Abalewi 27:30, 32). "Nimuzane imigabane ya

kimwe mu icumi ishyitse mubishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyo kurya" (Malaki 3:10).
Muri Isirayeli, kimwe mu icumi cyari kigenewe Abalewi gusa, batagiraga gakondo y'ubutaka; igihe cyabo cyose bakimaraga mu birebana no guhimbaza Imana kw'Abisirayeli, bakora imirimo yo mu buturo bwera,kandi bigisha amategeko ubwoko bw'Imana (Kubara 18:21, 24).

Nyuma yo kubambwa, ubutambyi bw'Abalewi bushyizweho iherezo, kimwe mu icumi cyo cyagumyeho kugira ngo gifashe umurimo w'Itorero ry'Imana.
Pawulo yasobanuye iryo hame agereranya umurimo w'Abalewi n'umurimo w'ubutumwa bwiza. Yaravuze
ati: "Mbese ubwo twababibyemo iby'Umwuka ntibikwiriye ko tubasaruramo ibyo gutunga umubiri?" abandi ko bafite ubwo butware kuri mwe nkanswe twebwe? [...], ntimuzi yuko abakora imirimo yo mu rusengero batungwa n'iby'urusengero, kandi abakora imirimo y'igicaniro bagabana iby'igicaniro? n'Umwami wacu ni ko yategetse, ko abavuga ubutumwa bwiza batungwa n'ubutumwa" (1 Abakorinto 9:11-14).

Nuko rero abagize Itorero bazane bafite ubushake ibya cumi mu nzu "y'ububiko kugira ngo inzu y'Imana ibemo ibyo kurya"(Malaki 3:10), mu yandi magambo, kwari ukugira ngo Itorero ry'Imana ribe rifite ubushobozi buhagije bwo gutuma abakozi baryo babaho kandi bakavuga ubutumwa bwiza.

***2.Amaturo.*** Abakristo bashima ntibashobora gufata icyacumi gusa nk'aho ari wo musanzu wabo ku Itorero.Muri Isirayeli, ihema ry'ibonaniro ndetse na nyuma, urusengero, rwubatswe "n'amaturo y'ubushake" yatanganwaga umutima ukunze (Kuva 36:2-7; Reba 1Ingoma 29:14). Kandi amaturo yihariye yakoreshwaga mu gufata neza ahantu ho gusengera (Kuva 30:12-16; 2 Abami 12:4, 5; 2 Ingoma 24:4-13;Nehemiya 10:32, 33). Abisrayeli batangaga hagati ya kimwe cya kane na kimwe cya gatatu cy'ibyo bungukaga ku bijyanye n'iby'idini ndetse no gufasha bagenzi babo.Mbese ibyo byatumye bakena? Oya,ahubwo Imana yasezeranye guha umugisha gukiranuka kwabo (Malaki 3:10-12).

No muri iki gihe,Imana iduhamagarira kutangana ubuntu dukurikije uko yaduhaye.Amaturo ni ingenzi mu kubaka, gufata neza, ndetse no kugira ngo amatorero akore kandi afashe no mu murimo w'ubugabura ujyanye n'ubuvuzi, ari wo werekana mu buryo ngiro ubutumwa bwiza.

Mbese natwe tugomba gutanga ibingana nk'iby'Abisirayeli batangaga,cyangwa uburyo bwabo bwo gutanga ntibugishoboka? Mu isezerano rishya Kristo yashyizeho imfatiro z'ubusonga nyakuri ko impano duha Imana zagombye kuba zishingiye ku kuba twaranyuzwe n'umucyo ndetse n'amahirwe twahawe.Yaravuze ati: "Uwahawe byinshi wese azabazwa byinshi, n'uweguriwe byinshi ni we bazarushaho kwaka byinshi"
(Luka 12:48).Igihe Yesu yoherezaga intumwa ze mu murimo, yarazibwiye ati "Mwaherewe ubusa na mwe mujye mutangira ubundi"(Matayo 10:8). Iri hame rinakoreshwa mu buryo dusaranganya imigisha yacu y'ibyo dutunze.

Nta na hamwe Isezerano rishya rikuraho cyangwa ngo ryoroshye uyu muhango.Iyo tugereranije amahirwe yacu n'imigisha yacu n'iby'Abisraeli, tubona ko umugabane wacu muri Yesu ari munini cyane.Kunyurwa kwacu kuzagira ubundi busobanuro binyuze mu kwitanga kwacu kugira ngo ubutumwa bwiza bw'agakiza bubashe kugera ku bandi.Uko ubutumwa bwiza burushaho gusakazwa niko burushaho gukenera ibyo kubushyigikira.

3. ***Ihame ku bisigaye***.Ihame ry'ubusonga rireba ibyo dufite kimwe n'ibyo dutanga. Mu gihe kimwe mu icumi ari igeragezwa ry'ibanze ry'ubusonga ku byo dutunze, uko dukoresha ibyo dusigaranye na byo n'irindi geragezwa.
Uko dukoresha ibyo dutunze byerekana uko urukundo dukunda Imana ndetse na bagenzi bacu rumeze.Amafaranga ashobora gukora ibintu byiza:iyo tuyafite,dushobora kugaburira abashonji,kumara inyota abaguye umwuma no kwambika abambaye ubusa (Matayo 25:34-40). Ku Mana, agaciro k'amafaranga ni uko akemura ubukene bw'ubuzima, agahesha abandi umugisha kandi agafasha umurimo wayo.

***4. Gukiranirwa kuri kimwe mu icumi n'amaturo.*** Muri rusange, abantu ntibazi kandi basuzugura amahame y'Imana arebana n'ubusonga.Yemwe no mu bakristo, bake gusa nibo basobanukiwe n'uruhare rwabo nk'ibisonga.Igisubizo cy'Imana ku gukiranirwa kwa Isirayeli kitwereka neza uburyo ibona uko gukiranirwa. Iyo bakoreshaga ibyacumi n'amaturo ku nyungu zabo, yababwiraga ko ibyo bihwanye n'ubujura (Malaki 3:8), kandi yerekanaga ko kurumbya kwabo ari ingaruka yo gukiranirwa kwabo "Muvumwa wa muvumo kuko ishyanga ryose uko ringana mwanyimye ibyanjye"(Malaki3:9).

Umwami Imana yahishuye kwihangana, urukundo, n'imbabazi byayo,ikora igikorwa cy'ubuntu mbere yo gutanga umuburo" Nimungarukire, nanjye ndabagarukira" (Malaki 3:7). Yabahaga umugisha mwinshi kandi yabasabaga kugerageza gukiranuka kwayo "Nimuzane imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse mubishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyo kurye ngaho ni mubingeragereshe, ni ko Uwiteka nyiringabo avuga, murebe ko ntazabagomororeraho imigomoro yo mu ijuru, nkabasukaho umugisha mukabura aho muwukwiza.Nzabuza inzige kwangiza imyaka yanyu, kandi imizabibu yanyu ntizongera kurumba " (Malaki3:10-12).

***Ubusonga bw'ubutaka***
Ikoranabuhanga ryo muri iki gihe ryahinduye isi inzu y'ubushakashatsi (laboratory).Ubwo bushakashatsi butuzanira ibyiza byinshi,nyamara impinduramatwara mu by'inganda zatumye habaho guhumana kw'umwuka, amazi n'ubutaka. Ikoranabuhanga,mu buryo bumwe na bumwe, ryangije ibyaremwe aho kubibungabunga.

Turi ibisonga by'iy'isi kandi tugomba gukora ibishoboka tukabungabunga ubuzima mu nzego zose. Ubwo Yesu azaba agarutse"Azarimbura abarimbura isi"(Ibyahishuwe11:18). Nuko rero, ku bw'ibyo rero abakrisito ni ibisonga bidafite inshingano y'ibyo batunze gusa, ahubwo ni n'ibisonga by'ibibazengurutse.

**Kristo nk'igisonga**

Ubusonga bwiza ni ukutihugiraho bivuze kwiha Imana mu buryo bwuzuye no gukorera abandi. Kubera urukundo adukunda, Kristo yihanganiye kubabazwa ku musaraba, ababazwa cyane no kurekwa n'abe, ndetse no gutereranwa n'Imana. Mbese ni iki twatanga gihwanye n'iyo mpano?Nubwo yari afite byose,impano yatanze si ibyo yari atunze ,ahubwo yaritanze ubwe. Icyo ni cyo kuba igisonga bivuze.Kwitegereza impano nk'iyo ihebuje ni ukureka kwihugiraho tugasa nawe kuri kamere yacu tukareka kwirebaho ubwacu. Ibyo bituma tuba Itorero ryita ku bizera baryo ndetse n'abandi batari abaryo. Kuko Kristo yapfiriye isi, ubusonga mu busobanuro bwagutse,bureba isi yose.

**Imigisha ituruka ku busonga.**

Imana yatugize ibisonga byayo kubw'inyungu zacu si izayo.

***Umugisha w'umuntu ku giti cye***.Kimwe mu bitera Imana kuduhamagarira kuyegurira ubuzima bwacu bwose ari bwo igihe, imbaraga, imibiri yacu n'ibyo dutunze byose, ni ugukuza iby'umwuka ndetse no gukungahaza imico yacu.Uko tuzirikana ko Imana ari Umugenga wa byose kandi ko idufitiye urukundo ruhoraho,ni ko urukundo n'amashimwe yacu birushaho kwiyongera.

Ubusonga bukiranuka bunadufasha kunesha irari ryacu no kwikunda."Kwifuza", ni kimwe mu banzi bakomeye b'umuntu, gucirwaho iteka n'amategeko cumi.Yesu yaduhaye umuburo ati "Mwitonde kandi mwirinde kwifuza kose, kuko ubugingo bw'umuntu butava mu bwinshi bw'ibintu atunze"
(Luka 12:15).Gutanga bya buri gihe bidufasha gutsinda irari no kwikunda kwacu.

Ubusonga bugeza kw'iterambere ryo kumenya gukoresha neza umutungo. Nitumara "kubambana kamere n'iruba n'irari byayo"(Abag.5:24),nta na kimwe tuzakoresha mu kwihimbaza. "Igihe amahame y'ubusonga agizwe nyambere mu buzima, ubugingo buramurikirwa, intego ikabaho, ikibi kigakurwa mu binezeza abantu,ubuzima bw'umuntu bukayoborwa n'itegeko ry'urukundo maze gukiza imitima bikaba intego.Iyo ni yo migisha yo gutanga Imana iha ubugingo bwizera kandi bukiranuka".

Kunyurwa n'umunezero by'ukuri bituruka ku bwishingizi bw'uko kuri; buri gikorwa cyose gikozwe kubw'agakiza k'abo yapfiriye,Yesu yavuze ko "Ibyo mwagiriye umwe muri abo bavandimwe banjye baciye bugufi, ni jye mwabaga mubigiriye"(Matayo 25:40).Nta kintu cy'agaciro dufite tutabasha guha Yesu.Nitumugarurira impano yaturagije ngo tuzigenzure, azaduha byinshi kurushaho. Umuhati wose tugira dukorera Kristo azawuduhembera, kandi inshingano yose twujuje mu izina rye, izafasha mu kutuzanira umunezero.

***Umugisha ku bandi***. Ibisonga nyakuri bigirira neza abo bihuye nabo bose. Bishyira mu bikorwa ibyo Pawulo yavuze ati: "Kandi bakore ibyiza babe abatunzi ku mirimo myiza babe abanyabuntu bakunda gutanga, bibikire ubutunzi buzaba urufatiro mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basingira ubugingo nyakuri"
(1Timoteyo 6:18,19).

Ubusonga buvuze gukorera abandi no kugira ubushake bwo gusaranganya ibyo Imana yaduhereye ubuntu kandi bishobora kungura abandi.Ibyo bishatse kuvuga ko "tutagifata ubuzima ko ari ukugira amafaranga menshi, kugira ibyubahiro, kumenyana n' abakomeye, inzu no guturana n'abandi, no kumva hari umwanya cyangwa n'isumbwe runaka ufite mu bandi". Ubuzima nyakuri ni ukumenya Imana, guteza imbere
urukundo no kugira imico isa n'iy'Imana, no gutanga ibyo dushobora gutanga, duhereye kubyo twahawe. Gutanga nkuko Kristo ashaka ni ko gutanga k'ukuri.

**Umugisha ku Itorero.** Gukurikiza gahunda y'ubusonga bwa Bibiliya ni ingenzi ku Itorero. Uruhare ruhoraho rw'abagize Itorero mu gutanga ni nk'umwitozo ari byo bituma itorero rikomera, rikagira inshingano yo gusaranganya imigisha Kristo yarihaye, kandi rigahora ryiteguye kubonera igisubizo ubukene bujyanye n'iby'Imana. Itorero rizagira umutungo wa ngombwa wo gutuma rikora umurimo waryo ku isi, kugira ngo ryagure ubwami bw'Imana aharizengurutse kugeza ku mpera z'isi.Babikuye ku mutima bazegurira Imana igihe, impano, n'uburyo bwose mu rukundo kandi bashimira Imana imigisha yayo.

Kubera ko Yesu yaduhamirije ko azagaruka ubwo ubutumwa bwiza bw'ubwami buzaba bumaze kwigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose (Matayo 24:14), twese duhamagarirwa kuba ibisonga n'abakorana n'Imana. Nuko rero ubuhamya bw'Itorero buzaba umugisha ku isi, kandi ibisonga bikiranuka bizanezezwa no kubona imigisha y'ubutumwa bwiza igera ku bandi**.**

## IGICE CYA 22

## IMYITWARIRE YA GIKRISTO

***Twahamagariwe kuba ubwoko bwera bufite intekerezo, ibyiyumviro n'imyitwarire ifitanye isano n'amahame y'ijuru. Kugira ngoUmwuka Wera abashe gukuza muri twe imico y'umwami wacu,tugomba gukurikiza urugero rwa Kristo tukareka inzira z'imirimo yacu bwite,bityo kwera n'amagara mazima n'ibyishimo nibyo bizaranga imibereho yacu.Ni muri ubwo buryo rero ibyo twishimishamo bigomba kuba bihuje n' amahame yo mu rwego rwo hejuru atunganye kandi y'ubwiza bwa gikristo. Twitaye ku mico itandukanye, tuzambara imyambaro irekuye yoroheje kandi tukanezezwa nuko ubwiza nyakuri butabonerwa mu kwitaka inyuma ahubwo yuko buboneka mu bugingo bwicishije bugufi kandi bufite amahoro. Murundi ruhande, nk'uko imibiri yacu ari insengero z'umwuka wera, tugomba kuwitaho, tugakora imyitozo ngororamubiri n'ikiruhuko gihagije, tugomba kumenyera imirire inoze mu buryo bushoboka maze tukirinda indyo yanduye nk' uko ivugwa mu byanditswe. Ibisindisha, itabi, gukoresha ibiyobyabwenge, n'imiti isinziriza kuko itagwa neza imibiri yacu tugomba nayo kuyirinda. Noneho tugakoresha ibyatera imibiri yacu n'intekerezo zacu kugandukira ubushake bwa Kristo we ushaka kutubona dufite amagara mazima, tunezerewe kandi tumerewe neza mu mibiri yacu.(Abar.12:1,2;1 Yoh.2:6;Abef.5:1-21;Abaf.4:8;2Kor 10:5;6:14-7;1Pet.3:1-4;1Kor.6:19,20;10:31;Abalewi 11:1-47;3 Yoh.2)***

Imyitwarire ya Gikristo yerekana uburyo umwizera abaho kandi mbere ya byose ni ubuhamya bwo gushimira Imana kubw'agakiza twaherewe muri Kristo. "Ni uko bene data ndabinginga kubw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ariko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka aribyo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose"(1 Abakorinto 12 :1-2). Bityo umukristo azarinda kandi akuze ubushobozi bw'ubwenge, umubiri n'umwuka, kugira ngo abashe kubaha no kubahisha Umuremyi n'Umucunguzi we. Kristo yasabiye abigishwa be ati: "Sinsaba ko ubakura mu isi, ahubwo ubarinde umubi, si ab'isi nk'uko nanjye ntari uw'isi" (Yohana 17 :15-16).

Byashoboka bite ko umukristo aba mu isi atari uw'isi ? Byashoboka bite ko uburyo bwe bwo kubaho bwatandukana n'ubw'isi ?

Umukristo agomba kubaho ayoborwa n'amahame mvajuru, atari ukugira ngo anezezwe no kuba ukwe wenyine, ahubwo ari ukugira ngo akiranukire Imana.Ubwo buryo bw'imibereho buzamubashisha kugera ku rwego rwo hejuru rw'ubushobozi bwo gukomerera mu murimo w'Imana. Gutandukana n'abandi bisobanuye inshingano: Gukorera abandi,kubera isi umucyo, kuyibera umunyu.Umunyu n'ukayuka uzaba ukimaze iki ? Umucyo utagira aho utandukaniye n'umwijima w'ibibi waba umaze iki ?

Kristo ni urugero rwacu, yasabanaga cyane n'ab'isi,bituma aregwa ko asangira ibyo kurya no kunywa nabo(Matayo 11 :19).Kandi mu buryo bunyuranye n'ubwo, imibereho ye yari ifitanye isano n'amahame yo mu ijuru kuburyo ntawashoboraga kugira icyaha amurega (Yohana 8 :46).

**Imyitwarire n'agakiza** : Mu gushyiraho imyitwarire ya gikristo, tugomba kwirinda ibi bintu bibiri:
Icya mbere gishingiye ku gufata amategeko no kuyashyira mu bikorwa nk'uburyo bw'agakiza. Pawulo avuga mu ncamake uko gukabya ati: "Mwebwe abashaka gutsindishirizwa n'amategeko mutandukanijwe na Kristo kuko mwaguye muretse ubuntu bw'Imana" (Abagalatia 5 :4).

Icya kabiri gihabanye n'iki; ni ukwizera agaciro gake k'imirimo kuko atariyo soko y'agakiza. Noneho ibyo umuntu yakora byose ntacyo byamara. Pawulo nawe yarwanije abo babivuga ati: "Bene data mwahamagariwe umudendezo, ariko umudendezo wanyu ntimuwugire urwitwazo rwo gukurikiza ibya kamere, ahubwo mukorerane mu rukundo"(Abagalatiya 5 :13). Igihe buri wese akora nk'uko abyumva, "akirengagiza amahame yo gukorera hamwe nk'uko Ibyanditswe bitegeka"(Matayo 18 , Abagalatiya 6 :1-2), Itorero ntiriba rikiri umubiri wa Kristo, umuryango ubamo urukundo no kuzirikanana ;ahubwo riba ribaye agatsiko k'abantu bari ukwabo, buri muntu akurikira inzira ye, akanga kugira inshingano akorera mugenzi we ntagire icyo amwungura akumva nta nicyo yamumarira. Nubwo inyifato yacu n'iby'umwuka byacu byaba bigendana,

ntidushobora kubona agakiza kubw'inyifato yacu itunganye, ahubwo inyifato ya gikristo ni imbuto ikomoka ku gakiza ishingiye kucyo kristo yadukoreye i Karuvari.

**Urusengero rw'Umwuka Wera :** Umukristo nk'umuntu ku giti cye kandi nkuko Itorero rimeze ni urusengero Umwuka Wera aturamo. "Ntimuzi ko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera uba muri mwe, wavuye ku Mana, kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge"(1Abakorinto 6 :19).

Niyo mpamvu umukristo agomba gushyira mu bikorwa amahame yo kwirinda kugira ngo arinde mu Mwuka he ari cyo gice kiyobora umubiri we kandi kikaba ubuturo bw'Umwuka wa Kristo. Na none muri iyi myaka ijana ishyize, abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi basanze ari iby'igiciro kwibanda ku magara mazima. Ubushakashatsi buheruka bwerekanye ko Itorero ry'Abadivantisite rigerwaho buhoro n'ingaruka z'indwara zikomeye zo muri iki gihe kuruta abandi bantu benshi.

Nk'abakristo turebwa n'ibyatwegereza kwera kw'imibereho y'umuntu : umubiri, umwuka, n'ubugingo. Yesu nk'urugero rwacu "yakizaga indwara zose n'ubumuga bwose mu bantu"(Matayo 4 :23). Bibiliya ifata umuntu nk'aho ari umuntu ku giti cye(igice cya 7 cya Matayo) " Itandundukaniro riri hagati y'iby'Umwuka n'ibigaragara, ntirigaragazwa n'ubutumwa bwa Bibiliya". Bityo, Imana mu kuduhamagarira kwera harimo n'ubuzima bwacu bw'umubiri, n'ubw'ubwenge. Susannah Wesley(Suzana Wesilehi),nyina w'uwashinze Itorero ry'Abametodiste ahinira iryo hame mu buryo bwihariye ati: "Ibyacogoza imbaraga z'ibitekerezo byanyu, bikagabanya ubwenge bwo gutekereza, bikijimisha ibyiyumviro dufite ku Mana, bikagabanya imbaraga n'ububasha Umwuka afite ku mubiri ni ikintu kibi n'ubwo kigaragara nk'ikitagira inenge".

Mu mategeko y'Imana harimo n'ay'ubuzima, ntabwo yapfuye kubaho yateganijwe n'Umuremyi wacu kubwacu kugira ngo adushoboze kwishimira imibereho yuzuye. Kuko umwanzi satani ashaka kutunyaga ubuzima, ibyishimo n'amahoro yo muntekerezo, intego ya nyuma ni ukuturimbura(Yohana 10 :10).

**Imigisha y'Imana ku buzima bwuzuye** : Ubuzima bwuzuye buzaba bushingiye ahanini ku gushyira mu bikorwa amahame y'Imana yoroheje ariko y'ingenzi. Amwe muri yo mu bigaragara azorohera benshi kuyakurikiza. Andi nk'amahame y'imirire yihariye ntazaborohera kuko arwanya uko babyumva n'uko babibamo mu buzima bwacu bwa buri munsi ni yo mpamvu tugiye kwibanda kuri ayo mahame yumviswe nabi,akagirwaho impaka cyangwa akanangwa.

**Imyitozo ngororamubiri :** Gukora imyitozo ngororamubiri buri gihe, ni ihame ryoroheje mu kongera imbaraga z'umubiri, kugabanya umunaniro,gufasha mu kugira ubushobozi bwo kwitegeka, gukomeza umubiri, kuringaniza umubyibuho, kugira ikimero cyiza, kugira uruhu rurushijeho kuba rwiza, igogora ryiza. Bigabanya indwara z'umunaniro,iz'umutima na kanseri. Imyitozo ngororamubiri si ikintu ushobora gukora cyangwa ukareka ahubwo ni ingenzi ku buzima bwiza kimwe n'umubiri n'ubwenge.
Umurimo w'ingirakamaro ugeza ku iterambere. Kuba imburamukoro n'umunebwe bitera ubutindi;

(Imigani 6 :6-13 ; 14 :23). Imana yategetse abantu ba mbere kubaho bakora : bakarinda umurima bakaba ahantu hari umwuka mwinshi(Itangiriro 2 :5,15 ;3 :19). Kristo ubwe yatanze urugero rwo gukoresha umubiri, imibereho ye ahanini yayimaze akorera mu ibarizo, hanyuma agendagenda inzira zose zo muri Palesitina ku maguru mu gihe cy'umurimo we.

**Izuba :**Umucyo ni ingenzi ku buzima(Itangiriro 1 :3).Izuba rifasha gukuza ibintu byose dukomoraho imbaraga zikwiriye ubuzima bw'umubiri wacu. Izuba rigira uruhare mu kuduha umwuka mwiza duhumeka, rituma habaho ubuzima no gukira indwara.

**Amazi** :Umubiri w'umuntu ugizwe na 75% by'amazi, ariko amazi akomeza kuba make mu mubiri kubera guhumeka no kubira ibyuya n'indi myanda y'umubiri isohoka hanze.Ni yo mpamvu ari ingenzi kunywa ibirahuri bitandatu cyangwa umunane by'amazi meza ku munsi kugira ngo tumererwe neza. Undi murimo ukomeye w'amazi : akoreshwa mu gusukura umubiri hanyuma umuntu akaruhuka neza.

**Umwuka mwiza :** Ubuzima mu bidukikije byanduye, ari imbere cyangwa hanze y'inzu, bituma tubura umwuka mwiza bikangiza imikorere myiza ya buri rugingo rw'umubiri wacu.Ni yo mpamvu habura ubuzima bwiza no gukomera. Ni iby'ingenzi ko tuba maso buri munsi ngo tubone umwuka mwiza.

***Ubuzima bwirinda, butarangwamo ibiyobwabwenge, n'igikanguramubiri icyo ari cyo cyose*** :

Ibiyobwabwenge byamaze kwibasira imiryango yacu ; biha buri wese ikangura n'ihumure ry'akanya gato rishakwa na ba bandi b'abanyagahinda n'abanyamibabaro, umukristo nawe yugarijwe n'icyo gishuko cy'ibiyobyabwenge, ndetse biboneka mu binyobwa byinshi byamamaye bigaragara ko bitagira inenge : Nk'ikawa, icyayi, ibinyobwa bikomoka kuri kola bifite za alcaloide. Ubushakashatsi bwerekanye ko kunywa ibiyobyabwenge byoroheje bishobora kuyobora umuntu buhoro buhoro ku kunywa ibiyobyabwenge byangiza, bikoma mu nkokora cyane imikorere y'ubwonko.Ni uko rero umukristo we azagira ubwenge bwo kwirinda icyangiza cyose, no kurya icyiza ku rugero.

**1.Itabi :** Mu buryo ubwo aribwo bwose, itabi ni uburozi bukora buhoro buhoro, kandi rifite ingaruka mbi ku bushobozi bw'umubiri, bw'ubwenge n'intekerezo. Ugitangira kurinywa biragoye kubona ingaruka zaryo. Nyamara kandi, rikangura imitsi yumva hanyuma rikayiremaza, rigacogoza kandi rikijimisha ubwonko. Bigatera akamenyero gatuma haboneka ubundi burozi bukomoka ku mwotsi (oxyde de carbone, goudron, phenols …),abanywi b'itabi rero biyahura buhorobuhoro, bityo bakica itegeko rya gatandatu rivuga ngo ntukice (Kuva 20 :13).

**2.Ibinyobwa bisindisha :** Inzoga ni kimwe mu biyobyabwenge bikunze gukoreshwa cyane mu isi. Icyo kiyobyabwenge cyarimbuye abantu za miliyoni na miliyoni. Ntabwo kigwa nabi gusa abagikoresha, ahubwo kigera no ku miryango yose : imiryango isenyuka, impfu zitunguranye, n'ubutindi.

Kuko Imana ivuganira natwe mu ntekerezo zacu, ni ingenzi kwibuka ibihabanye n'igitekerezo rusange, itabi ryangiza imikorere y'ubwonko.Kwiyongera

kw'ibiyobyabwenge mu maraso bitera ingaruka zikurikira : Kunaniza imbaraga zo kwitegeka, urujijo rwo mu bwenge, kuyoba, ubwoba,imitsi ita ubushobozi, kuzimiza umutimanama, n'urupfu. Gukoresha buri gihe inzoga amaherezo bicogoza ubwenge, intekerezo n'ubushobozi bwo gukora.

Imirongo ya Bibiliya ivuga ku nzoga ishobora gutuma abantu batekereza ko Imana yemeye ko zikoreshwa. Ariko kandi, Bibiliya yerekana ko ubwoko bw'Isirayeli bwagize uruhare ku bikorwa rusange Imana itemera, nko gutandukana kw'abashakanye, gushaka abagore benshi, n'ububata. Bityo mu gusobanura imirongo nk'iyo ya Bibiliya ni ingirakamaro kwibuka ko igihe cyose ibyo Imana yemera ko bibaho atari ko iba ibishyigikiye. Igisubizo Yesu yashubije abamubajije ibyerekeye gusenda abagore kiragaragara neza cyane arabasubiza ati: "Mose yabemereye gusenda abagore banyu kuko imitima yanyu inangiye, ariko uhereye mbere hose ntibyari bimeze bityo"(Matayo 19 :8). Ubutumwa bwiza butuyobora ku cyitegererezo cy'uko umuntu yari ameze ataracumura. Gukoresha inzoga ntibyari biri mu mugambi w'Imana umuntu akiremwa, n'ibikorwa byavuzwe haruguru byo gusenda abagore ntibyari mu mugambi w'Imana.

**3.Ibindi biyobyabwenge byangiza :** Satani akoresha ibindi biyobyabwenge byangiza, kandi birimo uburozi kugirango arimbure ubuzima bw'abantu. Abakristo nyakuri; babandi bahamya Kristo bazahora bahamya Imana mu mibiri yabo, bizera badashidikanya ko bacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi ya Kristo.

**Ikiruhuko** : Ikiruhuko ni ingenzi ku buzima bw'umubiri n'intekerezo.Itegeko ryuzuye Kristo yahaye abigishwa be barushye natwe turarihabwa "Muze ahiherereye, aho abantu bataba…. Muruhuke ho hato" (Mariko 6 :31). Imyanya yeguriwe ikiruhuko iduha umutuzo twifujije igihe kirekire kugira ngo dushyikirane n'Imana "Nimworoshye mumenye ko ari jye Mana"(Zaburi 46 :11). Mu gutoranya umunsi wa karindwi nk'umunsi w'ikiruhuko, Imana yerekanye agaciro ko kuruhuka (kuva 20 :10). Ikiruhuko ntabwo gishingiye gusa ku kuryama cyangwa ku kureka umurimo, ahubwo kuruhuka harimo n'uburyo dukoresha n'igihe cyacu cyo kuruhuka. Ntabwo umunaniro uzanwa gusa no gucika intege, cyangwa se gukora umurimo muremure kandi unaniza : intekerezo zacu zishobora kunanirwa kubw' ibinyamakuru, kubw'uburwayi, no ku bibazo bitandukanye by'umuntu ku giti cye.

Ikiruhuko cyiza rero ni ikiruhuko gifashwe mu buryo bw'ukuri. Ikiruhuko gitera imbaraga, kikubaka bundi bushya, kigahembura intekerezo n'umubiri, bityo kigategurira umwizera gusubira mu mirimo ye n'imbaraga zivuguruwe. Niba abakristo bashaka ubuzima bwuzuye kandi bufite umunezero, bari bakwiriye gushakashaka uburyo bwo kuruhuka no gukora indi mirimo itandukanye n'iyo bakoraga ituma umushyikirano bagirana na Yesu ushikama, kandi kubw'ibyo bigasubiza intege mu buzima bwabo.
Ibyanditwe byera bishyira ahagaragara ihame rikurikira mu rwego rwo gufasha umukristo guhitamo ikiruhuko cyiza. kugirango gufasha umukristo agire ikiruhuko cyiza
"Ntimugakunde iby'isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda ibiri mu isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we, kuko ikiri mu isi cyose ari irari ry'umubiri, n'irari ry'amaso cyangwa kwibona ku by'ubu bugingo bidaturuka kuri Data wa twese ahubwo bituruka mu isi. Kandi isi irashirana no kwifuza kwayo, ariko ukora iby'Imana ishaka azabaho iteka ryose"

(1 Yohana 2 :15-17).

**1.Sinema, televiziyo, radiyo n'amashusho** :Ibyo bikoresho bisakaza amakuru, bishobora kuba abigisha beza, byahinduye burundu isi yacu ya none, bituma tumenya imico itandukanye yo ku isi yose.

Umukristo agomba kumenya yuko za televiziyo, na za filime bireshya umuntu ku buryo nta kindi wabigereranya nabyo. Ikibabaje ni uko za filime nyinshi zikomeza gusakazwa muri gahunda ziba atari nziza buri gihe.Bityo nitutagira amahitamo meza"imiryango yacu izaba uruhurirane rwo kwigirwamo ibibi byose", bityo umukristo agomba gutera umugongo izo filimi zigisha kurwana na gahunda mbi za televiziyo.

Ibisakaza amakuru si bibi ubwabyo,iyo mirongo isakaza ububi bw'inyokomuntu ni nayo inasakaza ubutumwa bwiza na za gahunda nyinshi zinejeje. Ndetse na za gahunda nziza zinyujijwe kuri televiziyo ntizigomba kuducika. Abakristo bagomba gushyiraho amahame yo gusobanura ibyo bagomba kwitegereza ndetse n'igihe bagomba kumara imbere ya televiziyo. Isano bagirana n'abandi n'inshingano zabo ntibigomba kudindizwa n'ibyo. Nitutagira ubushobozi bwo gutekereza, cyangwa nitubura imbaraga kugirango twisuzume, byakabaye byiza kureka za televiziyo cyangwa za videwo kugira ngo ibyo bitigarurira imibereho yacu, bikanduza intekerezo zacu, bikanadutakariza igihe cy'igiciro.

Bibiliya ivuga ko iyo twitegereje Kristo, duhindurirwa gusa nawe, tukabona ubwiza bukurikiye ubundi
(2 Abakorinto 3 :18). Kwitegereza biduhesha imbaraga yo guhinduka. Ariko, umukristo agomba kwibuka ko iryo hame ryo kwitegereza rishobora kumwerekeza no ku kibi. Za filime zerekana ibyaha no kubabaza ikiremwa muntu, ubusambanyi, ubujura, kumena amaraso n'ibindi bikorwa by'urukozasoni bigira uruhare mu gusigingira kw'intekerezo muri iki gihe. Inama Pawulo yagiriye abafilipi (Abafilipi 4 :8), yerekana ibiranga ikiruhuko cyiza "ibisigaye bene data, iby'ukuri byose, iby'igikundiro byose, ibyo gukiranuka byose, ibishimwa byose, niba hariho ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe, abe ari byo mwibwira".

**2.Gusoma n'indirimbo:**
Ayo mahame atugenga mu byo twitegereza ni nayo atugenga mu byo dusoma n'uburyo turirimba. Izo ni impano Imana iduha ngo dukangure intekerezo zera z'icyubahiro kandi zishyizwe hejuru,ibyo bigaha agaciro imico yacu.

Indirimbo mbi "zisenya imico kandi zikagabanya urugero rw'ubunyangamugayo". Bityo rero abigishwa ba Yesu bazavanaho "injyana yose iturutse kuri JAZZ, ROCK na ROLL cyangwa izizikomokaho, byerekeza ku magambo yamanjwe cyangwa atagira umumaro". Indirimbo zirimo amagambo adatunganye y'amanjwe kandi agayitse ntizikwiriye gutegerwa amatwi (Abaroma 13 :11-14 ; 1 Petero 2 :11).

Gusoma nabyo ni kimwe mu ngingo zifite uruhare mu kubaka umuco. Habaho ibitabo byiza n'ibinyamakuru byiza byinshi,nyamara hariho n'ibisomwa byinshi bibi, akenshi byerekanwa mu buryo bureshya, ariko bikaba byatera akaga mu by'umwuka no mu mico.

Inkuru zishimishije z'ubwicanyi zaba ukuri cyangwa ibihimbano ntabwo bikwiye; bitera umuntu kuzinukwa icyiza,ubudahemuka n'igitunganye kandi bikaba inzitizi y'iterambere ry'imibereho iboneye muri Kristo.

**3.Ibikorwa bikwiriye kurekwa:**
Abadivantiste bigisha kandi ko hagomba kurekwa ikintu cyose cyahindura umuntu imbata nk'imikino, cyane cyane imikino y'urusimbi. Igihe cyo gukina amakarita, kwiruka n'ibindi, kujya ahari ibirori by'isi no mu rubyiniro (1 Yohana 2 :15-17). Igihe gipfushwa ubusa mu kureba imikino yo kurwana yangiza nayo inyuranije n'imyitwarire ya gikristo(Abafiripi 4 :8). Buri gikorwa cyose kigabanya umushikirano wacu n'Imana, gituma tubura amahirwe yacu y'ibihe byose, maze kigatuma imitima yacu iba ingaruzwamuheto z'imbaraga za satani. Ariko kandi abakristo bakwiriye gufatanya n'abandi mu mikino yera izatuma imibiri yabo igarurwamo ubuyanja, ubugingo n'umwuka.

**Ibyo kurya bikwiye:**Umuremyi wacu yahaye urugo rwa mbere ibyo kurya by'intangarugero:"kandi Imana irababwira iti : dore mbahaye ibimera byose byera imbuto biri mu isi yose, n'igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo, bizabe ibyo kurya byanyu" (Itangiriro1 :29). Nyuma yo kugwa Imana yongereye ku byo kurya byabo "imboga zo mu mirima" (Itangiriro3 :18).

Ibibazo by'ubuzima bwo muri iki gihe bizanwa ahanini n'indwara akenshi ziterwa n'imirire ndetse n'uburyo bwo kubaho. Imirire yateganijwe n'Imana ;imbuto, amatunda ,ibinyamisogwe n'imboga bifite intungamubiri zose zikwiriye ubuzima buzira umuze.

**1.Ibyokurya byahawe umuntu bwa mbere:** Bibiliya ntabwo ibuzanya kurya inyama zitanduye.Ariko ntabwo Imana yari yarabiteganirije umuntu ikimurema. Ntabwo Imana yari ifite umugambi wo kwambura inyamanswa ubuzima kuko ibyo kurya by'ibimera byari indyo yuzuye ku buzima; ndetse n'abahanga barabyemeza ubu. Abantu barya inyama ndetse n'ibindi bizikomokaho bahuriramo n'udukoko tubasha kubanduza indwara zishobora kwangiza ubuzima bwabo. Ugereranije muri leta zunze ubumwe za Amerika miliyoni z'abantu bafite ubuhumane baterwa no kurya inyama abavetelineri batapimye. Abahanga benshi bavuga ko utwo dukoko dushobora kwangiza ubuzima, bikaba byatuma indwara ziyongera.

Ubundi bushakashatsi bwakozwe vuba aha bwose bwerekana ko kurya inyama cyane bishobora gutera kwiyongera kw'indwara nka kanseri,n'izindi zishobora kugabanya igihe cyo kubaho.

Ibyo kurya biboneye,imbuto n'imboga ni ibyatanzwe n'Imana mu ngombyi ya Edeni nubwo rimwe na rimwe tudashobora kubigeraho.Niyo mpamvu igihe bimeze gutyo, aho waba uri hose, uko waba ubayeho kose,niba ushaka kugira ubuzima bwiza ugomba kurya ibyo kurya biboneye niba bishoboka.

2.**Inyama zanduye n'izitanduye:** Imana yemereye abantu gusa kurya inyama nyuma y'umwuzure. Kuko ibimera byose byari byarimbutse, yabwiye Nowa n'umuryango we kurya inyama ariko ntibarye amaraso
(Itang 9 :3-5).Ibyanditswe bivuga kandi ko Imana yabwiye Nowa kurya inyama zitazira. Kubera ko yari kuzakenera izo nyamanswa ngo aziriye ndetse atambe ibitambo niyo mpamvu Imana yamutegetse iti:"mu matungo yose no munyamanswa zose zitazira ujyanemo birindwi birindwi ibigabo n'ibigore".
(Itang 7 :2,3 ;Itang 8 ;20).Mugitabo cy'Abarewi 11 no mu Gutegeka 14 yerekana birambuye ibyo kurya bizira n'ibitazira. Inyamanswa zizira ntabwo aribyo kurya byiza. Nubwo izo nyama ari zo zimenyerewe kuribwa,ariko zibasha gutera indwara nyinshi.

Ubushakashatsi bwakozwe ku nyama y'ingurube no ku gikonoshwa bwerekana ko uretse kuba zifite ibinure byinshi harimo uburozi ndetse harimo n'ibihumanya. Kutarya inyama ku bwoko bw'Imana byerekana ko baba bishimira uburyo bacunguwe bakavanwa mu mahanga yononekaye(Abarewi 24 :24 ;Gutegeka14 :2). Gushyira ikintu gihumanye mu mubiri- urusengero rw'Umwuka binyuranije na gahunda y'Imana.

Isezerano rishya ntirikuraho itandukaniro hagati y'inyama zizira n'izitazira.Bamwe bizera ko amategeko y'imirire yo mu balewi atareba abakristo kuberako yari ay'imihango n'imizirizo y'Abisiraheli.Nyamara itandukaniro hagati y'inyamaswa zizira n'izitazira byabayeho mu gihe cya Nowa Abayisirayeli batarabaho.Nk'amahame y'ubuzima, amategeko y'imirire aracyafite akamaro.

**3.Kurya ku gihe,kwicisha bugufi, indyo yuzuye:** Guhinduka kw'imirire imenyerewe bigomba gutekerezwaho kugira ngo bigire akamaro.Ibyo kurya by'ibinure n'amasukali bigomba kurekwa cyangwa ntibikoreshwe cyane. Kugira ngo ibyo turya bitugirire akamaro tugomba kubitegura mu buryo bworoheje kandi karemano,no kurya dutandukanya amasaha kandi ku gihe. Kurya ibyo kurya biteguwe mu buryo bukomeye ntabwo ari byiza. Ibirungo bishyirwa mu biryo byangiza inzira y'ibiryo kandi iyo bikoreshejwe buri munsi bitera ingorane z'ubuzima.

**Imyambaro ya gikristo:** Imana yari izi ubukene bwacu bwo kwambara(Matayo 6 :25-33).
Guhitamo kwacu gushobora kwibanda kuri aya mahame akurikira : kwicisha bugufi, imyambaro ikwiye, ijyanye n'urwego urimo, itangiza ubuzima, kandi myiza.

**1.kwicisha bugufi:** Umukristo amenyekanira ku myambarire ye n'uko yitwara aho agenda hose. Ubuhamya bwe bugaragaza ko yicisha bugufi. Uburyo twambara bigaragariza ab'isi abo turi bo cyangwa icyo turi cyo. Ubwo buhamya bwerekana urukundo dukunda Yesu.

**2.Imyambaro ikwiye:** Abakristo ntibagomba kwambara nk'ab'isi(1Yohana 2 :16). Kugira ngo abakristo bahamye kwizera kwabo bagomba kwambara imyenda ikwiye kandi bagakora ibikwiye kugira ngo bagire ubuzima bwiza kandi barwanye ukwifuza kose kubi. Icyifuzo cyabo ntabwo ari ukwiyerekana ahubwo ni uguhesha Imana icyubahiro.

**3.Kwambara neza kandi udatagaguje:** Kugira ngo bacunge neza umutungo Yesu yababikije bagomba kureka kwikwiza izahabu, inigi, n'imyambaro ihenze

cyane(1Timoteyo2 :9). Ariko gucunga neza umutungo ntibivuga kugura buri gihe imyenda mibi. Rimwe na rimwe ushobora kugura imyenda ya make kandi ikaba ari myiza.

**4.Kwambara imyenda itangiza ubuzima:** Ibyo kurya ntabwo aribyo byonyine bigize ubuzima. imyambaro yose idatwikira umubiri kuburyo buhagije,iboshye umubiri kandi ishobora kwangiza umubiri igomba kurekwa.

**5.kurangwa n'ubwiza karemano n'ubuntu:** Abakristo bemera kwitandukanya n'irari ry'umubiri
(1Yohana 2 :16). Kristo arebeye ku mirima yerekanye uko ijuru rivuga ubwiza: ubuntu, kwicisha bugufi, kwera, ubwiza karemano. Salomo mu bwiza bwe bwose ntabwo yigeze arimba nk'akarabo na kamwe ko mu murima(Matayo 6:29). Ubwibone mu myambarire igezweho ntabwo bunezeza Imana(1Timoteyo2 :9).

Ntabwo ari mu kwigana kubaho nk'ab'isi,abakristo bazarehereza abatizera ku gakiza ;ahubwo ni mu kubereka imyitwarire itandukanye n'iyo , ibareshya kandi ibakurura cyane. Petero yavuze ko abagabo batizera bashobora kureshywa n'imico myiza y'abagore babo,nubwo baba ntacyo bavuze. Yabagiriye inama ko aho kwirimbisha inyuma,bagira umwete bagaharanira kugira umwambaro w'imbere uhishwe mu mutima, umurimbo utangirika w'umwuka ufite ubugwaneza n'amahoro ari wo w'igiciro cyinshi mu maso y'Imana'(1Petero3 :1-4). Ibyanditswe bitwigisha ko :

**a.*Ubwiza bw'ukuri bugaragarira mu mico*.** Petero na Pawulo bombi bashyizeho amahame shingiro yo kuyobora abagabo n'abagore mu byo kwirimbisha : 'umurimbo wanyu we kuba uw'inyuma[…]wo kwambara izahabu,cyangwa wo gukanisha imyambaro'(1Petero3 :3). « Kandi n'abagore ni uko; ndashaka ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda, kandi batirimbisha kuboha umusatsi,cyangwa izahabu cyangwa imaragarita,cyangwa imyenda y'igiciro cyinshi ;ahubwo birimbishishe imirimo y'ingeso nziza nk'uko bikwiriye abagore bavuga yuko bubaha Imana.»(1Timoteyo2 :9,10).

**b.*Kwiyoroshya bigendana no guhinduka mu by'Umwuka*.** Igihe Yakobo yabwiraga ab'umuryango we kwiyereza Imana, bitandukanije n' "imana zose z'abanyamahanga zari hagati muri bo n'impeta zari ku matwi yabo"ibyo Yakobo yahise ahamba (Itangiriro35:2,4).

Nyuma y'ubuyobe bw'Abisirayeri imbere y'inyana ya zahabu, Imana yarababwiye iti: "Nuko mwiyambure iby'umurimbo byanyu,kugira ngo menye uko mbagenza" Nuko nk'ikimenyetso cyo kwihana, "Abana ba Isirayeri biyambura iby'umurimbo byabo."(Kuva33:5,6). Pawulo ahamya neza ko Ibyanditswe byavuze iby'ubwo buyobe ngo "biduhugure twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe"(1Abakorinto 10:11).

**c.*Icungamutungo riboneye risaba ubuzima bwitanga*.** Mu gihe umugabane munini w'umubumbe wacu wugarijwe n'indyo ituzuye abandi batagira ingano bakaba bicwa n'inzara, gukunda ibintu birarushaho kwigarurira imitima ya benshi: imyambaro ihenze cyane,amamodoka,ibyo kwirimbisha,kuba mu mazu ahenze…. Kubwo kwiyoroshya mu buzima bwabo , uburyo bwabo bwo kubaho ,abakristo nyakuri barwanya bivuye inyuma uwo muco w'imiryango y'iki gihe wo gukunda ibintu kurusha abantu.

Tugendeye kunyigisho n'amahame twabonye haruguru twizera ko kwambara imitako kumubiri bitemerwa na Bibiliya. Dushaka kuvuga ko ibikoreshwa byose mu kwigararagaza –kwambara amaherena, imiringa, ibikomo,impeta, utwuma dufata karuvati two kwigaragaza by'imirimbo, inigi, ibipesu by'amashati binini bigarara nko kwibonekeza, imibano, n'indi mirimbo. Ntabwo ari ngombwa, ntabwo biri muri gahunda yo kwicisha bugufi nk'uko ibyanditswe bivuga.

Bibiliya ihuza kwisiga irangi ku mubiri n'ubupagani n'ubuhakanyi(2 Abami 9:30; Yeremiya 4:30). Ku bijyanye no gusukura umubiri abakristo bagomba kugira uruhu karemano kandi ruzima. Ni duhimbaza Kristo mu byo tuvuga, uko twambara, tuzakururira abantu kuri kristo.

**Amabwiriza y'ubuzima bwa gikristo**

Binyuze mu buryo umukristo agaragara, umukristo ni igisubizo cy'agakiza ka Kristo.Yifuza kubaha Imana no kubaho nk'uko Kristo yabayeho. Nubwo bamwe birebera gusa ibyo bibujijwe, tugomba no kubifata nk'amahame y'ingenzi afite umumaro muri gahunda y'agakiza.

Yesu asobanura neza icyamuzanye ku isi yaravuze ati:"nazanywe no kugira ngo babone ubugingo ndetse bwinshi".Ni ayahe mahame y'ubwo bugingo? Iyo Umwuka Wera yinjiye mu muntu, ubuzima bwe burahinduka, bikagaragarira bose(Yohana 3:8).
Ntabwo Umwuka Wera akora icyo gikorwa gitangira gusahubwo akomeza umurimo we. Imbuto y'umwuka ni urukundo (Abagalatiya 5:22,23). Umukristo ukunda kandi ukundwa ni ikintu cy'ingenzi mu bukiristo.

**Kubaho dufite umutima wa Kristo**

"Mugire wa mutima wari muri kristo Yesu" (Abafilipi 2:5). Uko ibihe byaba bimeze kose byaba byiza cyangwa bibi tugomba gushaka kumva no kubaho bijyanye n'ubushake n'imitekerereze ya Yesu(1korinto 2:16).

Elina white yanditse ibyiza by'ubuzima bufitanye umushyikirano na Kristo:"kubaha kose k'ukuri kuba mu mutima. Kristo yashyiraga umutima we wose mu byo yakoraga byose. Niba tumushaka azayobora intekerezo zacu n'ibyo twibwira byose , azatuma imitima yacu n'intekerezo zacu bimera nkuko ashaka mu kumukurikira tuzabasha gutegeka ukwifuza kwacu. Ubushake butunganye kandi bwejejwe bubona umunezero mu kumukorera. Nitumenya Imana nkuko bidukwiriye ko tuyimenya ubuzima bwacu buzahinduka kubaha guhoraho. Ni dusobanukirwa imico ya Kristo tukayishimira kandi nitugirana umushyikirano n'Imana icyaha kizaneshwa".

**Kubaho dusingiza kandi duhesha Imana icyubahiro**

Imana yadukoreye byose uburyo bumwe rukumbi dufite bwo kuyishimira ni uguhimbaza izina ryayo.Umunyezaburi yashimangiye cyane iyo ngingo mu buzima bwacu bwa gikristo: “uko niko nagutambiriye ahera hawe,kugira ngo ndebe imbaraga zawe n’ubwiza bwawe. Kuko imbabazi zawe ari zo gukundwa kuruta ubugingo iminwa yanjye izagushima. Uko niko nzaguhimbaza nkiriho izina ryawe niryo nzamanikira amaboko. Umutima wanjye uzahazwa nkuriye umusokoro n’umubyibuho akanwa kanjye kazagushimisha iminwa yishima” (zaburi 63:3-6).

Iyo nyifato yo guhimbaza Imana iha abakristo ikindi kerekezo cy’ubuzima. Mu kureba Yesu wabambwe akadukiza urupfu n’imbaraga y’icyaha, ibyo bidutera kutamukorera ikindi uretse kumukorera ibimunezeza
(1Yohana3:22;Abefeso 5:10), umukristo ntabaho kubwe ahubwo abaho kubw’uwamupfiriye akanamuzukira(2abakorinto5:15). Imana iba kumwanya wa mbere mubyo akora,avuga,atekereza cyangwa mubyifuzo bye. Nta zindi mana agira mu maso y’umucunguzi we(1 abakorinto 10:31).

**Kubaho ubera abandi urugero**

Pawulo yavuze ko tugomba kubaho tutagira uwo tubera ikigusha (1korinto 10:32). “nicyo gituma mpirimbanira kugira umutima utandega ikibi ngirira Imana cyangwa abantu iminsi yose. (ibyakozwe 24:16). Niba imico yacu itera abandi gucumura, turimbura amuntu kristo yapfiriye. “ Uvuga ko ari muriwe agomba kugenda nkuko yagendaga.” (1yohana 2:6).

**Kuberaho gukorera abandi.**

Agakiza k’abagabo n’abagore bacumuye, uwo niwo mugambi nyirizina w’imibereho y’umukristo ibararikira kumenya uwabacunguye.
Pawulo yaravuze ati:“nkuko nanjye nezeza bose muri byose sinishakira ikinyungura ubwanjye keretse icyungura abandi ngo bakizwe”(1korinto10:33,cf matayo 20:28) .

**Ibisabwa n’amategeko y’imyitwarire.**

Kubw’ingaruka y’imyitwarire y’umuntu ku mibereho ye y’umwuka n’ubuhamya atanga bwe bw’iby’umwuka, Itorero ryashizeho amahame y’imyifatire runaka y’abantu bifuza guhinduka abagize Itorero. Ayo mahame arimo kwirinda itabi, ibinyobwa bisindisha, n’ibikomoka mu bushakashatsi byangiza ubuzima bw’ubwonko, inyama zanduye,kandi umukiristu agashyira mu bikorwa ibyerekeranye n’imyambaro myiza, mu gukoresha igihe,ikiruhuko n’ibindi biruhura ubwonko.

Ayo mahame yoroheje ntabwo arimo umugabane wose w’ibyo Imana ikeneye ku mwizera. Ahubwo ayo mahame niyo ntangiriro y’amajyambere y’imibereho ya gikristo ihiriwe. Amahame nkayo kandi niyo ntandaro y’ingenzi mu kunga ubumwe bw’abagize umuryango w’abizera.

Gutera imbere kw’imyifatire ya gikristo mu maso y’Imana ni imibereho ya buri munsi kandi ni igisubizo cy’imibereho y’umukristo ubana n’Imana buri munsi. Imibereho yera nta kindi

uretse kumvira ubushake bwa Kristo buri musi, kumvira inyigisho ze, nk'uko abiduhishurira kubw'akamenyero ko kwiga Bibiliya no gusenga. Buri wese muri twe agakurikiza intambwe zo gukura mu by'umwuka mu buryo butandukanye.
Ni ibyingenzi ko twirinda gucira bene data na bashiki bacu imanza b'abanyantege nke mu kwizera
(Abaroma 14:1;15:1).

Abizera bunze ubumwe n'umukiza bafite icyerekezo kimwe: gukora ibyo bashoboye byose kugira ngo baheshe se wo mwijuru icyubahiro ariwe nkomoko y'agakiza gatangaje. "Namwe iyo murya cyangwa munywa cyangwa mukora ikindi kintu cyose mujye mukorera byose guhimbaza Imana"(1Abakorinto10:31).

## IGICE CYA 23

## UBUKWE N'UMURYANGO

**Ubukwe ni umuhango washyizweho n'Imana muri Edeni. Yesu yahamije ko ari ukubana by'iteka ryose hagati y'umugabo n'umugore, umubano urangwa n'umwuka w'urukundo.Mu maso y'umukristo, umuhango w'ubukwe ni isezerano rikorerwa umuntu agirana n'uwo bashakanye imbere y'Imana, kandi ugomba gukorwa n'abahuje kwizera gusa. Urukundo, gushima, inshingano, kubahana nibyo bigize umurunga w'ubumwe bw'abashakanye. Bikomora umuco ku rukundo, ubutungane, n'ubucuti n'umushyikirano w'iteka uhuza Kristo n'itorero rye. Ku byerekeye gutandukana, Yesu yigishijaka undi aba asambanye keretse iyo uwa mbere bapfuye ubusambanyi. Nubwo ubumwe bw'umuryango butagera ku ntego, abashakanye bemerana muri Kristo, uko biri kose bashobora kugira ubumwe bw'urukundo binyuze mu buyobozi bw'Umwuka Wera, n'umurimo w,Itorero. Imana iha umuryango umugisha, kandi yifuza ko abawugize, bafashanya kugira ngo bagere ku rugero rushyitse. Ababyeyi bagomba kurera abana babo babatoza gukunda Imana no kuyubaha Binyuze mu magambo no mu ngero bitaho kandi akamenya ibyo bakeneye,kandi yifuza ko baba ingingo z'umubiri we,ndetse bakaba mu muryango w Imana.Kungwa mu bumwe bw'umuryango ni kimwe mu bimenyetso byihariye by'ubutumwa bwiza buheruka.(Itang.2:18-25;Mat.19:3-9;Yoh.2:1-11;2**

**Kor.6:14;Abefeso 5:21-33;Mat.5:31,32;Mar.10:11,12;Luka 16:18;1Kor.7:10,11;Kuva 20:17;Abef.6:1-4;Guteg.6:5-9;Imig.22:6;Mal.4:5,6)**

Mu muryango niho hantu ha mbere Imana ihera igarura ishusho yayo mu bagabo n'abagore. Mu muryango, umugabo n'umugore n'abana bagomba gushyikirana mu buryo bwuzuye buri wese akita ku cyo mugenzi we akeneye kandi bikozwe mu rukundo. Aho niho imico ya buri wese itunganirizwa ni naho ibyiyumviro by'agaciro ka buri wese bikomerezwa. Mu muryango na none ni ahantu ku bw'ubuntu bw'Imana amahame y'ukuri y'ubukristo ashyirwa mu bikorwa n'agaciro kayo kagahererekanwa mu gisekuru n'ikindi.Umuryango ushobora kuba ahantu h'umunezero mwinshi, ariko ushobora kuba n'ahantu h'ikinamico y'ibikomere biteye ubwoba. Imibereho y'Umuryango uhuje yerekana amahame y'ubukristo ubamo kandi iyo mibereho igahishura imico y'Imana.

Ikibabaje nuko kwigararagaza kw'iyo mibereho, bisa n'aho bidakunda kuboneka mungo zacu z'iki gihe, Ibiramambu imiryango myinshi iha agaciro ibitekerezo n'ibyifuzo by'umutima wa kimuntu wikunda, impaka, kwigomeka, ubushyamirane, uburakari, amagambo adakwiye ndetse n'ubugome. Uko biri kose, iyo mico ntabwo yari igize umwanya muri gahunda y'Imana yo ku ikubitiro.Yesu yaravuze ati:"Ariko uhereye mbere na mbere ntibyari bimeze bityo" (Matayo19:8.)

**Kuva mu Itangiriro.**

Isabato n'ubukwe ni impano ebyiri za mbere Imana yahaye umuryango wa kimuntu. Izo mpano zagombaga kuzanira abantu ibyishimo n'amahoro no gufashanya ibihe byose, ahantu hose, no mu mico yose. Gushyiraho iyo mihango yombi byabaye ingingo fatizo yo kurema kw'Imana kuri iy'isi. Mu irema nibyo byabaye umuyoboro, uruhare rwiza rw'impano zinejeje yari yarakoreye umuntu .Mu gushyiraho isabato, Imana yahaye abantu igihe cyo kuruhuka no guhindurwa bashya, igihe cyo gukomeza umubano bafitanye na yo.Mu guhanga isabato Imana yari yahaye abantu igihe cyo kuruhuka no gushyikirana bya gishuti nayo. Mugushinga umuryango wa mbere, Imana yashyizeho urufatiro rw'ihuriro

ry'abantu, yereka abantu akamaro ko gufatanya inabaha uburyo bwo guteza imbere impagarike yabo ifite umurava wo gukorera Imana n'abantu.

U**mugabo n'umugore kw'ishusho y'Imana.**

Itangiriro 1:26,27 havuga ko Imana yaremye abantu bagombaga gutura iy'isi: " Maze Imana iravuga iti: ``tureme umuntu ku ishusho yacu ase natwe``[...] Imana irema umuntu ngo ku ishusho yayo, afite ishusho y'Imana, niko yamuremye, umugabo n'umugore niko yabaremye". Ijambo"umuntu"mu imvugo ngo "tureme umuntu ku ishusho yacu". Ahangaha rikoreshwa mu giheburayo no mu gifaransa mu busobanuro bwaryo bukwiriye, nk'uko tubibona inshuro zisaga 500 mu isezerano rya kera. Iryo jambo rikubiyemo umugabo n'umugore. Ahangaha ntihavuga ko umugabo ariwe waremwe ku shusho y'Imana naho umugore akaremwa ku shusho y'umugabo. Ahubwo bombi baremwe ku shusho y'Imana.
Nk'uko Imana Data, Umwana, Umwuka Wera ari"Imana" ni nako umugabo n'umugore bombi bagize "umuntu". Nk'uko ubumana ari bumwe, ntabwo busa mu murimo. Burangana mu kubaho, mu gaciro, ariko si abantu babiri bahwanye(Yohana 10:30; 1Abakorinto11:3). Imiterere y'umubiri wabo iruzuzanya kandi binyuze mu nshingano zabo bahamagarirwa gukorana.

Umugabo n'umugore bombi ni beza (Itangiriro1:31) kandi niko n'inshingano zabo zitandukanye. Umuryango n'urugo byubakwa bishingiye ku bitsina bitandukanye. Imana yagombaga gutuma habaho kororokana itabanje kurema ikigabo n'ikigore, nkuko bibaho mu by'ukuri ku nyamaswa zimwe na zimwe. Ariko Imana yaremye "abantu babiri basa ku shusho muri rusange no mu mico yabo, ariko buri wese akaba afite muri we iby'undi adafite bigatuma yuzuzanya na mugenzi we" Isi igizwe n'abantu bigitsina kimwe iba idashyitse. Kuzura k'ukuri ntikwagerwaho mu muryango hatariho abantu bibitsina byombi. Uburinganire hano si cyo kibazo , kuko bombi ari ingenzi.
Ku munsi we wa mbere, Adamu umuntu wa mbere bityo umuyobozi w'inyokomuntu,yamenye ko ari wenyine kuko atabonaga uwo basa "Umufasha umukwiriye yari ataraboneka"(Itangiriro 2:20).Imana yari izi ko Adamu atihagije, niko kuvuga iti:"si byiza ko uyu muntu aba wenyine,reka muremere umufasha umukwiriye" (Itamgiriro 2:18).

Ijambo mu giheburayo NEGED, risobanurwa ngo ”usa” n’ijambo rifite inkomoko imwe n’ijambo rivuga “guhagarara imbere imbona nkubone, kugirana isano na”. Muri uyu mwanya turimo umuntu wagombaga guhagara imbere y’Adamu yagombaga kumwuzuza, akaba urugingo rwe. Niyo mpamvu “Uwiteka Imana yasinzirije uwo muntu ubuticura, arasinzira, imukuramo urubavu rumwe ihasubiza inyama” (Itangiriro2:21), iremamo umufasha.

Maze abyutse, Adamu amenya ako kanya isano ya hafi kandi nyayo ikomoka muri icyo gikorwa cyo kurema niko kuvuga ati. « Uyu ni igufwa ryo mu magufwa yanjye, ni akara ko mu mara yanjye azitwa umugore, kuko yakuwe mu mugabo »(Itangiriro2:23, 1Abakorinto11:8).

**Ubukwe.**

Binyuze kuri iryo tandukaniro ry’ ibitsina gore na gabo, Imana yatumye habaho gahunda, n’ubumwe. Kuri uwo wa gatandatu ubanza, yizihiza ubwo bukwe bwa mbere, ihuza ibiremwa bibiri, kugirango ibagire umwe.

Nuko ubukwe bwabayeho kuva igihe umuryango wabereyeho ubwawo.Ibyanditswe byerekana ubukwe nk’igikorwa cyemejwe rimwe gusa cyo gutandukanya no kwihuza.”Nicyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n’umugore we akaramata ,bombi bakaba umubiri umwe” (Itangiriro 2:24).

***1.Gutandukana***. Kureka amasano ya kera y’ibanze ni intabwe ikomeye y’ubukwe. Ubumwe bw’abashakanye bugomba gusimburana n’uburi hagati y’abana n’ababyeyi. Muri ubwo buryo kwitandukanya n’ababyeyi bizana kwihuza gushya. Hatabayeho urwo ruhererekane nta rufatiro ruhamye ubwo bukwe buba bwubatseho**.**

***2. Kubana akaramata.*** Ijambo ry’igiheburayo risobanura” kubana akaramata” rikomoka ku rindi risobanura “kwifatanya, kwihuza, kwiyunga no gufatanya”. Nk’izina, iryo jambo ryakoreshwa mu gusobanura kunga, gusudira(Yesaya 41:7). Imico ya bugufi kandi ikomeye y’uko kwihuza igaragaza imiterere y’ubumwe bw’abashakanye. Kugerageza gutandukanya abiyemeje kubana bizabakomeretsa.Imico y’ubwo bumwe bukomeye bwa kimuntu ishimangirwa niyo nshinga yakoreshejwe mu kuvuga ubumwe bw’Imana n’ubwoko

bwayo: […] " Abe ariyo ukorera, abe ariyo wifatanyaho akaramata izina ryayo abe ariryo urahira "
(Gutegeka 10:20).

***3. Isezerano.*** Mu byanditswe, uko guhuza kw' abashakanye kwitwa « isezerano ». Ni ijambo rikoreshwa rishaka kuvuga amasezerano akomeye duhatirwa gukora. Iryo jambo ``isezerano`` riboneka mu Ijambo ry'Imana (Malaki2:14; Imigani2:16, 17). Ubumwe bw'umugabo n'umugore buvana icyitegererezo mu isezerano ry'iteka ry'Imana n'ubwoko bwayo, Itorero ryayo (Abefeso 5:21-23).Kwiyegurirana kwabo ni ishusho yo gukiranuka no gukomera biranga isezerano ry'Imana (Zaburi89:34-45;Amaganya ya Yeremiya 3:23).

Imana n'umuryango, inshuti n'abaturanyi b'abashakanye ni abahamya bisezerano ryabo. Iryo sezerano rikemezwa n'ijuru « Umuntu […] ntagatandukanye icyo Imana yateranije hamwe »(Matayo19:6). Abakristo bafatanijwe bahamiriza mu bukwe ko isezerano ribahuza rigomba kubahwa na buri wese mu bashakanye igihe cyose bakiriho bombi.

***4.Guhinduka umubiri umwe.*** Gutandukana no gusezerana bibyara ubumwe bw'ubwiru. Ni ubumwe bwo mu buryo bukomeye. Abashakanye baragendana, bagakorera hamwe, bagasangira ubucuti bwimbitse. Ubwo bumwe bugitangira, buba mu bigaragara ari ubumwe ku mubiri. Ariko mu buryo bwimbitse, buba bufite ikimenyetso mu by'umwuka n'ibyiyumviro bitagaragara kuri iyo nyifato yo mubigaragara by'ubumwe bw'abashakanye.

***a. Kugendana:*** Kubyerekeye isezerano ryayo n'ubwoko bwayo, Imana irabaza ngo: "abantu babiri bajyana batasezeranye?"(Amosi 3 :3). Icyo kibazo ni ingenzi ku bashaka guhinduka umubiri umwe. Imana yahaye itegeko abisirayeli ryo kudashyingirana n'abanyamahanga, "Kuko bahindura abahungu bawe, ntibayoborwe nanjye, ahubwo bagakorera izindi Mana "(Gutegeka kwa kabiri 7:4,Yosuwa 23:11-13).Igihe abisirayeri basuzuguraga ayo mabwiriza, bahuye n'ingorane ziteye akaga(Yuda14 :16 ; 1Abami11 :1-10 ;Ezira 9 :10-12).

Pawulo yagize icyo avuga kuri ayo mahame mu maganbo asobanutse: « Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye. Mbese gukiranirwa no gukiranuka byafatana bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byahura bite ? kandi kristo ahuriye he na Beriyari?cyangwa uwizera n'utizera bafitanye mugabane ki?mbese urusengero rw'Imana rwahuza rute

n'ibishushanyo bisengwa ? ko turi urusengero rw'Imana ihoraho»?(2Abakorinto 6:14-16; reba na 17-18).
Ibyanditswe byera bivuga neza ko gushyingiranwa kugomba kuba hagati y'abizera n'abandi bizera gusa. Ariko ihame rirongera rikagera kure cyane. Ubumwe nyabwo bwabashakanye busaba guhuza mu byerekeye kwizera n'ibikorwa. Gushakana mudahuje kwizera bishobora gutuma habaho umwuka mubi no gutandukana kw'abashakanye. Kugirango habeho ubumwe ibyanditswe bivuga, abizera bagombye gushyingirwa abo mu itorero ryabo.

***b.Gukomeza gufashanya:*** Kugira ngo bahinduke umubiri umwe,abashakanye bagomba gushakashaka kugandukirana kuzuye. Uwiyemeje kurushinga aba yiyemeje n'ingaruka zose, kandi akiyemeza nibishobora kubagwirira bombi. Mu gihe basezerana ahamya ko bazasangira inshingano n'uwo bashakanye kandi bagafatanya guhangana n'ibibazo.Gushyingiranwa bisaba urukundo rwuzuye ,rwihangana kandi ntirucogore « Abo Bantu bombi basangira ibyo bafite, bitari umubiri gusa, umutungo, ahubwo n'ibitekerezo, iby'iyumviro, ibyishimo, imibabaro yabo, ibyiringiro byabo n'ibiteye ubwoba byabo no gutsinda kwabo, no gutsindwa kwabo ». "Kuba umubiri umwe bisobanura ko bombi bageze ku bumwe bushyitse bwuzuye mu by'umubiri n'umwuka n'ubugingo kandi nyamara baba ari abantu babiri batandukanye ".

***c.Ubumwe ku bashakanye:*** Guhinduka umubiri umwe bishatse kuvuga guhuza ibitsina. « Adamu atwika Eva umugore we inda abyara Kayini »(Itangiriro 4:1). Mu gukenerana kwabo bombi, gukenerana kw'abagabo n'abagore byatangiye mu gihe cy'Adamu na Eva,abashakanye bongera kubaho amateka y'urukundo rwa mbere.Igikorwa cyo guhuza ibitsina bishatse kuvuga guhuza imibiri mu buryo burenze ubwo watekereza, bigereranya ubumwe bukomeye abashakanye bagira haba mu buryo bw'umubiri kimwe no mu by'umwuka. Urukundo hagati y'abakristo bashakanye rwagombye kurangwa n'ubushyuhe, ibyishimo, n'umunezero. (Imigani5:18-19). « Kurongorana kubahwe na bose kandi kuryamana kw'abarongoranye kwe kugira ikikwanduza » (Abaheburayo 13:4).

« Ibyanditswe bitubwira neza umunezero wo guhuza ibitsina kw'abashakanye ufute inkomoko muri gahunda y'Imana nkuko umwanditsi abivuga mu Baheburayo,«kwe kugira ikikwanduza», kutarimo icyaha, kutanduye » kurongorana ni kimwe mu bintu byo kubahwa ku bashakanye,umwe mu mihango yera aho umugabo n'umugore bahuriza ubucuti bwabo kugirango bizihize urukundo bakundana, ni igihe kigomba kuba icyera kandi kikaba umunezero mwinshi uhoraho.

***5.Urukundo Bibiliya yigisha :*** Mu gushyingiranwa, urukundo rusaba ko abashakanye bagomba kwitanga mu buryo butaziguye, umwe yitangira undi, mu rukundo nyarwo. Urukundo rubatera guterana inkunga mu gukura kw'iby'umwuka kugirango basohoreze ishusho y'Imana mu nyifato y'impagarike yabo yaba iy'umubiri, ibyiyumviro, ubwenge, n'umwuka. Uburyo butandukanye bw'urukundo bugaragarira mu gushyingiranwa; urukundo rugira igihe cy'igishyika kirenze urugero, igihe cy'urukundo rwimbitse, igihe cy'ubugwaneza bwuzuye cyangwa guhuza cyane. Ariko ni urukundo agape nk'uko rwasobanuwe mu isezerano rishya;urukundo rwiyibagirwa rukitangira undi. Rugaragaza urufatiro rw'urukundo rw'abashakanye ruzima kandi rurambye.

Yesu yerekanye ishusho nyayo y'urwo rukundo igihe yishyiragaho gukiranirwa n'ingaruka y'ibyaha byacu yitanga kumusaraba. «[…]Urukundo yakunze abe bari mu isi, nirwo yakomeje kubakunda kugeza imperuka » (Yohana 13:1).Yaradukunze nubwo yari azi aho ibyaha byacu byamujyanaga. Uko niko urwo rukundo rwa kristo(agape) rwari ruri kandi niko ruzakomeza kuba agape. Mu kuvuga iby'urwo rukundo Pawulo ati:"Urukundo rurihangana, rukagira neza, urukundo ntirugira ishari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi ahubwo rwishimira ukuri rubabarira byose, rwiringira byose, rwihanganira byose, urukundo ntabwo ruzashira, guhanura kuzarangira no kuvuga indimi bizarangira, ubwenge nabwo buzakurwaho" (Abakorinto13:4-8).

Mu gusobanura iyi ngingo , Uwitwa *Ed Wheat* (Edi Witi)yaranditse ati « Urukundo agape rufitanye isano n'isoko ihoraho y'imbaraga kandi rushobora kongera gukorera aho urundi rukundo urwo ari rwo rwose rwacogoye […] rurakunda rutitaye ku ukundwa uwo ari we

kabone naho yaba atari uwo gukundwa,agape yo ikomeza kwigaragaza. Agape ni urukundo rutarobanura ni na rwo Imana idukunda,ni inyifato y'ubwenge ishingiye ku mahitamo y'ubushake.

***6. Inshingano y'ibyumwuka umuntu ku giti cye.*** Nubwo abashakanye baba baragiranye amasezerano akomeye, buri wese ariko aba afite inshingano yo gukomeza ibyo yahisemo (2Abakorinto 5:10). Kwemera iyo nshingano bisobanura kwiyemeza kutazagira ubwo utonganya uwo mwashakanye umuziza ibyo mwakoreye hamwe ubwanyu. Na none bagomba kwiyemeza gukura mu by'umwuka buri wese ku giti cye. Nta muntu ugomba kwishingikiriza ku mbaraga z'iby'umwuka za mugenzi we. Mu rundi ruhande ariko, isano y'umwe mu bashakanye afitanye n'Imana, ishobora kubera undi isoko y'imbaraga n'ubutwari.

**Ingaruka zo kugwa kw'abashakanye**

Icyaha kimaze guhindanya ishusho y'Imana yarabagiranaga ku bantu, uko guhindana kwagize ingaruka ku bukwe, kimwe n'izindi ngaruka nyinshi ku buzima bw'umuntu. Kwikunda kwinjira aho urukundo rukiranuka n'ubumwe byababaga. Kwikunda kuba kubaye umuyobozi ku Bantu bose badahatwa n'urukundo rwa kristo.Uko kwikunda kukazitira amahame yose yo kuganduka, umurimo, n'impano z'ubutumwa bwiza; kwikunda niyo nkomoko ihurirwaho na bose yo kugwa mu by'umwuka kw'abakristo.

Kubwo kutumvira kwabo, Adamu na Eva bageze ubwo banyuranya n'umugambi wabayoboraga bakiremwa. Mbere yuko bacumura, bashyikiranaga n'Imana, nyuma aho kugirango bayisange banezerewe, bihisha kure yayo bafite ubwoba, bashaka guhisha ukuri kw'ibiberekeyeho, banga kwemera ibyo bakoze, maze kuko bari bamaze kwinjira mu byiyumviro bikaze by'ibyo bakoze, ibyo intekerezo zabo zitagombaga guhanagura, ntibyabashobokeye kwihanganira ijisho ry'Imana n'abamarayika bayo bera. Kuva ubwo uko guhunga n'imbaraga zo gukomeza kwitsindishiriza ni byo byagiye bikomeza kuranga isano y'abantu n'Imana.

Ubwoba bwabateye kwihisha ntibwangije gusa isano yabo n'Imana, ahubwo bwangije n'isano yabo ubwabo. Igihe Imana yababazaga, bashatse kwikiza umwe abiherereza ku

wundi, kuregana kwabo kwagaragaje guhungabana gukomeye kwanduje isano ikomeye y'urukundo Imana yari yarabaremanye.

Nyuma y'icyaha Imana yabwiye umugore iti: «[…] kwifuza kwawe, kuzaherera ku mugabo wawe nawe azagutwara»(Itangiriro 3:16). Imana yashakaga iryo hame,mu by'ukuri ritakuragaho ubwuzuzanye hagati y'umugabo n'umugore,ahubwo ryazaniraga ibyiza Adamu na Eva hamwe n'abagombaga kuzabakurikira. Ariko ikibabaje ni uko icyo Imana yabashakiraga cyaje kwangizwa. Maze kuva icyo gihe gutegekwa ku ngufu, guhatwa, kwica uburenganzira bw'uwo mwashakanye nibyo byagiye biranga imiryango myinshi mu binyejana byinshi bishize.

Kwikubira byabujije abashakanye kwemerana no kwishimirana. Icyo ubukristo bushingiyeho ni ukureka kwihugiraho ahubwo hakabaho kubana neza kwarangagaga abashakanye mbere yo kugwa ari na ko kwakuyeho ubwo bumwe. Urukundo ruhuje umugabo n'umugore rugomba kugira uruhare mu munezero wabo bombi. Buri wese agomba gukora ibyanezeza undi. Bagomba kubana bagize umubiri umwe, ariko kandi nta n'umwe ufite uburenganzira bwo gukoresha umubiri we nabi kuko ari uw'Imana.

**Guhindanya umugambi w'Imana.**

***Kurongora abagore benshi:*** kugira abagore benshi binyuranije n'ubumwe no guhuzwa gukomeye Imana yahanze mu bukwe bwa mbere muri Edeni. Kurongora abagore benshi ntigushobora gutuma habaho kwirundurira burundu uwo mwashakanye. Nubwo kurongora abagore benshi byerekanwa mu byanditswe nk'ikintu cyari kimenyerewe mu muco mu gihe cy'abakurambere; nyamara iyo usesenguye neza usanga yuko ibyo bitari mu mugambi w'Imana. Amakimbirane azanwa no gushaka abagore benshi usanga atera umwiryane wo gushaka ubuyobozi (Itang.16;29:16-30:24),kandi ugasanga ibyo bigeraho bigatera gukoresha abana nk'intwaro zo kwangana kugirango bakomeretse abandi bagize umuryango .

Kurongora umugore umwe kuzanira abashakanye igitekerezo cyo komatana gutuma habaho ubumwe n'urukundo rushikamye. Abashakanye bumva ko bahurije hamwe , kandi ko nta muntu ushobora kwivanga mu mubano wabo ngo awangize.Kurongora umugore umwe nibwo buryo bwonyine bwo kugaragaza isano ya Kristo n'Itorero rye n'isano iri hagati y'Imana n'abantu.

***Icyaha cy'ubusambanyi.*** Igitekerezo kiriho ubu cyumvikanisha neza agaciro k'amategeko mu bihe byose yuko abashakanye bagomba kudahemukirana ku byerekeye imibonano mpuzabitsina kugeza ku gupfa. Ariko ibyanditswe bibona ko buri mibonano mpuzabitsina ikozwe kubatarashyingiranwe ari icyaha. Itegeko rya karindwi riracyariho kandi ntirirahinduka: "Ntugasambane"(kuva 20:14). Nta kundi warivuga cyangwa ngo ugire icyo urigabanyaho. Iryo tegeko ni ihame rikomeye rireba cyane abashakanye. Mu busobanuro bwuzuye bw'iryo tegeko rirebana n'ubusambanyi, rirwanya cyane ibikunze gukorwa muri iyi minsi "n'abakuze babyitumye". Imirongo myinshi yo mu isezerano rya kera n'irishya iciraho iteka bene ibyo bikorwa. (Abalewi20:10-12; Imigani6:24-32; 7:6-27; 1Abakorinto 6:9;13,18; Abagalatiya 5:19; Abefeso5:3; 1Abatesalonike4:3; n'ahandi).

Uko gusambana gushobora kugira ingaruka za kure kandi zizaramba. Gushobora gukomeretsa mugenzi wawe byaba mu buryo bw'umubiri cyangwa mu bitekerezo, kwangiza umutungo kwangiza imibereho y'imiryango cyangwa n'imibanire mu rwego rw'amategeko. Uko gusambana gukora ku muryango ku buryo bwagutse, kandi niba bireba n'abana bo bazarushaho noneho kubabara by'umwihariko. Uko gusambana kugomba kuba intandaro zo kwanduzanya indwara zo mu myanya ndangabitsina, no kubyara abana batemewe n'amategeko. Kandi ibinyoma n'imirimo y'ubuhemu igendana n'ibyo bikorwa isenya icyizere bari bafitanye ku buryo kitazongera kubaho. Turetse n'uko Bibiliya ibitubuza,ingaruka zonyine zigendana n'ubwo busambanyi zakagombye gutuma tubwirinda.

***Ibitekerezo bibi:*** Icyaha si igikorwa cy'inyuma gusa; ahubwo ni ikibazo cy'imbere gikora ku ntekerezo mu buryo bwimbitse, niba isoko yanduye nta gushidikanya n'imigezi izandura.Yesu yavuze ko intekerezo z'imbere mu mutima ziyobora umuntu: «Kuko mu

mutima w'umuntu ariho haturuka ibitekerezo bibi, kwica, gusambana, kwiba, kubeshyera abandi, guheheta, n'ibitutsi»(Matayo15:19). Mu mwuka umwe, yemeje ko igikorwa cyo gukiranirwa kiva mu bitekerezo no mu migambi. «Mwumvise ko byavuzwe ngo ntugasambane ariko njyeweho ndababwira yuko umuntu wese ureba umugore akamwifuza aba amaze gusambana nawe mu mutima»(Matayo 5:27-28).

Uruganda rwose rwateye imbere kubwo kugambirira kurwanya intekerezo. Za filimi z'ubupfu n'ibitabo bizikomokaho nta mwanya bifite mu mibereho ya gikristo, atari uko gusa bishyigikira ubumwe butemewe ahubwo ikigeretse kuri ibyo bihindura umugabo n'umugore ibikoresho by'ubusambanyi, muri ubwo buryo bigahindanya ubusobanuro nyabwo bwo guhuza ibitsina kandi bikijimisha ishusho y'Imana. Abakristo basabwa kugira ibitekerezo biboneye, kuko bitegura kuzaba mu muryango uboneye kandi uhoraho.

***Kuryamana kw'abavandimwe ba hafi.***

Ababyeyi barenga ingabano, maze bagakunda abana babo urukundo rudakwiye rw'umubiri n'ubwuzu babafitiye; ibyo bigaragara igihe ubumwe nyabyo bw'abashakanye bwirengagizwa, maze umwe mu bana agatoranywa ngo agire uruhare rwo gusimbura uwo bashakanye. Uko kurenga ingabano bishobora no kuboneka no hagati y'abana babiri cyangwa n'abandi bagize umuryango umwe.

Uko kuryamana kw'abavandimwe ba hafi kwabuzanijwe mu Isezerano rya kera
(Abalewi18:6-29; Gutegeka 27:20-23). Kandi bicirwaho iteka mu Isezerano rishya
(1Abakorinto 5:1-5).

Bene ubwo buhemu bukunda guhungabanya cyane ikura ry'igitsina cy'umwana w'umuhungu cyangwa umukobwa bibaremamo umutwaro wo guhora bumva ko bakosheje,kandi bagahorana amasoni bityo bikazanababangamira igihe bazaba bashatse.Igihe ababyeyi barenze izo ngabano, baba bangirije ibyiringiro abana babo baba babafitiye nk'ibyo umuntu agomba kugirira Imana.

***Gutandukana kw'abashakanye:*** Yesu yahamije mu nshamake inyigisho ya Bibiliya kubyerekeye gutandukana kwabashakanye: «Umuntu ntagatandukanye icyo Imana yateranije»(Matayo19:6; Mariko10:7-9). Ubukwe ni ubwera kuko Imana yabwejeje. Nuko rero Imana niyo ihuza umugabo n'umugore ariko si amagambo y'abantu gusa cyangwa igikorwa cyo guhuza ibitsina. Ni Imana yabahuje.

Imyumvire ya gikristo ku byerekeye gutandukana kw'abashanye no kongera gushyingirwa bigomba kuba bishingiye ku byanditswe. Guhamya kwa Yesu kugaragaza uburyo bwuzuye ihame ry'ibyanditswe nk'urufatiro rushyiraho imirebere ya gikristo kubyo gutandukana:Imana ireba ubukwe nk'ikintu cy'akaramata. Igihe Abafarisayo bamubazaga niba kudahuza mu mico ari impamvu ihagije yatuma abashakanye batandukana,Yesu yaberetse urugero rw'ubukwe bwo muri Edeni nk'ubukwe buhoraho. Igihe bakomeje kumuhata kubijyanye n'amategeko ya Mose kubyerekeye gutandukana yarabashubije ati; «Mose yabemereye gusenda abagore banyu kuko imitima yanyu inangiye, ariko uhereye kera kose ntibyari bimeze bityo»(Matayo 19:8). Maze akomeza avuga ko impamvu imwe rukumbi yemewe n'amategeko yatuma umuntu asenda umugore we ari ubusambanyi. (Matayo5:32;19:9). Igisubizo yabwiye abafarisayo cyerekanye ko yari afite imyumvire ku budahemuka itandukanye n'iyabo. Ku byo yavuze, nk'amahame yerekeye ubukwe haba mw'isezerano rya kera ndetse no mu rishya, umwanzuro ni uko Imana itegereje ko abashakanye bagaragaza ishusho yayo mu kubana akaramata. Ndetse no kutiringirwa k'umwe mu bashakanye ntibisobanuye ko gushyingirwa kugomba kurangizwa no gutandukana.Ubusobanuro bw' umusaraba budutera umwete wo kwihana kwimbitse, umwuka w'imbabazi, no kureka umuzi wo gusharira kose.

Ariko iyo ari ubusambanyi, binyuze mu mbabazi n'ububasha bwo kwiyunga biba mu Mana, umugabo utagorana yakagombye gukomeza umugambi w'Imana wo mu gihe cy'irema. «Nkuko Bibiliya ibivuga ubusambanyi ntibugomba gufatwa nk'umurimbuzi w'ubukwe bwanyu kimwe n'ikindi cyaha cyose [...] igihe muzaba mwiteguye kubabarira no kureka inyifato itemewe, Imana izaba yiteguye komora inguma zanyu kandi igarure urukundo mukundana ».

Mu gihe intego y'Imana ku bukwe ari ubumwe bwo gukunda kandi buhoraho bukomeza kugeza ku gupfa k'umwe mu bashakanye, rimwe na rimwe gutandukana kwemewe n'amategeko bisa n'aho ari ngombwa biturutse ku gufatwa nabi k'umwe mu bashakanye cyangwa abana «Mu bucamanza bumwe bwo ku isi, uko gutandukana gushobora gutangwa binyuze mu butane mu gihe bimeze bityo ntube uciriweho iteka. Ariko uko gutandukana cyangwa se ubwo butane ubwo kudahemukira uwo mwashakanye biba bitakiri ngombwa

abashakanye ntibaba bahawe uburenganzira n'ibyanditswe bwo kongera gushyingirwa keretse gusa umwe muri bo yongeye gushyingirwa akaba akoze icyaha cy'ubusambanyi cyangwa icyaha cyo mu mubiri cyangwa igihe apfuye».

Kubera ko ubukwe bwahanzwe n'Imana, Itorero rifite inshingano ikomeye kandi yo kwitabwaho mu kurinda ko habaho ugutandukana kw'abashakanye. Kandi mu gihe bibayeho ni ngobwa komora uruguma rwabonetse.

***Kuryamana kw'abahuje ibitsina****.* Imana yaremye umugabo n'umugore kugira ngo babe amahara kubiri nyamara kandi buzuzanya. Mu gihe yabaremaga yateye muri buri wese kurarikira undi badahuje igitsina. Itandukaniro n'isano biranga ibitsina byombi rigaragarira mu kurarikirana kwabo kugira ngo habeho ubumwe bwuzuye kandi bashimishanye.

Kenshi bibaho ko icyaha cyanduza icyo cyerekezo cy'urufatiro rwa kamere muntu, maze bikabyara icyo twita "Imibonano icuritse". Muri ubwo buryo icyerekezo gisanzwe cy'imibonano gisa naho gihindutse kandi ibyo bikazana kugerageza gukoresha ibitsina ku bantu bateye kimwe. Ibyanditswe biciraho iteka igikorwa nk'icyo cyo kuryamana kw'abahuje ibitsina mu buryo bukomeye (Itangiriro19:4-10; Yuda7-8; Abalewi18:22; 20:13; Abaroma 1:26-28; 1Timoteyo 1:8-10). Ibikorwa nk'ibyo bihindanya ishusho y'Imana mu buryo bukomeye mu mugabo n'umugore.

«Kuko bose bakoze icyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana» (Abaroma 3:23). Abakristo bagomba guharanira kugarura ku gakiza abari muri ayo mafuti, bazagaragaza ubwabo inyifato kristo yagize imbere y'umugore wafashwe asambana: "Nanjye singuciriyeho iteka, genda ntukongere gukora icyaha"(Yohana 8:11). Ntabwo ari abakururwa n'ubwandu bwo guhuza ibitsina gusa,ahubwo ni abantu bose baboshywe n'inyifato cyangwa se isano itera guhagarika umutima, isoni, n'umitima wiciraho urubanza, bakeneye kumva ijwi ry'ibambe ry'umujyanama w'umukristo udasanzwe, utunganye kandi w'inararibonye. Nta nyifato n'imwe idashobora kubona ubuntu busana bw'Imana.

**Umuryango.**

Nyuma yo kuremwa kwa Adamu na Eva, Imana yabahaye gutegeka isi yose (Itangiriro1:26; 2:15). Nibo bagize urugo rwa mbere, itorero rya mbere, nibo bagize itangiriro

ry'umuryango w'abantu,bityo rero umuryango wubakiwe wubatswe ku bukwe n'urugo rw'abo babyeyi ba mbere kuko aribo bonyine bari batuye isi. Imana yabahaye iri tegeko ngo: «Mwororoke mugwire mwuzure isi»(Itangiriro1:28).Duhereye ku buhamya bw'ibarura ry'Abatuye ku isi, ntabwo bikiri ngobwa ko abantu batura ngo banategeke ahantu hadatuye abantu . Ahubwo abakristo bahisemo gushakana kandi bagahitamo no kubyara abana banafite inshingano yo kubarera ngo bamenye Imana kandi banayubahe. Mbere yuko abagiye kurushinga batangira uwo mushinga bagomba kubanza kwita ku ntego Imana ifitiye umuryango.

**Ababyeyi.**

**1. Data:** Ibyanditswe byahaye umugabo ari we Data inshingano n'ubutambyi mu rugo ruto. (1Abakorosayi 3:18-21, 1Petero 3:1-8). Bityo rero aba abaye umusimbura wa kristo, we mutwe w'Itorero. "Kuko umugabo ari we mutwe w'umugore we, nk'uko kristo ari we mutwe w'Itorero ari ryo mubiri we, ni na we mukiza waryo. Ariko nk'uko itorero rigandukira Kristo, abe ariko n'abagore bagandukira abagabo babo muri byose. Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze Itorero akaryitangira ngo aryeze, amaze kuryogesha amazi n'ijambo rye aryishyire rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gityo, ahubwo ngo ribe iryera ridafite inenge, uko niko abagabo bakwiriye gukunda abagore babo nk'imibiri yabo, ukunda umugore we aba yikunda" (Abefeso 5:23-28).

Nk'uko Kristo ayobora Itorero, Umugabo n'umugore "bombi bagomba kwerekana ubwumvikane, ariko ijambo ry'Imana rihitiramo umugabo kuba ari we ugira ubushobozi", mu gihe atari ibintu binyuranije n'umutimanama.

Ariko na none afite inshingano yo gutwara neza umugore we amwubaha cyane.

Nk'uko na Kristo yategekanye ubugwaneza bwamuyoboye ku kwemera umusaraba no gukorera abantu, ni nako umugabo agomba kugira umwuka w'ubwitange. "Itegeko rya Kristo ni itegeko ry'ubwenge n'urukundo, kandi igihe abagabo bashohoje ibyo basabwa ku

bagore babo, baba babategekesheje urukundo nk'uko Kristo yabikoreye Itorero rye. Igihe umugabo ayoborwa n'Umwuka wa Kristo, kuganduka k'umugore we kuzakorwa mu mahoro, kandi kuzaba ukw'ingenzi kuko azamusaba ibizana ibyiza gusa, kandi azamusaba kumugandukira nk'uko Kristo abisaba Itorero rye. [...] Abafite inshingano zo kuba abagore nibige ijambo rya Kristo, atari ukugira ngo babone aho kugandukira abagabo babo kugarukiye, ahubwo ari ukugira ngo babone ubwabo umwuka wa Kristo, kandi bezwe batunganywe, babe bakwiriye inshingano y'Imana mu ngo zabo".

Nk'umutabyi w'urugo, nk'Aburahamu, umugabo azahuriza hamwe umuryango we, mu gitondo kugirango abashyire mu bwishingizi bw' Imana. Nimugoroba, azabayobora ku guhimbaza Imana no gushimira Imana ku migisha bahawe. Icyo gitambo cy'Aburugo kizaba umurongo w'ubumwe-n'igihe Imana ihabwa umwanya w'umwihariko mu muryango.

Umugabo mwiza amarana igihe n'abana be. Umwana ashobora kwigishwa na se amasomo menshi, nko kubaha, n'urukundo agomba kugirira nyina, urukundo rw'Imana, akamaro k'amasengesho, gukunda abandi, uburyo bwo gukora, inyifato, gukunda ibyaremwe, n'ibintu Imana yaremye. Ariko igihe umugabo ataba mu rugo, umwana aba abuze ayo mahirwe ye n'ibyishimo bye.

***2. Mama:*** Kubyara ni ubunararibonye ku isi busaba kugirana ubumwe n'Imana.Umwami ku ntebe nta nshingano afite nziza nk'iy'umubyeyi. Umubyeyi ni umwamikazi w'urugo. Afite ubushobozi bwo kurema imico y'abana, kugirango bategurirwe imibereho yisumbuye kandi ihoraho. Na marayika ubwe ntafite inshingano iri hejuru ye; kuko mu gukora umurimo we umugore aba akorera Imana. [...] Niyumve gukomera k'umurimo we, maze yambare intwaro z'Imana kugira ngo abashe kurwanya igishuko cyo kumanuka mu bugome bw'isi. Umubyeyi akora umurimo we iki gihe n'igihe cy'iteka".

Mu rugo hari ufite inshingano yo kurema imico y'abana. Iyo nshingano ntabwo igomba gupfa kurekwa cyangwa guharirwa abandi bantu, kuko nta muntu n'umwe warusha ababyeyi kumenya ibibareba. Imana yaremye umubyeyi imuha ubushobozi bwo gutwara umwana mu mubiri we bwite, kumwonsa, kumurera no kumukunda.

Keretse gusa mu bibazo by'umutungo bikomeye cyangwa aho yibonye nk'umubyeyi rukumbi, niba abyemera, umubyeyi afite inshingano yo kugumana n'abana be umunsi wose; ashobora kwishimira gufatanya n'Imana kurema imico ihoraho.«Umuntu wese mu muryango agomba gufata urugo nk'inganzo. […] kwinjira mu nganzo y'umugore nk'umubyeyi mu kinyejana cya 20 wari umurimo udasanzwe w'igiciro w'ubuzima kandi wari umurimo wo kwitabwaho cyane. None uwo murimo uzaba uwo gupfusha imbaraga ubusa? none se ni inshingano yo kudashimirwa? ni umurimo w'uburetwa? oya, oya: Ahubwo ni umwanya ushimishije wo guhindura ibintu, mu bundi buryo, ni umwanya wo kurokora ikiremwa muntu, ni umwanya wo kwimura amateka, ni umwanya wo gukora ikintu runaka kitazigera kireka kumvikana no kwaguka.»

Mu gihe cy'Isezerano rya kera, izina ryarangaga nyiraryo nk'icyangobwa cyo kuzinduka. Eva yahawe izina nyuma yo kugwa(Itangiriro3:20). Kuko yagombaga kuba nyina w'abafite ubugingo bose, (mu giheburayo izina rye ni(*hawa)* rikomoka ku ijambo *"muzima"* mu giheburayo ni (*chay).* Rigaragaza icyubahiro cy'ihariye yagize mu mateka y'inyokomuntu. Nk'uko kubyara kwa Adamu na Eva bitabuze kuba uburenganzira bwabo, ni nako umwe atagombaga kugira amahirwe yo kwitwa umubyeyi wenyine.

Bagombaga kugabana iyo nshingano. Byagombaga kuba bityo ubwo atari ugupfa kugira abana gusa, ahubwo no kubyerekeranye n'uburezi bwabo bwose. Buri mubyeyi wese afite inshingano agomba guhagararira nk'uzayibazwa n'Imana. «Dore abana ni umwandu uva k'Uwiteka, imbuto zo munda ni ingororano».

## Abana

***1.Icyihutirwa:*** Hirya yo gukiranukira Imana n'abo bashakanye, ababyeyi ntibafite inshingano ikomeye kurenza ibahuje n'abana babo bibyariye mu isi. Bagomba gushyira mbere inyungu z'abana babo kuruta ibibateza imbere n'imbaraga zabo ubwabo; abana ntabwo bahisemo kuza mu isi, bityo rero bagomba kubaha intangiriro y'urugendo rwiza mu buzima bwabo. Nk'uko hari ibintu bishobora kugira ububasha bwo kwanduza umwana mbere y'uko avuka, mu mwuka, mu mubiri, gushishikarira imibereho myiza y'umwana bigomba kugaragara mbere y'uko avuka.

***2. Urukundo:*** Urukundo rw'ababyeyi rugomba kuba rudafite ikigombero, kandi rwiteguye kwitanga, bityo kandi rukaba rudashobora kwishyurwa, abana bagomba kurwakira kugirango bagire ishusho nziza yabo ubwabo n'urukundo rushikamye mu mibereho yabo yose. Abana bakwiriye urukundo cyangwa abumva baretswe no kwirengagizwa bazagerageza gushaka urukundo rwabo ku babyeyi babo binyuze mu mico itanejeje, bihinduke akamenyero karambye.

Abana bizeye urukundo rwababyeyi babo bizaborohera gushyikirana n'abandi, bazigishwa ko gutanga ari ikintu cyiza kuruta guhabwa, kandi ko hirya yo kwikunda hari indi mpamvu yo kubaho uko bazagenda bakura bazajya biga kubaha Imana.

***3. Kwitanga:*** Ababyeyi b'abakristo bagomba gutanga abana babo mu murimo w'Imana kuva mu myaka yabo ya mbere yo kubaho. Amatorero y'abadivantiste b'umunsi wa karindwi yahanze umugenzo woroheje kubw'uko kwitanga, imbere y'iteraniro ryose, ababyeyi bagashyira Imana abana babo mw'isengesho nk'uko Yozefu na Mariya babigenje mu Rusengero (Luka 2:22-39). Muri ubwo buryo, umwana atangira imibereho ye afite umwuka wo kugira uruhare mu muryango w'umwuka urushijeho kuba mwiza. Abagize uwo muryango bagira uruhare mu majyambere y'umwana nk'umwe mu bagize umubiri wa Kristo.

Binyuze muri uwo mugenzo, nabo baritanga ngo barere umwana mu nzira y'Imana kugira ngo ishusho y'Imana imuremerwemo. Kugira ngo iyo ntego igerweho, ababyeyi bazajya bahora bayobora abana babo mu ishuri ryo kw'isabato no mu masengesho rusange kugirango abato bagire uruhare ku mubiri wa kristo hakiri kare. Hanyuma igihe umwana ageze igihe cyo gutangira ishuri, ababyeyi n'Itorero bagomba gukoresha imbaraga zabo zose kugira ngo batume abana babona uburere bwa gikristo buzatuma umwana akunda Imana igihe kirekire nyuma y'igihe yakiriye ubwo burere.

***4. Kwihangana:*** Inyigisho y'Umwuka ababyeyi batanga igomba kuba uruhererekane rukubiyemo amajyambere yose y'umwana. «Aya mategeko ngutegeka uyu munsi […] ahore ku mutima wawe, ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu

nzu yawe, ugenda munzira, n'uko uryamye, n'uko ubyutse, uyahambire ku kuboko kwawe akubere ikimenyetso uyashyire mu ruhanga rwawe hagati y'amaso yawe. Uyandike ku nkomanizo z'inzu yawe no ku byugariro byawe» (Gutegeka kwa kabiri 6:7-9 na 11:18).

Ahanini umwana yigana imibereho y'ab'urugo. Ababyeyi ntabwo bashobora guha abana babo iby'umwuka binyuze mu masengesho y'aburugo gusa. Bigomba kunyura mu guhora bakiranukiye Yesu; bigomba kugaragarira mu buryo bwo kubaho kwabo, imyambarire, no mu buryo bataka amazu yabo. Kumenya Imana nk'umubyeyi ukunda ni byo bituma umwana akura mu by'umwuka.

***5.Gutozwa kubaha:*** «Menyereza umwana inzira akwiriye kunyuramo ; azarinda asaza atarayivamo» (Imigani 2:6). Mbese iyo myitozo ishatse kuvuga iki? Gutoza biruta cyane guhana, muri rusange igihano cyerekeza ku cyahise mu gihe gutoza byo byerekeje ahazaza, gutozwa ni inzira ababyeyi baheramo umwana uburere,icyerekezo n'urugero. Gutozwa bigizwe no kwigishwa amahame y'ingenzi, nk'amategeko, gukiranuka, ukuri, gushyira hamwe k'umuntu, kwihangana, gahunda, umwuka w'imbabazi, ubuntu n'umuhati ku murimo.

Mu gihe abana batojwe hakiri kare kumvira ababyeyi babo ubwabo bibwirije, ubuyobozi ntibutera ingorane mu mibereho yabo. Ariko bene uko kubaha bigishwa nako ni ingenzi, ntabwo kubaha gukomoka gusa k'uko bategetswe, ahubwo kuza guturutse imbere mu mutima, ibanga ry'iyo shusho yo kumvira rishingiye mu kuvuka ubwa kabiri.

«Ugerageza gukomeza amategeko y'Imana kubera ko abitegetswe gusa, ntazigera abona umunezero wo kumvira nyako, ni ukuvuga ko atumvira kumvira nyako, gukomoka ku ihame ryo mu mutima, kududubiza mu rukundo rwo gukiranuka, n'urukundo rw'amategeko y'Imana. Inkomoko yo gukiranuka ni ukumvira amategeko y'Umukiza, ibyo nibyo bizatuma dukora iby'ukuri, kuko imirimo y'ukuri ariyo inezeza Imana».

***6. Kubana n'abandi n'iterambere ry'imvugo:*** Ni mu muryango abana bigira kubana n'abandi nk'abagize inyokomuntu, n'inshingano zose, n'amahirwe yose, bizanwa na byo. Kubana n'abandi ni umuyoboro abana bakiriramo ubuhanga bw'ibanze bubabashisha gukorera mu bantu. Imivugire n'uburyo butandukanye bw'itumanaho ni kimwe mu bintu by'ingenzi by'ubuhanga umwana yakira. Imivugire ikoreshwa mu rugo isaba inyigisho yitondewe kugira ngo igaragaze ishusho y'Imana. Abana bagomba kumva buri gihe amagambo y'ibyishimo kandi akaba arimo urukundo ahuza abagize umuryango, kandi ahimbaza Imana.

***7. Ibiranga ibitsina:*** Ni mu rugo, binyuze mu mishyikirano myiza hagati y'abagabo n'abagore, iyo mishyikirano igize gahunda y'urugo, niho abana bigira kwitwara nk'abagabo n'abagore mu bandi.
Abakuru bagomba kubigisha ubwiza bw'amajyambere y'igitsina, binyuze mu makuru akwiriye kandi y'ukuri. Abakuru kandi nibo bashinzwe kurinda abana babo ihohoterwa iryo ariryo ryose rishyingiye ku gitsina.

***8. Kwimenyereza iby'agaciro:*** Imwe mu mirimo y'urufatiro rwo kubana n'abandi mu rugo ni ukumenya guha agaciro inshingano zikubiye mu muryango. Iby'agaciro ko mu muryango iteka ntibihamanya n'amahame y'ibyiyobokamana. Ababyeyi bashobora kugerageza kuba abayoboke b'amahame runaka y'idini, ariko urugero rw'iby'agaciro baha abana babo bikaba bihabanye n'ayo mahame bemera muri iryo dini babarirwamo. Ni ingenzi cyane ko ababyeyi nabo ubwabo baba bahuje.

Umuhango w'ubukwe nk'uko Imana yabishatse ntukiri nk'uko wari uri, ariko umuryango siko uri. Muri rubanda nyamwinshi bahora bagendagenda ubudahwema, ni ukuvuga kubona umuryango wagutse ni ingume, aho babana na basekuruza, bene se cyangwa bashiki babo basangiye base, cyangwa babyara babo.

Umuryango w'Itorero ushobora gufasha abari kure y'imiryango yabo bwite, cyangwa abatayifite kugirango babone icyerekezo gikwiye cy'ubuzima bwabo n'inkomoko yabo ibanogeye. Aho rero niho n'ababyeyi b'ingaragu bashobora kubona ahantu habanejeje aho bazarerera abana babo mu rukundo n'ibambe. Bityo itorero naryo rizashobora gushyiraho icyitegererezo cy'imirimo ibura mu rugo.

Mu kwimenyereza gukunda abasheshe akanguhe bo mu itorero, abana bazashobora kwiga kubaha. Kandi abasheshe akanguhe nabo bazagira umunezero wo gukunda no guha agaciro kubana n'abana bato. «Mana, ntundeke, kugeza igihe merera imvi z'ubusaza; ntarabwira abigihe kizaza iby'amaboko yawe, ntarabwira abazavuka bose gukomera kwawe»(Zaburi 71:18).

Imana iha agaciro kihariye bakuru bacu ivuga iti: «Uruyenzi rw'imvi ni ikamba ry'icyubahiro; bibonekeshwa no kujya munzira yo gukiranuka» (Imigani 16:31). «Nkabageza mu zabukuru, ndiwe. Muzarinda imvi ziba uruyenzi, nkibaheka; ninjye waremye, ninjyhe uzaheka, nikoko nzaheka, kandi nzajya nkiza» (Yesaya 46:4).

Mu itorero, ingaragu zishobora kubona ahantu hihariye aho bazakundwa kandi bagakundwakazwa, kandi aho bazashobora kugaragaza urukundo rwabo, bagakoresha imbaraga zabo. Ni kubw'umurimo w'Itorero baziyumvisha urukundo Imana ibakunda. «Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho, nicyo cyatumye ngukuruza ineza, nkakwiyegereza» (Yeremiya 31:3).

Kwita byihariye ku bafite ibibazo ni kimwe mu bintu bigize idini itunganye,(Yakobo1:27; Kuva22:22; Gutegeka kwa kabiri 24:17; 26:12; Imigani 23:10; Yesaya 1:17). Umuryango w'Itorero ufite umwanya wihariye wo gutanga ubwugamo, ubuhungiro, n'ahantu ho kwiyegereza abatagira umuryango; Itorero rishobora kubana buri wese rikamwinjiza mu bumwe bwihariye aribwo Kristo yavuze ko buzaranga ubukristo (Yohana 17:20-23).

**Ubwiyunge:**

Kubera ko umuryango ari wo mutima w' Itorero na rubanda, umuryango wa gikristo ubwawo uzahinduka igikoresho cyo gukiriza Imana imitima no kuyirinda. Amasomo yose

aheruka yo mu Isezerano rya kera ni ubuhanuzi bwerekeje ku bimenyetso bigomba kubaho mbere yuko Kristo agaruka. «Dore nzabohereza umuhanuzi Eliya, umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera, uwo niwe uzasanganya imitima y'abana n'iya ba se, kugirango ntazaza kurimbuza isi umuvumo» (Malaki 4:5-6). Mugihe imbaraga zitandukanye zigerageza gutatanya abagize umuryango, umuhamagaro w'Imana wo ugenda mu mvugo guhuza,gukomeza ubumwe bw'umuryango no kuwusana. Kandi imiryango izitaba ihamagara ry'Imana izahabwa imbaraga izagaragaza ubukristo nyakuri. Amatorero agizwe n'imiryango nk'iyo azakura; abasore baryo ntibazarivamo ngo barireke, bazabera isi ishusho y'Imana ikiranuka.

# BIBILIYA IMPA UMUCYO KU BY'IBIHE BYA NYUMA

**IGICE CYA 24**

-

## <u>UMURIMO KRISTO AKORERA MU BUTURO BWERA BWO MU IJURU</u>

-

***<u>Mu ijuru hariyo ubuturo bwera,ihema ry'ukuri ryabambwe n'Imana atari abantu.Muri iryo hema,Kristo akora umurimo mu kigwi cyacu,agashyira ahagaragara</u>***

***ibyiza by'abizera biva mu gitambo cye cyo yaducunguje rimwe gusa ku musaraba.Igihe yajyaga mu ijuru,yahise aba umutabyi mukuru atangira umurimo we wo kuturengera amaze kujya mwijuru avuye mwisi.Mu 1844, ku iherezo ry'iminsi 2300,yinjiye mu cyiciro cya kabiri ari na cyo cya nyuma cy'umurimo we w'ubuhuza. Ahangaha ho ahakora umurimo werekeranye n'urubanza, hategura guhanagurwaho burundu kw'icyaha; uwo murimo washushanywaga no kwezwa k'ubuturo bwo mu isi bw'abaheburayo ku munsi w'impongano.Muri uwo muhango wo ku munsi w'impongano,ubuturo bwezwaga n'amaraso y'inyamaswa zabaga zatambwe naho iby'ukuri byo mu ijuru byo byezwa n'amaraso y'igiciro ya Yesu Kritso.Urubanza rwo mu ijuru ruhishurira ibiremwa byo mu ijuru abantu basinziriye muri Kristo bityo bakaba bakwiriye binyuze muri we, kuzuka mu muzuko wa mbere.Urwo rubanza runagaragaza mu bazima abazaba baragumye muri Kristo bakanakomeza amategeko y'Imana no kwizera Yesu biteguye kwimurirwa mu bwami bwe bw'iteka.Urwo rubanza rugaragaza ubutabera bw'Imana bukiza abizera Yesu.Imana ivuga ko abazakomeza kuba inziramakemwa bazaragwa ubwami buhoraho. Iherezo ry'umurimo wa Yesu mu buturo rizagaragaza kurangira kw'igihe cy'imbabazi z'ikiremwamuntu mbere yo kugaruka kwe(Abah.8:1-5;4:14-16;9:11-28;10:19-22;1:3;2:16,17;Dan.7:9-27;Kub.14:34;Ezek.4:6;Abalewi 16;Ibyah.14:6,7;20:12;14:12;22:12).***

-

-

Isaha yo gutamba igitambo cya nimunsi yegereje, umutabyi ahagarara mu bikari byo mu rusengero

I Yerusalemu yiteguye gutamba umwana w'intama nk'igitambo. Mu gihe yari yiteguye gusogota icyo gitambo, isi yaratigise ihinda umushyitsi,maze umutabyi agira ubwoba icyuma kiramucika,maze intama irahunga muri iryo hubi ubwo isi yatigitaga. Humvikanye igisa n'ijwi ry'ukuboko kutagaragaragaraga kwatabuye umwenda wakingirizaga ahera cyane ho mu rusengero uhera hejuru ugera hasi. Mu murwa,abantu batabarika baherekeje umusaraba maze igihe Yesu umwana w'intama w'Imana yavugaga ijwi rirenga ati:«Byose birarangiye!»,yari apfiriye ibyaha by'abari mu isi bose. Ibyari byaratangiye mu buryo butagaragara noneho byari byuzuye;igikorwa gikomeye imirimo yose yakorerwaga mu rusengero yashushanyaga cyari cyabaye.Umukiza yari yakoze igikorwa cyo kwitanga ngo acungure isi,kuko igishushanyo cyari cyabonye icyo cyashushanyaga, ukuri kwabyo kwari kwabonetse imirimo ya buri munsi yashushanyaga igitambo cye yari yageze ku iherezo.Aha rero niho twumvira ugutabukamo kabiri kwa wa mwenda, icyuma cyacitse wa mutabyi no guhunga kw'intama bari bagiye gutamba.

Ariko igitekerezo cy'agakiza ntigihagarariye aho. Uretse iby'umusaraba,kivuga umuzuko wa Yesu no kuzamuka kwe kandi ibi nabyo bituma twerekeza intekerezo zacu mu ijuru ku buturo bwera bwo mu ijuru aho Yesu akora nk'Umutabyi atari nk'umwana w'intama wo gutambwa. Igitambo cyatambwe rimwe risa biba birarangiye (Abaheburayo 9:28).Nuko rero buri wese abasha kwakira imigisha iva mu gitambo cye.

**Ubuturo bwo mu ijuru**

Imana yategetse Mose kubaka ubuturo bwera bwa mbere bwagombaga kuba ubuturo bw'Imana ku isi

(Kuva 25:8) kandi bwakoreraga munsi y'isezerano rya mbere(Abaheburayo 9:1).Aha niho abantu bagombaga kwigira iby'inzira y'agakiza.Hashize imyaka hafi 400, urusengero rwubatswe na Salomo rwasimbuye ihema ryimukanwaga ryakozwe na Mose.Nyuma yo gusenywa k'urusengero na Nebukadinezari, abahungutse baturutse mu bunyage i Babuloni bubatse urusengero rundi rwatatswe na Herode Mukuru na rwo rusenywa n'Abaroma muri 70 nyuma ya Yesu.

Isezerano rishya ritwereka ko hari ubundi buturo bwera ariko ubu bwo buba mu ijuru. Kristo abukoreramo nk'umutabyi mukuru «Iburyo bw'intebe y'icyubahiro yo mu ijuru».Iryo hema ni ryo buturo bw'ukuri bwabambwe n'Imana si umuntu (Abaheburayo 8:1-2).Ku musozi sinayi Mose yabonye «igishushanyo»,icyitegererezo cy'ubuturo n'icyibintu byabwo byose.(Kuva 25:9,40).Bibiliya yita ubwo buturo bwera«igishushanyo cyibyo mu ijuru».Bushushanya ubw'ukuri butari igishushanyo.(Abaheburayo9:23-24).Ubuturo bwo mu isi n'ibikorerwamo bitwerekeza ku bwo mu ijuru.

Henshi muri Bibiliya havuga kubaho k'ubuturo bwo mu ijuru cyangwa urusengero (Zaburi 11:4;102:19;

Mika 1:2-3).Mu iyerekwa, Yohana yabonye ubuturo bwo mu ijuru avuga ko «urusengero rw'ihema rwo guhamya rwo mu ijuru rukinguye»(Ibyahishuwe15:5)n'urusengero rw'Imana mu ijuru

(Ibyahishuwe 11:19).Yabonyemo ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu(Ibyahishuwe 1:12)n'igicaniro cy'imibavu (Ibyahishuwe8:3);abonamo n'isandugu y'isezerano yasaga n'iyabaga ahera cyane
(Ibyahishuwe 11:19).Igicaniro cy'imibavu cyo mu ijuru kiba imbere yintebe y'Imana (Ibyahishuwe 4:2; 7:15; 16:17).Bityo rero intebe y'ubwami (Danieli 7:9-10) iba mu buturo bwera bwo mu ijuru; ni yo mpamvu imanza ziheruka zihabera (Ibyahishuwe 15:5-8).

Bigaragara rero ko Bibiliya yerekana ubuturo bwo mu ijuru nk'ahantu h'ukuri (Abaheburayo 8:2),atari ibintu byo guhimba bitabaho.Ubuturo bwera bwo mu ijuru ni ahantu nyaho Imana iba.

**Umurimo Kristo akorera mu buturo bwera bwo mu ijuru.**

Ubutumwa bw'ubuturo bwari ubutumwa bw'agakiza. Imana yakoresheje abagaragu bayo kugirango ivuge ubutumwa bwiza (Abaheburayo 4:2).Ubuturo bwo mu isi n'imirimo yabukorerwagamo bwari igishushanyo cy'ubwo mu ijuru kugeza aho Yesu yaziye bwa mbere (Abaheburayo 9:9-10).Hakoreshejwe ibishushanyo nimihango,Imana yashakaga kwerekeza intekerezo z'Abisirayeri ku gitambo no kubutambyi bw'umucunguzi w'isi,umwana w'intama w'Imana wagombaga gukuraho ibyaha by'abari mu isi
(Abagalatiya3:23;Yohana 1:29).
Ubuturo bwerekanaga ibyiciro bitatu by'umurimo wa kristo:igitambo cyo gucungura,kuba umuhuza k'umutambyi n'urubanza ruheruka.

***Igitambo cyo gucungura***: Buri gitambo cyatambirwaga mu buturo bwera cyashushanyaga urupfu rwa kristo rwo kubabarira ibyaha,bikanahamya ukuri kuvuga ko «Niba amaraso atamenetse nta kubabarirwa ibyaha»(Abaheburayo 9:22).Ibyo bitambo byashunyaga ukuri gukurikira:

***1.Gucirwaho iteka kw'icyaha***: Kubera ko icyaha ari ukwigomeka gukabije kuba mu mutima w'umuntu kurwanya icyiza cyose gitungana kandi cy'ukuri ntikigomba kwirengagizwa «Ibihembo byibyaha ni urupfu»(Abaroma 6:23).

***2.Urupfu rwa kristo nk'inshungu***:«Twese twari twarahabye nk'intama .[…] nuko Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese»(Yesaya 53;6).«Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko ibyanditswe bibivuga» (1Abakorinto15:3).

***3.Imana yiyungira natwe mu gitambo***: Icyo gitambo ni Kristo Yesu.«Niwe Imana yashimye,kugira ango kubw'amaraso ye habonerwemo imbabazi kubazamwizera»(Abaroma 3:24-25).«Utarigeze akora icyaha Imana yamuhinduye icyaha kubwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana»
(2Abakorinto 5:21).Kristo umucunguzi yishingiye ibyaha byacu,niyo mpamvu," Kristo yishyizeho ibyari bidukwiriye kugira ngo tuzahabwe ibyari bimukwiriye. Ibyaha byacu ni byo yazize kandi ari nta ruhare yabigizemo,kugira ngo dutsindishirizwe n'ubutungane bwe tutagizemo uruhare.Yishwe urupfu rwari rudukwiriye kugira ngo duhabwe ubuzima bwe."Imibyimba ye ni yo adukirisha"(Yesaya 53:5).

Ibitambo byo mu buturo bwo mu isi byahoraga bitambwa.Nk'igitekerezo,icyo gishushanyo cyo gucungurwa cyaravugwaga kikongera kikavugwa imyaka n'imyaka. Nyamara uwo byashushanyaga ariwe Kristo umucunguzi wacu urupfu rwe rwabereye i Kaluvali rimwe risa(Abaheburayo 9:26:28;10:10-14).
Ku musaraba,umwenda wose w'icyaha warishyuwe.Gukiranuka kw'Imana kwarujujwe.Isi yunzwe n'Imana byemewe n'amategeko(Abaroma 5:18).Kungwa n'Imana kwacu kuzuriye ku musaraba nk'uko byari byarashushanijwe mu bitambo,kandi umwizera w'ukuri ashobora kwizera iki gikorwa umukiza yarangije.

***Umurimo w'umutambyi nk'umuhuza***: Niba igitambo cyari gihagije gukuraho icyaha, kuki umutambyi yari ngombwa?
Umurimo w'umutambyi wari uwo guhuza abanyabyaha n'Imana yera.Umurimo w'umutabyi werekana ububi bw'icyaha bukomeye bwatumye haba itandukaniro hagati y'Imana itagira icyaha n'ikiremwa giciriweho iteka.«Nk'uko ibitambo byashushanyaga urupfu rwa Yesu, niko umutabyi wese yashushanyaga umurimo w'ubuhuza wa Yesu nk'umutabyi mukuru mu buturo bwera bwo mu ijuru »."kuko hariho Imana imwe,kandi hariho umuhuza umwe w'Imana n'abantu,ari we Yesu kristo"(1Timoteyo 2 :5).

***1.Guhuza no kunga*** :Gukoresha amaraso k'umutabyi nk'igikorwa cyo gucungura,byafatwaga nk'aho habaye ubwiyunge(Abalewi 4 :25).Ijambo "kwiyunga" rivuga kugarura umushyikirano hagati y'abantu bari abanzi.Nk'uko urufpu rukiza rw'umucunguzi

wacu Yesu rwunze isi n'Imana, ni ko no gusenga kwe adusabira,cyangwa gutanga ubuzima bwe butagira icyaha n'urupfu rwe rw'inshungu yacu byunga abizera ku giti cyabo n'Imana yabo.

Ubutambyi bw'Abalewi bwashushanyaga umurimo w'umucunguzi yatangiye akimara gupfa.

Dufite «Umutambyi mukuru umeze atyo,wicaye iburyo bw'intebe y'ikomeye cyane yo mu ijuru; ukorera ahera ho mu ihema ry'ukuri,iryo abantu batabambye,ahubwo ryabambwe n'umwami Imana»(Abaheburayo 8:1,2).

Ubuturo bwera bwo mu ijuru ni icyicaro cy'aho Kristo akorera umurimo we w'ubutambyi kubw'agakiza kacu. Ni cyo gituma«Abasha gukiza rwose abegerezwa Imana nawe kuko ahoraho iteka ngo abasabire»(Abaheburayo 7:25). Ni cyo gituma twegera intebe y'ubuntu «tudatinya kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye»(Abaheburayo 4:16.)

Mu buturo bwera bwo ku isi umutambyi mukuru yari afite inshingano ebyiri zitandukanye – imirimo ya buri munsi mu buturo bwera(reba igice cya 4 cy'iki gitabo) n'umurimo wa rimwe mu mwaka yakoreraga ahera cyane. Iyo mirimo yashushanyaga ubutambyi bwa Kristo.

***2.Umurimo w'ubutambyi ahera.***

Umurimo umutambyi yakoreraga ahera cyane wasobanurwa nk'umurimo w'ubuvugizi,imbabazi,umurimo wunga kandi usana imitima.Ni ukuvuga ko ari umurimo uhoraho watumaga abantu bagera ku Mana mu buryo buhoraho binyuze ku mutambyi.Byashushanyaga ukuri k'uko umunyabyaha wihana yigerera ku Mana mu buryo bwihuse kandi buhoraho binyuze mu butambyi bwa Kristo we ufite ibyangombwa byuzuye byo kuba umuhuza(Abefeso 2:18;Abaheburayo 4:14-16;7:25;9:24;10:19-22).

Iyo umunyabyaha wicuza yegeraga ubuturo bwera ngo atange igitambo,Yashyiraga ukuboko ku itungo rizira inenge maze akatura ibyaha bye. Ibyo byashushanyaga ko icyaha

cye no gukiranirwa kwe abishyize kuri iryo tungo. Bityo rero yabaga ababariwe ibyaha bye.Inyandiko z'Abayuda zivuga ko:«Gushyira ibiganza ku itungo ari uburyo bwari busanzwe gukurwaho ibyaha byakorwagamo». «Muri buri gitambo hagaragaraga mo igitekerezo cyo gucungura;itungo ryajyaga mu mwanya w'umunyabyaha».

Amaraso yo guhongerera ibyaha yakoreshwaga muri bumwe muri ubu buryo bubiri bukurikira:

a) Iyo yajyanwaga ahera,yaminjagirwaga imbere y'umwenda wakingirizaga ahera no ku mahembe y'igicaniro cyoserezwaho imibavu(Abalewi 4:6,7,17,18).

b) Iyo atajyanwaga mu buturo bwera,yashyirwaga ku mahembe y'igicaniro cyoserezwaho ibitambo mu rugo(Abarewi 4:25,30).Muri ubwo buryo,umutambyi yaryaga igice kimwe cy'inyama z'icyo gitambo
(Abarewi 6:25,26,30).Mu buryo bumwe cyangwa ubundi,abantu babaga bumva ko ibyaha no gukiranirwa byabo bishyizwe mu buturo bwera no ku batambyi babwo.

«Mu gitekerezo cy'uyu muhango,ubuturo bwera bwashyirwagaho amakosa n'inshingano z'umunyabyaha igihe yatangaga igitambo cy'icyaha kandi akatura ibyaha bye.Yasohokaga mo ababariwe kandi yizeye ko Imana yamwakiriye. Ni nako, iyo umunyabyaha arehejwe n'Umwuka Wera akihana kandi akemera Kristo nk'Umucunguzi n'Umukiza we, Kristo nawe yishyiraho ibyaha bye no gukiranirwa kwe.
Ababarirwa ku buntu.Yesu amuhindukira umwishingizi n'umusimbura».

Ibishushanyo n'uwo byashushanyaga mu murimo wakorerwaga ahera wari ugendereye umuntu ku giti cye.Ubutabyi bwa Yesu buha umunyabyaha imbabazi no kwiyunga n'Imana(Abaheburayo 7:25).«Ku bwa Kristo, Imana ibabarira umunyabyaha wihannye,ikamubaraho imico y'ukuri no kubaha umwana wayo,imubabarira ibyaha bye,maze ikandika izina rye mu gitabo cy'ubugingo,nk'umwe mu bana bayo (Abefeso 4:32;1Yohana 1:9; 2Abakorinto 5:21;Abaroma 3:24;Luka 10:20).Uko umwizera aguma muri Kristo Yesu,Umwuka Wera amumenyesha ubuntu yagiriwe kugira ngo ashobore gukura mu by'umwuka bityo agakuza imico mbonera n'imbabazi bigaragaza imico y'ab'Ijuru(2Petero 3:18;Abagalatiya 5:22-23)».

Umurimo wakorerwaga ahera wazaniraga umwizera gutsindishirizwa no kwezwa.

**Urubanza ruheruka**

Ibi bikorwa byabaga ku munsi w'impongano byerekanaga ibyiciro bitatu by'urubanza ruheruka:

1.Urubanza rubanziriza imyaka igihumbi (urubanza kagenzuzi) ari nabyo bivuga urubanza rubanziriza kugaruka kwa Kristo

2.Urubanza ruzaba mu myaka igihumbi

3.Gushyira mu bikorwa imyanzuro y'urubanza bizaba imyaka igihumbi irangiye.

***1.Umurimo w'ubutambyi ahera cyane:*** Igice cya kabiri cy'ahakorerwaga umurimo w'ubutambyi haberagamo igikorwa cyo kweza ubuturo no kweza ubwoko bw'Imana.Uwo murimo wakorerwaga ahera cyane ho mu ihema kandi ugakorwa n'umutambyi mukuru gusa,ugomba kwitabwaho cyane kuko ari igikorwa cyabaga rimwe mu mwaka gusa.

Kweza ubuturo bwera byasabaga ihene ebyiri imwe y'Uwiteka indi ikaba iyo kwoherwa (*azazeri)* mu Giheburayo. Mu gutamba ihene y'Uwiteka,umutambyi mukuru yezaga ahera (mu by'ukuri muri iki gice havuga ahera cyane),intebe y'ihongerero n'igicaniro cyo murugo(Abalewi 16:20;16:16-18).

Umutambyi amaze gufata amaraso y'ihene y'Uwiteka yashushanyaga aya Yesu,umutambyi mukuru yayajyanaga ahera cyane maze akayaminjagira imbera y'Uwiteka, ku mu pfundikizo w'isanduku irimo amategeko cumi y'Imana; ibyo byanyuraga ibyo amategeko yera y'Imana yasabaga. Icyo gikorwa cyo kuminjagira amaraso cyashushanyaga igiciro gitangaje kristo yagombaga kwishyura kubw'ibyaha byacu, bikanaba bihishura uburyo Imana yashatse kwiyunga n'ubwoko bwayo(2Abakorinto 5:19).

Ayo maraso rero yayaminjagiraga ku gicaniro cy'imibavu, cyaminjagirwagaho amaraso buri munsi ibyo bigashushanya kubabarirwa kw'abanyabyaha batuye ibyaha byabo. Bityo rero muri ubwo buryo umutambyi mukuru yasabiraga ubuturo n'ubwoko bw'Imana kandi agatuma byombi byezwa(Abalewi16:16-20;30-33).

Byanashushanyaga Yesu Kristo nk'umuhuza,umutanbyi mukuru yishyiragaho ibyaha byose byabaga byaranduje ubuturo maze akabishyira ku ihene ya azazeri yo koherwa ikavanwa mu mahema y'ubwoko bw'Imana. Icyo gikorwa cyahanaguraga ibicumuro by'ubwoko bwabaga bwarihannye maze bigashyirwa ku buturo binyuze mu maraso cyangwa inyama z'ibitambo byatambwaga mu murimo w'imbabazi wakorwaga buri munsi. Muri ubwo buryo,ubuturo bwabaga bwejejwe bukanategurirwa undi mwaka wubutambyi (Abalewi 16:16-20;30-33).Ubwo rero byose byabaga bikemutse nta kibazo Imana ifitanye n'abantu bayo.

Umunsi w'impongano werekana neza urubanza rufite intego yo gutsembaho icyaha. Ibyakorwaga muri uwo munsi «byashushanyaga igikorwa Kristo azakora ubuheruka cyo gutsembaho icyaha burundu,no kunga byuzuye isi yose ikaba munsi y'ubuyobozi bw'Imana».

2.***Azazeli ihene yo koherwa:*** Ubusobanuro «azazeli» ni ijambo ryo mu giheburayo azazel riva mu gitabo cyitwa vulgate(kikaba ari Bibiliya ikoreshwa n'itorero gaturika) icyo gitabo rero kikaba kivuga ngo:«caper emissarius»,cyangwa «ihene yo koherwa»(Abalewi 16:8). Isesengura rinonosoye ryo mu balewi 16 ryerekana ko azazeli ishushanya satani,ntabwo ari Kristo,nk'uko bamwe babitekereje. Ibitekerezo bishyigikira ubwo busobanuro ni ibi bikurikira:

1.Ihene yo koherwa ntabwo yatambwaga kandi ntabwo yatumaga umuntu ayiboneramo imbabazi kuko«niba amaraso atamenetse nta kubabarirwa ibyaha»(Abaheburayo 9:22);

2.Ubuturo bwose bwezwaga n'amaraso y'ihene y'Uwiteka,mbere y'uko ihene yo koherwa yoherwa
(Abalewi 16:20).

3.Muri icyo gice hatubwira ko ihene yo koherwa nk'umuntu uciye ukubiri n'Imana(Abalewi 16:8) bisomwa mu buryo bukurikira:«imwe ibe iy'Imana indi ibe iyo koherwa ». Niyo mpamvu muri iki gitekerezo cy'ubuturo hakwiriye kugaragara ishusho ya Kristo binyuze mu ihene yerejwe Uwiteka n'ishusho ya Satani binyuze mu ihene ya azazeri.

**3.Ibyiciro bitandukanye by'urubanza**: Umuhango wo kohera ihene ya azazeli wabaga ku munsi w'impongano werekanaga hirya y'ikaruvali ku iherezo ry'ikibazo cy'icyaha bivuga gutsembaho icyaha na satani.«Icyaha cyose kizagerekwa kuri satani,we nyirabayazana wacyo,kandi akaba ari we utera abantu kugikora. Satani n'abayoboke be n'ingaruka zose z'icyaha,bizatsembwa mu isi no kurimburwa kwabyo.Urwo rubanza ruzazana kunga gukomeye n'umushyikirano uhamye mu isi(Abefeso 1:10).Uwo ni wo mugambi wa kabiri ukomeye w'ubutambyi Kristo azakorera mu buturo bwo mu ijuru».Urwo rubanza ruzagaragaza uburyo Imana ari iy'ukuri.

Umunsi w'impongano washushanyaga ibyiciro bitatu by'urubanza ruheruka:

a).Kuvanwaho kw'ibyaha mu buturo byarebaga urubanza rwa mbere n'amabwiriza yarwo«byerekezaga ku mazina yanditse mu gitabo cy'ubugingo nk'uko ku munsi w'impongano werekanaga guhanagurwa kw'ibyaha byicujijwe mu buturo bwera. Abizera gito bazagaragara; abizera nyakuri n'umushyikirano wabo na Yesu bizahamywa mu maso y'isi yose kandi ibyaha byabo bizahanagurwa».

b) Kohera ihene ya azazeli mu butayu bishushanya satani uzabohwa imyaka igihumbi mu isi wenyine,icyo gihe kizatangirana no kugaruka kwa Yesu kandi kikazaba mu gice cya kabiri mu rubanza ruheruka rwabereye mu ijuru(Ibyahishuwe 20:4;1Abakorinto 6:1-3).Urwo rubanza ruzaba hagati mu myaka 1000 rwerekana ukugenzurwa gukomeye kw'imico y'abageragejwe, rukanahindukira amahirwe abacunguwe rubaha uburenganzira bwo kumva uko Imana ibona icyaha n'uburyo ibona abanyabyaha batemeye agakiza. Imana izasubiza ibibazo byose abacunguwe bashobora kwibaza,ku byerekeye imbabazi no ku butabera bw'Imana (reba igice cyose cya 26 cyiki gitabo.)

c) Kwezwa k'ubwoko kwashushanyaga ingaruka nziza z'icyiciro cya gatatu cy'urubanza, kurangizwa k'urubanza igihe umuriro uzakongora abanyabyaha ukeza isi
(Ibyahishuwe 20:11-15;Matayo 25:31-46;2Petero3:7-13; reba n'igicye cya 26 cyiki gitabo).

**Ubuturo bwo mu ijuru mu buhanuzi**

Mu ngingo zibanza twavuze ku buturo bwera mu buryo bw'igishushanyo n'uwo gishushanya. None reka turebe ubuturo mu buryo bwa gihanuzi:

***Gusigwa k'ubuturo bwo mu ijuru***: Ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 muri Danieli 9 bwavugaga gutangira k'ubutambyi bwa Kristo mu buturo bwera bwo mu ijuru. Kimwe mu byabaye nyuma mu myaka 490 ni «Ugusigwa amavuta kw'ahera cyane»(Danieli 9:24),(Reba igicye cya 4 cy'iki gitabo). Ijambo ryo mu giheburayo "*godesh qodeshim",*ryasobanuwe ngo«ahera cyane» mu buryo bwahuranije risobanura ngo «Ahera h'ahera cyane».Bityo rero byakabaye byiza hasobanuwe ngo:«Gusigwa kw'ahera h'ahera cyane» cyangwa «Gusiga ahera cyane»

Nk'uko mu gihe cyo kweza ubuturo bwo mu isi,hakoreshwaga amavuta yera agenewe kubwereza umurimo wabwo, ni nako kwezwa k'ubuturo bwo mu ijuru nabwo bwasizwe ngo bwerezwe umurimo wa Kristo nk'umuhuza. Nyuma yo gusubira mu ijuru amaze kuzuka(Danieli 9:27),Kristo yatangiye umurimo we nk'umutambyi mukuru n'umuhuza.

***Kwezwa k'ubuturo bwo mu ijuru***: Mu kuvuga ibyo kwezwa k'ubuturo bwo mu ijuru,urwandiko rw'Abaheburayo ruvuga ngo: «kuko ukurikije amategeko ibintu hafi ya byose byezwa n'amaraso kandi ayo maraso atavuye ntihabaho kubabarirwa ibyaha. Nuko rero byari bikwiriye ko ibishushanyo by'ibyo mu ijuru byezwa muri bene ubwo buryo naho ibyo mu ijuru ubwabyo bikezwa n'ibitambo biruta ibyo»
(Abaheburayo 9:22-23).

Abantu benshi bahereye kuri iyo nyandiko babivuga mu buryo butandukanye.Henri Alford we yabonaga ko:« ijuru ubwaryo ryari rikeneye kandi ryabonye kwezwa binyuze mu maraso y'umucunguzi(Yesu Kristo). B.F. Westcott yabisobanuye ngo:«twavuga ko ibyo mu ijuru ubwabyo n'ubwo ari byo bibumbatiye ahazaza h'umuntu, nabyo byakomwe mu nkokora no kugwa,ibyo byatumye biba ngombwa ko naho hakenera kwezwa".Avuga ko amaraso ya Kristo yabonetse ngo yeze ubuturo bwo mu ijuru ari bwo ubwo mu isi bwari bubereye igishushanyo.

Nk'uko ibyaha by'ubwoko bw'Imana byajyaga ku gitambo kubwo kwizera,kandi bityo bikaba byarashushanyaga ko bigiye mu buturo bwo mu isi, ku bw' isezerano rishya umunyabyaha wihannye yicuza ibyaha bye,maze ibyo byaha byose bikajya ku mukiza kubwo kwizera.

Kandi nk'uko ku munsi w'impongano kwezwa k'ubuturo bwo mu isi kwakuragaho ibyaha byababaga byararundanijwe aho ,ni nako ubuturo bwo mu ijuru bwezwa no guhanagura burundu ibyaha byo mu bitabo byo mu ijuru.

Ariko mbere yuko uwo murimo urangira,ibitabo bizagenzurwa kugira ngo hamenyekane kubwo kwihana no kwizera Kristo ubasha kwinjira mu bwami bw'Iteka.Mu kwezwa k'ubuturo bwo mu ijuru rero harimo n'umurimo w'urubanza, bifitanye isano n'umunsi w'impongano nk'umunsi w'urubanza.Uru rubanza rugaragaza neza umwanzuro ku bazakizwa no kubazarimbuka rugomba kubaho mbere yo kugaruka kwa kristo,kuko azaza agahemba buri wese ibikwiriye ibyo yakoze (Ibyahishuwe 22:12).Ibirego bya Satani rero bizabona ibisubizo(Ibyahishuwe 22:10).

Abihannye bose by'ukuri maze bakemera igitambo cya Kristo umucunguzi barababariwe.Igihe amazina yabo azaza mu rubanza maze bagasangwa barambaye umwenda wo gukiranuka wa Kristo, ibyaha byabo bizasibanganywa maze bemererwe kubona ubugingo buhoraho(Luka 20:35). «Unesha niwe uzambikwa imyenda yera kandi sinzahanagura izina rye na hato mu gitabo cy'ubugingo, ahubwo nzaturira izina rye imbere ya Data n'imbere y'abamarayika»(Ibyahishuwe 3:5).

Umuhanuzi Daniyeli,aduhishurira uko uwo munsi w'urubanza uzaba umeze. Mu gihe imbaraga y'ubuhakanyi,igereranywa n'agahembe gato gatuka Imana kandi kazaba karenganya ubwoko bw'Imana ku isi (Danieli 7:8;20;21;25),intebe z'ubwami zirashingwa maze Imana ubwayo itangiza urubanza ruheruka.Urwo rubanza rubera mu cyumba cyo mu buturo bwera bwo mu ijuru kandi inteko nini y'abahamya bo mu ijuru yari ihari. Igihe urubanza rwatangiraga ibitabo birabumburwa,ibyo byerekana ko urubanza rutangiye (Danieli7:9-10).Nyuma y'urwo rubanza imbaraga y'ubuhakanyi yararimbuwe(Danieli7:11).

***Igihe cy’urubanza***:Kristo na Data  bari muri urwo rubanza. Mbere yo kugaruka kwa kristo mu isi aje ku bicu byo mu ijuru, Kristo «umwana wumuntu» azaza imbere y’“Umukuru nyir’ibihe”,Imana Data, ahagarare imbere ye (Danieli 7:13).Kuva  azamutse mu ijuru, Kristo yakoze umurimo we w’ubutambyi n’ubuhuza imbere y’Imana (Abaheburayo 7;25).Ariko rero ubu  bwo aje nk’ Umwami(Danieli 7;14).

***1.Guhinduka k’ubutambyi bwa kristo***: Muri Danieli 8 hatubwira intambara iri hagati y’ikibi n’icyiza. Hatubwira kandi ibyo kunesha guheruka kw’Imana. Iki gice cyerekana ko hagati yo gutangira k’umurimo w’ubutambyi wa kristo no kweza ubuturo bwo mu ijuru, imbaraga yo mu isi izijimisha umurimo wa kristo.

Impfizi y’intama yashushanyaga ubwami bw’Abamedi n’Abaperesi(Danieli 8:2), amahembe abiri  rimwe risumba irindi,irirerire ni ryo ryaherukaga kumera, ibyo bigaragaza neza ibihe bibiri; ubwami bw’abaperesi ni bwo bwaherutse kwima. Nk’uko Danieli yabihanuye, ubwo bwami buraguka,bwerekeye iburasirazuba  n’ikasikazi, n’ikusi, nuko burakomera(Danieli 8:4).
Impfizi y’ihene yaturutse iburangerazuba yashushanyaga ubugiriki,ihembe rinini ni umwami wabwo wa mbere,iryo hembe ryashushanyaga Alexandre mukuru(Danieli 8:21). Aturutse iburengerazuba,Alegizandere mukuru yahiritse bidatinze ubwami bw’Abaperesi. Nyuma y’imyaka apfuye,ubwami bwe bwigabanyamo ubwami bune(Daniyeli 8:22).Ubwami bwa Kasandeli, Lisimakusi, Selewukusi,na Pitolemi.

Ku iherezo ry’ubutegetsi bwabo (Danieli 8:23) cyangwa mu yandi magambo nyuma yo gukomera k’ubwami bwabo(bumaze kwigabanyamo ibice),agahembe gato kazahaguruka(Danieli 8:9). Bamwe bavuga yuko Antiyokusi Epifani, umwami w’umunyasiriya wategetse Palesitina mu kinyejana cya 2 mbere ya Kristo ,yujuje igice cy’ubwo buhanuzi. Abandi, tuvuze nko mu bagorozi babonye muri ako gahembe gato Roma mpagani ndetse n’ubupapa.Ubwo busobanuro buheruka buhwanye  neza n’ibyo Danieli yabonye,bitandukanye n’ubusobanuro bwa mbere .Reka twite kuri ibi bikurikira:

a) Ubushobozi bw'agahembe gato bwatangiye uhereye ku kugwa k'ubwami bw'Abagiriki kugeza igihe cy'imperuka(Danieli 8:17).Roma mu gihe cyayo cy'ubupagani,n'icy'ubupapa ni yo yonyine izabisohoza byose.

b) Ubuhanuzi bwo muri Daniyeli 2,7,8 burasa.Ibyuma bine byo ku gishushanyo muri Danieli2 n'inyamaswa enye zo muri Danieli 7,byose bishushanya ubwami bumwe bwo mu isi:Babuloni,Abamedi n'Abaperesi,Ubugiriki na Roma.Ibirenge by'ibyuma bivanze n'ibumba n'amahembe cumi y'inyamaswa ya kane bigereranya kwigabanyamo kwa Roma;ubwo bwami bwigabanije bugomba gukomeza kugumaho kugeza kristo agarutse. Tugomba kumenya ko ubwo buhanuzi bwombi bushushanya Roma nk'ubwami bwagombaga gusimbura Ubugiriki kandi bukazagumaho kugeza ku kugaruka kwa kristo no ku rubanza ruheruka.Agehembe gato ko muri Danieli8 kiyongera kuri ubwo buhanuzi,gasimbura Ubugiriki kandi kazarimbuka bikomeye«Kazarimbuka kadakozweho n'ukuboko k'umuntu»(Daniyeli 8:25;2:34).

c)Ubwami bw'Abaperesi bwitwa ubunyambaraga,ubugiriki bwitwa ubwami bukomeye cyane kandi n'agahembe gato kazihutira gukomera cyane(Daniyeli 8:4;8-9).Roma nk'imwe mu bwami bukomeye bw'isi,ihuje cyane n'ibivugwa ku gahembe gato.

d)Roma ni yo yonyine yaguye gukomera kwayo yerekeza mu majyepho muri Egiputa,yerekeza iburasirazuba(Makedoniya na Aziya ntoya).Yerekeza no mu gihugu gifite ubwiza(Palestina),mu b'yukuri nk'uko ubuhanuzi bwari bwarabivuze(Danieli 8:9).

e)Roma yahagurukiye kurwanya «umugaba w'ingabo,umwami w'abami»(Danieli 8:11,25),ariwe Yesu kristo. «Yahagurukiye kumurwanya no kurwanya ubwoko bwe,no kurwanya na none ubuturo. Iri sesengura ryerekana Roma ya gipagani n'ubupapa bw'I Roma.Mu gihe Roma ya gipagani yarwanije Kristo igasenya urusengero rw'i yerusalemu, Roma ya gipapa yishyize mu cyimbo cya Kristo nk'umuhuza w'abanyabyaha mu buturo bwo mu isi (Abaheburayo 8:2), yabikoze isimbuza umurimo w'ubutambyi wa Kristo kubabarira ibyaha hakoreshejwe abantu nk'abahuza b'abantu n'Imana ( reba icyigisho cya 12 cy'iki gitabo). Iyo mbaraga y'ubuhakanyi izagira insinzi kuko « yasiribanze ukuri, ishobora ibyo igambiriye »(Daniel 8 :12).

2.***Igihe cyo gusanwa kwezwa n'urubanza:*** Imana ntiyashatse ko kudasobanukirwa n'umurimo w'ubutambyi bwa Kristo bihoraho iteka. Binyuze mu b'abagabo n'abagore

bakiranuka kandi bayubaha, Imana yamuritse urumuri rwayo. Kuvumbura by'igice umurimo wa Kristo nk'umuhuza byongeye ikangura mu mibereho ya gikristo. Nyamara rero hari hakiri ukuri kwinshi gukeneye guhishurwa ku bijyanye n'umurimo wa Kristo mu buturo bwera bwo mw'ijuru.

Iyerekwa rya Daniyeli ryerekana ko umurimo wa Kristo nk'umutambyi mukuru, rifite ubusobanuro bushyitse « mu gihe giheruka » (Danieli 8 :17). Igihe azatangira umurimo we wo kweza n'uw'urubanza byiyongereye ku murimo w'ubuhuza wo yatangiye akizamurwa mu ijuru (Abaheburayo 7 :25).

Iyerekwa ryerekana igihe Kristo yatangiriye umurimo w'urubanza (Daniyeli 7), no kwezwa kw'ubuturo. « Iminsi 2300 uko bukeye bukira, hanyuma ubuturo bwera bubone kwezwa » (Daniyeli 8 :14).Kuko iyerekwa ryerekeje ku gihe giheruka, ubuturo buvugwa si ubwo mu isi kuko bwashenywe muri 70 nyuma ya Kristo.Ubuhanuzi bwerekeje byanze bikunze ku buturo bw'isezerano rishya bwo mu ijuru,aho Kristo akorera umurimo we ku bw'agakiza kacu.

Iminsi 2300 ishushanya iki cyangwa "iminsi 2300 uko bukeye bukira"nkuko byanditswe mu giheburayo? Igice cya mbere cy'itangiriro umugoroba n'igitondo ni umunsi. Nk'uko twabibonye mu cyigisho cya 4 ni cya 13 cy'iki gitabo igihe kivugwa n'ubuhanuzi gishushanya umunsi ni ukuvuga umwaka bityo abakristo benshi bize mu binyejana byinshi ko 2300 yo muri Daniyeli 8,yasobanuraga imyaka 2300 mu buryo budahinduka.

**a)Danieli 9,haduha urufunguzo rwo gusobanukirwa n'igice cya 8**

Imana yahaye inshingano Marayika Gabuliyeli yo kumvikanisha iyerekwa kuri Daniyeli (Daniyeli 8:16). Ariko ubusobanuro bw'iryo yerekwa bugwa nabi umuhanuzi ku buryo yarwaye.Gabulieli abwirwa kuba yigijeyo ubusobanuro.Mu iherezo ry'icyo gice Daniyeli aravuga ati "natangajwe n'ibyo nabonye,kandi nta n'umwe wabimenye" Danieli 8:27).

Kubera iryo hagarikwa umutima Gaburiyeli yashimye kuba aretse ubusobanuro bwe muri icyo gihe.Ubusobanuro bwari busigaye butasobanuriwe Daniyeli. Danieli 9,buvuga kugaruka kwa marayika mukuru n'intego ye yo kurangiza umurimo we yahawe,Daniyeli 8,9 haruzuzanya.Igicye cya 9 ni urufunguzo ruduha gusobanukirwa ubwiru bw'iminsi 2300. Igihe Gabulieli yazaga yabwiye Daniyeli ati: «Nje kukubwira ijambo[…] uritekereze cyane, umenye nibyo weretswe»(Daniyeli 9:23).Bihuye n'iyerekwa ry'imnisi 2300.

Umugambi we wo gushyira ahagaragara ingingo z'ingenzi z'iyerekwa ryo muri Danieli 8 ushyira ahagaragara impamvu yatumye atangiza ubusobanuro bwe ubuhanuzi bw'ibyumweru 70.

Ibyumweru70,cyangwa imyaka 490 byashyiriweho abayuda na Yelusalemu (Danieli 9:24). Ijambo ry'igiheburayo risobanuye "bushyiriweho" ni *Chathak.* Nubwo iri jambo rikoreshwa inshuro imwe muri Bibiliya,ariko twasanga ubundi busobanuro duhereye ku zindi nyandiko za Giheburayo. Inkoranyamagambo isobanura Icyongereza mu Giheburayo ya Gesenius iriha ubusobanuro"guca"cyangwa "kugabanyaho".

Kubw'uyu mugambi uheruka, amagambo ya Gabuliyeli ahinduka asobanura(ahishura). Yasobanuriye Daniyeli ko Imyaka 490,yagombaga kugabanywa ku myaka 2300. Nk'itangiriro ry'icyo gihe cy'imyaka 490, Gabulieli atanga «uhereye igihe ijambo ryavugiye ko Yerusalemu izongera gusanwa»(Daniyeli 9:25).Iryo jambo ryabaye mu mwaka wa 457 mbere ya kristo umwaka wa 7 wa Altazerusi(reba igicye cya 4 cy'iki gitabo).

Imyaka 490, yarangiye muri 34 nyuma yo kuvuka kwa Yesu. Tuvanye imyaka 490 mu myaka 2300 hasigara 1810.

**Iminsi 2300-(Imyaka2300)**

457MK 34NK
1844NK

**Ibyumweru 70(Imyaka 490)** **Imyaka 1810**

Kubera ko imyaka 2300 yagombaga kubamo imyaka 1810 nyuma y'umwaka wa 34 NK, ibyo bitugeza mu mwaka w'1844.

b) Kugira ngo twumve mu buryo bwagutse ibijyanye n'umurimo wa Kristo. Mu ntangiriro z'ikinyejana cya cumi n'icyenda abakristo benshi, muri bo harimo Ababatista, Abangirikani, Abametodiste n'Abaruteriyani, n'andi matsinda y'abizera bihatiye n'umwete kwiga ubuhanuzi bwa Danieli 8. Abo basomyi ba Bibiliya bari biteze kubona ibimenyetso byerekana kurangira kw'imyaka 2300, iherezo ry'iminsi 2300. Bijyanye n'uko bari barasobanuye imbaraga z'agahembe gato, n'iby'ubuturo bwera bizeye ko kwezwa k'ubuturo bwera kwari n'ukw'Itorero. Kandi icyo gihe cy'ubuhanuzi cyagombaga kujyanirana no kubohorwa kwa Palestine na Yerusalemu, kugaruka kw'Abayuda, kugwa kw'ingoma ya Turukiya (Turc), iherezo ry'ubupapa, hakabaho kongera gusenga Imana by'ukuri, gutangira kw'imyaka igihumbi ku isi, igihe cy'urubanza, kwezwa kw'isi n'umuriro cyangwa kugaruka kwa Kristo.

Nta na kimwe muri ubwo buhanuzi cyuzuye kandi bari bara byizeye bose bacika intege. Nyamara uburemere bwo gucika intege kwabo byari bijyanye n'uko byari byarahanuwe. Byagaragaye ko gucika intege kw'abari bategereje kugaruka kwa Yesu Kristo mu 1844, byabatesheje umutwe cyane kuruta abari bafite ibyiringiro byo kugaruka kw'abayuda muri Palestine.

Bitewe no gucika intege kwabo, benshi baretse kwiga ubuhanuzi kandi ntibongeye gusobanura amateka y'ubuhanuzi bwari bwarabayoboye kuri iyo myanzuro. Nyamara bamwe muri bo, bakomeje kwiga ubwo buhanuzi n'ubw'ubuturo bwera kandi basenga cyane;bataretse guhanga amaso ku murimo wa Kristo abakorera mu buturo bwera bwo mw'ijuru. Ubusobanuro bushya bw'uwo murimo bwababagaruriye imbaraga zabo. Baje guhishurirwa ko kwizera ubuhanuzi bw'amateka y'Itorero rya mbere n'ay'ubugorozi bitari byataye ubusobanuro bwabyo. Imibare ku bijyanye n'igihe cya gihanuzi byari ukuri. Iminsi 2300 yari yarangiye mu w'1844. Ikosa ryabo – n'iry'abandi bakristo bose b'icyo gihe – ryari riri mu kumenya ibyagombaga kuba ku iherezo ry'icyo gihe cya gihanuzi. Imicyo mishya ijyaniranye n'umurimo wa Kristo mu Buturo bwera yahinduye kwa gucika intege kwabo mo ibyiringiro n'umunezero.

Mu kwiga inyigisho za Bibiliya zijyanye n'ubuturo bwera byerekanye ko mu cya 1844 Kristo yasanze umukuru Nyiribihe byose kandi atangiza igihe giheruka cy'ubutambyi bwe mu buturo bwo mu ijuru. Uwo murimo werekanaga kuzura ko kwezwa k'ubuturo ku munsi w'imbabazi ari wo Danieli yavuze nk'aho ari inyigisho y'urubanza rubanziriza kugaruka kwa Kristo.

Uko kwitegereza bushya umurimo wo mw'ijuru wa Kristo "ntibyacanye isano n'amateka yo kwizera kwa gikristo". Ahubwo ibiri amambu, byujuje neza kandi bidashidikanywaho kuzura k'uko kwizera. Ahubwo byerekanaga kuzura k'uruhererekane bw'ubwo buhanuzi bwerekanaga ubutumwa bw'iteka ryose […]mu gikorwa giheruka cy'ubuhamya bw'ubwo butumwa mu isi.

**Ubuhanuzi n'intambara ikomeye**

Ubuhanuzi bwa Daniel igice cya 7 n'icya 8 buhishura ubugari bw'intambara ikomeye iheruka iri hagati ya Kristo na Satani.

**Ubusobanuro bw'imico y'Imana**

Kubijyanye n'ibikorwa by'agahembe gato, Satani yagerageje guhinyura ubuyobozi bw'Imana. Ibikorwa byakozwe n'iyo mbaraga byarwanije ubuturo bwo mw'ijuru, aricyo cyicaro cy'ingoma y'Imana. Amayerekwa ya Danieli yerekanaga urubanza rwagombaga kubanziriza kugaruka kwa Kristo kandi ariho Imana izavuga gucirwaho iteka kw'agahembe gato na Satani ubwe,nk'ingaruka z'ibyo yakoze kandi bidasize ingaruka za Satani ubwe. Ku mucyo w'i Kalvari ibirego byose bya Satani byarakandagiwe. Bose bazumva kandi bemere ko Imana ikiranuka kandi ko ntaho ihuriye n'icyaha. Imico yayo izasohoka itagira inenge kandi ingoma yayo y'urukundo izogera.

**Gutsindishirizwa k'ubwoko bw'Imana**

Mu gihe urubanza rutera gucirwaho iteka kw'agahembe gato k'agahakanyi, runatuma abera b' Isumbabyose batsindishirizwa "Danieli 7:22". Mu by'ukuri, urwo rubanza ntirutsindishiriza Imana imbere y'isi gusa ahubwo runatsindishiriza ubwoko bwayo. Abera bari bararenganijwe kandi bagirirwa nabi bazira kwizera Kristo. Ibinyejena byashize birabihamya. Urwo rubanza ruzashyira byose mu mwanya wabyo.

Ubwoko bw'Imana buzironkera amasezerano y'Imana "Niyo mpamvu, uzampamiriza imbere y'abantu, nanjye nzamuhamiriza imbere ya Data wo mu ijuru, ariko unyihakanira imbere y'abantu, nanjye nzamwihakanira imbere ya Data uri mu ijuru "Mat 10:32; Luka12:8,9;Ibyah.3:5.

**Urubanza n'agakiza**

Ese urubanza rusezeranira agakiza abizera Kristo? Ntibihagije, abizera b'ukuri bagirana umushyikirano na Kristo, bashyira ibyiringiro byabo mu buhuza bwe (Abaroma 8:34). Ubwishingizi bwabo bufite imizi muri aya masezerano "Dufite umuvugizi imbere y'Imana ari we Yesu Kristo ukiranuka" 1Yohana 2:1.

None se ni kuki urubanza ari ngombwa mbere yo kugaruka kwa kabiri kwa Kristo? Urwo rubanza ntirukorwa kubw'abo mu ijuru, rukorwa ku bw'inyungu z'abo mu isi. Urwo rubanza rutanga igisubizo ku birego bya Satani kandi rwiringiza ikiremwa muntu cyaguye

ko Imana izakingurira imiryango yo mu bwami bwayo abantu bihannye by'ukuri. Nimuri ubwo buryo Imana ibumbura ibitabo ngo hakorwe isuzuma ritarobanura (Danieli 7:9-10)

Ibiremwa muntu biri muri iyi migabane itatu:Abahakanyi banga ubuyobozi bw'Imana,Abizera by'ukuri, bashira ibyiringiro byabo muri Yesu Kristo kandi bakabaho bubaha amategeko y'Imana,n'abagira ishusho yo kwizera ukuri batera imbuto. Ibiremwa byaguye bigomba kwiyumva ko biri muri wa mugabane wa mbere.Birakomeye cyane gutandukanya abizera by'ukuri n'abatari bo. Ayo matsinda yombi yanditse mu gitabo cy'ubugingo aricyo kirimo abinjiye mu murimo w'Imana (Luka 10:20;Abafiripi 4:3;Danieli12:1;Ibyahishuwe 21:27). Itorero ubwaryo rifite abakristo babi n'abeza,imbuto nziza n'umurama (Matayo 13:28:30).

Ibiremwa by'Imana bitacumuye ntabwo bizi byose, ntibyasoma mu mitima,niyo mpamvu urubanza ari ngombwa-mbere yo kugaruka kwa Kristo kugirango rutandukanye ikibi n'icyiza kandi rwereke isi ubutabera bw'Imana kandi na none rukize abanyabyaha. Iki kibazo kirareba Imana n'isi yacu ntabwo urwo rubanza ari urw'Imana n'umwana wayo. Ibyo bituma habaho kubumbura ibitabo no kugararagaza abahamije kwizera,abo amazina yabo yanditse mu gitabo cy'ubugingo.

Kristo yavuze iby'urubanza mu mugani w'abatumiwe mu bukwe bitabye ihamagara ry'ubutumwa bwiza.Kubera ko abahitamo kuba abakristo atariko bahita baba abigishwa nyakuri ba Kristo.Umwami yaje gusuzuma abararitswe ngo arebe abambaye umwambaro w'ubukwe.Uwo mwambaro werekana imico yera itagira ikizinga abigishwa ba Kristo bazaba bafite.Itorero ryo ryahawe kwambara umwenda wera urabagirana mwiza utagira ikizinga;umunkanyari cyangwa ikindi gisa gityo (Ibyahishuwe 19:8;Abefeso 5:27). Uwo mwenda w'igitare mwiza Bibiliya ivuga ko ariyo mirimo yo gukiranuka y'abera (Ibyahishuwe 19:8). Niko gukiranuka kwa Kristo,imico ye itanduye ku bwo kwizera ihabwa abantu bose,bamwakira nk'umukiza wabo. Igihe umwami yagenzuraga, abatumiwe abari abambaye ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo bonyine bahawe n'irarika ry'ubutumwa, bemewe nk'abizera b'ukuri.Abavuga ko ari intumwa z'Imana ariko bakabaho mu kutumvira,ntibambare gukiranuka kwa kristo bazakurwa mu gitabo cy'ubugingo (kuva 32:33).

Ihame ry'urubanza ku bavuga ko bizera Kristo ntirirwanya inyigisho ya Bibiliya y'agakiza k'ubuntu kubwo kwizera. Pawulo yari azi ko nawe umunsi umwe azanyura mu rubanza niyo mpamvu yerekanye icyifuzo cye «kugira ngo nzasangwe ndi muri we(Kristo) bitari gukiranuka kwanjye ahubwo kwa kundi kubonerwa mu kwizera Yesu Kristo.Gukiranuka kuva ku Mana kubwo kwizera»(Abafiripi 3:9). Abantu bose bunga ubumwe na Kristo babona agakiza kabo.Muri uyu mugabane wa mbere w'urubanza ruheruka ,abizera by ukuri bagirana ubumwe n'agakiza kaboneka muri Kristo bamenywa nabo mu yandi masi atarakoze icyaha.

Muri ubwo buryo kristo ntatanga agakiza ku bantu bagereranya ubukristo bwabo n'imirimo myiza bakoze (Mat 7:21-23). Ibitabo byo mu ijuru ni ibikoresho byoroheje

bishinzwe gutandukanya ukuri n'ibinyoma,bigize na none urufatiro rutuma abamarayika bamenya abizera b'ukuri.

«Biri kure gukura ibyiringiro by'abizera kuri Kristo,kuko amahame y'ubuturo bwera ashyigikira ibyiringiro byabo. Ayo mahame agaragaza neza mu buryo bugaragara inama y'agakiza.Umutima we wihannye wishimira kwakira no kumenya ukuri ku rupfu rw'umucunguzi wacu Kristo nkuko ibitambo byabivugaga.Kandi na none ukwizera kwe kumuha gusobanukirwa na Kristo muzima, we mutambyi mukuru n'umucamanza uhora imbere y'Imana yera».

**Igihe cyo kwitegura**: Imana itegereje ko ubwo butumwa bwiza bwo kurangira k'umurimo wa Kristo bugera ku isi yose mbere yo kugaruka kwe. Mu ipfundo ry'ubu butumwa hari ubutumwa bw'iteka,bugomba kuvuganwa umwete kuko «igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye»(Ibyahishuwe 14:7).Iri hamagara rihamagarira isi yose ko na n'ubu urubanza rw'Imana ruriho.

Turi mu gihe cy'irangira ry'imbabazi :Nkuko Abisirayeli bahamagariwe gucisha bugufi imitima yabo kuri uwo munsi (Abalewi 23:27),niko n'Imana ihamagarira ubwoko bwayo gukora isuzuma ryo kwihana nyakuri.Abashaka kubona amazina yabo mu gitabo cy'ubugingo bagomba kugirana umushyikirano n'Imana ndetse na bagenzi babo mu gihe urubanza rw'Imana rurimo rukorwa (Mariko 13:33).

Umurimo wa Kristo nk'umutambyi mukuru ugiye kurangira.Igihe cyagenewe umuntu kirahita vuba. Nta we uzi igihe ijwi ry'Imana rizavugira ngo "birarangiye".Yesu yaravuze ati "mujye mwirinda,mube maso kuko mutazi igihe ibyo bizasohorera".

Nubwo turi mu gihe cyo kuzura kw'imbabazi,ntacyo dukwiriye gutinya.Yesu kristo mu rwego rw'imirimo ibiri adukorera yo kuba umutambyi no kuba igitambo,arimo aratuvuganira mu buturo bwera bwo mu ijuru.«Nuko ubwo dufite umutambyi ukomeye wagiye mu ijuru,ari we Yesu umwana w'Imana,dukomeze ibyo twizera tukabyatura.Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu,ahubwo yageragejwe mu buryo bwose nkatwe,keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero,twegere intebe y'ubuntu tudatinya,kugirango tubabarirwe tubone tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye»
(Abaheburayo 4 :14-16).

| UBUSOBANURO | IGICE2 | IGICE7 | IGIHE(IGICE CYA7) | IGICE8 | IGIHE(IGICE CYA 8,9) |
|---|---|---|---|---|---|
| Babuloni<br><br>Abagiriki<br><br>Kwicamo kwa roma ya | Izahabu<br><br>Ifeza<br><br>Umuringa | Intare<br><br>Idubu<br><br>Ingwe<br>Imitwe ine | | ….<br><br>Intama<br><br>Ihene<br>Amahembe | <br><br>457M.K |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| gipagane | | Inyamaswa ya 4 | | 4 | |
| | KUZA<br>Icyuma | KWA<br>Amahembe 10 | KRISTO<br><br>538N.K | KWA | MBERE |
| Roma yigabanyije (Uburayi)<br><br>Roma(ya Gipapa) | Icyuma n'Ibumba | Agahembe gato | 1<br>2<br>6<br>0 | Agahembe gato | Umurimo Kristo akorera mu buturo bwo mu ijuru Dan.9:24 |
| | | | 1798N.K | | |
| | Ibuye | Urubanza mu ijuru | | Kwezwa k'ubuturo bwo mu ijuru | |
| Kugaruka kwa Kiristo<br><br>Ingoma yImana | Rihinduka umusozi | Ingoma y'IMANA | | Ingoma y'IMANA | Imyaka 2300 457M.K-1844 |

**IGICE CYA 25**

**KUGARUKA KWA KRISTO**

***Kugaruka kwa kabiri kwa Kristo ni ibyiringiro by'umugisha Itorero ritegereje;ni intego ikomeye y'ubutumwa bwiza. Kugaruka k'umucunguzi kuzasohora nk'uko byanditswe inyuguti ku nyuguti, buri wese azabyibonera ku giti cye kandi kugaruka kwe kuzagaragarira isi yose. Ubwo azaba agarutse, abakiranutsi bazaba barapfuye bazazurwa, hamwe n'abakiranutsi bazaba bakiri bazima bazazamurwa bazahabwa ubwiza bazamurwe mu ijuru, ariko abakiranirwa bazapfa. Ubuhanuzi bwinshi busa naho bwarangiye kandi imibereho yo muri iki gihe nayo ubwayo irerekana ko Kristo ari hafi cyane kugaruka. Umunsi n'isaha byo kugaruka kwe ntabwo byahishuwe, niyo mpamvu dusabwa guhora twiteguye igihe cyose.(Tit.2:13;Abah.9:28;Yoh.14:1-3;Ibyok.1:9-11;Mat.24:14;Ibyah.1:7;Mat.24:43,44;1Abates.4:13-18;
1Kor.15:51-54; 2Abates4:7-10;2:8; Ibyah.14:14-20; 19:11-21; Mat.24; Mariko 13; Luk.21; 2Tim.3:1-5;
1 Tes.5:1-6).***

Umugoroba umwe umwana yabajije nyina ati: “mama numva ndi njyenyine iyo ntari kumwe n’inshuti yanjye Yesu.Azaza ryari ?”Birashoboka ko uwo mwana atari azi ko icyifuzo cy’umutima we cyagiye kigirwa n’abagabo n’abagore, mu binyejana byahise. Amagambo ya nyuma yo muri Bibiliya adusigira isezerano ryo kuza kwe « yee, ndaza vuba », na Yohana weretswe iby’igitabo cy’ibyahishuwe, indahemuka, intumwa ya Yesu, yongeyeho ati « Amen ngwino mwami Yesu ! » (Ibyahishuwe 22 :20).

Kubona Yesu ! kwibera mu mushyikirano n’uwadukunze, kurusha uko dushobora kubitekereza ! Kubona imibabaro y’inyoko muntu yose ishira ! Kunezerwa iteka ryose n’abandi ubu baruhukiye mu bituro, bazakangurwa n’ijwi ry’umuzuko ! Ntako bisa !Ntabwo twatangazwa n’uko kuva Yesu yazamurwa mu ijuru inshuti ze zigitegereje uwo munsi.

Umunsi umwe azaza.Kuza kwe kuzaba ibyishimo bitangaje kubakijijwe ;kuko bose bazaba bahunirikiye kandi bagasinzira bamutegereje (Matayo 25 :5). Igicuku kinishye, Imana izerekana ububasha bwayo kugira ngo ikize ubwoko bwayo . Bibiliya irabyerekana «Ijwi rikomeye », risohoka mu rusengero ku ntebe y’ubwami rivuga riti : « Birarangiye ». Iryo jwi ritigisa isi rituma habaho « igishyitsi gikomeye ku buryo butigeze kubaho kuva umuntu yaremwa agashyirwa ku isi… » (Ibyahishuwe 16 :17-18). Imisozi ihinda umushyitsi, ibitare by’amabuye birasimbuka impande zose, isi yitera hejuru nk’umuraba wo mu nyanja. Isi irashwanyagurika « Imigi y’amahanga irasenyuka[…] n’ibirwa byose birahunga n’imisozi ntiyaboneka » (Ibyahishuwe 16 :19-20). « Ijuru rikurwaho nk’uko bazinga igitabo cy’umuzingo, imisozi yose n’ibirwa bikurwa ahantu habyo » (Ibyahishuwe 6 :14).

Nubwo ibyo byago byose byageze ku isi yacu,ubwoko bw’Imana bwarushijeho kugira imbaraga, « bwabonye ikimenyetso cyo kuza k’umwana w’umuntu » (Matayo 24 :30). Kandi ubwo azamanuka ava mu bicu, amaso yose azabona Umwani utanga ubugingo. Icyo gihe azaba ataje nk’umugaragu wamenyereye intimba, ahubwo aje ari Umwami n’Umuneshi. Azaba yambaye ikamba ry’icyubahiro aho kwambara iry’amahwa, kandi afite « ku mwambaro we no ku itako rye izina ryanditse ngo “Umwami w’abami n’Umutware w’abatware ”(Ibyahishuwe 19 :12,16).

Ubwo Yesu azagaruka, abantu bazaba baranze kumwemera nk’umukiza n’umucunguzi kandi bakanga kwakira no gukomeza amategeko ye mu mitima yabo bazafatwa no kwiheba gukomeye. Nta kintu na kimwe kizabahamya ubugome bwabo nk’ijwi ryahoraga ribinginga riti « Nimuhindukire, nimuhindukire nimugaruke muve mu nzira zanyu mbi ; kuki mwarinda gupfa, mwa binzu ya Isilayeri mwe ? »
(Ezekieli 33 :11). « Abami bo mu isi n’abatware bakomeye, n’abatware b’ingabo, n’abububasha n’imbata zose n’abumudendezo bose bihisha mu mavumo no mu bitare byo mu misozi, babwira imisozi n’ibitare bati: nimutugweho muduhishe amaso yiyicaye kuri iriya ntebe n’umujinya w’umwana w’intama, kuko umunsi w’umujinya wabo usohoye kandi ninde uzabasha guhagarara adatsinzwe ? » (Ibyahishuwe 6 :15-
17).

Nyamara, ibyishimo by’abamutegereje bihanganye birenze kure ukwiheba kw’abamwanze. Kuza k’umucunguzi kuzarangiza amateka y’ubwoko bw’Imana nigihe cyo gucungurwa

kwabo. Mu guhimbaza gukomeye ; batera hejuru bati «  Iyi niyo Mana yacu twategerezaga, niyo izadukiza. Uyu niwe uwiteka twategerezaga, tuzanezerwa twishimire agakiza ke » (Yesaya 25 :9).

Igihe Yesu azaba aje azahamagara abera basinziriye ngo basohoke mu bituro byabo anategeka abamarayika be gukusanya « intore ze mu birere bine, uhereye ku mpera y'ijuru ukageza ku yindi mpera yaryo »
(Matayo 24 :31). Ahantu hose ku isi, abizera bari barapfuye bumva ijwi rye basohoka mu bituro byabo.

Ubwo nibwo abizera bakiriho bahinduwe, « mu kanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya » (1Abakorinto 15 :52). Bambaye icyubahiro,ubwiza, no kudapfa, bakoranyirizwa hamwe n'abizera bazutse, bazamurwa gusanganira umwami mu kirere kugira ngo babane nawe ibihe byose  (1Abatesalonike 4 :16-17).

**Kugaruka kwa Yesu ni ihame ridakuka.**

Intumwa za Kristo n'abakristo ba mbere bafataga kugaruka kwa Yesu nk' « ibyiringiro by'umugisha »
(Tito 2 :13, Abaheburayo 9 :28). Bari biteze ko ubuhanuzi n'amasezerano byo muri Bibiliya bizasohora Yesu agarutse ubwa kabiri (2Petero 3 :13; Yesaya 65 :17). Kuko ari ishingiro nyakuri ry'urugendo rwa gikristo. N'amatsiko menshi abakunzi bose ba Kristo bategereje uwo munsi ubwo bazamubona amaso ku maso bakabona kandi  Data wa twese, Umwuka Wera n'abamarayika bera.

***Igihamya kiva mu byanditswe*.** Ihame ridakuka ryo kugaruka kwa Yesu Kristo rishingiye mu kuri kw'ijambo ry'Imana. Mbere gato yo gupfa kwe, Yesu yabwiye abigishwa be ko yagombaga gusubira kuri se ngo abategurire ahabo, ariko yabahaye iri sezerano « Nzagaruka » (Yohana 14 :3).

Nk'uko kuza  kwa mbere kwa Kristo kuri iyi si kwari kwarahanuwe, ni ko no kugaruka kwe kwa kabiri guhanurwa mu mpapuro za Bibiliya. Na mbere y'umwuzure Imana  yari yarabwiye Enoki ko kuza kwa Kristo mu cyubahiro cye kuzashyira iherezo ku mibereho y'icyaha. Yarahanuye ati :  « Dore Uwiteka yazanye n'inzovu nyinshi, z'abera be, kugira ngo agirire bose ibihura  n'amateka baciriweho, no kwemeza abatubaha Imana bose ukuri kw'imirimo yose yo kutubaha Imana yose bakoze batubaha Imana,  n'amagambo yose akomeye abanyabyaha batubaha Imana bayitutse » (Yuda 14,15).

Imyaka igihumbi mbere yo kuza kwa Kristo hano ku isi, umunyezaburi yavuze ibyo kuza k'umukiza aje gukoranya ubwoko bwe muri aya magambo  « Imana yacu izaza ye guceceka, imbere yayo umuriro uzakongora, umuyaga w'ishuheri uzayigota. Izahamagara ijuru ryo hejuru, n'isi nayo kugira ngo icire ubwoko bwayo urubanza iti : munteranirizeho abakunzi banjye, basezeranishije nanjye ibitambo » (Zaburi 50 :3-5).

Abigishwa ba Yesu bishimiye isezerano ryo kugaruka kwe. Mu bibazo byose bahura nabyo, amasezerano adakuka abaha ibyiringiro n'imbaraga akabakomeza.Umucunguzi azaba aje ngo abajyane mu rugo rwa Se!

***Kuza kwe kwa mbere ni ingwate yo kuza kwe kwa kabiri*.** Kuza kwa kabiri kwa Kristo gufite isano cyane no kuza kwe kwa mbere. Iyo kristo ataza ubwa mbere, kandi iyo ataza kuba yaranesheje burundu icyaha na Satani (Abakolosayi 2 :15),nta mpamvu n'imwe yari kuzatuma twizera ko azagaruka bwa kabiri ku iherezo ry'ibihe aje gushyira iherezo ku butware bwa satani hano ku isi no kugira ngo atunganye isi nk'uko yari mbere ikiremwa. Ariko kuko tuzi ko « yabonetse rimwe kugira ngo akuzeho ibyaha igitambo cye », dufite ishingiro rikomeye ryo kwizera ko « azaboneka ubwa kabiri atazanywe no kwitambira ibyaha abonekerere abamutegereza kubazanira agakiza » (Abaheburayo 9 :26,28).

***Umurimo wa Kristo akorera mu ijuru*.** Ibyo Yesu yahishuriye Yohana, byerekana ko ubuturo bwera bwo mu ijuru ari izingiro ry'agakiza kacu (Ibyahishuwe 1 :12-13 ; 3 :12 ;4 :1-5 ; 5 :8 ;7 :15 ;8 :3 ;11 :1,19 ; 14 :15,17 ;15 :5,6,8 ; 16 :1,17). Ubuhanuzi bwemeza ko akomeje umurimo we kubera impamvu z'abanyabyaha, ibyo byemeza ko kugaruka kwe kwegereje aje kujyana abantu be (Reba igice cya 23 cyiki gitabo). Kumenya ko Kristo, arimo kurangiza umurimo wo kuzuza neza icyo yakoreye ku musaraba, biha abakristo imbaraga nyinshi zo gutegereza kugaruka kwe.

**Yesu azaza ate ?**

Igihe Yesu yavugaga ibimenyetso bizabanziriza kugaruka kwe, yabwiye ubwoko bwe kuzirinda impuha kugirango zitazababeshya yababwiye ko mbere yo kuza kwe « abiyita Kristo n'abahanuzi bibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka ». « Icyo gihe umuntu nababwira ati : dore Kristo ari hano n'undi ati hano ntimuzabyemere » (Matayo 24 :24,23). Agapfa kaburiwe ni impongo! kugira ngo bitume abizera bashobora gutandukanya kuza kwe k'ukuri n'abanyabinyoma bazakwiyitirira, amasomo menshi muri Bibiliya avuga yeruye uburyo ukuza kwa Yesu Kristo kuzaba kumeze.

***Yesu ubwe azagaruka nk'uko yagiye.*** Ubwo Yesu yazamukaga mu bicu, Abamarayika babiri basanze abigishwa bari batumbiriye mu kirere bakurikije amaso umwami wabo wari ubakuwemo,barababababaza
bati: Bagabo b'i Galilaya,kuki muhagaze mutumbira mu ijuru? Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo,nk'uko mu mubonye ajya mu ijuru (Ibyak 1:11).

Mu yandi magambo baravuze bati nk'uko umwami yari abavanywemo we ubwe nk'ikinyabuzima gifite umubiri n'amaraso, atari umugabane w'umwuka(Luka 24 :36-43) agomba kugaruka ku isi. Kandi kugaruka kwe kwa kabiri kuzaba guhuje neza nk'uko yagiye.

***Kugaruka kugaragarira amaso.***Kugaruka kwa Kristo ntabwo kuzumvirwa mu mitima imbere nk'ikintu kitagaragarira amaso ahubwo ni nko guhura n'umuntu ugaragara. Akuraho ikintu icyo aricyo cyose cyateza gushidikanya uburyo azagaruka

bikagaragarira amaso ya buri wese,Yesu yaburiye abigishwa be ko batagomba gufata kugaruka kwe nk'ikintu kizakorwa mu ibanga, aho yagereranije kuza kwe kwa kabiri nk'uko umurabyo ugaragarira hose mu mucyo wawo(Matayo 24:27).

Ibyanditswe bigaragaza neza ko baba abakiranutsi, n'abanyabyaha bose bazahamiriza icyarimwe kugaruka kwe.Yohana yaranditse ati:"Dore arazana n'ibicu kandi amaso yose azamureba"(Ibyah 1:7); kandi kristo yerekanye igisubizo cy'abanyabyaha : Amoko yose yo ku isi azaboroga kandi bazabona umwana w'umuntu aza amanukana n'ibicu ava mu ijuru afite ubushobozi n'icyubahiro cyinshi
(Matayo 24:30).

***Kugaruka kumvishwa amatwi.*** Mu gushimangira ishusho y'uburyo isi yose izamenya ibyo kugaruka kwa Kristo, ni imvugo ya Bibliya ko kuza kwe kuzamenyekanira mu rusaku, ruzumvikana ndetse n'amaso akabyibonera; Umwami we ubwe azamanuka ava mu ijuru hazumvikana urusaku rwinshi hamwe n'ijwi rya malayika ukomeye ndetse n'impanda y'Imana(1Abatesalonike 4:16). Ijwi rirenga ry'impanda(Matayo 24:31) riherekejwe n'urusaku rw'abantu.Nta banga ribirimo.

***Kugarukana ubwiza n'icyubahiro.***Igihe Kristo azaba agarutse azaza nk'umuneshi w'umunyambaraga mu bwiza bwa se akikijwe n'abamarayika be (Matayo 6:27). Yohana umuhishuzi agaragaza ubwiza bwo kugaruka kwa Kristo mu buryo butangaje cyane.Atwereka Kristo ahetswe n'ifarashi y'umweru kandi ashagawe n'ingabo nyinshi zitabarika zo mu ijuru. Ukurabagirana ndengakamere kw'icyubahiro cya Kristo ni ikintu kigaragara rwose (Ibyah 19:11-16).

***Kugaruka gutunguranye mu kanya gato nk'ako guhumbya.*** Abizera Kristo bashaka kandi bakanifuza kugaruka kwe bazabimenya ubwo bizaba byegereje ko agaruka (1Abatesalonike 5:4-6) ariko ku batuye isi yose muri rusange Pawulo yaranditse ati:Umunsi w'umwami uzaza nk'umujura nijoro.Ubwo bazaba bavuga bati ni amahoro,nta kibi kiriho, nibwo kurimbuka kuzabatungura nk'uko ibise bitungura umugore utwite.Kandi ntibazabasha kubirokoka(1Abatesalonike 5:2,3 reba na Matayo 24:43).

Abantu bamwe bafashe amagambo ya Pawulo aho agereranya kugaruka kwa Kristo nk'uko umujura atungurana nk'ibisobanuye ko Kristo azagaruka mu buryo bw'ibanga,uburyo butagaragarira amaso y'ababireba.Nyamara igitekerezo nk'icyo gitandukanye n'ishusho igaragazwa na Bibiliya y'uko Yesu azagarukana ubwiza no kurabagirana bigaragarira buri muntu wese(Ibyah 1:7).Icyo Pawulo avuga si uko kugaruka kwa Kristo kuzaba mu ibanga ahubwo avuga ko ku bafite intekerezo zirangamiye iby'isi bazatungurwa nk'uko umujura atungura nyir'urugo.

Kristo nawe avuga ibyo kugaruka abigereranya n'uko isi ya mbere yarimbutse irimbuwe n'umwuzure bigatungura abari bayituye.Yaravuze ati " Nk'uko byari bimeze mu minsi yabanjirije umwuzure, abantu bararyaga bakananywa, bararongoraga bakanashyingira kugeza umunsi Nowa yinjiriye mu nkuge ntibamenya ibyendaga kubaho kugeza ubwo umwuzure waje ukabatsembaho bose.Uko ni nako bizamera mu kugaruka k'umwana w'umuntu (Matayo 24:38,39).

Nubwo Nowa yari yarigishije imyaka myinshi iby'umwuzure wari kuzarimbura isi, watwaye abantu benshi ubatunguye.

Muri icyo gihe cya Nowa abantu bari mu matsinda abiri: Hari abari mu itsinda rya mbere ryizeraga amagambo ya Nowa maze ryemera kwinjira mu nkuge rikizwa umwuzure.Irindi tsinda ryahisemo kuguma hanze y'inkuge nyuma icyababayeho umwuzure wabatwaye bose (Matayo 24:39).

***Kurimbuka gukomeye.*** Nkuko bimeze mu gitekerezo cy'umwuzure, igishushanyo cy' icyuma umwami Nebukanizari yabonye mu nzozi cyerekanaga uburyo isi izarimbuka maze Kristo akimika ingoma ye y'ubwiza (reba igice cya 4 cy'iki gitabo).

Nebukanizari yabonye igishushanyo kinini cyane cyari gifite umutwe ugizwe n'izahabu nziza; igihimba n'amaboko byari ifeza; inda n'ibibero byacyo byari umuringa, amaguru yacyo yari ibyuma ibirenge byacyo byari bigizwe n'igice kimwe cy'ibyuma ; ikindi gice ari ibumba. Nyuma ibuye ritarimbuwe n'intoki z'umuntu ryitura ku birenge by'igishushanyo bigizwe n'icyuma ndetse n'ibumba rirabijanjagura.Noneho icyuma, ibumba, umuringa, ifeza, ndetse n'izahabu byose byasandariye rimwe bihinduka nk'umukungugu wo ku mbuga bahuriraho mu gihe cy'icyi.Maze bitumurwa n'umuyaga wa serwakira ku buryo nta n'agasigisigi kahasigaye.Maze iryo buye ryamenaguye cya gishushanyo rihinduka umusozi munini cyane rikwira isi yose(Daniel 2:32-35).

Binyuze muri izi nzozi za Nebukanizari, Imana yamuhaye incamake y'amateka y'isi.Amateka ari hagati y'iminsi yo mu gihe cya Nebukanizari n'igihe cy'ishingwa ry'ubwami bw'iteka ryose bwa Kristo(Ibuye); Ubwami bune bw'ingenzi, hanyuma ukwishyira hamwe kw'ibihugu by'ibinyambaraga n'iby'ibinyantegenke byagombaga kuzagenda bisimburana mu gutegeka iyi si uko ibihe biha ibindi.

Abasobanuzi bo mu gihe cya Kristo bagaragaje ubwo bwami ko ari: ubwami bwa Babuloni(605-539 mbere ya Kristo); ubw'abamedi n'abaperesi(539-331 mbere ya Kristo); ubw'abagiriki(331-168 mbere ya Kristo); n'ubwami bw'abaroma(168 mbere ya Kristo kugeza 476 nyuma ya Kristo) .Nkuko byahanuwe, nta bundi bwami bwakurikiye ubwami bw'Abaroma.

Mu kinyejana cya kane n'icya gatanu nyuma ya Kristo,ubwami bw'abaroma bwigabanyijemo ubwami buto bwinshi,nyuma bwaje guhinduka ibihugu by'Uburayi.Uko ibinyejana byagiye bisimburana, hagiye habaho abategetsi

b'abanyembaraga nka Charlemagne, Charles wa gatanu, Napolewo, Kayisari Wilhehm, na Hitler Adolphe.

Buri wese muri aba,yagerageje gushyiraho ubundi bwami bwategeka isi yose.Nyamara nta numwe wabigezeho nkuko n'ubuhanuzi bwari bwarabihanuye: " Nkuko ibyuma n'ibumba bitafatana, nabo ntibazigera bafatanya"(Daniel 2:43).
Izi nzozi za Nebukadinezari zisoza ziganisha ku kintu gikomeye kandi gitangaje mu mateka y'isi aricyo kwimikwa k'ubwami bw'Imana bw'iteka ryose.Ibuye ryahanutse ritarimbuwe n'intoki z'umuntu bishushanya ubwami bw'ubwiza bwa Kristo(Daniel 7:14;Ibyah 11:15) butazimikwa n'imbaraga za kimuntu, ubwo Kristo azaba agarutse bwa kabiri.

Ubwami bwa Kristo ntibuzabangikana n'ubwami bwa kimuntu. Igihe Kristo yari muri iyi si ku ngoma y'ubwami bw'Abaroma;ibuye rishushanya ubwami,ryarimbuye amahanga yose ntiryari ryakaje.Ryagombaga kuza nyuma y'igihe cy'ubwami bwigabanije bwagereranywaga n'ibirenge bigizwe n'ibyuma bivanze n'ibumba.Ryagombaga kuboneka igihe cyo kugaruka kwa Kristo.Ubwo azatandukanya abakiranuntsi n'abanyabyaha(Matayo 25:31-34).

Ubwo rizaba rije, iri buye cyangwa se ubwami, " rizakubita ibirenge by'igishushanyo bigizwe n'ibyuma bivanzwe n'ibumba" Kandi rizakimenagura rigihindure ubuce ririmbure ubu bwami bwose nta na kimwe kizasigara. Mu by'ukuri kugaruka kwa Kristo ni imperuka y'isi.

**Kugaruka kwa kabiri n'inyoko muntu**

Kugaruka kwa Kristo kuzagira ingaruka ku matsinda yombi abantu bose bazaba bagabanyijemo; abamwemeye bakemera n'agakiza atanga n'abamuteye umugongo.

***Guteranya Intore***

Ikintu cy'ingenzi cyane kizaba mu iyimikwa ry'ubwami bw'iteka ryose bwa Kristo ni uguhuriza hamwe abacunguwe bose(Matayo 24:31;25:32-34;Mariko 13:27) bakajyanwa mu mazu yo mu ijuru ayo Kristo yabateguriye (Yohana 14:3).

Iyo umukuru w'igihugu agiye gusura ikindi gihugu, ni abantu bake gusa bashobora kujya mu birori byo kumwakira.Nyamara ubwo Kristo azaba aje,umwizera uwo ariwe wese hatitawe ku gihe yabayeho, igitsina cye,uburebure yaba afite,urwego rw'ubukungu bwe,cyangwa ubwoko bwe, bazajya mu birori bikomeye byo kugaruka kwe.Uko guhuriza hamwe abera bose b'isi yose kuzashoboka kubw'ibintu bibiri bizaba: kuzuka kw'abakiranutsi bapfuye no guhinduka kw'abizera bazaba bakiriho.

***1.Kuzurwa kw'abapfiriye muri Kristo.***

Igihe ijwi ry'impanda rizatangaza kuza kwa Kristo, abakiranutsi bapfuye bazazukana kutabora no kudapfa ukundi(1Abakorinto 15:52,53), ako kanya abapfiriye muri Kristo

nibo bazabanza kuzuka (1Abatesalonike 4:16).Mu yandi magambo,bazazurwa mbere yuko abakiranutsi bazaba bakiriho bazamurirwa kuba hamwe n'umwami wabo.Abazaba bazutse bazongera kubonana n'abari barashavujwe no kubakurwamo kwabo,maze batere hejuru bati: "Wa rupfu we urubori rwawe ruri he? Wa kuzimu we kunesha kwawe kuri he?" (1Abakorinto 15:55). Ntabwo iyi mibiri y'uburwayi,ishaje, ifite amavunane, iyo bahambanywe i kuzimu ariyo bazazukana, ahubwo ni imibiri mishya, imibiri idapfa, imibiri itunganye rwose, izaba itakirangwaho ikimenyetso na kimwe cy'icyaha cyo kuyitera kubora. Abakiranutsi bazaba bazutse bazibonera mu buryo bwuzuye neza igikorwa cya Kristo cyo kurema bundi bushya ,kigaragaza ishusho itunganye rwose y'Imana mu ntekerezo, mu bugingo no ku mubiri(1Abakorinto 15:42-54;reba n'igice cya 25 cy'iki gitabo).

***2.Guhindurwa kw'abizera bazaba bakiriho***

Ubwo abakiranutsi bapfuye bazaba bazuwe, abakiranutsi bazaba bakiriho kuri iyi si bazahindurwa Kristo agarutse. " kuko uyu mubiri ubora ukwiriye kuzambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa"(1Abakorinto 15:53).

Kristo nagaruka, nta tsinda ry'abamwizera rishobora kuzabanziriza irindi kumusanga. Pawulo aduhishurira ko abizera bazaba bakiriho n'abizera bazaba bazutse bazazamurwa mu bicu gusanganira umwami mu kirere.Kandi tuzahorana n'Umwami wacu iteka ryose(1Abatesalonike 4:17;reba n'Abaheburayo 11:39-40).
Mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo abizera bose bazaba bahari bateranirizwe hamwe – yaba abazaba bamaze kuzuka bo mu bihe byose n'abera bazaba bakiriho kugeza ku kugaruka kwa Kristo.

**Urupfu rw'abatizera**

Ku bakijijwe, kugaruka kwa Kristo ni igihe cy'umunezero n'ibyishimo byinshi; nyamara ku barimbuka ni igihe cy'ubwoba bwinshi burimbura.
Banze kwakira urukundo rwa Kristo banga no kumvira irarika rye ry'agakiza kugeza ubwo baguye mu mutego w'ibinyoma bibashuka barayoba(reba 2 Abatesaloke 2:3-12;Abaroma 1:28-32).Igihe bazabona uwo banze kwakira aje ari Umwami w'abami n'Umutware w'abatware bazamenya ko isaha yo kurimbuka kwabo igeze.

Icyo gihe Imana izarimbura Babuloni,ubufatanye bw'iyobokamana riyobya. "izakongorwa n'umuriro" (Ibyah 18:8) Umuyobozi w'iryo huriro; amayoberane y'ubugome,uwiteka azamutwikisha umwuka wo mu kanwa ke kandi azamurimbuza umucyo wo kugaruka kwe(2Abatesalonike 2:8).

Ibihangange byose byashishikariye gukwiragiza ikimenyetso cy'inyamaswa (reba igice cya 12) bizatabwa mu nyanja yaka umuriro n'amazuku.Abanyabyaha bandi basigaye

“bazicishwa inkota ivuye mu kanwa k’uwicaye ku ifarashi ariwe Yesu Kristo Umwami” (Ibyah 19:20,21).

**Ibimenyetso bigaragaza ko kuza kwa Kristo kwegereje**

Ibyanditswe ntibigaragaza gusa uburyo n’impamvu Yesu azagaruka ahubwo binasobanura ibimenyetso bituburira ko icyo kintu cy’ingenzi cyegereje.Ikimenyetso cya mbere kivuga ibyo kugaruka kwa kabiri kwa Kristo cyabonetse mu myaka 1700 nyuma yo gusubira mu ijuru kwa Kristo, n’ibindi byagiye bikurikiraho byose bitubera ibihamya ko kugaruka kwe kwegereje kandi kuri hafi.

***Ibimenyetso mu isi yose***

Kristo yari yarahanuye ko hazaba « ibimenyetso ku zuba, no ku kwezi no ku nyenyeri »(Luka 21 :25), agaragaza ko izuba rizijima, ukwezi ntigutange umwezi wako, inyenyeri zikagwa zivuye mu ijuru, kandi imbaraga zo mu ijuru zizahungabana. Ubwo nibwo bazabona umwana w’umuntu aje ku bicu byo mu ijuru afite ubushobozi bwinshi n’icyubahiro« Mariko 13:24-26). Mu yandi magambo Yohana yabonye ko umutingito ukomeye w’isi uzabanziriza ibimenyetso byo mu ijuru (Ibyahishuwe 6:12). Ibyo bimenyetso byose bizaba byerekana iherezo ry’imyaka 1260 y’akarengane (reba igicye cya 12 cyiki gitabo).

***1.Ubuhamya bw’isi***

Mu gusohozwa k’ubu buhanuzi, umutingito (igishyitsi) ukomeye cyane uzwi wabaye ku ya mbere(1) y’ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo) 1755. Uzwi nk’umutingito w’ i Lisbon (umujyi wo muri Portugal) wagize ingaruka zigaragara mu Burayi, muri Afurika ndetse no muri Amerika.Ukaba warabaye ku buso bungana na kilometerokare miliyoni 4 (4000000 km2). Aho wangije ibintu byinshi cyane ni muri Lisbon ho mu gihugu cya Portugale.Mu gihe cy’iminota mike washenye amazu ya leta n’ayabaturage bigatuma habarurwa umubare w’abantu ibihumbi byinshi bapfuye.

Igihe igishyitsi gikomeye cyakwirakwiye ahantu hagari cyane ku isi, cyateye abantu benshi kwibaza cyane. Ingaruka z’uko kwibaza cyane zifite ubusobanuro.Benshi bahise bakigereranya n’ubuhanuzi buvuga iby’iminsi y’imperuka,maze batangira guha agaciro gakomeye urubanza rw’Imana ndetse n’iminsi y’Imperuka.Igishyitsi cyabereye i Lisbonne(Lisibone) cyateye abantu benshi kwiga ubuhanuzi.

**2.Ibimenyetso ku zuba no ku kwezi**

Nyuma y’imyaka 25 ikindi kimenyetso cyavuzwe mu buhanuzi cyaragaragaye: Kwijima kw’izuba n’ukwezi.Yesu yari yarerekanye igihe iki kimenyetso kizaberamo, avuga ko kizaba nyuma y’umubabaro mwinshi.Ngo imyaka igihumbi kimwe magana abiri na mirongo itandatu (1260) yo kurenganwa n’ubupapa yongeye kuvugwa ahandi hantu mu byanditswe (Matayo 24:29,reba n’igice cya 12 cy’iki gitabo).
Ariko Yesu yavuze ko umubabaro uzabanziriza iki kimenyetso uzagabanywaho

(Matayo 24:21,22). Binyuze mu bugorozi n'imbaraga byakomeje kwiyongera bitewe n'imibabaro, ako karengane kakozwe n' ubupapa kari karengeje urugero karagabanuwe ku buryo mu kinyejana cya cumi n'umunani hagati,hafi y'ahantu hose kari kamaze kurangira.

Mu gusohora k'ubu buhanuzi ku itariki ya 19 gicurasi 1780, umwijima udasanzwe wagwiririye igice cya ruguru cy'Amerika y'amajyepfo
Mu kwibutsa iby'iki kimenyetso Timoteyo Dwiyiti umukuru wa kaminuza ya Yale yaravuze ati " Ku itariki ya 19 Gicurasi 1780 wari umunsi udasanzwe. Mu mazu menshi bacanye buji.Inyoni zaracecetse kandi ntizagaragara.Ibiguruka byose byahise byisubirira aho birara. Abantu bose bahise bibwira ko umunsi w'urubanza usohoye.

Samweli William wo muri Havadi yavuze iby'uwo mwijima ati: twegerewe n'ibicu byari biturutse mu majyepfo y'uburasirazuba ahagana mu ma saa yine na saa tanu za mu gitondo byarakomeje kugeza ijoro ryakurikiyeho, bikomeza kwiyongera no guhindagurika ahantu hatandukanye, ahantu hamwe na hamwe nta muntu wabaga yashobora kureba ibara kandi ari hanze. Umwijima w'ijoro ryakurikiyeho Samweli Tenny yawugereranije n'umwijima wari ku isi wigeze gukurwaho n'umucyo w'Ishoborabyose, igihe Imana yaremaga umucyo wa mbere ku isi. Iyo buri nyenyeli yose itanga urumuri iba yihishe mu gicucu cy'umutamenwa cyangwa hakaba hariho agace kabyo kariho,ntabwo umwijima wari kuba wuzuye. Saa tatu z'uwo mugoroba ukwezi kuzuye kwarabonetse ariko umwijima wakomeje kubaho kugeza i saa sita z'ijoro. Igihe ukwezi kwatangiraga kuboneka kwari gufite ishusho y'amaraso.

Yohana umuhishuzi yahanuye ibitangaza bizaba kuri uwo munsi nyuma y'igishyitsi; yanditse ko izuba rizirabura nk'ikigunira kiboheshejwe ubwoya; naho ukwezi kose kuzahinduka nk'amaraso(Ibyahishuwe 6:12).

### *3. Ibimenyetso ku nyenyeri*

-
Yesu na Yohana, bombi bavuze ku kugwa kw'inyenyeli bizerekana ko kugaruka kwa Kristo kwegereje (Ibyahishuwe6:13; Matayo 24:29). Inyenyeli nini yaguye ku isi kuwa 13 ugushyingo 1833 niyo izwiho kuba nini cyane mu nyenyeli zigeze kugwa ku isi,yasohoje ubuhanuzi. Ugereranije umuntu yashoboraga kubona icyagati cy'inyenyeli 60.000 zimanuka ku isaha imwe.

-
-
-
-
Ibi byagaragaye guhera muri Kanada kugeza muri Megiziko. Ndetse no guhera muri Atalantika hagati kugeza muri Pasifika. Abakristo benshi babifashe nkaho ari ugusohora k'ubuhanuzi bwa Bibiliya.

-
Umuhamya wabyiboneye n'amaso ye aravuga ati:"nta mwanya na muto washoboraga kobona mu kirere utuzuwemo n'izi nyenyeli, nta gace na gato washoboraga kubona mu kirere gatandukanye n'akandi iyo wabaga urimo witegereza; byarakomeje kugeza ubwo

zaguye mu dutsiko nk'uko igiti cy'umutini kiragaza imbuto zacyo iyo gihushywe n'umuyaga mwinshi cyane."

Yesu yatanze ibi bimenyetso kugira ngo yereke abantu ko isaha yo kugaruka kwe yegereje maze abakristo bakarushaho kwishima no kwitegura uko kugaruka kwe. Yesu yaravuze ati "ubwo muzabona ibyo bibaye muzararame murebe mu ijuru kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora". Yarongeye ati
"nimwitegereze umutini n'ibindi biti byose, iyo bimaze gutoha murabireba ubwanyu, mukamenya ko igihe cy'impeshyi cyegereje, nuko nimubona ibyo bibaye muzamenye ko ubwami bw'Imana buri bugufi."
(Luka 21:28-31). Ubu buhamya bwihariye bwo ku isi, izuba, ukwezi ndetse n'inyenyeli bwasohoye mu ruhererekane nkuko Yesu yari yarabivuze, bwayoboye abantu benshi ku kwitondera ubu buhanuzi bujyanye no kugaruka kwe kwa kabiri.

**Ibimenyetso mu madini yo ku isi**

Ibyanditswe bivuga umubare w'ibimenyetso bizagaragara mu madini, byerekana igihe kibanziriza kugaruka kwa Yesu.

***1. Ububyutse Bukomeye mu by'iyobokamana***

Igitabo cy'ibyahishuwe gihishura iyobokamana rikomeye rizakwira isi yose mbere yo kugaruka kwa kabiri kwa Kristo. Mu iyerekwa rya Yohana, Marayika uteguza kugaruka kwa Yesu yashushanyaga ubu bubyutse. Nuko mbona Marayika wundi aguruka aringanije ijuru afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose, ngo abubwire abari mu isi, bo mumahanga yose n'imiryango yose n'idimi zose n'amoko yose avuga ijwi rirenga ati: "Nimwubahe Imana muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko."
Ubutumwa bwiza ubwabwo bwerekana igihe buzigishirizwa.Ubutumwa bwiza bw'iteka ryose bwarigishijwe mu bihe byose. Ariko ubu butumwa bushimangira urubanza mu mucyo w'ubutunwa bwiza buzigishwa mu gihe cy'imperuka gusa, kugirango butange umuburo ku gusohora kw'isaha y'urubanza.

Igitabo cya Daniel kitumenyesha ko mu gihe cy'imperuka ubuhanuzi bukirimo buzasobanuka(Daniel 12:4). Muri icyo gihe abantu bazasobanukirwa ibihishwe byo muri icyo gitabo. Gusohora kwabwo kwahishuwe mu myaka 1260 yo gukomera k'ubupapa; kwarangiye mu mwaka w'1798 igihe Papa yafatwaga mpiri. Urusobekerane rswo guhunga kwa Papa n'ibimemyetso byose byabaye ku isi, byayoboye abantu benshi mu kwiga ubuhanuzi bujyanye n'ibizaba byerekana kugaruka kwa kabiri kwa Yesu byatewe no kumvikana gushya k'ubuhanuzi mu buryo bwimbitse.

Uku kwerekeza ku kugaruka kwa Kristo nubundi kubyerekeye kwizera kuzaba ku isi yose mu gihe kizaza. Nkuko ubugorozi bwakwirakwiye mu bihugu bitandukanye by'abakristo, ni nako harushagaho kubaho ububyutse bukomeye. Impamvu y'ubu bubyutse rusange ku isi yose, ni kimwe mu bimenyetso byerekana ko kugaruka kwa Kristo kuri hafi.

Nkuko Yohana yabaye integuza yo kuza kwa mbere kwa Kristo, ni nako iri kangura ririmo ritegura kugaruka kwe kwa kabiri: kubwiriza ubutumwa bwo mu byahishuwe 14:6-12, guhamagara kwa nyuma kw'Imana guteguza abantu kuza k'Umukiza mu bwiza bwe(reba igice cya 12 n'icya 23 by'iki gitabo).

### *2. Kubwiriza ubutumwa bwiza*

Imana yashyizeho umunsi izaciraho isi yose urubanza mu gukiranuka(Ibyakozwe 17:31). Mu kuturburira kuby'uwo munsi Kristo ntiyigeze avuga ko azaza ari uko abantu bose bamaze guhinduka, ahubwo yavuze ko ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose maze imperuka igaherako ikaza(Matayo 24:14). Bityo Petero ahamagarira abizera gutegereza no gutebutsa kugaruka k'umunsi w'Imana(2Petero3:12).

Ubushakashatsi ku guhindura no gukwirakwiza Bibiliya ahantu hatandukanye muri iki kinyejana bwerekana ko ubutumwa bwiza bukomeje gukwirakwira ku isi mu buryo bwihuta cyane. Mu 1900 Bibiliya yari iri mu ndimi 537. Guhera mu mwaka w'1980 yari imaze guhindurwa mu ndimi 1811 zihagarariye hafi ya 96 ku ijana by'abatuye isi. No gukwirakwizwa kwa Bibilia ni uko: Mu 1900, abantu bari bafite Bibiliya bageraga ku bantu miliyoni 5,4 ariko mu 1980 yari imaze kugera ku bantu miliyoni 36,8 ndetse n'imigabane ijya kugera kuri kimwe cya kabiri cya miliyoni yari yanditswe.

Byongeye kandi itorero rifite ubukungu buruta ubwo ryari rifite mbere ryifashisha mu kubwiriza ubutumwa: imishinga itanga akazi, ibigo by'amashuri n'amavuriro, abakozi bo mu gihugu n'abanyamahanga, Radio na Televiziyo bisakaza amajwi n'ibikorwa by'amajyambere by'agaciro kanini. Muri iki gihe Radio zihambaye zishobora gutanga ubutumwa bwiza mu buryo bworoshye muri buri gihugu cyose cyo ku isi. Biyobowe n'Umwuka wera, ubu bukungu bwinshi itorero rifite ritari rifite mu ntangiriro yaryo, bituma intego yo kubwiriza ubutumwa bwiza muri iki gihe cyacu igerwaho.

Itorero ry'abadventisti b'umunsi wa 7 rifite umugabane w'abizera uvuga indimi 700 zitandukanye n'indimi 1000 za buri karere, barimo babwiriza ubutumwa bwiza mu bihugu 204. Hafi ya 93% y'aba bizera, baba hanze y'Amerika y'amajyaruguru.Indimi zigera kuri 307 zikoreshwa mu ivugabutumwa ryanditse,naho 882 zo zigakoreshwa mu ivugabutumwa ryo kubwiriza mu ruhame. Bitewe nuko ubuvuzi n'uburezi bifite uruhare runini cyane mu kubwiriza ubutumwa bwiza, ubu dufite ibitaro bigera kuri 698, amacumbi y'abarwayi, aho basuzumirwa, ibigo nderabuzima,ibigo 34 birererwamo imfubyi, Amazu 10 yo gukoreramo imiti, inganda 28 zo gutunganya ibiryo byo gutunga umubiri, amashuri makuru 108, amashuri yisumbuye 1385, amashuri abanza 5322 n'ibigo 125 bikora kandi byiga Bibiliya, ni indimi 33 zikoreshwa mu mashuri makuru. Amazu yacu 57 y'icapiro yandika ibitabo mu ndimi 190 zitandukanye, naho amaradio yacu yumvwa na 75% by'abaturage batuye isi.Byongeye kandi amaradiyo 5512 na za televiziyo 2252 na byo bikoreshwa mu ivugabutumwa buri cyumweru. Umwuka Wera yahaye umugisha utangaje umurimo wacu wo kubwiriza ubutumwa.

### *3. Gusubira inyuma mu by'iyobokamana*

Kuba ubutumwa bwiza busakara vuba ndetse bukagera ahantu hagari cyane ntibisobanura ko byanze bikunze ko ari nako abakristo bazagera ku rugero rwo hejuru rwo gukiranuka. Ibinyuranye n'ibyo ahubwo, ibyanditswe byera bihanura ko hazabaho gusubira inyuma gukabije mu by'umwuka.

Pawulo avuga ko mu minsi y'imperuka hazabaho ibihe birushya: kuko abantu bazaba bikunda, bakunda impiya, birarira, bibona, batukana, batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera, badakunda n'ababo, batuzura, babeshyerana, batirinda, bagira urugomo, bikakaza, bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana, bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako(2Timoteyo 3:1-5).

Bityo muri iki gihe, kwikunda, gukunda iby'isi, kandi isi imaze kwimura umwuka wa Kristo mu mitima y'abantu benshi. Abantu ntibacyemera kuyoborwa n'amahame ndetse n'amategeko y'Imana mu mibereho yabo. Ubugome bwamaze kugwira. Kandi kuko ubugome buzagwira urukundo rwa benshi ruzakonja(Matayo24:12).

### *4. Ukwishyira hejuru k'ubupapa*

Dukurikije ubuhanuzi bwa Bibiliya mu mpera z'imyaka 1260 Ubupapa bwagombaga gukomereka uruguma rwica, ariko ntibwagombaga gupfa( reba igice cya 12 cy'igitabo). Ibyanditswe bivuga ko uru ruguma rwica rwagombaga gukira. Ubupapa buzazana amatwara n'icyubahiro bikomeye: abari mu isi yose bazakurikira iyo nyamaswa kandi bazayitangarira(Ibyahishuwe 13:3). Muri iki gihe cya none Papa azwiho kuba ari nkawe muyobozi w'iby'imitwarire myiza ku isi.

Uko ubupapa bwakomeje gukwira ahantu hagari ni nako bwagiye bucengeza inyigisho yabwo mu bantu, nk'abakristo basimbuje imigenzo ya gipagani ubunyangamugayo, naho ububasha bwa Bibiliya babusimbuza ubuhanga bwa siyansi. Mu gukora ibyo, babaye imbata za wa mugome ufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma(2Abatesalonike2:9). Satani n'ibikoresho bye bazahuriza hamwe abagome, byagereranijwe n'imyuka mibi isa n'ibikeri yavuye mu kanwa ka cya kiyoka, no mu kanwa ka wa muhanuzi w'ibinyoma, no mu kanwa ka ya nyamaswa; izashuka abantu(Ibyahishuwe 16:13,14; 13:13,14).

Nta muntu n'umwe uzasimbuka ubu bushukanyi keretse abagize Bibiliya umuyobozi wabo bakomeza amategeko y'Imana kandi bakagira kwizera nk'ukwa Yesu(ibyahishuwe 14:12).

### ***5. Gukuraho umudendezo w'idini***

Ububyutse bw'ubupapa buzibasira abakristo mu buryo bukomeye. Ukwishyira ukizana ku idini kwabonetse bibanje kunyura mu ngorane zikomeye, kugashimangirwa no kwivangura kw'idini na Leta; kuzagenda gutemba ni ruto ni ruto nyuma gukurweho. Babifashijwemo n'ingufu za Leta, bazahatira abantu bose uburyo bwo kuramya

bishyiriyeho. Buri wese azaba amaze guhitamo ubwami bw'Imana n'amategeko y'Imana cyangwa se ahitemo ubwami bw'inyamaswa n'igishushanyo cyayo n'amategeko yayo(Ibyahishuwe 14:6-12).

-

Guhatira abantu gukurikiza iyi yobokamana bizajyana no kwamburwa uburenganzira mu by'ubukungu. "Ntawe uzemererwa kugura cyangwa gutunda keretse afite ikimenyetso cy'inyamaswa cyangwa izina rya ya nyamaswa cyangwa umubare w'izina ryayo. Utazemera kuramya iyo nyamaswa azahanishwa igihano cy'urupfu(Ibyahishuwe 13:15). Muri iki gihe cy'umubabaro utigeze kubaho, Imana izaza irokore abantu bayo banditswe mu gitabo cy'ubugingo(Daniel 12:1; Ibyahishuwe 3:5; 20:15).

-

-

-

-

-

**Kugwira k'ubugome.**

-

Gusubira inyuma mu by'umwuka kw'amatorero ya gikristo n'imbaraga z'ibikoresho bya Satani zatumye kwirengagiza amategeko y'Imana kugenda kwiyongera mu i torero no mu mibereho y'abizera. Abenshi baje kwizera ko kristo yakuyeho amategeko none ku bw'ibyo abakristo batagihatirwa kuyubahiriza. Uko kudaha agaciro amategeko y'Imana byateje kwiyongera gukabije k'ubugizi bwa nabi no gukabya mu byaha.

-

***1.Ubwiyongere bw'ubugizi bwa nabi ku isi.***

Kutubaha amategeko y'Imana kuriho muri iki gihe mu bukristo bwinshi kwagize uruhare mu gukuza gusuzugura (guha agaciro gake) itegeko ry'imbonezamubano (societe) ndetse n'amabwiriza. Ku ruhande rumwe rw'isi ukageza ku rundi, icyaha cy'ubugizi bwa nabi kimeze nk'icyogajuru cyigurukira kitakigengwa. Amakuru yujujwe n'abakorana bo mu mirwa mikuru y'isi: « mu kuri nko muri Leta zunze Ubumwe z'Amerika, icyaha cy'inkoraruguma kiri ku rwego rwo hejuru hafi ya buri gihugu cyose cyo mu isi ».Kuva i Londre ukageza i Moscou no kugera muri Johannesburg, ubugizi bwa nabi ni icyaha kiri ku isonga mu buryo ndengakamere ku buryo byahinduye uburyo abantu babaho.

***2.Impinduka mu mikoreshereze y'ibitsi.***

Kwica (kwirengagiza) itegeko ry'Imana kwakuyeho kwicisha bugufi ndetse no kwera, ibyo byateye ubwiyongere bw'ubuhehesi. Muri iki gihe igitsina cyagizwe ikigirwamana ndetse kiranacuruzwa binyuze mu mafilimi, televiziyo, video, indirimbo, amagazeti ndetse no mu matangazo yamamaza.

Impinduka mu mikoreshereze y'ibitsina yateje akaga gakomeye mu kwiyongera k'umubare w'abashakanye batandukana,« kwishyingira », gufata abana ku ngufu, kwiyongera guteye ubwoba k'umubare w'ikurwamo ry'inda ku bushake, gukwirakwira kw'imibonano y'abantu bahuje ibitsina, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina harimo SIDA ubu yaciye ibintu.

**Intambara n'ibyorezo**

Yesu yavuze ko mbere y'uko agaruka: «ishyanga rizatera irindi shyanga, ubwami butere ubundi bwami, kandi mu isi hamwe na hamwe hazaba ibishyitsi bikomeye, kandi hazabaho inzara n'indwara z'ibyorezo. Hazabaho n'ibitera ubwoba, n'ibimenyetso bikomeye biva mu ijuru. » (Luka 21:10,11; Mariko 13: 7,8; Matayo 24: 7). Nk'uko iherezo rirushaho kwegera, intambara iri hagati y'imbaraga za Satani n'imbaraga mvajuru ikiyongera, ibi biza na byo biziyongera bikomeye kandi bigaragare cyane; kandi ntabyo muri iki gihe cyacu bizahwana nabyo.

### *1. Intambara*

N'ubwo intambara zagiye zitesha abantu umutwe binyuze mu mateka, ntabwo zigeze ziba iz'isi yose cyangwa ngo zisenye nko muri icyo gihe. Intambara ya mbere n'iya kabiri z'isi zishe abantu zisiga abamugaye benshi, zinangiza byinshi kurusha izazibanjirije zose ziteranijwe. Benshi babona ishusho y'indi ntambara y'isi itutumba. Intambara ya II y'isi ntabwo ari yo yabaye iya nyuma ku isi, kuko nyuma yayo hamaze kubaho izindi zigeze ku 140 ndetse zikaba zarahitanye abantu barenga miliyoni icumi (10 000000). Ubwicanyi bw'indengakamere butewe n'intambara irwanirwa mu kirere bwisukiranya kuri iyi si yacu nk'inkota ya Damocles(Damokeresi).

-

-

### *2. Ibiza*

Ibiza byagaragaje ukwiyongera gukomeye muri iyi myaka mike ishize mu buryo bugaragara cyane busobanutse neza. Imihindagurikire ya vuba y'isi ndetse n'iy'imiterere y'ikirere, byisukiranya, yatumye benshi bibaza niba ibyaremwe bikoreshwa n'imbaraga itungurana;batangara bagira bati:«kandi niba isi irimo igira kwiyongera gukabije mu guhindagurika kw'ibihe n'imiterere yayo ko byaba biziyongera mu gihe kizaza !

### *3. Inzara*

Inzara yagiye igaragara inshuro nyinshi mu bihe bishize, ariko ntabwo yigaragaje ku rwego rumwe nk'uko yabayeho muri iki kinyejana. Nta na rimwe higeze habaho intambara yagize za miliyoni z'abantu bababajwe no kubura ibyo kurya cyangwa kurya nabi. Ntibabona neza ahazaza habo.Uku kwiyongera ko kubura kw'ibyo kurya ni kimwe mu bimenyetso bigaragaza neza ko kugaruka kwa kristo kwegereje.

**Muhore mwiteguye**

Bibiliya ihora isubiramo itwemeza ko Yesu azagaruka. Ariko se azaza nyuma y'imyaka itanu ? Imyaka icumi se ? Imyaka makumyabiri se? Nta n'umwe ubizi.Yesu ubwe yarivugiye ati:«ariko uwo munsi n'icyo gihe ntawe ubizi, naho baba abamarayika bo mu ijuru, cyangwa umwana, keretse Data wenyine » (Matayo 24: 36). Ku mpera y'umurimo we wa nyuma wa

hano ku isi, kristo yaciye umugani w'abakobwa cumi kugira ngo agaragaze uko itorero rizaba rihagaze mu minsi ya nyuma. Amatsinda abiri y'abakobwa ahagarariye amatsinda abiri y'abizera bazaba bategereje umwami wabo. Bitwa abakobwa (abari) kuko bigisha ukwizera gushyitse (k'ukuri). Amatabaza yabo ashushanya ijambo ry'Imana, amavuta ashuhanya Umwuka Wera.

Ku bigaragara, aya matsinda yombi agaragara kimwe ; yombi yagiye gusanganira umukwe, yombi afite amavuta mu matabaza yabo ndetse n'umucyo wabo ntabwo ugaragara ko utandukanye. Bose bumvise ubutumwa bw'uko agiye kugaruka vuba maze baramutegereza. Nyamara haje kugaragara gukererwa; kwizera kwabo kwagombaga kugeragezwa. Ako kanya, mu gicuku isi yacuze umwijima mu mateka y'isi maze bumva urusaku: «mubyuke, umukwe araje nimusohoke mumusanganire! » (Matayo 25: 6). Ubu noneho itandukaniro hagati y'amatsinda yombi riragaragaye. Bamwe ntabwo bari biteguye gusanganira umukwe. Aba bakobwa b'«abapfu » ntabwo ari indyarya, bubaha ukuri, ijambo ry'Imana. Ariko babuze amavuta- ntabwo bari barashyizweho ikimenyetso na Mwuka Wera(Ibyahishuwe 7:1-3). Banyuzwe n'umurimo udashyitse (ugaragara inyuma) kandi ntabwo baguye kuri Yesu Kristo Rutare. Bafite ishusho yo kwera ariko bahakana imbaraga zako (bahakana imbaraga z'Imana).

Igihe umukwe yazaga, abari biteguye gusa ni bo binjiranye na we mu bukwe maze urugi rurakingwa. Hanyuma abapfu, bari bagiye kugura amavuta ahagije baragaruka, barahamagara: « Nyakubahwa, Nyakubahwa, dukingurire! » Ariko umukwe arabasubiza ati: «Simbazi » (Matayo 25; 11-12).N'ubwo Kristo iki cyemezo kizamubabaza,azasanga nta kundi byagenda agomba kugira abo azayabwira bona n'ubwo nabo abakunda.Yari yarababuriye ati : « Benshi bazambaza kuri uwo munsi bati « mwami mwami ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe?» Ni bwo nzababwira nti: «Sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe»

(Matayo 7:22-23).

Mbere y'umwuzure Imana yohereje Nowa kugira ngo aburire isi y'icyo gihe akaga yari igiye kubona ko kurimbuka. Mu buryo nk'ubu kandi Imana yohereje ubutumwa bw'abamarayika batatu kugira ngo baburire isi kugaruka kwa Kristo (reba Ibyahishuwe 14: 6-16).

Ku bemera bose ubutumwa bw'ubuntu bw'Imana bazashimishwa no kubona kugaruka kwa Yesu.Kuri bo ni ubwishingizi« hahirwa abatorewe ubukwe bw'umwana w'intama! » (Ibyahishuwe 19: 9). Mu kuri « ni ko na kristo amaze gutambwa rimwe ngo yishyireho ibyaha bya benshi, azaboneka bwa kabiri atazanywe no kwitambira ibyaha abonekere abamutegereza kubazanira agakiza » (Abaheburayo 9: 28).Kugaruka k'umucunguzi kuzashyira ahirengereye amateka y'abana b'Imana. Ni igihe cyo gucungurwa kwabo, n'ibyishimo no guhimbaza, bavuga bati « iyi ni yo Mana yacu twagerezaga, ni yo izadukiza. Uyu ni we Uwiteka twategerezaga tunezerwe twishimire agakiza ke » (Yesaya 25: 9).

## IGICE CYA 26

URUPFU N'UMUZUKO.

***Ibihembo by'ibyaha ni urupfu. Ariko Imana yo yonyine niyo ifite kudapfa, izaha ubugingo buhoraho abacunguwe. Hagati aho urupfu ni ibitotsi ku bantu bose. Igihe Kristo ariwe buzima bwacu azagaragara, abakiranutsi bamaze kuzurwa n'abakiranutsi bazaba bakiriho ubwo azaba agarutse, bazahabwa ubwiza bashyirwe hejuru maze bazamurwe mu kirere gusanganira umwami wabo. Umuzuko wa kabiri uzaba uw'abakiranirwa, uzaba nyuma y'imyaka igihumbi (Abar.6:23; 1Tim.6:15,16; Umubw.9:5;***
***Zab.146:3,4; Yoh.11:11-14; Abakol.3:4; 1Kor.15:51-54; 1 Tes.4:13-17; Yoh.5:28,29; Ibyah.20:1-10).***

Ingabo z'abafilisitiya zerekeje i Shunemu, zihaca ingando, maze zitegura kurwanya ab'Isirayeli. Umwami Sawuli, wari uhabanye cyane no kwizera ko ibintu byose bishoboka, nawe yerekeza ingabo z'ab'Isirayeli iruhande rw'umusozi Giribowa. Mu bihe byashize, kwishingikiriza mu kwigaragaza kw'Imana, kwatumye Sauli ayobora ab'Isirayeri mu kurwanya abanzi bayo adatinya. Ariko yaje gutera umugongo Umwami Imana, n'uko igihe uwo mwami waretse Imana yageragezaga kugisha inama Imana, kubyerekeranye n'ikibazo cy'urugamba rukomeye, Imana ntiyagira icyo imusubiza. Ubwoba bukabije bwo kutagira icyo amenya, bwakomeje kwiyongera cyane muri Sawuli keretse gusa iyo Samweli aza kuba ahari, ariko Samweli yari yarapfuye kandi ntiyashoboraga kumuhumuriza. Ese mu by'ukuri yari bubishobore ?

Uwo mwami ukomeye yaje kubona umushitsikazi wari wararokotse maze amwikubita imbere amubaza ibyerekeranye n'ikibazo cy'umunsi uheruka ( wa nyuma w'urugamba). Nuko aramubwira ati " Nzurira Samweli" Igihe yashikaga (uwo mushitsikazi) ,abona Imana ( umwuka), izamuka iva mu kuzimu. Uyu mwuka amenyesha uyu mwami w'umunyabyago ko ab'Isirayeli batagomba gutsindwa urugamba gusa ahubwo ko nawe n'abahungu be bagomba kwicwa (1Samweli 28).

Ibyahanuwe byaje gusohora. Ariko mu by'ukuri uwari umuzimu wa Samweli ni we wabihanuye? Ese ni gute umushitsikazi waciriweho iteka n'Imana yagira ububasha bw'umwuka w'ubuhanuzi w'Imana?imbaraga zisumba umwuka wa Samweli n'uw'abahanuzi b'Imana ? Kandi ni hehe Samweli yari aturutse ? Kuki se umwuka we wazamutse uva mu kuzimu ? Ni iki urupfu rwazaniye Samweli ? Niba atari umwuka wa Samweli wavuganaga na *Sauli ninde yavuganaga nawe ? reka turebe icyo Bibiliya yigisha ku byerekeye urupfu, kugirana umushyikirano n'abapfuye ndetse n'umuzuko.

### Ukudapfa n'urupfu

Ukudapfa ni uburyo cyangwa ububasha bwo kutaba imbata y'urupfu. Abavanye Bibiliya mu ndimi z'amahanga bakoresheje ijambo "Ukudapfa" barikuye ku ijambo ry'ikigiriki "athanasia" risobanurwa "ukudapfa" na "aphtarsia" rivuga "ukutabora". Ni iyihe sano iyi mvugo yagirana n'uko Imana iteye ndetse n' imibereho ya kimuntu ?

**Ukudapfa:** Ibyanditwe Byera bihishura Imana ihoraho idapfa (1Timoteyo 1:17). Kubw'ibyo rero niyo yonyine ifite kudapfa (1Timoteyo 6:16). Ntiyaremwe, yibeshejeho, kandi ntigira itangiriro n'iherezo (reba igice cya kabiri cy'iki gitabo).

Ibyanditwe byera nta na hamwe bigaragaza ukudapfa nk'ububasha cyangwa uburyo umuntu cyangwa ubugingo cyangwa umwuka afite nk'umurage. Amagambo umutima (ubugingo) n'umwuka yakunze kugaragara muri Bibiliya inshuro zirenga igihumbi na Magana atandatu, ariko nta huriro afitanye n'amagambo "ikidapfa" cyangwa "ukudapfa" (reba igice cya 7).

Ibihabanye n'ubutatu bugize Imana, imibereho ya kimuntu ni ubuzima bupfa. Ibyanditwe Byera bigereranya "ubuzima bw'abantu nk'igihu kiboneka mu kanya gato kigaherako kigatamururwa"
(Yakobo 4:14). "Ni abantu buntu ni umuyaga uhita ntugaruke" (Zaburi 78:39). "Umuntu avuka ameze nk'ururabo maze agacibwa, ahita nk'igicu kandi ntarame "(Yobu 14:2).

Imana n'ibiremwamuntu,bitandukanye by'ihabya. Imana ntigira iherezo nyamara bo bagira iherezo. Imana ntipfa ariko bo barapfa. Imana ihoraho iteka ariko bo ntibahoraho.

**Ukudapfa gufite ikigombero**: Mu irema Imana yaremye umuntu mu mukungugu wo hasi ihumekera mu mazuru ye umwuka w'ubugingo nuko umuntu ahinduka ubugingo buzima (Itangiriro 2:7).

Icyigisho cy'irema, gihishura ko abantu bavana ubugingo ku Mana (Ibyakozwe 17 :25-28), (Abakolosayi 1:16-17).Ishingiro ry'uku kuri kw'ingenzi ni uko ukudapfa atari ikintu abantu bavukana ahubwo ko ari impano y'Imana. Igihe Imana yaremaga Adamu na Eva, yabaye uburenganzira busesuye, ubushobozi bwo guhitamo. Bashoboraga kumvira cyangwa kutumvira. Kandi gukomeza kubaho kwabo, kwari gushingiye gusa mu kumvira Imana guhoraho kandi ibi byari bushoboke gusa kubwo komatana n'imbaraga z'ububasha bw'Imana. Kubw'ibyo, impano bari bafite yo kudapfa yari ifite ikigombero. Imana yashize ahagaragara icyari kuzatuma babura iyi mpano. "mu kurya ku giti cy'ubwenge kimenyenkanisha icyiza n'ikibi." Imana irabihanangiriza iti " umunsi mwa kiriyeho no gupfa muzapfa" (Itangiriro 2:17).

**Urupfu: ibihembo by'icyaha.** Binyuranije n'icyo Imana yari yabuzanije ko kutumvira kwagombaga kuzana urupfu, Satani we yaravuze ati : "Gupfa ntimuzapfa" (Itangiriro 3:4). Ariko igihe bari bamaze kwica itegeko ry'Imana Adamu na Eva bavumbuye ko ibihembo by'ibyaha ari urupfu koko (Abaroma 3:19). Icyaha cyabo cyazanye uyu murongo "Uzasubira mu butaka, kuko arimo wakuwe, uri umukungugu, mu mukungugu nimwo

uzasubiraItangiriro 3:19). Aya magambo ntabwo yerekeza, ku gukomeza kubaho kw'ubuzima ahubwo ni uguhagarikwa.

Imana imaze kubabwira aya magambo, yafungiye uwo muryango inzira ijya ku giti cy'ubugingo, kugirango batakiryaho bakarama iteka ryose (Itangiriro 3:22). Igikorwa cyayo cyagaragaje neza ko ukudapfa kwasezeranwe kwagombaga kuboneka ari uko habayeho kumvira, kwari kuzimiye kubera icyaha.Muri ako kanya bahise bahinduka abantu bapfa ndetse n'imbata z'urupfu. Kandi kuko Adamu atashoboraga gutanga icyo atari afite, byatumye urupfu rugera ku bantu bose , kuko bose bakoze ibyaha (Abaroma 5:12).

Ni kubw'ubuntu bw'Imana gusa bwatumye Adamu na Eva badahita bapfa. Umwana w'Imana yaratanzwe ngo atange ubugingo bwe kugira ngo bashobore kubona amahirwe ya kabiri(ubundi buryo bwo gukira).Yari umwana w'intama watambwe uhereye ku kuremwa kw'isi (Ibyahishuwe 13:8).

**Ibyiringiro by'abantu.** Nubwo abantu bavuna umubiri upfa, Bibiliya ibashishikariza gushaka kudapfa (reba urugero, Abaroma 2:7). Yesu Kristo ni isoko y'uko kudapfa "Impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Kristo Yesu Umwami wacu"(Abaroma 6:23, Yohana 5:11). Niwe wakuyeho urupfu, agahishura ubugingo
no kudapfa (2Timoteyo 1:10). Nkuko muri Adamu bose baba bapfuye, bazahindurwa bazima na Kristo (1 Abakorinto 15:22). Kristo we ubwe yavuze ko ijwi rye rizakingura ibituro maze rikazura abapfuye(Yohana 5:28-29).

Iyo Kristo aza kuba ataraje, imibereho ya kimuntu yari kubaho nta byiringiro, kandi abapfuye bose bari kuba barimbutse by'iteka. Ku bw' uwo rero , nta n'umwe uciriweho iteka ryo kurimbuka. Yohani yaravuze ati "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumwe itanga umwana wayo wikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho" (Yohana 3:16). Ku bw'ibyo rero , kwizera muri Kristo, ntibikuraho gusa igihano cy'icyaha, ahubwo binaha uwizeye impano y'ubuntu yo kudapfa .

Kristo yagaragaje ukudapfa binyuze mu butumwa bwiza( 2Timoteyo 1:10) . Pawulo aduhamiriza neza ko ari "ibyanditswe byera bibasha kutugira abanyabwenge ku by'agakiza gaheshwa no kwizera kuri muri Kristo Yesu" ( 2 Timoteyo 3:15 ) . Abatemera ubutumwa bwiza ntibazakira ukudapfa .

**Impano yo kudapfa**

Igihe cy'itangwa ry' impano yo kudapfa kivugwa na Pawulo : "Ntituzasinzira twese ahubwo twese tuzahindurwa–mu kanya gato ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, ubwo impanda izavuga; impanda izavuga abapfuye bazurwe ubutazongera kubora natwe duhindurwe . Kuko uyu mubiri ubora ukwiriye kuzambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa . Ariko uyu ubora n'umara kwambikwa kutabora n'uyu upfa ukambikwa kudapfa nibwo hazasohora rya jambo ryanditswe ngo : "Urupfu rumizwe no kunesha" . Ibi bigaragara neza ko Imana idaha abizera ukudapfa bageze ku rupfu, ahubwo bazaguhabwa mu izuka ubwo impanda y'imperuka izaba ivuze,ubwo rero uyu mubiri upfa uzambikwa kudapfa .

Yohana yerekana ko twakira impano y'ubugingo buhoraho iyo twemeye Yesu Kristo nk' umukiza wacu bwite (1Yohani 5:11-13 ). Tuzirikane ko ari isezerano rizashyirwa mu bikorwa ubwo Kristo azaba agarutse. Tuzahindurwa dukurwe mu gupfa duhabwe kudapfa no mu kubora duhabwe kutabora .

**Akamero k'urupfu**

Niba urupfu ari ihagarikwa ry'ubuzima, ni iki Bibiliya ivuga ku byerekeranye n'imibereho y'umuntu mu rupfu? Ni kuki ari ingenzi cyane ko abakristo basobanukirwa neza n'iyi nyigisho ya Bibiliya?

**Urupfu ni ibitotsi**. Gupfa si ugutsembwaho ahubwo ni igituma intekerezo zihagarara mu gihe runaka aho umuntu ategereza umuzuko. Bibiliya igaragaza mu mirongo myinshi ko igihe kiba hagati y'ubuzima no kuzuka kigereranywa n'ibitotsi.

Dushingiye ku magambo ya Dawidi,Salomo kimwe n'abandi bami ba Isirayeli na Yuda, basinziranye na ba sekuruza babo ( 1Abami 2 :10 ; 11: 43 ; 14 : 20 ; 31 ; 15 :8 na 2 Ngoma 21:1 ; 26 : 23 n'ahandi hatarondowe)
Yobu nawe yavuze ko urupfu ari ibitotsi ( Yobu 14 : 10-12) kandi Dawidi nawe niko abivuga(Zaburi 13 : 3); Yeremiya 51 : 39, kimwe na Danyeli 12 : 2).
Isezerano rishya rikoresha ishusho imwe n'iyasobanuwe haruguru.Ubwo umukobwa wa Yayiro ya yapfuye, Kristo yavuze ko atapfuye ahubwo asinziriye ( Matayo 9 :24 ; Mariko 5 :39 ) yongeye no kubivuga kuri Razaro wari wapfuye ( Yohani 11 : 11-14 ).
Matayo yaranditse ati:" kandi abera benshi basinziriye barazuwe " nyuma yo kuzuka kwa Kristo
( Matayo 27: 52 ) ni nako byavuzwe kuri Sitefano wishwe ahorwa Kristo ( soma Luka yaranditse ati "arasinzira" Ibyakozwe n'intumwa 7 : 60 )
Pawulo kimwe na Petero bombi bise urupfu "Gusinzira" (soma 1Abakorinto 15 : 51 ; 52 ; 1Abatesaronike 4 : 13-17 ; 2 Petero 3 : 4 ) . Ishushanywa ry'urupfu nk'ibitotsi bivugwa na Bibiliya, bihamanya n'icyo urupfu ari cyo nk'uko tubibona mu magereranya akurikira:

1. Abasinziriye nta ntekerezo bafite, Abapfuye ntacyo bazi (Umubwiriza 9 : 5 ) .
2. Mu bitotsi, intekerezo za kimuntu zirarangira : umwuka we urahera,…muri uwo munsi ibitekerezo bye birashira ( Zaburi 146 : 4) .
3. Ibitotsi bishyiraho iherezo ku minsi y'imirimo yose, nta murimo, nta migambi, nta bumenyi haba n' ubwenge ikuzimu aho umuntu ajya ( Umubwiriza 9 : 10 ) .
4. Ibitotsi bidutandukanya n'abakiriho n'imirimo yabo,nta narimwe bongera gusangira cyangwa gufatanya ibikorerwa munsi y'izuba (umurongo wa 6 ) .
5. Bisanzwe bizwi ko ibitotsi bituma nta kintu umuntu akora ;urukundo rwabo, urwango ndetse no kwifuza kwabo ubwo birangiriraho ( umurongo wa 6 ) .
6. Mu bitotsi abantu ntibashobora guhimbaza Imana, Abapfuye ntibashobora guhimbaza Uwiteka
( Zaburi 115 : 17 ).
7. Ibitotsi bisozwa no gukanguka . Igihe kigiye kugera ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi rye maze bakazurwa ( Yohani 5 : 28-29 ) .

**Umuntu asubira mu mukungugu**

Kugira ngo humvikane uko bigenda iyo umuntu apfuye, ni ngombwa kubanza gusobanukirwa ibigize umuntu . Bibiliya isobanura umuntu nk'ikinyabuzima gishyitse (reba igice cya 7 cy'iki gitabo ).

Mu buryo bumwe Bibiliya ikoresha ijambo ubugingo mu gusobanura umuntu wuzuye nyirizina, ubundi bigasobanura imyifatire n'imyitwarire ye. Ariko nta narimwe yigisha ko umuntu ari ibice bibiri bitandukanye buri cyose ukwacyo. Umubiri n'umwuka byombi bibumbiwe hamwe bigize ubumwe ntagabanyika kandi budatandukanywa.

Mu iremwa ry'umuntu, ihuzwa ry'umukungugu wo hasi (ubutaka) n'umwuka w'ubugingo byatanze ikinyabuzima kizima cyangwa ubugingo buzima. Ntabwo Adamu yakiriye ubugingo nk'umugabane uri ukwawo, yabaye ubugingo buzima (Itangiriro 2 :7 reba n'igice cya 7 cy'iki gitabo).

Mu gupfa habaho ibitandukanye n'ibyo: umukungugu w'ubutaka ukurwamo umwuka w'ubugingo hagasigara umurambo, ubugingo budafite intekerezo (Zaburi 146:1)

Ibigize umubiri bisubira mu butaka aho byakomotse (Itangiriro 3:19). Umwuka ntacyo waba uricyo igihe utandukanijwe n'umubiri. Nta byanditswe bivuga ko mu ipfa umwuka ukomeza kubaho nk'ufite intekerezo. Mu kuri ubugingo bukora icyaha nibwo buzapfa(Ezekiyeli 18:20).

**Aho abapfuye bajya.** Isezerano rya kera, mu gusobanura ahashyirwa umurambo rikoresha ijambo ry'igiheburayo "sheol", naho isezerano rishya rigakoresha ijambo ry'ikigiriki "hades".

Mu byanditswe,sheol kenshi cyane risobanura "imva". Ubusobanuro bwa hades ni bumwe n'ubwa sheol.

Abapfuye bose niho bajya (Zaburi 89:48); baba abakiranutsi kimwe n'abanyabyaha.

Yakobo yaravuze ati "nzamanuka ngana ikuzimu mu mva [sheol]" (Itangiriro 37:35).

Igihe isi yasamiraga kumira abagome Kora na mugenzi we Datani bamanutse ikuzimu ari bazima (Kubara16:30). Sheol ariyo mva yakira umuntu uwo ari we wese umaze gupfa.

Ubwo Kristo yapfaga, yashyinguwe mu gituro [hades] ariko mu kuzuka kwe, ubugingo bwavuye mu gituro (Ibyakozwe n'intumwa 2:27,31) cyangwa mu mva [sheol] (Zaburi 16:10).

Ubwo Dawidi yashimiraga Imana ko yamukijije, yahamije ko ubugingo bwe bwavanywe ikuzimu [sheol] (Zaburi 30:4). Ntabwo igituro ari ahantu hatekerererezwa .Kuko urupfu ari ibitotsi.

Ku bw'uko urupfu ar'ibitotsi, uwapfuye aguma mu mimerere idafite intekerezo mu mva kugeza ku kuzuka, ubwo ikuzimu hazagarura abapfuye (Ibyahishuwe 20:13).

**Umwuka usubira ku Mana.** Iyo umubiri usubiye mu mukungugu, umwuka nawo usubira ku Mana.Salomo yavuze ko "mu ipfa ry'umuntu, umukungugu usubira mu butaka n'umwuka ugasubira ku Mana yo yawutanze" (Umubwiriza 12:7). Uku ni ukuri kuri bose, baba abakiranutsi kimwe n'abanyabyaha.

Benshi batekereza ko aya magambo ari igihamya cy'uko imimerere y'umuntu ikomeza kubaho nyuma y'urupfu. Nyamara muri Bibiliya, haba mu giheburayo cyangwa mu kigiriki ijambo "ruach" na "pneuma" asobanura umwuka,ntabwo ashobora kuvuga ko umwuka ari ikinyabuzima cyuzuye,gifite ubwenge kandi kibasha kwibeshaho na nyuma yo gukurwa mu mubiri (igitaka). Akenshi aya magambo ruach na pneuma yerekeza ku mwuka uhumekwa,ishingiro ry'ubuzima rya ngombwa mu kubaho kw'ikinyabuzima ubwacyo,yaba inyamaswa cyangwa ibinyabuzima byose muri rusange.

Salomo yaranditse ati "Amaherezo y'abantu ni amwe n'ay'inyamaswa; abyitegereje byombi, uburyo kimwe gipfamo ni nako n'ikindi gipfa". Byose bifite umwuka umwe.
Nta mahirwe umuntu arusha inyamaswa;…byose bijya hamwe. Byose byavanywe mu butaka bw'umukungugu; kandi mu mukungugu nimo byose bizasubira. Ni nde wamenya niba umwuka wo mu muntu uzamuka hejuru naho uw'inyamaswa umanuka ukajya mugitaka? (Umubwiriza 3:19-21).

Nuko rero uko Salomo abivuga, nta tandukaniro riri hagati y'uburyo umuntu n'inyamaswa bipfamo; n'umwuka wabyo byombi. Salomo arasobanura ko umwuka usubira ku Mana yawutanze, bisobanura neza ko igisubira ku Mana ari rya hame ry'ubuzima ribeshaho gusa ibinyabuzima, yo yari yaritanze. Nta busobanuro ku byerekeye ko umwuka waba wakagize ubwawo intekerezo igihe utari mu mubiri. Uyu mwuka wagereranywa n'umwuka w'ubugingo uwo Imana yahumekeye mu muntu kugira ngo ihe imbaraga umubiri wo utari ufite ubuzima (Itangiriro 2 :7).

**Ubwuzuzanye mu byanditswe byera.**Abakristo benshi b'inyangamugayo batize inyigisho yuzuye ya Bibiliya ku rupfu, ntibamenya ko urupfu ari ibitotsi kugeza ku muzuko. Batekereza ko inyandiko nyinshi za Bibiliya zishyigikira inyigisho ivuga ko ubugingo(roho) bukomeza kubaho nyuma y'urupfu. Kwiga Bibiliya witonze guhishura ko Bibiliya ishimangira ko urupfu rutera guhagarara mu kubaho k'ubugingo cyangwa ibitekerezo.

## Kuvugana n'abapfuye [ubupfumu]

Niba abapfuye batabasha gutekereza ni nde cyangwa ni iki gishobora gutuma abapfumu bashyikirana nabo ? Buri muntu wese ujijutse azahita agaragaza ako kanya ko harimo amayeri y'ikinyoma ariko abandi ntibashobora kubisobanukirwa muri ubwo buryo. Imbaraga ndengakamere yigaragariza mu mwuka w'ubupfumu. Icyo Bibiliya yigisha kuri iyi nyigisho ni ikihe?

**1.Urufatiro rw'ubupfumu** : Inkomoko y'ubupfumu yakomotse kuri satani ubwa mbere igihe yabeshyaga Eva ati : "gupfa ntimuzapfa" (Itangiriro 3:4). Amagambo ye yambere yabaye ayo kwiringiza abantu kudapfa k'ubugingo. Muri iki gihe, isi yose,amadini atandukanye akomeza guhererekanya iki kinyoma atabizi.
Kuri benshi amagambo yavuzwe n'Imana ngo "ubugingo bukora icyaha ni bwo buzapfa" (Ezekiyeli 18:20), yamaze kugorekwa n'abantu, bavuga ngo nubwo ubwo bugingo bukora icyaha ariko buzagumaho iteka ryose.

Iri hame ry'inyigisho y'ikinyoma yo kudapfa rusange k'ubugingo iyobora[iganisha] ku guha uwapfuye ibitekerezo. Nkuko tumaze kubibona iri hame ritandukanye n'inyigisho ya Bibiliya kubyerekeye uko abapfuye bamera.Ibi byaturutse ku myizerere abakristo batiye mu bucurabwenge bw'abapagani cyane cyane mu bitekerezo bya PLATON mu gihe gikomeye cyane cy'ubuhakanyi (Reba igice cya 12 cy'iki gitabo). Iyi myizerere yageze hamwe na hamwe mu nyigisho za Kristo kandi ikomeza kwigaragaza mu buryo abantu batekereza na bugingo n'ubu.

Kwizera ko uwapfuye aba agifite ibitekerezo, byateye abakirisito benshi kwizera iby'ubupfumu. Niba uwapfuye akomeza kubaho imbere y'Imana, ni gute adashobora kugaruka ku isi asa n'umuzimu, kandi niba bashobora gushyikirana natwe ni mpamvu ki tutabagisha inama, bakadusobanurira, bakaturind'ibyago cyangwa bakaduha ihumure mu gihe cy'amakuba?

Bashingiye ku murongo w'iyi myizerere y'abantu, satani n'abamarayika be bashyize uburyo bwo gushyikirana n'abazimu kugira ngo bakomeze kubeshya abantu. Binyuze mu busobanuro (imitekerereze) nk'ubwo; muri icyo kiganiro cyo mu mwuka, bo ubwabo bishushanya n'umuntu wapfuye wakundaga, utekereza ko yaguhumuriza ndetse akaguha ubwishingizi bwo kubaho. Muri ako kanya bagahita bamuvugiramo ibizaba mu gihe kir'imbere bigaragara ko ari ukuri kw'ibizaba mu gihe runaka, maze bikabaha icyizere cyo kubaho neza. Ingorane iri muri ubu buhakanyi, ni uko satani n'abamarayika be bahanura ibintu bifitanye isano n'ibizaba mubyukuri, n'ubwo baba banyuranyije n'itegeko ry'Imana ndetse n'irya Bibiriya.
Amaze gukuraho urukuta rwo kurwanya ikibi, Satani afite ingoyi akuruza abantu, akabajyana kure y'Imana akabageza mu irimbukiro.

**2.Imiburo ku kwirinda ubupfumu.**Ubupfumu ntibugomba kwibasira umuntu uwo ari we wese. Bibiriya igaragaza mukuri iby'ubupfumu nk'ibinyoma. Nkuko twabibonye, Bibiriya itubwira ko uwapfuye ntacyo aba akizi, kandi ko ikuzimu nta migambi. Bibiriya kandi yamaganira kure igikorwa cyo kuvugana n'abapfuye cyagwa umuzimu wo ku isi. Ivuga ko abifuza kuvugana n'abapfuye mu buryo bw'ubupfumu muri iki gihe, baba bavugana n'imyuka y'abadayimoni ( ya Satani ). Uwiteka yavuze ko gukora iyi mirimo ari ukwizanira umuvumo kandi ko abayikora bazahanishwa urupfu ( Abalewi 19:31; 20:27; Gutegeka kwa kabiri 18:10,11 ).

Yesaya asobanura neza ibinyoma by'ubupfumu : kandi nibababwira bati"nimushake abashitsi mubashikishe, mushake n'abapfumu, banwigira bakongorera".
Mbese abantu ntibari bakwiye gushaka Imana yabo bakaba ariyo babaza?
Mbese iby'abazima byabazwa abapfuye? "nimusange amategeko y'Imana n'ibiyahamya nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira" ( Yesaya 8:19,20 ). Mu byukuri inyigisho ya Bibiriya, niyo ishobora kurinda abakristo iki kinyoma cya kabutindi.

**3.kwigaragaza k'ubupfumu.**Bibiliya yerekana uruhererekane rw'imirimo y'ubupfumu uhereye ku bakonikoni ba Farawo, abahanga ( abaraguza inyenyeri ) n'abapfumu b'i Niniwe n'ab'i Baburoni kugeza ku bashitsi n'abapfumu ba Isirayeli. Bose irabaciraho iteka.

Urugero rumwe n'urwo twabonye mu gutangira iki gice, ahavuga ikiganiro umushitsikazi wa Endori yagiranye na Sawuli.

Ibyanditswe byera bivuga ko igihe Sawuli yabajije Imana, ko nta kintu na kimwe yigeze imusubiza; ari mu nzozi cyangwa abahanuzi (1 Samweli 28:6). Imana rero ntacyo yari gukora kubyabereye mw'Endori.
Sawuli yabeshywe n'umudayimoni wishushanyije mu ntumbi ya Samweli. Mu byukuri ntabwo yari Samweli muzima yabonye. Umushitsikazi yabonye ishusho y'umusaza mu gihe imitekerereze ya Sawuli yo yahise imushuka yibwira ko ari Samweli (1 Samweli 28:14).

Turamutse twizeye ko mu byukuri uwabonetse ari Samweli muzima, twaba twitegura kwemera ko abashitsi,abamaji,abashaka kuvugana n'abapfuye bakoresheje impigi,abaragura, n'abashitsi bashobora guhamagara intumbi z'abakiranutsi aho zahambwe hose igihe bapfaga.Ubwo twakwemeza ko umuntu w'Imana Samweli yari ahantu runaka mu butaka,aho yashoboraga kugira ibitekerezo kuko uyu musaza yazamutse mu gitaka aza ku isi(umurongo wa13).

Aya magambo yabwiwe Sawuli ntiyigeze amutera akanyabugabo; ku munsi ukurikiyeho yariyahuye
(1 Samweli 31:4). Icyo gihe uwari waje mu ishusho ya Samweli (umudayimoni) yari yahanuye ko kuri uwo munsi Sawuli n'abahungu be baza kumusanga "ikuzimu"(1 Samweli 28:19). Iyo biza kuba ari iby'ukuri twari kwanzura ko umunyabyaha Sawuli n'umukiranutsi Samweli bari kuzatura hamwe. Ahubwo twakwanzura ko uwo mudayimoni yaje kumwizeza akoresheje uruherekane rw'ibizamubaho yari amaze kumuhanurira.

**4.Ubushukanyi bwo mu minsi y'imperuka**

Mu gihe cyashize ubupfumu bwakorwaga n'abantu batuye mu bihugu by'abapagani basenga ibigirwamana ariko vuba bwahise bufata ishusho y'ubukristo. Ku buryo bushobora gushuka n'abizera Imana. Mu gushyigikira igikorwa cyo kwemera Bibiliya na Yesu, ubushitsi n'ubupfumu bimaze kuba umwanzi ukomeye w'abakristo. Ingaruka yabwo ni uguhenda ubwenge no gushukana.

Binyuze mu mbaraga y'inyigisho y'ubupfumu, Bibiliya yasobanuwe mu buryo bushobora gushimisha abafite imitima itarahinduka, mu gihe baremerewe n'ibibazo ukuri kwayo gukomeye ntacyo kubasha kubahinduraho.

Urukundo ruva ku Mana ruri muri twe. Ariko rwangizwa n'intege nke z'ibyiyumviro (amarangamutima) zigabanya ububasha bwo gutandukanya icyiza n'ikibi. Gukiranuka kw'Imana, uburyo yanga icyaha, ibyo amategeko yayo asaba, byose byateshejwe agaciro. Abantu bigishijwe gufata amategeko nk'inyandiko itagira agaciro. Gushimishwa no gutwarwa n'imigani byigarurira ububasha bwo kumva maze bikayobora abantu mu guhunga Bibiliya kandi ari yo rufatiro rwo kwizera kwabo.

Binyuze muri ubu busobanuro, urukuta ruri hagati y'icyiza n'ikibi rusa n'urutakiriho;bityo umuntu cyangwa uburyo ubwo ari bwo bwose bwo gusenga bihinduka ishingiro ry'ukuri

bikurikije icyo bene abo bo ubwabo bita ko ari ukuri. Mu byukuri buri wese aba imana mu kuzuza isezerano Satani yabwiye Eva ngo "bazamera nk'Imana" (Itangiriro 3: 5).

Imbere yacu hari isaha y'ibigeragezo yiteguye kugwira abari ku isi bose kugira ngo bibashungure
(Ibyahishuwe 3:10). Satani aritegura gukora ibimenyetso n'ibitangaza bikomeye mu kurwana urugamba ruheruka kugira ngo ashuke abari ku isi.
Yohana abisobanura neza ati "mbona imyuka mibi isa n'ibikeri…niyo myuka y'abadayimoni izakora ibimenyetso kandi izasanga abami bo ku isi bose n'abantu bose, ibateranirize hamwe kujya kurwanya Imana ku munsi ukomeye w'Uwiteka"(Ibyahishuwe 16 :13,14; 13:13,14). Uretse abazarindwa n'imbaraga y'Imana yonyine, bakomejwe mu bitekerezo byabo no kwiga (Bibiliya) Ibyanditswe byera bakabyakira nk'umuyobozi wabo nibo bazabasha guhangana nubwo bushukanyi. Ariko abatishingikirije kuri ubu burinzi bazatembanwa n'ubu bushukanyi.

**Urupfu rwa mbere n'urwa kabiri.**

Urupfu rwa kabiri ni igihano cy'abanyabyaha banze kwihana; abo amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo. Urupfu rwa kabiri ruzabaho nyuma y'imyaka 1000. Nyuma y'urupfu nta wundi muzuko uzabaho. Satani n'abanyabyaha nibamara kurimbuka, icyaha n'urupfu ntibizongera kubaho ukundi
(1 Abakorinto 15:26; Ibyahishuwe 20:14; 21:8). Yesu yatanze isezerano ko "uzanesha ntacyo azatwarwa n'urupfu rwa kabiri"(Ibyahishuwe 21:11)

Dushingiye ku cyo Ibyanditwe byera bivuga ku rupfu rwa kabiri, urupfu rwa mbere ni ibitotsi.Abantu bose bapfa bitewe n'igicumuro cya Adamu uretse abazamuwe mu ijiru. Ibi ni ukwigaragaza kw'aho icyaha cyagejeje inyokomuntu.

**Umuzuko**

Umuzuko ni ugusubizwa ubuzima, kugarurirwa ubumuntu bwuzuye kandi bushyitse nyuma y'urupfu.Kubera ko inyokomuntu yashyizwe mu bubata bw'urupfu hagomba kubaho umuzuko niba twemera ko hari ubuzima hakurya y'igituro. Mu isezerano rya kera n'irishya intumwa z'Imana zasobanuye ko zifite ibyiringiro by'umuzuko (Yobu 14:13-15; 19:25-29; Zaburi 49:15; 73:24; Yesaya 26:19; 1Abakorinto15 ).
Nk'ikintu twize neza,ibyiringiro by'umuzuko bidutera ubutwari bwo kwishimira ahazaza, hakurya y'isi y'iki gihe aho umuntu wese apfa.

**Umuzuko wa Yesu.**Umuzuko w'abakiranutsi bapfuye bazambikwa kudapfa ufitanye isano ikomeyen'uwa Yesu kuko Yesu wazutse mu bapfuye niwe uzakangura abapfuye mu gihe azaba aje (Yohana 5:28,29).

***1. Akamaro k'umuzuko wa Yesu***

Byari kugenda bite iyo Yesu Kristo ataza kuzuka?

a) Ubutumwa bwiza ntibwari kwigishwa : Niba Kristo atarazutse kubwiriza kwacu kwaba ari uk'ubusa (1 Abakorinto 15:14);
b) Ntihari kubaho kubabarirwa ibyaha: kandi iyo Kristo atazuka twari gukomeza kuramira mu byaha! (1 Abakorinto 15:17);
c) Nti hari kubaho umugambi wo kwizera Yesu Kristo kandi kwizera kwacu nta mumaro kwari kugira (umurongo wa 17);
d) Ntihari kubaho umuzuko rusange w'abapfuye: Ubu niba tuzi ko Kristo yazutse mu bapfuye kuki twahakana ko hazabaho umuzuko ? (1 Abakorinto 15:12) ;
e) Ntihari kubaho ibyiringiro hakurya y'igituro. Iyaba kandi Yesu atarazutse abasinziriye muri we bari kuzarimbuka(1 Abakorinto15:17,18).

***2. Kuzuka k'umubiri***

Yesu yavuye mu mva asa na Yesu wari mu mubiri. Nyuma yo kuva mumva umubiri we wahawe ubwiza ariko wari ukiri umubiri usanzwe. Yari afite umubiri umuntu atabasha gutandukanya n'uwo yari afite mbere atarapfa (Luka 24:13-27; Yohana 20:14-18). Yesu ubwe yihakaniye ko atari mu bwoko bw'umuzimu cyangwa se umwuka. Avugana n'abigishwa be yarababwiye ati : "ni murebe ibiganza byanjye cyangwa ibirenge byanjye mu menye ko ari jye, ndetse nimunkoreho kuko umuzimu atagira umubiri n'amagufa nk'ibyo mundebana" (Luka 24:39).
Mu guhamya ko yazukanye umubiri yaririye ibyo kurya mu maso yabo (Luka 24:43).

***3. Ingaruka z'umuzuko.***

Umuzuko wateye ubutwari intumwa za Kristo , wahinduye itsinda ry'abanyantege nke n'abanyabwoba kuba intumwa z'intwari ziteguye gukora icyo Umwami wabo abasabye cyose (Abafilipi 3:10,11;Ibyahishuwe 4:33).
Umurimo Intumwa zakoze wanyeganyeje ingoma y'Abaroma ndetse bubika isi yose (Ibyakozwe n'Intumwa17:6).

Ukuri k'umuzuko niko kwashimangiye kandi kubatera imbaraga zo kubwiriza ubutumwa bwiza (Abafiripi3:10,11). Petero avuga ko kuzuka kwa Yesu mu bapfuye gutera Abizera ibyiringiro bizima. (1Petero1:3). Abigishwa ubwabo bumvaga ko bafite inshingano yo kuba abahamya b'umuzuko (Ibyakozwe n'Intumwa1:22) kandi inyigisho yabo y'umuzuko yashingiraga ku buhanuzi bwa Mesiya nk'uko buboneka mu isezerano rya kera (Ibyakozwe n'Intumwa 2:31). Kubwo gusobanukirwa umuzuko wa Yesu buri wese ku giti cye,byabateye imbaraga ikomeye yo guhamya (Ibyakozwe n'Intumwa4:33).

Intumwa zitandukanije n'Abayobozi b'itorero rya kiyuda igihe bangaga ko bigisha mu izina rya Yesu n'umuzuko w'abapfuye(Ibyakozwe n'Intumwa 4:2). Igihe yajyanwaga mu rukiko Sanedrini(sanhedrin) Pawulo yatangaje ko ari ku bw'ikibazo cy'ibyiringiro bye muri Kristo n'icy'umuzuko w'abapfuye byatumye ajyanwa mu rukiko (Ibyakozwe n'Intumwa 23:6 ;24:21).
Pawulo yandikiye Abaroma ko Yesu yari Umwana w'Imana ishobora byose ku bw'umuzuko we mu bapfuye(Abaroma 1:4). Paulo asobanura ko mu mubatizo umuntu ahamya kwizera kwe mu muzuko wa Kristo (Abaroma 6 :4,5).

***Imizuko ibiri.***Kristo yigishije ko hariho imizuko ibiri : Umuzuko w' « ubugingo » ku bakiranutsi n'umuzuko wo «gucirwaho iteka » ku bakiranirwa (Yohana 5 :28-29; Ibyakozwe 24 :14). Imyaka igihumbi itandukanya iyo mizuko yombi (Ibyahishuwe 20 :4-5).

1.***Kuzukira ubugingo.***Abafite umugabane mu muzuko wa mbere bitwa"abahiriwe n'abera" (Ibyahishuwe 20 :6) abo ntacyo bazatwarwa n'urupfu rwa kabiri mu nyanja yaka umuriro ku iherezo ry'imyaka igihumbi (umurongo wa 14). Uwo muzuko w'ubugingo werekeza ku kudapfa (Yohana 5 :29 ;
1 Abakorinto 15 :52-53) uzaba mu kugaruka kwa Kristo ( 1 Abakorinto 15 :22,23; 1 Abatesalomike 4 :15-18). Abazagira ayo mahirwe kuri wo ntibazapfa ukundi (Luka 20 :36). Bomatanye na Kristo ibihe byose.

Imibiri izaba izutse izaba isa ite ? Nka Kristo, abera bazaba bazutse bazaba bafite umubiri nyawo. Nk'uko Kristo yasohotse mu gituro afite umubiri w'icyubahiro, n'abera niko bizaba bimeze. Paulo avuga ko Kristo « azahindura imibiri yacu yo gucishwa bugufi, akayishushanya n'umubiri we w'ubwiza bwe »
(Abafilipi 3 :21). Yita imibiri idafite ubwiza « imibiri ya kamere » n'imibiri ifite ubwiza « imibiri y'umwuka » ; Uwa mbere urapfa kandi urabora, uwa kabiri ntupfa kandi ntubora. Igikorwa cyo kuva mu gupfa ukajya mu kudapfa kizaba mu kanya nk'ako guhumbya mu muzuko (1 Abakorinto 15 :42-54).

**2.*Kuzukira gucirirwaho iteka*.** Abagome bazongera kubaho mu muzuko wa kabiri, nyuma y'imyaka igihumbi (reba igice cya 26 cy'iki gitabo). Uyu muzuko ubanziriza urubanza ruheruka no kurimbuka (Yohana 5 :29). Abo amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo bazazuka muri uwo muzuko maze « bajugunywe mu nyanja yaka umuriro ». Bazicwa n' urupfu rwa kabiri (Ibyahishuwe 20 :14,15).

Bakagombye kuba baririnze iherezo ribi rimeze rityo. Ubutumwa budatsindwa bw'ibyanditswe bwerekana inzira yo gukiriramo ijuru ryatanze ishoboza abantu kutarimbuka : « Ni mugaruke muve mu bibi byanyu byose, ibibi bibatera kurimburwa. Ni mute kure ibicumuro byanyu byose, ibyo mwakoze, mwiremememo umutima mushya n'umwuka mushya. Kuki mwarinda gupfa, mwa b'inzu ya Isirayeli mwe ? Erega sinishimira ugiye gupfa ko yapfa, nuko ni muhindukire mubeho. Ni ko Umwami Uwiteka avuga » (Ezekieli 18 :30-32).
Kristo asezerana ko « Unesha ntacyo azatwarwa n'urupfu rwa kabiri » (Ibyahishuwe 2 :11). Abemera Yesu n'agakiza atanga bazasogongera ku munezero utavugwa igihe azaba agarutse. Mu munezero udashira, bazabaho iteka mu mushyikirano n'Umwami n'Umukiza wabo.

IGICE CYA 27

IMYAKA IGIHUMBI N'IHEREZO RY'ICYAHA

*Kristo azimana n'abacunguwe imyaka igihumbi mu ijuru. Iyo myaka igihumbi iri hagati y'umuzuko wa mbere n'umuzuko wa kabiri. Muri icyo gihe abapfuye bakiranirwa bazacirwa imanza. Icyo gihe isi izaba iriho ubusa imeze nk'ubutayu nta muntu n'umwe uyiriho muzima, ahubwo izaba iriho satani n'abamalayika be. Igihe iyo myaka igihumbi izaba ishize, Kristo, aherekejwe n'abacunguwe be, bazamanukana umurwa wera baje ku isi. Ubwo nibwo abapfuye bakiranirwa bazazuka, maze bo, na satani n'abamalayika be, bazagerageze gutera uwo murwa ; ariko umuriro uvuye ku Mana uzabatsemba weze isi. Bityo, isi izaba ibatuwe by'iteka ryose ku cyaha n'abanyabyaho(Ibyah.20;1 Kor.6:2,3;Yerem.4:23-26;Ibyah.21:1-5;Mal.4:1;Ezek.28:19,20).*

Uhereye kera kose nu mateka habayeho abantu bazi gukabya ku byerekeranye n'ikuzimu, batera abantu ubwoba kugira ngo bahimbaze Imana. Ariko se iyo Mana bababwira ni iyihe ?

Imana izakuraho ikibi ite ?Satani we se bizamugendekera bite ? Ni iki kizabuza icyaha kongera kubaho ukundi? Imana y'inyakuri se yashobora ite na none kuba inyarukundo?

**Ibizaba mu ntangiriro y'imyaka igihumbi**

Mu gihe cy'imyaka igihumbi kivugwa mu byahishuwe igice cya 20, Satani ntazaba agifite ububasha bwo kuyobya isi, Kristo azima ingoma ye hamwe n'abera (Ibyahishuwe 20 : 1-4).

**Kugaruka kwa Kristo**

Igice cya 19 n'icya 20 mu byahishuwe ni ibice byomatanye nk'igice kimwe, nta tandukaniro riri hagati yabyo. Haravugwa ibyo kugaruka kwa Kristo (Ibyah. 19:11-21) n'iby'ikinyagihumbi. Uburyo bikurikirana bigaragaza ko ikinyagihumbi (imyaka 1000) gitangirana n'igihe Yesu azaba agarutse.

Ibyahishuwe bitugaragariza ko imbaraga eshatu (imyuka mibi) zakoranirije amahanga yose yo kw'isi kurwanya umurimo wa Kristo n'abantu be mbere y'uko Kristo agaruka. Izo mbaraga ni iz'ikiyoka, inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma(Ibyah. 16 :13).Igihe inyamaswa n'abami bo mw'isi n'ingabo zabo bazakoranira hamwe mu ntambara yo kurwanya Kristo agarutse, ya nyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma bazakurwaho(Ibyah 19 :19,20).Ibikurikiraho mugice cya 20, bivuga ku iherezo ry'umuzi w'ikibi n'ikiyoka. Satani azabohwa ajugunywe ikuzimu mu mworera aho azamara imyaka 1000.

Nkuko twabibonye mu gice cya 25, igihe ubwami bwo mu isi buzaba bukuweho, Yesu Kristo agarutse nibwo Imana izimika ubwami bwayo bw'ikuzo, buzaba ari ubwami bw'iteka ryose (Dan.2 :44). Ubwo nibwo abantu bayo bazishimira ubwo bwami kandi bazaba ibikomangoma.

**Umuzuko wambere** : Mu kugaruka kwa Kristo hazaba umuzuko wa mbere. Abakiranutsi ,"abahawe umugisha kandi bera" bazazuka. "Nta ruhare (imbaraga) urupfu rwa kabiri rubafiteho, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana nayo imyaka igihumbi" (Ibyah. 20 :6 reba igice cya 26 cy'iki gitabo).

**Abakiranutsi bajyanwa mu ijuru** : Nyuma yo kuzuka kw'abapfuye bakiranuka, bo n'abakiranutsi bazaba bakiriho bazazamurwa basanganire Umwami mu kirere (1 Abates 4:17). Ubwo nibwo Yesu Kristo azasohoza isezerano yadusigiye mbere y'uko ava mu isi ngo "Ngiye kubategurira ahanyu, kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye ngo aho ndi namwe muzabeyo" (Yohana 14:2;3). Yesu asobanura ko aho agiye gutegurira abamwemera (abamukurikira), ari "mu nzu ya Se" ahari amazu menshi (Yohana 14:2). Aha Yesu aba avuga Yerusalemu izamanuka iva mu ijuru nyuma y'imyaka igihumbi. Yesu umwami ubwo azaba agarutse, abakiranutsi bazamusanganira mu kirere abajyane mu ijuru, si kuri iyi si bazaba bavuyemo. Muri iki gihe si bwo Yesu azimika ubwami bwe bw'ikuzo ku isi. Ibyo azabikora ku iherezo ry'imyaka igihumbi.

IMINSI Y'IMPERUKA
IMYAKA IGIHUMBI
UMUZUKO WA MBERE
UMUZUKO WA KABIRI
ITEKA RYOSE

**Abacunguwe bazimana na Kristo mu Ijuru**

**Bazafatanya n'Imana guca urubanza rw'abakiranirwa**

**Isi ibeho ubusa kumara imyaka 1000**
**Yesu agarutse**

**Abera bajyanwe mu ijuru**
**(Abazutse n'abazaba bakiriho)**
**Abakiranirwa bazapfa**
**(abazaba barapfuye bazaguma mu bituro)**

**Satani abohwe**
**(azaboherwa mu isi)**

**Isi isigaraho ubusa**
**(Ibyorezo, ibishyitsi bitewe no kugaruka kwa Kristo)**

**Kumanu kwa Yerusalemu nshya n'abacunguwe**

**Abakiranirwa bazuke**

**Satani abohorwe**
**(yitegure gutera umurwa wera)**

**Irangiza rubanza**
**(Satani, abakiranirwa,n'ingaruka z'icyaha birimburwe)**

**Isi ihindurwe nshya by'iteka**
**(Iwabo w'abera)**

**Abanzi ba Kristo bicwa** : Kristo agereranya kugaruka kwe n'ibyabaye mu gihe cy'umwuzure cyangwa mu kurimbuka kw'i Sodomo na Gomora (Matayo 24:37-39, Luka 17:28-30). Ikigereranyo cye kirimo ingingo ebyiri:
Icya mbere ni uko abakiranirwa bazagerwaho n'irimbuka ribatunguye.
Icya kabiri ni uko irimbuka rizaturuka ruhande ridasize n'umwe nk'umwuzure (Matayo 24:39)
Umuriro n'amazuku byaguye nk'imvura kuri Sodomo "birimbura byose"(Luka 19:29) reba na
(Matayo 13:340). Mu kugaruka kwe, Kristo azamanuka ava mu ijuru hamwe n'ingabo ze nk'Umwami ahetswe n'ifarasi y'umweru, yitwa "Umwami w'abami, n'Umutware utwara abatware", akubite amahanga (amoko) yose yigometse. Nyuma y'irimbuka ry'inyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma, abambari ba satani basigaye "bazicwa n'inkota ivuye mu kanwa k'uwicaye kuri ya farasi. Inyoni zose zihaga intumbi zabo"
(Ibyahishuwe 19 :21).

Mu gusobanura iby'iki gihe, ibyanditwe byera bivuga biti :"Uwiteka aje aturutse mu buturo bwe, azanywe no guhanira abo mw'isi gukiranirwa kwabo, isi izagaragaza amaraso yayo, kandi ntabwo izongera gutwikira abapfuye bo muri yo"( Yesaya 26:2).

**Isi iba umusaka** : Ubwo abakiranutsi bazazamuka mu ijuru kwibanira n'Umwami, abakiranirwa nabo bazicwa no kuboneka kwe, isi izasigara ari umusaka (ari nta muntu uyituye). Ibyanditswe byera bivuga kuri iyi ngingo. Yeremiya ati " Nitegereza isi mbona

itagira ishusho kandi irimo ubusa n'ijuru naryo nta mucyo rifite. Nitegereje imisozi miremire mbona itigita, ndetse n'udusozi duto tunyeganyega. Nitegereje mbona nta muntu"(Yeremiya 4:23-25)
Yeremiya akoresha amagambo dusanga mu Itangiriro 1:2,"itagira ishusho, kandi irimo ubusa" bigaragaza ko isi izaba imeze nk'uko yari imeze mbere y'irema.

**Satani abohwa** : Iby'iki gikorwa byavuzweho mbere mu muhango wo kohera ihene ya azazeri ku munsi. Ku munsi w'impongano, Umutambyi mukuru yejeshaga Ubuturo Bwera amaraso y'ihene y'Uwiteka. Umuhango ujyanye n'ibya azazeri ihene ishushanya satani, wabaga gusa nyuma y'uko umuhango w'impongano wose urangiye (reba igice cya 24). Umutambyi mukuru yarambikaga ibiganza bye ku mutwe w'iyo hene "maze akatura gukiranirwa kose kw'abana b'Isiraeli, n'ibicumuro byabo byose, n'ibyaha byabo byose, akabishyira ku mutwe w'iyo hene" (Abalewi 16:21). Nuko iyo hene ikoherwa mu butayu,"Mu kidaturwa"(Abalewi 16 :22).
Bityo Kristo mu Buturo Bwera bwo mu ijuru akora umurimo we wuzuye wo kweza ubwoko bwe, nagaruka azabacungura bose abahe ubugingo buhoraho.

Igihe azaba arangije uyu murimo wo gucungura no kweza Ubuturo Bwera bwo mu ijuru, azashyira ibyaha by'abantu be kuri satani se w'ibyaha kandi unashishikariza (abantu) kubikora. Ntabwo bizakorwa mu buryo bwo kuvuga ko satani azaba impongano y'ibyaha by'abakiranutsi, kuko Kristo ibyo yabikoze ubwe. Ahubwo satani azagibwaho n'ingaruka zo kuba nyirabayazana w'ibyaha byakozwe n'abacunguwe. Kandi nk'uko umutambyi mukuru yoheraga ihene mu butayu niko Imana izacira satani mu isi itagize ikiyiriho kandi idatuwe n'umuntu n'umwe (Reba igice cya 23 cy'iki gitabo). Mu iyerekwa rye ku by'igihe cy'imyaka igihumbi, Yohana yasobanuye neza ibyo gucibwa kwa satani, yabonye ko mu itangira ry'imyaka igihumbi, "ikiyoka, nicyo ya nzoka ya kera, ni yo mwanzi na satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi, akijugunya ikuzimu (Ibyah.20:2;3). Ibyo bishushanya igihe cy'agateganyo kizashyira iherezo ku bwicanyi n'ubushukanyi bwa satani "kugira ngo kitongera kuyobya amahanga kugezaho imyaka igihumbi izashirira"(Ibyah. 20:3).

Ijambo "ikuzimu"ryakoreshejwe na Yohana mu kigiriki risobanura "abussos" mu buryo buri bwo ryerekana uko isi izaba imeze muri icyo gihe.

Nyuma yo kuzahazwa n'ibyago birindwi bizabanziriza kuza kwa kristo (reba by'umwihariko Ibyah. 16:18-21) ndetse no gutwikirwa n'imirambo y'abanyabyaha, isi izaba yangiritse cyane kandi iteye ubwoba. Mu gucibwa kuri iyi si, satani ntazabona uwo ashuka cyangwa yica ; azaba rero aboshywe no kutagira icyo akora.

### Ibihe biranga igihe cy'imyaka igihumbi

### Kristo n'abacunguwe mu ijuru

Yesu nagaruka, azajyana abamukurikiye mu ijuru, mu mazu yabateguriye muri Yerusalemu nshya. Nk'uko byagendekeye Mose n'Abisiraeli, abacunguwe bazuzura ibyishimo, baririmbe gucungurwa kwabo "indirimbo ya Mose, imbata y'Imana, n'indirimbo y'Umwana

w'Intama, bati Mwami Imana ishobora byose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje.Mugaba w'amahanga, inzira zawe ni izo gukirankuka n'ukuri" (Ibyah 15:3).

**Abera bimana na Kristo**

Mu gihe cy'imyaka igihumbi nibwo Kristo azuza isezerano rye ku baneshi "ubutware bwo gutwara amahanga yose (Ibyah 2:26). Danieli yeretswe ko nyuma yo gutsindwa kw'abanzi ba Kristo "Ubwami n'ubutware n'icyubahiro cy'ubwami bwose buri munsi y'ijuru buzahabwa abera b'isumba byose" (Danieli 7:27)

Abazazurwa na Kristo ku muzuko wa wa mbere bazimana na we imyaka igihumbi (Ibyah 20:4).
Ariko se ni mu buhe buryo bwavuzwe ko abera bazima kandi bazaba bari mw'ijuru n'inkozi z'ibibi zizaba zitakiriho ? Ubutware bwabo buzaba kugira uruhare mu murimo w'ingenzi wa Kristo wo kuyobora.

**Urubanza rw'inkozi z'ibibi.**

Yohana yeretswe ko mu gihe cy'imyaka igihumbi abera bazaba bari mu murimo wo guca imanza, yabonye "intebe z'ubwami n'abazicaraho, bahawe ubucamanza" (Ibyah 20:4). Icyo nicyo gihe cy'urubanza rwa Satani n'abamaraika be nk'uko Ibyanditwe bibivuga (2 Petero 2:4 ;Yuda 6). N'igihe Pawulo mu nyandiko ze avuga ko abera bazacira isi urubanza ndetse n'abamalaika (1 Kori 6:2-3) kizaba gisohoye. Urubanza rwo mu myaka igihumbi ntabwo ruzatanga umwanzuro ku muntu uzakizwa cyangwa uzacirwaho iteka. Imana izatanga uwo mwanzuro mbere y'uko Kristo agaruka. Abatazaba barazutse cyangwa ngo bajyanwe mu ijuru, bazazimira by'iteka ryose. Urubanza ruzagirwamo n'abakiranutsi, ruzaba rugamije gusubiza Ibibazo byose bazaba bafite birebana no kurimbuka kw'inkozi z'ibibi. Imana izaba ishaka ko abo yahaye ubugingo buhoraho bagira kwizera guhamye mu miyoborere yayo, niyo mpamvu izabahishurira ibikorwa by'impuhwe n'ubutabera bwayo.

Tekereza uri mu ijuru, ugasanga uwo wakundaga kandi wizeraga ko yabayo, atariyo. Ibyo byagutera kwibaza ku butabera bw'Imana kandi uko gushidikanya niyo ntangiriro y'icyaha. Mu kurandura by'iteka ryose Impamvu iyo ariyo yose y'uko gushidikanya no guhamya ko icyaha kitazongera kubaho ukundi, Imana izatanga ibisubizo by'ibyo bibazo mu gihe cyo gusubiramo imanza mu myaka igihumbi.

Muri uwo murimo, abacunguwe bazagira uruhare rukomeye mu ntambara iri hagati y'ikibi n'icyiza. Bazemera bananyurwe by'iteka ryose n'uko Imana yahanganye kandi ikita ku banyabyaha bazimiye. Bazibonera uburyo abanyabyaha bagize gukerensa bakonanga urukundo rw'Imana. Bazavumbura uburyo n'abagaragazaga ko atari abanyabyaha mu ibanga,bakomeje konsa inarijye yabo aho kwemera ngo ibyo umwami Yesu yabakoreye bigire agaciro mu bugingo bwabo.

**Igihe cya Satani cyo kwibaza**

Mu gihe cy'imyaka igihumbi, satani azababazwa bikomeye. Hamwe n'abamalayika be mu isi yabaye umusaka, ntabwo azabasha gutegura ibinyoma nk'uko byagiye bimuranga mu gihe cye. Azabona ingaruka zo kwigomeka ku Mana no ku itegeko ryayo, azibonera uruhare yagize mu ntambara hagati y'ikibi n'icyiza. Azareba ahazaza he n'ubwoba bwinshi ku bw'igihano gikomeye azahanishwa kubwo kuba nyirabayazana w'ibibi byose.

**Ibihe biranga iherezo ry'imyaka igihumbi.**

Ku iherezo ry'imyaka igihumbi, abapfuye basigaye (abanyabyaha) bazazurwa maze na satani abohorwe ku ngoyi yo kutagira icyo akora (Ibyah 20: 5,7), ayobye inkozi z'ibibi bundi bushya.Azabahamagarira kurwanya amahema y'ingabo z'abera n'umurwa ukundwa (Yerusalemu nshya) (Ibyah 20:9), uwo Kristo azaba yamanukanye ava mw'ijuru muri icyo gihe.

**Kristo n'ingabo z'abera n'umurwa bamanuka**

Kristo azamanuka ku isi bwa kabiri, hamwe n'ingabo z'abera na Yerusalemu nshya kubw'impamvu ebyiri. Azarangiza intambara ikomeye ashyira mu bikorwa imyanzuro y'urubanza rw'imyaka igihumbi ndetse azeza kandi ahindure isi nshya maze ubwo nibwo azimika ubwami bwe budahanguka. Noneho mu buryo bwuzuye "Uwiteka azaba Umwami w'isi yose (Zakariya 14:9).

**Kuzukira gucirwaho iteka**

Ubu nibwo Kristo azasohoza isezerano rye ngo : "abari mu bituro bose bazumva ijwi rye" (Yohana 5 :28). Ubwo Kristo azaba agarutse, abakiranutsi basinziriye bazazuka; uzaba ari umuzuko wa mbere, "kuzukira kubona ubugingo buhoraho", na none kandi igihe cy'undi muzuko Yesu yavuze kizaba kigeze,umuzuko w'abakiranirwa "bazazukira gucirwaho iteka" (Yohana 5 :29).
Ibyahishuwe nabyo bivuga kuri uyu muzuko "abapfuye basigaye (abatarazutse mu muzuko wa mbere ) ntibazuka iyo myaka igihumbi itarashira (Ibyah 20 :5).

**Iherezo ryo kubohwa kwa Satani**

Umuzuko w'abanyabyaha kw'iherezo ry'imyaka igihumbi, uzabohora satani ku ngoyi by'akanya gato (Ibyah. 20 :3).Ku nshuro ye ya nyuma azagerageza kwigomeka ku buyobozi bw'Imana ashaka kuyobya amahanga ku isi (Ibyah. 20 :8).Kuko inkozi z'ibibi zizazukana umutima w'ubwigomeke, bari bafite mbere yo gupfa, satani azabona ko akazi kadakomeye.

**Igitero ku murwa**

Mu bushukanyi bwe bwa nyuma, satani azashaka kwizeza inkozi z'ibibi kwigarurira ubwami bw'Imana ku mbaraga. Azateranya amahanga yo mw'isi, ayahamagarire kurwanya Umurwa wera (Ibyah. 20:8-9). "Abanyabyaha banze kwinjira mu murwa w'Imana kubwo gukiranuka n'igitambo cy'impano ya Yesu Kristo, bazamaramaza bashake kwemerwa no kwigarura Umurwa bawugote ndetse bawutere".Kuba Imana izaba imaze kubagarura mu buzima.Abakiranirwa bagahita bayitera umugango ndetse bakarwanya ubwami bwayo ;ibi bizaba igihamya cy'uko umwanzuro w'Imana ku iherezo ryabo ari uw' ukuri. Muri ubwo buryo, izina n'imico by'Imana, ibyo satani yagerageje guhindanya bizagaragarira amaso ya buri wese.

**Intebe yera y'ubwami .**

Yohana yerekana ko igihe abanzi b'Imana bazagota Umurwa , bakitegura kuwutera, Imana izashinga intebe yayo yera y'ubwami, ubwo inyokomuntu yose izaba ikikije iyo ntebe y'ubwami, bamwe bari mu mutekano imbere mu murwa, abandi bawuri inyuma, batewe ubwoba n'urubanza, Imana izakora igikorwa cya nyuma cy'urubanza. Nicyo gihe Yesu yerekezagaho ubwo yavugaga ati "aho niho bazaririra bakahahekenyera amenyo, mubonye Aburahamu na Isaka na Yakobo n'abahanuzi bose bibereye mu bwami bw'Imana, namwe mukaba mujugunywe hanze"(Luka 13:28).

Mu gukora icyo gikorwa cya nyuma cy'urubanza, ibitabo by'Imana byandikwamo bizabumburwa. "kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, nicyo gitabo cy'ubugingo" (Ibyah 20:12). Imana izabacira urubanza rwo gucirwaho iteka.

Kuki Imana izazura abo Bantu maze igahita yongera kubarimbura ? Mu gihe cy'imyaka igihumbi, abacunguwe bazaba barabonye amahirwe yo gusuzuma ubutabera bw'Imana n'uko yaciriye urubanza abantu batuye isi. Icyo gihe abazarimbuka ndetse na satani n'ingabo ze bazahamya ko Imana ari iyera. Iyo niyo ntebe yera y'ubwami ikomeye Paulo yavuze muri aya magambo, "twese tuzahagarara imbere y'intebe y'imanza y'Imana (Abaroma 14:10) , ibyo bizaba bisohoye.

Ibyaremwe byose, abacumuye n'abataracumuye, abakijijwe n'abazarimbuka bazapfukama bahamye ko Yesu ari Umwami(Abafil 2:10-11, Yesaya 45:22-23). Ubwo nibwo ikibazo ku butabera bw'Imana kizaba gikemutse by'iteka ryose. Abazabona ubugingo bw'iteka, bakagira kwizera kutajegajega mu Mana. Icyaha ntikizongera guhungabanya isi n'abayituye ukundi.

**Satani n'abanyabyaha barimburwa**

Muri ako kanya ko gucirwaho iteka kwabo, satani, ingabo ze n'abantu bamukurikiye bazabona igihano. Bazapfa urupfu rw'iteka ryose "Umuriro uzamanuka uva mw'ijuru, ubatwike" (Ibyah 20:9). Ubutaka bw'isi inyuma y'umurwa buzahinda umushyitsi, buhinduke inyanja y'umuriro wabikiwe "umunsi w'amateka, urimbure abatubaha Imana" (2 Petero 3:7). "Umunsi wo guhora k'Uwiteka (Yesaya 34:8) nibwo azakora umurimo we w'inzaduka (Yesaya 28:21) wo kurimbura abanzi be".

Yohana yabivuze muri aya magambo"Kandi umuntu wese utabonetse ko yanditwe muri cya gitabo cy'ubugingo, ajugunywa muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuku" (Ibyahishuwe 20:15). Satani n'ingabo ze nabo bazagerwaho n'iryo teka (Ibyah 20:10). Ubusobanuro muri Bibiliya yose bwerekana neza ko urwo ari rwo "rupfu rwa kabiri" (Ibyah 21:8), ruzagera ku batubaha Imana, bisobanura kurimbuka burundu.
Mbese noneho byaba bimeze bite ku ngingo irebana n'ikuzimu mu muriro utazima ?
Inyigisho zitondewe zerekana ko Bibiliya itigisha ikuzimu muri ubwo buryo.

**1. Ikuzimu** : Mu mvugo ya Bibiliya "Ikuzimu ni ahantu cyangwa se uburyo bw'igihano no kurimburwa n'umuriro w'iteka mu rupfu rwa kabiri, ku banze Imana n'impano yo gucungurwa muri Yesu Kristo. Inyandiko za Bibiliya zihinduwe mu cyongereza zikoresha ijambo "ikuzimu" zerekaza ku ijambo ry'igiheburayo "sheol" mu kigiriki bikaba bivuga "hades".

Aya magambo yombi muri rusange yerekeza ku bituro aho abapfuye, abakiranutsi n'abanyabyaha bategerereje umuzuko bose nta tandukaniro (reba igice cya 26).
Kubera ko ingingo irebana n'ijambo ikuzimu itandukanye cyane n'ubusobanuro bw'ariya magambo y'igiheburayo n'ikigiriki, inyandiko nyinshi za Bibiliya z'icyongereza cy'iki gihe ntizikoresha ijambo ry'igiheburayo "sheol" n'ikigiriki "hades". Ibitandukanye n'ibyo, irindi jambo ry'ikigiriki ryitwa "geena", ryakoreshejwe mw'isezerano rishya mu busobanuro bwa Bibiliya y'icyongereza rikaba naryo ryerekeza ku ijambo "ikuzimu", ryerekana ko ari ahantu h'igihano gikomeye ku banze kwihana.
Noneho biragaragara ko ijambo ikuzimu buri gihe bidasobanuye kimwe,bityo bigatuma habaho kujijwa gukomeye iyo hatabayeho gutandukanya ibintu neza twabonye.

"Geena", biva kw'ijambo ry'ikigriki "ge hinnom", bivuga ikibaya cya "hinnom"ahantu haherereye ku uruhande rw'amajyepfo ya Yerusalemu. Aha niho ubwoko bw'Abisirayeli bwiganiye ingeso z'abapagani zo gutwika abana babo babatambira ikigirwamana cya moleki (Ingoma 28:3; 33:16), Yeremiya yahanuye ko bitewe n'iki cyaha Uwiteka azahindura iki kibaya "ikibaya cy'amagufa" aho imirambo y'abisirayeli izashyingurwa kugeza ubwo habura aho ishyingurwa. Noneho ibisigazwa byabo bikaba "inyama z'ibisiga" (Yeremiya 7:32-33; 19:6; Yesaya 30:33).

Ubuhanuzi bwa Yeremiya ntagushidikanya bwatumye abisirayeli babona gihonomu nk'ahantu Imana iciraho iteka abanyabibi, ahantu h'igihano no gukorwa n'isoni. Nyuma inyigisho y'abigisha n'imihango y'abakuru b'abayuda bafashe gihonomu nk'ahantu hatwikirwa amagufa n'indi myanda.

Yesu yakoresheje umuriro w'i gihenomu nk'umuriro utazima(gereranya Matayo 5:22; 18:9). Bityo umuriro w'i gihonomu washushanyaga umuriro ukongora w'urubanza ruheruka. Yavuze ko harenze urupfu rusanzwe(Luka 12:5), kandi uwo muriro uzatsembaho umubiri n'ubugingo (Matayo 10 :28).
Mbese umuriro wa gihonomu umeze ute ?
None se abantu bari muri gihonomu bababazwa iteka ?

**2. Akaga kazaba ku banyabyaha**

Dukurikije icyo Bibiliya ivuga, Imana isezerana ubugingo buhoraho ku bakiranutsi. Ibihembo by'ibyaha ni urupfu si umuriro utazima muri gihonomu (Abaroma 6:23). Ibyanditswe bivuga ko abakiranirwa bazakurwaho (Zaburi 37:20; 68:2). Abakiranirwa ntibazabaho iteka bababazwa, ahubwo bazashya bashire (Malaki 4:1; Matayo 13:30,40; 2 Petero 3:10). Bazarimburwa (Zaburi 145: 20; 2 Abatesal 1:9; Abaheburayo 2:14); bazashya bashire (Zaburi 104:35).

**3.Igihano cy'iteka**

Mu kuvuga igihano cy'abakiranirwa, Isezerano Rishya rikoresha amagambo "igihano gihoraho", "igihano cy'iteka". Ayo magambo yakomotse ku ijambo ry'ikigiriki "aïonios" kandi rikoreshwa ku Mana no ku Bantu. Kugira ngo urujijo rukurweho, umuntu agomba kwibuka ko "aïonios" ari ijambo rihindura inyito bitewe n'aho riri, bityo inyito yaryo iterwa n'icyo ryisanisha nacyo. Nuko rero iyo ibyanditswe byera bivuga "aïonios" (iteka, gihoraho), ku Mana biba bivuga ko Imana ifite kubaho kw'iteka kuko Imana idapfa.

Naho iyo hakoreshejwe iryo jambo ku muntu upfa, cyangwa ibintu byangirika, biba bivuze kugeza igihe umuntu agihumeka cyangwa ibintu bikiriho. Muri Yuda 1:7, nk'urugero, havuga ko Sodomu na Gomora hahanishijwe "umuriro w'iteka". Ariko iyo migi ntabwo igishya kugeza uyu nunsi. Petero avuga ko iyo migi yahinduwe ivu n'umuriro, ibahanisha kurimburwa (2Petero 2:6). Umuriro w'iteka uracumba kugeza ubwo hadasigara ikintu cyo gutwika n'uko ukazima (reba Yeremiya 17:27, 2Ngoma 36:19). Nanone iyo Yesu Kristo ahanisha inkozi z'ibibi kuba mu muriro witeka, (Mat 25:11), uwo muriro uzatwika inkozi z'ibibi uzaba utabasha kuzimywa, keretse ibyo utwika bishizeho. Iyo Kristo avuga ko hazabaho igihano cy'iteka (Mat 25:46), ntabwo aba ashaka kuvuga guhana ubuziraherezo, ahubwo Kristo aba avuga ko nk'uko "ubugingo bw'iteka " abakiranutsi bazishimira, buzakomeza ibihe bidashira by'iteka, niko n'igihano (abakiranirwa bazahanwa) kizaba icy'iteka, bitari kubabazwa by'iteka, ahubwo batazongera kubaho ukundi. Iherezo ryabo bazahanwa ni ryo rupfu rwa kabiri. Urwo rupfu ruzaba urw'iteka kuko kuri rwo ntihazabaho kandi ntihashobora kubaho kuzuka

Iyo Bibliya ivuga "agakiza k'iteka" (Abaheburaho 9:12), kandi urubanza rw'iteka (Abaheburayo 6:2), ivuga ko ingaruka cyangwa umusaruro w'ako gakiza cyangwa urwo

rubanza bitavuze inzira y'agakiza idashira cyangwa urubanza rudashira. Na none rero, iyo Bibiliya ivuga iby'igihano gihoraho cyangwa cy'iteka, iba ivuga ku ngaruka atari ku nzira igihano kinyuramo. Urupfu abakiranirwa bazapfa ruzaba urwa nyuma kandi rw'iteka, rugira ingaruka z'iteka.

**4. Bababazwa iteka n'iteka**

Gukoresha ijambo kw'Ibyanditswe byera "iteka n'iteka" (ibyah 14:11; 19:3; 20:10), kwatumye habaho ikwirakwizwa ry'igitekerezo cy'uko guhanwa kwa satani n'abakiranirwa bizakomeza kugeza iteka ryose. Ariko nk'uko twavuze ko ijambo "gihoraho", ryisanisha n'icyo riherekeje niko n'ijambo "by'iteka" rimeze. Iyo rifatanijwe n'Imana, igisobanuro cyaryo kiba ntakuka kuko Imana idapfa, iyo rikoreshejwe ku muntu upfa, ubusobanuro bwaryo buba bufite iherezo.

Ibyanditwe byera bivuga igihano Imana yahaye Edomu nk'urugero rw'ikoreshwa ry'iri jambo. Yesaya avuga ko Imana yahinduye icyo gihugu nk'icyobo gicumba umwotsi ku manywa na nijoro, "kandi umwotsi uhora ucumba by'iteka, iteka n'iteka kizaba umwirare, ntawe uzaca muri icyo gihugu by'iteka" (Yesaya 34:9-10). Igihugu cya Edomu cyararimbuwe, ariko ntabwo kiriho gishya. Iryo jambo ngo by'iteka ni ukuvuga ko ingaruka zari iz'iteka kandi kurimburwa kwarangiye neza, kudasubirwaho. Mu Byanditwe Byera bivuga neza ko "by'iteka" bitavuze ubuzira herezo. Isezerano rya Kera rivugako imbata ikorera shebuja "by'iteka"
(Kuva 21:6), kandi Umwana Samweli yari kuba mu ihema ry'Imana by'iteka (1Samweli 1:22), kandi na Yona yatekerezaga ko yabaye munda y'igifi kinini by'iteka (Yona 2:65).

Isezerano Rishya rikoresha iryo jambo mu buryo bumwe, Pawulo nk'urugero, asaba Filemoni kwakira Onesimo by'iteka (Filemoni 1:15). Muri izi nteruro, by'iteka bivuga kugeza ko umuntu akiriho.

Zaburi 92:7-8 ivuga ko abanyabibi bazarimburwa by'iteka. Kandi Malaki ahanura iby'iherezo ry'intambara ikomeye yavuze ko "hazaba umunsi utwika nk'itanura ry'umuriro, abibone n'inkozi z'ibibi bagashya bakaba ibishingwe, uwo munsi uzabatwika bashire, niko Uwiteka nyiringabo avuga; ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami (Malaki 4:1-3:19).

Igihe kimwe, abakiranirwa, satani , Abamalayika babi n'abantu banze kwihana bazarimburwa n'umuriro; byombi, umuzi n'ishami ntibizasigara bidakuweho n'urupfu (reba igicye cya 25 cy'iki gitabo). Aba nabo Imana izabarimbura by'iteka (Ibyah 20:14).

Bityo Bibiliya ivuga neza ko igihano (atari uguhanwa) kizaba icy'iteka arirwo rupfu rwa kabiri. Kuko kuva kuri iki gihano nta muzuko uzabaho, ingaruka ni iz'iteka.
Musenyeri mukuru William Temple(Wiliyamu ), yavugaga ukuri ubwo yavugaga ko "icyo dushobora kuvuga twizeye ni uko kubabazwa kw'iteka ari ibyo gukurwaho rwose".

Iyaba abantu baba bataradukanye inyigisho ya kigiriki yo kudapfa k'ubugingo bwa muntu, ntibabe basoma Bibiliya bafite ibyo mu ntekerezo, baba barabonye mu Isezerano Rishya,

ibyishingiro ko atari ukubabazwa guhoraho, ahubwo ari ukumarwaho by'iteka. Ni umuriro witwa uw'iteka ntabwo ari ubuzima buwujugunywemo.[17]

Igihano cyuzuye cy'itegeko ry'Imana gishyizwe mu bikorwa. Ibyo ubutabera busaba biba byujujwe. Bityo ijuru n'isi byatangaza ko Uwiteka akiranuka.

### 5. Ihame ryerekeye Igihano

Urupfu nicyo gihano gikomeye cy'icyaha. Nk'ingaruka y'icyaha cyabo, abo bose banga agakiza Imana ibaha ku buntu bazapfa by'iteka. Ariko bamwe bakoze ibyaha kumugaragaro, bifatanya n'umubi ku buryo boheje n'abandi gucumura. Abandi bagiye bagerageza gutungana babana n'abandi mu mahoro, igicumuro cyabo ni ukwanga agakiza katanzwe muri Kristo, mbese byaba bitunganye guhanishwa igihano kimwe ?

Kristo yaravuze ati "umugaragu uzi ugushaka kwa shebuja ntakore nk'uko shebuja ashaka, azakubitwa inkoni nyinshi. Ariko undi utazi icyo shebuja ashaka agakora ibikwiye guhanwa azakubitwa inkoni nke, kuko uwahawe byinshi azabazwa byinshi, n'uwo babikije byinshi nawe azakwa byinshi" (Luka 12: 47,48).

Ntagushidikanya abantu bigometse ku Mana bazababazwa cyane kuruta abatarabikoze. Ariko tugomba kumva iyo nyigisho mu mucyo wo kubabazwa kwa Kristo mu rupfu rwa kabiri rwabereye i Karuvari aho yari yikoreye ibyaha by'abari mu isi. Kandi ni ugutandukanywa na se kwazanywe n'icyaha kwamuteye uwo mubabaro wose, umubabaro wo mu buryo burenze ubwenge udashobora kuvugwa. Niko bizagendekera n'abanyabyaha bazazimira. Bazasarura ibyo babibye atari gusa mu buzima bwa none, ahubwo no mu kurimbuka guheruka.

Mu maso y'Imana, agahinda k'icyaha bazumva bitewe n'ibyo bakoze kazabatera kubabazwa kutavugwa. Kandi uko agahinda gakura niko umubabaro ugwira. Satani umushukanyi na nyirabayazana w'icyaha azababara gusumbyaho birenze urugero.

### Kwezwa kw'isi

Petero asobanura umunsi w'Uwiteka, aho iby'icyaha byose bizaba byakuweho aravuga ati "umunsi w'Uwiteka uzaza nk'umujura.Muri uwo munsi Ijuru rizakurwaho n'urusaku rwinshi kandi iby'ishingiro ibyo byose biremeshwa bizayengeshwa no gushya cyane, isi n'ibyiriho n'imirimo yayo bizashya bishyire"
(2Petero 3:10). Umuriro uzatwika abanyabibi uzeza isi kubyo kwanduzwa kwazanywe n'icyaha.

Imana izarema "ijuru rishya n'isi nshya, kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari bitakiriho" (Ibyah 21:1), ibikuye mu bisigazwa by'iyi si yangiritse. Biturutse muri iyi si yatunganijwe, ikaremwa bundi bushya, Imana izahanagura amarira yose ku maso, kandi kurira, umubabaro n'urupfu ntibizabaho ukundi (Ibyah 21:4). Bwanyuma umuvumo wazanywe n'icyaha uzamarwaho.

Petero avuga ibyo kugaruka kwa Kristo kuzarimbura icyaha n'abanyabyaha banze kwihana yaravuze ati «Yemwe uko dukwiriye kuba abantu bera kandi twubaha Imana mu ngeso zacu, mwari mukwiriye kubaho imibereho y'ab'Ijuru uko mubona umunsi w'Uwiteka wegereza». Ashingiye ku kwiringira amasezerano yo kugaruka kwa Kristo yarahamije ati :«Dutegereje ijuru rishya n'isi nshya ibyo gukiranuka kuzabamo. Nicyo gituma bakundwa ubwo mutegereje ibyo,mukwiriye kugira umwete wo kuzasangwa mu mahoro mutagira ikizinga,mutariho umugayo mu maso ye»(2 Petero 3 :11,13,14)

**ICYIGISHO CYA 28**

***ISI NSHYA***

***Mu isi nshya aho gukiranuka kuzaba, Imana izaha abacunguwe ubuturo bw'iteka n'ubuzima bwiza bwo kubaho iteka ryose, bugizwe n'urukundo, ibyishimo n'amajyamere mu maso y'Imana. Kuko Imana izaturana n'ubwoko bwayo imibababo n'urupfu bizaba bishize. Intambara ikomeye izaba yarangiye icyaha ntikizongera kubaho ukundi.Ibiriho byose bifite ubuzima n'ibitabufite byose bizamamaza ko Imana ari urukundo kandi ko izaba ku ngoma iteka ryose.(2 Pet.3:13;Yes.35;65::17-25;Mat.5:5;Ibyah.21:1-7;22:1-5;11:15).***

Amaze kubona urupfu rwegereje umunsi umwe umwana yaravuze ati " Inzu yanjye iri mu ijuru ariko sinabonaga ikibi muri iki gihugu!". Nk'uwo mwana benshi batekereza ko mu gihe cyo gupfa kwabo ijuru rizasa naho ribabereye ahantu heza ho kuba mu y'indi si, ariko bahitamo cyane ibigaragara iby'iyumviro bahabwa no kuba aha ku isi n'iki gihe .Rero tugendeye ku bivugwa na benshi by'uko ijuru rimeze bikaba ari ukuri ,ibyiyumviro byabo byaba bifite ishingiro. Ariko duhereye ku gusesengura no kugereranya kwa Bibiliya, bigaragara ko ibyo Imana itegurira abacunguwe birenze cyane uko turiho ubungubu, nibake gusa batinyuka kugurana iyi si n'iyo si nshya.

**Uko isi nshya iteye.**

**Ukuri gufatika**.
Ibice bibiri bibanza byo mu Itangiriro bivuga ko Imana yaremye isi itunganye yagombaga kuba ubuturo rw'ibiremwa muntu bya mbere byo yahaye ubugingo.Noneho ibice bibiri biheruka bya Bibiliya nabyo bivuga uko Imana irema isi itunganye yo gutuzamo abantu-ariko noneho bikaba ari ukongera kurema ,gusana isi yangijwe n'icyaha.

Bibiliya ntihwema kuvuga ko ubwo buturo bw'iteka bw'abacunguwe buzaba ahantu nyakuri ; ahantu abantu bazabasha kureba , gukabakaba ; kugera ; gutaka kandi bagashobora no kububamo.Ni mu isi nshya Imana izaza ishinge ubwo buturo bw'ijuru.

Hanyuma rero igice cya gatatu cy'urwakabiri rwa Petero gikubiyemo ishusho yahohantu. Petero avuga ko iby'isi yabanjirije umwuzure kugeza mu gihe cyawo ikaba yararimbuwe n'amazi. Isi ya kabiri ivugwa ni Isi ya none yo izezwa n'umuriro kugira ngo ihe umwanya iya gatatu ariyo si nshya izababwamo no gukiranuka (umurongo wa 6,7,13) iyo si ya gatatu iza ari isanzwe kimwe n'izindi za mbere zayibanjirije.

**Ibizakomeza kubaho n'ibishya bizabaho**. Ijambo « isi nshya » rigaragaza ko hari ibizakomeza kubaho ndetse n'ibizahinduka ugereranije n'ibiriho ubu. Petero na Yohana babonye mbere yigihe isi ya kera nkiyejejwe n'umuriro kandi ihindurwa nshya. (2Petero3 :10-13 ; Ibyahishuwe21 :1). Isi nshya rero mbere ya byose ni iyi si, si ahandi hantu runaka. Kabone nubwo izahindurwa izakomeza kuba imenyerewe, izwi-ubuturo. Ni byiza cyane ! Ni isi nshya kuko Imana izatsemba ku isi igisigisigi cyose cy'icyaha.

**Yerusalemu nshya.**

Yerusalemu nshya ni umurwa mukuru wiyo si nshya. Mu giheburayo Yerusalemu isobanura « umurwa w'amahoro ». Yerusalemu yo mu isi yahamije buhoro iryo zina ariko Yerusalemu nshya yo izagaragaza mu buryo burambuye iby'uko kuri .

**Umunyururu wo guhuza**. Mu mvugo runaka uwo murwa uhuza ijuru n'isi nshya. Bwa mbere, ijambo ijuru Bibiliya ivuga rishobora gusobanura : 1. ijuru nk'isanzure (Itangiriro1 :20) ; 2. Ijuru nk'ibiva (Itangiriro 1 ; 14-17) ; 3. Ijuru rya gatatu ahari paradizo (2Abakorinto12 :2-4). Iyo sano iri hagati « y'ijuru » na paradizo ituma bigira ubusobanuro bumwe ni ukuvuga icyicaro cy'intebe y'Imana iri naho ituye. Duhereye aho mu buryo bwagutse Bibiliya yo ihita « ubwami bw'ijuru ». ubwami bw'Imana n'abemera bose ubuyobozi bwayo ku bushake.

Imana ihera ko isubiza gutegereza kose no gusaba**«**ubwami bwawe buze ibyo ushaka bibe mu isi nkuko biba mu ijuru».Igihe Imana izaba imaze gushyira Yerusalemu nshya kuri uyu mubumbe w'isi (Ibyahishuwe21:1,2) ntabwo Imana izayihindura nshya gusa ahubwo izaba inayubashye . Izasubiza iyi si ishusho yayo yahoranye itaragwa, Imana izayigira bundi bushya ihuriro ry'andi masi.

**Ishusho ifatika**Yohana yifashishije imvugo y'ibisigo kugirango atake ubwiza bwa Yerusalemu nshya : Umurwa usa « n'umugeni warimbishirijwe umugabo we ». (Ibyahishuwe21 :2). Akantu kose yavuze kerekeranye n'ishusho y'uwo murwa gasobanura ukuri kwawo.

1. **Umucyo wawo**. Ubusobanuro bwa mbere bw'ingenzi Yohana yatanze igihe yabonaga « umugeni, umugore w'umwana w'Intama », bwabaye « umucyo wawo » (Ibyahishuwe21 :9, 11). Ubwiza bw'Imana bumurikira umurwa, bigatuma umucyo w'izuba n'ukwezi wiyongera (Ibyahishuwe 21 : 23,24). Nta mwijima na muke uzijimisha ubwiza bwa Yerusalemu nshya, kuko inkike n'inzira zaho zizaba zirabagirana kandi « nta joro rizarangwayo ». (Ibyahishuwe 21 :25). « Ntibazakenera itabaza cyangwa umucyo kuko umwami Imana izabamurikira » (Ibyahishuwe22 :5).
2. **Imyubakire yawo**. Imana yakoresheje ibikoresho by'agaciro kugirango yubake umurwa. Inkike zawo ni yasipi, "ibuye ry'agaciro cyane". (Ibyahishuwe 21:11-18). Urufatiro rugizwe n'amabuye cumi n'abiri atandukanye: yasipi, safiro, kalukedoni, simaragido, sarudonikisi, sarudiyo, kirusolito, topazi, sopuraso, puwakinto, ametusito. (Ibyahishuwe 21:19,20).

Nyamara kandi ayo mabuye y'igiciro ntabwo ashushanya igikoresho cy'ibanze cy'iyo nyubako. Imana yubatse umugabane munini w'uwo murwa ;amazu yawo n'amarembo yawo ikoresheje zahabu(Ibyahishuwe21:18,21). Imana yarabyifashishije nkuko abantu bakoresha beto muri iyi minsi yacu. Iyo zahabu ni nziza cyane kuko Yohana avuga iby'izahabu itunganye isa n'ibirahuri (Ibyahishuwe21:18).

Amarembo cumi n'abiri, agizwe n'imaragarita imwe atanga icyizere cyo guhabwa umurwa. "Imaragarita ni imbuto y'umubabaro. Agaheke gato k'umusenyi karyana imbere y'igikoba cyako nyuma kagahindukamo ibuye ry'agaciro rirabagirana. Amarembo ni imaragarita. Kwinjira kwawe no kwinjira kwanjye Imana yatumye bishoboka k'ubwikiguzi cy'imibabaro myinshi ubwo Imana yiyungiye n'ibintu byose muri Kristo.

Malayika weretse Yohana umurwa yageze inkike. Akantu kose kagize agaciro gakomeye kimwe n'urutonde rw'ibikoresho byakoreshejwe kubwo gusobanura ukuri k'umurwa.

3. **Ibyo kurya n'amazi yawo**. Ku ntebe y'Imana iri hagati mu murwa hatemba "umugezi w'amazi y'ubugingo" (Ibyahishuwe22:1). 1.) usa n'igiti cyitwa baniya(banyan tree), icyo giti gifite ibihimba byinshi, igiti cy'ubugingo kimera "ku nkengero zombi z'uruzi". Amatunda yacyo y'uburyo cumi na bubiri afite ibitunga umubiri bikwiriye inyokomuntu ibyo Adamu na Eva babuze igihe bavaga mu ngobyi yo muri Edeni (Ibyahishuwe 22:2; Itangiriro3:22). Abarya ku matunda y'icyo giti bose ntibazigera bakenera na rimwe ijoro ngo babe baruhuka. (Ibyahishuwe 21:25), kuko ari nta na rimwe bazigera bagira umunaniro.

**Ubuturo bwacu bw'iteka**.

Bibiliya ivuga yeruye ko abatowe ku iherezo bazaragwa iyo si (Matayo5:5; Zaburi 37:9;29;Zaburi 115:16). Yesu yasezeraniye abigishwa be ko agiye kubategurira umwanya mu rugo rwa se (Yohana 14:1-3). Nkuko twabibonye Bibiliya ivuga ko intebe y'Imana n'ubuturo bwayo buri muri Yerusalemu nshya izamanuka ku isi (Ibyahishuwe 21:2;3;5).

**Ubuturo mu murwa**. Yerusalemu nshya ni umurwa Aburahamu yari ategereje (Abaheburayo11:10). Muri uwo murwa mugari Kristo adutegurira uko tuzaba (Yohana 14:2). Cyangwa nkuko ijambo ry'umwimerere ribivuga "ahantu ho kuba", ubuturo bw'ukuri.

**Ubuturo bufite imirima**. Bityo rero abacunguwe ntibazagoterwa hagati mu nkike, zo muri Yerusalemu nshya bazaragwa isi, bava mu mazu yabo yo mirwa, abacunguwe bazajya mu byaro kugira ngo bakire kandi bubake inzu z'ibyiringiro byabo , batereyo inzabibu kandi banarye amatunda yaho (Yesaya 65:21).

**Mu buturo turi kumwe n'Imana na Kristo**. Kuri iyo si nshya, isezerano ryatanzwe na Yesu ku bigishwa be rizaba impamo iteka ryose"kugira ngo aho ndi namwe muzabeyo." (Yohana 14:3). Umugambi wo kwigira umuntu kwa Kristo, bivuze ngo "Imana iri kumwe natwe" uzaba ugeze ku ntego yawo. "Dore ihema ry'Imana riri kumwe n'abantu! Kandi izaturana nabo, nabo bazaba abantu bayo kandi Imana ubwayo izabana nabo ibe Imana yabo." (Ibyahishuwe 21:3). Aho ngaho aho abacunguwe bazasogongera mahirwe yo kuba imbere y'Imana n'umwana bafite umubano uhamye.

## Ubuzima  ku isi nshya.

Mbese ubuzima bwo mu isi nshya twabugereranya ni iki?

**Kwimana n'Imana na Kristo**. Imana izimana n'abacunguwe mu bwami bwayo "Intebe y'Imana  ni y'Umwana w'Intama izaba mu murwa abagaragu bayo bazayikorera kandi bazabona mu maso hayo kandi bazibanira ibihe bidashira (Ibyahishuwe22:3-5 na 5:10).

Ntabwo tuzi aho ububasha bwabo bugarukiye. Ariko dushobora guhamya ko umugabane umwe w'ingenzi w'umurimo wabo wo mu ijuru uzaba ugizwe no guhagararira Kristo mu isanzure, bahamya ubunararibonye bwabo ku rukundo rw'Imana. Ibyishyimo byabo bikomeye bizaba ibyo guhimbaza Imana.

**Ibikorwa by'amaboko by'abacunguwe**. Ubuzima bwo mu isi nshya buzabera abayirimo intandaro y'agahebuzo y'amajyambere. Kubona imirimo izakorwa n'abacunguwe ibyo bituma dusa n'abakangukiye gutegereza kwacu nyamara ibyo ni bike ugereranyije n'iby'ukuri byaho.

Twemeye amasezerano yabwiwe abacunguwe ko "bazubaka amazu bakanayabamo" (Yesaya 65:21)Kubaka biduha ishusho nyayo ,ibikoresho n'uburyo bwo bwo guhindura ibintu bishya. Kandi duhereye ku nshinga "gutura" dushobora kwibwira mu buryo bworoheje urunyurane rw'urutonde rw'imirimo irebana n'ubuzima bwacu bwa buri munsi.

Intego y'ubwo buzima mu isi nshya ni ukongera kurema bundi bushya uko Imana yari yarateganije uko ibyaremwe byagombaga kumera. Muri Edeni, Imana yahaye umuryango wa mbere ingobyi kugirango "bayihinge no kuyirinda" (Itangiriro 2:15). None se niba, nkuko Yesaya abivuga, bazatera inzabibu mu isi nshya, ni kuki batazanaterayo ibihaza hakaba n'imirima y'ingano? Kandi nkuko  mu byahishuwe habivuga niba bazacuranga inanga  none ni kuki batazacurangayo n'amakondera cyangwa ibindi bikoresho? Nyuma y'ibyo byose tubona ko ari Imana yahaye umuntu impano yo kugira icyo yakora kandi imushyira mu isi ishobora no kumuha ubushobozi bwose (Itangiriro 1 :28-31)

**Imibanire rusange mu isi nshya**. Itumanaho ntabwo rizabura mu isi nshya rizabera abacunguwe umunezero.

**1. Inshuti n'imiryango**. Mbese tuzabasha kumenya ababyeyi bacu igihe tuzaba tumaze kwambikwa ubwiza, tumaze guhindurirwa ku ishusho ya Kristo? Nyuma yo kuzuka kwa Kristo, abigishwa be nta kibazo bagize cyo kumumenya ngo babe bamuyoberwa. Mariya yamenye ijwi rye (Yohana 20:11-16), Tomasi amumenya ishusho ye igaragara (Yohana 20:27,28), n'abigishwa ba Emawusi bamenya amarenga ye (Luka 24:30, 31, 35). Mu bwami

bwo mu ijuru, Aburahamu, Isaka, na Yakobo baracyitwa amazina yabo n'ibimenyetso bibaranga ntibyahindutse (Matayo 8:11). Dushobora guhamya nta bwoba ko mu isi nshya tuzakomeza ubucuti bwacu n'abo tuzi kandi bo dukunda ubungubu. Mu isi nshya tuzongera kubona abantu twabanaga muri iyi si. Ibyo bikomeza kwizera kwacu kuko ibyiza dukuramo bishushanya ibintu bito imbere y'ibyiza by'iteka bizatuma tugirana umushyikirano n'Imana data n'Umwuka wera n'abamarayika n'abacunguwe bose baturutse mu mahanga yose n'imiryango yose. […].Ntabwo tuzongera kubona abasuzugurwa, kubona abantu biciyemo ibice cyangwa kubona abantu basenyura ingo zabo. Kuzuzwa no kwera bizaba ari gikwira.umunezero w'ibigaragara n'uwo mu mutima uzaba mu ijuru uzatuma gusohozwa kwa buri kintu kunezeza .

Urukundo no kwishima umwami yashyize mu mitima yacu bizakoreshwa mu buryo bukwiye. Umubano unoze hamwe n'abera, kubana n'abamalayika n'abantu bamerewe neza b'ibihe byose,
[…] dore ibigize umunezero w'abacunguwe.

**2.None se bite n'ibijyanye n'ubukwe**.

Abo mu gihe cya Yesu batubwira amateka y'umugore washyingiwe inshuro nyinshi agashyingirwa abagabo barindwi. Babaza Yesu uwo azabera umugore mu gihe cy'izuka. Bahitaga batekereza amakimbirane adashira yazaba mu ijuru mu gihe imibanire y' abashyingiranywe nkuko dusanzwe tuyizi hano ku isi muri iki gihe, yazongera kubaho n'iyo mu ijuru. Igisubizo cya Kristo cyerekana ubwenge mvajuru « Mu izuka ntibarongora kandi ntibashyingirwa, ahubwo bazamera nk'abamarayika bo mu ijuru » (Matayo22 :30).

Mbese ibyo byaba bivuze ko abacunguwe bazimwa amahirwe yerekeranye no gushyingiranwa ? Mu isi nshya abacunguwe nta munezero n'umwe bazakwa! Imana yasezeranye ko « nta kintu cyiza azima abagenda batunganye » (Zaburi84 :12). Niba ibyo biboneka mu buzima busanzwe ni gute bitakagomye kuzaboneka muri ubwo buzima bushya?

Intego y'ugushyingiramwa ni urukundo. Umunezero nawo uva mu rukundo. Bibiliya iravuga iti : « Imana ni urukundo ». imbere yawe ni ho hari ibyishimo byuzuye mukuboko kwawe kw'iburyo hari ibinezeza byinshi. ( 1yohana 4 :8,zaburi16 :11 ).Mu isi nshya nta muntu uzabura urukundo, ibyishimo, umunezero. Nta muntu uzumva ari wenyine, atitaweho cyangwa adakunzwe.

Tugomba kugira icyizere mu Mana umuremyi wa byose we washyizeho ugushyingirwa nk'isoko y'umunezero muri iyisi, yatuzigamiye mu isi nshya umunezero uruta uwo tugirira mu gushyingirwa hano ku isi.

## Ubuzima bw'iby'ubwenge mu isi nshya.

**Kongera kwiyubaka mu bwenge**. « Ibibabi by'igiti cy'ubugingo bizafasha mu gukiza amahanga. »(Ibyahishuwe22 :2). Gukiza kuvugwa mu byahishuwe ntabwo kurangirira mu gukiza indwara gusa ahubwo bishatse kuvuga ko abantu batazongera kurwara ukundi. (yesaya33 :20,24). Mukurya ku giti cy'ubugingo, abacunguwe bazakura ku mubiri ndetse no mu bwenge kuko icyaha cyari cyarabibavukije imyaka myinshi. Bazongera gusubizwa ishusho y'Imana.

**Ubushobozi butagira iherezo**. Mu isi nshya hazabaho ubushobozi bwo kwiga butagira iherezo. Ubwenge budapfa buzahamya ibyiza by'imbaraga yaremye byose y'Imana n'amayobera y'urukundo rwaducunguye. Nta mushukanyi uzongera kutujyana kure y'Imana .Ubushobozi bwacu buziyongera kandi n'impano zacu zizakuzwa. Kwakira ubumenyi bushya ntabwo bizananiza intekerezo zacu, ntabwo bizadutwara imbaraga nyinshi. Imishinga minini izakorwa neza, ibyifuzo byacu byo hejuru bizasubizwa, imigambi yacu yose izashyirwa mu bikorwa. Hazaba hari ibintu byinshi byo kwiga, ibishya byinshi byiza, ukuri gushya ko gusesengura, bizatuma twakira ubushobozi bw'umwuka , ubugingo n'umubiri.

**Gutera imbere mu by'Umwuka mu isi nshya.**

Nta Kristo, ubugingo bw'iteka nta cyerekezo bwaba bufite. Mu gihe cy'iteka ryose , abacunguwe bazifuza cyane gukuza ubumenyi bwo kumenya Kristo – bazifuza kumenya biruseho ubuzima bwe, umurimo we, kumushyikirano wabo na we,bazifuza cyane kumara igihe kinini bahamya ku masi ataracumuye urukundo rudashira rwa Yesu, bazifuza cyane kugira imico isa niye. Abacunguwe bazabaho ku bwa Kristo ndetse bazanabana nawe. Bazaruhukira muri we , banezerewe , iteka ryose.

Yesu na we ubwe yatanze ubuzima bwe mu gukorera abandi. ( Matayo 20 :28) yahamagariye abigishwa be gukomeza iyo nzira. Gushyikirana nawe kugeza ubu ni iby'igiciro . uwo mushyikirano utanga umugisha ukomeye wo kuzabana na we mu isi nshya. Aho ibyishimo bizaba. "abagaragu bayo bazayikorera."(ibyah22:3).

Abacunguwe bazaba bafite ubushobozi bwo gusesengura ubutunzi buhishwe mu Mana , ariko umusaraba ni wo uzaba ingingo nyamukuru izaba ikenewe. Kubera ko ubwenge bwabo buzaba bwariyubatse bugeze ku mugambi w'Imana kandi bazaba baravanywe mu buhumyi batewe n'icyaha, abacunguwe bazabasha kwakira ukuri kw'iby'umwuka biruta uko bari barabikoze mu bindi bihe byose byatambutse.Mu nama y'agakiza ni mo bazabona ikintu gikomeye kandi kirenze intekerezo,ari na cyo kizaba ryo kwiga no guhimbaza Imana by'iteka ryose. Muri ibyo byigisho abacunguwe bazavumbura ukuri kose nk'uko kuri muri kristo.

Icy'umweru ku kindi ,abacunguwe bazajya bahura ku Isabato kugirango bagire amateraniro yo guhimbaza Imana " buri mboneko z'ukwezi na buri Sabato abantu bazajya baza imbere yanjye niko Uwiteka avuga."(yesaya66:23).

**Ibintu bitazongera kubaho.**

**Ikibi kizakurwaho.** Bimwe mu byiringiro dufite byerekeranye n'isi nshya,ni uko hatazongera kubaho "urupfu , umuborogo , gutaka no kuribwa, kuko ibya mbere bizaba byashize."(ibyah 21:4).

Ibyo bibi byose bizavanwaho kuko Imana izakura icyaha ndetse n'isoko y'ikibi cyose. Bibiliya ivuga ko mu isi nshya hazabayo igiti cy'ubugingo ariko ntabwo ivuga ko hazabayo igiti kimenyekanisha icyiza cyangwa ikibi cyangwa indi nkomoko iyo ariyo yose y'ibishuko.Muri icyo gihugu cyiza abakristo ntabwo bazongera kurwana n' isi, umubiri ndetse na Satani.

Tugomba kugira ubwishingizi ko mu isi nshya nta kibi kizabayo nubwo izaba ituwe n'abantu bazaba bavuye mu mahanga yahumanijwe n'icyaha, umububmbe ushaje ariwo isi«. Ariko abanyabwoba n'abatizera,n'abakora ibizira n'abicanyi,abasambvanyi n'abarozi, abasenga ibishushanyo, abanyabinyoma» Imana ntabwo izabemerera kujya mu ijuru.(Ibyah 21:8). Kuko aho icyaha kiri,haba no kurimbuka.

Imivumo yose izakurwaho hazasigara gusa ibintu bitwibutsa urupfu rw'umucunguzi wacu: inkovu ku mutwe we, mu rubavu, mu biganza no mu birenge by'umucunguzi . Umuhanuzi mu bwiza bwe yaranditse ati: " Irabagirana nk'umucyo Imyambi y'umucyo yavaga mukuboko kwayo.

." (Habakuki 3:4). Kugeza iteka ryose inkovu z'ikaluvali zizavuga ishimwe n'icyubahiro cy'Imana.

**Ntabwo tuzibuka ukundi ibyahise.** Umuhanuzi Yesaya yaravuze ati " mu isi nshya ntabwo tuzibuka ibyahise, nta nubwo bizigera bigaruka no mu bitekerezo".(yesaya65:17).Uyu murongo werekana ko ibyahise ari ibyo mu buzima busanzwe.(Yesaya65:16). Abacunguwe ntabwo bazibagirwa ibyiza Imana yabakoreye ndetse n'ubuntu bwabacunguye, naho ubundi intambara baba bararwanyijemo icyaha yaba ari iy'ubusa.Ubuntu bukiza abera bazaba barabayemo buzababera impamvu yo guhamya kwabo kugeza iteka ryose.

Nanone, amateka y'icyaha aduha icyizere cyuko «agahinda katazongera kubaho ubwakabiri».(Nahumu 1:9).Kubera ingaruka zikomeye z'icyaha nta muntu numwe ushobora gushukwa guhitamo kwizera inzira yaganisha ku kwiyahura.

Nubwo ibintu byahise bizatugirira akamaro gakomeye, ikirere cy'ijuru kizayungururura inzibutso mbi ndetse n'ibiduhangayikisha byose. Isezerano dufite ni uko izo nzibutso

zitazatuma abacunguwe bahorana agahinda mu mitima, kwicuza,kumva barahemukiwe, inzika n'umujinya.

## Agaciro ko kwizera irema rishya.

Kwizera uko tuzabaho mu isi nshya ni ubutunzi kubuzima bw'iby'umwuka bw'umukristo.

**Uko kwizera gutera kwihangana.** Yesu nawe «nubwo yababajwe ku musaraba akangwa, agasuzugurwa yahoraga azirikana ibyishimo abikiwe mu ijuru».(Abaheburay12:2).Niyo mpamvu tudacogora kuko imibabaro y'iki gihe itagereranywa n'ubwiza tuzahabwa mu ijuru.(2 Abakorinto 4:16,17).

**Gutanga ibyishimo n'ubwishingizi bwo kuzagororerwa.** Yesu yaravuze ati "Muzishime kandi munezerwe kuko ingororano zanyu ari nyinshi mu ijuru." (Matayo 5:12).Pawulo yaravuze ati: niba ibikorwa by'umuntu byubatse kurufatiro azahabwa ingororano.(1 Abakorinto 3:14).

**Gutanga imbaraga zo kunesha ibigeragezo.** Mose yanze gukururwa n'ubutunzi bwa Egiputa kuko yari ahanze amaso ku ngororano azahabwa na Yesu. (Abaheburayo 11 : 26).

**Kwizera kudukumbuza ijuru.** Ingororano z'umukristo ntabwo ari izo mu gihe kizaza gusa. ( Abefeso 1 :4)Yesu yaravuze ati : umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi nzinjira iwe dusangire. ( Ibyahishuwe 3 :20). Igihe Yesu yaje azana n'ijuru. Kugirana umushyikirano na Yesu ni ukugira ijuru mu mutima, ni ikuzo riba rije, agakiza kaba kaje mbere y'igihe.

**Kutugeza ku gukomera guhambaye**.Bamwe batekereza ko abakristo bayoborwa n'ijuru kuburyo bumva ubuzima bwa hano kwisi ntacyo bubabwiye. Burya ni uko kwizera kubaha uburyo bwo guhindura isi. Nkuko C.S.Lewis yabibonye agira ati « Mugenzuye amateka, mwazabona ko abakristo biyemeje muri iyi si ari abizeraga indi si[…] kuva igihe abakristo barekeye kwizera indi si, babuze imbaraga muri iyi si dutuyemo. Guhitamo ijuru ni, ukunesha isi ; guhitamo isi, ni ukwiruka inyuma y'umuyaga ».

« Umuntu w'umunyamakenga azigengesera akorogoshora igishushanyanyo kibajwe, aho kubaka umuntu mwiza mu rubura ». Umukristo witegura kubaho by'iteka ryose azubaka ubuzima bwe afite intego kuruta ufite umugambi wo kubaho igihe gito, akaba yaravukiye gusa ngo naramuka apfuye azahambwe nuko ibye bibe birangiye.

Kwibanda ku by'igihe cy'iteka ryose, nkuko Umwuka Wera abivuga, ni ishuri ry'iterambere ry'umuntu ku giti cye aho ubugingo bukuzwa bugashyirwa hejuru. Icyerekezo cye n'imbaraga ze z'intego biraguka. Ibyifuzo n'agaciro by'ibigaragara n'ibitagaragara byose abibona mu buryo bugaragara nta kimwihishe ngo abe yapfa gukora ikintu atazi ibyo arimo ngo ni ibiki.

**Kwizera kuduhishurira imico y'Imana.** Isi nkuko tuyizi ubu ivuguruza imico y'Imana n'umugambi Imana iyifitiye. Icyaha cyangije cyane uyu mu bumbe mu bigaragara kuburyo bitoroshye ko umuntu yatekereza ko hari isano ihuje uyu mu bumbe w'isi turiho na Paradiso nkuko ivugwa mu bice bibiri bibanza byo mu itangiriro.
Muri iki gihe kubaho bigaragazwa no kurwana kwa buri munsi kugira ngo umuntu abashe kubaho. Yewe n'ubuzima bw'umukristo w'umwizera mu gihe nawe agomba gushoza intambara ya buri munsi ahanganye n'isi, umubiri,n'umwanzi Satani, uwo siwo wari umugambi w'Imana ko umuntu aba mu buzima nk'ubwo. Mu migambi y'Imana iteganyiriza abacunguwe harimo ko itazagerwamo na Satani ngo abe yagira icyo yayikoramo, aho imigambi y'Imana yose izasohorezwa ,aho tuzabonayo imico yera y'Imana.

**Kwizera kuturehereza ku Mana.** Nyuma ya byose Bibiliya itubwira iby'isi nshya, *kugira ngo yireherezeho abatizera baze kuri Kristo*. Mu gihe twumva havugwa ngo « isi izasubira kuba nkuko yari iri muri Edeni, kandi isi izaba igaragara nayo nkuko iyi tubamo nayo imeze, iyo niyo izaba ubuturo bw'iteka ryose buheruka butazashira bw'abacunguwe ». Aho bazaba « babohowe ku maganya yose, amarira yose, ku rupfu kandi aho bazabona Imana amaso ku maso », umuntu umwe yavuze ahubutse agendeye kuri ayo magambo ati « Ibyo byose ntibizashoboka kuko ibyo bigomba kuzabaho kuri iyi si dutuyeho nibyo abanyabyaha bategereje ». Abandi « basa naho batekereza ko iyobokamana hamwe n'ibihembo byaryo biheruka bishobora kuba ibyo isi idakeneye kubona niyo mpamvu igihe cyose hari igihe cy'umunezero kigaragaye mu mpagarike yo kugwa mu cyaha , umuntu atekereza ko atari mu itorero ry'ukuri ». bityo icyo gitekerezo gihabanye n'ukuri.

Intego Imana yari ifite imenyesha ibyo yateganyirije abayikunda kandi ikarura abantu mu bubata bw'iyi si, kwihambira kuri iyi si ni ukugira ngo ibafashe gutandukanya agaciro k'iyi si n'ak'isi nshya kandi ngo itume babona mbere ibyiza by'agahebuzo Imana yuzuye urukundo yaduteganirije.

**Isi nshya y'iteka ryose.** Kuri iyi si dutuyeho ishaje, twumva rimwe na rimwe havugwa ngo « ibintu byose bifite iherezo ! ». Kimwe mu nkuru nziza kirebana n'isi nshya ni uko itazahanguka ngo izagire iherezo ubwo nibwo tuzumva amagambo ngo « Haleluya , ubwami bw'isi yacu buzahabwa Umwami wacu na Kristo kandi azahora ku ngoma iteka ryose ». (Ibyahishuwe 11 :15 na Danieli 2 :44 ; 7 :27). Na Bibiliya yongeraho ivuga uburyo ibyaremwe byo mu ijuru no mu isi byavugiye rimwe biti : « Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'iy'icaye ku ntebe n'iby'umwana w'intama iteka ryose » (Ibyahishuwe 5 13).

« Intambara ikomeye izaba irangiye. Icyaha n'abanyabyaha bizashiraho burundu isi izezwa ibyaremwe byose bizagira umunezero umwe. Imirasire y'ubuzima, y'umucyo n'ibyishimo, yavaga ku ntebe y'umuremyi ikagera mu mpande zose z'isanzure ritagira iherezo. Uhereye ku kantu gato cyane kadashobora kuboneshwa amaso kugeza ku masi manini cyane, ibyaremwe bifite ubugingo n'ibitabufite n'ibyishimo byabyo byuzuye, biririmba indirimbo y'umunezero ivuga ko Imana ari urukundo birahaguruka bishyira ejuru ijwi ry'ubwiza bwabyo butagira akagero.